UBUTUMWA BWATORANYIJWE IGITABO CYA MBERE



IBIRIMO

UBUTUMWA BWATORANYIJWE IGITABO CYA MBERE 1

.....1

IBIRIMO.....2

UBUTUMWA BWAGENEWE UMUSOMYI.....5

UMUGABANE WA I UMUCYO MU NZIRA YACU 10

IGICE CYA 1: GUHUMEKERWA KW'ABANDITSI B'UBUHANUZI.....10

IGICE CYA 2: ELLEN G. WHITE N'INYANDIKO ZE 19

IGICE CYA 3: INYIFATO KU BYEREKEYE IBIHAMYA.....35

IGICE CYA 4: KWANDIKA NO KOHEREZA IBIHAMYA BY'ITORERO 53 *.....44*

IGICE CYA 5: UBUSOBANURO BW'INGINGO Z'IBANZE.....53

UMUGABANE WA II IMIBEREHO YA GIKRISTO 72

IJAMBO RY'IBANZE 72

IGICE CYA 6: UKWITABWAHO NA YESU KUJE URUKUNDO 76 *.....73*

IGICE CYA 7: KRISTO NI WE MUGENGA 77

IGICE CYA 8: KUGIRA UBUSHAKE BWO GUTANGA NO KWITANGIRA ABANDI 82 *.....79*

IGICE CYA 9: MWISUZUME UBWANYU.....82

IGICE CYA 10: ABAMARAYIKA BEZA BARUSHA IMBARAGA ABAMARAYIKA BABI 87

IGICE CYA 11: DUFITE AGACIRO KANGANA IKI? 87 *.....90*

IGICE CYA 12: ABAMARAYIKA BARATANGARA 90 *.....98*

IGICE CYA 13: AKAMARO KO KWAKIRA MWUKA MUZIRANENGE.....101

IGICE CYA 14: AHANTU HOSE.....104

IGICE CYA 15: IGIHE ITORERO RIKANGUTSE 97 *.....107*

UMUGABANE WA III — UBUBYUTSE N'UBUGOROZI..... 110

INTANGIRIRO.....110

IGICE CYA 16: GUHAMAGARIRWA UBUBYUTSE 111

IGICE CYA 17: KWITA KU MIBEREHO MISHYA 118

IGICE CYA 18: GUHAMAGARA KWIHARIYE MU MURIMO W'AMAVUNA.....131

UMUGABANE WA IV — "BWIRIZA IJAMBO"..... 139

INTANGIRIRO.....139

IGICE CYA 19: IBIKWIRIYE KUBWIRIZWA N'IBIDAKWIRIYE KUBWIRIZWA 129 140
IGICE CYA 20: UKO TWIFATA MU MPAKA ZISHINGIYE KU MAHAME 149
IGICE CYA 21: INYIGISHO Z'IMPIMBANO 153
IGICE CYA 22: INGORANE Z'IMYUMVIRE IHABANYE 153 160
IGICE CYA 23: KWIRINDA KUGENA IBIHE IBYO ARI BYO BYOSE 169
IGICE CYA 24: ALUFA NA OMEGA 175
IGICE CYA 25: URUFATIRO RWO KWIZERA KWACU 163 182
UMUGABANE WA V — KRISTO N'AMAHAME Y'ITORERO 189
ITANGIRIRO 189
IGICE CYA 26: AMATEGEKO ATUNGANYE 190
IGICE CYA 27: KAMERE Y'AMATEGEKO Y'IMANA 166 194
IGICE CYA 28: URWANGO SATANI YANGA AMATEGEKO 167 198
IGICE CYA 29: KRISTO, IBYIRINGIRO BYACU RUKUMBI 202
IGICE CYA 30: AMATEGEKO N'UBUTUMWA BWIZA 168 205
IGICE CYA 31: AMATEGEKO MU BAGALATIYA 208
IGICE CYA 32: GUKIRANUKA KWA KRISTO MU MATEGEKO 171 211
IGICE CYA 33: "MURONDORE MU BYANDITSWE" 216
IGICE CYA 34: JAMBO WIGIZE UMUNTU 172 220
IGICE CYA 35: YAGERAGEJWE MU BURYO BWOSE NKA TWE 173 224
IGICE CYA 36: MURI KRISTO NTA MOKO 174 229
IGICE CYA 37: "NIKO NANJYE MBATUMYE " 176 234
GICE CYA 38: KRISTO ASHUKWA NA SATANI 237
IGICE CYA 39: IGISHUKO CYA MBERE KRISTO YAHUYE NA CYO 177 241
IGICE CYA 40: IGISHUKO CYA KABIRI KRISTO YAHUYE NA CYO 178 250
IGICE CYA 41: IGISHUKO CYA GATATU KRISTO YAHUYE NA CYO 179 253
IGICE CYA 42: IBYAHISHUWE N'IMANA 180 258
IGICE CYA 43: KRISTO, UMUTANGABUGINGO 181 263

IGICE CYA 44: UMUKIZA WAZUTSE 182 267
IGICE CYA 45: UMUGANURA 183 270
IGICE CYA 46: IMANA YIKORERA IBYAHA 184 273
IGICE CYA 47: UKURI NK'UKO KURI MURI YESU 185 275
IGICE CYA 48: URUGERO RW'IMANA 186 284
IGICE CYA 49: KWITANGA NO KWICUZA 293
IGICE CYA 50: NGWINO, USHAKE KANDI UBONE 188 297
IGICE CYA 51: KUGIRANA UBUMWE N'UMUZABIBU NYAKURI 189 301
IGICE CYA 52: KRISTO UMUTAMBYI MUKURU 190 304
IGICE CYA 53: GUHINDUKA BITERWA NO KWIZERA NO KUMVIRA 191 309
IGICE CYA 54: ICYIGISHO CYIGISHIJWE MU MWAKA WA 1883 192 313
IGICE CYA 55: BYAGARAGAJWE NK'UKURI KWA KERA MURI GAHUNDA NSHYA 193 317
IGICE CYA 56: UKURI KURIMO IMBARAGA Z'IMANA 194 320
IGICE CYA 57: KRISTO INZIRA Y'UBUGINGO 202 325
IGICE CYA 58: WARETSE URUKUNDO RWAWE RWA MBERE 204 329
IGICE CYA 59: KUMVIRA KUZUYE BINYUZE MURI KRISTO 206 332
IGICE CYA 60: ISANO IRI HAGATI YO KWIZERA N'IMIRIMO 207 335
IGICE CYA 61: KRISTO, ISHINGIRO RY'UBUTUMWA 213 340
IGICE CYA 62: BATSINDISHIRIZWA KU BWO KWIZERA 214 345
IGICE CYA 63: IMARAGARITA Y'IGICIRO CYINSHI 215 355
IGICE CYA 64: UMWIJIMA NTIWAWUMENYE 216 356
IGICE CYA 65: UKO UMUNTU YAKWIFATA MU NYIGISHO ATUMVIKANYEHO NA MUGENZI WE 217 361

UBUTUMWA BWAGENEWE UMUSOMYI

Ishyirwa ahagaragara kw'ibitabo byitirirwa Ellen G. White nyamara ibyo bitabo bikaboneka hashize imyaka myinshi uyu mwanditsi yarapfuye, ibyo bisaba ubusobanuro. Ibyo bizahesha umusomyi icyizere cyo kumenya ko Ubutumwa Bwatoranyijwe ndetse n'ibindi bitabo by'Umwuka w'Ubuhanuzi byashyizwe ahagaragara uhereye mu 1915 ubwo umwanditsi yari amaze gupfa, byanditswe bihuje n'amabwiriza ajyanye n'ubushake bwa madame Ellen G. White. UB1 4.1

Ubwo yapfaga, intumwa y'Uhoraho yasigiye itorero ubutunzi bw'igihe kirekire bugizwe n'amapaji asaga 100 000 y'inyandiko zigizwe n'ibitabo bye byo muri iki gihe, inyandiko 4500 zo mu binyamakuru by'itorero, impapuro nyinshi zavugaga ku ngingo zihariye, udutabo duto, ibitabo binini byacapwe, inyandiko ze bwite zandikishijwe intoki, udutabo twa gahunda ze n'amabaruwa. UB1 4.2

Ikintu madame Ellen G. White yari yitayeho cyane mu myaka mike ya nyuma yo kubaho kwe, cyari ukuntu inyandiko ze zari kuzakoreshwa mu bihe byari gukurikiraho ndetse no gukwirakwizwa k'ubutumwa bw'ubuhanuzi yari yarahawe. Ku itariki ya 9 Gashyantare mu 1912, mu kuraga kwe n'ubuhamya bwe buheruka, yashyizeho amabwiriza ahamye yerekeye uburyo bwo gukomeza kwita ku nyandiko ze. Yatoranyije abagabo batanu ngo bakore igihe cyose nk'abanyamuryango bahoraho b'Inama y'abashinzwe umurage we bafite inshingano yo kwita ku nyandiko ze. UB1 4.3

Uyu murimo w'ingenzi, madame White yawutoranyirije abayobozi b'ikubitiro bari bafite inshingano zikomeye mu buyobozi bw'itorero. Abo bagabo yashyizeho ngo bite ku nyandiko ze ni aba: Arthur G. Daniells, wari Perezida w'Inteko Nkuru Rusange y'itorero muri icyo gihe ; Francis M. Wilcox, wari umwanditsi mukuru w'ikinyamakuru cyitwaga Urwibutso n'Integuza; Charles H.

Jones wamaze imyaka myinshi ayobora icapiro ryitwa Pacific Press; Clarence C. Crisler, umwe mu bari abanyamabanga be wari waroherejwe n'Inteko Nkuru Rusange ngo bakorane kandi waje koherezwa mu Burasirazuba bwa Kure akajya kuba umunyamabanga wa Diviziyo yaho nyuma y'urupfu rwa Ellen G. White. Undi ni William C. White, umuhungu wa Ellen G. White, wahoraga agendana na nyina kandi akamufasha mu kwandika inyandiko ze ndetse no mu bindi byinshi nyuma y'urupfu rwa se witwaga James White rwabaye mu 1881. UB1 4.4

Amabwiriza madame White yahaye iyi nama yatangaga uburenganzira bwo gukomeza gucapa ibitabo bye, kubikwirakwiza hirya no hino mu zindi ndimi, ndetse no « gucapa inyandiko zikusanyirijwe hamwe zivanwe mu mpapuro nyinshi yandikishije intoki." UB1 4.5

Yari yiteze ko itorero nirikura rikagira ubukene bushya kandi rigahura n'ingorane nshya, hari kuzabaho gukenera gukusanyiriza hamwe inyandiko ze zitanga amabwiriza atandukanye aturutse mu mpapuro yandikishije intoki, mu dutabo duto ndetse no mu ngingo zimwe zo mu binyamakuru yanditse. UB1 5.1

Kuva madame White apfuye, inzu y'ibitabo yanditse ubwe yaragutse yongerwamo ibitabo bikurikira byagiye biboneka mu buryo bukurikiranye nk'uko tubibona kuri uru rutonde: UB1 5.2

- Amahameshingiro ry'uburezi bwa Gikristo [1] UB1 5.3
- Inama ku buzima [2] UB1 5.4
- Ibihamya ku bagabura n'Abavugabutumwa Bwiza [3] UB1 5.5
- Umurimo wa Gikristo [4] UB1 5.6
- Ubutumwa ku rubyiruko [5] UB1 5.7
- Umurimo w'ubuvuzi [6] UB1 5.8
- Inama ku mirire n'ibyokurya [7] UB1 5.9
- Inama ku murimo w'Ishuri ryo ku Isabato [8] UB1 5.10

- Inama ku busonga [9] UB1 5.11
- Ivugabutumwa [10] UB1 5.12
- Inama ku banditsi n'Abashinzwe inyandiko [11] UB1 5.13
- Igitekerezo cyo Gucungurwa [12] UB1 5.14
- Kwirinda [13] UB1 5.15
- Umurimo wo gufasha abandi [14] UB1 5.16
- Urugo rwa Kidiventisiti [15] UB1 5.17
- Imibereho yanjye ya none [16] UB1 5.18
- Umurimo w'Ibwiririshabutumwa ibitabo [17] UB1 5.19
- Kuyobora umwana [18] UB1 6.1
- Abahungu n'abakobwa b'Imana [19] UB1 6.2

Icyiyongera kuri ibi bitabo ni inyongera y'inyandiko za Ellen G. White zakusanyirijwe mu mizingo irindwi ivuga ku Busobanuro bwa Bibiliya bw'Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi. UB1 6.3

Ubutumwa Bwatoranyijwe ni ubwoko bw'igitabo cyihariye gikubiyemo inyandiko. Kirihariye bitewe n'uko gikusanyiriza hamwe ndetse kigatuma inyandiko zivugwa mu binyamakuru ndetse no mu mpapuro zandikishijwe intoki zikomeza kuboneka, nyamara kandi kikanongeraho inyandiko zifite akamaro kenshi zo mu dutabo duto twa kera no mu mpapuro bitagicapwa. Bimwe mu bikubiye mu nama zitangwa muri iki gitabo harimo ibyerekeye guhishurirwa Ellen G. White yavuze byanditswe hagati mu mpera by'umwaka wa 1880, ibyo yanditse ahagana mu mpera z'ikinyejana cya 19 bivuga uko yabonaga "amategeko y'uburyo bubiri", agatabo gato kari gafite umutwe uvuga ngo: "Mbese Abakristo bakwiriye kuba mu miryango ikorera mu ibanga?" kasohotse mu 1893, ubutumwa buhumuriza abababaye cyangwa abugarijwe n'urupfu, ndetse n'izindi ngingo nyinshi zahoraga zandikwa zisesengura inyigisho z'ingenzi zerekeye imyizerere. Zimwe muri izo nyandiko zagiye

zizirikanwa n'itorero binyuze mu kongera kwandika ingingo zimwe zavuzwe na Ellen G. White mu binyamakuru byacu no mu mpapuro, ndetse hamwe na hamwe bikanyuzwa mu kubyandukura mu bitabo by'abandi banditsi bavugaga ku Mwuka w'ubuhanuzi, nyamara ibi byose ntibishobora gushyirwa mu Rutonde rw'Inyandiko za Ellen G. White. UB1 6.4

Igitabo cya mbere n'icya kabiri by'Ubutumwa Bwatoranyijwe, bikubiyemo ingingo zanditswe mu mpapuro z'agatabo gato zitiriwe uwitwa "Elmshaven." Izo mpapuro zitandukanye zavugaga ku ngingo nyinshi zahawe agaciro mu buryo bukomeye. Ntabwo izo nyandiko zakurwaga mu bitabo bike, ahubwo uko imyaka yakurikiranye byagiye bishyirwa hamwe mu bitabo binyuranye, nko Murimo w'Ubuvuzi, Ivugabutumwa n'Urugo rwa Kidiventisiti, kandi ahandi ingingo zisa n'izo zavuzwe ziboneka muri ibyo bitabo byanditswe mu gihe cya vuba. Ibyo bice bigifite umwanya wihariye mu gutanga inama n'inyigisho, byashyizwe mu gitabo cy'Ubutumwa Bwatoranyijwe. Kubw'ibyo rero, ntabwo bikiri ngombwa gukomeza gucapa za mpapuro zari zaritiriwe "Elmshaven." Ishyirwa ahagaragara kw'igitabo cya mbere n'icya kabiri by'Ubutumwa Bwatoranyijwe, binatuma haboneka inyandiko ngufi zitoranyijwe zitigeze zishyirwa ahagaragara mbere nyamara zizakundwa cyane. UB1 6.5

Ibice byinshi muri ibi bitabo byombi ntibifitanye isano. Ku itangiriro rya buri gice hari ijambo ry'ibanze ryerekana inkomoko n'impamvu y'ingingo zigiye kuvugwa muri icyo gice. Hirya no hino mu gitabo, muzajya muhasanga amagambo atanga ubusobanuro. Ntabwo ayo magambo yagiye ashyirwamo mu mugambi wo gusobanura inama zitangwa, ahubwo ni ukugira ngo usoma yite ku bintu byihariye kandi bidasanzwe bibasha kugirana isano n'ingingo zivugwa. UB1 6.6

Iki gitabo cy'Ubutumwa Bwatoranyijwe, cyakusanyirijwe mu biro by'ahakorerwa ibyerekeye inyandiko za Ellen G. White biyobowe n'Inama y'Abashinzwe kurinda inyandiko za Ellen G. White kandi bikorwa n'abakozi b'ibyo biro. Amagambo y'ibanze yemezwa n'abagize iyo nama, kandi iyo andi magambo y'ubusobanuro amaze kwemerwa n'abashinzwe kurinda inyandiko za Ellen G. White, ashyirwaho umukono n'"ababikusanyije." UB1 7.1

Igitabo cy'Ubutumwa Bwatoranyijwe ubu kiboneka mu rutonde rushya rw'inyandiko za Ellen G. White. Isengesho n'icyifuzo bivuye ku mutima by'Abanditsi ndetse n'Inama y'Abashinzwe kurinda inyandiko za Ellen G. White, ni uko ibi bitabo byashyizwe ahagaragara mu myaka myinshi nyuma y'urupfu rwa madame White byageza ku itorero inyigisho zihoraho zizarifasha mu kurangiza inshingano Imana yarihaye. UB1 7.2
Abashinzwe kurinda Inyandiko za Ellen G. White

IJAMBO RY'IBANZE

Ingingo zanditswe na Ellen G. White, zerekeye umurimo we nk'intumwa y'Uhoraho kandi zijyanye n'uburyo Imana imenyesha abantu ubushake bwayo, iteka zirafasha kandi zikanezeza. Izo ngingo ziboneka muri uyu mugabane ubanza w'Ubutumwa Bwatoranyijwe. UB1 10.1

Nubwo ikibazo cyo guhumekerwa n'Imana cyavuzweho mu bihe binyuranye mu myaka mirongo irindwi Ellen G. White yamaze akora umurimo, ikintu cy'agahebuzo yanditse ni ijambo ry'ibanze ry'igitabo cyitwa Intambara Ikomeye) yanditswe muri Gicurasi mu 1888. Amagambo yavuzwe mbere y'aho yavugaga ku byo "Guhinyura Bibiliya" akandikwa mu 1886, yo yanditswe muri iki gitabo, hari n'andi avuga ibyo "Guhumekwa kw'Ijambo ry'Imana," yanditswe mu rugaryi rwo mu mwaka wa 1886, nayo avugwa muri iki gitabo. Ingingo ya kane y'ingenzi ivuga iby'"Amayobera ya Bibiliya, Igihamya cy'uko yahumetswe n'Imana" yanditswe mu 1889 kandi ishobora kuboneka mu Bihamya, umuzingo wa 5, kuva ku rupapuro rwa 698 kugera kurwa 711. UB1 10.2

Uyu mugabane w'iki gitabo uvuga "Umucyo mu nzira yacu" ukubiyemo ubusobanuro bunyuranye bwerekeye umurimo wa Ellen G. White, ukabamo ibyo kongera kwandika inyandiko yavugaga "Kwandika no kohereza ibihamya by'Itorero" byabayeho mu 1913, ndetse ukabamo n'ibisubizo Ellen White yatanze ku bibazo bimwe n'ibirego bamuregaga birebana n'inyandiko ze za mbere. UB1 10.3
ABASHINZWE KURINDA INYANDIKO ZA ELLEN G. WHITE.

UMUGABANE WA I
UMUCYO MU NZIRA YACU

IGICE CYA 1: GUHUMEKERWA KW'ABANDITSI B'UBUHANUZI

UGUHUMEKWA KW'IJAMBO RY'IMANA

Iki ni igihe urebye imico n'imyitwarire by'abantu ushobora kubaza iki kibazo uti: "Ariko Umwana w'Umuntu naza, mbese azasanga kwizera kukiri mu isi?" Luka 18:9. UB1 11.1

Umwijima mu by'Umwuka watwikiriye isi kandi umwijima w'icuraburindi ugose abantu. Gushidikanya n'uburiganya mu gusobanura Ibyanditswe biri mu matorero menshi. Abantu benshi ndetse benshi cyane barashidikanya bakibaza ku kuri kw'Ibyanditswe. Gutekereza kwa muntu n'ibyo umutima we wibwira bikerensa guhumekwa kw'Ijambo ry'Imana, kandi ibyagombaga kwakirwa nk'ukuri, bigoswe n'igicu cy'imyizerere idafite ishingiro. Nta kintu na kimwe cyumvikana, gisobanutse kandi gifite ishingiro. Iki ni kimwe mu bimenyetso bikomeye biranga iminsi ya nyuma. UB1 11.2

Iki Gitabo Cyera cyatsinze ibitero bya Satani wifatanyije n'abanyabyaha ngo atume ikintu cyose gifite kamere mvajuru kibundikirwa n'ibicu n'umwijima. Nyamara Uhoraho yarinze iki Gitabo Cyera akoresheje imbaraga ye bwite y'igitangaza mu buryo kiri n'ubungubu. Iki gitabo ni ikarita cyangwa igitabo kiyobora cyahawe abantu kugira ngo kibereke inzira igana mu ijuru. UB1 11.3

Nyamara igitabo cy'ibitangaza by'Imana cyarasuzuguwe cyane ku buryo hari bake cyane ku isi yacu bafite ubwenge mvajuru bw'Ibyanditswe, ndetse na bamwe mu bavuga ko bagisobanurira abandi. Hari abantu b'intiti bize amashuri, ariko aba bashumba ntibagaburira umukumbi w'Imana. Ntabwo bazirikana ko isumbwe ry'Ibyanditswe rizakomeza guhishura ubutunzi bwabyo buhishwe nk'uko imarigarita y'igiciro ivumburwa kubwo gucukura k'uyishaka. UB1 11.4

Hariho abantu baharanira kuba abantu badasanzwe, bazi ubwenge barutisha ibyanditswe; kubw'iyo mpamvu ubwenge bwabo ni ubupfapfa. Babanza kuvumbura ibintu bitangaje ari byo bitekerezo bigaragaza ko bari inyuma cyane mu gusobanukirwa ubushake mvajuru ndetse n'imigambi y'Imana. Mu gushaka kugaragaza cyangwa gusobanura ubwiru bwahishwe umuntu upfa kuva kera, baba bameze nk'umuntu wivuruguta mu isayo adashobora kwivanamo nyamara akabwira abandi uko bava nyanja y'isayo bo ubwabo baguyemo. Iki ni ikigereranyo gikwiriye cyerekana abantu biha ububasha bwo gukosora amakosa ya Bibiliya. Nta muntu n'umwe ushobora kunoza Bibiliya abinyujije mu kwerekana icyo Uhoraho yashakaga kuvuga cyangwa icyo yagombaga kuba yaravuze. UB1 11.5

Abantu bamwe baratwitegereza cyane maze bakavuga bati: "Mbese ntimutekereza ko hashobora kuba harabayeho amakosa amwe ku mwanditsi cyangwa ku basobanuzi?" Ibi byose bishobora kubaho kandi n'ubwenge buke ku buryo bwashidikanya ndetse bugasitara kuri ibi bishobora kubaho, buzaba bwiteguye rwose gusitara ku bwiru bw'ijambo ryahumetswe bitewe n'uko ubwenge bwabo bufite intege nke budashobora kwahuranya ngo busobanukirwe imigambi y'Imana. Ni byo koko, mu buryo bworoheje bashobora gusitara ku ngingo zigaragara umuntu usanzwe yoroheje yemera, kandi agasobanukirwa iby'Ijuru ndetse banasitara ku byo Imana ivuga byumvikana kandi byiza, byuzuye umusokoro n'ibinure. Ntabwo amakosa yose azateza ingorane cyangwa ngo atere gusitara ku muntu utazihimbira ibigoranye abishakisha abikura mu kuri kugaragara kwahishuwe. UB1 12.1

Umuntu upfa Imana yamuhaye inshingano yo gutegura Ijambo ryayo ryahumetswe n'ijuru. Iri jambo, ryashyizwe mu bitabo, Isezerano rya Kera n'Irishya. Ni igitabo kiyobora abaturage b'isi yagomye, cyarazwe abantu kugira ngo mu kugisoma no mu kumvira amabwiriza yacyo, he kuzabaho umuntu n'umwe uyoba inzira igana mu ijuru.UB1 12.2

Abo bantu batekereza uko bakumvikanisha ibyo bibwira ko bikomeye mu Byanditswe, mu buryo bakoresha igipimo cyabo gifite iherezo bagenzura ibyahumetswe n'ibitarahumetswe, byaba byiza bipfutse mu maso nk'uko Eliya yabigenje ubwo ijwi rito ryoroheje ryavuganaga na we; kuko baba bari imbere y'Imana n'abamarayika bera bamaze imyaka myinshi bageza umucyo

n’ubumenyi ku bantu, bababwira ibyo bakwiriye gukora n’ibyo batakora, bakabahishurira ibintu bitangaje babarangira inzira banyuramo bakoresheje amarenga, ibimenyetso n’imfashanyigisho. UB1 12.3

Imana kandi, mu gihe yerekanaga ingorane ziziyungikanya mu minsi iheruka, ntabwo yigeze iha umuntu upfa uwo uri we wese ubushobozi bwo gusobanura ubwiru buhishwe cyangwa ngo ibe yarahumekeye umuntu cyangwa itsinda ry’abantu runaka ngo ibahe ubushobozi bwo guca urubanza ngo ahamye ibyahumetswe n’Imana cyangwa ibitarahumetswe. Igihe abantu, mu myumvire yabo ifite aho igarukira, babonye ko ari ngombwa gusuzuma ibyanditswe ngo bagaragaze ibyahumetswe n’ibitarahumetswe, baba bagiye imbere ya Yesu kugira ngo bamwereke inzira bita nziza iruta iyo yatuyoboyemo. UB1 12.4

Mfata Bibiliya nk’uko iri, nk’ijambo ryahumetswe n’Imana. Nemera ibyo ivuga muri yo byose. Hari abantu bahaguruka batekereza ko bafite icyo banenga mu Ijambo ry’Imana. Bayigira ubusa imbere y’abandi nk’ikimenyetso cy’uko bafite ubwenge burenze. Benshi muri abo bantu ni abanyabwenge, intiti, intyoza kandi bafite impano. Umurimo bakora mu mibereho yabo yose ni uwo guhungabanya intekerezo z’abantu ku byerekeranye no guhumekwa kw’Ibyanditswe. Bakururira abandi benshi kubona ibintu nk’uko nabo babibona. Kandi uwo murimo bakora uva ku muntu umwe ujya ku wundi nk’uko Satani yateguye uko bikwiriye kuba, kugeza ubwo tubonye ubusobanuro bwuzuye bw’amagambo Kristo yavuze agira ati: “Ariko Umwana w’Umuntu naza, mbese azasanga kwizera kukiri mu isi?” (Luka 18:8). UB1 12.5

Bavandimwe, nimucyo he kugira igitekerezo cyangwa ukuboko kwishora mu kunenga Bibiliya. Uwo ni umurimo Satani anezezwa no kubona umuntu uwo ari we wese muri mwe akora, nyamara ntabwo ari umurimo Uwiteka yabashinze gukora. UB1 13.1

Abantu bakwiriye kureka Imana ikita ku Gitabo cyayo bwite, ari cyo gikubiyemo ibitangaza byayo bihoraho, nk’uko yabikoze mu myaka myinshi. Abantu batangira kwibaza ku bice bimwe byo mu byahishuwe maze bagatoranya udukosa turi mu magambo agaragara ko adahuje neza ahantu hamwe na hamwe. Batangirira mu Intangiriro maze bakareka ibyo batekereza ko biteje ikibazo bityo intekerezo zabo zigakomeza, kuko Satani azabayobora

aho ari ho hose babasha kwerekeza mu kunenga kwabo, bityo bakabona icyo bashidikanyaho mu Byanditswe byose. Ubushobozi bwabo bwo kunenga butyazwa no gukomeza kubukoresha, kandi ntibashobora kugira icyo bageraho ngo batuze bumve ari ukuri. Ugerageza kungurana nabo ibitekerezo, nyamara bikaba guta igihe cyawe. Bazakoresha imbaraga zabo mu gukerensa ndetse na Bibiliya. Bagera n'igihe bahinduka abakobanyi, kandi nubashyira mu mucyo uyikoresheje bazatangara. UB1 13.2

Bavandimwe, mushikame kuri Bibiliya yanyu nk'uko isomwa kandi muhagarike guhinyura kwanyu ku bijyanye n'ukuri kwayo, bityo mwumvire Ijambo ry'Imana bizatuma nta n'umwe muri mwe uzimira. Ubwenge bw'abantu bwagiye bukoreshwa mu myaka myinshi mu kugenzura Ijambo ry'Imana bakoresheje intekerezo zabo n'imyumvire yabo bifite aho bigarukira. Uwiteka, we Soko y'amateka atangaje ahoraho aramutse akuyeho umwenda ukingiriza maze agahishurira ubwenge bwe n'ikuzo rye imbere yabo, bahinduka ubusa maze bagataka nk'uko Yesaya yatatse ati: "kuko ndi umunyaminwa yanduye, kandi ntuye hagati y'ubwoko bufite iminwa yanduye." Yesaya 6:5 UB1 13.3

Kwiyoroshya n'amagambo yumvikana bisobanukira umuntu utazi gusoma no kwandika, umunyacyaro n'umwana kimwe n'umuntu mukuru cyangwa intiti mu bwenge. Niba umuntu afite impano zagutse z'imbaraga z'ubwenge, mu byanditswe bivuga ibitangaza by'Imana azasangamo ubutunzi bw'ukuri, bwiza kandi bw'agaciro, ashobora kugira ubwe akabutunga. Azabona n'ingorane, amabanga ndetse n'ibitangaza bizatuma anyurwa cyane no gukomeza kwiga igihe kirekire akiriho, kandi azabona ko hakiriho ibimurenze bitarondorwa. UB1 13.4

Abantu biyoroheje bafite ubushobozi bugira aho bugarukira n'amahirwe yo guhora biga Ibyanditswe, babisangamo ihumure, kuyoborwa, inama ndetse n'umugambi w'agakiza bigaragara nk'imirasire y'izuba. Nta muntu n'umwe ushobora kuzimira ashakisha ubwenge keretse gusa yihitiyemo kuba impumyi. UB1 13.5

Dushimire Imana yuko Bibiliya yateguriwe umukene kimwe n'umuntu w'intiti. Ibereye ibihe byose ndetse n'inzego zose z'abantu.

GUHINYURA BIBILIYA

Intekerezo za kimuntu zirahindagurika. Intekerezo z'abantu bize mu buryo butandukanye, bafite n'intekerezo zitandukanye bakira amagambo amwe mu buryo butandukanye. Ikindi kandi, bikomerera umuntu umwe guha undi batandukanyije inyifato, uburere, n'imico mu mitekerereze, gukoresha imvugo akamuha igitekerezo cye nk'uko cyumvikana kandi cyihariye mu bwenge bwe. Ariko ku bantu bavugisha ukuri, abantu bafite intekerezo zitunganye, ashobora kwiyoroshya no kwerura ku buryo yumvikanisha ibyo avuga kubw'imigambi afite y'ibintu bifatika. Niba uwo bavugana atari umunyakuri, kandi ntashake kureba no gusobanukirwa ukuri, azahindura amagambo yakoreshaga n'imvugo ye muri byose kugira ngo agere ku migambi ye bwite. Azumva nabi ibyo yashakaga kuvuga, asesere mu mitekerereze ye, ayo magambo ayateshure ku busobanuro bwayo nyakuri, maze amaherezo yishore mu kutizera, avuge yuko ibyo yiyumvamo byose ari ibinyoma. UB1 14.1

Uko ni ko inyandiko zanjye zifatwa n'abifuza kutazisobanukirwa neza no kuzigoreka. Ukuri kw'Imana baguhindura ibinyoma. Abashidikanya b'abapagani bafata Bibiliya mu buryo nk'ubwo bafatamo inyandiko zo mu byo nanditse ndetse n'ibitabo byanjye. Bayisoma bakurikije irari ryabo kugira ngo bayigoreke, bayikoreshe mu buryo bufuditse no kugira ngo bateshure nkana amagambo mu busobanuro bwayo nyakuri. Bavuga ko Bibiliya ishobora kwerekana ko ikintu icyo ari cyo cyose ari ukuri kandi ko itsinda ryose rigaragaza ko inyigisho zaryo ari ukuri ndetse ko inyigisho zihabanye cyane zemezwa ko ari ukuri bivuye muri Bibiliya. UB1 14.2

Abanditsi ba Bibiliya banditse ibitekerezo byabo mu mvugo ya kimuntu. Bibiliya yanditswe n'abantu. Abo bantu bari bahumekewe na Mwuka Muziranenge. Bitewe n'ibidatunganye mu myumvire ya kimuntu ku byerekeye imvugo cyangwa kugorama kw'intekerezo z'umuntu n'ubuhanga mu guhunga ukuri, abantu benshi basoma kandi bagasobanukirwa Bibiliya mu buryo bwo kwishimisha. Ibyo ntibiterwa n'uko ingorane iri muri Bibiliya. Abanyapolitiki bahanganye bajya impaka ku ngingo z'amategeko zivuye mu gitabo cy'amategeko kandi bagafata ibitekerezo binyuranye mu mikoreshereze y'ayo mategeko. UB1 14.3

Ntabwo Ibyanditswe byahawe abantu mu buryo bumeze nk'umurunga muremure ugizwe n'amagambo adashobora gutandukana, ahubwo byatanzwe agace ku kandi mu bisekuru byagiye bikurikirana uko Imana mu kugira neza kwayo yabonaga ko ari igihe gikwiriye ngo ikangure umuntu mu bihe bitandukanye ndetse n'ahantu hatandukanye. Abantu bandikaga bagenderewe na Mwuka Muziranenge. "Ubwa mbere habanza kuba utwatsi maze hanyuma zikaba imigengararo, hagaheruka amahundo afite imbuto." (Mariko 4:28). Uku ni ko ibyo Bibiliya ivuga bimeze kuri twe. UB1 14.4

Ntabwo iteka ryose hariho gahunda itunganye cyangwa ubumwe bugaragara mu Byanditswe. Ntabwo ibitangaza bya Kristo byanditswe kuri guhunda nk'uko byakurikiranye, ahubwo byatanzwe bitewe n'uko ibintu byagiye biba byatumaga habaho iri hishura mvajuru ry'imbaraga ya Kristo. Ukuri kwa Bibiliya kugereranywa n'imarigarita zihishwe. Zigomba gushakishwa, zigacukurwa n'umunyamwete wihangana. Abantu bafata Ibyanditswe mu buryo bw'amajyejuru, bagatwara ubumenyi bw'amajyejuru nyamara batekereza ko bwimbitse, bazavuga ko Bibiliya yivuguruza kandi bashidikanye ubutware Ibyanditswe bifite. Ariko abafite imitima ihuje n'ukuri n'inshingano bafite bazasoma Ibyanditswe bafite umutima witeguye kwakira iby'ijuru. Umuntu wamurikiwe abona ubumwe bw'iby'umwuka, akabona urudodo runini rwa zahabu rwahuranyije mu Byanditswe byose, ariko bisaba kwihangana, gutekereza no gusenga kugira ngo urwo rudodo rwa zahabu rw'igiciro rugaragare. Kuganira cyane kuri Bibiliya byatumye habaho gushakashaka no guhishura imarigarita z'ukuri z'igiciro cyinshi. Amarira menshi yararizwe, amasengesho menshi nayo arasengwa kugira ngo Uwiteka abashishe abantu gusobanukirwa Ijambo rye. UB1 15.1

Ntabwo twahawe Bibiliya mu mvugo ikomeye irenze iya kimuntu. Mu rwego rwo kugira ngo agere aho umuntu ari, Yesu yambaye ubumuntu. Bibiliya nayo igomba gutangwa mu mvugo y'abantu. Ikintu cyose cya kimuntu ntigitunganye. Ubusobanuro butandukanye bukoreshwa mu gusobanura ijambo rimwe; nta jambo rimwe ryihariye rikoreshwa mu gusobanura igitekerezo cyihariye. Bibiliya yatanzwe kugira ngo yigwe. UB1 15.2

Intekerezo z'abantu ziratandukanye. Ntabwo abantu bose basobanukirwa imvugo n'ingingo zitandukanye kimwe. Bamwe basobanukirwa ibivugwa mu

Byanditswe kugira ngo bihuze n'intekerezo zabo n'ibyabo byihariye. Ibintu binyuze abantu, ibyo bishyizemo n'ibyo bararikiye bifite uruhare runini mu kwijimisha intekerezo no kuzitera kujijwa ndetse n'igihe basoma amagambo y'Ibyanditswe Byera. UB1 15.3

Igihe abigishwa berekezaga Emawusi bari bakeneye gukurwa mu rujijo ku byerekeye uburyo basobanuraga Ibyanditswe. Yesu yajyanye na bo yiyoberanyije maze aganira nabo nk'undi muntu. Yatangiriye kuri Mose n'abahanuzi, abigisha ibintu byose bimwerekeyeho, ababwira ko imibereho ye, umurimo we, imibabaro ye ndetse n'urupfu rwe byabaye nk'uko Ijambo ry'Imana ryari ryarabihanuye. Mbega uburyo yabakebuye vuba vuba kandi akerekana ubumwe ndetse n'ukuri mvajuru biranga Ibyanditswe! Mbega uburyo muri icyo gihe abantu bari bakeneye ko imyumvire yabo ifunguka! UB1 15.4

Bibiliya yanditswe n'abantu bahumekewe, nyamara uko yanditswe ntabwo ari bwo buryo bw'Imana bwo gutekereza ndetse n'imvugo yayo. Imitekerereze n'imvugo ni ibya kimuntu. Imana nk'umwanditsi, ntabwo ihagaririwe. Kenshi abantu bazavuga ngo: imvugo nk'iyi ntabwo ari iy'Imana. Ariko ntabwo Imana yishyize mu magambo, mu nyurabwenge, mu mvugo inonosoye byagerageje gukoreshwa muri Bibiliya. Abanditsi ba Bibiliya bari abanditsi b'ibyo Imana yavuze, ntabwo bari ikaramu yayo. Itegereze uburyo bari abanditsi banyuranye. UB1 15.5

Ntabwo amagambo ya Bibiliya ari yo yahumetswe, ahubwo abantu ni bo bahumekewe. Guhumekerwa ntikugira icyo gukora ku magambo y'umuntu cyangwa ku mvugo ye ahubwo gukora ku muntu ubwe wuzuzwa ibitekerezo kubw'imbaraga ya Mwuka Muziranenge. Nyamara amagambo yo arangwa n'imitere y'imitekerereze by'umuntu wahumekewe. Uko ni ko ubwenge mvajuru bukwirakwizwa. Ubwenge bw'Imana n'ubushake bwayo byivanga n'intekerezo n'ubushake bya muntu; uko ni ko ibyo umuntu avuga ari ijambo ry'Imana. 21

UBUMWE MU MAHARAKWINSHI

Ku giti haba ibintu bitandukanye, si kenshi haboneka amababi abiri ameze kimwe. Nyamara ibyo bice n'ubwo bitandukanye bituma igiti kiba gitunganye cyose. UB1 16.2

Muri Bibiliya yacu, dushobora kwibaza impamvu mu Butumwa Bwiza hakenewe Matayo, Mariko, Luka na Yohana, twakwibaza kandi impamvu hariho Ibyakozwe n'Intumwa ndetse n'abanditsi batandukanye b'Inzandiko, byose bigenda bigaruka ku kintu kimwe. UB1 16.3

Uhoraho yatanze ijambo rye mu buryo yashatse ko rigera ku bantu. Yaricishije mu banditsi banyuranye, buri wese afite imiterere ye yihariye, nubwo basesenguraga amateka amwe. Ubuhamya bwabo bwashyizwe hamwe mu Gitabo kimwe, kandi bumeze nk'ubuhamya butangwa mu nama ihuje abantu. Ntabwo bagaragaza ibintu mu mvugo imwe. Buri wese afite imibereho ye bwite bityo uku gutandukana kukagura kandi kukimbika ubumenyi bujya ahagaragara kugira ngo bukemure ubukene bw'abantu batandukanye. Ibitekerezo byatanzwe ntibisa ku buryo ari mahwi nk'aho byaba byarashyizwe mu iforomo y'icyuma ku buryo byatuma byumvikana kimwe. Bimeze bityo habaho gutakaza ubwiza bwabyo bwihariye... UB1 16.4

Umuremyi w'ibitekerezo byose ashobora gutera abantu batandukanye kuvuga igitekerezo kimwe, nyamara buri wese akakivuga mu buryo bwihariye, ariko ntihabeho kuvuguruzanya. Kuba iryo tandukaniro ririho ntibikwiriye kudukura umutima cyangwa kutujijisha. Ni inshuro nke cyane abantu babiri bazabona kandi bakavuga ukuri mu buryo bumwe. Buri wese yibanda ku bintu byihariye ibyo imibereho ye n'uburere yagize byamuteye gukunda kuruta ibindi. Imirasire y'izuba irasira ku bintu bitandukanye ituma bigira amabara anyuranye. UB1 16.5

Binyuze mu guhumekerwamo na Mwuka We, Uhoraho yahaye Intumwa ze ukuri kwagombaga kuvugwa hakurikijwe uko Mwuka Muziranenge ateje imbere intekerezo z'izo ntumwa. Nyamara ntabwo umuntu yabaga nk'udafite umudendezo, ngo bibe nk'aho hari akazitiro afungiranwemo.

UWITEKA AKORESHA IMVUGO IKOCAMYE

Uwiteka avugana n'abantu mu mvugo ikocamye kugira ngo abafite imyumvire yangiritse, abaswa, abantu bafite imyumvire yerekeye ku by'isi, babashe gusobanukirwa amagambo ye. Uko ni ko ukwiyoroshya kw'Imana kugaragara. Isanga abantu bacumuye aho bari. Bibiliya, nk'uko ubwayo itunganye mu buryo yoroheje, ntabwo ari mahwi n'ibitekerezo bikomeye by'Imana kubera ko imitekerereze y'Ihoraho idashobora gukwira mu buryo butunganye mu bwenge bw'umuntu upfa. Aho kuba Bibiliya ikoresha imvugo ikabya nk'uko abantu benshi babitekereza, imvugo zikomeye zoroha mbere yuko igitekerezo kivugwa, nubwo uwandika yahisemo imvugo yumvikana cyane yifashishije kugira ngo atange ubutumwa bw'ukuri k'ubwenge busumbyeho. Abanyabyaha bashobora gusa kwihanganira kureba igucucu cyo kurabagirana kw'ikuzo ry'ijuru. [23]

NTA MUNTU UKWIYE GUCIRA URUBANZA IJAMBO RY'IMANA.

Mu rusengero rwa [Battle Creek] no muri Koleji, ingingo yerekeye guhumekerwa yarigishijwe maze abantu bapfa bavuga ko ibintu bimwe byo mu Byanditswe byahumetswe ndetse hari n'ibindi bitahumetswe. Byagaragajwe ko Uwiteka atari we wazanye igitekerezo cyo kwandika ingingo zivuga ku guhumekerwa zanditswe mu kinyamakuru cyitwaga "Urwibutso", [24] kandi nta nubwo yemeye uko izo ngingo zashyigikiwe imbere y'urubyiruko rwacu muri Koleji. Igihe abantu bagerageje kunenga Ijambo ry'Imana, baba bakinira ahantu h'umwihariko ndetse hazira inenge kandi ibyari kuba byiza ari uko bari bakwiriye gutinya, bagahinda umushyitsi ndetse bagahisha ubwenge bwabo nk'uhisha ubupfapfa. Nta muntu Imana ishyiraho wo gucira urubanza Ijambo ryayo, ngo ahitemo ibintu bimwe maze avuge ko byahumetswe kandi ngo ateshe ibindi agaciro avuga ko bitahumetswe. Ibihamya nabyo byafashwe muri ubu buryo nyamara ntabwo Imana iri muri ibyo bikorwa. [25]

IGICE CYA 2: ELLEN G. WHITE N'INYANDIKO ZE

IBARUWA YANDIKIWE DR. PAULSON,

St Helena, California
Kuwa 14 Kamena 1906
Muvandimwe nkunda,

Ibaruwa yawe yangezeho ubwo nari mu majyepfo ya California. Mu byumweru byinshi kwita ku bibazo bijyanye n'iterambere ry'umurimo w'ivuriro ryacu ahongaho, ndetse no kwandika ibitekerezo nahawe byerekeranye n'umutingito w'isi n'ibyo wigisha, byantwaye igihe n'imbaraga. UB1 18.1

Ariko noneho ubu ngomba gusubiza amabaruwa wowe wanyoherereje ndetse n'abandi. Mu ibaruwa wanditse uvuga iby'inyigisho za mbere na mbere zatumye ugira kwizera ibihamya umaramaje kandi uravuga uti: "Nageze aho mfata umwanzuro kandi nizera nkomeje ko ijambo ryose wigeze uvugira mu ruhame cyangwa wihererereye, kandi ibaruwa yose wagiye wandika bitewe n'impamvu iyo ari yo yose, ko ibyo byose byahumetswe nk'uko biri ku Mategeko Cumi." UB1 18.2

Muvandimwe wanjye, wize inyandiko zanjye witonze kandi ntiwigeze ubona ko nigeze mvuga ntyo. Nta n'ubwo uzigera ubona ko abafashe iya mbere mu kwamamaza ubutumwa bwacu bigeze bavuga batyo. UB1 18.3

Mu ijambo ry'ibanze nanditse mu gitabo cyitwa "Intambara ikomeye" nta gushidikanya wasomye ibyo navuze byerekeye Amategeko Cumi na Bibiliya, kandi ibyo byagombye kuba byaragufashije bikakugeza ku gusobanukirwa neza ingingo ivugwa ahangaha. Dore ibyo navuze: UB1 18.4

"Bibiliya yerekana ko yakomotse ku Mana; nyamara yanditswe n'ibiganza by'abantu; kandi mu ngeri zinyuranye z'imyandikire y'ibitabo bitandukanye biyigize, yerekana imico yarangaga abanditsi bayo benshi. Ukuri kose kwahishuriwe umuntu « kwahumetswe n'Imana » (2 Timoteyo 3:16), ariko kwasobanuwe mu magambo y'abantu. Uhoraho yamurikiye ibitekerezo n'imitima by'abagaragu be akoresheje Mwuka Muziranenge. Yabahaye kurota

inzozi no kugira amayerekwa, yabahishuriye ukuri mu bimenyetso n'amashusho; nuko abo bahishuriwe uko kuri bakagaragaza igitekerezo gikubiye mu byo bahishuriwe bakoresheje imvugo ya kimuntu. UB1 18.5

Amategeko cumi yavuzwe n'Imana ubwayo, kandi yanditswe n'ikiganza cyayo bwite. Ni ay'Imana ntabwo yashyizweho n'umuntu. Nyamara Bibiliya, yanditswemo ukuri kwatanzwe n'Imana ariko kugasobanuzwa imvugo y'abantu, yerekana ubumwe ubumana bufitanye n'ubumuntu. Ubwo bumwe bwagaragaye mu mibereho ya Kristo wari Umwana w'Imana akaba n'Umwana w'umuntu. Kubw'ibyo rero, nk'uko byari bimeze kuri Kristo ni na ko biri kuri Bibiliya ko «Jambo uwo yabaye umuntu abana natwe » [26] UB1 18.6

Ibitabo bya Bibiliya, byanditswe mu bihe bitandukanye, byanditswe n'abantu bari batandukaniye cyane mu nzego barimo no mu mirimo bakoraga, bafite ubushobozi mu by'ubuhanga no mu by'umwuka butandukanye; bigaragaza itandukaniro rikomeye mu buryo bw'imyandikirwe yabyo ndetse n'urunyuranyurane rw'imiterere y'insanganyamatsiko zibikubiyemo. Abanditsi batandukanye bakoresheje imvugo zitandukanye; akenshi ukuri kumwe kwahuriweho n'abanditsi benshi, umwe akagusobanura neza kuruta uko undi yagusobanuye. Nuko rero uko abo banditsi benshi bagiye basobanura ingingo imwe mu buryo butandukanye, umusomyi utitonze ngo ashishoze cyangwa umusomyi ufite imyumvire mibi asanganywe ashobora kubona ko izo nyandiko zivuguruzanya, mu gihe umwigishwa wumvira kandi ushyira mu gaciro amenya aho ifatizo ryo kuzuzanya kwazo riri. UB1 19.1

Nk'uko ukuri kwanyujijwe mu banditsi banyuranye, ni na ko kwerekanywe mu ngeri zitandukanye zikugize. Umwanditsi umwe yumvaga ashishikajwe cyane n'uruhande rumwe rw'ingingo iyi n'iyi, agasobanukirwa n'ibijyanye n'urwo ruhande bihuye n'ibyo yanyuzemo mu mibereho ye cyangwa n'ubushobozi bwe bwo gusobanukirwa ndetse n'ubwo kugira ibyo akunda. Undi yavugaga urundi ruhande; nuko buri wese ayobowe na Mwuka Muziranenge yanditse icyo abona kimukora ku mutima cyane- buri wese yavuze ukuri mu buryo butandukanye n'ubwa mugenzi we ariko bose bagahuza mu buryo bwuzuye. Nuko rero uko kuri kwerekanywe muri ubwo buryo guhuriza hamwe kukaba ukuri gushyitse, kuberanye no gukemura ibyo abantu bifuza mu bihe ibyo ari byo byose no mu byo banyuramo byose mu mibereho yabo. UB1 19.2

Imana yashimishijwe no kumenyesha abatuye isi ukuri kwayo ikoresheje abantu, kandi ibinyujije muri Mwuka wayo Muziranenge, yo ubwayo ibashoboza gukora uwo murimo. Yayoboye ibitekerezo byabo mu gutoranya ibyo bagomba kuvuga no kwandika. Ubwo butunzi bwanyujijwe mu bantu batuye ku isi, ariko bwari buturutse mu ijuru. Nubwo ubwo buhamya bwanyujijwe mu mvugo ya kimuntu idatunganye, ni ubw'Imana. Bityo umwana w'Imana uyumvira kandi uyizera abubonamo ikuzo ry'ubushobozi bw'Imana bwuzuye ubuntu n'ukuri." UB1 19.3

Ibihamya bihurije hamwe kandi biruzuye

Mu bwuzuzanye buhuje rwose n'ibi harimo ibyo navuze biboneka mu ngingo ivuga ngo: "Ibihamya Byasuzuguwe", yanditswe kuwa 20 Kamena mu 1882, kandi isohoka mu Bihamya by'Itorero. [27] Ndagusuburiraramo interuro nyinshi zivuye muri iyi ngingo kugira ngo uzizirikane: UB1 20.1

"Abantu benshi baradamaraye banyuzwe n'igihe kirekire bamaze bamamaza ukuri. Ubu bumva yuko bakwiriye ingororano kubera ibigeragezo banyuzemo ndetse no kumvira bagize mu gihe cyashize. Nyamara aka kamenyero gahamye mu byerekeye Imana by'igihe cyahise, gatuma imbere yayo barushaho guhamwa n'icyaha cyo kutarinda ubunyangamugayo bwabo no kutajya mbere berekeza ku butungane. Ntabwo ubutungane bwo mu bihe byashize buzigera na rimwe buba inyishyu y'ibyirengagizwa gukorwa muri iki gihe. Kuba umuntu yarabaye umunyakuri ejo hashize, ntabwo bizahanagura kuba umunyabinyoma kwe kwa none. UB1 20.2

"Abantu benshi batanze urwitwazo rwo gusuzugura ibihamya bavuga bati: 'Mushiki wacu Ellen White ashyigikiwe n'umugabo we; ibihamya bihabwa umurongo n'intekerezo ndetse n'imyumvire by'umugabo we." Abandi bahoraga bashaka kunyungukiraho ibyo bashoboraga kubakiraho kugira ngo bashyigikire inzira barimo cyangwa bemerwe. Ubwo ni bwo nafashe icyemezo cyo kutongera kwandika kugeza igihe imbaraga y'Imana ihindura igaragariye mu itorero. Ariko Uwiteka yakoreye umutwaro ubugingo bwanjye. Namukoreye nimazeyo. Ijuru ryonyine ni ryo rizahamya uburyo njye n'umugabo wanjye ibyo byatumvunye.

Mbese ntabwo nsobanukiwe uko itorero rimeze mu gihe mu myaka myinshi Uwiteka yagiye anyereka ibyaryo? Imiburo myinshi yagiye itangwa ikanasubirwamo, nyamara nta mpinduka igaragara yabayeho… UB1 20.3

Nyamara n'ubu igihe mbohererereje ubuhamya bw'imbuzi no gucyaha, benshi muri mwe muvuga ko icyo ari igitekerezo cya mushiki wanyu White. Kubw'ibyo mwatutse Mwuka w'Imana. Muzi neza uko Uwiteka ubwe yigaragarije mu Mwuka w'Ubuhanuzi. Neretswe ibyabaye kera, ibiba ubungubu ndetse n'ibizabaho mu gihe kiri imbere. Neretswe abantu ntari narigeze mbona, kandi nyuma y'igihe kirekire ubwo nababonaga naje kubamenya. Nakanguwe mu bitotsi nibuka neza ingingo z'ibyo nari neretswe mbere y'aho, bityo bigeze mu gicuku amabaruwa yeherejwe hirya no hino kandi iyo habaga habayeho ingorane, ayo mabaruwa yajyaga akura umurimo w'Imana mu ngorane zikomeye wabaga urimo. Uyu wabaye umurimo wanjye mu myaka myinshi. Imbaraga yagiye impatira kwamagana no gucyaha ibyaha ntari nigeze menya. Mbese uyu murimo nakoze mu myaka 36 ishize wakomotse mu ijuru cyangwa ni ku isi?... UB1 20.4

"Igihe najyaga i Colorado nari ndemerewe cyane n'ibyawe ku buryo, mu mbaraga nke zanjye, nanditse impapuro nyinshi zo gusomwa mu materaniro makuru yanyu. Mfite intege nke kandi mpinda umushyitsi, nabyutse saa cyenda z'ijoro kugira ngo mbandikire. Imana yavugiraga mu muntu woroshye nk'ibumba. Mwashoboraga kuvuga ko ibyo nabandikiraga byari ibaruwa gusa. Ni byo, yari ibaruwa ariko yanditswe bitewe na Mwuka w'Imana kugira ngo intekerezo zanyu zigaragarizwe ibyo neretswe. Muri izi baruwa nanditse mu buhamya ntanga, mbagezaho ibyo Uwiteka yambwiye. Ntabwo nandika ingingo imwe mu rupapuro mvuga ibitekerezo byanjye bwite. Ni ibyo Imana yampishuriye mu iyerekwa. Ni imirasire y'agaciro kenshi y'umucyo urasa uturuka ku ntebe ya cyami y'Imana… UB1 21.1

"Ni irihe jwi uzemera ko ari iry'Imana? Ni izihe mbaraga Uwiteka atakoresheje kugira ngo akosore amakosa yawe kandi ngo akwereke ibyo ukora nk'uko biri? Ni iyihe mbaraga igomba gukora mu itorero? Niba wanga kwizera ngo keretse igicu cyose cyo kuba mu rungabangabo n'impamvu zose zitera gushidikanya bikuweho, ntabwo uzigera na rimwe wizera. Gushidikanya gusaba ubusobanuro bwuzuye ntikuzigera gutuma habaho kwizera. Ukwizera gushingiye ku bintu

bifite ishingiro nyamara, ntabwo ari ku bintu bigaragarishwa ibimenyetso. Uwiteka adusaba kumvira ijwi riturarikira gukora inshingano yacu, mu gihe hari andi majwi atuzengurutse adusaba gukurikira inzira ihabanye n'iyo. Bidusaba gushishoza cyane kugira ngo dushobore gusobanukirwa ijwi riva ku Mana. Tugomba kurwanya no gutsinda ibituyobya kandi tukumvira ijwi ry'umutimanama nta kubijyaho impaka cyangwa ngo tubererekere ikibi, nibitaba bityo imbaraga y'umutimanama izaceceka bityo ubushake bw'umuntu n'imbaraga adategeka imusunika abe ari byo bimuyobora. UB1 21.2

"Ijambo ry'Uwiteka riza kuri twe twese abatarwanya Mwuka We babinyujije mu kwiyemeza kutumva no kutumvira. Iri jwi ryumvikanira mu miburo, mu nama no mu gucyaha. Ni ubutumwa bw'umucyo Uwiteka yoherereza abantu be. Niba dutegereje ihamagara riranguruye cyane cyangwa amahirwe aruseho, umucyo ushobora gukurwaho maze tugasigara mu mwijima… UB1 21.3

"Bavandimwe, birambabaza kuvuga ko kwirengagiza kugendera mu mucyo kwanyu bitewe n'icyaha byabapfukiranye mu mwijima. Ushobora nonaha kuba umunyakuri mu kutazirikana no kumvira umucyo. Gushidikanya wahaye intebe, uko wirengagije kumvira ibyo Imana isaba, byahumye imyumvire yawe ku buryo ubu umwijima kuri wowe umeze nk'umucyo kandi umucyo ukakubera umwijima. Imana yakubwiye ko ukomeza kujya imbere ugana ku butungane. Ubukristo ni iyobokamana ryo gutera imbere. Umucyo uva ku Mana uruzuye kandi urahagije, utegereje ko tuwusaba. Imigisha yose Uwiteka ashobora gutanga, afite iyo atanga birenzeho ibyo dutekereza, isoko idakama aho dushobora kuvoma. Gushidikanya gushobora gutuma ibitunganye ubutumwa bwiza busaba bigirwa urw'amenyo, bigakwenwa ndetse bakabihakana. Umwuka w'ab'isi ushobora kwanduza benshi kandi ukayobora bake; umurimo w'Imana ushobora gukomezwa cyane ndetse no kwitanga ubudasiba, nyamara amaherezo uzatsinda. UB1 21.4

"Ijambo nkubwira ni iri ngo: Jya mbere; kora inshingano yawe maze ingaruka zose uzirekere mu maboko y'Imana. Igihe tugiye imbere twerekeza aho Yesu atuyoboye, tuzabona kunesha kwe, tuzasangira ibyishimo bye. Niba tuzambara ikamba ryo kunesha, tugomba gufatanya urugamba. Nk'uko byabaye kuri Yesu, tugomba gutunganyirizwa mu mibabaro ducamo. Iyo imibereho ya Kristo iza kuba yoroshye, twari kwidamararira. Kubera ko imibereho ye yaranzwe no

gukomeza kwiyanga, umubabaro no kwitanga, ntabwo tuzivovota niba dufatanyije na we. Dushobora kugenda amahoro mu nzira yijimye cyane igihe Yesu we Mucyo w'isi ari we utuyoboye…UB1 22.1

"Ubuherutse ubwo Uwiteka yanyerekaga ibyawe maze akamenyesha ko utigeze wita ku mucyo wahawe, nasabwe kuvugana na we mu izina Rye, kuko umujinya We waragukongerejwe. Nabwiwe aya magambo: 'Umurimo wawe wawushinzwe n'Imana. Abantu benshi ntibazakumva kuko banze no kumva Umwigisha Mukuru; benshi ntibazakosorwa kuko inzira zabo zigaragara nk'aho ziboneye mu maso yabo, ariko bagezeho gucyaha n'imiburo nzaguha, babyumva cyangwa batabyitaho.'"…. UB1 22.2

Ku bijyanye n'izi nyandiko zakuwe ahandi, ongera wige ingingo ivuga ngo: "Imiterere n'Imbaraga y'Ibihamya." [28] UB1 22.3

Amagambo wakuye mu Buhamya bwa 31 [29] ni ukuri: "Muri ayo mabaruwa nandika mu buhamya ntanga, nkugezaho ibyo Uwiteka yanyeretse. Ntabwo nandika ingingo imwe mu rwandiko mvuga ibitekerezo byanjye bwite. Ni ibyo Uwiteka yanyeretse mu iyerekwa. Ni imirasire y'umucyo w'igiciro cyinshi uva ku ntebe y'Ubwami." Ni ukuri kwerekeranye n'ingingo ziri mu byo nanditse no mu mizingo myinshi y'ibitabo byanjye. Nahawe inyigisho zihuje n'Ijambo ryo mu mahame y'amategeko y'Imana. Nigishijwe binyuze mu guhitamo mu byigisho bya Kristo. Mbese ibiri mu nyandiko zanjye ntibihuye n'inyigisho za Yesu Kristo? UB1 22.4

Akaga k'imisobanurire iyobya

Ku bibazo bimwe wabajije, ntabwo nasubiza yego cyangwa oya. Ntabwo ngomba gutanga ingingo zishobora gusobanurwa nabi. Mbona kandi nsobanukiwe n'ingorane z'abantu bashyira mu kaga ubugingo bwabo rimwe na rimwe batega amatwi ubusobanuro buyobya ku byerekeranye n'Ubutumwa Imana yampaye. Babinyujije mu kugoreka mu buryo bwinshi no guhindura no gutekereza nabi ku byo nanditse, bagerageza gushyigikira kutizera kwabo bwite. Mbabariye abavandimwe banjye bakomeje kugendera mu gihu cy'urwikekwe, gushidikanya no gutekereza nabi. Nzi neza ko bamwe muri bo bajyaga kubonera imigisha mu butumwa butanga inama iyaba ibicu bibuditse

mu myumvire yabo mu by'umwuka byeyurwaga maze bakareba neza. Nyamara ntibabona neza. Kubw'ibyo rero, sintinyuka kuvugana na bo. Igihe Mwuka w'Imana akuyeho imyizerere ipfuye, hazagaragara uguhumurizwa kuzuye, ukwizera no kwiringira ubutumwa nahawe gutanga nk'uko byagaragaye muri ubu butumwa mu myaka yahise. UB1 22.5

Ukuri kuzatsinda. Uwatanze ubugingo bwe kugira ngo acungure umuntu mu bushukanyi bwa Satani, ntabwo ahunikira ahubwo ari maso. Igihe intama Ze zanze kumvira ijwi ry'umunyamahanga utari nyirazo, zizishimira kumva ijwi zakunze kujya zikurikira. UB1 23.1

Turamutse twize iby'imibereho ya Yesu Kristo, dushobora gukuramo amasomo y'ingirakamaro. Abafarisayo b'abanyerari bagorekaga ibikorwa n'amagambo bya Kristo kandi iyo babyakira mu buryo bukwiriye, byajyaga kubera ingirakamaro imyumvire yabo mu bya Mwuka. Aho kugira ngo bashimire ineza ye, bamugeretseho ibirego imbere y'abigishwa, bamushinja ko ari umunyabyaha. "Kuki Umwigisha wanyu asangira n'abakoresha b'ikoro n'abanyabyaha?" (Mat 9:11). Aho kugira ngo bavugane n'Umukiza wacu ubwe, uwo igisubizo cye cyari guhita kibemeza uburyarya bwabo, bavuganye n'abigishwa, bazana ibirego byabo nk'umusemburo w'ikibi, aho byashoboraga kugira ingaruka zikomeye. Iyo Kristo ajya kuba umuntu utubaha Imana, aba yaratakaje icyizere imitima y'abayoboke Be bizeraga yari imufitiye. Ariko kubw'icyizere abigishwa bari bafitiye Kristo, ntibashoboraga gutegera amatwi inyigisho ziyobye z'abanyabyaha bamushinjaga ibinyoma. UB1 23.2

Mu kwifuza guhinyura abigishwa, aba bareganyi b'ababisha bagiye basanga Kristo kenshi bakamubaza bati: "Kuki abigishwa bawe bakora ibitandukanye n'amategeko?" Ndetse n'igihe baregaga Umwami kuba yarishe amategeko, ntabwo ari we babwiye, ahubwo babibwiye abigishwa be kugira ngo babibe imbuto zo kutizera mu mitima y'abayoboke be. UB1 23.3

Uko ni ko bakoraga uko bashoboye ngo bateze gushidikanya n'amakimbirane. Uburyo bwose bwarageragejwe ngo batere gushidikanya mu mitima y'umukumbi muto, kugira ngo bibashoboze kubona ikintu cyahubanganya umurimo mwiza kandi wuje ubuntu w'Ubutumwa Bwiza bwa Yesu Kristo. UB1 23.4

Muri iki gihe, umurimo nk'uyu uzakoreshwa mu kugerageza abizera nyakuri. Umwami Yesu asoma umutima. Atandukanya inyungu n'imigambi byuzuye intekerezo z'abantu bose ku byerekeranye na We ndetse n'abigishwa be bamwizera. Asubiza intekerezo zabo ku bijyanye n'abashakisha impamvu zo kubarega agira ati: "Abazima sibo bifuza umuvuzi, keretse abarwayi." (Mat 9:12). Abafarisayo b'intumva bari bafite igitekerezo cyo kwishyira hejuru mu byo kubaha Imana kwabo n'ubutungane bwabo mu gihe bo ubwabo bahoraga biteguye guciraho iteka imibereho y' abandi. [30] —

INTUMWA Y'UWITEKA

Mu iyerekwa ryo mu ijoro ryakeye, nari mpagaze imbere y'iteraniro ry'abantu bacu, natangaga ubuhamya bukomeye ku byerekeye ukuri n'umurimo by'iki gihe. Nyuma yo gutanga ubwo buhamya, abantu benshi barankikije maze bambaza ibibazo. Bifuzaga ibisobanuro byinshi byerekeye ingingo nyinshi zitandukanye maze ndavuga nti: "Ndabinginze habaze umwe umwe, nibitaba bityo muranjijisha." UB1 24.1

Nuko rero nababwiye ngira nti: "Kuva kera mwagiye muhabwa ibihamya by'uko Uwiteka yampaye umurimo ngomba gukora. Ibyo bihamya byashoboraga kuba bidakomeye kurusha uko biri. Mbese mukuraho ubwo buhamya bwose nk'usenya inzu y'igitagangurirwa, bitewe no kutizera k'umuntu? Ikibabaza umutima wanjye ni uko abantu benshi bahangayitse ubu kandi bageragezwa ari ababonye ibihamya bihagije ndetse n'amahirwe yo gutekereza, gusenga no gusobanukirwa; ariko noneho bakaba badasobanukiwe imiterere y'inyigisho ziyobya zigishwa kugira ngo zibatere kwirengagiza imiburo Imana yatanze kugira ngo ibakingire ubuyobe bwo muri iyi minsi ya nyuma." UB1 24.2

Bamwe basitaye ku magambo navuze ko ntaharaniye kwiyita umuhanuzi; kandi bagiye babaza bati: "Impamvu ni iyihe?" Ntacyo nigeze mbivugaho uretse gusa ko namenyeshejwe ko ndi intumwa y'Uwiteka; yuko yampamagaye mu bukumi bwanjye kugira ngo mubere intumwa, nakire ijambo rye kandi ntange ubutumwa bwumvikana mu izina ry'Umwami Yesu. UB1 24.3

Mu myaka ibanza y'ubukumi bwanjye, incuro nyinshi nagiye mbazwa ngo: "Mbese uri umuhanuzi?" Nagiye nsubiza ko ndi intumwa y'Uwiteka. Nzi ko abantu benshi bagiye banyita umuhanuzi, ariko sinigeze mvuga ko ndi umuhanuzi. Umukiza wanjye niwe wavuze ko mba intumwa Ye. Yarambwiye ati: "Umurimo wawe ni uwo kwamamaza ijambo ryanjye. Hazabaho ibintu bidasanzwe, kandi mu buto bwawe nagutoranyirije kugeza ubutumwa ku bantu bazimiye, gushyira ijambo ryanjye abatizera, kandi uzandike ukoreshe n'ijwi ryawe maze ucyahe ibikorwa bidatunganye wifashishije ijambo ryanjye. Inginga abantu ukoresheje Ijambo ryanjye. Nzagusobanurira Ijambo ryanjye. Ntabwo rizakubera nk'imvugo idasanzwe. Mu mvugo iboneye yoroheje, hakoreshejwe ijwi n'ikaramu, ubutumwa ntanga buzumvikanira mu kanwa k'umuntu utarigeze ajya mu ishuri. Mwuka wanjye n'imbaraga yanjye bizabana nawe. UB1 24.4

"Ntutinye abantu kuko ingabo yanjye izagukingira. Ntabwo ari wowe uzaba uvuga: ni Uwiteka utanga ubutumwa bw'imbuzi no gucyaha. Ntuzigere na rimwe uteshuka ku kuri uko byagenda kose. Uzatange umucyo nzaguha. Ubutumwa bugenewe ibi bihe by'imperuka buzandikwa mu bitabo, kandi buzahoraho kugira ngo bushinje abigeze kwishimira umucyo nyamara bakaza kuwureka bitewe n'imbaraga z'ikibi zishukana." UB1 24.5

Kuki ntavuze ko ndi umuhanuzi? Byatewe n'uko muri ibi bihe benshi bihandagaza bavuga ko ari abahanuzi ari igisebo ku murimo wa Kristo; kandi ni ukubera ko umurimo wanjye ukubiyemo byinshi birenze ibyo ijambo "umuhanuzi" risobanura. UB1 25.1

Igihe ubwa mbere nahabwaga uyu murimo, nasabye Uwiteka kwikoreza uyu mutwaro undi muntu. Uyu murimo wari mugari cyane kandi wimbitse ku buryo natinyaga ko ntari gushobora kuwukora. Nyamara kubwa Mwuka Muziranenge, Uwiteka yanshoboje gukora umurimo yampaye gukora. UB1 25.2

Umurimo ufite ibyerekezo byinshi

Imana yampishuriye inzira zitandukanye yagombaga kunkoreshamo mu guteza imbere umurimo wihariye. Nagiye nerekwa kenshi ngahabwa n'iri

sezerano ngo: “Niba utanga ubutumwa mu buryo buzira amakemwa kandi ugakomeza kwihangana kugeza ku mperuka, uzarya ku mbuto z’igiti cy’ubugingo, kandi uzanywa ku mazi y’uruzi rw’ubugingo.” UB1 25.3

Uwiteka yampaye umucyo mwinshi ku bijyanye n’ivugururwa ku buzima. Mfatanyije n’umugabo wanjye, nagombaga kuba umukozi w’umuvugabutumwa ariko w’umuganga. Nagombaga gutanga urugero ku itorero njyana abarwayi imuhira kandi nkanabitaho. Ibi nagiye mbikora ngaha abagore n’abana imiti ikomeye. Nk’intumwa yashyizweho n’Uwiteka, nagombaga no kuvuga ku ngingo yo kwirinda kwa Gikristo. Nirunduriye muri uyu murimo n’umutima wose kandi mvuga ku byerekeranye no kwirinda mu materaniro manini mu buryo burambuye kandi bwumvikana cyane. UB1 25.4

Nabwiwe ko ngomba gukomeza kumenyesha abavuga ko bemera ukuri nkababwira akamaro ko kugendera mu kuri. Ibi bisobanuye kwezwa, kandi kwezwa bisobanura kugira umuco no kumenyereza ubushobozi bwose bwa muntu gukora umurimo w’Uwiteka. UB1 25.5

Nashinjwe kutirengagiza cyangwa kutarenza amaso abantu bahemukirwaga. By’umwihariko nashinjwe kwamagana akarengane ako ari ko kose cyangwa igikorwa kibangamiye abagabura b’Ubutumwa Bwiza bikozwe n’abari mu nzego z’ubuyobozi. Uko iyi nshingano yaba itambereye nziza kose, ngomba gucyaha ukandamiza abandi kandi ngaharanira ubutabera. Ngomba kugaragaza impamvu ari ngombwa kugira ubutabera no gufata kimwe abantu bose mu bigo byacu byose. UB1 25.6

Iyo mbonye abari mu myanya y’ubuyobozi birengagiza abagabura bari mu zabukuru, ngomba kumenyesha icyo kibazo abafite inshingano yo kubitaho. Abagabura bakoze umurimo wabo mu budahemuka ntibakwiye kwibagirana cyangwa kwirengagizwa mu gihe ubuzima bwabo bugize intege nke. Za asosiyasiyo cyangwa konferansi zacu ntizikwiriye kwirengagiza ubukene bw’abikoreye imitwaro y’umurimo w’Imana [mu gihe cyashize]. Yohana amaze gusazira mu murimo w’Uwiteka nibwo yaciriwe ku kirwa cya Patimo. Kuri icyo kirwa yariho wenyine, ni ho yaherewe ubutumwa bwinshi buvuye mu ijuru kurusha ubwo yari yarahawe mu mibereho ye yose. UB1 25.7

Ubwo nari maze gushyingirwa nabwiwe yuko ngomba kwita by'umwuhariko ku bana b'impfubyi, bamwe nkabitaho jye ubwanjye mbaha ibyo bakeneye byose mu gihe runaka, maze nyuma yaho nkababonera aho bagomba kuba. Igihe nakoraga ntyo, nabaga ndi guha abandi urugero rw'icyo bakwiriye gukora. UB1 26.1

Nubwo kenshi nahamagarirwaga gukora ingendo kandi nkaba nari mfite byinshi nagombaga kwandika, nafashe abana b'imyaka itatu n'itanu mbajyana imuhira, mbitaho, ndabarera kandi mbategurira kuzaba mu myanya y'ubuyobozi. Uko ibihe byagiye biha ibindi nagiye njyana mu rugo rwanjye abana b'ababungu b'imyaka kuva ku 10 kugeza kuri 16 nkabitaho kibyeyi kandi nkabatoza umurimo. Numvaga ko ari inshingano yanjye gushyira imbere y'abantu bacu uwo murimo bari bakwiriye kumva ko ari inshingano yabo mu itorero ryose. UB1 26.2

Igihe nari muri Australia nakomeje gukora uyu murimo, nkajyana mu rugo abana b'impfubyi bari bageze mu byago byo guhangana n'ibigeragezo byari gutuma babura ubugingo bwabo. UB1 26.3

Muri Australia kandi twakoraga 32 nk'abuvugabutumwa b'abaganga b'Abakristo. Rimwe na rimwe nahinduye urugo rwanjye rw'i Cooranbong ahantu abarwayi n'abababaye babaga. Umunyamabanga wanjye wari warigiye mu bitaro bya Battle Creek, yafatanyije nanjye amba hafi, agakora umurimo w'umuforomo. Nta bihembo yasabaga kubw'uwo murimo yakoraga maze bituma abantu batugirira icyizere bitewe n'uko twitaga ku barwayi n'imbabare. Nyuma y'igihe runaka i Cooranbong haje kubakwa ikigo nderabuzima maze twumva dutuwe uyu umutwaro. UB1 26.4

Nta kwirarira

Guharanira kwitwa umuhanuzikazi ni ikintu ntigeze nkora na mba. Niba abandi aribo babinyita, nta kibazo mfitanye nabo. Nyamara umurimo wajye wafashe ibyiciro byinshi ku buryo ntagira ikindi niyita uretse intumwa yoherejwe n'Uwiteka ngo imenyeshe abantu be ubutumwa, no gukora umurimo aho ari ho hose anshinze gukora.UB1 26.5

Ubwa nyuma igihe nari i Battle Creek, navugiye imbere y'iteraniro rinini ko ntigeze mparanira kwitwa umuhanuzikazi. Iyi ngingo nayivuzeho kabiri kandi buri gihe nari ngambiriye kuvuga nti: "Simvuga ko ndi umuhanuzikazi." Niba narigeze kuvuga ibindi bitandukanye n'ibi, nimucyo noneho bose basobanukirwe ko ibyo nashakaga kuvuga nari mfite mu bitekerezo byanjye ari uko ntaharanira kwitwa umuhanuzi cyangwa umuhanuzikazi. UB1 26.6

Nasobanukiwe ko abantu bamwe bari bafite amatsiko yo kumenya niba Madame White agifite ibitekerezo nk'ibyo yari afite mu myaka yashize igihe bamwumvaga avugira mu gashyamba gakikije ibitaro, mu rusengero no mu materaniro makuru yabereye mu nkengero za Battle Creek. Nabemeje ko ubutumwa avuga none ari bumwe n'ubwo yavugaga mu myaka 60 y'umurimo we yakoraga muri rubanda. Umurimo agomba gukorera Shebuja ni umwe n'uwo yashinzwe mu bukumi bwe. Ahabwa inyigisho ziturutse ku Mwigisha umwe. Amabwiriza yahawe ni aya ngo: "Menyesha abandi ibyo naguhishuriye. Andika ubutumwa nguha kugira ngo abantu babutunge." Ibi ni byo yashishikariye gukora. UB1 27.1

Nanditse ibitabo byinshi, na byo byagejejwe hirya no hino. Ku bwanjye si nari gushobora gushyira ukuri muri ibi bitabo, ariko Uwiteka yampaye ubufasha bwa Mwuka we Muziranenge. Ibi bitabo bitanga inyigisho nahawe n'Uwiteka mu myaka 60 yahise, birimo umucyo wavuye mu ijuru, kandi bizatsinda igenzurwa. UB1 27.2

Ku kigero cy'imyaka 78 y'ubukuru ndacyakomeje gukora. Twese turi mu biganza by'Uwiteka. Ndamwiringira kuko nzi yuko atazigera areka cyangwa ngo atererane abamwiringira. Jyewe niyeguriye kurindwa na we. UB1 27.3

"Ndashimira Kristo Yesu Umwami wacu wambashishije, yuko yatekereje ko ndi uwo kwizerwa akangabira umurimo we." (1 Tim 1:12) 33 UB1 27.4

Umurimo w'umuhanuzi n'ibindi

Ubwo natangaga ikiganiro navuze ko ntigeze mvuga ko ndi umuhanuzikazi. Bamwe batangajwe n'aya magambo kandi ubwo hari ibintu byinshi bivugwa byerekeye ibyo navuze, nzatanga ubusobanuro. Abandi bantu banyise umuhanuzikazi, ariko sinigeze mvuga ko ndi we. Ntabwo nigeze niyumvisha ko wari umurimo wanjye kugira ngo mbyiyitirire. Abantu bihandagaza bakavuga ko ari abahanuzi muri iki gihe cyacu, akenshi usanga basebya umurimo wa Kristo. UB1 27.5

Umurimo wanjye ukubiyemo byinshi birenze icyo iri zina risobanura. Nireba nk'intumwa yabikijwe n'Uwiteka ubutumwa bugenewe abantu be. [34] Ubu nabwiwe ko mu murimo wanjye ntagomba guhagarikwa n'abashishikarira gukekeranya bavuga ibyerekeye imiterere yawo, bafite intekerezo zirwana n'ibibazo by'urudaca byerekeranye n'uko umurimo w'umuhanuzi ukwiriye kumera. Umurimo wanjye ukubiyemo umurimo w'ubuhanuzi nyamara ntabwo uhagararira aho. Urenze cyane ibyo ibitekerezo by'abakomeje kubiba imbuto zo kutizera bishobora gusobanukirwa. [35] [36]

Kwakira umucyo no kuwugeza ku bandi

Nk'uko kenshi na kenshi ibibazo bikunze kubazwa ku byerekeye n'uko mba meze mu iyerekwa na nyuma ya ryo, navuga ko igihe Uwiteka abonye yuko bikwiriye gutanga iyerekwa, nibona imbere ya Yesu n'abamarayika, maze nkaba natandukanye burundu n'ibintu byo ku isi. Sinshobora kureba hirya y'aho umumarayika anyereka. Akenshi intekerezo zanjye zerekezwa ku bibera ku isi. UB1 28.1

Rimwe na rimwe njyanwa mu byo mu gihe kizaza maze nkerekwa ibintu bigomba kuzabaho. Nongera kandi kwerekwa ibintu nk'uko byabaye mu gihe cyashize. Iyo mvuye mu iyerekwa ntabwo muri uwo mwanya nibuka ibintu byose nabonye, kandi usanga ibintu biba bitansobanukiye neza kugera ntangiye kwandika maze noneho ibyo nabonye bikongera kungaragarira nk'uko nari nabyeretswe, bityo ngaherako nkandika mfite umudendezo. Rimwe na rimwe iyo nkiva mu iyerekwa, ibyo nabonye biranyihisha kandi sinshobore kubyibuka kugeza igihe ngereye imbere y'iteraniro rirebwa n'iryo yerekwa, maze nahagera

noneho ibyo neretswe bikaza mu ntekerezo zanjye bifite imbaraga. Nishingikiriza kuri Mwuka w'Uwiteka haba mu kuvuga cyangwa kwandika ibyo neretswe nk'uko biba no mu iyerekwa. Ntibinshobokera kwibuka ibintu neretswe keretse Uwiteka ari we ubigaruye mu bitekerezo byanjye iyo abonye ko bikwiriye ko mbivuga cyangwa nkabyandika. [37] UB1 28.2

Nubwo nishingikirije kuri Mwuka w'Uwiteka haba mu kwandika no kugezwaho ibitekerezo byanjye, amagambo nkoresha ndondora ibyo nabonye ni ayanjye, keretse gusa abaye ayo mbwiwe n'umumarayika. Bene ayo yo igihe cyose nyashyira hagati y'utwuguruzo n'utwugarizo ("…"). [38] UB1 28.3

Hari ikibazo kibazwa ngo: "Mbese mushiki wacu White amenya ate ibijyanye n'ingingo avuga ashimikiriye nk'aho afite ububasha bwo kuvuga ibintu nk'ibyo?" Mbivuga ntyo kubera ko iyo mpangayitse biza mu ntekerezo zanjye bimeze nk'umurabyo uturutse mu gicu cyijimye mu mugaru ukaze. Ibintu bimwe nabonye kera ntibyagumye mu ntekerezo zanjye, ariko igihe amabwiriza nahawe icyo gihe akenewe, rimwe na rimwe n'igihe mpagaze imbere y'abantu, ya mabwiriza nyibuka yumvikana kandi vuba vuba nk'umurabyo, akaza mu ntekerezo zanjye anyereka ingingo yihariye. Mu bihe nk'ibyo, sinshobora kureka kuvuga ibintu biza mu ntekerezo zanjye, bidatewe n'uko nagize iyerekwa rishya ahubwo ari uko ibyo neretswe mu myaka yashize byagarukanye imbaraga mu bitekerezo byanjye. [39]

Nta kuvuga ko utakwibeshya

Dufite amasomo menshi tugomba kwiga, kandi hari byinshi cyane tugomba kwikuramo. Imana n'abo mu ijuru bonyine ni bo badashobora kwibeshya cyangwa ngo bafudike. Abantu batekereza ko batazigera na rimwe bareka igitekerezo bakunda, ko batazigera bahindura igitekerezo, bene abo bazakorwa n'isoni. Igihe cyose dutsimbaraye ku bitekerezo byacu n'uko twumva ibintu tudakurwa ku izima, ntidushobora kugira ubumwe Kristo yadusabiye. [40] UB1 29.1

Ku byerekeranye no kwibwira ko umuntu atakwibeshya, nta na rimwe nigeze mvuga ko ntakwibesha; Imana yonyine ni yo itibeshya. Ijambo ryayo ni ukuri kandi muri yo nta mpinduka, cyangwa ishusho yo guhinduka. [41]

IBYEJEJWE N'IBISANZWE

Calfornia,
Werurwe 5, 1909

Ndahangayitse bitewe n'ibyerekeye umuvandimwe A wamaze imyaka myinshi ari umukozi muri Calfornia y'amajyepfo. Hari ibintu bimwe bidasanzwe yavuze, kandi mbabazwa no kubona ahakana ibihamya byose abitewe n'ibyo we abona ko ari uguhuzagurika. Ibyo ni ibyo navuze bijyanye n'umubare w'ibyumba biri mu ivuriro ryitwa Paradise Valley. Umuvandimwe A avuga ko mu ibaruwa nandikiye umwe mu bavandimwe wo mu majyepfa ya Calfornia, navuze ko iryo vuriro ryari rifite ibyumba 40 kandi mu by'ukuri ari 38 gusa. Ibi ni byo umuvandimwe A yubakiraho akabimpaho impamvu ituma yaratakarije ibihamya icyizere … UB1 29.3

Amakuru natanze ku byerekeranye n'umubare w'ibyumba by'ivuriro rya Paradise Valley ntabwo ari uguhishurirwa kwavuye ku Uwiteka ahubwo ni igitekerezo cy'umuntu. Ntabwo nigeze mpishurirwa umubare nyawo w'ibyumba biri mu mavuriro yacu ayo ari yo yose; kandi ibyo nagiye menya kuri ayo mavuriro nabimenye binyuze mu kubaza abantu bashoboraga kuba babizi. Mu magambo yanjye, igihe mvuga ku ngingo zisanzwe nk'izi, nta kintu na kimwe gikwiye gutera abantu kwizera ko ibyo namenye byavuye mu iyerekwa rikomotse ku Uwiteka kandi ko mbivuga nk'uko biri… UB1 29.4

Igihe Mwuka Muziranenge ahishuye ikintu icyo ari cyo cyose cyerekeranye n'ibigo bifitanye isano n'umurimo w'Uwiteka, cyangwa n'umurimo Imana ikora ku mitima y'abantu n'intekerezo zabo, nk'uko yabimpishuriye mu gihe cyashize, ubutumwa bwatanzwe bukwiriye gufatwa nk'umucyo utanzwe w'Imana ugenewe abawukeneye. Ariko kugira ngo umuntu avange ibyejejwe n'ibisanzwe ni ikosa rikomeye. Iyo tugenje dutyo, dushobora kubona umurimo w'umwanzi urimbura abantu. UB1 30.1

Umuntu wese Imana yaremye yamuhaye ibushobozi bwo kuyikorera, ariko Satani ashaka kugira ngo uyu murimo ukomerere uwukora akoresheje ibigeragezo bye bihoraho yifashisha ngo ayobye abantu. Satani akora ashaka kwijimisha imyumvire y'ibya Mwuka kugira ngo abantu badashobora gutandukanya ibisanzwe n'ibyera. Namenyeshejwe iri tandukaniro binyuze mu murimo nakoreye Umwami wanjye mu mibereho yanjye yose. . . UB1 30.2

Ubutumwa bwangezeho bumbwira buti: "Iyegurire umurimo ukomeye wigeze ushingwa abantu bapfa. Nzaguha ibitekerezo bihanitse n'imbaraga ndetse no gusobanukirwa neza umurimo wa Kristo. Ntabwo uri uwawe kuko waguzwe igiciro, waguzwe ubugingo n'urupfu by'Umwana w'Imana. Imana ikeneye umutima w'umwana wawe n'umurimo akora binyuze mu kwezwa na Mwuka Muziranenge." UB1 30.3

Ubwanjye, impagarike yanjye yose, niyeguriye Imana, niyemeza kubahiriza umuhamagaro wayo mu bintu byose, kandi kuva icyo gihe imibereho yanjye nayikoresheje mvuga ubutumwa, nkoresheje ikaramu yanjye no kuvugira imbere y'imbaga nini y'abantu. Ntabwo ibihe nk'ibyo ari jye ugenga amagambo n'ibikorwa byanjye. UB1 30.4

Ariko hari ibihe bimwe ibintu bisanzwe bigomba kuvugwa, ibitekerezo bisanzwe bikaba mu bwenge, amabaruwa asanzwe akandikwa n'amakuru yaherererekanyijwe ava ku mukozi umwe ajya ku wundi agatangwa. Ntabwo amagambo nk'ayo n'amakuru nk'ayo atangwa kubwo guhumeka kwihariye kwa Mwuka w'Imana. Rimwe na rimwe hari ibibazo bibazwa bidafitanye isano na hato n'iby'iyobokamana, kandi ibyo bibazo bigomba gusubizwa. Tuganira ku byerekeranye n'inzu n'ibibanza, ubucuruzi bugomba gukorwa, ahantu hagomba kubakwa ibigo byacu, ibyiza n'ibibi byabyo. UB1 30.5

Nabonye amabaruwa menshi y'abangishaga inama ku ngingo nyinshi zidasanzwe. Ntanga inama nkurikije umucyo nahawe. Incuro nyinshi abantu bagiye barwanya inama nabwiwe gutanga kubera ko batashakaga kwakira umucyo watanzwe, kandi ibyo byagiye bimbaho byanteye kurushaho kwiyegereza Uwiteka n'umutima wose. 42

IGICE CYA 3: INYIFATO KU BYEREKEYE IBIHAMYA

Ijambo ryavuzwe kera

Nabonye imiterere y'abantu bamwe bari bahagarariye ukuri kw'iki gihe nyamara bagahinyura amayerekwa ari bwo buryo rimwe na rimwe Imana yari yarahisemo kugira ngo yigishe abari barateshutse ku kuri kwa Bibiliya. Nabonye ko mu gihe barwanya iyerekwa, ntabwo barwanyaga umunyantege nke Imana yavugiragamo, ahubwo barwanyaga Mwuka Muziranenge. Nabonye ko kuvuguruza igikoresho [cy'Imana] cyari ikintu gito nyamara guha agaciro gake amagambo y'Imana biteje ingorane. Nabonaga ko niba bari barateshutse bigatuma Imana ihitamo kubereka kuyoba kwabo ibinyujije mu iyerekwa maze bagasuzugura inyigisho z'Imana inyuza mu iyerekwa, bari kurekwa bagakurikira inzira bihitiyemo, bagaca mu nzira y'ibinyoma kandi bagatekereza ko bari mu kuri kugeza ubwo bazabonera ko bibeshye nyamara bitagifite igaruriro. Kubw'ibyo, mu gihe cy'akaga nabumvise batakira Imana n'umubabaro mwinshi bavuga bati: "Kuki utatweretse amakosa yacu kugira ngo tube twarayakosoye bityo tube twiteguye muri iki gihe?" Umumarayika yabatunze urutoki maze aravuga ati: "Data yarigishije ariko ntimwemeye kwigishwa. Yavugiraga mu iyerekwa, ariko mwahinyuraga ijwi rye maze arabareka mukurikira inzira mwihitiyemo, mwuzura ibikorwa byanyu bwite." [43]

INYIGISHO NZIMA ZO MU MINSI YA NYUMA

Twagejejweho ibintu byinshi byerekeye imbaraga z'imico mbonera mu myaka mirongo itanu iheruka y'ikinyejana gishize. Binyuze muri Mwuka Muziranenge, ijwi ry'Imana ryakomeje kutuzaho kenshi mu miburo no mu nyigisho kugira ngo rihamye ukwizera kw'abizera gushikame mu Mwuka w'ubuhanuzi. Nakomeje kujya mbwirwa iri jambo ngo: "Andika ibintu naguhaye kugira ngo ukomeze ukwizera kw'abantu banjye bashikame mu mwanya barimo. Igihe n'ibigeragezo ntibyahinduye ubusa amabwiriza yatanzwe, ahubwo mu myaka myinshi yo kubabara no kwitanga, byashimangiye ukuri kw'ibihamya byatanzwe. Inyigisho nahawe mu minsi ya mbere y'ubutumwa

zikwiriye gufatwa nk'inyigisho nzima zigomba gukurikizwa muri iyi minsi iheruka. Abatitaye kuri uyu mucyo n'inyigisho ntibibwire ko bazarokoka imitego twamenyeshejwe mu buryo bugaragara ko izatuma abanze umucyo basitara, bakagwa maze bagafatwa mu mutego. Nituramuka twize igice cya kabiri cy'Abaheburayo twitonze, tuzamenya uburyo ari ingenzi ko dushikama ku ihame ryose ry'ukuri ryatanzwe. 44

IMYIFATIRE ITANDUKANYE YAVUZWE

Vuba bidatinze imbaraga zose zishoboka zizakoreshwa mu gutesha agaciro no kugoreka ukuri kw'ibihamya bya Mwuka w'Imana. Tugomba guhora dufite ubutumwa bwumvikana kandi budaca iruhande bwagiye bugera ku bwoko bw'Imana kuva mu mwaka wa 1846. UB1 32.1

Hazabaho abantu twigeze guhuza ukwizera bazashakisha inyigisho nshya kandi zidasanzwe, bashake ikintu kidasanzwe kandi gishingiye ku gutwarwa n'amarangamutima kugira ngo bacyigishe abantu. Bazazana inyigisho abantu benshi batekereza ko ari ukuri nyamara ari ibinyoma maze bazigishe nk'aho zivuye kuri Madame White, ibyo babikore bagamije kuyobya abantu… UB1 32.2

Abantu bafashe umucyo Uwiteka yatanze nk'ikintu gisanzwe, ntabwo bazagira icyo bungukira mu nyigisho bahawe. Hariho bamwe bazagoreka ubutumwa Uwiteka yatanze babusobanure nabi bakurikije ubuhumyi bwabo mu by'Umwuka. Bamwe bazareka kwizera kwabo kandi bahakane ukuri k'ubutumwa berekane ko ari ibinyoma.UB1 32.3

Bamwe bazahindura ukuri ibiseko, barwanye umucyo Imana yagiye itanga mu myaka myinshi, kandi bamwe b'abanyantegenke mu kwizera bazaherako bayobywe.UB1 32.4

Nyamara abandi bazafashwa bikomeye n'ubwo butumwa. Nubwo butazaba bugendereye umuntu ku giti, abo bantu bazakosorwa, banayoborwe ku kwirinda ibibi bizaba byavuzwe… Mwuka w'Uwiteka azaba ari muri izo nyigisho kandi gushidikanya kuri mu ntekerezo za benshi kuzavanwaho. Ibihamya ubwabyo ni byo bizaba urufunguzo rusobanura ubutumwa bwatanzwe nk'uko

ibyanditswe bisobanuzwa ibyanditswe bindi. Abantu benshi bazasoma ubutumwa bucyaha ikibi babishishikariye kugira ngo babashe kumenya icyo bakwiriye gukora ngo bakizwe…. Umucyo uzarasira ubwenge bwabo kandi uko ukuri kwa Bibiliya kuzigishwa mu buryo bwumvikana kandi bworoshye kunyujijwe mu butumwa Imana yakomeje kohererereza abantu bayo kuva mu mwaka wa 1846, Mwuka azagira icyo ukora ku ntekerezo z'abantu. Ubu butumwa bugomba kuzabona umwanya mu mitima y'abantu, kandi guhinduka kuzaherako kubeho. 45

AKAGA GATERWA NO KUJORA UBUTUMWA BWAHUMETSWE

Abantu bamwe baricara bagacira Ibyanditswe urubanza, bakavuga ko iri somo cyangwa ririya ritahumetswe, ibyo bakabiterwa n'uko ritajyanye n'uko batekereza. Ntibashobora kurihuza n'intekerezo zabo z'ubuhanga "n'ingirwabwenge" (1 Timoteyo 6:20). Abandi nabo bitewe n'impamvu zitandukanye bashidikanya ku bice bimwe by'ijambo ry'Imana. Uko ni ko benshi bagendera mu buhumyi bagaca mu nzira umwanzi yabateguriye. Ubu nta muntu uwo ari we wese ufite uburenganzira bwo gucira iteka Ibyanditswe ngo acire urubanza umugabane uwo ari wo wose w'Ijambo ry'Imana. Igihe hari umuntu wihaye gukora ibyo, Satani azamutegurira umwuka ahumeka uzadindiza gukura kwe mu by'umwuka. Igihe umuntu yiyumvisha ko ari umunyabwenge cyane ku buryo atinyuka kujora Ijambo ry'Imana, ubwenge bwe ku Mana bufatwa ko ari ubupfapfa. Igihe azi byinshi, azumva ko agomba kwiga ibintu byose kandi isomo rya mbere agomba kwiga ni uguhinduka umuntu wemera kwigishwa. Umwigisha Mukuru aravuga ati: "Munyigireho… kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima, namwe muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu." (Matayo 11:29). UB1 33.1

Yemwe abamaze igihe mwiyigisha kandi mwigisha n'abandi mu mwuka wo kunenga no kuregana, mwibuke ko muri kwigana urugero rwa Satani. Igihe mubonye bihuje n'imigambi yanyu, mufata ibihamya nk'aho mubyizera, mukabikuramo amagambo amwe mukoresha kugira ngo mushyigikire ingingo iyo ari yo yose mwifuza ko yahabwa agaciro. Ariko se bimera bite igihe hatanzwe umucyo wo gukosora amafuti yanyu? Mbese icyo gihe mwemera uwo

mucyo? Iyo ibihamya bivuze ibinyuranya n'intekerezo zanyu mubifata mu buryo bworoheje cyane. UB1 33.2

Ntihakagire umuntu ubiba ijambo ryo gushidikanya hirya no hino rishobora gukora nk'uburozi ku bandi bantu, ngo rinyeganyeze icyizere bafitiye ubutumwa Imana yatanze bwafashije mu gushyiraho umusingi w'uyu murimo, kandi bwawufashije kugeza muri iki gihe bukoresheje gucyaha, imiburo, gukosora no gutera ubutwari. Abantu bose batambamiye ibihamya ndifuza kubamenyesha ko Imana yahaye abantu bayo ubutumwa, kandi ijwi ryayo rizumvikana, mwaryumva cyangwa mwarisuzugura. Kurwanya kwanyu ntacyo kwantwaye; ariko mugomba kuzabibazwa n'Imana yo mu ijuru yohereje iyi miburo n'inyigisho kugira ngo abantu bayo bakomeze kugendera mu nzira y'ukuri. Muzisobanura kuri yo ku bijyanye n'ubuhumyi bwanyu no kuba mwarabaye ibuye risitaza (intaza) mu nzira y'abanyabyaha. UB1 33.3

"Nimusange amategeko y'Imana n'ibiyihamya. Nibatavuga ibihwanye n'iryo jambo nta museke uzabatambikira." (Yesaya 8:20). Ndetse n'umurimo Mwuka Muziranenge akorera mu mutima ugomba gusuzumishwa Ijambo ry'Imana. Igihe cyose Mwuka wahumetse Ibyanditswe ayobora abantu ku Byanditswe. 46

Ubutumwa bwahumetswe bwakoreshejwe nabi.

Umuntu umwe, witwa B yavuye i Michigan azaniye mushiki wacu White ubutumwa budasanzwe. Yavuze ko Ellen White yashyizweho n'Imana kugira ngo abe mu mwanya wari uwa Mose, kandi ko we , B, yagombaga gufata umwanya wa Yosuwa. Uko ni ko umurimo wagombaga gukorwa. Umurimo wa mushiki wacu Ellen White wagombaga guhuzwa n'umurimo we maze tugaherako tukamamaza ukuri dufite imbaraga. UB1 34.1

Nk'uko abandi benshi bakoze, uyu muntu yihaye umudendezo wo kuvanga Ibyanditswe byinshi n'ubutumwa bwe, akandukura amasomo yakoresheje ku Badiventisiti b'umunsi wa karindwi. Igihe cyose namaze nkora umurimo abantu benshi nk'abo bagiye bahaguruka. Bagiye batoranya kandi bagatondeka amagambo yo mu Byanditswe bakoreshaga nk'ahuje n'ubwoko bw'Imana.

Bwana B yasomye amasomo yari yaratoranyije, aranguruye n'ijwi rirenga akavuga ko ubwo butumwa butureba nk'ubwoko bw'Imana. Yavuze ko ngomba kubona ko afite ukuri nk'aho atari Bibiliya yasomaga. UB1 34.2

Naravuze nti: "Yego, watoranyije kandi ukomatanya ibi byanditswe, ariko nk'abandi bantu benshi bigeze guhaguruka, urarwanya Ibyanditswe, ubisobanura mu buryo ubu n'ubu mu gihe nzi yuko bidakoreshwa nk'uko ubikoresha. UB1 34.3

"Wowe cyangwa undi muntu wese wayobejwe ashobora kuba yaratondetse Ibyanditswe bimwe bikomeye maze kandi akaba yarabikoresheje mu buryo buhuje n'ibitekerezo byawe bwite. Umuntu uwo ari we wese yashoboraga gukoresha Ijambo ry'Imana uko bidakwiye, akikoma abantu n'ibintu noneho rero agafata icyemezo avuga ko abantu banze kwakira ubutumwa bwe banze ubutumwa bw'Imana kandi ko bifatiye umwanzuro ku iherezo ryabo ry'iteka ryose…." UB1 34.4

Mpereye ku mabaruwa atandukanye yagiye angeraho, mbona ko igihe abantu nka B, bavuga ko boherejwe n'Imana, basanze abantu bari kure cyane cyangwa hafi y'abantu bacu, aba bantu baba biteguye kwakira ikintu icyo ari cyose kigaragara ko cyakomotse mu ijuru. Mbona amabaruwa menshi ansaba igusubizo; nzi yuko abantu benshi bafata ibihamya Uwiteka yatanze maze bakabikoresha uko bo bibwira byari bikwiriye gukoreshwa, bakura interuro imwe hano indi bakayikura hariya, bakayikura mu mwanya wayo nyawo maze bakawukoresha mu buryo buhuje n'ibitekerezo byabo bwite. Uko ni ko abantu badasobanukiwe bashyirwa mu rujijo, mu gihe iyo basoma ibyatanzwe byose kuri gahunda, bajyaga kumva ubusobanuro bwabyo nyakuri bityo ntibibatere urujijo. Ibyinshi byitirirwa ko ari ubutumwa bwa mushiki wacu Ellen White, bikoreshwa mu mugambi wo gusebya mushiki wacu White, bamutera guhamya ibintu bidahuje n'ibitekerezo bye cyangwa uburyo abona ibintu. Ibi bituma umurimo we utera ibibazo cyane. Inkuru zerekeye ibyo mushiki wacu White yavuze zihererekanywa ziva ku muntu umwe zijya ku wundi. Igihe cyose inkuru isubiwemo barayikabya. Niba mushiki wacu White afite ikintu icyo ari cyo cyose ashaka kuvuga, mureke akivuge. Nta n'umwe uhamagarirwa kuba umuvugizi wa mushiki wacu White… Nyamuneka nimureke mushiki wacu White yitangire

ubutumwa bwe bwite. Buzumvikana neza bumuturutseho kuruta uko bwatangwa n‘undi muntu. . [47]

GUSHIDIKANYA IBIHAMYA [48]

Igihe mubonye abantu bashidikanya ku gaciro n’ukuri kw’Ibihamya, babinenga kandi bashaka kubyangisha abantu, mumenye neza ko Imana atari yo ikorera muri abo bantu, ahubwo ni undi mwuka. Gushidikanya no kutizera byahawe icyicaro n’abatagenda biteze guhura n’ibibarushya. Bafite ubwoba yuko imibereho yabo itazatsinda isuzuma rya Mwuka w’Imana, yaba ivugira mu Ijambo ryayo cyangwa mu bihamya bya Mwuka wayo bishobora kuberekeza ku Ijambo ryayo. Aho gutangirira ku mitima yabo bwite ngo bagendere ku mahame atunganye y’ubutumwa bwiza, banenga kandi bagaciraho iteka uburyo Imana yatoranyije ngo itegure abantu bakwiriye kuzahagarara badatsinzwe ku munsi w’Uhoraho. UB1 35.1

Nimureke ushidikanya abeho, wa wundi udashaka ko ihame rya Bibiliya rigorora imibereho ye, wa wundi ushaka gushimwa na bose, maze murebe uburyo bidatinze itsinda ry’abantu banyuranya n’umurimo w’Imana bazajya iruhande. Abantu bahindutse kandi bashikamye mu kuri, ntibazagira ikintu na kimwe gishimishije cyangwa cy’ingirakamaro babona mu guhindura cyangwa mu kwigisha kwa bene uwo ushidikanya ibihamya. Ariko abafite imico yangiritse, bafite amaboko yanduye n’imitima itejejwe, abo ingeso z’imibereho yabo zitaboneye, batari abiringirwa imuhira, cyangwa batizerwa mu bikorwa — aba bose bazishimira ibitekerezo bishya bagejejweho. Abantu bose baramutse babishatse babona igipimo nyakuri cy’umuntu ushidikanya ibihamya ndetse na kamere y’inyigisho ze babirebeye ku mico y’abayoboke be. UB1 35.2

Muri rusange abantu bafite ibintu byinshi cyane banenga ibihamya, ni abatarabisomye, kimwe n’uko abirata ko batizera Bibiliya ari abafite ubumenyi buke ku byo yigisha. Bazi ko ibaciraho iteka, bityo kuyirengagiza bikabaha kumva bafite umutekano mu nzira y’icyaha barimo. UB1 35.3

Imbaraga ireshya y’ubuyobe

Mu buyobe no kutizera hari ikintu kijijisha kandi kikayobya intekerezo. Kunenga, gushidikanya no guha intebe kutizera kugira ngo twerekane ko nta kosa dufite mu guteshuka inzira itunganye, ni ikintu cyoroshye cyane kuruta gutunganya ubugingo binyuze mu kwizera no kumvura ukuri. Ariko igihe habayeho imbaraga nziza iyobora umuntu ku kwifuza kugaruka, asanga yarafatiwe mu ruzitiro rwa Satani nk'uko isazi iba iri mu mutego w'igitagangurirwa, ku buryo bigaragara ko kugerageza kuhikura ari ukurushwa n'ubusa, kandi ntibimworohera kwikura mu mutego umwanzi gica yamuteze. UB1 36.1

Igihe abantu bigeze kwemera gushidikanya no kutizera ibihamya bya Mwuka w'Imana, bagwa mu gishuko gikomeye cyo kuyoboka ibitekerezo bavugiye imbere y'abandi. Inyigisho zabo n'imyumvire yabo bibudika mu ntekerezo nk'igicu cya rukokoma, kikabuza kwinjira umurasire wose uhamya ukuri. Gushidikanya guhawe icyicaro binyuze mu kwirengagiza, ubwibone cyangwa gukunda ibikorwa bibi, bizirika ku bugingo iminyururu itemera gucika. Kristo wenyine ni we ushobora gutanga imbaraga ikenewe yo guca iyo minyururu. UB1 36.2

Ibihamya bya Mwuka w'Imana bitangirwa kuyobora abantu ku Ijambo ryayo ryagiye ryirengagizwa. Iyo ubutumwa Ibihamya bitanga butumviwe, Mwuka Muziranenge akingiranirwa kure y'ubugingo. None se ni ubuhe buryo bundi Imana izigamye kugira ngo igere ku bayobagurika kandi ngo ibereke uko bameze by'ukuri? UB1 36.3

Amatorero yakunze ibintu bica abantu intege mu kwizera ibihamya, usanga afite intege nke kandi agwaguza. Abagabura bamwe bakorera kugira ngo bikururireho abantu ubwabo. Igihe hari umwete ukoreshejwe kugira ngo hakosorwe ikosa iryo ari ryo ryose muri abo bagabura, bihagararaho bavuga bati: "Itorero ryanjye ryemera ibyo nkora." UB1 36.4

Yesu yavuze ko umuntu wese ukora ibibi, yanga umucyo, nta nubwo agendera mu mucyo kugira ngo ibyo akora bitagaragara. Muri iki gihe hari benshi bakurikira inzira nk'iyi. Mu bihamya havugwamo neza ibyaha nyirizina bibahama bakora, ni yo mpamvu batifuza kubisoma. Hariho abantu bagiye baburirwa kandi bagacyahwa binyuze mu bihamya kuva bakiri bato; ariko se

baba baragendeye mu mucyo kandi bakisubiraho? Ntibyigeze bibaho. Baracyakomeje gukora ibyaha bakoraga; kandi baracyafite za nenge mu mico yabo. Ibyo bibi bagundiriye byonona umurimo w'Imana kandi bikangiriza amatorero. Umurimo Uwiteka yagombaga gukora kugira ngo ashyire amatorero kuri gahunda ntukorwa bitewe n'uko abizera bihariye (abayobozi b'umukumbi by'umwihariko) ntibashaka gukosorwa. UB1 36.5

Kenshi hari umuntu uvuga ko yemera ibihamya, mu gihe nta mpinduka bitera mu mibereho ye cyangwa mu mico ye. Amakosa ye arushaho gukomera kubwo kumva ko nta kosa afite, kugeza ubwo nyuma yo gucyahwa kenshi maze akanga kumvira imiburo, atakaza imbaraga yo kwitegeka maze akarushaho kwinangira mu gukora ibibi. Iyo ananiwe akagira intege nke, nta mbaraga ziganisha ku byiza abona ngo zirushe ubushobozi ibidatunganye byo mu mico ye atabashije gutsinda. Ibyo bidatunganye ni byo bihinduka ingingo zikomeye cyane yishingikirizaho, maze agatsindwa na byo. Bityo, musuzume maze umubaze uti: " Mbese ntabwo mu myaka yashize Imana yacyashye iyi myitwarire mibi mu mico yawe ikoresheje ibihamya?" Azasubiza ati: "Yego, nabonye ubuhamya bwanditswe bumbwira ko ntari mu kuri muri ibi bintu." "None se kuki utakosoye izi ngeso mbi?" Azasubiza ati: "Natekerezaga ko uwancyagaha yari yaribeshye; nemeraga icyo nashoboraga kubona; kandi icyo ntashoboraga kubona navugaga ko cyabaga ari igitekerezo cy'uwangezagaho ubutumwa bwo gucyaha. Ntabwo nemeye uko gucyahwa." UB1 36.6

Rimwe na rimwe amakosa nyirizina yo mu mico, Imana yifuzaga ko abagaragu bayo bayabona kandi bakayakosora nyamara bakanga kuyabona, yagiye ahitana ubugingo bw'abo bantu. Bagombaga kuba barabaye imiyoboro icishwamo umucyo. Imana yashakaga ko babaho, yanabohererezaga inyigisho mu butungane kugira ngo bakomeze kugumana imbaraga zabo z'umubiri n'iz'ubwenge ngo bayikorere umurimo yishimira. Iyo baba baremeye inama y'Imana, bakaba icyo Imana yifuzaga ko baba cyo, bari kuba abakozi bashoboye mu gutuma umurimo wo kwamamaza ukuri utera imbere, bakaba abantu bakomeye mu rukundo no kugirirwa icyizere mu bantu bacu. Ariko basinziriye mu mva kubera ko batigeze babona ko Imana yari ibazi neza kurusha uko ubwabo bari biyizi. Ibitekerezo by'Imana ntabwo ari byo bitekerezo byabo ndetse ntabwo n'inzira zayo ari nk'izabo. Aho bagiye bakorera hose, abo bantu

babogamye, bagiye bagoreka umurimo. Amatorero bayoboraga yagiye acibwa intege mu buryo bukomeye. UB1 37.1

Imana icyaha abantu kubera ko ibakunda. Ishaka ko bakomera mu mbaraga zayo, kugira ngo bagire intekerezo zishyitse n'imico itunganye; bityo rero bazabera umukumbi w'Imana urugero, bawuyoboza itegeko n'urugero rwegereye urw'ijuru. Kubw'ibyo bazubaka ingoro yera y'Imana. [49] UB1 37.2

Gusoma ibihamya ushakisha urwitwazo

Abantu bamwe badashaka kwakira umucyo, ahubwo bifuza kugendera mu nzira bihitiyemo, bazasoma ibihamya kugira ngo babikuremo ikintu gishyigikira umwuka wo kutizera no kutumvira. Uko ni ko umwuka wo kwirema ibice uzinjira; kubera ko umwuka ubayobora mu kunenga ibihamya ari na wo uzabatera kugenzura bagenzi babo kugira ngo babone uko babaciraho iteka. [50] UB1 37.3

Ikinyoma cya Satani giheruka.

Satani akomeza kungikanya ibinyoma nyamara bitagaragara ko ari byo kugira ngo ateshure abantu ku kuri. Ikinyoma giheruka cya Satani kizaba icyo gutesha agaciro ibihamya bya Mwuka w'Imana. "Aho guhishurirwa kutari abantu bigira ibyigenge" (Imigani 29:18). Satani azakorana ubuhanga bwinshi kandi akorere mu buryo butandukanye n'abantu batari bamwe kugira ngo ahungabanye icyizere ubwoko bw'Imana bwasigaye bufitiye ibihamya nyakuri. [51] UB1 38.1

Hazabaho urwango Satani azenyegereza kurwanya ibihamya. Ibikorwa bya Satani bizaba ibyo guhungabanya uko amatorero yizera ibihamya kubera iyi mpamvu: Satani ntashobora kubona inzira igaragara yacamo kugira ngo yinjize ibinyoma bye kandi ngo ahambirire abantu mu buyobe bwe igihe imiburo, gucyaha n'inama za Mwuka w'Imana byumviwe. [52]

KONGERA GUTEKEREZA KU MURIMO

Ivuriro, California,
8 Nyakanga 1906

Muvandimwe nkunda,

Hariho abantu bamwe batekereza ko bashoboye kugenzura imiterere y'umurimo Uwiteka yampaye gukora kandi bakaba bamenya n'agaciro kawo. Ubwenge bwabo bwite n'imyumvire yabo ni byo rugero ngenderwaho bifashisha mu kugenzura ibihamya. UB1 39.1

Uwampaye amabwiriza yarambwiye ati: "Bwira abo bantu ko Imana itabashinze umurimo wo gusuzuma, gushyira mu rwego runaka no gusobanura imiterere y'ibihamya. Abagerageza gukora ibyo uko byagenda kose bagera ku myanzuro y'ubuyobe. Uwiteka yifuza ko abantu bakomeza gushikama bagakora umurimo bashinzwe. Nibakomeza kugendera mu nzira y'Uwiteka, bazashobora kumenya neza ko umurimo Uwiteka yanshinze gukora atari umurimo wateguwe n'umuntu. UB1 39.2

Abasoma ibihamya babyitondeye nk'uko byari bimeze mu minsi ya mbere, ntibazahangayika bibaza inkomoko yabyo. Ibitabo byinshi byanditswe kubw'ubufasha bwa Mwuka w'Imana, bifite igihamya gihoraho cyerekana imiterere y'ibihamya. UB1 39.3

Mu minsi ya mbere yo kwamamaza ubutumwa, incuro nyinshi Mwuka w'Imana yajyaga aza kuri bamwe muri twe igihe twabaga duteranye, maze nanjye nkajya mu iyerekwa. Uwiteka yampaye umucyo n'igihamya, ampa guhumurizwa, ibyiringiro n'ibyishimo ku buryo ishimwe rye ryari riri ku minwa yacu. UB1 39.4

Gufashwa b'abize indimi.

Igihe umugabo wanjye yari akiriho, yakoraga ari umufasha n'umujyanama mu kohereza ubutumwa nahabwaga. Twakoraga ingendo nyinshi cyane. Rimwe na rimwe nahabwaga umucyo ari nijoro, ubundi bikaba ari ku manywa ndi

imbere y’iteraniro rinini. Ubwo nabaga mfite igihe n’imbaraga byo gukora umurimo, ni jye ubwanjye wiyandikiraga amabwiriza nahererwaga mu iyerekwa ntacyo mpinduye. Nyuma y’aho twasuzumiraga hamwe ibyo nanditse, umugabo wanjye agakosora amakosa y’ikibonezamvugo kandi agakuramo amagambo adakenewe gusubirwamo. Iyo ibyo byabaga birangiye, ubwo butumwa bwandukurwaga mu bwitonzi bukohererezwa abo bugenewe, cyangwa ku icapiro. UB1 39.5

Uko umurimo wagukaga, hari abandi bamfashaga mu gutegura inyandiko zagombaga gushyirwa ahagaragara. Nyuma y’urupfu rw’umugabo wanjye, hari abafasha b’abizerwa bansanze, bakoraga ubudacogora umurimo wo kwandukura ibihamya no gutegura ingingo zagombaga gushyikirizwa abasomyi. UB1 40.1

Ariko inkuru zagendaga zikwirakwizwa ko uwo ari we wese mu bamfashaga yari afite uburenganzira bwo kugira icyo yongeraho cyangwa agahindura ubusobanuro bw’ubutumwa nandikaga. Izo nkuru ntabwo ari ukuri. UB1 40.2

Igihe twari turi muri Australia, Uwiteka yambwiye ko W.C White akwiriye kuruhurwa imitwaro myinshi abavandimwe be mu kwizera bamwikorezaga kugira ngo arusheho kugira umwanya uhagije wo kumfasha mu murimo Uwiteka yanshinze. Isezerano ryari ryaratanzwe rivuga riti: “Nzamushyiramo Mwuka wanjye, kandi muhe ubwenge.” UB1 40.3

Kuva igihe nagarukiye muri Amerika, namenyeshejwe kenshi ko Uwiteka yampaye W.C White kugira ngo ambere umufasha, kandi ko muri uyu murimo, Uwiteka azamuha ku Mwuka we. UB1 40.4

Igihe gikwiriye n’uburyo bwo kuvuga.

Kugira ngo umenye igihe gikwiriye n’uburyo nyabwo bwo kuvuga ubutumwa wahawe, bisaba ubwenge bwinshi n’imitekerereze mizima kandi biyobowe na Mwuka w’Imana. Igihe intekerezo z’abantu bacyahwa ziri mu buyobe bukomeye, ubusanzwe barwanya ubuhamya bahabwa, kandi iyo bamaze gufata umwuka wo kwinangira, nyuma birabakomerera kuba bakwemera ko bari mu buyobe. UB1 40.5

Mu itangira ry’uyu murimo, igihe bamwe mu bavandimwe dusangiye kwizera b’abayobozi babaga bahari, ubwo ubutumwa bwavaga ku Uwiteka bwatangwaga, byabaga ngombwa ko tubagisha inama ku byerekeye uburyo bwiza cyane bwo kugeza amabwiriza ku bantu. Rimwe na rimwe hafatwaga umwanzuro ko ingingo zimwe zidakwiriye gusomerwa imbere y’iteraniro. Rimwe na rimwe ababaga barakoze amakosa baragacyahwaga, basabaga ko ingingo zerekana amakosa yabo n’ingorane ateza byasomerwa imbere y’abandi kugira ngo n’abandi nabo babyungukireho. UB1 40.6

Akenshi nyuma yo gusoma ibihamya byacyahaga abantu, habagaho kwicuza kuvuye ku mutima. Iyo ibyo byabaga birangiye, twafanyirizaga hamwe gusenga maze Imana ikagaragariza ubuntu bwayo butanga imbabazi ku babaga batuye ibyaha byabo. Kwemera ibihamya kwazanaga umugisha ukomeye w’Imana mu materaniro yacu.UB1 40.7

Mu buryo butunganye, uko ibihe byagiye bisimburana, nashishikariraga kwandika ibyo nahabwaga n’Umujyanama wo mu ijuru. Ibice bimwe by’ibyo nandika bihita byoherezwa kugira ngo bimare ubukene buri mu murimo. Ibindi bice birabikwa kugeza ubwo hari ibyabagaho bikangaragariza ko igihe cyo kubikoresha kigeze. Rimwe na rimwe hari ubwo mu bagabura n’abaganga babaga bafite inshingano habonekaga umwuka wo gusuzugura ibihamya. Kubw’ibyo nahabwaga amabwiriza ko ntakwiriye gushyira ibihamya mu biganza byabo; kubera ko kuba barakiriye umwuka wagerageje kandi ugatsinda Adamu na Eva, babaga bakinguye ubwenge bwabo n’umutima wabo kugira ngo bigengwe n’umwanzi. Kubera ko babaga bari mu nzira mbi kandi bakora bayobowe n’imitekerereze y’ubushukanyi, bari gusoma mu bihamya ibintu bitarimo, ahubwo bihuje n’imvugo z’ibinyoma bumvise. Mu gusoma ibihamya mu mucyo wabo bwite, bagwa mu gishuko kandi bakabeshya abandi. UB1 41.1

Rimwe na rimwe, nyuma yo kubona ibintu neza uko bimeze, nandikaga amagambo yo gucyaha akaba abitswe igihe runaka kugeza ubwo nabaga maze gushishikarira guhindura umwuka w’abo bireba ku giti cyabo. Igihe uwo muhati utageraga ku ntego, ubwo butumwa ndetse n’imbaraga zabwo zo gucyaha cyangwa guhana bwohererezwaga abo bantu bakabwumva cyangwa bagahakana ukuri kwabwo. UB1 41.2

Igihe bene amakosa yabaga yavuzwe baturaga ibyaha byabo bakihana, imbagara z'umwanzi zashoboraga kumenagurika. Igihe bihannye bakareka ibyaha byabo, Imana ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kubababarira ibyaha byabo no kubezaho gukiranirwa kose. Kristo, Umucunguzi ubabarira icyaha, azabambura imyenda yanduye, abaguranire maze abahe umwambaro mwiza, kandi abambike igitambaro cyiza ku mutwe wabo. Ariko igihe cyose banze kuva bicumuro, ntibashobora kugira imico izahagarara idatsinzwe ku munsi ukomeye w'urubanza. UB1 41.3

Kenshi nerekwa ibibi bihishwe mu mibereho y'abantu kandi nkasabwa gutanga ubutumwa bwo gucyaha n'imbuzi. Nabwiwe yuko abantu benshi bumvira inyigisho z'ibinyoma z'umwanzi bazamagana umurimo wanjye bakavuga ko ari uw'umuhanuzi w'ibinyoma, kandi ko bazasobanura ibihamya bagamije guhindura ukuri kw'Imana mo ibinyoma. Satani arateze kandi abantu bamwe bakoreshejwe n'Uwiteka mu bihe byashize bagakora umurimo we nyamara bakaba baremeye gushukwa, bazahagurukira kugoreka ubutumwa bwatanzwe. Kubera ko badashaka gutega amatwi amagambo abacyaha, kandi kuko badashaka kugirwa inama ngo bakosore imikorere yabo ngo bakore umurimo bashinzwe, bazagoreka ubutumwa bwagenewe itorero maze bashyire abantu benshi mu rujijo. UB1 41.4

Nubwo bimeze bityo, ngomba kuvuga ubutumwa nahawe kuvuga igihe cyose Uwiteka azahitamo. Ntabwo Uwiteka yampaye umurimo wo gukuraho kudasobanukirwa neza kose kuri mu mitima itizera. Mu gihe urugi ruzaba rukinguriye kwakira ibyongorerano by'umushukanyi, ingorane ziziyongera. Imitima y'abatazakira umucyo ifunguriwe kwakira kutizera. Niba igihe cyanjye n'imbaraga zanjye bishirira mu bibazo nk'ibyo, ibyo byaba bisohoza imigambi ya Satani. Uwiteka yarambwiye ati: "Tanga ibihamya. Ntabwo umurimo wawe ari uwo gukemura ingorane, umurimo wawe ni uwo gucyaha no kwerekana ubutungane bwa Kristo." UB1 42.1

Ikintu kidasanzwe.

Igihe kimwe mu minsi ya mbere yo kwamamaza ubutumwa, uwitwa Burtler n'uwitwa Hart baguye mu rujijo ku byerekeranye n'ibihamya. Baraboroze kandi

barirana umubabaro mwinshi, ariko mu gihe runaka ntibashoboraga gutanga impamvu zo guhangayika kwabo. Nyamara, ubwo bahatirwaga kuvuga impamvu y'amagambo n'imyitwarire yabo bitarangwamo kwizera, Hart yavuze yerekeza ku gatabo gato kari karanditswe karimo amayerekwa ya Ellen G. White, maze avuga ahamya ko azi neza ko hari amayerekwa amwe atarimo. Aba bagabo bombi bavugiye imbere y'imbaga y'abantu bashimangira bahamya ko nta cyizere bafitiye ako gatabo. UB1 42.2

Umugabo wanjye yoherereje Hart agatabo maze amusaba gusoma ibyari byanditswe ku rupapuro rubanza. Yahasomye aya magambo ngo: "Inkuru ngufi y'Imibereho ya Gikristo n'Ibitekerezo bya Madame Ellen G. White." UB1 42.3

Habayeho guceceka mu gihe runaka, maze umugabo wanjye asobanura ko twagize ubushobozi buke cyane tukabasha gucapa ubwa mbere agatabo gato gusa, kandi asezeranira uwo muvandimwe ko igihe ubushobozi buhagije buzabonekera, amayerekwa azandikwa agacapwa mu buryo bwuzuye bw'igitabo. UB1 42.4

Butler yarafashijwe cyane maze ubwo busobanuro bumaze gutangwa aravuga ati: "Reka twicishe bugufi imbere y'Imana." Hakurikiyeho amasengesho, amarira no kwihana tutigeze twumva. Butler yaravuze ati: "Muvandimwe wanjye White, mbabarira; natekereje ko mwaduhishaga umucyo umwe twagombaga kubona. Nawe mushiki wanjye Ellen White, mbabarira." Nuko rero imbaraga y'Imana yamanukiye iteraniro mu buryo butangaje. 54

UMURIMO N'ABAFASHA

Ivuriro, California,
Ugushyingo 23, 1907

Muvandimwe wanjye nkunda [FM] Wilcox:
Nabonye kandi nasomye ibaruwa yawe uherutse kohereza. Ku byerekeye mushiki wacu utekereza ko yatoranyirijwe kujya mu mwanya wa mushiki wacu White, mfite icyo nifuza kuvuga ari cyo iki: Ashobora kuba yumva afite ukuri, nyamara mu by'ukuri yarashutswe. UB1 43.1

Hagiye gushira umwaka umugabo wanjye apfuye, nagize intege nke cyane, kandi byatekerezwaga ko nsigaje igihe gito cyo kubaho. Mu materaniro makuru y'i Healdsburg, najyanywe mu ihema ahari hateraniye benshi mu bantu bacu. Nasabye ko banyegura bakankura aho nari ndyamye bakamfasha kugera ku ruhimbi rw'umubwiriza kugira ngo mbashe kugira amagambo make mvuga yo gusezera ku bantu. Igihe nageragezaga kuvuga, imbaraga y'Imana yaramanukiye ituma nkomeza kuvuga. Abantu benshi muri iryo teraniro babonaga ko mfite intege nke kandi ko mu maso hanjye n'ibiganza byasaga n'ibitarimo amaraso, ariko ntangiye kuvuga babonye iminwa yanjye no mu maso hahinduye ibara, maze bamenya ko hari igitangaza kiri kunkorerwa. Nahagaze imbere y'abantu nkize mperako mvugana umudendezo. UB1 43.2

Nyuma y'ibyo, nagejejweho umucyo umenyesha ko Uwiteka yampagurukirije kugira ngo muhamye mu bihugu byinshi, kandi ko azangirira ubuntu akampa n'imbaraga zo gukora uwo murimo. Neretswe kandi yuko umuhungu wanjye, W.C White, akwiriye kumfasha akambera n'umujyanama ndetse ko Uwiteka azamwambika umwuka w'ubwenge n'intekerezo nzima. Neretswe ko Uwiteka azamuyobora kandi ko atazigera ayoba kubera ko azazirikana kuyoborwa no gufashwa na Mwuka Muziranenge.UB1 43.3

Nahawe iri sezerano rivuga riti: " Ntabwo uri wenyine mu murimo Imana yagutoranyirije gukora. Uzigishwa n'Imana ukuntu uzavuga ukuri uri imbere y'abantu mu buryo bworoshye. Imana y'ukuri izagukomeza, kandi uzahabwa icyemezo kidashidikanywaho ko ari yo ikuyoboye. Imana izaguha kuri Mwuka Muziranenge, kandi ubuntu bwayo, ubwenge n'imbaraga yo kukurinda bizabana nawe … UB1 43.4

"Uwiteka azakubera umwigisha. Uzahura n'ibishukana by'uburyo bwinshi, bizaza mu buryo bwinshi, mu nyigisho zivuga ko Imana iba mu bintu byose n'ubundi buryo bw'ubuhemu; ariko uzakurikire inzira nzakuyobora bityo uzagira amahoro. Nzashyira Mwuka wanjye ku muhungu wawe, kandi nzamuha imbaraga zo gukora umurimo ahamagarirwa. Afite umutima wo kwicisha bugufi. Uwiteka yamutoranyiriye kugira uruhare rukomeye mu murimo We. Ni yo mpamvu yavutse." UB1 43.5

Iri jambo naribwiwe mu 1882, kandi kuva icyo gihe nemejwe ko umuhungu wanjye yahawe umutima w'ubwenge. Vuba ahangaha, igihe nari mpangayitse, Uwiteka yaravuze ati: "Naguhaye umugaragu wanjye, W.C. White, kandi nzamuha ubwenge kugira ngo abe umufasha wawe. Nzamuha ubuhanga no gusobanukirwa kugira ngo akorane ubwenge. UB1 43.6

Uwiteka yampaye abandi bafasha b'indahemuka mu murimo wanjye. Byinshi mu byo nagiye mvuga byaranditswe maze bishyikirizwa abantu mu nyandiko. Mu gihe cy'imibereho yanjye hafi ya cyose, umunsi ku wundi nashishikariraga kwandika ibyo nahishuriwe mu mayerekwa ya nijoro. Ubutumwa bwinshi butanga inama, gucyaha no gutera ubutwari, bwohererejwe abantu ku giti cyabo, kandi byinshi mu mabwiriza nahawe kugira ngo ashyikirizwe itorero, byashyizwe mu nyandiko zasohokaga nyuma y'igihe runaka ndetse n'ibitabo kandi byakwirakwijwe mu bihugu byinshi…. UB1 44.1

Umurimo urakomeza gutera imbere. Turi gukorana umwete mwinshi kugira ngo inyandiko zanjye zigere ku bantu. Twiringiye ko ibitabo bishya byinshi bizajyanwa mu icapiro vuba aha. Niba ntashoboye gukora, abakozi banjye bizerwa biteguriye gukomeza umurimo. UB1 44.2

Inyandiko zanjye zizakomeza kuvuga.

Muri ibi bihe biheruka, umucyo uhagije wagejejwe ku bantu bacu. Ubuzima bwanjye bwakomeza kubaho cyangwa ntibubeho, inyandiko zanjye zizakomeza kuvuga, kandi umurimo wazo uzakomeza igihe cyose isi izaba ikiriho. Inyandiko zanjye zibitswe mu bubiko mu biro, ndetse nubwo naba ntakiriho, aya magambo nahawe n'Uwiteka azakomeza kubaho no kuvugana n'abantu. Ariko ndacyafite imbaraga kandi niringiye gukomeza gukora umurimo munini ufite akamaro. Nshobora kugeza ku kugaruka k'Umwami nkiriho; ariko bitanabaye, nizeye ko bizamvugwaho ko: "Hahirwa abapfa bapfira mu Mwami wacu." "Umwuka nawe aravuga ati: 'Yee, ngo baruhuke imihati yabo, kuko imirimo yabo ijyanye nabo ibakurikiye." (Ibyah. 14:13) ….. UB1 44.3

Ndashima Imana kubw'isezerano ry'urukundo rwayo yampaye, kandi ko nyoborwa nayo buri munsi. Mpugiye cyane mu kwandika. Mu gitondo kare ndetse no mu gicuku nandika ibyo Uwiteka anyeretse. Umutwaro mfite mu

murimo wanjye ni ugutegura abantu bazahagarara badatsinzwe ku munsi w'Uwiteka. Isezerano rya Kristo ni iry'ukuri. Igihe si kirekire. Tugomba gukora, tukaba maso kandi tugategereza Umwami Yesu. Duhamagarirwa gushikama, tutanyeganyega, dushishikarira gukora umurimo w'Umwami. Ibyiringiro byacu byose bishingiye kuri Kristo. UB1 44.4

Mbese abantu bacu bareba ibyabaye, iby'ubu ndetse n'ibizaza nk'uko bigaragarira ab'isi? Mbese bumvira ubutumwa bw'imbuzi bahabwa? Mbese ubu duhangayikishijwe cyane n'uko imibereho yacu yatunganywa kandi ikezwa, kandi ko twagaragaraho gusa n'abo mu ijuru? Ibi ni byo bikwiriye kuranga abantu bose binjira mu itsinda ry'abuhagiwe kandi bakezwa n'amaraso y'Umwana w'Intama. Bagomba kuba bambaye ubutungane (gukiranuka) bwa Kristo. Izina rye rigomba kwandikwa mu ruhanga rwabo. Bagomba kwishimira mu byiringiro by'ikuzo ry'Imana. Kristo yanditse amazina y'abantu be mu biganza bye. Ntazigera areka kwita ku muntu uwo ari wese umwishingikirizaho. UB1 44.5

Bwira abizera bagize itorero ko hakenewe kwiyegurira Imana burundu. Nimucyo abantu bose basobanukirwe ko bagomba kugirana n'Imana isezerano kubwo kwitanga. Buri munsi na buri saha, dukeneye imigisha y'ubutumwa bwiza. Igihamya cyose cy'imbaraga z'Uwiteka, kubana natwe kwe ndetse n'urukundo rwe, bikwiriye kumenyekanira mu gushima. Umunezero ugomba kuboneka kubw'igikorwa gitunganye umuntu akorera Imana. Nshimira Uwiteka kubera iki gitekerezo cy'agaciro kenshi. Nahabwe ikuzo kubw'ibiturimo bishyizwe ahagaragara ndetse n'ibikorwa.… Nta na rimwe ibihamya byigeze bigaragarizwa abantu kurusha ibyo nandikishije ikaramu yanjye vuba aha. Imana impatira kumenyesha abantu bacu akamaro ko kwiga ibyo bihamya. Nimucyo uyu murimo utangire ubu. Noneho rero, naba nemerewe gukomeza gukora cyangwa nsinziriye kugeza igihe Yesu azagarukira, ubu butumwa buzakomeza kubaho. UB1 45.1

Ndabwira abavandimwe banjye mu kwizera nti: "Muvuge amagambo azaganisha abantu kuri Kristo. Nimwere imbuto z'imirimo myiza. "Uwizera uwo Mwana aba abonye ubugingo buhoraho."(Yohana 3:36). Ikintu cyose gishoboka kizazanwa kugira ngo n'intore ziyobe niba bishoboka; ariko uko byagenda kose Uwiteka azita ku murimo we.

IKORESHWA RY'IBIHAMYA.

Igihe n'umwanya bigomba kuzirikanwa

Ku byerekeranye n'ibihamya, nta na kimwe gikwiriye gusuzugurwa; nta na kimwe cyo kwirengagizwa; ariko igihe n'umwanya bigomba kuzirikanwa. Nta na kimwe kigomba gukorwa mu gihe kidakwiye. Ingingo zimwe zigomba kuba ziretse gukoreshwa kubera ko abantu bamwe bashobora gukoresha nabi umucyo bahawe. Inyuguti yose n'ingingo yose ni ingenzi kandi bigomba kugaragazwa mu gihe gikwiriye. Mu bihe byashize, ibihamya byateguranwaga ubwitonzi mbere y'uko byoherezwa kwandikwa, kandi ikintu cyose cyakomezaga kwiganwa ubushishozi na nyuma y'uko cyandikwa ubwa mbere. UB1 45.3

Bwira abantu kurya umubiri w'Umwana w'Imana no kunywa amaraso ye. Bashyire Ijambo rye. Hazabaho bamwe bazarigoreka n'abazaryerekana uko ritari. Amaso yabo yarahumye kandi batanga ibigereranyo n'ubusobanuro Satani yabateguriye; kandi mu buryo bwose ubusobanuro bupfuye buzahabwa amagambo yavuzwe na mushiki wacu White. Satani agerageza kwiyita umwana wa Kristo nk'uko Yuda yabigenje, kandi Yuda uyu yari mu ruhande ruregana. Biyigishirije mu ishuri rigoreka rya Satani. Uko bateye kose kuvugwa mu gice cya gatatu cya Zekariya. Nta kintu Imana ikunda mu isi nk'itorero ryayo. Satani yakoreye mu ntekerezo z'abantu kandi azakomeza kugambanira ikibitsanyo cyera mu buryo bw'uburyarya. UB1 45.4

Gusohora inyandiko zakusanyijwe.

Mbona mu buryo bwumvikana ko umuntu wese utekereza ko afite ubushobozi byo kwandika ibitabo, akurikije intekerezo ze kandi ashaka ko ibitabo bye bisohorwa, asaba cyane ashimikiriye ko byemezwa n'amacapiro yacu. Icyo mbona ni uko hashobora kubaho urukungu rwinshi rwabibwa mu isi yose. Benshi mu bizera bacu banyandikira bashimikiriye basaba uburenganzira bwo gukoresha inyandiko zanjye mu guha imbaraga ibyigisho bimwe bifuza kugeza ku bantu kugira ngo bibakore ku mutima. UB1 46.1

Ni ukuri ko hari impamvu ituma izo ngingo zikwiriye kugezwa ku bantu. Ariko sinshobora kugerageza kwemera yuko ibihamya bikoreshwa muri ubu buryo, cyangwa kwemera gushyira ikintu gisanzwe ari cyiza mu buryo bihitiyemo. UB1 46.2

Icyo nari nkwiriye kumenya ni uko abantu basaba ibyo bashobora gutunganya ibyo bandika mu buryo bw'ubwenge; nyamara n'ubwo bimeze bityo, sinshobora gutinyuka gutanga uburenganzira na buke bwo gukoresha inyandiko zanjye mu buryo bifuza. Mu gutekereza ku bijyanye n'uwo murimo, hari ibintu byinshi bikwiriye kwitabwaho kuko mu gukoresha ibihamya kugira ngo hashimangirwe ingingo runaka ibasha gukora ku mutima w'umwanditsi, amagambo yakuwe mu bihamya ashobora gusobanura ikindi kitari icyo yari kuvuga iyo asomwa mu mwimerere wayo.56

IGICE CYA 5: UBUSOBANURO BW'INGINGO Z'IBANZE
IGISUBIZO KU NZITIZI

[Nyuma gato yo kongera kwandika ibitabo bitatu by'ibanze [57] bya E.G White mu mwaka wa 1882, (muri iki gihe ibyo bitabo bikubiye hamwe byitwa "Inyandiko z'ibanze" [58]), hari ibibazo bimwe byabajijwe bijyanye no kuzura kw'inyandiko zimwe ndetse n'ubusobanuro bw'ingingo zimwe ziboneka muri ibi bitabo cyangwa mu nyandiko zanditswe mbere. Madame Ellen White yasubije ibyo bibazo mu mwaka wa 1883 mu magambo akurikira. Hari ibyavuzwe byerekezaga ku nyigisho zavugaga iby' "urugi rukinze." Ubusobanuro ku by'izi nyigisho byavuzwe no mu gitabo cyitwa "Intambara ikomeye." [59] - ABAKUSANYIJE INYANDIKO] UB1 47.1

Vuba aha ibitekerezo byanjye byerekejwe ku gatabo k'amapaji 16 kanditswe na C, w'ahitwa Marion muri Iowa, kagereranya inyandiko z'ibanze za Madame White n'izindi yanditse. [60] Umwanditsi w'ako gatabo avuga ko, nk'uko byari byaranditswe mbere, ibice by'amayerekwa ya mbere nagize bitagaragara mu gitabo giherutse gushyirwa ahagaragara gifite umutwe uvuga ngo, "Inyandiko

z’ibanze za Madame EG White” [61], kandi agatanga impamvu ko gukuramo ibyo bice ari uko birimo inyigisho tutacyemera nk’ukuri ubu. UB1 47.2

Ikindi na none avuga adushinja ngo ni uko twabeshye tubigambiriye ubwo twashyiraga ahagaragara “Inyandiko z’ibanze” nk’inyandiko yuzuye z’ibyo nanditse mbere, akavuga ko “Inyandiko z’ibanze” zirimo amagambo yahinduwe ugereranyije n’inyandiko z’umwimerere. UB1 47.3

Mbere y’uko mbona mu buryo bwihariye amagambo avugwa ko yakuweho, ni byiza ko hagaragazwa ibihamya byinshi bifatika. Ubwo ibyo nanditse bya mbere byajyaga ahagaragara mu gatabo gato, [62] kahise kagurishwa bidatinze. Mu myaka mike yakurikiyeho, ako gatabo kakurikiwe n’igitabo kinini [63] mu mwaka wa 1851, kandi icyo gitabo cyari kirimo ingingo nyinshi ziyongereho. UB1 47.4

Mu kwimuka kwinshi kwagiye kubaho mu mateka ya mbere y’umurimo wo kwandika ibitabo ndetse no mu ngendo zisa n’izahoragaho uko nakoraga mva i Maine nkajya i Texas, nkava i Michigan nerekeza California, ikindi kandi muri icyo gihe nambukiranyije ibibaya inshuro zitari munsi ya 17. Muri icyo gihe nabuze irengero ry’ibitabo nanditse mbere. Ubwo ubuherutse twafatiraga umwanzuro i Oakland wo gusohora igitabo cyitwa “Inyandiko z’Ibanze”, byabaye ngombwa ko twohereza umuntu i Michigan ngo ajye kudutiririrayo kopi y’igitabo kimwe muri bya bindi byanditswe mbere. [64] Ubwo twakoraga dutyo, twumvise ko tubonye kopi nyayo ivuga ibya ya mayerekwa ya mbere nk’uko yari yaranditswe mbere. Ayo makopi ni yo twongeye gusohora hahinduwe amagambo gusa amwe duhereye ku gitabo cy’umwimerere kandi ibyo twabivuze mu ijambo ry’ibanze ry’”Inyandiko z’Ibanze.” Aha rero, ndasaba umuntu uwo ari we wese mu bo dufatanyije waba afite kopi imwe cyangwa zose z’ibyo nanditse mbere, nk’uko zanditswe mbere y’umwaka wa 1851, ko yaba angiriye neza cyane aramutse abinyoherereje bidatinze. Nsezeranye ko nzayimugarurira vuba nkimara kuzandukura.UB1 48.1

Naho ubundi rero, aho kuba nakwifuza kudatanga ikintu nigeze kwandika, nashimishwa cyane no kugeza ku bantu buri ngingo yose y'inyandiko zanjye zigeze kwandikwa. UB1 48.2

Ibihamya byagoretswe na Eli Curtis

Hari indi ngingo ikwiriye kuvugwa hano. Ntabwo ngombwa kubazwa ibintu byose byasohotse mu icapiro nkaho byaturutse kuri jye. Mu gihe amayerekwa yanjye ya mbere yandikwaga ubwa mbere, hari inyandiko nyinshi zaragaragaye zavugwaga ko zanditswe nanjye, kandi zavugaga ibyo Uwiteka yari yaranyeretse, nyamara zarimo inyigisho ntigeze nemera. Izo nyandiko zasohotse mu rupapuro rwanditswe na bwana Curtis. Ibijyanye n'izina ry'urwo rupapuro ntabwo mbisobanukiwe. Kuva icyo gihe kugera mu myaka yo kwita ku bintu cyane no gukora umurimo, ibintu bimwe bifite agaciro gake byaribagiranye, ariko ingingo z'ingenzi ziracyari mu ntekerezo zanjye. UB1 48.3

Uyu mugabo yafashe inyandiko niyandikiye maze arazihindura burundu kandi aranazigoreka, akajya afata interuro hirya no hino ntatange aho zihuriye maze yamara gushyiramo ibitekerezo bye bwite, agashyira izina ryanjye kuri izo nyandiko nk'aho ari jye ziturutseho. Tumaze kubona izi nyandiko, twahereyeko tumwandikira, tumwereka ko byadutangaje kandi ko tutabyemera ndetse nahereyeko mubuza kugoreka ibihamya nanditse. Yansubije ko agomba kwandika ibimushimishije, kandi ko azi ko ibyavuzwe mu iyerekwa bigomba kuba bivuga ibyo yari yaranditse, kandi ko niba narabyanditse nk'uko Uwiteka yabimpaye, ibyo bintu byagombaga kuba byaravuzwe. Yashimangiye ko niba amayerekwa yaratangiwe kugira ngo itorero ryunguke, yari afite uburenganzira bwo kuyakoresha nk'uko abyumva. UB1 48.4

Zimwe muri izo mpapuro yanditse zishobora kuba zikiriho kandi zikazanwa nk'iziturutse kuri njye nyamara ntaho mpuriye nazo. Ingingo zatanzwe mu "Nyandiko z'Ibanze" naraziboneye; kandi nk'uko igitabo kivuga iby'imibereho n'ibitekerezo [65] cyanditswe mu 1851 cyari igitabo cya mbere ya byose kurusha ibindi twari dufite, kandi kubera tutari tuzi ko hari ikintu cy'inyongera kiri mu mpapuro cyangwa udutabo duto twabanje, ntabwo nabarwaho ibyaba byarakuwemo bivugwa ko byabayeho.UB1 49.1

Ibyavanywemo bya mbere

Amagambo ya mbere yandukuwe na Curtis ni ayo yakuye mu gatabo gato k'amapaji 24 kanditswe mu 1847, gafite umutwe uvuga ngo: "Ijambo ryagenewe Umukumbi muto." Dore amagambo atagaragara mu gitabo kivuga iby'imibereho n'ibitekerezo. UB1 49.2

"Byari nk'ibidashobokera abavuye mu byizerwa mu byabaye mu mwaka wa 1844 ko bakongera kugaruka mu nzira no kujya mu murwa nk'uko byari bimereye ab'isi bose b'abanyabyaha Imana yari yararetse. Bose bagiye bagwa ku nzira umwe umwe." UB1 49.3

Ndatanga aho byavuye, kugira ngo imvugo yose ishobore kumvikana neza: "Igihe twasengeraga hamwe mu muryango, Mwuka Muziranenge yaramanukiye, maze bisa n'aho nzamurwa hejuru cyane y'isi y'umwijima. Nasubije amaso inyuma ngo ndebe abantu bategereje [kugaruka kwa Kristo] bari ku isi, ariko sinashoboye kubabona, ubwo ijwi ryanyongoreraga riti: «Ongera witegereze, kandi urebe hejuru ho gato." Ndebye ibyo, nubuye amaso maze mbona inzira igororotse kandi ifunganye, yazamukaga iva ku isi. Iyi nzira ni yo abategereje banyuragamo berekeza ku murwa wari ku mpera ya kure y'iyo nzira. Bari bafite umucyo urabagirana cyane wari inyuma yabo aho iyo nzira yari itangiriye. Umumarayika yambwiye ko uwo mucyo ari urusaku rwo mu gicuku. Uyu mucyo wamurikaga muri iyo nzira yose, kandi wamurikiraga ibirenge byabo kugira ngo badasitara. Kandi uko bakomezaga guhanga amaso yabo Kristo wari imbere yabo abayoboye aberekeza mu murwa, babaga amahoro. Nyamara mu kanya gato bamwe barananiwe bacika intege, maze bavuga ko umurwa uri kure cyane, kandi bari biteze ko bakwiye kuba barawinjiyemo mbere. Nuko rero Yesu abakomeresha kuzamura ukuboko kwe kw'iburyo kw'icyubahiro, kandi muri uko kuboko havamo umucyo wuje ikuzo warasiraga hejuru y'itsinda ry'abategereje maze batera hejuru bavuga bati: "Haleluya!" Abandi bihutiye kwanga umucyo wari inyuma yabo, maze bavuga ko Imana atari yo yari yabayoboye kugera aho hose. Wa mucyo wari inyuma yabo warazimye, usiga ibirenge byabo biri mu mwijima w'icuraburindi, baherako bagenda basitara, amaso yabo ananirwa kwiteregeza intego berekezagaho kandi ntibongera

kubona Yesu, bagwa kure y’inzira mu mworera w’umwijima n’isi y’icyaha yari hasi yabo.” UB1 49.4

Noneho ubu hakurikiyeho amagambo avugwa ko yari mu gitabo cy’umwimerere nyamara akaba ataboneka mu gitabo kivuga iby’imibereho n’Ibitekerezo kandi ntanaboneke mu Nyandiko z’ibanze. Ayo magambo ni aya: UB1 50.1

“Byari nk’ibidashobokera abavuye mu byizerwa mu byabaye mu mwaka wa 1844 ko bakongera kugaruka mu nzira no kujya mu murwa nk’uko byari bimereye ab’isi bose b’abanyabyaha Imana yari yararetse. Bose bagiye bagwa ku nzira umwe umwe.” UB1 50.2

Ubusobanuro bw’“Urugi rukinzwe.”

Bivugwa ko aya magambo yemeza iby’inyigisho y’urugi rukinzwe, kandi ko iyi ari yo mpamvu yatumye akurwa mu nyandiko zasohotse nyuma. Ariko mu by’ukuri aya magambo yigisha gusa icyo twashikamyeho kandi tugikomeje kwemera nk’ubwoko [bw’Imana] nk’uko ndabyerekana. UB1 50.3

Igihe runaka nyuma yo gucika intege kwabayeho mu mwaka wa 1844, kimwe n’itsinda ry’abategereje, nizeraga ko urugi rw’imbabazi rwari rwarakingiwe iteka ryose ku batuye isi. Iki cyemezo cyafashwe mbere y’uko mpabwa iyerekwa ryanjye rya mbere. Umucyo nahawe n’Imana ni wo wakosoye ubuyobe twari dufite kandi wadushoboje kubona uruhande nyakuri. UB1 50.4

Ndacyizera inyigishio ivuga iby’urugi rukinzwe, nyamara ntabwo ari mu buryo twayikoreshejemo mbere cyangwa uko rikoreshwa n’abandwanya. UB1 50.5

Mu minsi ya Nowa habayeho urugi rukinzwe. Icyo gihe habayeho gukurwa kwa Mwuka w’Imana ku bwoko bwacumuye bwarimbukiye mu mazi y’Umwuzure. Imana ubwayo yahaye Nowa ubutumwa bw’urugi rukinzwe muri aya magambo: UB1 50.6

« Umwuka wanjye ntazahora aruhanya n'abantu iteka ryose, kuko ari abantu b'umubiri. Nuko rero iminsi yabo izaba imyaka ijana na makumyabiri," (Itangiriro 6:3). UB1 50.7

Mu bihe bya Aburahamu naho habayeho urugi rukinzwe. Imbabazi zarekeye aho kwinginga abaturage b'i Sodomu, bityo bose bakongorwa n'umuriro wavuye mu ijuru uretse Loti, umugore we n'abakobwa be babiri. UB1 50.8

Mu gihe cya Yesu naho habayeho urugi rukinzwe. Umwana w'Imana yatangarije Abayahudi batizeraga b'icyo gihe ati: « Dore inzu yanyu muyisigiwe ari umusaka. » Matayo 23 :38. UB1 50.9

Dukomeje kureba uko ibihe byagiye bisimburana kugeza mu minsi y'imperuka, ya mbaraga ihoraho ni yo yavugiye muri Yohana igira iti: « […] Uwera kandi w'ukuri, ufite urufunguzo rwa Dawidi, ukingura ntahagire ukinga, kandi ukinga ntihagire ukingura." Ibyahishuwe 3 :7. UB1 50.10

Nerekewe mu iyerekwa kandi ndacyabyizera ko mu mwaka wa 1844 hariho urugi rukinzwe. Abantu bose babonye umucyo w'ubutumwa bwa marayika wa mbere n'uwa kabiri maze bagatera uwo mucyo umugongo, basigaye mu mwijima. Abawemeye kandi bakakira Mwuka Muziranenge wayoboye iyamamazwa ry'ubutumwa buvuye mu ijuru, maze nyuma y'aho bagahakana ukwizera kwabo kandi bakavuga ko imibereho yabo yabaye ubuyobe bityo byatumye batera umugongo Mwuka w'Imana kandi ntukibinginga. UB1 51.1

Abatarigeze babona umucyo, nta nkomanga bari bafite itewe no kuwanga. Itsinda ry'abari barasuzuguye umucyo wavuye mu ijuru ni ryo gusa Mwuka w'Imana atashoboraga kugeraho. Kandi nk'uko navuze, iri tsinda ryarimo abanze kwemera ubutumwa igihe bwabagezwagaho ndetse nababwakiriye maze nyuma y'aho bagahakana ukwizera kwabo. Abo bashoboraga kugira ishusho yo kubaha Imana kandi bakavuga ko ari abayoboke ba Kristo; nyamara ntibari bafite imibereho yomatanye n'Imana, bashoboraga kugirwa imbohe n'ubushukanyi bwa Satani. Aya matsinda yombi nayabonye mu iyerekwa: abavuze ko umucyo bari barakurikiye ari ubuyobe ndetse n'abanyabyaha b'isi bari baranze umucyo maze Imana irabareka. Nta cyavuzwe cyerekeranye

n’abatari barabonye umucyo, bityo rero, nta cyaha bari bafite cy’uko bawanze.UB1 51.2

Kugira ngo ahamye ko nizeraga kandi nkigisha inyigisho y’urugi rukinzwe, bwana Curtis akoresha amagambo yavanywe mu kinyamakuru cyitwa Urwibutso 66 cyo kuwa 11 Kamena mu 1861, ayo magambo yemejwe n’abantu bacu 9 b’abizera bakomeye. Ayo magambo agira ati: UB1 51.3

«Ibitekerezo twari dufite icyo gihe byerekeye umurimo wari uturi imbere byari bivangavanze kandi bidahamye. Bamwe bari bagikomeje gutsimbarara ku gitekerezo cyafashwe n’itsinda ry’abizera bari bategereje mu 1884 bari bayobowe na William Miller. Icyo gitekerezo cyavugaga ko umurimo tugomba gukorera abatuye isi warangiye, kandi ko ubutumwa bwari bugenewe abari bafite kwizera k’umwimerere kw’abategereje (abadiventisiti). Ibi byari byizewe cyane ku buryo umwe muri twe yari hafi kwangirwa kugezwaho ubwo butumwa bitewe n’uko uwabwigishaga yashidikanyaga ku buryo uwo muntu ashobora gukizwa kuko atari ari mu itsinda ryo mu 1844. UB1 51.4

Kuri ibi nshaka gusa kongeraho ko muri iryo teraniro ryagiriwemo impaka ko ubutumwa budashobora guhishwa uyu muvandimwe [mu kwizera]. Binyuze mu iyerekwa, nahawe ubuhamya bwo kumutera ubutwari akiringira Imana kandi akegurira Yesu umutima we burundu. Ibyo yahereyeko abikora. UB1 51.5

Gukekeranya kudafite ishingiro

Mu yandi magambo yakuwe mu gitabo kivuga « Ijambo ryagenewe umukumbi muto”, mvuga ibyo neretswe byerekeye isi nshya, kandi nkavuga ko nahabonye intungane za kera: « Aburahamu, Isaka, Yakobo, Nowa, Daniyeli ndetse n’abandi benshi nk’abo.» Kubera ko mvuga ko nabonye aba bantu, abaturwanya bavuga ko ubwo nizeraga kudapfa k’ubugingo kandi ko kuva icyo gihe nahinduye ibitekerezo byanjye kuri iyi ngingo, nabonye ko ari ngombwa gukuramo ayo magambo. Bari hafi y’ukuri kimwe n’ahandi hose hakekwa. UB1 52.1

Mu mwaka wa 1844 nemeraga inyigisho dufite ubungubu ku bijyanye n'uko ubugingo bupfa nk'uko bishobora kuboneka mu bitabo [67] nanditse, kandi haba mu magambo cyangwa mu nyandiko sinigeze namamaza indi nyigisho itari iyo. Iyo tuba twarakuyemo aya magambo bitewe n'uko yigisha ibyo kudapfa k'ubugingo, byari kuba ngombwa gukuramo n'andi magambo. UB1 52.2

Ubwo narondoraga iby'iyerekwa ryanjye rya mbere, ku rupapuro wa 13 rw'Inyandiko z'ibanze [68], mvuga ko nabonye bene data bari bamaze igihe gito basinziriye muri Yesu. Ku rupapuro rwa 14 mpavuga ko neretswe itsinda rinini ry'abari barishwe urw'agashinyaguro bazira ukwizera kwabo. UB1 52.3

Ibyo kudapfa k'ubugingo ntibyigishwa mu gika cyavanyweho kimwe n'uko bitigishwa mu ngingo ebyiri tumaze kuvuga. UB1 52.4

Igihamya muri ibyo ni uko muri aya mayerekwa ibitekerezo byanjye byajyanywe imbere igihe intungane zizaba zizutse zigateranyirizwa mu bwami bw'Imana. Mu buryo bumwe n'ubwo urubanza, kugaruka kwa Yesu ndetse no gutuzwa mu isi nshya kw'intungane byose byanyujijwe imbere yanjye ndabyerekwa. Ese hari umuntu uwo ari we wese wigeze avuga ko ibyo neretswe byabayeho? Abanzi banjye berekana umwuka ubakoresha muri uko kunshinja ibinyoma bishingikirije ku gukekeranya kudafite ishingiro. UB1 52.5

Gusubira mu magambo uko Atari

Muri aya magambo harimo n'aya avuga ngo: «Nabonye uduti tubiri tureture tw'izahabu, kuri two hari hamanitswe imikwege y'ifeza kandi kuri iyo mikwege hari imbuto z'amatunda meza.» UB1 52.6

Abandwanya bahindura urw'amenyo aya magambo bayagira «imvugo yoroheje kandi ya cyana y'amatunda meza yeraga ku mikwege y'ifeza, kandi iyo mikwege ipfunditswe ku duti tw'izahabu.» UB1 52.7

Ni iyihe mpamvu yateye umwanditsi w'aya magambo ari haruguru kuvuga amagambo yanjye uko atari? Ntabwo mvuga ko amatunda yeraga ku mikwege y'ifeza. Ibyo narebaga nabirondoye nk'uko nabyeretswe. Ntabwo bikwiriye

gutekerezwa ko amatunda yari ashamikiye ku mikwege y'ifeza cyangwa ku duti tw'izahabu, ahubwo uko ni ko nabyeretswe bisa. Imvugo nk'izo zikoreshwa buri munsi na buri wese mu biganiro bisanzwe. Igihe tuvuga amatunda y'izahabu, ntabwo tugomba kumva ko ari urubuto rugizwe n'ubutare bw'igiciro, ahubwo ni uko iryo tunda risa na zahabu. Iryo tegeko rikoreshejwe ku magambo yanjye rikuraho inzitwazo zose zo gutanga ubusobanuro butari ukuri. UB1 52.8

Ikimenyetso cy'Imana.

Andi magambo yakuwemo ni aya akurikira: «Ni byiza, nimusingize Uwiteka, bene Data na bashiki bacu, ni iteraniro ry'ikirenga ku bafite ikimenyetso cy'Imana ihoraho.»UB1 53.1

Muri aya magambo, nta na kimwe kirimo tutacyemera. Ibizavugwa ku bitabo byacu byashyizwe ahagaragara bizerekana ko twizera ko abakiranutsi bazaba bakiriho bazahabwa ikimenyetso cy'Imana mbere y'uko igihe cy'imbabazi kirangira; kandi ko abo bazahabwa icyubahiro kidasanzwe mu bwami bw'Imana. UB1 53.2

Guhakana Isabato

Bivugwa ko amagambo akurikira yakuwe mu magambo y'iyerekwa yavuzwe ku rupapuro rwa 25 kugeza 28 z'Inyandiko z'ibanze: 69 UB1 53.3

"Kandi niba umuntu yarizeraga kandi akubahiriza Isabato, akabona umugisha ugendana nayo maze nyuma akayireka kandi akica itegeko ryera, bene uwo azikirangiranira hanze y'Umurwa Wera, nk'uko ari ukuri ko hariho Imana itegeka mu ijuru." UB1 53.4

Ababonye neza kandi bemeye byimazeyo ukuri kurebana n'itegeko rya kane ndetse bakabona n'umugisha uterwa no kumvira, nyamara kuva ubwo bakareka kwizera kwabo, kandi bagahangara kwica itegeko ry'Imana, nibakomeza kwinangirira muri iyi nzira yo kutumvira, bazasanga amarembo y'umurwa w'Imana afungiwe imbere yabo.UB1 53.5

"Igihe kiri hafi kurangira"

Amagambo yanditswe mu 1851 mu gitabo kivuga iby'Imibereho n'ibitekerezo [70], kandi aboneka ku rupapuro rwa 49 rw'inyandiko z'Ibanze, yakoreshejwe nk'aho ahamya ko ibihamya natanze ari ibinyoma. Ayo magambo ni aya: "Nabonye ko igihe Yesu agomba kuba ahera cyane cyari hafi kurangira, kandi ko icyo gihe cyari kumara igihe gito cyane ngo kirangire." UB1 53.6

Ubwo nerekwaga iby'iyo ngingo, igihe cy'umurimo wa Kristo cyasaga n'aho kirangiye. Mbese ndegwa kuvuga ibinyoma kubera ko igihe cyakomeje kubaho kuruta uko ibihamya navuze byabyerekanye? Mbese bimeze bite ku bijyanye n'ibihamya bya Kristo n'intumwa ze? Mbese barabeshywe? UB1 54.1

Pawulo yandikira Abanyakorinto muri aya magambo: "Ariko bene Data, ibi ni ibyo mvuga yuko igihe kigabanutse. Uhereye none abafite abagore bamere nk'abatabafite, kandi abarira bamere nk'abatarira n'abashima bamere nk'abadashima…" (1Abakorinto 7:29,30) UB1 54.2

Na none mu rwandiko yandikiye Abanyaroma yaravuze ati: "Ijoro rirakuze burenda gucya, nuko twiyambure imirimo y'umwijima, twambare intwaro z'umucyo." (Abaroma 13:12) UB1 54.3

Kandi ubutumwa buturuka i Patimo maze Kristo akavugana na twe akoresheje Yohana ukundwa agira ati: "Hahirwa usoma amagambo y'ubu buhanuzi, hahirwa n'abayumva bakitondera ibyanditswe muri bwo, kuko igihe kiri bugufi." (Ibyah 1:3) "Kandi Umwami Imana itegeka imyuka y'abahanuzi, yatumye marayika wayo kwereka imbata zayo ibikwiriye kubaho vuba. Kandi dore ndaza vuba. Hahirwa uwitondera amagambo y'ubuhanuzi bw'iki gitabo." (Ibyah 22:6,7). UB1 54.4

Mu butumwa bageza ku bantu, abamarayika b'Imana berekana ko igihe ari kigufi cyane. Uko ni ko ibihe byose na njye nagiye mbyerekwa. Ni ukuri ko igihe cyakomeje kuba kirekire kurusha uko twari tubyiteze mu itangira ry'ubu butumwa. Umukiza wacu ntiyaje vuba nk'uko twabyiringiraga. Ariko se ijambo ry'Uwiteka ryarabeshye? Ntibikabeho! Ni byiza kwibuka ko amasezerano y'Imana n'ibiteye ubwoba ivuga byose bifite impamvu igomba gutuma bisohora. UB1 54.5

Imana yari yarahaye ubwoko bwayo umurimo bugomba gukora ku isi. Ubutumwa bwa marayika wa gatatu bwagombaga gutangazwa, intekerezo z'abizera zagombaga kuganishwa ku buturo bwera bwo mu ijuru, aho Kristo yinjiye kugira ngo ahongerere abe. Ubugorozi bwerekeye Isabato bwagombaga gukomeza gukorwa. Icyuho cyaciwe mu mategeko y'Imana cyagombaga gusibwa. Ubutumwa bwagombaga kwamamazwa mu ijwi rirenga kugira ngo abatuye isi bose baburirwe. Ubwoko bw'Imana bugomba gutunganya ubugingo bwabo binyuze mu kumvira ukuri, kandi bukaba bwiteguye guhagarara imbere ya Kristo butariho ikizinga ubwo azaba agarutse. UB1 54.6

Iyo nyuma yo gucika intege gukomeye kwabaye mu mwaka wa 1844, Abadiventisiti baba barashikamye ku kwizera kwabo, kandi bagakomeza kujya mbere bafatanye urunana mu nzira ubuntu bw'Imana bwabaciraga, bakakira ubutumwa bwa marayika wa gatatu kandi bakabubwira abatuye isi mu mbaraga ya Mwuka Muziranenge, baba barabonye agakiza k'Imana, Uwiteka aba yarabakoreye ibikomeye mu mwete wabo, umurimo uba wararangiye, na Kristo aba yaragarutse mbere y'iki gihe aje gutwara ubwoko bwe ngo abuhe ingororano yabwo. UB1 54.7

Ariko mu gihe cyo gushidikanya no guhagarika imitima cyakurikiye kwa gucika intege, benshi mu bizera b'Abadiventisiti baretse ukwizera kwabo. Amacakubiri no kwitandukanya byabinjiyemo. Abenshi bakoresheje imvugo no kwandika maze barwanya bake cyane, bakurikiye inzira Imana ibayoboye bakakira ubugorozi ku byerekeye Isabato kandi bagatangira kwamamaza ubutumwa bwa marayika wa gatatu. Abantu benshi bagombaga gukoresha igihe cyabo n'impano zabo mu mugambi umwe wo kuburira abatuye isi, birunduriye mu kurwanya ukuri kw'Isabato, ku buryo byabaye ngombwa ko umurimo w'abayemeraga kandi bakayishyigikira wabaye uwo gusubiza ibibazo by'abayirwanyaga ndetse no guhamya ukuri. Uko ni ko umurimo wakomwe mu nkokora, kandi n'isi iguma mu mwijima. Iyo itsinda ry'Abadiventisiti bose rishyira hamwe ku byerekeye amategeko y'Imana no kwizera Yesu, mbega uburyo amateka yacu aba atandukanye cyane n'uko ari! UB1 55.1

Ntabwo bwari ubushake bw'Imana ko kugaruka kwa Kristo gutinda bene aka kageni. Ntabwo Imana yari yarateguye ko ubwoko bwayo (Abisirayeli), buzerera mu butayu imyaka 40. Yabasezeraniye kubayobora igahita ibageza mu gihugu

cy’i Kanani, kandi ikahabatuza ari abantu batunganye, bazira umuze kandi banezerewe. Ariko ababwiwe ubwo butumwa mbere ntibinjiye muri ubwo buruhukiro “kuko batizeye” (Abaheburayo 3:19). Imitima yabo yari yuzuye kwivovota, kwigomeka n’urwango, bityo bituma Imana itabasohoreza isezerano yari yaragiranye nabo. UB1 55.2

Mu myaka mirongo ine yose, Isirayeli ya Kera yavukijwe kwinjira muri Kanani no kutizera, kwivovota no kwigomeka. Ibyo byaha kandi ni byo byadindije Isirayeli yo muri iki gihe kwinjira muri Kanani yo mu ijuru. Muri aho hombi nta na hamwe amasezerano y’Imana akemwa. Ukutizera, kwirundurira mu by’isi, kutiyegurira Imana burundu ndetse n’amakimbirane mu bavuga ko ari ubwoko bw’Imana ni byo bitumye tuguma muri iyi si y’icyaha n’agahinda imyaka myinshi ingana itya. UB1 55.3

Hari izindi ngingo ebyiri zivugwa ko ziboneka mu gitabo cyanjye cya mbere ariko zikaba zitaranditswe mu nyandiko zanjye za nyuma. Ibijyanye n’izo ngingo, icyo navuga ni uko igihe nzabona igitabo zirimo kugira ngo menye neza uko ibyakuwemo biteye kandi nibonere aho bihuriye, ni ho nzaba niteguye kugira icyo mvuga ku birebana na zo mu buryo bwumvikana. UB1 55.4

Abakobanyi bo mu minsi y’imperuka

Kuva mu itangira ry’umurimo wanjye, nakurikiranwe n’urwango, kunengwa n’ibinyoma. Ibirego by’urukozasoni na za raporo z’ibinyoma zagiye ziteranyirizwa hamwe kandi zijyanwa hirya no hino n’ibyigomeke, abishushanya n’abaka. Hariho abiyita abagabura bo mu matorero y’aba Orutodogisi bajya hirya no hino barwanya Abadiventisiti b’umunsi wa Karindwi, kandi bagahindura madame Ellen White igitabo cyabo. Abakobanyi bo mu minsi y’imperuka bayobowe n’abo bagabura bavuga ko ari abarinzi bashyizweho n’Imana. UB1 55.5

Abantu batizera, abagabura b’amatorero yaguye, n’Abadiventisiti bo mu ikubitiro bishyize hamwe mu murimo wo kurwanya madame Ellen White. Iyi ntambara yakomeje kubaho mu gihe kijya kuba imyaka 40, ariko ntabwo nigeze numva mfite umudendezo ndetse sinitaye ku mvugo zabo mbi, gusebanya no kuryarya. Ntabwo kandi ubu nshobora kureka uyu muco kugira ngo abantu

bamwe bizerwa batayobywa n’abanzi b’ukuri bashimishwa no kuvuga ko ndi umubeshyi. Mu rwego rwo kwiringira ko nafasha intekerezo z’abizerwa, mvuga ibyo nkora. UB1 56.1

Ntabwo niteze kugera kuri ba bandi bigeze kubona umucyo w’ukuri maze bakanga kuwumvira, ba bandi birunduriye mu rwikekwe kandi bagashimangira imitima yabo mu kutizera. UB1 56.2

Yesu, Umwami w’ijuru, uwareshyaga n’Imana, yabaye mu isi imyaka 33, ariko habayeho abantu bake gusa bemeye kamere ye y’ubumana. None se jyewe w’umunyantegenke, udakwiriye, ikiremwamuntu cyoroheje, nshobora kwitega ko nagera ku rwego rushimishije kurusha uko byagendekeye Umukiza w’isi? UB1 56.3

Igihe niyeguriraga gukora uyu murimo bwa mbere, nkiyemeza kugenda igihe cyose Imana ibintegetse, nkavuga amagambo Imana yagombaga kumpa ngo nyageze ku bantu, nari nzi yuko nzahura n’abandwanya, gusebywa no gutotezwa. Ntabwo nigeze ntereranwa. Iyo njya kuba narishingikirije ku gushimwa n’abantu, mba naracitse intege kera. Ariko nahanze amaso Yesu, kandi nabonye ko utari afite icyaha yarwanyijwe n’abafite indimi zisebanya. Abagaragazaga cyane ishusho yo kubaha Imana bakurikiraga Umukiza ari abatasi kandi bakoranaga imbaraga zabo zose kugira ngo bamuzitire. Nyamara nubwo yari Ushoborabyose, ntabwo yituye abanzi be ibihwanye n’ibyaha byabo. Aba yarabarwanishije imbaraga zo guhora kwe, ariko ntiyabikoze. Yabacyahaga bikomeye kubw’uburyarya bwabo n’ingeso zabo mbi, kandi igihe ubutumwa bwe bwangwaga ndetse n’ubuzima bwe bukabangamirwa, yagendaga bucece akajya kubwiriza amagambo y’ubugingo ahandi. Mu ntege nke zanjye, nagerageje gukurikiza urugero rw’Umukiza wanjye. UB1 56.4

Urwango rwibasira abamamaza ukuri

Mbega ukuntu Abafarisayo bashakaga kwerekana ko Kristo ari umubeshyi! Mbega ukuntu bamutegeraga ku ijambo ryose yavugaga bashaka kugoreka amagambo ye yose! Ubwibone, urwikekwe no kwangana urunuka, byafunze inzira yose umuntu yashoboraga kunyuramo kugira ngo yakire ubuhamya bw’Umwana w’Imana. Ubwo yamaganaga ibicumuro byabo yeruye kandi avuga

ko ibikorwa byabo bihamya ko ari abana ba Satani, basubizanyije uburakari bavuga bati: “Mbese n’ubundi ntituvuga ko uri umunyasamariya kandi ko ufite dayimoni?” UB1 56.5

Ibyo bavugaga byose barwanya Kristo byari bishingiye ku binyoma. Uko ni nako byagendekeye Sitefano na Pawulo. Nyamara amagambo mabi cyane kandi adafite ishingiro yavuzwe n’uruhande ruri mu binyoma yagize imbaraga kubera ko hari hariho abantu benshi bari bafite imitima itejejwe bifuzaga ko ibyo byavugwaga byaba ukuri. Bene abo igihe cyose bashishikarira kwibanda ku gakosa no kwibeshya uko ari ko kose gushobora kuboneka ku bababwira ukuri kutabashimishije. UB1 57.1

Ntibikwiriye kudutangaza igihe ubuyobe bufashwe nk’amahame y’ukuri n’abantu bafite irari ry’ibinyoma. Abarwanyaga Kristo bagiye kenshi barwanywa kandi bagacecekeshwa n’ubwenge bwarangaga amagambo ye. Nyamara bakomezaga gutega amatwi impuha zose babishishikariye, kandi bagashakisha urwitwazo rwo kumukurikirana bamubaza ibibazo bimurwanya. Bari bariyemeje kutava ku izima ngo bareke umugambi wabo. Bari bazi neza ko Yesu nakomeza umurimo we, abantu benshi bari kumwizera bityo abanditsi n’Abafarisayo bagatakaza ubutware bari bafite kuri rubanda. Kubera ibyo, bari biteguye guca bugufi bagafata ingamba mbi kandi zisuzuguritse ku rwego urwo ari rwo rwose kugira ngo bagere ku migambi yabo mibisha yo kumurwanya. Bangaga Abaherode ariko bifatanyije n’abanzi badacogora kugira ngo bahimbe umugambi wo gukura Kristo ku isi. UB1 57.2

Uwo ni wo mwuka Umwana w’Imana yasanganijwe n’abo yari aje gukiza. Mbese abantu bose bashaka kubaha Imana no kumenyesha abatuye isi ubutumwa bw’ukuri kwayo, batekereza ko bazakirwa neza kurusha uko Kristo yakiriwe? UB1 57.3

Nta mugambi mubi mfitiye abashaka guhindura ubusa ubutumwa Imana yatanze kugira ngo buhwiture, buburire kandi bukomeze ubwoko bwayo. Ariko nk’intumwa ya Kristo, ngomba guhagarara nkarwanira ukuri. Abo batinyuka kundwanya ni bande? Mbese ni abana batunganye kandi bera bizera. Mbese babyawe ubwa kabiri? Mbese bagabanye kuri kamere y’ijuru? Mbese bakunda Yesu kandi bakerekana umwuka we w’ubugwaneza no kwicisha bugufi? “Nuko

muzabamenyera ku mbuto zabo” (Matayo 7:20). Mbese basa n’abigishwa ba mbere cyangwa basa n’abanditsi n’Abafarisayo b’indyarya bahoraga bashaka uko bategera Yesu mu magambo ye? Zirikana imikorere ikaze y’abo bantu ba kera barwanyaga ukwizera. Zirikana uko abigishamategeko, abatambyi, abanditsi n’abatware bashyize hamwe ngo bahimbe icyo barega uwari umucyo w’isi. UB1 57.4

Kuki bari bahuje umugambi wo guciraho Kristo iteka? Ntibakundaga inyigisho ze n’amategeko ye, kandi ntibashimishwaga no kubona abantu bamwerekejeho intekerezo zabo bateye umugongo abayobozi babo ba mbere. UB1 57.5

Kamere muntu izahora imeze ityo. Reka abashaka kuzitira inzira yanjye no gusenya uruhare rw’amagambo yanjye be kwibeshya ubwabo biyizeza ko bakora umurimo w’Imana. Barakorera undi mwami, kandi bazagororerwa ibihwanye n’ibyo bakoze. UB1 57.6

Igihe cyose Satani akiriho kwigomeka kuzabaho. Abakoreshwa n’umwuka we ntibazashobora kumenya Mwuka w’Imana cyangwa kumva ijwi ryayo kugera igihe hazumvikana aya magambo ngo: “Ukiranirwa agumye akiranirwe, uwanduye mu mutima agumye yandure, umukiranutsi agumye akiranuke, uwera agumye yezwe” (Ibyahishuwe 22:11). Niteze guhura n’ubugome bw’abasuzugura umucyo Imana yishimiye kumpa. UB1 58.1

Igihamya gihagije cy’umuntu ufite umutima uboneye

Ni umugambi w’Imana gutanga ibihamya bihagije bya kamere mvajuru y’umurimo wayo kugira ngo abantu bose bifuza kumenya ukuri by’ukuri bemezwe. Nyamara Imana ntiyigera ikuraho uburyo bwose bwatera gushidikanya. Abantu bose bifuza kujya impaka no kutanyurwa ntibazabura uburyo. UB1 58.2

Mbabarira abantu bose bateye intambwe yabo mu nzira yo gushidikanya no kutizera. Iyaba nari mbishoboye nashimishwa no kubafasha, ariko ibyo nahuye na byo mu gihe cyashize bimpa ibyiringiro bike ko bazigera bagarukira umucyo. Nta gipimo runaka kiriho cy’ibihamya bizemeza abantu ukuri mu gihe cyose

badashaka kureka ubwibone bwabo ngo batsinde kamere y'umubiri kandi bahinduke abigishwa mu ishuri rya Kristo. UB1 58.3

Kwiyemera n'ubwibone ku bitekerezo byawe biyobora abantu benshi ku kwanga umucyo uva mu ijuru. Bihambira ku bitekerezo bakunda cyane n'ubusobanuro batanga budafite ishingiro bw'Ijambo ry'Imana ndetse n'ibinyoma bikabije, kandi iyo ubuhamya butanzwe kugira ngo bukosore ubwo buyobe, bazagenda batishimye nk'uko abantu benshi babikoraga mu gihe cya Kristo. UB1 58.4

Uko imico n'imibereho by'ababwira abantu Ijambo y'Imana byaba bitarangwamo umugayo kose nta cyo bitwaye; kuko ibi bitabaha urwitwazo. Ni ukubera iki? Kuko babwira abantu ukuri. Bavandimwe, iki ni cyo kimbabaza. Ariko niba amakuru abeshya yamamajwe, niba hari ibishyirwa ku mico y'intumwa ya Kristo kubwo kwemeza ibitari ukuri cyangwa gukeka, mbega ukuntu byakirwa neza kandi atari ukuri! Mbega ukuntu abantu benshi biteguye gukabya no gukwirakwiza amazimwe! Bene abo bagaragaza kamere yabo nyakuri. "Uw'Imana yumva amagambo y'Imana, mwebwe igituma mutumva ni uko mutari ab'Imana" (Yohana 8:47). UB1 58.5

Abahagaze mu kuri nk'uko kuri muri Yesu bazahembwa gutukwa no gusuzugurwa. "… abashaka kujya bubaha Imana bose bari muri Kristo Yesu bazarenganywa" (2Timoteyo 3:12). Abantu bavuga ubuhamya bweruye burwanya icyaha bazangwa rwose nk'uko Shebuja wabahaye uyu murimo ngo bawukore mu izina rye na we yagenjwe. Nk'uko byabaye kuri Kristo, bazitwa abanzi b'itorero n'ab'idini, kandi uko bazarushaho gukorana umuhati mwinshi no mu kuri bubaha Imana, ni ko urwango rw'abatubaha Imana n'indyarya ruzarushaho gukara. Nyamara ntidukwiriye gucika intege igihe tugenjwe dutyo. UB1 58.6

Nzakomeza nkore umurimo wanjye.

Dushobora kwitwa "abanyantegenke n'abapfapfa," abatwawe ndetse n'abadatekereza. Ibyo Kristo yavuzweho natwe bishobora kudushyikira ngo: "afite dayimoni" (Yohana 10:20). Ariko umurimo Databuja yaduhaye ngo dukore uracyari uwacu. Tugomba kuyobora abantu kuri Kristo, tudashaka gushimwa

n’abantu cyangwa icyubahiro cyabo, ahubwo tukiyegurira wa wundi uca imanza zitabera. Azi uburyo bwo gufasha ba bandi bababazwa n’ibyo yihanganiye igihe bagera ikirenge mu cye. Yageragejwe mu buryo bwose nka twe kugira ngo abashe kumenya uburyo bwo gutabara abageragezwa bose. UB1 59.1

Ibyo ari byo byose byashyirwa ku buhamya bwanjye bitari ukuri bikozwe n’abiyita intungane, nyamara batazi Imana, nzakomeza kujya imbere niyoroheje nkora umurimo wanjye. Nzavuga amagambo Imana impaye kuvuga mu gukomeza abantu, gucyaha no gutanga imiburo. Ubuzima bwanjye busigaje igihe gito cyane ku isi. Umurimo Data yanshinze, nzawukorana ubudahemuka kubwo ubuntu bwe, nzi yuko ibikorwa byanjye byose bizasuzumwa na Yehova. 71

IBYO ELLEN G. WHITE YARI AZI KU KIBAZO KIJYANYE N’URUGI RUKINZWE BYONGERA KUVUGWA

Battle Creek, Michigan
Kuwa 24 Kanama 1874 UB1 59.3
Ku muvandimwe nkunda Loughborough,
Muri uru rwandiko ndahamya mu cyubahiro cy’Imana yuko ibirego bya Miles Grant, ibya Madame Burdick ndetse n’ibindi byanditswe mu kanyamakuru kitwa “Igihe cy’ibibazo” bitari ukuri. Ibivugwamo byerekeye uko nitwaye mu 1844 ni ibinyoma. UB1 59.4

Hamwe n’abavandimwe banjye mu kwizera, nyuma y’aho igihe cyo mu mwaka wa 1844 kirangiriye, nemeraga ko nta bandi banyabyaha bazongera guhindurwa. Nyamara nta yerekwa na rimwe nagize rimbwira ko nta bandi banyabyaha bazahinduka. Kandi ndavuga neruye mfite umudendezo wo kwemeza ko nta muntu n’umwe wigeze anyumva mvuga cyangwa ngo asome ibyo nanditse bizabashyigikira mu birego bandega kuri iyi ngingo. UB1 59.5

Mu rugendo rwanjye rwa mbere nerekeza mu burasirazuba ni ho navuze iby’iyerekwa nagize ko umucyo utangaje werekeye ubuturo bwera bwo mu ijuru wamurikiye imbere yanjye maze nkerekwa urugi rukinguye n’urukinze. Twizeraga ko Yesu yari hafi kugaruka ku bicu byo mu ijuru. Neretswe ko hari

umurimo ukomeye ugomba gukorwa mu isi ugakorerwa abatarigeze bagira umucyo kandi bawanze. Abavandimwe bacu mu kwizera ntibashoboraga gusobanukirwa ibingibi bitewe n'uko twizeraga ko Kristo agiye guhita aza. Bamwe bandeze ko mvuga ko Umwami wanjye atindije kugaruka kwe, ariko abandeze batyo by'umwihariko ni abaka. Nabonye mu mwaka wa 1844 Imana yari yakinguye urugi kandi nta muntu washoboraga kurukinga, ndetse yari yarakinze urugi kandi ntawashobora kurukingura. Abanze umucyo wari warazanywe muri isi n'ubutumwa bwa marayika wa kabiri barindagiriye mu mwijima. Mbega uburyo uwo mwijima wari icuraburindi. UB1 59.6

Nta na rimwe nigeze mvuga cyangwa ngo nandike ko isi yari igushije ishyano cyangwa iciriweho iteka. Nta na rimwe mu buryo bwose nigeze nkoresha iyi mvugo ku muntu uwo ari wese, uko yaba ari umunyabyaha kose. Nagiye ntanga ubutumwa bwo gucyaha abantu bakoresha amagambo akarishye nk'ayo. 72

Ingingo yerekeye umunsi n'isaha byo kugaruka kwa Kristo.

Muvandimwe wanjye,
Uvuga yuko "mu bindi bintu byinshi bivugwa, abantu bamwe bavuga ko hari uburiganya mu guhisha inyandiko zawe za mbere." Mbese abo bavuga ibyo bashobora gutanga igihamya cy'ayo magambo? Nzi yuko ibingibi byagiye bisubirwamo kenshi ariko nta gihamya cyabyo cyabonetse. "Bavuga ko mu bihamya by'umwimerere wanditse, mu muzingo wa 1, ari nawo babitse, uvugamo weruye ko weretswe umunsi n'isaha byo kugaruka kwa Kristo. Ingingo bashingiyeho ni uko aya magambo wavuze atabasha kugeragereshwa Bibiliya ngo atsinde kuko na Kristo ubwe avuga ko nta muntu uzi uwo munsi cyangwa isaha, ndetse n'iyo baba abamarayika b'Imana." . . . UB1 60.2

Mu gitabo cyanjye cya mbere uzasangamo gusa amagambo yerekeranye n'umunsi n'isaha byo kugaruka kwa Kristo navuze uhereye ubwo igihe [twizeraga ko yagombaga kugaruka] cyarangiraga mu mwaka wa 1844. Biboneka mu gitabo cyitwa Inyandiko z'ibanze. 73 Aho hose herekeza ku itangazo rigomba gutangwa mbere y'uko Yesu Kristo agaruka. UB1 60.3

Urambuye ku rupapuro rwa 145 [urwa 285 mu gitabo cy'ubu kiri mu rurimi rw'Icyongereza] maze ugasoma uhereye ku itangiriro ry'igice, uzabona ko amagambo yahavuzwe yerekeza ku gucungurwa kw'intungane zikurwa mu gihe cy'akaga bikozwe n'ijwi ry'Imana. Niba udafite iki gitabo gishake ukigire kandi usome ibivugwamo. Amagambo avugwamo ameze nk'uko yanditswe mu gatabo ka mbere kanditswe? "Ijuru ryarakingutse kandi rirongera rirakingwa, kandi ryari mu muvurungano." "Imisozi yanyeganyeze nk'uko urubingo ruhungabanywa n'umuyaga, kandi ikajugunya ibitare hirya no hino. Inyanja yabiraga nk'inkono, kandi yajugunyaga amabuye ku butaka. Maze ubwo Imana yavugaga umunsi n'isaha byo kugaruka kwa Yesu, kandi igaha ubwoko bwayo isezerano rihoraho iteka, Imana yavuze interuro imwe maze iraceceka mu gihe amagambo yasesekaraga ku isi." UB1 60.4

Aka ni agace gato k'interuro. Amagambo aboneka ku rupapuro rwa 11 na 27 [ni urwa 15 na 34, inyandiko y'ubu] aganisha kuri icyo gihe kivuzwe haruguru. Akubiyemo ibyo nigeze kwerekwa byose byerekeyeranye n'igihe nyirizina cyo kugaruka k'Umwami. UB1 61.1

Nta kintu nzi na gito cyerekeye igihe cyavuzwe n'ijwi ry'Imana. Numvise isaha itangazwa, ariko ubwo nari mvuye mu iyerekwa sinibukaga iyo saha. Ibintu nk'ibyo bitangaje byanciye imbere ku buryo nta mvugo ikwiriye yo kubirondora. Byose byari ibintu by'ukuri kandi bifatika kuri jye kuko ubwo ibyo byarangiraga hagaragaye igicu kinini cy'umweru, kuri cyo hari hicaye Umwana w'umuntu. UB1 61.2

Kwerekwa ibishashi by'umucyo bwa mbere

Mu buto bwanjye, Uwiteka yabonye ko bikwiriye kunyereka ubwiza bw'ijuru. Nari mu iyerekwa njyanwa mu ijuru maze marayika aherako arambwira ati: "Itegereze!" Nitegereje isi nk'uko yari iri mu mwijima w'icuraburindi. Umubabaro nagize ubwo nitegerezaga uyu mwijima ntabwo washoboraga kurondorwa. UB1 61.3

Ijambo ryongeye kuza rimbwira riti: "Itegereze." Nongeye kwitegereza cyane ku isi maze ntangira kubona ibishashi by'umucyo bimeze nk'inyenyeri zinyanyagiye muri uyu mwijima; nongera kubona undi mucyo wiyongeraho,

noneho muri uyu mwijima mu mico mbonera hiyongeragamo umucyo umeze nk'inyenyeri. Marayika yaravuze ati: "Aba ni abizera Umwami Yesu Kristo kandi bakumvira amagambo ye. Bariya ni umucyo w'isi; kandi iyo hataba uriya mucyo, urubanza rw'Imana rwari guhita rucirwa abagomera amategeko y'Imana." Noneho nabonye bya bishashi bito by'umucyo bigenda birushaho kurabagirana, bimurika bituruka iburasirazuba n'iburengerazuba, mu majyaruguru n'amajyepfo, kandi umucyo ugakwira ku isi hose. UB1 61.4

Rimwe na rimwe umwe mu iyo micyo watangiraga kuzima, ndetse n'indi nayo ikigendera. Igihe cyose ibyo byabaga mu ijuru habaga agahinda n'amarira. Imwe muri ya micyo yarushagaho kumurika, kandi urumuri rwayo rwageraga kure kandi indi micyo myinshi ikiyongera kuri yo. Iyo byabaga bityo, mu ijuru barishimaga. Nabonaga yuko imirasire y'umucyo yavaga kuri Yesu kugira ngo ikore utwo dushashi dutangaje tw'umucyo mu isi. 74

UMUGABANE WA II
IMIBEREHO YA GIKRISTO
IJAMBO RY'IBANZE

Nyuma y'imyaka 15 madame Ellen G. White apfuye, inyandiko ze zitigeze zijya ahagaragara- zari mu biro by'ahitwa Elmshaven i Calfornia — zongeye gutondekwa, kandi icyo gihe inyandiko zimwe zitoranyijwe mu mabaruwa ye n'inyandiko zindi yandikishije intoki byahereyeko byandikwa ku mpapuro. Ibingibi byari bikubiyemo ibyigisho bishimishije bitandukanye by'umwihariko ku bakozi b'Abadiventisiti b'umunsi wa karindwi. Muri ibyo byigisho harimo ibivuga; "Imibereho ya Gikristo", "Uburyo Umurimo ukorwa", "Uburezi", "Itorero" n'ibindi. Ibi byose byasohowe ubwa mbere bifite umutwe uvuga ngo: "Impapuro z'i Elmshaven," nyamara nyuma y'aho zasohotse zifite undi mutwe. 75 Izo nyandiko zabaye nyinshi zigera ku nyandiko 42 zitandukanye, zashyizwe hamwe ziba igitabo kimwe. UB1 62.1

Mu myaka yakurikiye gushyirwa ahagaragara kw'icyo gitabo gikomatanyije impapuro, ibitabo byinshi bya Ellen G. White nk'ibyitwa "Umurimo w'ubuvuzi, Ivugabutumwa, Kuyobora umwana, Umurimo w'ubugiraneza, Urugo rwa Kidiventisiti", byakuye ibintu byinshi mu nyandiko zandikishijwe intoki ari nazo

ku ikubitiro zakurwagamo ibyatoranywaga bigasohoka muri za mpapuro, kandi byavugaga byinshi mu byabaga biri muri izo mpapuro cyangwa ibisa nabyo rwose, bikandikwa mu gitabo gihoraho. Ibyo byagabanyije cyane imbaraga z'umurimo wo gusohora za mpapuro ndetse no gukenerwa kwazo. UB1 62.2

Nyamara zimwe muri izo mpapuro, zabaga zivangavanze mu miterere no mu myandikire, zari zifitanye isano n'imibereho ya Gikristo ndetse n'izindi ngingo z'ingirakamaro, ntabwo zigeze zicapwa uko ziri cyangwa ngo zandukurwe mu bitabo bya Ellen G. White byasohowe kuva igihe yapfiriye. Muri iki gihe ibyo biboneka hirya no hino mu gitabo cyitwa "Ubutumwa bwatoranyijwe." Ibyinshi byakusanyijwe bikuwe muri utwo dutabo byashyizwe hamwe biboneka muri uyu mugabane w'iki gitabo uvuga ku mibereho ya Gikristo: Abashinzwe kurinda inyandiko za Ellen G. White. UB1 62.3

IGICE CYA 6: UKWITABWAHO NA YESU KUJE URUKUNDO 76

Mu kwandika kwanjye ndifuza kugaragaza igitekerezo cyimbitse cyo gushimira urukundo rutwitaho twese rw'Umukiza wacu. Igihe nsoma Ijambo ry'Imana kandi ngapfukama ngasenga, nsabwa no kugira neza n'imbabazi by'Imana ku buryo ntashobora kugira icyo nsaba ntarize. Uko ntekereje ku kugira neza n'urukundo bya Data wo mu ijuru, umutima wanjye ucishwa bugufi kandi ukameneka. Muri ubu buzima, ndushaho kugira inzara n'inyota nifuza Yesu. Kristo yarambambiwe, mbese niba narabambanwe nawe nakwivovota? . . . UB1 63.1

Ntabwo tuzi ibiri imbere yacu, kandi amahoro yacu yonyine ari mu kugendana na Kristo, ikiganza cyacu kiri mu cye kandi imitima yacu yuzuye ibyiringiro bishyitse. Ese ntiyavuze ati: "Ahubwo yisunge imbaraga zanjye, abone kuzura nanjye: ndetse niyuzure nanjye"? (Yesaya 27:5). Reka tube hafi y'Umukiza. Nimucyo tugendane nawe twicishije bugufi, twuzuye ubugwaneza bwe. Nimucyo inarijye ihishanwe na We mu Mana … UB1 63.2

Umurimbo w'inyuma

Abantu bakundwakaza inarijye kandi bakayogeza, bagaha icyicaro ubwibone n'ubwirasi, bagatanga igihe cyabo n'intekerezo bita ku myambarire no kugaragara inyuma aho kubikoresha mu murimo wa Shebuja, baba bitera igihombo giteye ubwoba. Abantu benshi bambaye imyenda myiza igaragara inyuma nta kintu na kimwe bazi cyerekeye umurimbo w'imbere ari wo w'igiciro cyinshi mu maso y'Imana. Umwenda mwiza bambaye utwikiriye umutima w'icyaha kandi urwaye, wuzuye ubwirasi n'ubwibone. Ntibasobanukiwe n'icyo "gushaka ibiri hejuru aho Kristo ari, yicaye iburyo bw'Imana," bisobanuye. Abakolosayi 3:1 UB1 63.3

Nifuza kuzuzwa Mwuka wa Kristo buri munsi. Ubutunzi bw'ubuntu bwe bufite agaciro kenshi kuri jye kurusha izahabu, ifeza cyangwa umwenda w'igiciro cyinshi. Sinigeze nifuza cyane ubutungane kuruta uko biri muri iki gihe. UB1 63.4

Ubwo abavandimwe banjye b'abagore n'abakobwa bazasobanukirwa uko Kristo yababajwe ku bwabo kugira ngo bashobore guhindurwa abana b'Imana batari basanzwe ari bo, ntabwo bazongera kunyurwa n'ubwibone bw'isi no kwikunda. Ntibazongera na rimwe kuramya inarijye. Imana ni yo bazashyira imbere kurusha ikindi icyo ari cyo cyose. UB1 63.5

Umutima wanjye urandya iyo neretswe imbaga y'abantu bagira irarinjye ikigirwamana cyabo. Kristo yishyuye ikiguzi cyo kubacungura. Umurimo uva mu mbaraga zabo zose ni uwe, nyamara imitima yabo yazuyemo kwikunda n'irari ryo kwirimbisha. Ntabwo bigera batekereza kuri aya magambo ngo: "Umuntu nashaka kunkurikira, niyiyange, yikorere umusaraba we ankurikire." (Mariko 8:34) Kwinezeza bituma Kristo ahishwa amaso yabo. Nta cyifuzo bafite cyo kugenda biyoroheje kandi bicishije bugufi imbere y'Imana. Ntabwo bahanga Yesu amaso. Ntibasengera guhindurwa ngo base nawe. Ibyabo bimeze nk'iby'umuntu waje mu bukwe bw'umwana w'umwami yiyambariye imyenda isanzwe. Yari yanze kwitegura mu buryo bwasabwaga n'Umwami. Umwenda w'igiciro cyinshi yahawe yanze kuwambara. Ikibazo umwami yabajije ati: "Mugenzi wanjye, ni iki gitumye winjira hano utambaye umwenda w'ubukwe?" (Matayo 22:12) ntacyo yashoboye kugisubizaho. Yaracecetse kuko yaciriweho iteka. UB1 64.1

Abantu benshi biyita Abakristo ni abo ku izina gusa. Ntabwo bahindutse. Bariyemera. Ntibicara ku birenge bya Yesu kugira ngo bamwigireho nk'uko Mariya yabikoze. Ntibiteguye kugaruka kwa Kristo. UB1 64.2

Gutungurwa gukomeye

Mu nzozi za joro rimwe nari kumwe n'abantu bafite imitima yuzuye ubwirasi no kwishyira hejuru. Yesu yari ahishwe amaso yabo. Uwo mwanya mu buryo butunguranye, mu mvugo itunganye kandi iranguruye humvikanye amagambo ngo: "Yesu aje kujyana abari kuri iyi si bamukunze kandi bamukoreye, kugira ngo babane nawe mu bwami bwe iteka ryose." Benshi muri abo twari kumwe bagiye kumusanganira bambaye imyambaro y'igiciro cyinshi. Bakomeje kureba uko biyambariye. Ariko ubwo babonaga ikuzo rye kandi bakabona ko ubwabo bireberaga cyane ku murimbo wabo w'inyuma, bamenye ko batari bambaye ikanzu yo gukiranuka kwa Kristo, kandi ko amaraso y'abantu yari ku myambaro yabo. UB1 64.3

Ubwo Kristo yajyanaga intore ze, barasigaye kuko batari biteguye. Mu mibereho yabo, inarinjye ni yo yari yarahawe umwanya w'imbere, kandi ubwo Umukiza yazaga, ntabwo bari biteguye kumusanganira. UB1 64.4

Mu bitekerezo byanjye nakangukanye ishusho y'uburanga bwabo bwuzuye umubabaro mwinshi. Ntabwo nshobora kubikura mu ntekerezo zanjye. Ndifuza kurondora ibyo nabonaga nk'uko nabyeretswe. Mbega gucika intege kw'abatari baramenye ubusobanuro bw'aya magambo ngo: "kuko mwapfuye kandi ubugingo bwanyu bukaba bwarahishanywe na Kristo mu Mana "(Abakolosayi 3:3). UB1 64.5

Hari benshi biyita Abakristo nyamara batazi Kristo mu buryo babayeho bufatika. Mbega ukuntu umutima wanjye ubabazwa n'aba bantu b'abatindi, bashutswe kandi batiteguye! Iyo mpagaze imbere y'amateraniro, nkareba abantu bihagije, abigira intungane, kandi nkamenya ko ubwabo batari kwitegura gukorera Kristo umurimo wemewe, kandi ngo bamusanganire mu mahoro, numva ndemerewe cyane ku buryo ntabasha gusinzira. Ndibaza nti: "icyo nshobora kubwira aba bantu kizatuma bakangukira kwimenya neza uko bari ni iki? Inarinjye ni yo gitekerezo cyonyine cyihariye imibereho yabo. Nifuza

kwerekana Kristo mu buryo bweruye kugira ngo bamuhange amaso, bityo barekere aho kwihugiraho ubwabo… UB1 64.6

Mu bantu bazacibwa intege cyane ku munsi wa nyuma hazaba harimo bamwe bagiye bigaragaza inyuma ko ari abubahamana, kandi biyerekanaga ko bafite imibereho ya Gikristo. Nyamara inarinjye yisobekeranyije mu byo bakora byose. Biratana ubwabo imico mbonera yabo, kuba ari abantu bubashywe, ubushobozi bwabo bwo kuba mu myanya y'icyubahiro kurusha abandi, ndete n'uko bazi ukuri, kuko batekereza yuko ibi byose bizatuma bashimwa na Kristo. Bazamubwira bati: "Mwami, twariraga imbere yawe, tukanywera imbere yawe, ndetse ukigishiriza mu nzira z'iwacu." (Luka 13:26). "Ntitwahanuraga mu izina ryawe, ntitwirukanaga abadayimoni mu izina ryawe, ntitwakoraga ibitangaza byinshi mu izina ryawe?" (Mat 7:22). UB1 65.1

Ariko Kristo aravuga ati: "Nibwo nzaberurira nti: 'Sinigeze kubamenya, nimumve imbere mwa nkozi z'ibibi mwe'." "Umuntu wese umbwira ati: ' Mwami, Mwami', si we uzinjira mu bwami bwo mu ijuru, keretse ukora ibyo Data wo mu ijuru ashaka.'" (Matayo 7:23, 21). UB1 65.2

Nta kubiganiraho; igihe cy'ibyo cyararangiye. Urubanza rudakuka rwamaze gucibwa. Bakingiraniwe hanze y'ijuru n'uko bo ubwabo badakwiriye kuhaba. (Soma Matayo 7:24-27)-- 77 UB1 65.3

Binyuze mu nama yo gucungura umuntu, Imana yatanze uburyo bwo gutsinda ikintu cyose kiranga icyaha, ndetse no gutsinda ikigeragezo cyose nubwo cyaba gikomeye gite. 78 UB1 65.4

Iyaba ubwoko bw'Imana bwari bufite urukundo rwa Kristo mu mitima; iyaba buri mwizera wese yari yuzuye bihagije umwuka wo kwiyanga; iyaba byose byagaragariraga mu kuri kose, ntihari kubura ubufasha bukoreshwa mu kuvuga ubutumwa mu gihugu no mu mahanga; ubutunzi bwacu byakwikuba incuro nyinshi, imiryango igihumbi idufitiye akamaro yakingurwa; kandi tukararikirwa kwinjira. Iyaba umugambi w'Imana warashyizwe mu bikorwa n'ubwoko bwayo

mu kugeza ubutumwa bw'imbabazi ku batuye isi, Kristo aba yaragarutse ku isi, kandi intungane ziba zaramaze kwakirwa mu murwa w'Imana. 79

IGICE CYA 7: KRISTO NI WE MUGENGA

Abantu bo mu gihugu cy'Abanyagadara bifuje ko Kristo yava iwabo akagenda. (Matayo 8:28-34).Abanyakaperinawumu bo baramwakiriye, kandi muri bo yahakoreye ibitangaza bikomeye. UB1 66.1

Kristo afite ubushobozi bwose mu ijuru no mu isi. Ni we Muganga Mukuru tugomba kwitabaza igihe tubabazwa n'indwara z'umubiri cyangwa iz'umwuka. Yerekanye ko afite ubutware butavuguruzwa ku miyaga, imiraba no ku bantu bari batewe n'abadayimoni. Ni we wahawe imfunguzo z'urupfu n'iz'ikuzimu. Ibinyabutware n'ibinyabushobozi byaramwumviye ndetse n'igihe yakozwaga isoni… UB1 66.2

Kuki tutakomeza kwizera Umuganga wo mu ijuru dushikamye? Nk'uko yagenjereje umuntu wari unyunyutse ukuboko, ni nako uyu munsi agenzereza abamusanga ngo abakize. Dukeneye cyane kurushaho kugira kwizera. Mbabazwa cyane no kubona abantu bacu badafite kwizera. Dukeneye rero gusanga Kristo, twizeye ko azadukiza ubumuga bw'umubiri nubw'iby'umwuka. UB1 66.3

Dukabije kutizera. Mbega ukuntu nifuza kuyobora abantu bacu ku kwizera Imana! Ntibakeneye kwiyumvisha yuko kugira ngo bagaragaze ko bizera ari uko bagomba gutwarwa ku rwego rukomeye. Ibyo bakwiriye gukora ni ukwizera Ijambo ry'Imana, nk'uko nabo bizerana hagati yabo mu byo bavugana. Imana yarabivuze, kandi izasohoza Ijambo ryayo. Ishingikirize ku isezerano ryayo utuje, kuko icyo ivuze iragisohoza. Vuga uti: "Yabimbwiye mu Ijambo ryayo, kandi izasohoza isezerano ryose yasezeranye. Ntubure amahwemo. Iringire. Ijambo ry'Imana ni ukuri. Kora nk'aho Data wo mu ijuru ari Umwiringirwa… UB1 66.4

Abantu bahamagarirwa kwamamaza ukuri ahantu hashya. Aba bantu bagomba kugira umutungo wo kubunganira. Kandi bagomba kugira umutungo bakuramo ubufasha baha abakene n'abandi bafite ibibazo bazagenda bahura

na bo mu murimo bakora. Ineza bagaragariza abakene igira uruhare mu mwete wabo wo kwamamaza ukuri. Ubushake bwabo mu gufasha abari mu bibazo butuma bashimwa n'abo bafashijwe, kandi bakemerwa n'Ijuru. UB1 66.5

Aba bakozi b'inyangamugayo bakwiriye kugirirwa impuhwe n'abagize itorero. Uwiteka azumva isengesho basabirwa kandi itorero ntirikwiriye kureka kwita mu buryo bufatika ku murimo bakora. UB1 66.6

Nta muntu n'umwe wibereyeho ubwe gusa. Mu murimo w'Imana buri muntu ashinzwe icyo agomba gukora. Ubufatanye bwa bose butera imbaraga umurimo w'umuntu ku giti cye. Uko kwizera, urukundo n'ubumwe by'itorero birushaho gukomera uruziga rw'impinduka batera ba bantu rurushaho kwaguka kandi bigatuma bagera ku ntego ndende y'umurimo wabo, bagahora bagura intsinzi y'umusaraba. UB1 66.7

BYUKA, URABAGIRANE.

Imana iduhamagarira kwambuka imipaka iri mu murimo w'aho dukorera hafi yacu. Ubutumwa bw'inkuru nziza bukwiriye kujyanwa mu mijyi no hanze yayo. Dukwiriye guhamagarira abantu bose kuzenguruka ibendera ry'umusaraba. Uyu murimo nukorwa nk'uko bikwiriye, nidukorana umwete mvajuru tugatuma abantu bashya bemera ukuri, abatuye isi bazabona ko hari imbaraga iherekeje ubutumwa bw'ukuri. Ubumwe bw'abizera butanga ubuhamya ku mbaraga y'ukuri ishobora gutuma abantu badahuje imyumvire batahiriza umugozi umwe, ibyo bagamije bakabigira ikintu kimwe. UB1 67.1

Amasengesho n'amaturo y'abizera akomatanywa n'umuhati wabo wo kwitanga, maze isi, abamarayika ndetse n'abantu bakabatangarira. Abantu barongera bagahindurwa bashya. Ukuboko kwigeze guhabwa ibihembo byo mu rwego rwo hejuru kwahindutse ukuboko gufasha kw'Imana. Abizera bahuzwa n'inyungu imwe rukumbi ari yo iyi: icyifuzo cyo gushyiraho ahantu henshi (cyangwa ibigo) havugirwa ukuri, aho Imana izererezwa. Kristo abateraniriza hamwe akoresheje imirunga yera y'ubumwe n'urukundo, imirunga ifite imbaraga ntamenwa. UB1 67.2

Ubu bumwe ni bwo Kristo yasengeye mbere y'uko acirwa urubanza, ubwo yari hafi kubambwa. Yaravuze ati: "Ngo bose babe umwe nk'uko uri muri jye, Data, nanjye nkaba muri wowe, ngo nabo babe umwe muri twe, ngo ab'isi bizere ko ari wowe wantumye."(Yohana 17: 21). UB1 67.3

Imana irahamagarira abantu bakangutse by'igice ngo babyuke, kandi binjire mu murimo w'ukuri, basabe Imana imbaraga zo gukora umurimo. Abakozi barakenewe. Ntabwo ari ngombwa gukurikiza amabwiriza yateguwe mu buryo runaka buzwi. Akira Mwuka Muziranenge bityo umuhati wawe uzagera ku ntego. Kuba Kristo ari kumwe na we ni byo bizana imbaraga. Nimucyo kwirema ibice ndetse n'amakimbirane yose acike. Nimureke urukundo n'ubumwe biganze. Nimucyo abantu bose bagende bayobowe na Mwuka Muziranenge. Ubwoko bw'Imana nibuyiyegurira burundu, izabugarurira imbaraga bwatakaje kubwo kwirema ibice. Imana idufashe twese gusobanukirwa ko kwitandukanya ari intege nke kandi ko kwifatanya ari imbaraga. 80 UB1 67.4

Ganira ibyo kwizera

Ibyabaho byose, ntuzigere ucika intege. Uwiteka aradukunda, kandi azasohoza Ijambo yavuze. Gerageza ushishikarize abarwayi kwiringira Imana. Bashishikarize kugira ubutwari. Vuga ibyiringiro ndetse no mu gihe giheruka cy'umurwayi. Niba bagomba no gupfa, reka bapfe basingiza Uwiteka. Ni Uhoraho; kandi nubwo bamwe mu bamwizera b'indahemuka bapfa, imirimo yabo izabaherekeza, kandi mu gitondo cy'umuzuko ibyabo bizaba gukangukana ibyishimo. UB1 68.1

Nimucyo twe gucika intege. Reka twe kuvuga ibyo gushidikanya, ahubwo tuvuge ibyo kwizera; kuko kwizera gutera imbaraga itagerwa. Nidukomeza kugundira iyi mbaraga, ntitwiringire imbaraga zacu za kimuntu, tuzabona agakiza k'Imana. 81

IGICE CYA 8: KUGIRA UBUSHAKE BWO GUTANGA NO KWITANGIRA ABANDI 82

Umuntu ukunda Imana by'akarusho agakunda na mugenzi we nk'uko yikunda azakora ahora azirikana ko isi, abamarayika n'abantu bamwitegereza. Mu kwemera ko ubushake bw'Imana buba ubwe, azerekanira mu mibereho ye imbaraga ihindura y'ubuntu bwa Kristo. Mu bibaho byose mu buzima, azakoresha urugero rwa Kristo nk'umuyobozi we. UB1 69.1

Buri mukozi wese nyakuri kandi witangira umurimo w'Imana ashaka gutanga no kwitangira abandi. Kristo aravuga ati: "Ukunda ubugingo bwe arabubura, ariko uwanga ubugingo bwe muri iyi si, azaburinda ageze ku bugingo buhoraho." (Yohana 12:25). Kubwo gukoresha umuhati wimazeyo kandi watekerejweho mu gufasha aho ubufasha bukenewe, Umukristo nyakuri yerekana urukundo akunda Imana na bagenzi be. Ashobora gutakariza ubuzima bwe mu murimo. Nyamara igihe Yesu azaba agarutse gushyira hamwe imarigarita ze ngo azijyane iwe, uwo muntu azongera abugarurirwe. UB1 69.2

Bavandimwe banjye, ntimugatakaze igihe kinini ndetse n'amafaranga ku gushimisha inarijye, kubwo gushaka kugaragara inyuma. Abakora ibyo usanga basiga ibintu byinshi badakoze nyamara bagombye kuba barabikoze bigahumuriza abandi, bikururutsa imitima yabo ihagaze. Twese dukeneye kwiga uburyo twarushaho gukoresha neza amahirwe dukunze kugira, kugira ngo tuzane umucyo n'ibyiringiro mu mibereho y'abandi. Dushobora dute gukoresha neza ayo mahirwe niba intekerezo zacu zirangamiye ku kwihugiraho? Umuntu wihugiraho atakaza amahirwe atabarika yo gukora icyari kuzanira abandi umugisha ndetse na we ubwe. Mu bibaho byose, umugaragu wa Kristo agomba kwibaza ati: « Nakora iki ngo mfashe abandi?" Niba ku ruhande rwe yarakoze ibishoboka byose, ingaruka z'ibyo akwiriye kuziharira Imana.UB1 69.3

Nifuza kubaho ku buryo mu gihe kizaza nazashobora kumva ko muri ubu buzima nakoze ibyo nashoboraga gukora byose. Imana yahaye buri muntu ibyishimo bishobora gusaranganywa n'abakire n'abakene mu buryo bumwe. Ibyo ni ibyishimo biboneka mu guharanira kugira intekerezo ziboneye, gukora ibikorwa bitarangwa no kwikanyiza, ibyishimo bizanwa no kuvuga amagambo y'ihumure ndetse no gukora ibikorwa byiza. Abantu bakora umurimo nk'uwo baturukwaho n'umucyo wa Kristo maze ukarasa kugira ngo umurikire abari mu mwijima n'icuraburindi. UB1 69.4

Imana iteshwa icyubahiro igihe tunaniwe kuvugana ukuri nyako. Ariko dukwiriye kuvuga ukuri mu rukundo, dukoresha kwiyoroshya n'umutima w'imbabazi mu ijwi ryacu.UB1 70.1

Ibyago byo mu minsi ya nyuma biratwugarije. Abantu babereyeho gushimisha no kunezeza inarijye baba basuzuguza Imana. Ntabwo Imana ishobora kubakoresha kubera ko bayigaragaza nabi imbere y'abatazi ukuri. Mwitonde cyane kugira ngo, kubwo gutagaguza umutungo mu bupfapfa, mudakoma mu nkokora umurimo Uwiteka yashoboraga gukora mu kubwira ubutumwa bw'imbuzi isi yoramye mu byaha. Wige uburyo bwo gucunga umutungo, ugabanye ibyo utakazaho umutungo byawe ku giti cyawe bijye ku rugero rwo hasi cyane rushoboka. Hirya no hino, mu murimo w'Imana hakenewe ubufasha. Imana ishobora kubona ko wenyegeza ubwibone. Ishobora kubona ko ari ngombwa kukwaka imigisha wakoresheje mu kwimakaza ubwibone aho kuyikoresha neza. UB1 70.2

Fasha mu gihe cyose cy'ubukene.

Abantu bakora ahantu umurimo umaze igihe gito utangiye, akenshi bazabona yuko bakeneye cyane ibyangombwa birushijeho kuba byiza. Umurimo wabo uzaba nk'aho ubangamiwe bitewe no kubura ibi byangombwa, ariko bareke guhangayika. Nimucyo ibyo byose babyikoreze Uwiteka mu gusenga. Igihe twageragezaga gutangira umurimo ahantu hashya, akenshi twageraga aho ubushobozi bwacu bushize. Incuro nyinshi, byasaga n'aho tudashobora gukomeza ngo dutere indi ntambwe. Ariko gusenga kwacu kwakomeje kuzamuka kujya mu ijuru, buri gihe cyose tukazibukira inarijye; kandi Imana yumvise ndetse isubiza amasengesho yacu, itwohererereza ibyo twifuzaga ngo umurimo ukomeze kujya mbere. UB1 70.3

Ibiguhangayikisha byose bishyire ku birenge by'Umucunguzi. "Musabe muzahabwa." (Yohana 16:24). Kora, usenge kandi wizere n'umutima wawe wose. Ntugategereze ko amafaranga aba ari mu biganza byawe mbere yuko ugira icyo ari cyo cyose ukora. Genda ufite kwizera. Imana yavuze ko ibendera ry'ukuri rigomba kuzamurwa ahantu henshi. Igihe usaba Imana ngo igufashe iga kwizera. Imenyereze kwiyanga; kuko imibereho yose ya Kristo kuri iyi si yari iyo

kwiyanga. Yazanywe no kutwereka icyo tugomba kuba cyo n'icyo tugomba gukora kugira ngo tubone ubugingo buhoraho. UB1 70.4

Kora ibigushobokera byose maze utegereze wihanganye, wiringiye, kandi wishimye kuko isezerano ry'Imana ridashobora guhera. Habaho kutagera ku ntego kubera ko abantu benshi bashoboraga gukoresha umutungo wabo mu murimo w'Imana ngo ujye mbere badafite kwizera. Uko barushaho kugundira ubutunzi bwabo, ni ko bazagira kwizera guke. Ni bo bashyiraho inzitizi, bagatinza umurimo w'Imana. UB1 70.5

Bakozi bagenzi banjye nkunda, mukoreshe ukuri, mwiringire kandi mube intwari. Nimureke igikorwa cyose gikorwe mu kwizera. Mu gihe mukoze ibyo mushoboye byose, Imana izagororera kuba indahemuka kwanyu. Nimuvome imbaraga z'umubiri, iz'ubwenge n'iz'umwuka mu isoko itanga ubugingo. Kuba umugabo cyangwa umugore —wejejwe, ukiranuka, utunganye kandi wo ku rwego rwo hejuru — ibyo twasezeraniwe ko tuzabihabwa. Dukeneye kwa kwizera kuzadushoboza kwihanganira kureba Imana itabonwa. Uko muzakomeza kumuhanga amaso, muzuzura urukundo rwimbitse muzakunda abo yapfiriye, kandi muzahabwa imbaraga z'umwete uvuguruye.UB1 70.6

Kristo ni we byiringiro byacu rukumbi. Sanga Imana mu izina ry'uwatangiye ubugingo bwe abatuye isi. Ishingikirize ku gitambo Cye gihagije. Erekana ko urukundo rwe n'ibyishimo bye biri mu mutima wawe, kandi ko kubera ibyo, ibyishimo byawe byuzuye. Rekera aho kuganira ibyo kutizera. Imbaraga zacu ziri mu Mana. Senga cyane. Isengesho ni imibereho y'ubugingo. Isengesho risenganwe kwizera ni intwaro dushobora gukoresha neza mu gutsinda igitero cyose cy'umwanzi. 83

IGICE CYA 9: MWISUZUME UBWANYU

"Ngaho nimwisuzume ubwanyu, mumenye yuko mukiri mu byo twizera kandi mwigerageze." (2 Abakorinto 13:5) Nenga imyifatire, imico, ibitekerezo, amagambo, ibireshya umuntu, imigambi n'ibikorwa witonze. Mbese twabasha dute gusabana ubwenge ibintu dukeneye niba tutageragereshe Ibyanditswe imibereho yacu mu by'Umwuka? UB1 72.1

Abantu benshi mu mibereho yabo y'ibyo kwizera bagendera mu nzira zigoramye. Amasengesho yabo asengwa mu buryo bw'umuhango kandi budafite icyerekezo. Umuntu washyizwe mu mwanya w'ubuyobozi akwiriye kwibuka ko kubwe adashobora gukora ibyo asabwa gukora. Buri munsi akwiriye kwibuka ko ari igishungero mu isi, ku bamarayika no ku bantu. UB1 72.2

Nta muntu n'umwe ugomba gutegereza kujyanwa aho akorera umurimo kandi ngo ahabwe ibyangombwa by'agaciro kenshi kugira ngo akore neza. Umuntu ukora agomba kwishimira gukora umurimo we, uko waba woroheje kose, kandi n'aho yashyirwa hose. Kristo ni we cyitegererezo cyacu mu bintu byose, yari umukene kugira ngo binyuze mu bukene bwe abashe guhindura benshi abakire. UB1 72.3

Umuntu ufite umutima wuzuye ubuntu bw'Imana n'urukundo akunda bagenzi be bari mu nzira y'irimbukiro, aho abasha gushyirwa hose, azabona amahirwe yo kubwira ijambo abantu bafite imitima ihangayitse. Abakristo bagomba gukorera Shebuja bafite ubugwaneza no kwicisha bugufi, bakanamba ku bunyangamugayo bwabo hagati mu rusaku no guhugirana byo muri ubu buzima. UB1 72.4

Imana ihamagarira abantu kuyikorera mu byo bakora byose mu mibereho yabo. Gushakisha ubutunzi biba umutego igihe amategeko y'Imana atagizwe amategeko agenga umuntu mu mibereho ye ya buri munsi. Umuntu wese ufite icyo akora cyose mu murimo wa Databuja akwiriye gukomeza ubunyangamugayo butajegajega. Mu mirimo yose akora, mu by'ukuri igihe apfukama ashaka gufashwa n'ijuru, ubushake bw'Imana buzaba ubwe. Akwiriye gukomeza guhanga amaso Uwiteka, agakomeza kwiga ibyigisho Ijambo ryera rivuga. Bityo nubwo ari hagati y'ibintu byakwandavuza umuntu udafite amahame ahamye agenderaho, umuntu urangwa n'ubutungane n'ubunyangamugayo butajegajega akomera ku Bukristo bwe. UB1 72.5

Isi ya none nta cyiza ifite cyatuma habaho gukura kw'imico ya Gikristo kurusha uko mu gihe cya Nowa byari biri. Muri icyo gihe ubugome bwari bwarabaye gikwira ku buryo Imana yavuze iti: "Nzarimbura abantu naremye, mbatsembe mu isi uhereye ku muntu n'inyamaswa n'amatungo n'ibikururuka

n’ibisinga byo mu kirere, kuko nicujije yuko nabiremye. Ariko Nowa agirira umugisha ku Uwiteka… Nowa yari umukiranutsi, yatunganaga rwose mu gihe cye Nowa yagendanaga n’Imana.” (Itang 6:7-9). Yego, hagati mu gukiranirwa kw’icyo gihe cyo gusubira inyuma, Nowa we yanezezaga Umuremyi we. UB1 72.6

Turiho mu bihe biheruka amateka y’iyi si, mu gihe cyiganjemo ibyaha no gukiranirwa, kandi nk’uko byabaye kuri Nowa, dukwiriye kubaho ku buryo tunezeza Imana, twamamaza ishimwe ry’Uwo « waduhamagaye akadukura mu mwijima akatugeza mu mucyo we w’itangaza» (1 Petero 2:9). Mu isengesho Kristo yasenze Se mbere y’uko abambwa, yaravuze ati: “Sinsaba ko ubakura mu isi, ahubwo ubarinde umubi” (Yohana 17:15). UB1 73.1

Umurimo w’ikirenga.

Igihe abagabo n’abagore bagize imico Imana yemera, iyo biyanze kandi bakitanga byimazeyo, igihe biteguye igeragezwa riheruka, biteguye kwakirwa mu muryango w’Imana, ni uwuhe murimo uzarusha iyindi yose agaciro uwugereranyije n’uwitanze kugira ngo akize ubwoko bwacumuye? Ni uwuhe murimo uzaba ufite agaciro ku mutima ufite urukundo rudashira? Ni uwuhe murimo uzatuma Data n’Umwana banyurwa cyane kandi bakishima? Nta wundi uretse “Agakiza k’abantu bari mu nzira y’irimbukiro.” Kristo yapfiriye kugira ngo azanire abantu imbaraga ikiza y’ubutumwa bwiza. Abantu bafatanya nawe mu guteza imbere umurimo We ukomeye w’imbabazi, bagakoresha imbaraga zose Imana yabahaye kugira ngo bakize abari hafi na kure, bazasangira ibyishimo by’Umucunguzi ubwo abacunguwe bazahagarara bakikije intebe y’Imana. UB1 73.2

Imana yahaye uburyo n’ubushobozi abagaragu bayo kugira ngo bakore umurimo w’isumbwe cyane kurusha umurimo wundi wose Imana ibona muri iki gihe. UB1 73.3

Intumwa yo mu ijuru yaravuze iti: “Oh! ibigo by’Uwiteka bishyigikiye cyane ugukomera k’ukuri kuri gusohora muri iki gihe. Hariho imyumvire mibi mu gusobanukirwa ibyo inshingano zisaba. Ubukonje abizera bishimira kubamo budindiza gahunda z’ubwitange zari zikwiriye gukorwa kugira ngo isi iburirwe kandi abantu bakizwe. UB1 73.4

“Imbaraga z’umwijima zirakorana umwete mwinshi, kandi uko imyaka ishira indi igataha abantu ibihumbi byinshi bo mu moko yose, amahanga yose n’indimi zose, bapfa bataburiwe kandi batiteguye. Ukwizera kwacu kugomba kugaragaza ikintu gisobanutse kurushaho, gihamye, kandi cy’ingenzi kurushaho. UB1 73.5

“Baza ibigo byanjye n’amatorero uti: ‘Mbese mwizera Ijambo ry’Imana? None se, ni iki uri gukora mu murimo w’ivugabutumwa? Mbese murakorana kwiyanga no kwitanga? Mbese mwizeye ko Ijambo ry’Imana risobanura icyo rivuga? Ibikorwa byanyu byerekana ko atari ko mugenza. Mbese muzahurira mute mu rubanza rw’Imana n’imbaga y’abantu bapfa batigeze baburirwa? UB1 73.6

“Mbese hazabaho igihe cy’imbabazi cya kabiri? Oya, oya rwose. Iyi myizerere ipfuye ikwiriye kuzibukirwa burundu. Iki gihe cy’imbabazi dufite ubu nicyo cyonyine dufite. Mbese mubona ko agakiza k’abantu bacumuye kagomba kubonwa muri ubu buzima, bitaba ibyo bakazazimira burundu?” UB1 74.1

Inshingano zacu.

Ubutumwa bwandikiwe Lawodokiya bureba itorero muri iki gihe. Mbese mwizera ubu butumwa? Mbese mufite imitima ibyiyumvisha? Cyangwa mukomeza kuvuga muti: ‘Turi abakire kandi turatunganiwe, ntacyo dukennye? Mbese iyamamaza ry’ukuri guhoraho kwahawe iri shyanga ngo rikugeze mu mahanga yose yo ku isi ryabereyeho ubusa? Imana yatoranyije ishyanga ry’abantu kandi ibagira ababitsi b’ukuri gukomeye gufite ingaruka z’iteka ryose. Bahawe umucyo ugomba kumurikira isi. Mbese Imana yarakosheje? Mbese mu by’ukuri turi ibikoresho by’Imana yitoranyirije? Mbese turi abagabo n’abagore bakwiriye kugeza ku batuye isi ubutumwa buri mu Byahishuwe 14, tugeza ubutumwa bw’agakiza ku bantu bahagaze ku munwa w’irimbukiro? Mbese dukora nk’uko twagombaga gukora? UB1 74.2

Intumwa iravuga mu ijwi ryumvikana kandi rihamye igira iti: “Ndababaza icyo muri gukora? Iyaba mwashoboraga kumva! Iyaba mwabashaga gusobanukirwa n’akamaro k’umuburo ndetse n’icyo usobanuye kuri mwe no ku batuye isi! Iyaba mwarasobanukiwe, iyaba mwari mwuzuye umwuka wa wa wundi

watanze ubugingo bwe kugira ngo abari mu isi babone ubugingo, mwari gukorana na we, mugakorana umwete wose no kwitanga kugira ngo mukize abanyabyaha.” UB1 74.3

“Uvuga ko amuzi ntiyotondere amategeko ye, ni umubeshyi, ukuri ntikuri muri we.” (1 Yohana 2:4). Gukanguka gukomeye kugomba kuza mu itorero. Iyaba twamenyaga, iyaba twasobanukirwaga, mbega uburyo umwuka w’ubutumwa wari kugendagenda uva mu itorero ujya mu rindi. Mbega ukuntu imitungo y’abizera yatanganwa ubushake kugira ngo bashyigikire umurimo w’Imana. Imana iduhamagarira gusenga no kuba maso dusenga. Tunganya inzu yawe uyikuremo ibigirwamana by’ibishushanyo byatwaye umutungo wagombaga kuba warashyizwe mu bubiko bw’Uwiteka. Umucyo ugomba gusakara nk’itara ryaka. Abageza ubutumwa ku batuye isi bakwiriye gushaka Uwiteka babishimikiriye, kugira ngo Mwuka we Wera ashobore kubasukirwa mu buryo busaze. Nta gihe cyo gupfusha ubusa mufite. Musengere guhabwa imbaraga y’Imana kugira ngo mubashe kugera ku nsinzi mufasha abari hafi na kure. UB1 74.4

Imiburo igomba gutangwa

Tugomba kugira ukwizera nyakuri. Nyamara si kenshi twakira ukuri nk’uko kuri. Twizera Ijambo ry’Imana by’igice gusa. Umuntu azagaragaza ukwizera kose afite. Nubwo ibimenyetso by’ibihe bigenda bisohora ku isi yose, kwizera ko Umwami agiye kugaruka kwagiye gucogora. Imiburo yumvikana, yihariye kandi y’ukuri igomba gutangwa. Mu rwego rwo gukiza ubugingo bwacu dukwiriye kwiga uburyo bwagenwe tugomba gusohozamo agakiza kacu, twibuka ko Imana ari yo idutera gukunda no gukora ibyo yishimira. UB1 75.1

Ntabwo izatuma dutembanwa n’umuraba, tuyoborwa n’imigenzo n’imyizerere y’ubuyobe. Twitwa abakozi bakorana n’Imana. Kubw’ibyo rero, nimucyo tubyuke turabagirane. Nta gihe dufite cyo guta mu makimbirane. Abantu bazi ukuri nk’uko kuri muri Yesu, ubu bagomba guhuza umutima n’imigambi. Ibibatandukanya byose bigomba gukurwaho. Abagize Itorero bagomba gukorera hamwe bayobowe n’Umutwe w’Itorero. UB1 75.2

Nimureke abazi ukuri babyuke kandi barabagirane. “Shyira ejuru uvuge cyane, we kugerura, rangurura ijwi ryawe nk’ikondera.” (Yesaya 58:1). Ntukongere kugoreka ukuri. Reka ubugingo butakire Imana ihoraho. Itandukanye n’umuntu uhumekera mu mazuru ye. Umufasha azaza aho muri nimumukingurira urugi. “Nuko ubwo dufite umutambyi mukuru ukomeye wagiye mu ijuru, ari we Yesu Umwana w’Imana, dukomeze ibyo twizera tukabyatura. Kuko tudafite umutambyi Mukuru utabasha kubabarana natwe mu ntege nke zacu ahubwo yageragejwe uburyo bwose nka twe, keretse yuko atigeze akora icyaha. Nuko rero, twegere intebe y’ubuntu tudatinya, kugira ngo tubabarirwe tubone ubuntu bwo kudutabara mu gihe gikwiriye.” (Abaheburayo 4:14-16) 84 84

IGICE CYA 10: ABAMARAYIKA BEZA BARUSHA IMBARAGA ABAMARAYIKA BABI

Bivugwa mu buryo bwumvikana ko Satani akorera mu batumvira, ko atagera ku ntekerezo zabo gusa, ahubwo anakorera mu bushobozi bwabo, babizi cyangwa batabizi kugira ngo bashore abandi mu kugoma nka bo. Niba abamarayika babi bafite imbaraga nk’izo ku bana b’abantu mu kutumvira kwabo, mbega imbaraga iruseho abamarayika beza bafite ku bantu baharanira kumvira. Igihe twiringiye Yesu Kristo, tukumvira mu butungane, abamarayika b’Imana bakoresha imitima yacu ibyo gukiranuka.UB1 76.1

Abamarayika baraje maze bakorera Umwami wacu ubwo yari mu butayu bw’ibigeragezo. Abamarayika bo mu ijuru bari hamwe na we mu gihe cyose yabaga ahanganye n’ibitero by’abambari ba Satani. Ibi bitero byari bikomeye cyane kurusha ibyo umuntu yigeze kunyuramo. Ibyerekeye umuryango w’umuntu byose byari bigeze aharindimuka. Muri uru rugamba Kristo ntiyigeze anavuga amagambo ye. Yishingikirizaga kuri “Handitswe ngo” (Matayo 4:4). Muri iyi ntambara ubumuntu bwa Kristo bwahuye n’ingorane zitazigera zimenywa n’umuntu n’umwe muri twe. Umwami w’ubugingo n’umwami w’umwijima basakiraniye mu ntambara ikomeye, ariko Satani ntiyashoboye gutsinda na hato mu magambo cyangwa mu gikorwa. Ibyo byari ibigeragezo nyakuri, nta kwiyoberanya kwarimo. Kristo “yababajwe no kugeragezwa ubwe” (Abaheburayo 2:18). Muri icyo gihe abamarayika bo mu ijuru bari babihanze amaso; kandi bakomeje kuzamura ibendera kugira ngo Satani atagura imbibi ze ngo atsinde kamere muntu ya Kristo. UB1 76.2

Mu kigeragezo cya nyuma Satani yageragereshe Kristo gushaka kumuha isi yose n'ibyiza byayo byose iyo apfukama akamuramya kandi yavugaga ko yoherejwe n'Imana. Noneho Kristo yagombye gutanga itegeko rye. Yagombye gukoresha ubutware burenze ubw'abambari bose ba Satani. Ubumana bwagaragariye mu bumuntu, maze Satani asubizwa inyuma ubutazuyaza. Kristo yaravuze ati: "Genda Satani, kuko handitswe ngo: 'Uramye Uwiteka Imana yawe, abe ari yo ukorera yonyine" Matayo 4:10.UB1 76.3

Byari bihagije. Satani nta handi yashoboraga kugana. Abamarayika batabaye Umukiza. Abamarayika bamuzaniye ifunguro. Uburemere bw'iyi ntambara nta ntekerezo za kimuntu zishobora kubusobanukirwa. Imibereho y'umuryango wose wa muntu ndetse n'iya Kristo ubwe byari biri mu makuba. Iyo Kristo agira ikintu kimwe gusa yemera, akagira ijambo rimwe ryo kugamburura, Satani yari gutangaza ko isi ibaye iye, kandi we mwami w'ubutware bw'umwijima yatekerezaga ko agiye gutangira gutegeka. Umumarayika uvuye mu ijuru yabonekeye Yesu, kuko intambara yari irangiye. Imbaraga za kimuntu zari zigiye gutsindwa. Ariko ijuru ryose ryaririmbye indirimbo y'intsinzi y'iteka ryose. UB1 76.4

Mu ntambara barwana na Satani bene muntu bafite ubufasha bwose Kristo yari afite. Ntabwo bagomba gutsindwa. Bakwiriye kurushaho gutsinda kubw'uwabakunze kandi akabitangira. "Mwaguzwe igiciro." (1 Abakorinto 6:20). Mbega igiciro! Umwana w'Imana mu bumuntu bwe yarwanye intambara ikomeye, ari byo bigeragezo bigaragara ko bikomeye byibasira abantu: Ni ibigeragezo bijyanye no guhaza irari ry'inda, kugerageza kujya aho Imana itabayoboye ndetse no kuramya imana y'iyi si, kugurana umunezero mwinshi w'iteka ryose ibinezeza byo muri ubu buzima. Buri muntu wese azahura n'ibigeragezo, ariko Ijambo ry'Imana rivuga ko tutazageragezwa ibiruta ibyo tubasha kwihanganira. Dushobora kwihangana kandi tukanesha umwanzi wiyoberanya. UB1 77.1

Ijuru ryo gutsindira

Buri muntu afite ijuru ryo gutsindira n'irimbukiro agomba guhunga. Ingabo zose z'abamarayika ziteguye kuza gutabara umuntu ugeragezwa kandi

ushukwa. Yesu, Umwana w'Imana ihoraho yihanganiye kugeragezwa ku bwacu. Umusaraba w'i Kaluvari uhagaze imbere ya buri muntu wese wemye. Igihe imanza za bose zizacibwa, kandi abazarimbuka bagahanirwa ko basuzuguye Imana kandi ko mu kutumvira kwabo batayihaye icyubahiro Cyayo, nta n'umwe uzagira icyo yireguza, nta n'umwe wagombaga kurimbuka. Bahawe uburenganzira bwo kwihitiramo ukwiriye kubabera umwami, yaba Kristo cyangwa Satani. Ubufasha bwose Kristo yahawe, buri muntu wese nawe ashobora kubuhabwa mu gihe cy'ikigeragezo gikomeye. Umusaraba uhagaze nk'indahiro ivuga ko nta muntu n'umwe ukwiriye kurimbuka, kandi ko ubufasha butagerwa buhabwa buri muntu wese. Dushobora gutsinda abambari ba Satani, cyangwa se tukifatanya n'imbaraga zishaka kurwanya umurimo w'Imana mu isi yacu …UB1 77.2

Dufite Umuvugizi utuvuganira. Mwuka Muziranenge akomeza kwitegereza ibyo dukora. Ubu dukeneye kwitegereza neza kugira ngo ibyo dukora mu kubaha Imana ukuri gushobore kugaragara nk'uko kuri muri Yesu. Abamarayika ni intumwa zivuye mu ijuru, mu by'ukuri zihora zizamuka kandi zimanuka, zigatuma isi n'ijuru bikomeza kugirana umubano. Aba bamarayika b'intumwa bitegereza ibyo dukora. Bahora biteguye gufasha abantu bose mu ntege nke zabo, bakarinda abantu bose amakuba y'imico mbonera n'ayo ku mubiri nk'uko kugira neza kw'Imana kuri. Igihe icyo ari cyo cyose abantu bumviye imbaraga ya Mwuka w'Imana iturisha [umutima] biturutse ku murimo w'aba bamarayika, mu ijuru haba ibyishimo; Uwiteka ubwe aranezerwa akaririmba. UB1 77.3

Abantu ubwabo barikuza cyane. Umurimo w'ingabo zo mu ijuru zikorana n'abantu hakurikijwe gahunda y'Imana ni wo utuma habaho umusaruro wo guhinduka no kwezwa kwa kamere y'umuntu. Ntidushobora kureba kandi ntitwari gushobora kwihanganira ubwiza bw'umurimo w'abamarayika iyo ikuzo ryabo ridatwikirirwa ngo bicishe bugufi begere kamere yacu ya kimuntu. Ibishashi by'ubwiza bw'ijuru nk'uko bugaragarira ku bamarayika b'umucyo, byari gukongora abantu bapfa. Abamarayika bakorera ku ntekerezo z'abantu hakurikijwe uko babaragijwe; bibutsa intekerezo z'umuntu ibyiza nk'uko babikoreye ba bagore bari bari hafi y'imva. UB1 77.4

Abamarayika bakoreshwa mu mugambi wateguwe n'ijuru kugira ngo kamere yacu yongere kugirwa nshya, bagakorera mu bantu batumvira Imana

bakabatera kuyumvira. Kurindwa n'ingabo zo mu ijuru byagenewe abantu bose bazagendera mu nzira y'Imana kandi bagakurikiza imigambi yayo. Binyuze mu isengesho rivuye ku mutima kandi ridakebakeba tubasha guhamagara abafasha bo mu ijuru bakaza iruhande rwacu. Ingabo zitagaragara z'umucyo kandi z'inyambaraga zizakorana n'umuntu wiyoroheje, umugwaneza n'uwicisha bugufi. 85 UB1 78.1

Abamarayika bashaka gukorana n'abantu

Satani akoresha abantu kugira ngo umuntu atsindwe n'ikigeragezo, ariko abamarayika b'Imana bashakisha abantu bashobora gukoreramo kugira ngo bakize abageragezwa. Abamarayika bashaka abantu bazakora mu murimo wa Kristo, abantu bazaba bakoreshwa no gusobanukirwa ko ari aba Kristo. Bakeneye abantu baziyumvisha ko abagwa mu kigeragezo, baba abakomeye cyangwa aboroheje, ari bo bantu bakeneye umurimo wihariye babakorera, kandi ko Kristo yitegereza abatitaweho, basuzugurwa, bakomerekejwe n'umwanzi kandi biteguye gupfa, kandi Kristo ababazwa cyane no kwinangira kw'abantu banga gukoresha ukwizera gukorera mu rukundo, ari nako kuzatunganya umuntu. UB1 78.2

Abamarayika b'Imana bazakorana kandi bakorere mu bantu bazafatanya n'intumwa z'ijuru mu kurokora umuntu mu rupfu no mu byaha bitabarika byihishe, ibyo bibatere kwisuzuma ubwabo kugira ngo nabo ubwabo batageragezwa. UB1 78.3

Abarwayi ni bo bakeneye muganga, ntabwo ari abazima. Igihe ukoze umurimo ku batawukeneye, kandi ntiwite ku bantu bashoboraga guheshwa umugisha n'amagambo n'ibikorwa byawe, uba wubaka imico idasa n'iya Kristo. 86

IGICE CYA 11: DUFITE AGACIRO KANGANA IKI? 87

Uwiteka yifuriza buri wese muri twe gufata icyemezo mu buryo budakuka. Ntidushobora kwihanganira gukora ikosa mu bijyanye n'ibya Mwuka. Ikibazo cyerekeye ubugingo n'urupfu dufite ni iki: "Mbese nakora iki kugira ngo mbashe gukizwa, kandi ngakizwa by'iteka ryose?" "Nakora iki kugira ngo ndagwe ubugingo buhoraho- ari bwo bugingo buhwanye n'ubugingo bw'Imana?" Iki ni ikibazo umuntu wese muri twe akwiriye kuzirikana abyitondeye… UB1 79.1

Mu gihe tukiri muri iyi si dukwiriye kuba ukuboko kw'Imana gufasha. Pawulo yarabivuze ati: " …muri umurima w'Imana n'inzu yayo." (1 Abakorinto 3:9). Dukwiriye gufatanya n'Imana mu bintu byose yifuza gukora. Mbese turasohoza umugambi w'Imana ihoraho? Mbese twifuza buri munsi kugira umutima wa Kristo no gukora iby'ubushake bwe haba mu magambo no mu bikorwa? UB1 79.2

Mbega ukuntu inyokomuntu imeze muri iki gihe! Hari ubwo mbere hose mwigeze mubona igihe nk'iki cy'urujijo, igihe cy'ubugome, ubwicanyi, ubujura ndetse n'ubundi bugome bw'uburyo bwose? Mbese muri iki gihe twebwe ku giti cyacu duhagaze he? UB1 79.3

Mu gice cya 58 cya Yesaya twasomye iby'abantu "biyiririza ubusa no gutongana no kujya impaka no gukubitana ibipfunsi by'abanyarugomo," kandi twasomye ko Imana itazemera kwiyiriza ubusa kumeze gutyo. Imana iravuga iti: "Kuri ubu ntimukiyiriza ubusa uko bikwiriye byatuma ijwi ryanyu ryumvikana mu ijuru." (Yesaya 58:4) UB1 79.4

"Ugira ngo kwiyiriza ubusa nshima kumeze gutyo? Mbese ni umunsi umuntu yibabarizamo akubika umutwe nk'umuberanya, akisasira ibigunira, akaryama mu ivu? Ibyo nibyo wita kwiyiriza ubusa n'umunsi Uwiteka yishimira?" UB1 79.5

"Ahubwo kwiyiriza ubusa nshima ni uko mwajya mubohora abantu ingoyi z'urugomo mugahambura imigozi y'uburetwa mukarenganura abarengana kandi mugaca ibyo agahato byose. Kandi ukarekura ugatanga ibyo kurya byawe, ukagaburira abashonji, ukazana abakene bameneshejwe ukabashyira mu nzu yawe, wabona uwambaye ubusa ukamwambika, ntiwirengagize bene wanyu." Yesaya 58:5-7 UB1 79.6

INGORORANO

“Maze rero umucyo wawe uzaherako utambike nk’umuseke, ubukire bwawe buzatoha vuba, gukiranuka kwawe kuzakujya imbere, kandi icyubahiro cy’Uwiteka kizaba kigushoreye.” Yesaya 58:8 UB1 79.7

Dukwiriye gushyira mu bikorwa amahame y’amategeko, noneho gukiranuka kukaba imbere yacu, ingororano izaba ikuzo ry’Imana. Umucyo wo gukiranuka kwa Kristo uzatujya imbere utugote, kandi ikuzo ry’Uwiteka kizaduherekeza. Nimucyo dushimire Uwiteka kubw’iri sezerano. Nimucyo buri gihe duhagarare mu mwanya Uwiteka Imana yo mu ijuru ishobora kutwishimira. Reka tuzirikane ko ari amahirwe yacu asumbyeho kuba twomatanye n’Imana — kuba turi ukuboko kwayo gufasha. UB1 80.1

Muri gahunda ikomeye y’Imana yo gucungura inyokomuntu yazimiye, Imana yishyize aho ikwiriye gukoresha abantu buntu nk’ukuboko kwayo gufasha. Imana igomba kugira ukuboko gufasha kugira ngo ishyikire inyokomuntu. Igomba gufatanya n’abantu bazaba abanyamurava, babona vuba amahirwe abari imbere, kandi bihutira kumenya ikigomba gukorerwa bagenzi babo. UB1 80.2

Kristo yatanze ubugingo bwe k’ubwo abagabo n’abagore bacumuye. Yifuje kurokora abantu mu mibereho y’ubugome abajyana mu kumvira no gukiranuka; kandi ku bamwemera nk’Umucunguzi wabo, abaha ingororano y’ikirenga ijuru rishobora gutanga- ndetse ni umurage w’ubugingo buhoraho… UB1 80.3

Byari bikwiriye ko dusobanukirwa birenzeho igiciro kitagerwa cyatanzwe kugira ngo ducungurwe! Pawulo aravuga ati :” Mwaguzwe igiciro” (1 Abakorinto 6:20); kandi ibi ni ukuri, kuko igiciro cyatanzwe ntabwo ari ikindi kitari ubugingo bw’Umwana w’Imana w’ikinege. Reka twese dutekereze kuri ibi. Dushobora kwanga ubutumire Kristo atwoherereje, dushobora gusuzugura impano ye y’imbabazi n’amahoro; ariko riracyari ihame ko buri wese muri twe yaguzwe igiciro, ndetse ni amaraso y’igiciro cyinshi y’Umwana w’Imana. Noneho rero, “muzirikane” (Abaheburayo 12:3). UB1 80.4

Mwaguzwe igiciro cyinshi. « Nuko rero mutume imibiri yanyu ihimbaza Imana” (1 Abakorinto 6:20). Icyo utekereza ko ari icyawe bwite ni icy’Imana. Cunga neza umutungo wayo. Yakuguze igiciro kitagerwa. Umutima wawe ni uwayo. Ni ubuhe burenganzira umuntu uwo ari we wese afite bwo kwangiza umubiri utari uwe bwite, ahubwo ukaba ari uw’Umwami Yesu Kristo? Ni uwuhe munezero umuntu uwo ari we wese yakura mu kugenda buhoro buhoro acogoza imbaraga z’umubiri n’intekerezo kubwo kwinezeza k’uburyo bwose? UB1 80.5

Imana yahaye buri muntu wese ubwonko. Yifuza ko bwakoreshwa kubw’ikuzo ryayo. Kubera bwo, umuntu ashobozwa gukorana n’Imana mu mihati yo gukiza bagenzi be bari mu nzira y’irimbukiro. Nta bwo dufite imbaraga nyishi z’ubwonko cyangwa ubushobozi bwo gutekereza. Dukwiriye gutoza no gukomeza ubushobozi bwose bw’intekerezo n’umubiri (umuntu uko yakabaye wese ari we Kristo yacunguye) kugira ngo tubashe kuwukoresha neza cyane. Dukwiriye gukora uko dushoboye kose kugira ngo ubu bushobozi bukomere; kuko Imana ishimishwa n’uko turushaho gukomeza gukorana na Yo. UB1 80.6

Abakora uruhande rwabo mu bunyangamugayo bavugwaho aya magambo ngo: “kuko twembi Imana ari yo dukorera.” (1Abakorinto 3:9). Hatabayeho gufashwa n’ijuru, umuntu ashobora gukora bike cyane; ariko Data wo mu ijuru n’Umwana we biteguye gukorera muri buri muntu wese witanga yimazeyo ku gicaniro cy’umurimo wayo. Buri muntu imbere yanjye ashobora gukorana n’Imana, kandi akayikorera mu buryo bwemewe. Uwiteka atwifuriza twese kujya mu murimo. Umuntu wese yamuhaye umurimo wihariye akurikije ubushobozi bwinshi butandukanye. UB1 81.1

Ibyambayeho byihariye

Ubwo nari mfite imyaka 17, igihe incuti zanjye zatekerezaga yuko mbaye ikimuga by’iteka ryose bitewe n’impanuka ikomeye nagize mu buto bwanjye, umushyitsi uvuye mu ijuru yaransanze maze arambwira ati: “Ngufitiye ubutumwa ugomba kujyana.” Naratekereje nti: “Ni mpamvu ki, uko biri kose hagomba kuba hari ahantu runaka hari ikosa rikomeye.” Aya magambo yongeye kunzaho ngo: “Ngufitiye ubutumwa ugomba kujyana. Andikira abantu ibyo nguhaye.” Kugeza icyo gihe, ukuboko kwanjye kwasusumiraga kwari

kutarashobora kwandika n’umurongo umwe. Narasubije nti: “Sinshobora kubikora, sinshobora kubikora!” Nongeye kubwirwa aya magambo ngo: “Andika! Andika!” Nafashe ikaramu n’urupapuro maze ntangira kwandika, kandi ibyo nanditse kuva icyo gihe, ntibishobora kugereranywa. Imbaraga n’ubushobozi byari iby’Imana. UB1 81.2

Kuva icyo gihe, ibitabo nanditse byagiye bisohoka mu ndimi nyinshi, kandi byakwirakwijwe ku isi. Mu gihe gito gishize nabwiwe ko kopi imwe ya kimwe mu bitabo byanjye yakiranwe ibyishimo n’umwamikazi w’Ubudage, kandi ko yanditse ibaruwa nziza igaragaza uko yakunze icyo gitabo. Ishimwe ryose ribe iry’Uwiteka! UB1 81.3

Ku bwacu twenyine nta cyiza dushobora gukora. Ariko ni amahirwe yacu kuba tugirana isano y’ukuri n’Imana, kandi tukiyemeza ko dufashijwe na Yo tuzakora uruhare rwacu muri uyu murimo, kugira ngo turusheho kuwutunganya. Mu mibereho y’abantu bakomeza iki cyemezo bicishije bugufi ariko badacitse intege, hazagaragarira ikuzo ry’Imana. Ibi ndabizi bitewe n’ibyo nagiye nyuramo. Nta mbaraga zanjye bwite nigeze ngira. Nabonye ko, mu ntege nke zanjye, ngomba kwishyira mu maboko ya Yesu Kristo. Kandi umusaruro wavuye mu gukora ntyo, mu gusenga ndetse no kwizera, agakiza k’Imana kangiye imbere kandi ikuzo ry’Uwiteka rirankurikira. UB1 81.4

Ndababwira ibyo nzi kugira ngo mbatere ubutwari kandi mbahumurize. Reka twese tugirane n’Imana umubano nyakuri. Ni uwuhe munezero ushobora kuboneka mu kujyana n’ibigezweho by’iyi si? Mufite umurimo mwiza cyane mugomba gukora. Nimutunganye imico. Nimukoreshe ubushobozi bwose, imyakura yose, umubiri wose, igitekerezo n’igikorwa cyose ku bw’ikuzo ry’Imana. Nibigenda bityo, muzabona agakiza k’Imana kabagenda imbere ku rwego mutigeze mubona mbere. UB1 81.5

Nta kintu na kimwe mfite nakwivovotera. Imana ntiyigeze intererana. Nashyinguye umugabo wanjye none ubu hashize imyaka 22, kandi imyaka myinshi nyuma yaho ubwo hafatwaga icyemezo cy’uko abandi bavugabutumwa bagomba kujya muri Australia ngo bajye gufatanya na bake bari baroherejwe, twe ubwacu twagiyeyo kugira ngo dukomeze amaboko ya bene Data, kandi

dushyire umurimo kuri gahunda aho hantu hashya. Ahongaho twahakoreye umurimo ukomeye wo gutangira. UB1 82.1

Gufasha mu gutangiza ishuri.

Twabonye ko hakenewe cyane ishuri abasore n'inkumi bagaragaza ko batanga umusaruro bashoboraga gutorezwamo gukora umurimo w'Umwami; bityo twahereyeko tujya mu ishyamba ry'ahitwa New South Wales, tugura hegitari 15 z'ubutaka maze ahongaho tuhashinga ishuri rihugura ryitaruye umujyi…. UB1 82.2

Imyaka itatu ishize twasubiye muri Amerika. Abandi bantu boherejwe muri Australia kudusimbura. Umurimo wakomeje gukura, kandi umuhati wose wakoreshwaga watangaga umusaruro. Ndifuza yuko mwasoma amabaruwa twohererezwaga. Nta gushidikanya mwumvise amapfa akaze yateje inzara ahantu henshi muri Australia mu myaka ibiri ishize. Ibihumbi amagana menshi by'intama, inka n'amafarashi byarapfuye. Mu turere twose by'umwihariko ahitwa Queens-land, umubabaro n'igihombo mu by'ubukungu byabaye ikirenga. UB1 82.3

Nyamara ahantu twatoranyije kubaka ishuri ryacu rihugura habonye imvura ihagije haboneka inzuri nziza n'imyaka myinshi cyane. Mu by'ukuri, byatangajwe mu nama z'abayobozi no mu binyamakuru byo mu mijyi ikomeye ko ariho "honyine hatoshye muri New South Wales yose." UB1 82.4

Mbese ibi ntibigaragara? Mbese Uwiteka ntiyatanze imigisha? Muri imwe muri raporo twabonye, twabwiwe ko umwaka ushize toni eshatu zirenga z'ubuki bwiza cyane bwahakuwe mu gikingi cy'ishuri. Imboga nyinshi cyane zarahinzwe kandi igurishwa ry'ibyasagutse ryavuyemo umutungo mwinshi w'ishuri. Ibi byose biradukomeza; kuko twafashe ubutaka bw'ishyamba, kandi twafashije kubutunganya kugeza aho bugeze ubu butanga umusaruro. Ishimwe ryose turituye Uwiteka. UB1 82.5

Ahantu hose hari amahirwe menshi yo gufasha umurimo w'Imana. Ndetse no mu bibaya dutuyemo ubu, hari imiryango ikeneye gufashwa mu bijyanye n'iby'umwuka. Abongabo nimubasure. Nimukoreshe impano zanyu,

ubushobozi bwanyu mubafasha. Mbere ya byose nimubanze mwiyegurire Shobuja; bityo azakorana namwe. Buri muntu amuha umurimo we. UB1 82.6

Mbese mushiki wacu Ellen G.White ari gukungahara?

Rimwe na rimwe byagiye bivugwa ko ngerageza kwikungahaza. Abantu bamwe baratwandikiye barabaza bati: “Mbese Ellen G. White ntafite amamoliyoni y’amadolari?” Nishimiye ko nshobora kuvuga nti: “Oya.” Nta hantu na hamwe muri iyi si mfite hatarimo umwenda. Ni ukubera iki? Ni uko mbona umurimo munini w’ivugabutumwa ugomba gukorwa. Mbese mu bintu nk’ibyo nshobora guhunika amafaranga? Oya rwose. Mbona amafaranga avuye mu kugurisha ibitabo byanjye; ariko hafi ya yose nyakoresha mu murimo w’ivugabutumwa. UB1 83.1

Umuyobozi umwe wa rimwe mu macapiro yacu utuye mu kindi gihugu, amaze kubwirwa n’abandi ko nari nkeneye amafaranga, yanyoherereje amadolari 500, kandi mu ibaruwa yari iyaherekeje yavuze ko mu rwego rwo kunyitura ku bihumbi n’ibihumbi by’amadorari yavuye mu bitabo nari narohererereje asosiyasiyo yabo kugira ngo basobanure kandi batange ibitabo bike ndetse anunganire gahunda nshya z’ivugabutumwa, babonaga ko utwo dufaranga bageretse ku ibaruwa ari akantu gato cyane k’impano igaragaza kunyurwa kwabo. Bohereje ayo madorari kubera icyifuzo bari bafite cyo kumfasha mu gihe narimo cy’ubukene bw’umwihariko; ariko mbere hose natanze amafaranga yose yaturukaga mu kugurisha ibitabo byanjye mu Burayi kugira ngo yunganire umurimo w’Uwiteka mu mahanga. Nyamara kandi nteganya kwishyura ariya madorali 500 igihe cyose nzaba maze kwishyura imyenda nafashe. UB1 83.2

Ku bw’icyubahiro cy’Imana, ndababwira ko hafi imyaka ine ishize yanshoboje kurangiza kwandika igitabo ku migani ya Yesu, maze ishyira mu bitekerezo byanjye gutanga iki gitabo kugira ngo umurimo w’uburezi w’itorero ryacu ujye imbere. UB1 83.3

Muri icyo gihe amwe mu mashuri yacu magari ahugura na za koleji byari biremerewe n’imyenda; ariko hakoreshejwe umwete w’abantu bacu mu kugurisha iki gitabo no gutanga amafaranga yose avuyemo mu kwishyura iyi

myenda yose, hakiriwe amadolari arenze ibihumbi magana abiri yishyuye iyo myenda kandi n'umurimo mwiza uracyakomeje gukorwa. Kugera ku ntego k'uyu mugambi byambereye isoko yo kunyurwa cyane. Ubu ndi kurangiza ikindi gitabo kigomba gukoreshwa muri ubwo buryo kubw'indi migambi. UB1 83.4

Nyamara ntabwo inyungu y'umutungo ari yo kintu kinezeza cyane kurusha ibindi. Nkunda gutekereza ko ikwirakwizwa ry'ibi bitabo rituma abantu benshi bamenya ukuri. Iki gitekerezo gituma umutima wanjye unezerwa cyane. Nta gihe mfite cyo kwicara no kubogoza amarira. Nkomeza gukora umurimo wanjye, kandi nkakomeza kwandika. Mu gitondo kare, igihe muba mushyizweyo, mba nabyutse ndi kwandika. UB1 83.5

Ndetse n'agahinda ntikigeze kantera guhagarara kwandika. Nyuma y'igihe gito ngiye muri Australia, nafashwe n'uburwayi. Biturutse ku bukonje bw'amazu, nafashwe n'uburwayi bwa rubangimpande, bwatumye mara amezi 11 ndyamye. Rimwe na rimwe narabararaga cyane. Nashoboraga kuryamira uruhande rumwe nk'amasaha abiri gusa, noneho nkahindurirwa ku rundi ruhande. Umufariso wanjye warimo umwuka watumaga noroherwa buhoro. Nanyuze mu bihe bikomeye cyane. UB1 83.6

Nyamara nubwo nababaraga ntya, sinigeze ndeka umurimo nakoraga. Ukuboko kwanjye kw'iburyo uhereye mu nkokora ukageza ku nzara z'intoki, ntikwababaraga nyamara ikindi gice gisigaye cy'ukuboko, ukuboko kw'ibumoso n'intugu zombi, ntibyashoboraga kwinyeganyeza. Hari uburyo bwakoreshejwe, butuma nshobora kwandika. Muri aya mezi 11 nanditse amapaji 2500 y'impapuro nini zagombaga koherezwa hakurya y'inyanja ya Pasifika kugira ngo atunganirizwe muri Amerika. UB1 84.1

Ndashima Uwiteka kuko atigera antererana; kuko ampa imbaraga kandi akangirira ubuntu. Ubwo nari mpagaze iruhande rw'umugabo wanjye wendaga gupfa, nashyize ikiganza cyanjye mu cye maze ndavuga nti: "Mbese mugabo wanjye uranzi?" Yazunguje umutwe. Naravuze nti: "Mu myaka yose nakwemereye kwikorera inshingano z'umurimo ndetse no gufata iya mbere mu migambi mishya. Ubu ngusezeraniye ko jye ubwanjye ngiye kuba umuntu utangiza umurimo aho utari." Nongeyeho aya magambo: "Niba wumva icyo

mvuze, fata ikiganza cyanjye ugikomeje akanya gato.” Yarabikoze, ntiyashoboraga kuvuga. UB1 84.2

Umugabo wanjye amaze gushyingurwa, incuti ze zatekereje kubaka urwibutso rw’igice ku gituro cye. Naravuze nti: “Ntibishoboka rwose! Yakoze umurimo w’abantu batatu wenyine. Ntabwo urwibutso rw’igice ruzigera rushyirwa ku gituro cye!”… UB1 84.3

Imana yaramfashije. Muri iki gihe mpa ikuzo izina ryayo mu maso y’ubwoko bwayo. Namaze hafi imyaka 10 muri Australia. Hakozwe umurimo w’igitangaza; ariko ibirenze ibyo incuro ebyiri byashoboraga kuba byarakozwe iyo tuba twaragize abantu n’umutungo twari dukeneye. Nubwo bimeze bityo, turashima Imana kubwo kubana natwe ikadukomeza, ndetse no kubyo ubu dushobora kuhabona bigaragara ko ari umusaruro wavuye mu mwete wakoreshejwe. 88 UB1 84.4

Umurimo witaweho kandi udacogora

Amateraniro makuru akwiriye kubera mu mijyi yacu minini. Kandi igihe abigisha muri ayo materaniro bitondera ibyo bavuga byose, abantu bazagerwaho mu gihe ukuri kwamamazwa mu mbaraga ya Mwuka. Urukundo rwa Kristo rwakiriwe mu mutima ruzirukana gukunda ikinyoma. Urukundo no kugira neza byagaragariye mu mibereho ya Kristo bigomba kugaragara mu mibereho y’abamukorera. Umurimo witaweho kandi udacogora waranze imibereho ye ugomba no kuranga imibereho yabo. Imico y’Umukristo ikwiriye kuba igaragazwa rindi ry’imico ya Kristo. UB1 84.5

Nimucyo twe kwibagirwa na rimwe ko tutari abacu bwite; ko twaguzwe igiciro. Imbaraga zacu zikwiriye gufatwa nk’umurage wera ugomba gukoreshwa mu guhesha Imana ikuzo no kugirira neza bagenzi bacu. Turi umugabane umwe w’umusaraba wa Kristo. Kubwo gukorana ubudahemuka budakebakeba kandi budacogora dukwiriye guharanira gukiza abarimbuka. 89

Abamarayika batangazwa nuko abantu bareba ukuri guhesha ubugingo kandi gufite ubusobanuro bukomeye cyane ku munyabyaha, mu buryo bworoheje kandi batakwitayeho, kandi bagakomeza guhitamo kuba mu bubata bwa Satani n'icyaha mu gihe byinshi byihanganiwe mu bumuntu bw'Umwana w'Imana. Iyaba twabashaga gukuza muri twe akamenyero ko kuzirikana kwiyanga no kwitanga byaranze imibereho ya Kristo, kugeza ubwo tuzasobanukirwa byimbitse kamere mbi y'icyaha kandi tukacyanga nk'ikintu kibi cyane nk'uko kiri. UB1 86.1

Nimucyo umutima ukangukire gushima ko muri Kristo Yesu, Data wa twese ari indahemuka mu gusohoza isezerano ryo kubabarira icyaha cyose. Imbabazi ze n'urukundo rwe ni igihamya cy'iteka ryose mu gihe duhanze amaso Kristo wabambwe ku musaraba w'i Kaluvari. Mbese buri wese ku giti cye tuzahaguruka kugira ngo dushime igihe tuzaba dusobanukiwe ukuri kutubwira ko Imana Yehova idukunda kandi itubabarira niba twizeye Yesu tukanamukunda? UB1 86.2

Mbega ukuri guhebuje! Imana itegereje kubabarira abantu bose bayisanga bafite kwihana. Mubwirize uko kuri. Erereza Yesu kugira ngo abantu bashobore kumuhanga amaso… UB1 86.3

Mu bitambo byatambwaga Abayuda babonagamo ikigereranyo cya Kristo we nyiri amaraso yamenwe kubw'agakiza k'isi. UB1 86.4

Ayo maturo yose yashushanyaga Kristo kandi yashimangiraga ukuri gukomeye mu mitima yabo ko amaraso ya Yesu Kristo yonyine ari yo yeza umuntu ho icyaha cyose, kandi ko hatamenetse amaraso nta kubabarirwa ibyaha kwabaho. Bamwe bibaza impamvu mu butunzi bw'Abayuda Imana yifuzaga ibitambo byinshi kandi igashyiraho gutanga amatungo ava amaraso. UB1 86.5

Itungo ryose ryapfaga ryashushanyaga Kristo, akaba ari ryo somo ryashimangirwaga mu ntekerezo no mu mitima mu muhango ukomeye kandi wera, ndetse ryasobanurwaga n'Abatambyi mu buryo bwumvikana neza. Ibitambo byari byarashyizweho n'Imana ubwayo kugira ngo yigishe uku kuri

gukomeye kandi kw'ingenzi, ko habaho kubabarirwa ibyaha binyuze mu maraso ya Kristo wenyine. UB1 86.6

Uku kuri gukomeye kandi gukiza gusubirwamo kenshi mu matwi y'abizera n'abatizera, nyamara kandi abamarayika bitegerezanya gutangara uburyo abantu batita kuri uku kuri gusobanuye byinshi kuri bo. Mbega uburyo bigaragara ku rwego ruto cyane ko itorero ryiyumvisha imbaraga y'umugambi utangaje wo gucungurwa. Mbega uburyo ari abantu bake cyane bafata ko uku ari ukuri kuzima kuvuga ko mu kwizera amaraso ya Yesu akuraho ibyaha ari ho gusa hari kubabarirwa ibyaha byizingira ku bantu nk'ibibembe byanduza. UB1 86.7

Mbega ibitekerezo byimbitse uku kuri kwari gukwiriye kubyutsa muri buri muntu! Kristo ntiyari akeneye kubabara kugira ngo yihongerere ubwe. Icye cyari umubabaro uhwanye n'icyubahiro cye ndetse na kamere Ye nziranenge yashyizwe hejuru. 91 UB1 87.1

Kwihana bya nyirarureshwa

"Dore mpagaze ku rugi ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi, nzinjira iwe dusangire. Unesha nzamuha kwicarana nanjye ku ntebe yanjye y'Ubwami, nk'uko nanjye nanesheje nkicarana na Data ku ntebe." (Ibyah 3:20, 21). UB1 87.2

Abantu bamwe bashobora kuvuga bati: "Kuki ubu butumwa bukomeje kumvikana mu matwi yacu?" Impamvu ni uko mutihana mumaramaje. Ntabwo muba muri Kristo kandi namwe ntimufite Kristo uba muri mwe. Igihe ikigirwamana kimwe cyirukanwe mu muntu, Satani aba afite ikindi yateguriye kugisimbura. Keretse gusa mwiyeguriye Kristo burundu kandi mugasabana na We, keretse gusa mumugize umujyanama wanyu, nibitaba bityo muzabona ko umutima wanyu ukinguriwe ibitekerezo bibi, uteshuka ku murimo w'Imana mu buryo bworoshye ukayoboka gukorera inarijye. UB1 87.3

Rimwe na rimwe mushobora kwifuza kwihana. Ariko niba mutiyemeje rwose kwisubiraho no gushyira mu bikorwa ukuri mwize, niba mudafite kwizera

gukora, ukwizera guhora kongera imbaraga, kwihana kwanyu kumeze nk'ikime cya mugitondo. Ntabwo kuzigera guha ubugingo guhembuka guhoraho. Kwihana guturutse ku gukangura amarangamutima guhutiyeho ni ukwihana gukeneye kwihanwa ubwako kuko ari ukwihana gupfuye. Gukangura amarangamutima bya hutihuti, bitigera bibyara imbuto z'ubutungane buhesha amahoro muri wowe, bigusiga uri ahantu habi kuruta uko wari umeze mbere. UB1 87.4

Buri munsi umushukanyi azaba mu nzira unyuramo afite inzitwazo z'ubushukanyi kandi zimeze nk'ukuri zishyigikira kwihugiraho, no kwinezeza bityo ukongera ukagwa muri ya mikorere yawe ya kera, usuzugura umurimo wo gukorera Imana ari wo wari gutuma ugira ibyiringiro, guhumurizwa no gukomezwa. UB1 87.5

Imana ihamagarira umuntu gukora umurimo ku bushake. Ni umurimo umuntu ashishikarijwe n'urukundo rwa Yesu ruri mu mutima. Imana ntinyurwa na rimwe n'umurimo ukozwe n'umutima witanze igice kandi wikunda. Ishaka umutima wose, urukundo rutagabanyije ndetse no kwizera no kwiringira bishyitse ubushobozi bwayo bwo gukiza umuntu icyaha… UB1 87.6

Imana izubahisha kandi ikomeze umuntu wese ufite umutima w'ukuri, n'ishyaka ushaka kugendera imbere yayo mu butungane bw'ubuntu bwa Kristo. Umwami Yesu ntazigera areka cyangwa atererane umuntu wicishije bugufi kandi uhinda umushyitsi. Mbese twizera yuko Imana izakorera mu mitima yacu? Ko niba tuyemereye gukora ityo, izadutunganya kandi ikatweza kubw'ubuntu bwayo bwinshi budushoboza kuba abakozi bakorana nayo? Mbese mu gushishoza gukomeye kandi kuboneye dushobora kunyurwa n'imbaraga y'amasezerano y'Imana, kandi tukayagira ayacu bwite, atari uko dukwiriye, ahubwo ari uko Kristo ari we ukwiriye; atari uko turi intungane, ahubwo ari uko kubwo kwizera kuzima tubarwaho ubutungane bwa Kristo mu cyimbo cyacu? 92

IGICE CYA 13: AKAMARO KO KWAKIRA MWUKA MUZIRANENGE

Mu ijoro ry'Isabato ya mbere mu iteraniro ryaberaga i Newcastle, nagaragaraga nk'aho ndi mu iteraniro, mvuga umpamvu dukeneye Mwuka

Muziranenge kandi ko ari ingirakamaro kuri twe kuwakira. Iki cyari umutwaro nari mfite mu murimo wanjye. Uwo mutwaro wari gukingurira Mwuka Muziranenge imitima yacu. Igihe kimwe Kristo yabwiye abigishwa be ati: “Nari ngifite byinshi byo kubabwira ariko ubu ntimushobora kubyihanganira.” Imyumvire yabo ifite aho igarukira yamubereye inkomyi. Ntiyashoboraga kubagezaho ukuri yifuzaga kubabwira; kuko mu gihe imitima yabo yari ikingiraniwe uko kuri, kukubabwira byari kuba impfabusa. Bagombaga kubanza kwakira Mwuka Muziranenge mbere y’uko basobanukirwa byimazeyo inyigisho za Kristo. Kristo yaravuze ati: “Umufasha, ari we Mwuka Wera, uwo Data azatuma mu izina ryanjye, ni we uzabigisha byose, abibutse ibyo nababwiye byose.” Yohana 14:26 UB1 89.1

Mu nzozi zanjye nabonye umurinzi ahagaze ku muryango w’inyubako y’igiciro, kandi yabazaga buri wese winjiraga ati: “Wakiriye Mwuka Muziranenge?” Yari afite igipimisho mu kiganza cye, kandi abantu bakeya cyane ni bo bemerewe kwinjira muri iyo nzu.” Yaravuze ati: “Igihagararo cyawe nk’umuntu ntacyo kivuze. Ariko niba warageze ku gihagararo gishyitse cy’umuntu uri muri Kristo Yesu, hakurikijwe ibyo wamenye, uzahamagarirwa kwicarana na Kristo mu bukwe bw’Umwana w’Intama; kandi ibihe bidashira, ntabwo uzigera uhagarika kwigira ku migisha wagenewe mu birori byagateguriwe. UB1 89.2

“Ushobora kuba uri muremure kandi uteye neza, ariko ntushobora kwinjira hano. Nta bantu bashobora kwinjira ari abana bakuze nyamara bitwara kandi bagira ingeso n’imico bikwiye kuba ari iby’abana bato. Niba ufite urwikekwe, gusebanya, uburakari no kwishyira hejuru, ntushobora kwemererwa kuhinjira; kuko wadobya ibirori. Abantu bose binjira muri uyu muryango bambaye umwambaro w’ubukwe, wadodewe mu ijuru. Abo bimenyereza kureba inenge ziri mu mico y’abandi, bagaragaza ubumuga butuma imiryango itanezerwa, bigatuma abantu bareka ukuri bagahindukirira ibihimbano. Umusemburo wanyu wo kutiringira, gushaka kwiyemera, imbaraga zanyu zo kuregana bibafungira urugi ngo mutinjira. Muri uyu muryango nta kintu na kimwe cyemerewe kuhinjira gishobora kwangiza umunezero w’abahatuye biturutse ku kwangiza icyizere gitunganye bagirirana. Ntabwo mushobora kwinjira mu muryango unezerewe wo mu bikari byo mu ijuru; kuko nahanaguye amarira

yose ku maso yabo. Ntimushobora kubona Umwami mu bwiza bwe niba mwe ubwanyu mutagaragaza imico ye. UB1 89.3

“Nimureka ubushake bwanyu bwite n’ubwenge bwanyu bwite maze mukigira kuri Kristo, muzinjizwa mu bwami bw’Imana. Imana isaba kwitanga mutizigamye. Nimumwegurire imibereho yanyu ayitegeke, ayigorore kandi ayitunganye. Nimwikorere umutwaro we. Mwemere kuyoborwa no kwigishwa nawe. Mumenye ko nimutaba nk’umwana muto, mudashobora kwinjira mu bwami bwo mu ijuru. UB1 90.1

“Kuba muri Kristo ni uguhitamo kugenda nka Kristo kugira ngo ibimunezeza nawe ubigire ibyawe. Nimugume muri We kugira ngo mube kandi mukore gusa ibyo ashaka. Ibi ni ibyangombwa biranga umwigishwa, kandi niba ibi byangombwa bituzujwe, ntimuzigera mubona uburuhukiro. Ikiruhuko kiri muri Kristo; nta handi mwaruhukira hatari muri we. UB1 90.2

“Igihe umutwaro We ukwiranye n’ubushobozi bwawe, icyo gihe birakorohera; ubwo ni bwo umurimo uremereye cyane mu by’Umwuka ushobora gukorwa n’imitwaro iremereye cyane ikikorerwa kuko Uwiteka atanga imbaraga n’ubushobozi; kandi agatuma wishimira gukora umurimo. Muzirikane izi ngingo: “Munyigireho, kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima.” (Matayo 11:29) Uwo ni nde uvuga atya? —Ni Umwami w’ijuru, Umwami w’icyubahiro. Yifuza ko ibyo utekereza mu bya Mwuka byabonezwa bigakurwamo kwikanyiza, kwangirika kwa kamere mbi kandi itababarira. Mugomba kugira imibereho y’imbere isumbyeho. Mugomba gukurira mu buntu kubwo kuba muri Kristo. Igihe muzaba muhindutse, ntabwo muzaba intaza, ahubwo muzakomeza abavandimwe banyu.” UB1 90.3

Ubwo aya magambo yavugwaga, nabonye bamwe basubirayo bafite agahinda kandi bivanga n’abakobanyi. Abandi, barariraga cyane, bafite imitima imenetse, basabye imbabazi abo bari barakomerekeje n’abo bagiriye nabi. Ntabwo batekereje ku gukomera ku cyubahiro cyabo, ahubwo intambwe ku yindi barabazaga bati: “Nakora iki ngo nkire?” (Ibyak 16:30) Igisubizo cyari iki ngo: “Ihane uhindukire, kugira ngo ibyaha byawe bibanze bishyirwe mu rubanza maze bihanagurwe.” Havuzwe amagambo acyaha ubwibone bwo mu by’umwuka. Ntabwo Imana izihanganira ubu bwibone. Ntabwo buhuye

n’ijambo ryayo ndetse no kwizera duhamya. Mwese bagabura b’ibye mwese mwe, nimushake Uwiteka. “Umunyabyaha nareke ingeso ze, ukiranirwa areke ibyo yibwira agarukire Uwiteka nawe aramugirira ibambe, agarukire Imana yacu kuko izamubabarira rwose pe!”(Yesaya 55:7). UB1 90.4

Igihe nabwiraga abantu aya mahame mu iteraniro ryo ku Isabato, abantu bose biyumvishaga yuko Uwiteka yavugiye mu gikoresho gifite intege nke. 93 Igihe cyarageze ubwo tugomba kwitega ko Uwiteka adukorera ibintu bikomeye. Umwete wacu ntugomba gucogora. Dukwiriye gukura mu buntu no mu kumenya Imana. Mbere y’uko umurimo urangira kandi n’ikimenyetso cy’abantu b’Imana kikarangira kubashyirwaho, tuzasukirwa Mwuka w’Imana. Abamarayika bo mu ijuru bazaba hagati yacu. Iki ni cyo gihe cy’ijuru gikwiriye, igihe tugomba kugendera mu kumvira amategeko yose y’Imana mu buryo bwuzuye. 94

IGICE CYA 14: AHANTU HOSE

Kristo yari Umuvugabutumwa w’Umuganga mukuru ku isi yacu. Arahamagara abanyabushake bazakorana nawe mu murimo ukomeye mu kubiba ukuri mu isi. Abakozi b’Imana bakwiriye gushinga amabendera y’ukuri ahantu hose bashobora kugera. Isi ikeneye kuvugururwa. Isi iri mu byaha no mu kaga gakomeye cyane. Umurimo w’Imana ku bantu batari muri Kristo ukwiriye kwaguka no kwiyongera. Imana ihamagarira abantu bayo kuyikorera bamaramaje, kugira ngo ibyiza by’Ubukristo byamamare. Ubwami bwayo bugomba kwagurwa. Ibintu byibutsa abantu Kristo bikwiriye kubakwa muri Amerika no mu bihugu byo mu mahanga. UB1 92.1

Umurimo werekeye impinduramatwara mu by’ubuzima ufatanyije no kwamamaza ukuri kugenewe iki gihe, ni imbaraga y’ibyiza. Ni ukuboko kw’iburyo k’ubutumwa bwiza, kandi akenshi ufungura ahantu maze hakinjira ubutumwa bwiza. Ariko hakwiriye kwibukwa iteka ko umurimo ugomba gukomezanya ubutwari kandi ukajyanirana na gahunda y’Imana. Amatorero agomba gushyirwa muri gahunda, kandi nta buryo ubwo ari bwose aya matorero agomba kwitandukanya n’umurimo w’ivugabutumwa mu buvuzi. Nta

nubwo umurimo w'ivugabutumwa mu buvuzi ugomba gutandukanywa n'umurimo wo kwamamaza ubutumwa bwiza. Igihe ibi bikozwe, byombi biruzuzanya. Nta na kimwe muri byo cyihagije. UB1 92.2

Umurimo ugomba gukorwa muri iki gihe ukwiriye guhwitura ibitekerezo by'Umukristo kuko ari umurimo w'ingenzi ukwiriye gukorwa. Ni ikibazo cyo guhingira uruzabibu rw'Uwiteka. Muri uru ruzabibu buri muntu wese afite umugabane ndetse n'ahantu Uwiteka yamugeneye gukora. Umusaruro wa buri muntu ushingiye ku mubano we bwite afitanye na Shebuja wo mu ijuru. UB1 92.3

Ubuntu n'urukundo by'Umwami wacu Yesu Kristo ndetse n'umubano wuje impuhwe afitanye n'itorero rye ku isi bikwiriye kugaragazwa mu gukura k'umurimo we no mu kubwira abantu ubutumwa bwiza ahantu henshi. Amahame mvajuru y'ukuri n'ubutungane akwiriye kurushaho kugaragarira mu mibereho y'abayoboke ba Kristo. Kutikanyiza no kutagira irari bikwiriye kugaragarira mu mikoranire y'abantu n'abandi kurusha uko byagaragaye mu matorero kuva igihe cyo gusukwa kwa Mwuka Muziranenge ku munsi wa Pentekote. Nta kamenyetso na gato karanga kwikanyiza no kwikubira biranga ab'isi gakwiriye kugaragara na gato ku bantu bari maso, bakora kandi basengera kugaruka k'Umwami n'Umukiza wacu Yesu Kristo mu bicu byo mu ijuru aje n'imbaraga n'icyubahiro cyinshi. UB1 92.4

Nk'ishyanga ntabwo twiteguye kugaruka k'Umwami. Iyaba twakingaga amadirishya y'umutima ku by'iyi si tukayakingurira ijuru, ikigo cyose cyashinzwe cyabera isi umucyo ugurumana kandi umurika. Iyaba buri mwizera wo mu itorero yagiraga imibereho igaragaza ukuri gukomeye, gufite isumbwe kandi guhesha icyubahiro kugenewe iki gihe, umucyo waba ugurumana kandi urabagirana. Abantu b'Imana ntibashobora kuyinezeza keretse buzujwe imbaraga za Mwuka Muziranenge. Isano bagirana igomba kuba itunganye kandi ari iy'ukuri kugira ngo kubw'amagambo yabo, urukundo rwabo, imico yabo bazagaragaze ko bari umwe muri Kristo. Bakwiriye kuba ibimenyetso n'abatangarirwa mu isi yacu kandi bakorana ubuhanga umurimo wose. Imigabane itandukanye y'umurimo igomba kuba ifitanye isano yuzuzanya kugira ngo byose bigende neza nk'imashini yashyizwe kuri gahunda neza. Ubwo ni bwo umunezero w'agakiza ka Kristo uzumvikana. Ntihazongera kubaho

urwitwazo ku bahawe umucyo w'ukuri bagomba kugeza ku bandi, nyamara batagaragaje amahame y'ukuri mu mibanire yabo, batakoze umurimo w'Uwiteka mu buryo bumuhesha ikuzo… UB1 93.1

Kristo amaze kuzuka mu bapfuye, yatangarije ku gituro ati: "Ni njye kuzuka n'ubugingo." Kristo, Umukiza wazutse ni ubugingo bwacu. Iyo Kristo ahindutse ubugingo bw'umuntu, yumva habayeho guhinduka, ariko imvugo ntishobora kubirondora. Ibyo abantu birata byose byerekeye ubumenyi, kumenyekana n'ubushobozi, nta kamaro bifite bitarimo impumuro y'imico ya Kristo. Kristo ni we ugomba kuba ubugingo nyirizina bw'umuntu, nk'uko amaraso ari ubugingo bw'umubiri… UB1 93.2

Kwezwaho kwikanyiza kose

Abakora umurimo w'Imana bakwiriye kwezwaho ikintu cyose cyo kwikanyiza. Ibintu byose bikwiriye gukorwa hakurikijwe iri tegeko ngo: "kandi icyo muzavuga cyose n'icyo muzakora", (Abakol 3:17) "mujye mukorera byose guhimbaza Imana." (Abakorinto 3:17). Amategeko y'Imana yo gukiranuka no kutabera agomba kubahirizwa mu budakebakeba hagati y'abaturanyi, n'abavandimwe. Dukwiriye guharanira gahunda itunganye no gukiranuka kuboneye, bimeze nk'iby'Imana ubwayo. Kuri ibi byonyine niho ibikorwa bizashikama bigatsinda igerageza ryo mu rubanza… UB1 93.3

Ubukristo ni ukugaragarizanya urukundo ruhebuje hagati y'abantu. Imibereho ya Gikristo igizwe n'inshingano za Gikristo ndetse n'ibyiza bya Gikristo. Kristo mu bwenge bwe yahaye itorero rigitangira gahunda yo gutamba ibitambo no gutura amaturo, akaba ari we wari urufatiro rwabyo kandi bikaba byarashushanyaga urupfu rwe. Igitambo cyose cyamutungaga urutoki nk'Umwana w'Intama watambwe uhereye ku kuremwa kw'isi, kugira ngo abantu bose basobanukirwe yuko ibihembo by'ibyaha ari urupfu. Muri we nta cyaha yari afite nyamara yapfuye kubera ibyaha byacu. UB1 93.4

Gahunda y'imihango yabaga ifite icyo ishushanya yabaga igamije ikintu kimwe: kwerekana ko amategeko y'Imana azira amakemwa, kugira ngo abantu bose bizeye Kristo bashobore kugira "ubumwe bwo kwizera no kumenya Umwana w'Imana, kandi kugeza ubwo bazasohora kuba abantu bashyitse

bageze ku rugero rushyitse rw'igihagararo cya Kristo." (Abefeso 4:13). Mu murimo wa Gikristo hari umwanya uhagije wo gukoreshamo impano zose Imana yatanze. Zose zikwiriye gushyirwa hamwe kugira ngo iby'Imana isaba bisohozwe, kandi kuri buri ntambwe yose hagaragazwe ko ukwizera gukorera mu rukundo kandi kugatunganya ubugingo. UB1 94.1

Kristo akwiriye gukundwa bihebuje n'abantu yaremye. Kandi na none asaba ko umuntu nawe afata neza bagenzi be. Umuntu wese uzakizwa azakizwa binyuze mu rukundo, rutangirira ku Mana. Guhinduka nyakuri ni ukuva mu kwikunda ugana mu rukundo rwejejwe abantu bakunda Imana kandi bagakundana hagati y'abo ubwabo. Mbese ubu Abadiventisiti b'umunsi wa Karindwi bazagira ivugururwa ryimazeyo, kugira ngo imitima yabo yandujwe n'icyaha ishobore kwezwaho ibibembe byo kwikunda no kwikanyiza? Ngomba kubwira abantu bose ukuri. Abantu bemeye umucyo uva mu Ijambo ry'Imana ntibakwiriye na rimwe gutera abantu gutekereza ko Imana izakorana n'ibyaha byabo. Ijambo ryayo risobanura ko icyaha ari ukugomera amategeko. 95 UB1 94.2

Ahantu hagoye.

Akenshi ingabo z'Imana zisanga ziri ahantu hagoye kandi hakomeye, ntizimenya impamvu yabyo. Ariko se bakwiriye gutezuka kubera ko ingorane zibugarije? Mbese kwizera kwabo gukwiriye kugabanurwa n'uko badashoboye kubona inzira bacamo mu mwijima? Biragatsindwa, ntibikabeho. Bakwiriye gukunda kwisunga imbaraga y'Imana ibakomeza mu murimo wabo. Ntibashobora kurimbuka cyangwa ngo bayobe inzira nibaramuka bakurikiye uko ibayobora, kandi bagaharanira kwerereza amategeko yayo. 96

IGICE CYA 15: IGIHE ITORERO RIKANGUTSE 97

Isengesho rirakenewe mu mibereho y'umuryango, mu mibereho y'itorero no mu mibereho y'ivugabutumwa. Akamaro k'isengesho ry'umuntu umaramaje ntikumvikana nk'uko bikwiriye. Iyaba itorero ryabaga indahemuka mu gusenga,

ntabwo ryari gusangwa ari irinenganenzi ritagira icyo ryitaho mu bintu byinshi, kuko kudatezuka ku gutabaza Imana bigira umumaro mwinshi. UB1 95.1

Igihe itorero rikangutse rikamenya umuhamagaro waryo wera, amasengesho menshi arutaho avuye ku mutima kandi atanga umusaruro azazamuka mu ijuru kugira ngo Mwuka Muziranenge agaragaze umurimo n'inshingano by'ubwoko bw'Imana ku birebana n'agakiza k'abantu. Dufite isezerano ridakuka ko Imana izaza bugufi bw'umuntu wese ushaka. UB1 95.2

Itorero rikeneye kongera kuvukira ubwa kabiri mu byiringiro bizima "ribiheshejwe no kuzuka kwa Yesu Kristo, rizabone umurange utabasha kubora, kwandura cyangwa kugajuka" (1 Petero 1:3,4). Igihe itorero rikangukiye ikigomba gukorwa muri iyi si, abizera barigize bazababazwa n'abantu batazi Imana kandi mu bujiji bwabo mu by'umwuka badashobora gusobanukirwa ukuri kugenewe iki gihe. Kwiyanga no kwitanga bikwiriye kuba mu mibereho yacu yose. Dukwiriye gusenga no kuba maso kugira ngo mu mibereho yacu hatabaho guhuzagurika. Ntidukwiriye kunanirwa kwereka abandi ko dusobanukiwe ko kuba maso dusenga bisobanura gushyira amasengesho yacu imbere y'Imana kugira ngo iyasubize. UB1 95.3

Itorero ntirizasubira inyuma mu gihe abizera bashaka ubufasha buvuye ku ntebe y'ubuntu kugira ngo batananirwa gufatanya mu murimo ukomeye wo gukiza abantu bari hafi kurimbuka. Abizera bagize itorero rifite ubushyuhe, itorero rikora, bazabona ko bikorera umutwaro wa Kristo kandi ko basenyera umugozi umwe. UB1 95.4

Ijuru ritegereje abantu bitanze, abo Imana ishobora kuvuganiramo n'abantu bayo, kandi ikanabavugiramo ibwira ab'isi. Imana izakorera mu itorero ryitanze, ryiyanga, kandi izahishura Mwuka wayo mu buryo bugaragara kandi butangaje by'umwihariko muri iki gihe aho Satani akora mu buryo bukomeye kugira ngo ayobye imitima y'abagabura ndetse n'iy'abantu bose. Abagabura bakorera Imana nibakorana nayo, izabana nabo mu buryo bugaragara ndetse nk'uko yabanye n'abigishwa bayo ba kera.UB1 95.5

Mbese itorero ntirizakangukira gukora inshingano yaryo? Imana yiteguye guha Mwuka w'ivugabutumwa rikomeye isi itigeze imenya abantu bazakorana

kwiyanga no kwitanga. Igihe ubwoko bw'Imana bwakiriye uyu Mwuka, imbaraga izagaragarira muri bo. [98] UB1 95.6

Impano zidakoreshwa

Uwiteka yemera ko hari ibintu bibaho bisaba gukoresha impano zitakoreshwaga, zikiyongera mu gutungana no gukora neza igihe dushishikarira kugarurira Uwiteka ibye bwite mu cyacumi n'amaturo. Muzi icyo kunyura mu bigeragezo bisobanuye. Ibi bigeragezo byagiye bibaha amahirwe yo kwiringira Imana no kuyishakana umwete musenga, kugira ngo mubashe kuyizera, kandi muyishingikirizeho mufite kwizera kwiyoroshya. Imico mbonera yacu igeragerezwa mu mibabaro ndetse no kwizera kwacu kugashungurwa. Mu munsi w'amakuba ni ho twumva agaciro ka Yesu. Muzahabwa igihe cyo kuvuga muti: "Naho yanyica nzapfa nyiringira." (Yobu 13:15). Ni iby'igiciro cyinshi gutekereza ko duhabwa amahirwe yo guhamya kwizera kwacu mu makuba, igihe turi mu gahinda, uburwayi, umubabaro n'urupfu.… UB1 96.1

Kuri twe ibintu byose bishingiye ku kuntu twakira ibyo Uwiteka ashaka. Uko umwuka wacu uri, ni ko bizagararira mu mibereho yacu n'imico yacu mu gihe kizaza. Buri muntu wese afite intsinzi agomba kugeraho, ariko agomba kumenya ko atashobora kubona ibintu bigenda nk'uko abyifuza. Dukwiriye gukurikiza twitonze icyigisho cyose Kristo yigishije mu mibereho ye no mu nyigisho ze. Ntabwo Kristo arimbura ahubwo arushaho gutunganya ikintu cyose akozeho. [99] UB1 96.2

Kwicisha bugufi no kwizera.

Mu murimo ugomba gukorwa muri iki gihe, ntabwo amafaranga, cyangwa impano, cyangwa kwiga cyangwa kuba intyoza ari byo bikenwe cyane nko kwizera kugaragazwa no kwicisha bugufi. Nta bwigomeke bushobora gutsinda ukuri kwigishijwe mu kwizera no kwicisha bugufi n'abakozi bakorana ubushake bakihanganira umuruho, kwitanga no gutukwa bazira Shebuja. Niba dushaka kubona umuhati wacu ugera ku ntego, tugomba gukorana na Kristo. Tugomba

kurira nk’uko yarize aririra abatari kuzabasha kwiririra kandi agasabira n’abatari kwisabira. 100 UB1 96.3

Umurimo wihuse

Igihe imbaraga mvajuru zizafatanya n’umuhati w’abantu, umurimo uzakwira hose nk’umuriro uri mu mashara. Imana izakoresha abakozi umuntu atazashobora kumenya iyo baturutse; abamarayika bazakora umurimo abantu bari kuba baragize umugisha wo kurangiza, iyo baza kuba batarirengagije gukora ibyo Imana yabasabaga. 101

UMUGABANE WA III — UBUBYUTSE N’UBUGOROZI

INTANGIRIRO

Umwe mu mihamagaro y’ingenzi yatanzwe na Ellen G. White ku bubyutse n’ubugorozi yanditswe mu “Urwibutso n’Integuza” ku wa 22 Werurwe 1887, ku ngingo yitwa: “Ubukene bw’Itorero.” Iyi ngingo yakuwe mu nyandiko zateguwe n’ Umukuru A.G. Daniells, ku bwa “Kristo Gukiranuka Kwacu.” Mu nyandiko z’Ibanze (1926 na 1937) ingingo yongeye kugaragara mu buryo bwayo bwuzuye ku mugereka. Ku mpamvu z’imashini, mu nyandiko za nyuma (kuva 1941 gukomeza), ingingo, guhitwamo kwazo kwari kwaragaragariye mu gice cy’igitabo ubwacyo, ntabwo byashyizwe mu mugereka. Iyi ngingo ikorwaho ubushakashatsi cyane mu buryo bwuzuye ni yo ifunguye iki gice giteye amatsiko. UB1 98.1

Intambara mu by’Umwuka ikurikira ububyutse, irwanwa hagati y’imbaraga zo gukiranuka n’imbaraga z’umubi. Ku bw’imitima y’abatangiye imibereho mishya, yagaragajwe neza muri iki gice. Mu bubyutse bukomeye bwabereye muri Koleji ya Battle Creek, n’ibihe byagiye bikurikira mu mezi yakurikiranye, Ellen G. White aribanda kuri iki kibazo cy’ingenzi. Ibigize iyi ntambara ni nabyo bigaragara mu buryo bwose bwo gushaka ububyutse bw’itorero. UB1 98.2

Iki gice kirangira cyerekana ubunararibonye byatanzwe mu ruhame ku bubyutse bwagiye buboneka aho Ellen G. White we ubwe yabaga ari. Ibi bifasha kwerekana uko we ubwe yifataga n’inyigisho yatanze aziha ababwiriza

b’ubutumwa bwiza kubyerekeye umurimo we wo gukiza imitima. Ubunararibonye bwinshi bwanditswe na Madame White cyane cyane mu kinyamakuru cye cya buri munsi bigaragarira mu ncamake, no mu mvugo isanzwe. Arakoresha ishusho nyandiko asaba ngo rubanda bamusubize. Mu myaka ibanza yatangiriye i Battle Creek akomeza ajya mu Burayi na Australia, aherako agaruka muri Amerika. Hariho umubare w’amagambo asubirwamo mu byabaye, ariko bigamije intego imwe muri buri ngingo byerekana agaciro bifitiye umusomyi. — Abashinzwe kurinda inyandiko za Ellen G.White.

IGICE CYA 16: GUHAMAGARIRWA UBUBYUTSE

ICYO ITORERO RIKENEYE CYANE . 102

Ububyutse nyakuri bwo kubaha Imana muri twe ni ikintu gikomeye cyane kandi cyihutirwa kurusha ibindi bintu byose dukeneye. Umurimo wacu w’ibanze wagombye kuba uwo gushaka icyo. Gushaka ibingibi bikwiriye kuba umurimo wacu w’ibanze. Hagomba kuba umuhati ushimikiriwe kugira ngo haboneke umugisha w’Uwiteka, atari uko Imana idashaka kuducuncumuriraho umugisha wayo, ahubwo kubera ko tutiteguye kuwakira. Data wo mu ijuru yifuza birenze, gutanga Mwuka Muziranenge we ku bamusabye kuruta uko ababyeyi bo mu isi baha abana babo impano nziza. Ariko ni inshingano yacu gusohoza ibyangombwa, ibyo Imana yasezeranye ko izaduheraho umugisha Wayo aribyo kwatura, kwicisha bugufi, kwihana, no gusenga mu kuri. Ububyutse bugomba gutegerezwa nk’igisubizo cy’isengesho gusa. Igihe abantu badafite Mwuka Muziranenge w’Imana, ntibashobora kwishimira kubwirizwa kw’Ijambo; ariko igihe imbaraga y’Umwuka ikoze ku mitima yabo, nibwo inyigisho zitanzwe zitazabura kugira umumaro. Bayobowe n’inyigisho z’Ijambo ry’Imana, n’iyerekwa ry’Umwuka We, mu gutekereza neza, abo bantu baza mu materaniro yacu bazayungukiramo byinshi, kandi nibasubira iwabo, bazaba biteguye kugira uruhare rwiza. UB1 99.1

Ingero z’abantu ba kera bihangana bari bazi icyo gutitiriza Imana mu gusenga ari cyo, kandi banezezwaga no gusukwa k’Umwuka wayo. Ariko abongabo barimo barabyina bavamo, none se ni bande bazabasimbura? Mbese bimeze bite ku bantu b’iki gihe cya none? Ese bahindukiriye Imana? Mbese dukangukiye umurimo ukorerwa mu buturo bwo mu ijuru, cyangwa se dutegereje imbaraga

imwe ikomeye izaza ku itorero mbere y'uko dukanguka? Ese twizera kubona itorero ryose rifite ububyutse? Ntabwo icyo gihe kizigera kibaho. UB1 99.2

Hari abantu baba mu itorero batarahindutse, kandi batazafatanya n'abandi mu gusenga k'ukuri gushimikiriwe. Tugomba kwinjira muri uyu murimo umuntu ku giti cye; tugomba gusenga cyane, tukavuga make. Ibicumuro birakabije kandi abantu bagomba kwigishwa kutanyurwa n'ishusho yo kwera idafite Umwuka n'imbaraga. Niba twitaye ku kwisuzuma ubwacu, tugatandukana n'ibyaha byacu, kandi tugahindura ibyerekezo byacu bibi, imitima yacu ntabwo izishyira hejuru, ntabwo tuziyiringira ubwacu, tuzasobanukirwa ko gushyika cyangwa kuzura kwacu tugukesha Imana. UB1 99.3

Dukwiye gutinya cyane ikiturimo kuruta gutinya ikiri hanze yacu. Inzitizi zirwanya imbaraga no gutsinda ziva mu itorero ziruta cyane izituruka hanze. Abatizera bafite uburenganzira bwo kwitega ko abo ngabo bahamya bibwira yuko bubahiriza amategeko y'Imana no kwizera kwa Yesu, bazarusha irindi tsinda iryo ari ryo ryose guteza imbere no kubahisha inyigisho bahagarariye, bitewe n'imibereho yabo idacogora, kuba ibyitegererezo. Ariko se ni kangahe abongabo bavuga ko bamamaza ukuri ari bo bakubereye inzitizi ikomeye cyane mu iterambere ryako! Kutizera guhawe intebe, kugaragaza gushidikanya; ndetse n'umwijima ugundiriwe, bituma abamarayika babi bahiganza kandi bigacira inzira kugerwaho kw'imigambi ya satani. UB1 100.1

Gukingurira umwanzi urugi

Umwanzi w'imitima ntiyemererwa kumenya intekerezo z'abantu; ahubwo aritegereza cyane, akandika kandi akita ku magambo y'abantu: agakurikirana ibikorwa, kandi mu mayeri akerekeza ibigeragezo bye ku bantu bamwizaniye ubwabo. Iyaba twarihatiye kurwanya ibitekerezo n'ibyiyumviro bibi bikabura akito mu magambo no mu bikorwa, Satani aba yaratsinzwe; kuko atari gushobora gutegura amayeri ye yo kutugerageza akurikije uko tugaragara. UB1 100.2

Ariko mbega ukuntu abavuga ko ari Abakristo kenshi, mu kutirinda bakingurira umwanzi w'imitima urugi! Kwirema ibice, ndetse n'amakimbirane akomeye bitesha agaciro abantu mu isi, bikunze kugaragara mu matorero, kuko

badashyira imbaraga mu gucubya ibyiyumviro bipfuye ndetse no kuburizamo ijambo ryose umwanzi ashobora kuririraho. Igihe ibyiyumviro bipfuye bigaragaye, bigera kuri uwo uhora arebuza akaba abonye urwaho mu gukoresha uburyarya n'ubwenge nk'ubwo yakoresheje mu nzoka mu guca ibice no gusenya itorero. Iteka amakimbirane atera igihombo kinini. Incuti ku mpande zombi zirahangana bitewe n'abo zahisemo gukurikira bigatuma icyuho cyaguka. Inzu yigabanije ntishobora guhagarara. Inzangano ziherako zivuka kandi zigakomeza kwiyongera. Satani n'abamarayika be bakorana umurava ngo imbuto yabibwe yere. UB1 100.3

Ab'isi barabyitegereza, bakabannyega bati: "Nimurebe ukuntu aba bakristo bangana! Niba iyi ngiyi ariyo dini yabo, ntabwo tuyikeneye." Bakwireba ubwabo na kamere zabo mbi bakanezezwa nabyo. Nuko rero bakikomereza mu kutihana kwabo maze Satani akabyina intsinzi. UB1 100.4

Umushukanyi mukuru yateze imitego ye buri mutima utihanganira ibigeragezo kandi udakomejwe no gusenga kudacogora no kwizera kuzima. Nk'abagabura kandi nk'abakristo, tugomba gukura ibisitaza mu nzira. Tugomba kwigizayo inzitizi iyo ariyo yose. Mureke twature kandi tuzinukwe icyaha cyose, kugira ngo inzira y'Uwiteka ishobore gutegurwa, ngo ashobore kuza mu materaniro yacu aducunshumirireho ubuntu bwe busaze. Isi, umubiri ndetse n'umubi bigomba gutsindwa. UB1 100.5

Ntidushobora gutegura inzira mu kugirana ubucuti n'isi yanga Imana; ariko kubwo ubufasha bwayo dushobora gusenya ibihendo by'umwanzi kuri twebwe ndetse no ku bandi. Umuntu ubwe ku giti cye cyangwa itsinda ry'abantu ntibashobora kurwanya ibigeragezo bihoraho by'umwanzi udacogora kandi wabyiyemeje; ariko mu mbaraga ya Yesu dushobora kubirwanya. UB1 101.1

Mu mwizera wese w'itorero hashobora kuvamo umucyo ukomeza kumurikira isi, kugira ngo batazibaza bati: "Ni iki aba abantu bakora kurusha abandi? Hashobora kubaho kandi kureka kwishushanya n'isi ndetse ni ngombwa, nanone kandi habaho kugendera kure y'ikintu cyose gisa n'ikibi, kugira ngo abarwanya ukuri batabona urwaho. Ntidushobora guhunga ibirego, bizaza; ariko dukwiriye kwirinda kuregwa kubera ibyaha byacu bwite cyangwa ubupfapfa, ahubwo mureke baduhore Kristo. UB1 101.2

Nta kintu Satani atinya cyane nk'uko abantu b'Imana batunganya inzira bakuraho inkomyi zose, kugira ngo Uwiteka asuke Umwuka We kw'itorero rye rihenebera kandi ridashaka kwihana. Iyaba Satani yabishoboraga ntihashobora kubaho ububyutse ukundi, bwaba bukomeye cyagwa bworoheje, kugeza kw'iherezo ry'igihe. Ariko ntabwo tuyobewe amayeri ye. Birashoboka ko twarwanya imbaraga ye. Igihe inzira yo kwakira Umwuka w'Imana izaba iteguwe, umugisha uzatagwa. Satani ntashobora na mba kwimira imigisha Imana icunshumura ku bwoko bwayo nk'uko adashobora gufunga amadirishya y'ijuru ngo imvura itagwa ku isi. Abagome n'abadayimoni ntibashobora gucubya umurimo w'Imana cyangwa gutuma Imana itabana n'ubwoko bwayo mu materaniro; niba n'imitima imenetse, ishenjaguwe, batura ndetse bakareka ibyaha byabo, kandi mu kwizera bagatitiriza amasezerano bahawe. Buri kigeragezo, buri nzitizi yose, byaba bigaragara cyangwa ari amabanga, bishobora gutsindwa. "Si ku bwo amaboko kandi si ku kubwo imbaraga, ahubwo ni ku bw'Umwuka wanjye, ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga" Zekariya 4:6 UB1 101.3

Turi mu munsi w'impongano

Turi mu munsi ukomeye w'impongano, mu gihe ibyaha byacu, mu kwatura no kwihana, bijyanwa mu rukiko mbere y'uko urubanza rurangira. Muri iki gihe Imana ntiyemera ubuhamya bupfuye kandi butuzuye Umwuka butangwa n'abagabura Bayo. Ubuhamya nk'ubwo ntibushobora kuba ukuri kw'iki gihe. Ubutumwa bw'iki gihe bukwiriye kuba ibyo kurya by'igihe gikwiriye byo kugaburirwa itorero ry'Imana. Ariko Satani yakomeje gushaka kuvutsa ubu butumwa imbaraga yabwo, kugira ngo ubwoko bw'Imana budashobora kwitegura guhagarara ku munsi w'Uwiteka. UB1 101.4

Mu 1844 Umutambyi wacu Mukuru yinjiye ahera cyane ho mu buturo bwo mu ijuru, kugira ngo atangire umurimo w'urubanza rugenzura. Imibereho y'abakiranutsi bapfuye yacishwaga imbere y'Imana. Igihe uwo murimo uzaba urangiye, urubanza ruzahindukirira abazaba bakiriho. Mbega ukuntu ibi bihe bikomeye ari iby'igiciro kandi ari ingenzi! Buri muntu wese muri twe afite urubanza rumutegereje mu rukiko rw'ijuru. Twese umuntu ku giti cye tuzacirwa urubanza rukwiranye n'ibyo umuntu yakoze akiri mu mubiri. Mu buryo

bw'igishushanyo, igihe umurimo w'impongano wakorwaga n'Umutambyi Mukuru ahera cyane h'ubuturo bwo ku isi, abantu basabwaga kwibabaza ubwabo imbere y'Imana, bakatura ibyaha byabo, kugira ngo bihongererwe kandi bivanweho. Ese ibidusabwa bizaba bikeya mu murimo nyawo w'umunsi w'impongano, igihe Kristo avuganira ubwoko Bwe mu buturo bwo mu ijuru, kandi icyemezo cya nyuma kidasubirwaho kigiye gufatwa kuri buri muntu? UB1 102.1

Tumeze dute muri iki gihe giteye ubwoba kandi gikomeye? Yoo! Mbega ubwibone buri mu itorero, mbega uburyarya, mbega kubeshya, mbega urukundo rw'imyambarire, ibitagira umumaro no kwinezeza, mbega gushaka kwishyira hejuru! Ibi byaha byuzuye intekerezo, bituma tudasobanukirwa agaciro k'ibizahoraho. Ese ntitwari dukwiriye gushakira mu byanditswe kugira ngo dusobanukirwe aho turi mu mateka y'isi? Ese ntidukwiriye gutekereza neza ku murimo urimo kudukorerwa muri iki gihe kandi tukamenya umwanya duhagazemo nk'abanyabyaha, mu gihe uyu murimo w'impongano ukomeje? Niba twitaye ku gukira kw'imitima yacu, tugomba gufata icyemezo cyo guhinduka guhamye. Tugomba gushakana Uwiteka twihana by'ukuri, kandi n'umutima umenetse, twatura ibyaha byacu kugira ngo bihanagurwe. UB1 102.2

Ntabwo dukwiriye gukomeza kwibera mu mudamararo. Turimo gusatira igihe cyo kurangira kw'imbabazi. Reka buri muntu wese yibaze uko ahagaze imbere y'Imana. Ntituzi igihe amazina yacu azavugwaho na Kristo, hanyuma imanza zacu zigacibwa burundu. Oh! Mbega ukuntu ibyemezo bizafatwa bizaba bimeze! Ese tuzaba mu mubare w'abakiranutsi, cyangwa se mu banyabyaha? UB1 102.3

Itorero rigomba guhaguruka kandi rikihana

Itorero rikwiriye guhaguruka, rikihana kubera gusubira inyuma kwaryo mu maso y'Imana. Reka abarinzi babe maso kandi bavuze impanda. Ni umuburo usobanutse tugomba kwamamaza. Imana irategeka abagaragu bayo ngo: "Shyira ejuru uvuge cyane we kugerura, rangurura ijwi ryawe nk'ikondera ubwire ubwoko bwanjye ibicumuro byabwo, ubwire inzu ya Yakobo ibyaha byabo." (Yesaya 58:1). Abantu bagomba kubyitaho; niba ibi bidakozwe, umuhati wose ni imfabusa; nubwo marayika uvuye mu ijuru yamanuka akavugana nabo,

amagambo ye ntiyagira icyo abamarira nk'aho yavugiwe mu gutwi kw'intumbi. UB1 102.4

Itorero rigomba guhagurukira gukora. Umwuka w'Imana ntashobora kuza kugeza igihe rimaze gutegurira inzira. Hakwiriye kubaho kwisuzuma kwimbitse k'umutima. Hakwiriye kubaho gufatanya mu gusenga kudacogora, kandi binyuze mu kwizera, tukishyuza amasezerano y'Imana. Singombwa kwambara ibigunira nko mu bihe bya kera; ahubwo tugomba kwicisha bugufi cyane mu mutima. Nta mpamvu twashingiraho twishima ubwacu cyangwa twishyira hejuru. Dukwiriye kwicisha bugufi turi munsi y'ukuboko gukomeye kw'Imana. Izigaragaza mu guhumuriza ndetse no gutanga umugisha ku bayishakana ukuri bose. UB1 103.1

Umurimo uri imbere yacu; mbese tuzawukora? Tugomba kwihuta, dukomeza kujya imbere. Tugomba kwitegura umunsi ukomeye w'Umwami. Nta gihe cyo gutakaza dufite, nta gihe kiriho cyo guhugira mu kwikunda. Isi igomba kuburirwa. Mbese twese, umuntu ku giti cye turakora iki kugira ngo dushyire abandi umucyo ? Imana yemerera umuntu wese gukora umurimo wayo. Buri muntu wese afite uruhare agomba kugira, kandi ntabwo tugomba kwirengagiza uyu murimo kuko byaturimbuza. UB1 103.2

Ese benedata muzarakaza Mwuka Muziranenge mutume yigendera? Ese muzafungiranira umugisha w'Umukiza hanze kuko mutiteguye kumwakira? Ese muzareka abantu barimbuke batamenye ukuri, kubera ko mudashaka kwikorerera abandi umutwaro Yesu yabikorereye? … Reka tuve mu bitotsi. "Mwirinde ibisindisha mube maso, kuko umurezi wanyu Satani azerera nk'intare yivuga ashaka uwo aconshomera" 1 Petero 5:8. 103

Ubugorozi buherekeza ababyutse.

Mu mitima myinshi bigaragara ko uguhumekerwa ubugigo mu by'umwuka ari ingume. Ibi bintera agahinda cyane. Ndatinya ko urugamba rwo guhangana n'isi, umubiri, n'umubi rwaba rwararetswe. Dukomeze twishimire ubukristo

budashyitse, kwikunda, umutima wo kurarikira iby'isi, gufatanya ukutubaha Imana no kunezezwa n'ibinyoma byayo? Oya! Kubw'ubuntu bw'Imana, reka dushikame ku mahame y'ukuri, dukomeye tutajegajega kuzageza ku iherezo tugifite ibyiringiro byacu twatangiranye. Ntidukwiriye kuba "ibyangwe, duhirimbane mu mitima dukorera Umwami wacu" (Abaroma 12:11). Umwigisha wacu ni umwe, ndetse ni Kristo, ni we dukwiriye kureba. Ni we utugabira ubwenge dufite. Kubw'ubuntu bwe dukwiriye kurinda gukiranuka kwacu, duhagaze imbere y'Imana twiyoroheje, n'imitima imenetse kandi tuyigaragaza ku isi.UB1 103.4

Ibibwirizwa byagiye bikenerwa cyane mu matorero yacu. Abizera bagiye bishingikiriza ku bivugirwa ku ruhimbi aho kwisunga Mwuka Muziranenge. Kudashaka no kudakoresha impano z'Umwuka bahawe byatumye baba abanyantege nke. Igihe abagabura bagiye gukorera ahantu hashya, abizera bakwiriye gufasha muri izo inshingano, kandi mu kuzikora ubushobozi bwabo bwakiyongera. UB1 103.5

Ububyutse n'ubugorozi bigomba kubaho, bitewe n'umurimo wa Mwuka Muziranenge. Ububyutse n'ubugorozi ni ibintu bibiri bihabanye. Ububyutse busobanura guhinduka mushya mu mibereho y'iby'Umwuka, guhembuka kw'imbaraga z'ibitekerezo n'iz'umutima no kuzuka uva mu rupfu rw' iby 'umwuka. Ubugorozi bwo busobanura kuvugurura gahunda, guhinduka mu bitekerezo n'inyigisho, akamenyero n'ibikorwa. Ubugorozi ntibuzera imbuto nziza yo gukiranuka niba butomatanye n'ububyutse mu by'Umwuka. Ububyutse n'ubugorozi bikwiriye gukora umurimo wabigenewe, kandi mu gukora uyu murimo bigomba kugendana. 104 UB1 104.2

Uburyo bworoshye buzakoreshwa.

Neretswe yuko Uwiteka azasohoza imigambi Ye akoresheje inzira n'uburyo bitandukanye. Ntabwo ari abantu bafite impano z'ikirenga bonyine, si n'abaminuje mu buryo bugaragarira isi Uwiteka akoresha mu gukora umurimo we w'igiciro kandi wera wo gukiza imitima. Azakoresha uburyo bworoheje;

azakoresha abantu benshi bari bafite ubushobozi buke ngo bafashe mu gutuma umurimo Wayo ukomeza kujya imbere. Mu gukoresha uburyo bworoheje, azazana abantu bafite ubutunzi n'amasambu bizere ukuri, kandi abangaba bazakoreshwa n'Uwiteka mu gutuma umirimo We ujya imbere. 105

IGICE CYA 17: KWITA KU MIBEREHO MISHYA
INTAMBARA YAKURIKIYE UBUBYUTSE

Mu 1893 hari ububyutse bugaragara mu bigo byacu i Battle Creek ku cyicaro gikuru, n'ikimenyetso gikomeye cy'umurimo w'Umwuka w'Imana. Imigisha myinshi yatakariye mu bihe byahise bikurikiraho. Muri ibi bihe hamwe n'inama zatanzwe zijyanye nabyo hashoboye kuboneka inyigisho zifite umumaro no muri iki gihe. Abakusanyije izi nyandiko. UB1 105.1

Nyuma yo gusukwa k'Umwuka w'Imana i Battle Creek byagaragariye muri Koleji ko igihe cy'umucyo mwinshi w'iby'Umwuka kibangikana n'igihe cy'umwijima mu by'Umwuka. Satani n'ingabo ze nyinshi zimukorera bari ku isi, barakoresha imbaraga zabo ku mutima wose kugira ngo avutswe imigisha y'ubuntu yaturutse mu ijuru kongera kubaho no kubyutsa imbaraga zisinziriye ngo zikoreshwe mu gutanga icyo Imana yatanze. Iyaba abantu bose, bahawe umucyo barihatiye kugeza ku bandi icyo Imana yabahaye kubera uwo mugambi, bari kongererwa umucyo, n'imbaraga. Imana ntitanga umucyo wayo ku muntu umwe gusa ahubwo ni ukugira ngo ashobore kuwukwirakwiza kandi Imana ihabwe icyubahiro. Umurimo wawo uragaragara. UB1 105.2

Buri gihe, ibihe by'ububyutse mu by'Umwuka no gusukwa kwa Mwuka Muziranenge byagiye bikurikirwa n'umwijima mu by'Umwuka no kwangirika gukabije. Twitaye ku byo Imana yakoze mu mahirwe n'isumbwe n'imigisha i Battle Creek babonye. Ntabwo itorero ryagize amajyambere ashimishije mu gukora umurimo waryo, kandi itorero ntirizahamana umugisha w'Imana mu iterambere ry'iby'Umwuka kugeza ubwo bazakoresha umucyo basanganwe nk'uko Imana yabitegetse mu ijambo ryayo. Umucyo wari gukomeza kumurika kandi ufite imirasire yihariye uzatwikirwa n'umwijima. Imbaraga inesha y'ukuri kw'Imana yishingikiriza ku bufatanye bw'umuntu n'Imana mu butungane, mu

kugira ishyaka, mu kugerageza kutirebaho, mu gushyira abandi umucyo w'ukuri. 106

Ingorane zo kwitiranya umurimo wa Mwuka n'ubwaka

Hari ibintu nandikiwe bijyanye n'uko Umwuka w'Imana akora mu nama duheruka yabereye muri Koleji mu [1893], byerekana mu buryo bugaragara ko kubera iyi migisha itakoreshejwe neza, byateye urujijo, kandi icyari umucyo uturutse mu ijuru cyaje gufatwa nk'aho ari ibyo abantu bigira. Nababajwe no kubona iki kintu cyarafashwe muri ubu buryo. Tugomba kwitonda cyane ngo tudateza agahinda Mwuka Muziranenge w'Imana, mu kwitiranya umurimo w'Umwuka We Wera n'ubwaka. Tuzasobanukirwa dute n'imirimo y'Umwuka w'Imana niba bitarahishuwe mu buryo bugaragara kandi busobanutse, atari i Battle Creek gusa ahubwo ahantu henshi? UB1 105.4

Ntabwo ntangazwa n'umuntu wahera mu gihirahiro gitewe n'ingaruka z'ibyabaye. Ariko mu mibereho yanjye yo mu myaka 49 ishize nakunze guhura n'ibimeze bityo kandi nasobanukiwe ko Imana yabikoze mu buryo bwumvikana; kandi reka he kubaho umuntu ugerageza kuvuga ko atari Umwuka w'Imana. Nicyo gusa twemerewe kwizera no gusengera, kuko Imana yifuza cyane guha Mwuka Muziranenge abamusabye kuruta uko ababyeyi bagenera abana babo impano nziza. Ariko Mwuka Muziranenge ntabwo abereyeho gukoreshwa n'umuntu ahubwo arakora kandi agakoresha umuntu. Kuba Imana yarahaye imigisha myinshi abanyeshuri n'itorero, simbishidikanyaho; ariko igihe cy'umucyo ukomeye no gusukwa kwa Mwuka Muziranenge muri rusange bikurikirwa n'igihe cy'umwijima ukomeye. Kuki? Kuko umwanzi akorana imbaraga ze zose abeshya kugira ngo Mwuka Muziranenge w'Imana atagira icyo akora ku muntu. UB1 106.1

Abanyeshuri bari ku ishuri, igihe bajyaga gukina imikino n'umupira w'amaguru, mu gihe bari batwawe n'ibibanezeza, Satani yabonye ko ari igihe cyiza cyo kwinjira kugira ngo ahindure ubusa umurimo wa Mwuka Muziranenge w'Imana mu guhindura no gukoresha umuntu. Iyo abarimu baza kuba barakoze uruhare rwabo, iyo baza kuba baratekereje ku byo bashinzwe, iyo bahagarara neza imbere y'Imana, iyo bakoresha ubushobozi Imana yabahaye buhwanye no

kweza k'Umwuka binyuze mu rukundo rw'ukuri, bari kuba barahawe imbaraga za Mwuka Muziranenge no kumurikirwa n'ijuru mu gukomeza bazamuka urwego rubaganisha mu ijuru. Bigaragara ko batahaye agaciro cyangwa bagendere mu mucyo cyangwa ngo bakurikire Umucyo w'isi. UB1 106.2

Biroroshye kwigizayo umurimo wa Mwuka Muziranenge mu magambo n'ibikorwa. Kugendera mu mucyo ni ugukomeza gusanga umucyo. Iyo umuntu ahawe umugisha, akawirengagiza ntawiteho, kandi ntabe maso asenga, niba atikoreye umusaraba ntiyihanganire kwikorera umutwaro ku bwa Kristo, niba imbaraga ze n'ubushobozi bwe bikuruwe no gukunda ibinezeza n'icyubahiro, maze ntagire Imana iy'ibanze, iya mbere n'iya nyuma muri byose, Satani nawe araza akagira uruhare mu kwibasira ubugingo bw'uwo muntu. Ashobora kubibasira cyane kuruta uko babyibwira kandi agatega imitego ikaze yo kurimbura uwo muntu…. UB1 106.3

Umusaruro wavuye mu murimo w'Umwuka w'Imana muri Battle Creek ntabwo watewe n'ubwaka, ahubwo ni uko abo bahawe umugisha baterekanye ishimwe ry'uwo wabahamagariye kuva mu mwijima bagana mu mucyo wayo utangaje. Kandi igihe isi imurikiwe n'icyubahiro cy'Imana, bamwe ntibazamenya ibyo ari byo, n'igihe byabereye, kuko bakoresheje kandi basobanura nabi Umwuka wabasutsweho. Imana ni Imana ifuha kubwo icyubahiro Cyayo bwite. Ntizubaha uyisuzugura. Bamwe mu bagendera mu mucyo bagombye kuba barigishije abasore bakiri abana mu kugendera mu mucyo bakiriye. Nifuzaga kugira igihe gihagije cyo kwandika ariko ntacyo mfite. 107

Uburyo bworoshye bwo kubura umugisha.

Hari ibintu bimwe, mu gihe gishize, byuzuye intekerezo zanjye bifite imbaraga, none ndumva mpatwa n'Umwuka w'Imana kwandika kuri ibyo. 108 Ese Imana mu mbabazi zayo yagufunguriye amadirishya y'ijuru igucunshumuriraho umugisha? Yoo! None rero, icyo cyari igihe cyo kwigisha abarimu n'abanyeshuri ukuntu bakomeza ubuntu butangaje bagiriwe n'Imana bwakora bukurikije uko umucyo wiyongeraga, ndetse no kuwugeza ku bandi.

Ese umucyo w'ijuru waratanzwe? Kandi watangiwe iyihe mpamvu? Ni ukugira ngo umucyo urabagiranire mu mirimo yo gukiranuka. Igihe abantu bahawe imigisha myinshi, baziyegurira Imana mu buryo bwimbitse kandi bivuye ku mutima, batekereza ko baguzwe amaraso y'igiciro y'Umwana w'Intama w'Imana, kandi bambaye imyambaro y'agakiza ke, ntibazerekana Kristo? UB1 107.1

Ese gukina imikino, guhabwa ibihembo n'imikino y'iteramakofi ntibyigishije kandi bigahugurira abantu kuyoborwa na Satani no kugira imico ye? Iyaba bashoboraga kwitegereza Yesu, Umuntu w'i Karuvari ubarebana agahinda, nkuko nabyeretswe. Ibintu biragenda bifata indi shusho itari nziza, kandi bikarwanya umurimo w'imbaraga mvajuru watanzwe ku bw'ubuntu. Umurimo wa buri mukristo nyakuri ni ukugaragaza Kristo, kumurikira abandi, no guhesha agaciro ibijyanye n'imyitwarire myiza mu byo avuga n'uburyo yiyeguriye Imana, gushishikariza abatagira icyo bitaho n'abatirinda gutekereza Imana n'ubugingo buhoraho. Isi yakwishimira guhanagura iby'ubugingo bw'iteka mu ntekerezo zabo, ariko ntibishoboka igihe cyose hari abantu bahagarariye Kristo mu byo bakora mibereho yabo. UB1 107.2

Buri mwizera wese aba umurunga w'izahabu uhuza umutima w'umuntu na Yesu Kristo, kandi akaba umuyoboro ujyana umucyo ku bari mu mwijima. Niba umuntu yitandukanyije na Kristo, Satani aba abonye urwaho rwo kumuyobya akareka kubaha Kristo mu magambo, mu by'umwuka, mu bikorwa, noneho rero, kamere ya Kristo igafatwa uko itari. Ndakubaza, Mwene Data, niba idini ya Yesu Kristo itarumvikanye mu buryo butari bwo bitewe no gukabya mu byo kwinezeza. Igihe Uwiteka yagabiraga ubutunzi bw'ubuntu bwe i Battle creek, mbese iyo abafite inshingano baza gushobora kuyobora aba bantu mu buryo barushaho gukoresha neza impano bahawe bakora neza, umurimo w'ingirakamaro ntiwari gutuma haba impinduka mu myigire yabo, aho gushimishwa no gukoresha amarangamutima atewe n'imikino yabo? Iki gihe cyashize ntacyo cyungura mu bitekerezo cyangwa mu by'umwuka cyangwa mu buryo bwo kwitegura ibigeragezo bagombaga kwinjiramo vuba. Ubutungane budafashije bwitwaza idini buzakongoka igihe buzageragereshwa itanura ry'umuriro. UB1 107.3

Uwiteka yifuza ko abigisha babera abandi urugero rwiza. Bakeneye gusenga cyane kurushaho kandi bakamenya ko imyemerere igaragarira mu mibereho itunganye n'imvugo ihesheje Imana icyubahiro n'ubukristo buhamye, ni ibintu bitegurira ubusitani bw'umutima kubibwamo imbuto z'ukuri zizavamo umusaruro uhagije, igihe Izuba ryo gukiranuka rizabarasira rifite gukiza mu mababa yaryo. Reka gukiranuka kwanyu kumurikire abandi "…kugira ngo babone imirimo yanyu myiza, bahereko bahimbaze So wo mu ijuru" Mat 5:16. Kristo yabwiye abigishwa Be ati: "Muri umunyu w'isi. Mbese umunyu nukayuka uzaryoshywa n'iki? Ntacyo uba ukimaze keretse kujugunywa hanze, abantu bakawukandagira" Mat 5:13Itorero rimurikira isi, bidatewe n'umurimo wabo wo kubaha Imana, ahubwo berekana imbaraga y'ukuri ihindura kandi yeza ubuzima n'imyitwarire…. UB1 108.1

Igihe cyuzuye ibimenyetso by'intambara iri bugufi ngo bibere urubyiruko icyigisho ku byerekeranye n'imyidagaduro n'imikino. 109

INGORANE ZITEWE N'UKO UMUCYO UHINDUTSE UMWIJIMA

Uwiteka yateguye kubasukaho Umwuka we Wera. Mu materaniro ndetse no mu bigo byacu bitandukanye, umugisha mwinshi warabasukiwe. Mwagenderewe n'intumwa z'ijuru z'umucyo n'ukuri n'imbaraga, kandi ntabwo bikwiriye gutekerezwa nk'ikintu kidasanzwe ko Imana ikwiriye kubaha umugisha. Mbese Kristo yireherezaho ubwoko bwe yatoranije ate?—Ni ku bw'imbaraga ya Mwuka we Muziranenge, kuko Mwuka Muziranenge anyuze mu byanditswe, avugana n'intekerezo kandi akemeza ukuri mu mitima y'abantu. Mbere yuko abambwa, Kristo yasezeranye ko umufasha akwiriye kohererezwa abigishwa Be. Yaravuze ati: "Ariko ndababwira ukuri yuko ikizagira icyo kibamarira ari uko ngenda, kuko nintagenda umufasha atazaza aho muri, ariko ningenda nzamubohereza. Ubwo azaza azatsinda ab'isi, abemeze iby'icyaha n'ibyo gukiranuka n'iby'amateka… Uwo Mwuka w'Ukuri naza azabayobora mu kuri kose kuko atazavuga ku bwe, ahubwo ibyo azumva nibyo azavuga, kandi azababwira ibyenda kubaho. Uwo azanyubahiriza, kuko azenda ku byanjye akabibabwira." Yohana 16:7, 8, 13-14 UB1 108.3

Iri sezerano rya Kristo ryahawe agaciro gake, kandi kubera kutagira Umwuka w'Imana, kuba iri itegeko ari iry'Umwuka ndetse ko n'ibyo risaba ari iby'iteka

ntabwo byasobanutse. Abavuga ko bakunda Kristo ntabwo basobanukiwe isano iri hagati yabo n'Imana, kandi biracyagaragara ko batarabisobanukirwa. Ariko bazi mu buryo budafututse ubuntu butangaje bw'Imana bwatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo abatuye isi babone agakiza. Ntabwo basobanukiwe ibyo itegeko ryera risaba, n'uko mu rukundo amahame y'itegeko ashyirwa mu buzima busanzwe. Ntabwo bita ku mahirwe akomeye kandi akenewe yo gusenga, kwihana no gushyira mu bikorwa amagambo ya Kristo. Ni umurimo wa Mwuka Muziranenge guhishurira intekerezo uburyo Imana yemera bwo kuyiyegurira. Binyuze muri Mwuka Muziranenge umuntu aramurikirwa, kamere ye ikongera kuba nshya, ikezwa igahabwa agaciro. UB1 109.1

Mu gukora kwimbitse k'Umwuka w'Imana, neretswe imiterere y'umurimo wo kugendererwa n'Umwuka w'Imana. Neretswe ingorane abantu bazaba baragenderewe bazahura nazo; ko nyuma yaho, bazaraswa imyambi ikomeye y'umwanzi, uzabageragesha ibigeragezo bye kugira ngo umurimo w'Umwuka w'Imana ube impfabusa, kandi bitume ibihe ukuri kwagiye kwerekanwa kandi guhamywa na Mwuka Muziranenge, kutazatunganya kandi ngo kweze abazaba barabonye umucyo w'ijuru, bikanababuza guhesha Kristo icyubahiro muri bo. UB1 109.2

Igihe cy'umucyo mwinshi w'ibya Mwuka, niba abantu badakunze uwo mucyo kandi ngo bawugenderemo, kizabahindukira igihe gihwanye n'icy'umwijima mu by'umwuka. Ku cyiyumviro cya Mwuka Muziranenge niba abantu batagihaye agaciro kandi ngo bajye mu mwanya wera icyo cyiyumviro kizahanagurika mu bwenge. Abashaka gukura mu by'Umwuka bagomba kuguma ku isoko y'Imana, bagakomeza kunywa amazi ava ku isoko y'agakiza abafukuriwe ku bw'ubuntu. Ntibagomba na rimwe kureka isoko imara inyota; ariko bafite imitima yuzuye ishimwe n'urukundo rugaragaza ubwiza n'imbabazi by'Imana, bagomba gukomeza kunywa amazi y'ubugingo.UB1 109.3

Mbega ukuntu ibi bifite ubusobanuro ku muntu wese "ni Jye Mucyo w'isi", "ni Jye Mutsima w'ubugingo, uza aho ndi ntazasonza na hato [ikintu cyose gituma umuntu anyurwa] n'unyizera ntabwo azagira inyota na hato" (Yohana 8:12; 6:35). Kugera kuri iyo ntego bisobanura ko wabonye Isoko y'umucyo n'urukundo, kandi ukaba usobanukiwe n'ukuntu ushobora kuba mushya, kandi

ugashobora gukoresha amasezerano y'Imana ukomeza kuyashyira mu bikorwa no mu ntekerezo. UB1 109.4

"Ariko nababwiye yuko mwambonye, nyamara ntimwizera." (Yohana 6:36). Ibi byasohojwe uko byakabaye ku bantu benshi; kuko Uwiteka yabahaye kubona ukuri mu buryo bwimbitse, muri kamere ye y'imbabazi n'ubuntu n'urukundo; n'ubwo nyuma yo gusobanukirwa, bamuteye umugongo kubera kutizera. Babonye imigenzereze yimbitse y'Umwuka w'Imana; ariko iyo ibigeragezo bikomeye bya Satani byazaga, nk'uko bihora bigenda igihe cyose cy'ububyutse, ntabwo bageze aho bavusha amaraso mu ntambara barwana n'icyaha. Nabo bagombaga guhagarara ahirengeye, iyo bakoresha neza uko gusobanukirwa kw'agaciro babonye, baje gutsindwa n'umwanzi. Bari bakwiriye kwerekana umucyo w'Imana yabahereye gushyira abandi; bari bakwiriye gukorana kandi bagafatanya no guhishurirwa kwera kwa Mwuka Muziranenge; ibyo rero bidakozwe, havuyemo igihombo. UB1 109.5

Kurarikira imikino kwahenebereje intsinzi mu by'Umwuka

Mu banyeshuri hari umwuka wo kwishimisha no gusamara. Banezezwaga no gukina imikono ku buryo Uwiteka yirukanwe mu ntekerezo zabo, kandi Yesu yari aho bari ku bibuga agira ati: " Iyo uba waramenye, "Uyu munsi nawe, iyo umenya ibyaguhesha amahoro"Luka 19:42, "Ariko nababwiye yuko mwambonye, nyamara ntimwizera." Yohana 6:36. Nibyo; Kristo yarabihishuriye ubwe, kandi ibyishimo byimbitse byagaragaye ubwo Mwuka Muziranenge yagendereraga imitima yanyu; ariko mwakurikiye inzira yatumye mutakaza ibi byishimo, muvutswa guhamana intsinzi. "Kandi uwo Data yampaye wese aza aho ndi, kandi uza aho ndi sinzamwirukana na hato" Yohana 6:37. Mwatangiye kuza musanga Kristo ariko ntimwagumye muri we.

Mwaramusigiriye kandi n'intekerezo mwari mwaragize ku bijyanye no kubagirira ubuntu n'imigisha yari yarabahaye, byababereye igihombo. Ikibazo cyo kwinezeza cyatwaye igice kinini cy'intekerezo zanyu, kuko nyuma yo kugendererwa n'Umwuka w'Imana, mwashishikajwe cyane no kuwugisha impaka ku buryo inzitizi zose zavanyweho; bitewe n'irari ryanyu ryo gukunda imikino, mwirengagije kumvira ijambo rya Kristo. "Mube maso musenge mutajya mu moshya" (Mariko 14:38). Umwanya wagombaga kuba uwa Kristo

wasimbuwe n'irari ry'imikino. Mwahisemo kwinezeza aho gukomezwa na Mwuka Muziranenge. Ntimwakurikije urugero rwa Yesu wavuze ati: "Kuko ntavanywe mu ijuru no gukora ibyo nishakiye, ahubwo nazanywe no gukora ibyo uwantumye ashaka" Yohana 6:38 UB1 110.1

Imitima ya benshi iyobejwe n'ibyifuzo byabo bwite bya kimuntu n'ibyo bagamije, kandi babyirunduriyemo ku buryo badashobora gusobanukirwa neza n'icyo ibyanditswe byerekezaho. Benshi bibwira yuko gukurikira Kristo bizababuza umunzero n'ibyishimo, kuko basabwa kureka ubwabo umunezero n'ubupfapfa ab'isi bakunda. Umukristo nyakuri azuzura umunezero n'amahoro kubera ko abeshejweho no kureba ku bitagaragara, kandi n'abantu bashaka Kristo mu mico ye y'ukuri bafite muri bo ibyangombwa by'ubugingo buhoraho iteka, kuko bafatanyije kugira kamere mvajuru, bakaba barateye umugongo iby'isi byonona biterwa n'irari ry'umubiri. Yesu yaravuze ati: "Kandi ibyo uwantumye ashaka ni ibi: ni ukugira ngo mu byo yampaye byose ntagira na kimwe nzimiza, ahubwo ngo nzakizure ku munsi w'imperuka. Kuko icyo Data ashaka ari iki: ni ukugira ngo umuntu wese witegereza Umwana akamwizera ahabwe ubugingo buhoraho, nanjye nzamuzure ku munsi w'imperuka." Yohana 6:39-40 UB1 110.2

Umwana w'Imana ukorana na Yo

Imibereho yose ya Gikristo itangwa na Yesu Kristo. "Icyakora abamwemeye bose bakizera izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b'Imana." Yohana 1:12. Ariko se bimaze iki kuba Umwana w'Imana? Icyo bimaze ni uko dukorana n'Imana. Hariho umurimo ukomeye ukwiriye gukorwa kubwo agakiza k'umuntu ku giti cye, kandi bizatuma ashobora kuvana abandi mu kutizera aberekeze mu bugingo bukomezwa no kwizera Yesu Kristo. "Ni ukuri, ndababwira yuko uwizera [kwizera kw'akanya gato?—Oya, ni ukwizera guhoraho gukorera mu rukundo kandi gutunganya umuntu] ariwe ufite ubugingo buhoraho. Ni jye mutsima w'ubugingo … ni jye mutsima muzima wavuye mu ijuru.

Umuntu narya uwo mutsima azabaho iteka ryose, kandi umutsima nzatanga ku bwo abari mu isi kugira ngo babone ubugingo, ni umubiri wanjye… nimutarya umubiri w'Umwana w'Umuntu, ntimunywe n'amaraso ye, nta

bugingo muba mufite muri mwe … urya umubiri wanjye, akanywa amaraso yanjye aba afite ubugingo buhoraho, nanjye nzamuzura ku munsi w'imperuka … Umwuka niwe utanga ubugingo, umubiri ntacyo umaze. Amagambo mbabwiye ni yo Mwuka kandi ni yo bugingo, ariko hariho bamwe muri mwe batizera. (kuko uhereye mbere na mbere yari azi abatizera abo ari bo, nuzamugambanira uwo ari we.) Nuko aravuga ati: ' Nicyo cyatumye mbabwira yuko hatariho ubasha kuza aho ndi keretse abihawe na Data.' " Yohana 6:47,48,51,53,54,63-65 UB1 111.1

Igihe Yesu yavugaga aya magambo, yayavuganaga ubutware, icyizere, n'imbaraga. Rimwe na rimwe yiyerekaniraga mu mbaraga zimbitse z'Umwuka We ku buryo izo mbaraga zigagaragazaga. Ariko benshi babonye, bumva kandi bahabwa imigisha y'icyo gihe, bahereyeko bigendera nyuma gato bibagirwa umucyo yari yarabahaye. UB1 111.2

Ubutunzi bw'iteka ryose bweguriwe Yesu Kristo ngo abugabire uwo ashatse; ariko biteye agahinda kubona abantu benshi bitesha ubuntu bw'igiciro bahawe kubwo kumwizera. Azagabira ubutunzi bw'ijuru abazamwizera, bakamuhanga amaso kandi bakaguma muri we. Ntiyatekereje yuko guhwana n'Imana ari ikintu cyo kugundirwa, kandi azi ko nta nzitizi cyangwa umupaka mu kugabira ubutunzi bw'ijuru uwo yishakiye. Ntabwo ashimagiza cyangwa ngo ahe icyubahiro kidasanzwe abakomeye bo mu isi, abashimwa kandi bakomerwa amashyi. Ahubwo ahamagara abo yitoranYirije, abantu b'umwihariko bamukunda kandi bamukorera, kumusanga kandi bamusaba. Kandi azabaha umutsima w'ubugingo, ataretse n'amazi y'ubugingo, muri bo bizababera nk'isoko y'amazi idudubiza mu bugingo buhoraho. UB1 111.3

Yesu yatuzaniye ubutunzi bw'Imana bukubiye hamwe, kandi abantu bose bamwizera yabahinduye abaragwa be. Avuga ko abarenganirizwa izina rye bazahembwa ibihembo bihebuje. Biranditswe ngo: "Ibyo ijisho ritigeze kureba, n'ibyo ugutwi kutigeze kumva, ibitigeze kwinjira mu mitima w'umuntu, ibyo byose Imana yabyiteguriye abayikunda" 1 Abakorinto 2:9 — 110

Ese umugisha warashimwe?

Kugira ngo twongererwe impano yacu yo mu by'Umwuka, ni ngombwa kugendera mu mucyo. Ku byerekeranye no kugaruka vuba kwa Yesu, tugomba kuba maso dutegura imitima yacu, tugakomeza amatara yacu aboneye kandi yaka, kandi dushishikariza n'abandi impamvu ari ngombwa kwitegura kuza k'Umukwe. Kuba maso no gukora bigomba kugendana; kandi kwizera n'imirimo bigomba komatana, bitabaye ibyo kamere zacu ntizizahuza ngo zibonere kandi zitunganire Kristo Yesu. UB1 112.1

Niba turetse imibereho yacu yo gutekereza ku ijambo ry'Imana dusenga, amatara yacu azazima, kuko umucyo twawuherewe ngo tuwugeze ku bandi, kandi uko turushaho kuwubashyira, ni nako uwacu urushaho kumurika. Niba hari ikintu mu isi dukwiriye gushishikarira, cyagaragarira mu gushakira agakiza abo Kristo yapfiriye. Umurimo nk'uyu ntuzatuma twirengagiza gukiranuka kwacu bwite. Dushishikarizwa "kutaba ibyangwe, duhirimbana mu mitima, dukorera Umwami wacu…" Abaroma 12:11UB1 112.2

Kwitegereza icyubahiro cy'Imana bisobanura kunoza umugambi rukumbi, kwerekana umurimo wakorewe mu mutima wawe, utuma ubushake bwawe buburizwamo imbere y'ubw'Imana, kandi ugafata intekerezo yose ngo iheshe Imana Icyubahiro. Ab'isi bakomeje kubahanga amaso kugirango barebe ingaruka zizaba zavuye mu murimo w'ububyutse wageze muri Koleji, kwa muganga, inzu y'ibitabo no ku bizera b'itorero rya Battle Creek. Ni buhamya ki mwatanze mu mibereho n'imico byanyu bya buri gihe?UB1 112.3

Imana yari ibitezeho mwese gukora neza, atari ukwishimisha, kwinezeza no kwihesha icyubahiro ubwanyu, ahubwo ari ukuyihesha icyubahiro mu buryo bwose, kuyigarukira bijyanye n'umucyo n'amahirwe yabahaye ibinyujije mu mpano y'ubuntu Bwayo. Yari ibitezeho ko muzahamiriza abanyabwenge bo mu ijuru ndetse no kubera isi abahamya bazima, imbaraga y'ubuntu bwa Kristo. Uwiteka yarakugeragezaga kugira ngo arebe niba uri bufate umugisha we w'igiciro nk'ikintu gicirirtse, cyoroheje cyangwa kuwureba nk'ubutunzi bw'igiciro ukwiriye kwakiranwa icyubahiro giheranije. Iyaba bose baba barakiriye impano y'Imana muri ubu buryo—Kuko umurimo wari uw'Imana—noneho, bihwanye n'igipimo cy'inshingano ya buri wese, ubuntu bwatanzwe buba bwarikubye kabiri, nk'uko byagendekeye umuntu wacunze neza umutungo wa Shebuja. UB1 112.4

Umugisha wahindutse umuvumo

Imana yakomeje kugerageza gukiranuka kw'abantu bayo ibagaragariza umumaro wo gukoresha umugisha wayo w'igiciro bahawe. Uyu mugisha wavuye ku Muvugizi wacu n'Umurengezi mu rukiko rwo mu ijuru. Ariko Satani yari ategereje kwinjirira ahantu hose hari icyuho, ngo ahindure umucyo n'umugisha umwijima n'umuvumo. UB1 113.1

Mbese umugisha ubasha guhindurwa umuvumo ute? Ni mu guhendahendera umuntu gukerensa umucyo, cyangwa mu kutagaragariza isi ko umucyo washoboye guhindura imico. Yuzuye Mwuka Muziranenge, umuntu yiyegurira ubwe gukorana n'ab'ijuru. Yihanganira umutwaro wa Kristo, akemera ibimuremerera, agakorera mu nzira ya Kristo kugira ngo yunguke intsinzi ikomeye. Akagendera mu mucyo nk'uko Kristo ari mu mucyo. Ibyanditswe bikamusohoreraho ngo: "Ariko twebwe twese ubwo tureba ubwiza bw'Umwami, tubureba nko mu ndorerwamo mu maso hacu hadatwikiriye, duhindurirwa gusa nawe tugahabwa ubwiza buruta ubundi kuba bwiza, nk'ubw'Umwuka w'Umwami" 2 Abakorinto 3:18 UB1 113.2

Undi mwaka urashize by'iteka mu ngorane zawo; kandi umucyo wabaviriye uturuka mu ijuru wabateguriraga guhaguruka no kwaka, kugira ngo mwerekane amashimwe y'Imana ku isi nk'ubwoko bwubahiriza amategeko Yayo. Mwagombaga kuba abahamya bazima; ariko niba ntakugerageza k'umwihariko kugira imyitwarire myiza kurushaho kandi ibonetse yo guhamiriza isi, niba nta mwete uruseho wakoreshejwe kurusha ugaragara uboneka mu matorero yo muri iki gihe, bituma izina ry'Imana nta cyubahiro rigira, kandi ukuri kwaryo ntikwagaragariye isi, mu kwerekana ibyo ijuru ryifuza mu bantu bakiriye umucyo ukomeye. Niba batarigeze bishimira cyane kwiyerekana kw'imbaraga z'Imana birenze kurya no kunywa, no guhaguruka bakina, nk'uko Isirayeri ya kera yabigenje, noneho rero ni mu buhe buryo Uwiteka ashobora kwiringira abantu be mu kwiyerekana gufite agaciro kandi k'ubuntu? Niba mu buryo bwose bugaragara bakoze ibinyuranye n'ubushake bw'Imana, kandi bakerekana ko batabyitayeho, mu kwikunda, mu kwifuza no mu kwibona, bakonona inzira zabo imbere y'Uwiteka, ashobora ate kongera kubacunshumuriraho Mwuka Muziranenge? UB1 113.3

Imana ifitiye abantu bayo umugisha w'igiciro cyinshi; ariko ntishobora kuwubaha kugeza igihe bamenye ukuntu bakwiye kugenza impano y'agaciro berekana amashimwe y'uwabahamagariye kuva mu mwijima bagana mu mucyo w'itangaza. "Nuko natwe ubwo tugoswe n'igicucu cy'abahamya bangana batyo, twiyambure ibituremerera byose n'icyaha kibasha kutwizingiraho vuba, dusiganirwe aho dutegekwa twihanganye, dutumbira Yesu wenyine, ari we Banze ryo kwizera kandi ari we ugusohoza rwose, yihanganiye umusaraba ku bw'ibyishimo byamushyizwe imbere ntiyita ku isoni zawo, yicara iburyo bw'Intebe y'Imana" (Abaheb 12:1, 2). Bimwe mu byishimo Kristo yari agamije byari ibyishimo byo kubona ukuri kwe kwambitswe imbaraga ishobora byose ya Mwuka Muziranenge, igaragaza ishusho Ye mu mibereho no mu mico by'abayoboke Be. UB1 113.4

Intumwa zo mu ijuru zifatanya n'izo mu isi zishaka gusohoza amategeko no kuyahesha icyubahiro. Amategeko y'Uwiteka aratunganye kandi ahindura umutima. Mu muntu uhindutse ni ho isi ibonera ubuhamya buzima. Noneho rero, ese Uwiteka nyirijuru azabona icyumba akoreramo? Ese azabona umwanya mu mitima y'abo bavuga ko bizera ukuri? Mbese kugira neza kwe gutunganye kandi kutagamije inyungu kuzakirwa n'umuntu? Mbese isi izabona icyubahiro cya Kristo muri mibereho y'abiyemeza ko ari abigishwa be? Ese Kristo azakundwa kandi ahabwe ikuzo mu kubona imbabazi ze bwite n'urukundo bigaragarira mu bwiza n'ukuri biturutse mu bantu be? Mu gushimangira ubutumwa bwe mu mutima, aba acunshumura ubutunzi bw'ijuru mu guhesha isi umugisha. "Kuko twembi Imana ariyo dukorera namwe mukaba umurima w'Imana n'inzu yayo" 1 Abak 3:9. UB1 114.1

Mbese umugisha w'igiciro w'Imana wamariye iki abo bawakiranye kwiyoshya no kwibabaza mu mutima? Ese umugisha wahawe agaciro? Ese abawakiriye bakomeje kwerekana amashimwe y'uwo wabahamagariye kuva mu mwijima bakagera mu mucyo w'itangaza? Hariho bamwe barimo babaza ibyo umurimo wakozwe neza kandi wari ukwiriye kuba warashimwe cyane. Bawureba nk'aho ari ubwaka. UB1 114.2

Mwitonde cyane.

Byari gutangaza iyo hataba bamwe, batuzuye mu bitekerezo, bavuga kandi bagakora ibidashimwa, kuko igihe cyose n'aho ariho hose Uwiteka akorera mu gutanga umugisha nyakuri, igisa n'umugisha nacyo kirigaragaza, kugira ngo umurimo nyakuri ugende uta agaciro. None rero, dukwiriye kwitonda cyane, tukagenda twicisha bugufi imbere y'Imana kugira ngo dushyire umuti w'iby'umwuka ku maso ngo dushobore gutandukanya imikorere ya Mwuka Muziranenge w'Imana n'iy'umwuka ushobora guteza kurindagira n'ubwaka. « Nuko muzabamenyera ku mbuto zabo» (Mat 7:20). Abahanga amaso Kristo babyitayeho bazasa na we, bitewe n'Umwuka w'Uwiteka. Bazagira igikuriro cyuzuye cy'abagabo n'abagore muri Kristo Yesu. Mwuka Muziranenge w'Imana azabahumekeramo urukundo no gukiranuka; kandi gutunganywa kuzagaragarira mu mico yabo. UB1 114.3

Ariko kubera ko bamwe bakoresheje nabi umugisha w'igiciro w'ijuru, ese abandi bazahakana ko Yesu, Umukiza w'isi, yanyuze mu matorero yacu, kugira ngo atange umugisha? Reka he kubaho gushidikanya no kutizera byibazwa kuri iki; kuko gukora ibyo, ni ukwishyira mu nzira y'akaga. Imana yahaye Mwuka Muziranenge abantu bafunguriye urugi rw'imitima yabo kugira ngo bakire impano y'ijuru. Ariko ntibakishore mu bigeragezo hanyuma bavuge ngo bashutswe. Ntibakavuge bati: « Kubera ko numva umwijima kandi nkatsikamirwa no gushidikanya, nkaba ntarigeze mbona imbaraga ya Satani yiyerekana nk'ubu, noneho rero nari nibeshye». Ndabararikira kwitonda. Ntimukabibe muri mwe gushidikanya. Imana yabakoreye igitangaza, ibazanira inyigisho nyakuri zikorana n'umutima. Mwaherewe umugisha, kugira ngo mushobore kwera imbuto mu buryo bugaragara mu mico. UB1 114.4

Icyaha cyo guhakana ikimenyetso

Icyaha Kristo yacyahiye i Korazini n' i Betesayida cyari icyaha cyo kwanga ikimenyetso cyagombaga kubemeza ukuri iyo baba bariyeguriye imbaraga yako. Icyaha cy'Abanditsi n'Abafarisayo cyari icyo kwitirira umwijima no kutizera umurimo mvajuru wari warakorewe imbere yabo ku buryo ikimenyetso cyagombaga kubayobora mu kwizera gushikamye cyarashidikanyijwe n'ibintu by'igiciro byagombaga gukundwa nta gaciro byahawe. Ndatinya ko abantu bemereye umwanzi gukoresha izi nzira, bigatuma ibyiza byavuye ku Mana n'umugisha w'igiciro yatanze, bamwe babifata nk'ubwaka. UB1 115.1

Niba iyi myifatire igumyeho, noneho igihe Uwiteka azongera kumurikishiriza abantu umucyo, bazatera umugongo umucyo w'ijuru bavuga bati: "Nanjye ni ko nabyumvise mu 1893, kandi bamwe mu bo nari niringiye bavuze ko uwo murimo wari ubwaka." Ese abo batigeze bakira ubutunzi bw'ubuntu bw'Imana, kandi bavuga ko umurimo wa Mwuka Muziranenge wari ubwaka, biteguye guhakana imikorere ya Mwuka Muziranenge mu gihe kizaza n'umutima werekana ko urwanya ijwi rikomeza kongorera? Urukundo rwa Yesu rushobora kugezwa kuri abo barwanya iryo jwi ryongorera ngo batagira imbaraga ibakurura. Ubutunzi bw'ubuntu bw'ijuru bushobora gutangwa ndetse no kwangwa, mu cyimbo cyo gukundwa no kwishimirwa. Abantu bizeye ibyo gukiranuka n'umutima wose, kandi igihe runaka batuye iby'agakiza; ariko biteye agahinda kuvuga ko uwahawe imbabazi atafatanyije n'abo mu ijuru, kandi ngo akunde umucyo akora imirimo yo gukiranuka. [111] —

IGICE CYA 18: GUHAMAGARA KWIHARIYE MU MURIMO W'AMAVUNA

[Ellen G. White, mu murimo w'amavuna yakoze neza agahamagarira abantu ngo bafate icyemezo. Hano hagaragaza aho yagiye akoresha bene ubu buryo mu bihe bitandukanye. — Ababikusanije.] UB1 116.1

I Battle Creek mu bihe byabanje.

Ari mu materaniro mu rusengero rwa Battle Creek. Yavuganye n'abantu hafi isaha imwe yisanzuye, ku bijyanye no kugwa kwa Adamu kwateje akaga n'urupfu, ibya Kristo we uhishura ubugingo no kubaho kw'iteka bitewe no kwicisha bugufi Kwe n'urupfu. Yiyumvisemo ko agomba gushishikariza abantu kwiyegurira Imana byimazeyo—Kwezwa kw'impagarike yose, ubugingo, umubiri n'Umwuka. Avuga ku rupfu rwa Mose n'ukuntu yatekerezaga igihugu cy'isezerano cy'i Kanani. Habayeho gukabakabwa k'umutima mu iteraniro cyane …. Mu iteraniro ry'uwo mugoroba twahamagaye abantu bifuza kuba Abakristo. 13 bateye intambwe baza imbere. Bose bari bafite ubuhamya k'Uwiteka. Wari umurimo mwiza. [112] — UB1 116.2

Umwete mu murimo i Tittabawassee, Michigan

Amateraniro yakozwe umunsi wose. Umugabo wanjye yavuze mbere ya saa sita; Mwene Data Andrews, nyuma ya saa sita. Nakurikiyeho mara igihe kirekire mbihanangiriza ku bigomba kwitonderwa, ningingira abari banyuzwe n'inama ngo batangire gukorera Imana uwo munsi. Twahamagaye abantu bifuzaga gutangira umurimo w'Uwiteka kuza imbere. Abantu batari bake baje imbere. Navuze ibihe byinshi, nsaba abantu guca ingoyi za Satani ngo batandukane nawe batangire imibereho mishya. Umubyeyi umwe yegereye umuhungu we amuhendahendana amarira. Uwo muhungu yagaragaraga nk'uwinangiye, utava ku izima. Noneho rero narahagurutse menyesha mwene Data D musaba ko atabangamira abana be. Arahaguruka, avuga yuko agiye gutangira uwo munsi. Bose barabyishimiye. mwene Data D ni umuntu w'ingenzi. UB1 116.3

Umugabo wa mushiki wa E yahereyeko ahaguruka ahamya ko agiye kuba Umukristo. Ni umuntu wumvwa cyane — Umunyamategeko. Umukobwa we yari yicaye adatuje. Mwene Data nawe yagize uruhare mu kwinginga hejuru y'urwacu. Mushiki wa D nawe niko byangenze ku bana be. Twaringinze kandi birangira bemejwe. Bose baje imbere. Abagabo n'abahungu babo bakurikije urugero rwabo. Wari umunsi w'ibyishimo. Mushiki wacu E yavuze ko wari umunsi w'agahebuzo mu mibereho ye 113 — UB1 117.1

Igisubizo Cyiza muri Battle Creek

Nyuma ya saa sita nabwirije ku rwandiko rwa 2 rwa Petero, mvuga nisanzuye. Nyuma yo mvuga isaha imwe, nahamagaye abashaka kuba abakristo kuza imbere. Hagati y'abantu 30 na 40 baje imbere bucece bitonze bicara mu ntebe z'imbere. Navuganye nabo ku byerekeranye no kwiyegurira Imana byimazeyo. Twagize igihe cyo gusengera abo baje imbere. Twagize ibihe byiza cyane byo gusenga. Abongabo bifuje kubatizwa basabwe kubyerekanisha guhaguruka. Abantu batari bake barahagurutse. 114 UB1 117.2

Nyuma yo gushidikanya guke igisubizo cyarabonetse

Nyuma ya saa sita nabwirije muri Yohana 17:3 [i Stanley, Va]. Uwiteka yansutseho cyane Umwuka we Wera. Inzu yari yuzuye. Nahamagaye abo bari imbere bifuzaga gushaka Uwiteka bamaramaje n'abifuzaga kumwiyegurira nk'igitambo kizima. Hashize umwanya muto nta n'umwe wigeze anyeganyega, ariko nyuma y'igihe runaka benshi baje imbere batanga ubuhamya baranatura. Twagize igihe cyiza cyo gusenga, kandi bose bajanjaguritse imitima, barira kandi batura ibyaha byabo. Mbega ukuntu bikwiriye ko buri wese abisobanukirwa. 115 UB1 117.3

Atangiye umurimo mu Busuwisi

Ku isabato no ku wa mbere w'Isabato byari ibihe binejeje 116. Uwiteka yampaye umugisha by'umwihariko igihe navugaga ku munsi wa mbere nyuma ya sa sita. Mu kurangiza nahamagaye abifuzaga bose kuba Abakristo, n'abumvaga ko badafitanye umubano n'Imana kwigira imbere, kugira ngo dushobore gusengera hamwe ngo bababarirwe icyaha kandi ngo bagirirwe ubuntu bwo kurwanya ikigeragezo. UB1 117.4

Ku bantu benshi iki cyari ikintu gishya ariko ntibashidikanyije. Byasaga nk'aho iteraniro ryose ryahagurutse; kandi icyo bashoboraga gukora kirenzeho ni ukwicara bagafatanya gushaka Uwiteka. Abari mu iteraniro bose bagaragaraga nk'abiyemeje kureka icyaha no gushaka Imana bashimikiriye. Nyuma yo gusenga, ubuhamya 150 bwaratanzwe. Benshi muri abongabo bagaragaje ubumenyi bw'ukuri mu by'Imana. 117 UB1 117.5

I Christiania [OSLO] muri Noruveji

Twamaze i Christiania ibyumweru bibiri, kandi twakoreraga itorero twitanze. Umwuka w'Uwiteka yampase gutanga ubuhamya bwumvikana. By'umwihariko mu iteraniro ryacu rya nyuma, nabagaragarije impamvu hakenewe guhinduka kose kw'imico niba bakwiriye kwitwa abana b'Imana… Nabashishikarije kuzirikana byimbitse kwihana, kwatura no kuzinukwa ibyaha byari byarirukanye Umwuka wa Kristo mu itorero. Twahereyeko dushishikariza abafashe icyemezo

cyo kuba mu ruhande rw'Uwiteka kuza imbere. Benshi barabyemeye. Habayeho kwatura gukwiye, kandi n'ubuhamya bw'ukuri bwaratanzwe. [118] — UB1 118.1

Icyemezo cyaranzwe no guhaguruka.

Habayeho gusaba [i Basel, Busuwisi] abantu bose bashobora kwiyemeza kugera ku rugero rwo hejuru guhita bahaguruka. Bose barahagurutse. Twiringira ko ubungubu iki kizagira ingaruka yo kubegereza Imana no gutekereza ibyo ijuru no gukora ibishoboka byose kugira ngo bahinduke icyo Imana yabahereye imbaraga cyo kuba abizerwa n'abasirikare bitanga by'ukuri ku bw'umusaraba wa Kristo. [119] UB1 118.2

Abasubiye inyuma bongera kugarurwa i Basel

Ku Isabato nyuma ya saa sita twongeye kugira iteraniro ryerekeye iby'imibanire. Nongeye guhabwa umugisha n'Uwiteka wo kuvugana n'abantu igihe gitoya. Buri mwanya wari wicawemo ku buryo hongewemo izindi ntebe. Bose bari bahugutse bumva. UB1 118.3

Nahamagaye abifuzaga ko abagaragu b'Imana babasengera kuza imbere. Abo bose bari barasubiye inyuma, abifuzaga bose kugarukira Uwiteka kandi bakamushakana umwete bashoboraga gukoresha ayo mahirwe kurushaho. Uwo mwanya ibyicaro byinshi byaruzuye kandi iteraniro ryose ryari rishyushye. Twababwiye ko ibyiza biruseho bashoboraga gukora kwari ukuguma aho bari tugashakira Uwiteka hamwe twatura ibyaha byacu, kandi Uwiteka yari yaravugiye mu ijambo rye ati: "Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose" 1 Yohana 1:9. UB1 118.4

Ubuhamya bwinshi bwatanzwe bukurikirana kandi babutekerezaho cyane, byerekana ko imitima yari yakozweho n'Umwuka w'Imana. Amateraniro yacu yarakomeje kuva saa munani kugeza saa kumi n'imwe, noneho rero twahereye ko dusozanya amasengesho menshi avuye ku mutima. [120] — UB1 119.1

Ibyabaye bidasanzwe muri Australia

Ku Isabato Gicuransi, [1895], twagize iteraniro ryiza mu cyumba aho abantu bacu bateraniye mu majyaruguru ya Fitzroy. Iminsi myinshi mbere yo guterana, nari namenye ko ntegerejwe nk'umubwiriza mu rusengero ku Isabato, ariko nagize ingorane yo kurwara ibicurane bikaze kandi ijwi ntiryari rimeze neza. Niyumvisemo ko nshobora gusiba kwitabira ubu butumire, ariko kuko ari yo mahirwe yonyine nari mfite, naravuze nti: "Nzajyana imbere y'abantu, kandi nizeye ko Uwiteka azasubiza gusengana umwete kwanjye, azatunganya ijwi ryanjye kugira ngo mbashe kugeza ubutumwa ku bantu." Nishyuje Data wo mu ijuru isezerano rigira riti: "Musabe muzahabwa, mushake muzabona, mukomange ku rugi muzakingurirwa. Kuko umuntu wese usaba ahabwa, ushatse abona, nukomanga agakingurirwa… none se ko muzi guha abana banyu ibyiza kandi muri babi, So wo mu ijuru ntazarushaho rwose guha Mwuka Muziranenge abamumusabye?" Luka 11:9-13. UB1 119.2

Ijambo ry'Imana ni ukuri. Nari nasabye, kandi nizera ko nzashobora kubwira abantu. Natoranije agace k'Ibyanditswe; ariko igihe nahagurukaga kuvuga, byaranyihishe biva mu bitekerezo byanjye. Numvise nsunikirwa kubwiriza mu gice cya mbere cy'urwandiko rwa 2 rwa Petero, Uwiteka yampaye umudendezo w'umwihariko mu kwerekana agaciro k'ubuntu bw'Imana… Nashobojwe na Mwuka Muziranenge kuvugana ubushizi bw'amanga n'imbaraga. UB1 119.3

Mu kurangiza icyigisho, numvise nejejwe n'Umwuka w'Imana mu guhamagara abantu bose kuza imbere ubwabo bifuza kwiyegurira Uwiteka byimazeyo. Abumvaga ko bakeneye gusengerwa n'abagaragu b'Uwiteka bahamagariwe kubyerekana. Hafi abantu 30 baje imbere. Muri abo hari abagore ba bene se wa F, ari nabwo bwa mbere berekanye icyifuzo cyabo cyo kwegera Imana. Umutima wanjye wari wuzuye ishimwe ntabona uko nsobanura kubera intambwe aba bagore bari bateye. UB1 119.4

Noneho rero nashoboraga kumenya impamvu y'ukuri yatumye nitabira ubu butumire. Mbere nari nabanje kugingimiranya, nibaza niba byari byiza cyane kubikora igihe jye n'umuhungu wanjye ari twe twashoboraga gutanga ubufasha ubwo aribwo bwose icyo gihe. Ariko igitekerezo cyaje mu bwenge bwanjye nkaho ari umuntu uvuganye nanjye kigira kiti: "Mbese ntushobora kwiringira

Uwiteka?” Naravuze nti: “Nzabikora, Mwami!” Nubwo umuhungu wanjye yatangajwe cyane nuko mpamagaye ntyo icyo gihe, yaratunguwe, byabaye nko gutungurwa. Si nari narigeze na rimwe mwumva avugana imbaraga ikomeye cyangwa ubwuzu nk’icyo gihe. Yahamagariye bene se Faulkhead na Salisburg kuza imbere, nuko turapfukama ngo dusenge Imana. Umuhungu wanjye niwe wabanje kandi Uwiteka mu by’ukuri yumvise gusenga kwe; kuko mu gusenga yagaragaraga nk’aho ari kumwe n’Imana. Bene data Faulkhead na Salisbury nabo basenze neza, kandi noneho Uwiteka yampaye ijwi ryo gusenga. Nibutse bashiki ba F, ari nabo, ubwa mbere, bahagarariye ukuri. Mwuka Muziranenge yari mu iteraniro kandi abantu benshi bafashijwe n’uko gukora Kwe. UB1 119.5

Iteraniro rirangiye, abantu benshi baje imbere babyiganira ku ruhimbi, bamfashe mu kiganza, bansabye barira ngo mbasabire. Nabasubije mbikuye ku mutima nti: “Nzabikora”. Bashiki ba F, baranyibwiye, kandi nabonye ko imitima yabo yari yiyoroheje cyane… Nyina w’umwe muri abo bakobwa yafashe icyemezo cyo kwakira ukuri ni we wandwanyije cyane, kandi yateje ubwoba avuga ko niba umukobwa we ahindutse uwubahiriza Isabato, atazamwemerera gukomeza kubana nawe; kuko nyina yari kumubona nk’igisebo mu muryango. Madame F yari yarakomeje kuvuga ko atazigera asanga Abadiventisti b’Umunsi wa Karindwi. Yari yararerewe mu itorero ry’Abapresibiteriyani, kandi yari yarigishijwe gutekereza ko bitari bikwiriye ko abagore bavugira mu iteraniro, kandi ko kugira ngo umugore abwirize byari kurengera imipaka mu myitwarire ishimwa. Yashimishijwe no gutega amatwi abayobozi b’Itorero ari bo Daniells na Corliss, kandi abatekereza ko ari abahanga mu kuvuga; ariko ko adashobora gutega amatwi umugore ubwiriza. Umugabo we yari yarasabye Imana ko yatunganya uburyo kugira ngo ahindukire mu murimo wa mushiki wacu White. Mu gihe nahamagaraga kandi ngashishikariza abantu bifuzaga kwegera Imana kuza imbere, abantu bose baratangaye, abo bavandimwe b’abakobwa baje imbere. Umuvandimwe w’umukobwa wari warapfushije umwana mutoya, yiyemeje ko atazigera ajya imbere, ariko Umwuka w’Imana yakomeje guhata umutima ku buryo atatinyutse gukomeza kwanga…. Ndumva ko nkwiriye gushimira Data wo mu ijuru ku bwo kugira neza k’urukundo rwe mu gutuma abo bantu babiri b’igiciro basanga abagabo babo mu kubahiriza ukuri. 121 UB1 120.1

Abashyitsi batari abadiventisiti bitabiriye irarika mu itorero rya Ashifield

Nararitse abashakaga kwiyegurira Imana mu isezerano ridakuda, kandi no kuyikorera n'imitima yabo yose ngo bahagurukire ku birenge byabo. Icyumba cyari cyuzuye kandi hafi ya bose barahagurutse. Umubare ugereranije w'abantu tudasangiye kwizera wari uhari, kandi bamwe muri abo barahagurutse. Nabaragije Uwiteka mu gusenga, kandi tuzi ko Umwuka w'Imana yigaragaje. Twumvise ko intsinzi yari yabonetse. 122 — UB1 121.1

Umuhamagaro udasanzwe muri Koleji ya Battle Creek

Navuganye n'abafasha, ishuri ry'abaforomo n'abaganga incuro eshanu mu cyumweru cyo gusenga, kandi nizeye ko ibiganiro byanjye byashimwe. Navuganye n'abo muri Koleji incuro ebyiri. Ku wa gatanu w'isabato ushize Prescott, umwarimu muri Koleji, yifuzaga ko nza aho ngaho. Naragiye, ndasenga kandi mvugana n'abanyeshuri buzuye urusengero runini. Nari nisanzuye mu magambo mbabwira ubwiza n'imbabazi by'Imana no kwicisha bugufi n'igitambo cya Yesu Kristo n'igihembo cy'igiciro gikomeye twahawe n'ijuru, intsinzi ya nyuma, ndetse n'amahirwe yo kuba abakristo. UB1 121.2

Umwarimu Prescott yarahagurutse agerageza kuvuga, ariko umutima we wari wuzuye ikiniga kandi yamaze iminota itanu nta jambo avuga, ahubwo yahagaze imbere y'abantu arira. Nuko avuga amagambo make ati: "Nishimiye yuko ndi umukristo." Yavuze hafi iminota itanu, nyuma atanga uburenganzira ngo bose bavuge; ubuhamya bwinshi bwaratanzwe, ariko byangaragariye ko hariho ishami ry'itorero tutabashije kugeraho. Twahamagaye bose ngo baze imbere. Bumvaga ko batari biteguye kuza kwa kabiri kwa Kristo kandi nta kimenyetso cyo kwemera Imana bari bafite. Natekereje ko abari mu nzu yose banyuranagamo. Noneho rero twahaye bose amahirwe ngo bagaragaze uko babyumva; ariko twagize ikindi gihe gito cyo gusenga nyuma ho gatoya. Kandi umugisha w'Uwiteka wagaragaraga nkaho wakoze ku mitima. UB1 121.3

Twigabanijemo noneho amatsinda ni uko dukomeza umurimo amasaha abiri y'inyongera, kandi Umwuka w'Uwiteka yaje mu iteraniro mu buryo bugaragara. Benshi muri abo batari barigeze bagira icyo bamenya ku kwizera mu

by’iyobokamana, abatizera b’isi babonye ubuhamya bw’ukuri mu by’iyobokamana. Kandi umurimo uragenda urushaho kwiyongera. Uwiteka arakora kandi azakora, uko turushaho kumutegurira inzira kugira ngo aduhishurire neza imbaraga ye muri twe. 123 UB1 121.4

Guhamagarirwa kujya i San Francisco.

Ku wa gatandatu w’isabato ku wa 21/12/1900, nagiye i San Francisco, aho nari kuba mu cyumweru cyo gusenga. Nyuma ya saa sita ku Isabato navuganye n’itorero ryaho, n’ubwo nari mfite intege nkeya kuburyo nishingikirije uruhimbi n’amaboko yombi kugira ngo nshikame. Nasabye Uwiteka kumpa imbaraga yo kuvugana n’abantu. Yumvise gusenga kwanjye, kandi ampa imbaraga. Narisanzuye mbwiriza mu Byah 2:1-5 UB1 122.1

Nagenderewe n’Umwuka w’Imana, kandi abantu bafashijwe cyane n’ubutumwa bwatanzwe. Nyuma yo kurangiza kuvuga, abifuje kwiyegurira Imana ubwabo bararikiwe kuza imbere bose. Umubare munini waremeye kandi barasengerwa. Abenshi baje imbere ni abantu bari bakimara kumva ubutumwa bwa kidiventisti, kandi bakaba mu gihirahiro. Reka Uwiteka ahe imbaraga ibitekerezo byiza bibarimo, kandi ni byiza ko bamwiyegurira byimazeyo. Mbega ukuntu nifuza kureba abantu bahinduka, no kubumva baririmba indirimbo nshya, ndetse bahimbaza Imana yacu! UB1 122.2

Ku wa mbere w’isabato nyuma ya saa sita navuganye n’abantu benshi; benshi muri bo ntibari abo dusangiye kwizera. Imbaraga zanjye zongeye kuvugururwa, kandi nari nkomeye, nta kwegamira intebe, mpagaze imbere y’abantu. Umugisha w’Uwiteka watuzagaho, kandi imbaraga yakomeje kwiyongera muri jyewe uko navugaga. Ku Isabato, abashakaga ubufasha mu by’Umwuka bararikiwe kuza imbere, kandi twashimishijwe no kubona igisubizo ako kanya, Uwiteka yabaye hafi cyane nk’uko twamwifuzaga mu masengesho. 124 UB1 122.3

Umurimo usa n’uyu muri buri torero

Ku itariki ya 10 Ugushyingo, ku isabato, nasuye San Francisco mvugana n'abantu buzuye urusengero bari bateze amatwi kandi bakeneye gusobanukirwa… nyuma yo kuvuga, Umukuru Corliss yararitse abifuzaga kwiyegurura Yesu bose kuza imbere. Hari igisubizo cyihuse kandi gishimishije, namenyeshejwe ko hafi abantu 200 aribo baje imbere. Abagabo n'abagore, urubyiruko n'abana babyiganiye imyanya y'imbere. Uwiteka yakwishimira ko umurimo usa n'uyu wakorerwa muri buri torero. UB1 122.4

Benshi ntibashoboraga kuza imbere, kuko hose hari huzuye, nubwo bagaragazaga ko babyishimiye cyane n'amarira mu maso byahamyaga ukumasha kwabo ngo: "Nzaba mu ruhande rw'Uwiteka." Kuva uyu munsi nzaharanira mu by'ukuri kugera ku rwego rusumbyeho." 125 UB1 122.5

Igisubizo cyo mu Nteko Rusange cyo mu 1909

Bene Data na bashiki banjye, mushake Uwiteka bigishoboka ko abonwa. Igihe kizaza ubwo abazaba barataye igihe cyabo n'amahirwe bazicuza kuba bataramushatse… Ashaka ko mutekereza kandi mukanakora. UB1 123.1

Ashaka yuko mukomeza kujya mu nsengero zacu kumukorera n'umwete. Ashaka yuko mukoresha amateraniro mu bantu bo hanze y'itorero kugira ngo bashobore kwiga ukuri k'ubutumwa bwa nyuma bw'umuburo. Aha ni ahantu muzakirwa mwishimye, aho abantu bazabashimira kuza kubafasha. Imana ibafashe kwemera uyu murimo kuruta uko mwaba mwarabikoze mbere. Ese muzabikora? Mushobora guhagarara ku birenge byanyu mugahamya ko muzizera Imana kandi ikabafasha? [Iteraniro rirahaguruka] UB1 123.2

[Gusenga] Ndagushimye, Uwiteka Mana ya Isirayeli. Emera uyu muhigo w'abantu bawe. Bashyiremo Umwuka wawe. Reka icyubahiro cyawe kibe muri bo. Igihe bazavuga ijambo ry'ukuri, reka tuzabone agakiza k'Imana. Amena. 126

UMUGABANE WA IV — "BWIRIZA IJAMBO"

INTANGIRIRO

Mu mwaka wa 1933, ubuyobozi bw'Inteko Rusange bwakoze igenamigambi ryo gushimangira no gutera umwete Ivugabutumwa rikomeye muri Amerika y'amajyaruguru. Byagaragaye ko niba intego ngari zagombaga gukorwa, abagabura bahagaze imbere y'abantu bagombaga kureka inyigisho zoroheje bakamamaza ubutumwa bwa Marayika wa gatatu mu buryo bwagutse kandi bukora ku mutima. Bisabwe n'Inteko Rusange, akanyamakuru k'amapaji 16 gafite umutwe witwa "Bwiriza Ijambo" karimo inama za Ellen G. White, karanditswe. Umurimo munini warakozwe handikwa za kopi nyinshi zatanzwe, zitongera ubugabura bundi bushya n'inshingano ikomeye yo kwamamaza Ubutumwa bw'isaha ya nyuma y'Urubanza rw'isi. Ibi bice bitari mu bitabo bindi bya Ellen G. White bikubiyemo hano mu buryo burambuye. Ingingo zanditswe ntabwo zigize ibyakusanijwe byuzuye ku byo Ellen G. White yanditse kuri iki cyigisho. Inama y'inyongera ishobora kuboneka mu bitabo by'Ivugabutumwa, Abakozi b'Ubutumwa Bwiza, Ibihamya ku Bagabura n'Umurimo wa Gikristo. UB1 123.4

Nyuma y'aka kanyamakuru hakurikiyeho ibice bimwe bifitanye isano bikurikira: "Ingorane z'ibitekerezo " harimo ubutumwa bwohererejwe umwe mu bagabura bacu, burimo inama ku murimo ukomeye, uwo murimo kugeza ubu uboneka gusa mu mpapuro zigize agatabo kitwa -Notebook Leaflet — mu gice kitwa "Gushyiraho igihe" ni ingenzi. Igice kirangirana n'inama zavuye mu Bihamya by'Umwihariko, [127] urutonde B, N°2, byanditswe mu gihe cy'ingorane zo mu 1903 na 1904 igihe inyigisho zimwe zivuga ko Imana iba mu kintu cyose [128] zigishwaga itorero nk'umucyo mushya, ngo kandi iyo wemezwa wari kubera itorero umugisha ukomeye. Umugisha uhebuje waturutse muri aka kaga wabonetse mu nyigisho zatanzwe neza n'intumwa y'Uwiteka ku itorero ryageragezwaga, ziboneka cyane mu Bihamya, umuzingo wa 8, Rengera ubuzima n'Umurimo w'ubuvuzi. --- Abashinzwe kurinda inyandiko za Ellen. G. White Trustees

IGICE CYA 19: IBIKWIRIYE KUBWIRIZWA N'IBIDAKWIRIYE KUBWIRIZWA [129]

REKA KRISTO AGARAGARE

Umugambi w’ubugabura bwose ni ugukora ku buryo inarijye ibura ahubwo hakagaragara Yesu. Ababwiriza n’Abigisha bakwiriye guhishura Kwererezwa kwa Kristo nk’ukuri kw’ingenzi. — Manuscript 109, 1897 UB1 125.1

Abakozi bakora umurimo wo kwamamaza ukuri bakwiriye kwerekana gukiranuka kwa Kristo, atari umucyo mushya, ahubwo nk’umucyo w’igiciro wagize igihe wirengagizwa n’abantu. Tugomba kwemera Kristo nk’Umukiza wacu bwite, kandi tubarwaho gukiranuka kw’Imana muri Kristo. Reka dusubiremo kandi duhe agaciro ukuri Yohana yagaragaje. “Muri iki ni mo urukundo ruri: si uko twebwe twakunze Imana ahubwo nuko Imana ariyo yadukunze, igatuma Umwana wayo kuba impongano y’ibyaha byacu.” 1 Yohana 4:10. UB1 125.2

Mu rukundo rw’Imana hagaragariye ikintu gitangaje cyane cy’ukuri n’agaciro, kandi ubutunzi bw’ubuntu bwa Kristo bwafunguriwe itorero n’isi…. Mbega urukundo ruhebuje kandi rutarondoreka rwatumye Kristo adupfira tukiri abanyabyaha. Mbega igihombo ku muntu usobanukiwe ibyo itegeko risaba bikomeye, hanyuma akananirwa gusobanukirwa ubuntu bwa Kristo busaga cyane. UB1 125.3

Ni ukuri ko itegeko ry’Imana rihishura urukundo rw’Imana igihe rubwirijwe nk’ukuri ko muri Kristo, kuko impano ya Kristo kuri iyi si yacumuye igomba kwitabwaho cyane muri buri cyigisho. Ntibitangaje ko imitima itigeze yemera ukuri mu gihe ukuri kwerekanywe mu buryo bukonje kandi budafatika. Ntibitangaje ko kwizera kwadandabiranye mu masezerano y’Imana, igihe abagabura n’abakozi bananiwe kugaragaza isano iri hagati ya Yesu n’amategeko y’Imana. Ni kangahe bari bakwiriye kwemeza abantu ngo “Mbese ubwo itimanye Umwana wayo ikamutanga kubwacu twese, izabura ite kumuduhana n’ibindi byose?” Abaroma 8.32. UB1 125.4

Satani yiyemeje ko abantu batazabona urukundo rw’Imana rwatumye itanga Umwana wayo w’ikinege kugira ngo ikize inyokomuntu yazimiye. Kuko ni ubwiza bw’Imana buganisha abantu mu kwihana. Yoo! Tuzagenza dute kugira ngo urukundo rw’Imana rwimbitse kandi rw’agaciro rugere ku bantu? Nta nzira yindi ishobora gukoreshwa usibye gutangara tuti: ” Nimurebe urukundo ruhebuje Data wa twese yadukunze, rwatumye twitwa abana b’Imana.” 1

Yohana 3:1. Reka tubwire abanyabyaha tuti: “Nguyu Umwana w’Intama w’Imana, ukuraho ibyaha by’abari mu isi” Yohana 1:29. Mu kwerekana Kristo nk’uhagarariye Data, tuzashobora kwirukana igicucu Satani atwikiriza mu nzira ducamo, kugira ngo tudashobora kureba imbabazi n’urukundo rutarondoreka rw’Imana nk’uko rwagaragariye muri Yesu Kristo. Hanga amaso ku musaraba w’i Kaluvari. Ni igihamya kidatezuka cy’urukundo rusaga, imbabazi zitarondoreka bya Data wo mu ijuru. 130 — UB1 125.5

Mwuka Muziranenge

Kristo, Umwigisha Mukuru, yashoboraga gutoranya mu nyigisho nyinshi, zinyuranye yari afite; ariko iyo yakunze kwibandaho cyane yari iy’impano ya Mwuka Muziranenge. Mbega ibintu by’ingenzi yahanuriye itorero ku bw’iyi mpano. Yahanuye ibintu bikomeye ku bw’Itorero bitewe n’iyi mpano. Ariko se kandi ni ikihe cyigisho ubungubu kitibanzweho? Ni irihe sezerano ryasohojwe bukeya? Icyigisho kijyanye na Mwuka Muziranenge gitangwa rimwe na rimwe; hanyuma kikarekerwa ahazaza. 131 — UB1 126.1

Igisha intambwe mu guhinduka

Abagabura bakeneye kugira uburyo bwumvikana kandi bworoshye mu kwigisha ukuri nk’uko kuri muri Yesu. Intekerezo zabo bwite zikeneye gusobanukirwa mu buryo bwuzuye inama ikomeye y’agakiza. Noneho rero bashobora kwerekeza intekerezo z’ababateze amatwi babavana mu bintu by’isi bagana ku by’Umwuka kandi by’iteka. Hariho benshi bashaka kumenya icyo bagomba gukora ngo bakizwe. Bifuza ubusobanuro bugaragara kandi bwumvikana bw’intambwe zibanze mu guhinduka; kandi ntihakabeho ikibwirizwa gitangwa keretse icyo gice cyigisha by’umwihariko ukuntu abanyabyaha bashobora gusanga Kristo ngo bakizwe. Bakwiriye kuberekeza kuri Kristo, nk’uko Yohana yagenje, kandi mu kwicisha bugufi, imitima yabo yakamo urukundo rwa Kristo baravuga bati “Nguyu Umwana w’Intama w’Imana ukuraho ibyaha by’abari mu isi” Yohana 1:29. Kwinginga gukomeye kandi k’ukuri gukwiriye gukoreshwa ku munyabyaha kugira ngo yihane kandi ahinduke. UB1 126.2

Abirengagiza iki gice cy'umurimo bakeneye guhinduka ubwabo mbere yo kwigisha abandi. Abo imitima yabo yuzuye urukundo rwa Yesu, n'ukuri kw'Ijambo Rye, bazashobora kuvoma mu nzu y'ubutunzi bw'Imana ibintu bishya n'ibya kera. Ntibazabona igihe cyo kubara inkuru; ntibazaharanira imvugo ihanitse ya gihanga iruhije gusobanukira abantu, ahubwo mu mvugo yoroheje, n'ukuri gushimikiriwe, bazabwiriza ukuri nk'uko kuri muri Yesu. 132 UB1 126.3

Ububyutse bw'ukuri kwa kera kwa kidiventisiti

Hariho umurimo w'imena abagabura n'abantu muri rusange bagomba gukora. Bagomba kwiga amateka y'inkomoko y'ubwoko bw'Imana. Ntibakwiriye kwibagirwa ukuntu Imana yagiye ikorana n'abantu bayo mu bihe byashize. Bakwiriye kubyutsa no kuvuga ukuri kwagaragaye nk'aho gufite agaciro gake ku bantu batazi imbaraga n'umucyo byagendanye nabo mu gihe bagaragara nk'abatarigeze bagira ubunararibonye bwa buri muntu bw'imbaraga n'umucyo byabanye nabo igihe byagaragaraga bwa mbere bikanumvwa. Mu buryo bw'umwimerere n'imbaraga uku kuri gukwiye kubwirwa abatuye isi. 133 — UB1 127.1

Umurimo w'abamarayika

Abamarayika beza n'abamarayika babi barwanira umuntu wese. Umuntu ubwe niwe wemeza ugomba gutsinda. Ndahamagarira abagabura ba Kristo gutuma abantu babumva igihe babagezaho ukuri k'umurimo w'abamarayika. Ntimukishimire ibitekerezo by'imfabusa. Ibyanditswe nibyo gusa mahoro yacu. Tugomba gusenga nka Daniyeli, kugira ngo turindwe n'abamarayika bo mu ijuru. 134 UB1 127.2

Ibibwirizwa bitera impaka

Ibibwirizwa byinshi biteza impaka, ntabwo akenshi byoroshya ntibinafasha umutima. Bikwiriye kuba umutwaro wa buri ntumwa kugaragaza kuzura kwa Kristo. Igihe impano yo gukiranuka kwa Kristo itagaragajwe, ibyigisho biba byumye kandi bidafite umwuka; intama n'abana b'intama ntibagaburirwa. Pawulo yabivuze muri aya magambo: "n'ibyo navugaga nkabwiriza, ntibyari amagambo y'ubwenge yo kwemeza abantu, ahubwo byari ibigaragaza Umwuka n'imbaraga" (1 Abakorinto 2:4). Hari umusokoro n'ibinure mu Butumwa Bwiza. Yesu niwe shingiro ry'ikintu cyose. Reka Kristo agaragarire muri buri kibwirizwa. Reka agaciro, imbabazi n'ubwiza bya Kristo bitindweho; kuko Kristo ubwe ni ibyiringiro by'ubwiza. 135 UB1 127.3

Garagaza ukuri mu bugwaneza

Mube intumwa zitonda. Ntimukihutire kumva kandi ngo mwemere inyigisho z'inzaduka kuko haba harimo izidakwiriye na rimwe kubwirwa itorero iryo ari ryo ryose. Ntimukavuge ubwibone, no kwishyira hejuru. Reka Ijambo ry'Imana rive mu minwa yejejwe n'ukuri. Umubwiriza wese akwiriye kubwiriza ukuri nk'uko kuri muri Yesu. Akwiriye kuba ashikamye ku byo yemeza, kandi agakoresha ijambo ry'Imana ayobowe na Mwuka Muziranenge w'Imana. Mugende kandi mukore mwitonze imbere y'Imana, bene Data, kugira ngo hatagira umuntu ucibwa intege n'urugero rwanyu. Byari kuba byiza iyo mutajya kuba mwaravutse kuruta ko mwayobya umuntu umwe. UB1 128.1

Abavuga ko ari abagaragu b'Imana bakeneye gukora umurimo uboneye ngo babone ubwo bugingo aho icyaha, uburwayi n'agahinda bidashobora kugera. Bakwiriye gukora mu gihe gikwiriye n'ikidakwiriye. UB1 128.2

Imana irahamagara abagorozi bazavuga amagambo akomeye kandi atera imbaraga ku mpimbi zacu. Ni igihe abantu bavuze amagambo yabo bwite mu mbaraga zabo bwite, aho kubwiriza Ijambo ry'Imana mu mbaraga y'Umwuka; barakomeretswa kandi bagaseserezwa iyo amagambo yabo atakiranywe ubwuzu. Ni uko boshywa kuvuga amagambo azatuma habaho umwuka usharira n'amacakubiri mu babumva. Bene Data, mwemere kugirwa inama. Amagambo nk'aya ntasohoka mu minwa y'abahagarariye Kristo. Iminwa yejejwe izavuga

amagambo y’ubugorozi, ariko adatuma habaho gusharira. Ukuri gukwiriye gutambutswa mu bugwaneza no mu rukundo rwa Kristo. 136 — UB1 128.3

Igikoresho cy’umwanzi

Dukwiriye gusengera kubona umucyo mvajuru, ariko rimwe na rimwe dukwiriye kwitondera ukuntu twakira ikintu cyose cyitwa umucyo mushya. Tugomba kwitonda, mu kugerageza gushaka ukuri gushya, ngo Satani atazayobya ibitekerezo byacu tukabivana kuri Kristo n’ukuri k’umwihariko ko muri iki gihe. Neretswe yuko kuyobya intekerezo ngo zite ku bintu bimwe bitumvikana cyangwa ingingo idafite umumaro, ikintu kidahishuwe mu buryo bwuzuye cyangwa ikintu kitari ingenzi ku gakiza kacu, ari igikoresho cy’umwanzi. Iki kigirwa insanganyamatsiko ikurura yitwa “Ukuri kw’iki gihe”, igihe ubushakashatsi bwose no gukekeranya bituma ibintu bisubira inyuma kurusha mbere, no guteza urujijo mu ntekerezo za bamwe bagombaga gushakisha ubumwe kubwo kwejeshwa ukuri. 137 — UB1 128.4

Ibyo umuntu yibwira n’ ibyo yifuza

Ntihakagire uwigisha inyigisho zigaragaza ubwiza bw’inyuma n’ubuhanga zisinziriza abantu b’Imana. Ntimugasimbuze ukuri nyako kw’iki gihe ubwenge bwa kimuntu. Mureke abakoraga batyo babireke kandi batakire Imana ngo ikize intekerezo zabo kugira ngo badakomeza kubeshyeshya imigani. UB1 129.1

Imbaraga nzima ya Mwuka Muziranenge niyo izatuma imitima inyurwa, si inyigisho zishimishije kandi zibeshya. Inyigisho zishyeshyenga si umutsima w’ubugingo kuko zidashobora kuvana abantu mu cyaha. UB1 129.2

Kristo yavuye mu ijuru aza mu isi ngo acungure inyoko muntu. Yigishije inyigisho Imana yamuhaye kwigisha. Ukuri yamamaje kuboneka mu isezerano rya Kera n’Irishya, nk’uko natwe muri iki gihe dukwiriye kwamamaza Ijambo ry’Imana ihoraho. UB1 129.3

Reka Abifuza umutsima w'ubugingo basange Ibyanditswe, atari inyigisho z'umuntu ufite iherezo kandi uyoba. Mugaburire abantu umutsima w'ubugingo uwo Kristo yatuzaniye uvuye mu ijuru. Ntimuwuvange n'inyigisho zanyu zihwanye n'intekerezo za kimuntu n'ibyo bibwira. Iyaba bose bari bazi uburyo bakeneye kurya umubiri no kunywa amaraso by'Umwana w'Imana — ngo bitume amagambo ye aba imibereho yabo bwite. 138 UB1 129.4

Kwizera kwacu gushingiye ku Kuri

Numva nashobora buri munsi gukora umurimo inkubwe ebyiri. Nakomeje kwinginga Uwiteka nsaba imbaraga n'ubwenge kugira ngo nshobore kongera kwandika inyandiko z'abahamya bakomerejwe mu kwizera no mu mateka ya mbere y'ubutumwa. Nyuma y'igihe cyahise mu 1844 bakiriye umucyo kandi bawugenderamo; kandi igihe abantu bibwiraga ko bafite umucyo mushya bazanaga ubutumwa bwabo butangaje bwerekeranye n'ingingo zitandukanye z'ibyanditswe, binyuze muri Mwuka Muziranenge, twari dufite ubuhamya burasa ku ntego, bwakuyeho imyumvire y'ubwo butumwa nk'uko Umukuru G yakoresheje igihe cye ngo abwerekane 139 . Uyu muntu yiyemeje kurwanya ukuri ku buryo Mwuka Muziranenge yabyemeje. UB1 129.5

Igihe imbaraga y'Imana ihamije ukuri icyo ari cyo, uko kuri guhagarara iteka nk'ukuri. Nta bitekerezo binyuranye n'Umucyo Imana yatanze bikwiriye kwakirwa. Abantu bazahagurukana ubusobanuro bw'Ibyanditswe bugaragara ko ari ukuri kuri bo, ariko butari ukuri. Imana yaduhaye ukuri kw'iki gihe nk'urufatiro rwo kwizera kwacu. Yo yonyine ubwayo yatwigishije ukuri uko ari ko. Umwe azahaguruka ndetse n'undi ahaguruke bafite umucyo mushya uvuguruza umucyo w'Imana yatanze iwunyujije mu byo Mwuka Muziranenge yerekanye. Bake mu baciye mu mibereho yabonetse mu gushimangira uku Kuri nibo bakiriho. Imana mu buntu bwayo yakomeje kurinda imibereho yabo kugeza ku iherezo ryabo; imibereho banyuzemo ndetse nk'uko Yohana intumwa yagenje kugeza ku iherezo ry'ubuzima bwe. Abantu b'intangarugero basinziriye bakomeje kuvugira mu nyandiko zabo zikomeje kwandikwa. Namenyeshejwe ko amajwi yabo agomba kumvikana. Bagomba kujyana ubuhamya bwabo buhwanye n'ukuri ko muri iki gihe. UB1 129.6

Ntidukwiriye kwakira amagambo y'abantu bazana ubutumwa buvuguruza inyigisho y'umwihariko yo kwizera kwacu. Bashyira hamwe ibyanditswe byinshi bakabirundaniriza hamwe nk'icyemezo cy'uko amahame yabo ari ay'ukuri. Ibi byakomeje gukorwa inshuro nyinshi mu gihe cy'imyaka 50 ishize. Kandi mu gihe ibyanditswe ari Ijambo ry'Imana bikwiriye kubahirizwa no gushyirwa mu bikorwa, niba uko kubyubahiriza gukuraho inkingi imwe mu rufatiro Imana yashyizeho muri iyi myaka 50, ni ikosa rikomeye. Uwo muntu ukora atyo ntazi imikorere itangaje ya Mwuka Muziranenge watanze ubushobozi n'imbaraga mu butumwa bwa kera abantu b'imana bahawe. UB1 130.1

Ibyemezo by'Umukuru G ntabwo bishyigikiwe. Niba byakiriwe, byakuraho kwizera kw'abantu b'Imana mu kuri kwatumye tuba abo turi bo. UB1 130.2

Dukwiriye gufata icyemezo kuri iki cyigisho; ku byo agerageza kugaragaza akoresheje ibyanditswe, nta shingiro bifite. Ntabwo bigeze bagaragaza ko ubuhamya bw'imibereho y'abantu b'Imana mu gihe cyashize bwari ibinyoma. Twari dufite ukuri kandi twari tuyobowe n'abamarayika b'Imana. Ni mu buyobozi bwa Mwuka Muziranenge ikibazo cy'Ubuturo Bwera cyatambutse. Guceceka byabera buri umwe umwe uburyo bwiza bwo kuvuga ku bijyanye n'ibyo kwizera kwacu igihe batakugizemo uruhare. Imana ntijya yivuguruza ubwayo. Ibihamya by'Ibyanditswe bikoreshwa nabi iyo bihaswe guhamya ibintu bitari ukuri. Bazahaguruka umwe umwe kandi bazane icyo bita umucyo ukomeye w'ukuri, kandi banawushimangire. Ariko dukwiriye guhagarara dushikamye ku mfatiro za kera. [Byavanywe muri 1 Yohana 1 :1-10]UB1 130.3

Ntegetswe kuvuga ko aya magambo ashobora gukoreshwa nk'akwiriye muri iki gihe, kuko igihe kirageze ubwo icyaha kigomba kuvugwa mu izina ryacyo. Mu murimo wacu dukomwa mu nkokora n'abantu batahindutse, baharanira icyubahiro cyabo. Bifuza gutekerezwa nk'abatangizi b'inyigisho nshya, berekana ko ari ukuri. Ariko niba izi nyigisho zemewe, zizatuma habaho guhakana ukuri Imana yakomeje guha ubwoko bwayo mu myaka 50 ishize, kwahamijwe no kwigaragaza kwera. 140 UB1 130.4

Ukuri kwahishuwe.

«Ujye ugira umwete wo kwishyira Imana nk'ushimwa, umukozi udakwiriye kugira ipfunwe, ukwiriranya neza ijambo ry'ukuri… » [2 Timoteyo 2:15]. Iga kwakira ukuri kwahishuwe, no kugufata mu buryo kuzaba ibyo kurya by'umukumbi w'Imana. UB1 131.1

Tuzahura n'abantu bareka intekerezo zabo zikarindagirira mu bidafite umumaro ku bintu ijambo ry'Imana ritagira icyo rivugaho. Imana yavuze mu buryo bwumvikana ku byerekeranye n'agakiza k'umuntu. Ariko itwifuriza ko twese twirinda kugendera mu nzozi; kandi iravuga iti: mugende mukore mu ruzabibu rwanjye. Ijoro rirakuze aho umuntu adashobora gukora. Reka amakenga yose adafashije; ba maso, kora kandi usenge. Iga ukuri kwahishuwe. Kristo yifuza ko twatandukana n'ibintu byose bimeze nk'inzozi zitazasohora, kandi atuganisha mu mirima yeze ngo isarurwe. Niba tudakoranye umurava, kubaho kw'iteka kuzadutungurana n'umutwaro w'inshingano zako…UB1 131.2

Mu bihe by'intumwa ubuyobe bw'ubupfapfa bukabije bwigishwaga nk'ukuri. Amateka yabayeho kandi azasubirwamo. Igihe cyose hazabaho abantu, bagaragara nk'abakorana umurava, bazafata umwijima bawusimbuze ibifatika. Ukuri bagusimbuze ubuyobe, kuko bwambaye umwambaro mushya, uwo batekereza ko utwikiriye ikintu cyiza. Ariko iyo igitwikirizo kivanyweho, nta kintu kigaragara. 141 UB1 131.3

Ibibazo byerekeye ibihoraho by'ingenzi.

Ibande cyane ku nyigisho Kristo yibanzeho. Zimenyeshe abantu nk'uko nawe yabigenje. Ibande ku bibazo birebana n'imibereho myiza y'iteka ryose. Ikintu cyose umwanzi ashobora gukoresha mu kuyobya ibitekerezo bikava mu Ijambo ry'Imana, ikintu icyo ari cyo cyose gishya kandi kitazwi ashobora kwadukana kigateza intekerezo zitandukanye, azagitangiza nk'ikintu cy'ingenzi gitangaje. Ariko ibyo bintu tudashobora gusobanukirwa neza ntabwo ari icya cumi cy'ukuri kw'Ijambo ry'Imana dushobora gusobanukirwa neza no gukoresha mu mibereho yacu ya buri munsi. Inyigisho Kristo yigishaga zivuye mu byanditswe by'Isezerano rya kera nizo dukwiriye kwigisha abantu. Imvugo y'ukuri mvajuru yumvikana mu buryo busobanutse. 142 UB1 131.4

Ingingo zidakenewe mu kwizera.

Hariho ibibazo byinshi byitabwaho bitari ngombwa mu butungane bwo kwizera. Nta mwanya dufite wo kubyigaho. Ibintu byinshi birenze ubusobanuro bw'umuntu. Ukuri gukwiriye kwakirwa kudakurikije ibyo ubwenge bwacu bushyikira, kandi atari twebwe tugomba kugusobanura. Ibyahishuwe bitwereka ko izo nyigisho n'ubwo abantu batazumvaga neza, bazakiriye nk'amagambo y'Imana izira iherezo. Igihe uwibaza ashimikiye ashakisha ukuri nk'uko kuri muri Yesu, hariho ibintu bitamworohera, ingingo intekerezo z'abantu zidashobora kumenya no gutekerezaho, zidasaba imibare y'abantu n'ubusobanuro kandi zitazagaragaza impumuro y'ubugingo izana ubugingo. Ariko buri kuri kutubereye ukw'ingenzi kugaragara mu mibereho yacu ya buri munsi, kurebana n'agakiza k'imitima, kuragaragazwa cyane mu buryo busobanutse cyane kandi bukwiriye. 143 — UB1 131.5

IGICE CYA 20: UKO TWIFATA MU MPAKA ZISHINGIYE KU MAHAME *"IGITAMBO GIHORAHO » : DANIYELI 8 IGICE CYA MUNANI*

Mfite amagambo yo kubwira bene Data b'iburasirazuba, iburengerazuba, amajyaruguru n'amajyepho. Ndifuza ko inyandiko zanjye zitazakoreshwa nk'ibitekerezo ngenderwaho mu gukemura ibibazo biboneka iki gihe bigirwaho impaka nyinshi. Ndinginga abakuru b'Itorero H, I, J n'abandi bene Data batuyobora, kutifashisha inyandiko zanjye mu gushimangira ibitekerezo byabo ku bijyanye n'«igitambo gihoraho ». UB1 133.1

Neretswe ko iki atari inyigisho y'ingenzi cyane. Nabwiwe ko bene Data bafudika basigiriza umumaro wo kubusanya mu myumvire. Sinshobora kwemera ko ikintu icyo ari cyo cyose cyo mu nyandiko zanjye gikoreshwa mu gukemura iki kibazo. Ubusobanuro bw'ukuri bw'"Igitambo gihoraho" ntabwo bukwiriye guhindurwa ikibazo. UB1 133.2

Ndasaba ubu ko bene Data b'abagabura batazakoresha inyandiko zanjye mu mpaka zabo ku bijyanye n'ikibazo cy' « igitambo gihoraho "; kuko ntacyo nigeze mbwirwa kuri iyi ngingo ivugwaho, none mbona ko hadakwiriye kuba impaka. Ku byerekeranye n'iki kibazo giteje impaka, ni byiza kwicecekera. UB1 133.3

Umwanzi w’umurimo wacu ashimishwa n’uko icyigisho gifite agaciro gakeya cyakoreshwa mu kuyobya intekerezo za bene Data kibavana ku bibazo bikomeye byakagombye kwitabwaho cyane mu ivugabutumwa ryacu. Nk’uko iki atari ikibazo gikomeye, ndinginga bene Data ko batazemerera umwanzi gutsinda ku buryo byafatwa nk’uko abyifuza. UB1 133.4

Ibibazo by’ukuri bisuzumwa.

Umurimo Uwiteka yaduhaye ubu ni uwo kwigisha abantu umucyo w’ukuri ku byerekeranye n’ibibazo by’ukuri bisuzuma kumvira n’agakiza — amategeko y’Imana no guhamya kwa Kristo Yesu. UB1 133.5

Mu bitabo byacu bimwe by’ingenzi byanditswe mu myaka yashize, kandi byatumye abantu benshi bamenya ukuri, hashobora kugaragara ibibazo bidafite umumaro bisaba kwigwaho neza no gukosorwa. Reka ibintu nk’ibyo byigwe n’abantu bashyiriweho kugenzura buri gihe umurimo w’ibitabo byacu. Reka bene Data n’abagurisha ibitabo bacu, abagabura bacu be gukabiriza ibi bibazo muri ubu buryo batesha agaciro uruhare ibi bitabo bigira mu gakiza k’abantu. Niba dukwiriye gukora umurimo wo gusuzuguza umurimo w’ibitabo byacu, tuba dutiza umurindi abantu bavuye mu kwizera kandi bakajijisha intekerezo z’abantu bakimara kwakira ubutumwa. Byaba byiza hatabayeho guhindagurika kw’ibitabo byacu mu buryo butari ngombwa. UB1 133.6

Mu masaha y’ijoro, ngenda nsubiriramo bene Data bafite inshingano z’ubuyobozi amagambo avuye mu rwandiko rwa mbere rwa Yohana [Igice cya mbere] UB1 134.1

Guhinduka kwa buri munsi.

Bene Data bakwiriye kumva y’uko inarijye ikwiriye gucishwa bugufi, kandi bakagengwa na Mwuka Muziranenge. Uwiteka ahamagarira twebwe ababonye umucyo ukomeye guhinduka buri munsi. Ubu ni ubutumwa ngomba gushyira abanditsi bacu n’abayobozi b’inama zacu zose. Dukwiriye kugendera mu mucyo mu gihe dufite umucyo, kugira ngo twirinde umwijima. UB1 134.2

Abantu bose bayobowe na Mwuka Muziranenge w'Imana bazagira ubutumwa bw'iki gihe cy'imperuka. Mu bitekerezo no mu mitima bazaharanira agakiza k'abantu, kandi bazashyira ubutumwa mvajuru bwa Kristo abo bahura nabo. Abakoresha imvugo ihwanye n'iy'abanyamahanga, ntibashobora kwinjira mu bikari byo mu ijuru. Bene Data, mwakire umucyo, mucunguze uburyo umwete kuko iminsi ari mibi. UB1 134.3

Satani arakorana cyane n'abongabo bamutiza umurindi. Abantu bafite umucyo, bakanga kuwugenderamo, bazahera mu rungabangabo kugeza ubwo umwijima uzahuma imitima yabo, ugahindura imyitwarire yabo. Ariko umwuka w'ubwenge n'ubwiza bw'Imana nk'uko bwahishuriwe mu ijambo ryayo, uzakomeza kumurika mu gihe bakurikiye inzira yo kumvira ukuri. Ibisabwa byose mu gukiranukira Imana bizabonekera mu kwezwa na Mwuka Muziranenge…. UB1 134.4

Hari amahirwe menshi n'imigisha ku bantu bose bazicisha bugufi ubwabo kandi bakegurira Imana imitima yabo byimazeyo. Bazahabwa umucyo mwinshi. Igihe abantu bifuza guhindurwa, bagomba gutozwa noneho kubaha Imana. UB1 134.5

"Kandi ibimwuzuye akaba ari byo twahaweho twese, ni ubuntu bukurikira ubundi" Yohana 1:16. "Ubuntu bwanjye buraguhagije, kuko aho intege nke ziri ariho imbaraga zanjye zuzura" 2 Abakorinto 12:9. Umukiza aravuga ati "Nahawe ubutware bwose mu ijuru no mu isi. Nuko mugende muhindure abantu bo mu mahanga yose abigishwa, mubabatiza mu izina rya Data wa twese n'Umwana na Mwuka Muziranenge, mubigisha kwitondera ibyo nababwiye byose. Kandi dore ndi kumwe na mwe iminsi yose kugeza ku mperuka y'isi." Matayo 28:18-20. UB1 134.6

Ese ubu butunzi bw'ubuntu n'imbaraga zo gukora buzakomeza kudahabwa agaciro muri twe, tutabushishikarira cyangwa ngo tubugirire inyota? Impuguro nsabwa kugeza ku bantu bacu ni imwe n'iyo natanze i Washington igihe nari yo. Uwiteka ahamagarira umuntu buri gihe kurangiza uruhare rwe. Ntawe ushobora gukora umurimo w'undi. Umucyo ukomeye wakomeje kuvira abantu, ariko ntabwo wumviswe byuzuye ngo unakirwe. UB1 135.1

Niba bene Data ubwabo biyeguriye Imana byimazeyo, izabemera. Izabahindura intekerezo, ngo babashe kuba impumuro y'ubugingo itanga ubugingo. Mubyuke, bene Data na bashiki bacu, kugira ngo mugere ku muhamagaro wanyu w'ikirenga unyuze mu Mwami wacu Kristo Yesu. 144

Ntabwo ari ikibazo gikomeye.

Kuri bene Data bari mu Murimo:

Ncuti dusangiye umurimo,

Mfite amagambo yo kubabwira …. abo bose bashishikariye gutanga ibitekerezo byabo birebana n'ubusobanuro bw' "Igitambo gihoraho" kiboneka mu gice cya 8 cya Daniyeli. Iki ntikigomba guhindurwa ikibazo gikomeye, n'imivurungano bitewe n'uko byakiriwe, birababaje. Habayeho urujijo, kandi n'ibitekerezo bya bene Data bamwe byarayobejwe biva mu buryo byari kuba byarakoreshejwe mu murimo Uwiteka yategetse ko ukorwa mu mijyi yacu muri iki gihe. Ibingibi byakomeje kunezeza umwanzi ukomeye urwanya umurimo wacu. UB1 135.3

Nahawe umucyo ko nta kintu gikwiriye gukorwa cyatuma hongera kubaho impaka kuri iki kibazo. Reka cye kongera kumvikana mu byo tuvuga, ngo cyibandweho nk'ikibazo gikomeye cyane. Dufite umurimo ukomeye uturi imbere, kandi nta gihe dufite cyo kwangiza bitewe n'umurimo ugomba gukorwa. Reka duherereza imbaraga zacu mu kugaragaza inyigisho z'ukuri duhuriyeho, kandi ni muri zo dukura umucyo ugaragara. UB1 135.4

Ndifuza kuberekeza ku isengesho rya nyuma rya Kristo nk'uko ryanditswe muri Yahana 17. Hariho inyigisho nyinshi dushobora kuvugaho —zera z'ukuri ko kwitabwaho nziza kandi zoroheje. Ibingibi mukwiriye kubyibandaho n'umwete wose. Ariko ntiwemere ko "Igitambo gihoraho", cyangwa inyigisho iyo ariyo yose izatuma habaho impaka muri bene Data, yigishwa muri iki gihe, kubera ko ibi bizadindiza kandi bikabuza umurimo Uwiteka yifuje ko imitima ya bene Data yakwitaho muri iki gihe. Reka twe guteza ibibazo bizagaragaza itandukaniro ry'ibitekerezo biboneka; ahubwo noneho tugaragaze ukuri kuzuye kuva mu Ijambo kwerekana ibisabwa n'itegeko ry'Imana. UB1 135.5

Abagabura bacu bakwiriye gushaka uburyo bwiza cyane mu kwigisha ukuri. Uko bishoboka kose bajye bigisha ibintu bimwe bose. Reka inyigisho zibe zumvikana, kandi bigishe inyigisho zidakomeye zishobora kumvikana mu buryo bworoshye. Igihe abagabura bacu bose babonye ko bakwiriye kwicisha bugufi, Uwiteka ashobora gukorana nabo. Dukeneye kongera guhinduka, kugira ngo abamarayika bashobore gufatanya natwe, mu gushishikariza intekerezo z'abo tubwiriza. UB1 136.1

Musenyere umugozi umwe.

Tugomba kugira ubufatanye mu bumwe bwa Gikristo, nibwo umurimo wacu utazaba impfabusa. Musenyere umugozi umwe kandi ntihakabe kutumvikana. Mugaragaze imbaraga y'ukuri ibahuza kandi ibi bizagira ingaruka ikomeye ku bitekerezo by'abantu. Mu bumwe niho hari imbaraga. UB1 136.2

Iki si igihe cyo gukoresha inyigisho zitandukanya abantu kandi zidafite umumaro. Niba abantu bamwe batarabanye byimbitse n'Umwigisha Mukuru bigaragariza isi intege nke mu mibereho ya gikristo, abanzi b'ukuri baduhanze amaso, bazakorana umwete kandi umurimo dukora uzasubira inyuma. Reka abantu bose bitoze ubugwaneza kandi bigire ku Mugwaneza kandi wiyoroheje mu mutima. UB1 136.3

Inyigisho cy'"Igitambo gihoraho" ntigikwiriye guteza imvururu nk'izo zakozwe. Biturutse ku buryo icyi cyigisho cyatanzwe n'abantu bafata impu zombi, impaka zaravutse kandi urujijo rurigaragaza…. Nubwo n'ubu hakiriho itandukaniro mu bitekerezo byerekeranye n'iki cyigisho, ntigikwiriye kuba icy'ingenzi. Amakimbirane yose agomba guhagarara. Igihe nk'iki, kwicecekera ni byo byiza. UB1 136.4

Uruhare rw'abagaragu b'Ijambo ry'Imana muri iki gihe ni ukubwiriza Ijambo mu mijyi. Kristo yavuye mu bikari by'Imana aje kuri iyi si kugira ngo akize abantu kandi natwe, nk'abagiriwe ubuntu, dukeneye gushyira ubumenyi bw'ukuri kwe gukiza abaturage bo mu mijyi minini. 145 —

KUDAHUZA UMUGAMBI

Ngomba gushyikiriza bene Data ubutumwa bwahuranyije. Ntihakwiriye kubaho guhuza umugambi n'umubi. Muhagarare mushikamye muhangane n'ibibazo bikomeye bibugarije. Ntimugatinyishwe n'ingaruka zo guhangana n'imbaraga z'umwanzi. UB1 137.1

Muri ibi bihe ibinyoma byinshi birimo birigishwa nk'ukuri. Bamwe muri bene Data bigishije inyigisho tudashobora kwemera. Ibitekerezo by'ibihimbano, bihagarika imitima, bifite ubusobanuro bwihariye bw'ibyanditswe bikomeje kugaragara. Zimwe muri izi nyigisho zishobora kugaragara nk'utuntu duto, ariko nyuma zizakura zinahinduke imitego ku bantu badasobanukiwe. UB1 137.2

Hari umurimo twiyemeje gukora. Reka umwanzi atadukoma mu nkokora akatubuza kwamamaza ukuri nyir'izina ko muri iki gihe, ndetse agatuma twerekeza amaso ku bitekerezo by'ibihimbano. UB1 137.3

Niba tutabaye maso umuntu ku giti cye kugira ngo turondore imirimo ya Mwuka Muziranenge, mu by'ukuri tuzasitara tugwa mu mitego ya Satani yo kutizera. Ndahamagarira bene Data kuba maso nk'abungeri b'indahemuka n'abarinzi ku badakuze mu kwizera, bahanganye n'ubuhenzi bwo kubayobya. Mukomeze murwanye ingorane n'ibibazo bishaka kubakuramo kwizera ubutumwa Imana yaduhaye muri iki gihe. Mwite cyane ku mitima kuko ariyo izajya mu rubanza. Dukwiriye gushaka mu byanditswe buri munsi, kugira ngo tumenye inzira y'Uwiteka, kandi ntimuyobywe n'imyizerere ipfuye. Isi yuzuye inyigisho z'ibinyoma n'intekerezo zireshya mu by'Umwuka, zibogamiye ku gusenya imirimo igaragara y'Umwuka, bikanatuma habaho kuva mu kuri no gukiranuka. By'umwihariko muri iki gihe dukeneye gutega amatwi imiburo."Ntihakagire umuntu ubohesha amagambo y'ubusa." Abefeso 5:6. UB1 137.4

Tugomba kwitonda kugira ngo tudasobanura nabi Ibyanditswe. Inyigisho zigaragara z'Ijambo ry'Imana ntizikwiriye gutekerezwaho cyane kuburyo ukuri kwabyo kubura. Ntimukigore cyane mugerageza gusobanura imirongo imwe muri Bibiliya mu buryo bwo kwerekana ikintu kidasanzwe ngo mushimishe

uwayobye. Fata Ibyanditswe nk'uko bisomwa. Mwirinde inyigisho z'impimbano zijyanye n'ibizabaho mu bwami bwo mu ijuru. 146 UB1 137.5

Ikibazo cy'ubugingo cyangwa urupfu.

Nandikiwe amabaruwa, bambaza ku byerekeranye n'inyigisho za bamwe bavuga ko nta kintu gifite ubugingo gikwiriye kwicwa, ndetse n'udusimba, n'ubwo bishobora kuba bibarakaje cyangwa biteye ingorane. Ese birashoboka ko haba hari umuntu uwo ari wese wavuga ko Imana yamuhaye ubu butumwa ngo abushyikirize abantu? Uwiteka ntiyigeze aha umuntu uwo ari we wese ubutumwa nk'ubwo. Nta n'umwe Imana yabwiye ko ari icyaha kwica udusimba tutubuza amahoro no kugubwa neza. Mu nyigisho ze zoze, Kristo ntiyigeze atanga ubutumwa bumeze butya, ahubwo abigishwa be bakwiriye kwigisha gusa ibyo yabategetse. UB1 138.1

Hariho abantu bifuza iteka kujya impaka. Ikaba ari yo dini yabo. Bifuza gukora ibintu bishya kandi kidasanzwe. Bibanda ku bintu bifite ingaruka ntoya; bagakoresha impano zabo zityaye ziteza impaka. UB1 138.2

Imigani ikoreshwa nk'ukuri nyakuri, kandi ubu bamwe bakaba bayifata nk'isuzuma. Ni uko rero impaka zigatangira, n'ibitekerezo bakabiyobya babivana mu kuri kw'iki gihe. Satani azi neza ko niba ashoye abagabo n'abagore mu gutinda ku bintu bidafite umumaro, ibibazo by'ingutu bitazakemurwa. Azaha abatekereza ku bidafite umumaro, ibyigisho bidafite ireme. Ibitekerezo by'Abafarisayo byari bihugiye mu bibazo bitari ngombwa. Birengagizaga ukuri kw'Ijambo ry'Imana bakibanda ku mihango basigiwe na basekuruza idafitanye isano n'agakiza kabo. Muri iki gihe, ubwo ibihe bikomeye bituganisha ku bugingo buhoraho, ibibazo by'ingutu by'agakiza birirengagizwa bigasimbuzwa imigani. UB1 138.3

Ndifuza kubwira bene Data ngo bite ku nyigisho ziboneka mu Ijambo ry'Imana. Mwibande ku kuri kuzuye kw'Ibyanditswe. Ni muri ubwo buryo mwahinduka umwe muri Kristo. Nta gihe mufite cyo guta mujya impaka ku byerekeranye no kwica udusimba. Yesu ntiyagushinze uyu murimo. "Umurama uhuriye he n'ingano?" (Yeremiya 23:28). Izi ngingo zinyuranye n'ukuri zigaragara

zimeze nk’ibyatsi bitemwe, ingeri z’ibiti n’ibishyitsi bigereranywa n’ukuri ko muri ibi bihe byanyuma. Abirengagiza ukuri gukomeye kw’Ijambo ry’Imana bakivugira ku bibazo nk’ibyo ntabwo baba babwiriza Ubutumwa Bwiza. Barakorana n’uburiganya umwanzi akoresha mu kuyobya ibitekerezo abivana ku kuri kujyanye n’imibereho yabo y’iteka. Nta jambo rya Kristo rishyigikira ibyo batekereza. UB1 138.4

Ntimugate igihe cyanyu muvuga ku bibazo nk’ibyo. Niba mufite ikibazo icyo ari cyo cyose mugomba kwibandaho mu nyigisho, mwihutire gukoresha inyigisho z’umwigisha Mukuru kandi mukurikize inama ze… UB1 138.5

Ntimukemerere ikintu icyo ari cyo cyose cyatuma muteshuka kuri iki kibazo, “Nkore nte kugira ngo ndagwe ubugingo buhoraho?” Luka 10:25. Iki ni ikibazo cyo gupfa no gukira, icyo buri wese muri twe agomba gukemura ku bijyanye n’ubugingo buhoraho. Ibitekerezo bikwiriye kugaragarira mu buremere bw’ukuri dufite. Abemerera ibitekerezo kuzerera bishakisha inyigisho ziboroheye kandi zidafite agaciro bakeneye guhindurwa. UB1 138.6

Inyigisho z’ubuyobe, zidafite imbaraga ziri mu ijambo ry’Imana, zizaturuka hirya no hino, no ku bantu bafite intege nke kandi izi nyigisho zizagaragara nk’ukuri kwigisha ubwenge. Ariko nta mumaro zifite. Kandi abizera benshi banyuzwe n’ibyo kurya bihendutse ku buryo bafite imyizere ipfuye. Kuki abagabo n’abagore basuzugura imibereyo yabo bakusanya imigani kandi bakayigisha nk’inyigisho zikwiriye kwitabwaho? Abantu b’Imana nta gihe bafite cyo kwibanda ku bibazo bidasobanutse, ibibazo bitari ngombwa, bidafitanye isano n’ibyo Imana yifuza. UB1 139.1

Imana yifuriza abagabo n’abagore gutekereza mu buryo bwiza kandi bwumvikana. Bakwiriye gukomeza kuzamuka mu nzego, kandi bakarushaho kwaguka. Mu guhanga amaso kuri Yesu, bazahindurwa base na we. Bakwiriye kumara igihe cyabo mu gushaka ukuri kw’ijuru kwimbitse kandi guhoraho. Mu myizerere ya bo nta kintu na kimwe kidafite umumaro kizahaboneka. Mu gihe biga ukuri gukomeye kw’Ijambo ry’Imana, batinyuka kureba uwo utagaragara. Babona ko abafite ukuri gusumbyeho cyane kandi guhesha icyubahiro ari abarushijeho komatana n’Isoko y’ukuri kose. Igihe bakomeje kumwigiraho, imigambi yabo n’impuhwe zabo birakomera kandi ntibihinduke; kuko

ibyiyumviro bahawe byose ni iby'igiciro kandi bihoraho. Amazi y'ubugingo, ayo Yesu atanga, ntabwo ari kimwe n'ay'isoko yo mu isi; adududubiza igihe gitoya, agaherako akama. Amazi y'ubugingo adududubiza kugeza mu Bugingo Buhoraho. UB1 139.2

Reka dukurikire ubushake bw'Imana twahishuriwe. Nibwo tuzamenya ko umucyo twakira ukomoka ku isoko mvajuru y'umucyo w'ukuri kose. Abakorana na Kristo bamerewe neza. Imana ibaha umugisha mwinshi iyo bakoresheje imbaraga zabo mu murimo wo kuvana abatuye isi mu bibi byonona. Kristo niwe rugero rwacu. Kumuhanga amaso bituma duhindurwa tugasa na we, tuva mu bwiza tujya mu bundi, muri kamere tujya mu yindi. Uyu ni umurimo wacu. Imana idufasha guhagararira neza Umukiza ku isi. 147 — UB1 139.3

Uko abantu batekereza iby'ubuzima buzaza.

Muri iki gihe hariho abantu bizera ko hazabaho gushyingirwa no kubyara mu isi nshya; ariko abemera Ibyanditswe ntibashobora gushyigikira inyigisho nk'izo. Inyigisho ivuga ko hari abana bazavukira mu isi nshya itandukanye n'"Ijambo ryahanuwe rirushaho gukomera" 2Petero 1:9. Amagambo ya Kristo arumvikana cyane ku buryo adashobora gusobanuka nabi. Bakwiriye gukemurira rimwe ikibazo cyo gushyingiranwa n'urubyaro mu isi nshya. Ari abazazuka mu bapfuye, n'abazahindurwa badapfuye, ntibazarongora cyangwa ngo bashyingire. Bazamera nk'abamarayika b'Imana, abana bw'Ubwami. UB1 139.4

Nifuje kubwira abantu bafite intekerezo zinyuranye kuri iyi mvugo yumvikana ya Kristo; ku bibazo nk'ibyo ni byiza kwicecekera. Ni ukwihenda kwishora mu bitekerezo n'inyigisho byerekeranye n'ibibazo Imana itatumenyesheje mu ijambo ryayo. Ntabwo dukwiriye kujya impaka z'uko tuzamera mu gihe kizaza. UB1 140.1

Kuri bene Data b'abagabura ndifuza kuvuga nti: "Ubwirize abantu Ijambo ry'Imana, ugire umwete mu gihe kigukwiriye no mu kitagukwiriye." (2 Timoteyo 4:2). Ntukubakire ku rufatiro rw'ibiti, ibikenyeri n'ibyatsi— ibyo wibwira cyangwa witekerereza, kuko ibyo ntacyo byakungura uwo ariwe wese. UB1 140.2

Kristo nta kintu cy'ukuri cy'ingenzi yatugomwe kijyanye n'agakiza kacu. Ibyahishuwe ni ibyacu n'urubyaro rwacu; ariko ntabwo ibitekerezo byacu byemerewe gushyiraho inyigisho zijyanye n'ibyo tutahishuriwe. UB1 140.3

Uwiteka yateguye ibyangombwa byose bijyanye n'umunezero wacu mu bugingo buzaza; ariko ntacyo yahishuye ku byerekeranye n'iyi migambi, kandi ntidukwiriye kubitindaho. Nta n'ubwo dukwiriye gutekereza iby'ubugingo buzaza duhereye ku mibereho yo muri iki gihe. UB1 140.4

Ibyo dukwiriye kumenya by'ingenzi byaragaragaye mu Ijambo ry'Imana. Izi nyigisho zikwiriye gutekerezwaho cyane. Ariko ntidukwiriye kwinjira mu byo Imana itavuzeho. Bamwe bavuga ko abacunguwe batazamera imvi. Hari n'ibindi bitekerezo bipfuye byaragaragajwe nk'aho bifite agaciro. Ndasaba Imana ngo ifashe abantu bayo gutekereza uko bikwiriye. Igihe duhuye n'ibibazo birenze ubwenge bwacu, dukwiriye kubaza Data tuti: "Ibyanditswe bibivugaho iki?" UB1 140.5

Abantu bifuza ikintu gishya, bagishakire mu mibereho mishya ituruka mu kuvuka bushya. Ni batunganishe imitima yabo kumvira ukuri, kandi bakore nk'uko Kristo yabwiye Umwigisha w'amategeko wamubajije icyo agomba gukora kugira ngo aragwe ubugingo buhoraho. "Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose, n'ubwenge bwawe; kandi ukunde na mugenzi wawe nk'uko wikunda… Nugenza utyo uzagira ubugingo." (Luka 10:27, 28). Abantu bose bazahuza imibereho yabo n'iby'Ijambo ry'Imana rivuga nibo bazaragwa ubugingo buhoraho. 148 UB1 140.6

Ibyigisho bigoye kumvikana

Muri uyu murimo hariho ingorane zo kugaragariza abantu inyigisho zizatera impaka kandi zitazajyana abantu ku ifunguro rikomeye ryabateguriwe, n'ubwo zishobora kuba zose ari ukuri. Twifuza ko urukundo rw'Imana rutubamo mu guhindura no gucisha bugufi kamere yacu ya kimuntu ndetse no kudusanisha na kamere Ye yera. Noneho rero tuzashyira imbere y'abantu ubutunzi

butarondoreka buhishwe muri Kristo. Kristo ubwe niwe urarika, kandi ni umurimo w'abayoboke be bose gushishikariza abantu bose kujya ku meza yateguriwe bose. Inyigisho zigoye kumvikana ntizikwiriye guhabwa umwanya w'imbere. Kristo arahamagarira abantu kuza ku meza, reka abantu bose babyifuza baze. 149 UB1 140.7

Ibihumbi ijana na mirongo ine na bine.

Kristo avuga ko mu itorero hazabaho abantu bazigisha imigani n'ibitekerezo byabo, igihe Imana yatanze ukuri gukomeye, gusumbyeho kandi guhesha icyubahiro gukwiriye iteka kubikwa mu nzu y'ubutunzi bw'intekerezo. Iyo abantu bafashe inyigisho ziturutse hirya no hino, mu gihe bafite amatsiko yo kumenya ikintu kitari ngombwa ko bamenya, Imana siyo iba ibayobora. Ntabwo ari umugambi wayo ko abantu bigisha ikintu bitekerereje kitaboneka mu Ijambo ry'Imana. Ntabwo ari ubushake bwayo ko bajya impaka ku bibazo bitazagira icyo bibafasha mu by'Umwuka, nk'ibingibi. Ni bande bagize ibihumbi ijana na mirongo ine na bine? Ibi, intore z'Imana zizabimenya nta ngorane mu gihe gitoya. Bene Data, mwishimire kandi mwige ukuri Imana yabahaye n'urubyaro rwanyu. Ntimute igihe cyanyu mushakisha kumenya ikitazagira icyo kibafasha mu by'Umwuka. "Nkore nte kugira ngo ndagwe ubugingo buhoraho." (Luka 10:25). Iki ni ikibazo cy'ingenzi muri byose, kandi cyashubijwe mu buryo bwumvikana. "Byanditswe bite mu mategeko? Icyo uyasomamo ni iki?" Luka 10:26 150 — UB1 141.1

Kristo araduhamagarira kugira ubumwe.

Abizera bacu babona ko hari itandukaniro mu mitekerereze y'abayobozi, kandi nabo ubwabo bakinjira mu mpaka zirebana n'inyigisho zigirwaho impaka. Kristo araduhamagarira kugira ubumwe. Ariko ntaduhamagarira kwifatanya mu bintu bibi. Imana yo mu ijuru yerekana itandukaniro rikomeye hagati y'ukuri nyakuri n'ibinyoma, arizo nyigisho ziyobya. Yita icyaha no kutihana amazina yabyo nyakuri. Ntahishira ikibi, akivuga uko kiri. Ndasaba bene Data ko ubumwe bwabo bushingira ku kuri ko mu Byanditswe. 151 UB1 141.2

Nta kurwanira isumbwe

Igihe abari mu murimo bazatuza Kristo mu imitima yabo, igihe inarijye yose izatsindwa, igihe hazaba hatari intonganya, nta kurwanira isumbwe, igihe ubumwe buzagerwaho, igihe bo ubwabo bazaba bejejwe, kugira ngo bakundane, biboneka kandi byumvikana, nibwo imigisha y'ubuntu bwa Mwuka Muziranenge izabazaho kuko isezerano ry'Imana ritazigera rihera na gato. Ariko igihe umurimo w'abandi udahawe agaciro, ku buryo abakozi bakwishakira isumbwe, bagaragaza ko badakora umurimo wabo bwite nk'uko bikwiye. Imana ntishobora kubaha Umugisha. [152]

IGICE CYA 22: INGORANE Z'IMYUMVIRE IHABANYE [153]

St Helene, California 19/5/1890

Kuri mwene Data K,

Nateganyije mbere y'ibi kukubona ngo tuganire, cyangwa kukwandikira, ariko nta na kimwe nashoboye gukora, kandi n'ubu ntacyo ndashobora; ariko nejejwe nawe cyane kandi nkwifuriza gukomeza umurimo. Simfite imbaraga zo kuganira nawe; ibitekerezo byawe birihuta kandi uri intyoza mu kuvuga, ku buryo ntinya ko nshobora kukunaniza cyane, kandi n'ibyo nakubwira ntushobora kubitandukanya n'ibindi. UB1 143.1

Ndabona ingorane zawe; ushobora gushyira ibitekerezo byawe mu magambo. Shyira ibintu mu mucyo; kandi imvugo yawe irakemangwa. Ibitekerezo byawe ku bintu bimwe bigaragaza ko utuma abantu bagutinya. Ibi ntibikwiriye kuba. Ntukwiriye kugerageza kwitandukanya cyane na bene So, bigaragaza ko mudahuje. UB1 143.2

Neretswe ko uruhare rwawe mu byiza rwagabanutse cyane kuko wumva ko ari umurimo wawe gutanga ibitekerezo byawe ku ngingo zimwe na zimwe udasobanukiwe neza ubwawe; kandi, n'umwete wawe wose, ibyo udashobora gutuma abandi basobanukirwa. Neretswe ko bitari ngombwa ku wumva ko ugomba kwibanda kuri izi ngingo. Intekerezo zawe zimwe ziri mu kuri, izindi si ukuri kandi zirayobya. UB1 143.3

Niba wibanze ku nyigisho nk'izi ko Kristo yifuza kubabarira ibyaha, kwakira umunyabyaha, gukiza icyazimiye, inyigisho zituma habaho ibyiringiro n'ubutwari, byatuma uba umunyamugisha. Ariko igihe urwanira kuba inkomoko kandi ugafata ibitekerezo bihabanye n'ibyo, ukanakoresha imvugo ikaze uri kubyigisha, hariho ingorane zo kwangiza cyane. Bamwe bashobora kumva igitekerezo cyawe kandi bakagaragara nk'abungutse, ariko igihe bageragejwe kandi bagatsindwa, bacika intege zo kurwana intambara nziza yo kwizera. UB1 143.4

Nutibanda cyane kuri izi ntekerezo, wibwira ko ari ingenzi, kandi ukareka imvugo yawe ikabije, wowe ubwawe uzongererwa kwizera. Nabonye y'uko intekerezo zawe rimwe na rimwe zitari ziri hamwe mu kugerageza kwiga ndetse no gusobanura ubwiru bw'ubumana; bumeze nk'ubwiru bukomeye nyuma yo kwiga kwawe no gusobanukirwa nk'uko byari biri mbere. UB1 143.5

Guhinduka kutajyanye n'ubunararibonye

Yobora abantu guhanga amaso Yesu nk'ibyiringiro byabo byonyine n'umufasha wabo. Ha Uwiteka umwanya akorere mu ntekerezo, avugane n'umutima, kandi atume habaho gusobanukirwa. Ntabwo ari ngombwa yuko umenya kandi ngo ubwire abandi bose impamvu n'ibigize umutima mushya, cyangwa urwego bashobora kandi bagomba gushyikaho kugira ngo babe batagikora icyaha. Umurimo nk'uwo ntuwushinzwe. UB1 144.1

Abantu bose ntabwo bameze kimwe. Ntabwo guhinduka kose ari kimwe. Yesu akora ku mitima, noneho umunyabyaha akavukira ubugingo bushya. Akenshi imitima yareherejwe kuri Kristo iyo hatagize icyemezo gifatwa, ako kanya, nta mutima umenetse, nta kugira agahinda k'ibyaha wakoze. Bahanze amaso Umukiza wamanitswe, baherako babaho. Babonye ubukene bw'umutima kandi y'uko Umukiza yihagije, n'ibyo asaba, bumvise ijwi rye rivuga riti: "Munkurikire" bahereyeko barahaguruka baramukurikira. Uku guhinduka kwari ukuri, kandi imibereho yabo mu by'Iyobokamana yari imashije nk'iy'abandi bagize agahinda kenshi. UB1 144.2

Abagabura bacu bagomba kurekeraho kwibanda ku ntekerezo zabo bwite no kwiyumvisha ibi, "mugomba kubona iyi ngingo nk'uko byangendekeye,

bitabaye ibyo ntimubasha gukizwa". Bene uko kwikunda kube kure. Umurimo ukomeye ukwiriye gukorwa mu buryo bwose ni ukuzana abantu kuri Kristo. Abantu bagomba kwitegereza Kristo ku musaraba, bagomba kureba bakabaho. Ntabwo ari intekerezo zawe bagomba kugenderaho, ahubwo ni umubiri n'amaraso y'Umwana w'Imana. Aravuga ati: "Kuko umubiri wanjye ari ibyo kurya by'ukuri" Yohana 6:55. "Amagambo mbabwiye ni yo Mwuka, kandi ni yo Bugingo" Yohana 6:63. UB1 144.3

Ha Kristo umwanya akore

Umuntu wemera Kristo yiyegurira ubwe mu maboko y'Umuganga ukomeye, kandi abantu bakwiye kwitondera ukuntu bajya hagati y'umurwayi n'umuganga urondora ibintu byose bikenewe n'umuntu. Kristo, umuganga w'umutima, asobanukiwe n'ingorane zawo n'uburwayi bwawo, kandi azi ukuntu akiza akoresheje amaraso ye y'igiciro cyinshi. Icyo umutima ubura, ashobora kugitanga mu buryo bwiza cyane. Ariko abantu ni abanyamwete cyane, bifuza gukora byinshi, ku buryo barushaho kubyikorera ubwabo, batagize icyo basigira Kristo ngo akore. UB1 144.4

Ibishobora guhindurwa no gukorerwa mu mutima, Kristo ashobora kubikora neza cyane. Kwemezwa gushobora kuba kutimbitse, ariko igihe umunyabyaha asanze Kristo, amureba ku musaraba, umukiranutsi apfira umunyabyaha, kubona ibi bizakuraho buri nzitizi yose. Abantu bose biringira agakiza ka Kristo yabashinze umurimo wo gukiza. Abona ibidatunganye bikeneye gutunganywa, ibibi bikeneye gukurwaho. Yazanywe no gushaka no gukiza icyari cyazimiye. Aravuga ati: "Uza aho ndi sinzamwirukana na hato." Yohana 6:37. UB1 144.5

Mu kugira neza n'imbabazi bya Kristo umunyabyaha akwiriye kuhemburwa n'ubuntu bw'Imana. Imana iri muri Kristo yingingira abantu kwiyunga na Yo. Arambuye amaboko yiteguye kwakira no gutanga agakiza ke, atari ku munyabyaha gusa, ahubwo no ku mwana w'ikirara. Urukundo yagaragaje mu rupfu rwe, rwagaragariye i Kaluvari ni ubwushingizi bwo kwemerwa k'umunyabyaha, amahoro n'urukundo. Mwigishe ibi bintu mu buryo bwumvikana, ko umuntu washyizwe mu mwijima n'icyaha ashobora kubona umucyo uva ku musaraba w'i Kaluvari. UB1 145.1

Satani arakora mu buryo bwinshi, kugira ngo abantu bagombaga kubwiriza ubutumwa bahugire mu nyigisho azatuma zigaragara nk'izifite ireme n'agaciro kugira ngo zuzure ibitekerezo byose; kandi mu gihe batekereza ko batera intambwe zitangaje mu bunararibonye, bazakomeza kwishimira zimwe muri izo ntekerezo, kandi nta gaciro bazahabwa, kandi bazaba bavuga bike mu ruhande rw'Imana. UB1 145.2

Reka buri mugabura akoreshe umwete wose mu kwemeza icyo Kristo ashaka. Keretse umutima wawe uramutse umeze neza ku byerekeranye n'ibintu bimwe, naho ubundi inzira yawe izagutandukanya n'umurimo ukora, kandi ntuzamenya icyagusitaje. Uzatambutsa ibitekerezo bitari bikwiye kuguturukaho. UB1 145.3

Hari abantu bakura mu Ijambo ry'Imana ndetse no mu Bihamya ingingo cyangwa interuro zishobora gusobanurwa bihuje n'intekerezo zabo, bakaba arizo bibandaho, bakabyubakiraho umurongo wabo bwite, igihe Imana atari yo ibayoboye. Ibi kandi biteza akaga. UB1 145.4

Uzakoreshe imirongo yo mu Bihamya ivuga ku kurangira kw'imbabazi, ku ishungurwa ry'ubwoko bw'Imana, kandi n'abantu bazava muri bwo batunganijwe, barushaho kwera bazazamurwa. Ibi byose ubu ngubu bishimisha umwanzi. Ntabwo dukwiriye gukurikira inzira izatuma habaho itandukaniro cyangwa izateza amacakubiri. Ntabwo dukwiriye kwibwira ko niba ibitekerezo byacu byihariye bitubahirijwe, impamvu ari uko abagabura badafite gusobanukirwa no kwizera, cyangwa ko bagendera mu mwijima.UB1 145.5

Intekerezo zawe zagiye zihura n'inzitizi zidasanzwe incuro nyinshi. Ufite ukuri kwinshi, ukuri kw'agaciro, ariko kuvanze n'intekerezo z'abantu. Intekerezo zawe zihanitse n'imvugo ikaze akenshi byangiza umusaruro w'umuhati wawe mwiza cyane. Niba abantu benshi bakiriye ibitekerezo byawe ushyize imbere, ukabivuga kandi ukabishyira mu bikorwa, twashobora kubonamo inkubiri y'ubwaka butari bwigera bugaragara mu Badiventisiti b'Umunsi wa Karindwi. Kandi ibi ni byo Satani yifuza. UB1 145.6

Amayoberane muyareke

Mu nyigisho za Kristo harimo ibyigisho bihagije mushobora kuvugaho. Kandi amayoberane mwebwe cyangwa ababumva badashobora gusobanukirwa cyangwa gusobanura ni byiza cyane ko mwayihorera. Mwemerere Umwami Yesu Kristo umwanya yigishe; akoreshe Umwuka We kugira ngo atume habaho gusobanukirwa n'umugambi utangaje w'inama y'agakiza. UB1 146.1

Igihe cy'akaga cyugarije ubwoko bw'Imana; ariko ntibikwiriye y'uko duhora tubibwira abantu, ngo bibe byatuma bikururira ako kaga mbere y'igihe. Hariho gushungurwa k'ubwoko bw'Imana, ariko uku si ko kuri kw'iki gihe ko kwamamaza mu matorero… UB1 146.2

Abagabura ntibakwiriye kwibwira ko hari ibitekerezo bidasanzwe kandi bihanitse bafite, kandi niba bose batabyemeye, bazavanwamo n'ishungura, ni uko hahaguruke abandi bantu bazakomeza kujya imbere kugeza batsinze. Bamwe mu bahangana n'amahane nyayo y'ubutumwa Imana yohereje muri iki gihe, bagaragaza ko muri kimwe. Batunga urutoki ibitekerezo byanyu bikomeye n'inyigisho bakabigira urwitwazo rwo kwirengagiza kwakira ubutumwa bw'Uwiteka. UB1 146.3

Umugambi wa Satani ugerwaho mu gihe abantu bakomeza gukora umurimo Kristo atigeze abashinga, bakomeza kwibera nka Laodokiya, ni akazuyazi, bibwira ko ari abatunzi kandi batunganiwe, ntacyo bakennye. Ibi byiciro byombi ni ibisitaza. UB1 146.4

Abantu bamwe bafite ishyaka bagamije kandi bakoresha imbaraga zose mu gukora ibintu bitari bizanzwe bakoze ikosa rikomeye mu kugerageza gukora ikintu kidasanzwe, gitangaje, gisa n'igishimisha abantu, ikintu batekereza ko abandi badasobanukiwe; ariko ubwabo na bo batazi icyo baganiraho. Bazanye ibyiyumviro byabo mu Ijambo ry'Imana, bashyira imbere ibitekerezo bitagize icyo bibungura cyangwa bicyungure amatorero. Mu gihe cy'akanya gato bishobora kubyutsa intekerezo, ariko hari ingaruka kandi ibi bitekerezo bihinduka inzitizi. Kwizera kukitiranywa n'amarangamutima, kandi ibitekerezo byabo bishobora kuyobya imitima biyiganisha mu nzira mbi.UB1 146.5

Imirongo y’Ijambo ry’Imana yumvikana kandi yoroshye ikwiye kuba ifunguro ry’imitima; kuko kuzana ibyiyumviro ku ngingo zidasobanutse neza biteza akaga. UB1 146.6

Kamere yanyu ni ukwirwanaho. Ntimwitaye cyane ku kumvikana cyangwa ku kutumvikana na bene So. Mukunda kujya impaka, kurwanirira ibitekerezo byanyu bwite; ariko ahubwo mukwiriye kubireka, kuko ibi ngibi ntabwo bituma Umukristo akurira mu buntu. Mukoreshe imbaraga zanyu zose mu gusubiza isengesho rya Kristo, ry’uko abigishwa be baba umwe nk’uko na We ari Umwe na Se. UB1 146.7

Nta n’umwe muri twe ufite amahoro niba atigiye kuri Yesu buri munsi, kwiyoroshya kwe no kwicisha bugufi kwe mu mutima. Igihe mugiye gukorera aho ariho hose, ntimukabe abanyagitugu, ntimukikakaze, kandi ntimukajye impaka. Mubwirize urukundo rwa Kristo, iki kizatuma imitima igubwa neza kandi ica bugufi. Mushake kugira umutima umwe kandi no kwibwira kumwe, kumvikana na bene so kandi no kugira imvugo imwe. UB1 146.8

Ntukabibe amacakubiri

Iyi mvugo ku bijyanye n’amacakubiri ntabwo ari umurimo w’Imana, ahubwo ni umurimo w’umwanzi; kuko abantu bose badafite ibitekerezo bimwe nk’uko biri muri wowe. Muganire ku nyigisho zoroheje izo mushobora kwemeranywaho. Muganire ku bumwe; ntimukagire ibitekerezo bigufi kandi birimo ubwibone; ahubwo mureke intekerezo zanyu zaguke. UB1 147.1

Kristo ntapima kamere akoresheje ibipimo by’ibitekerezo bya kimuntu. Aravuga ati: “Nanjye nimanikwa hejuru y’isi nzireherezaho abantu bose.” Yohana 12:32. Umuntu wese uzemera uko kurarika azababarirwa ibicumuro. Kristo ashobora gukiza bidasubirwaho abamusanga bose. Uwo ari we wese usanga Yesu aba akandagije ibirenge bye ku rwego ruva ku isi rugana mu ijuru. Mubyigishe mukoresheje ikaramu, ijwi ko Imana iri hejuru y’urwo rwego; imirasire y’icyubahiro cye irasira buri ntambwe y’urwego. Arebana imbabazi abantu bose burira bibagoye, kugira ngo abohererereze ubufasha, ubufasha mvajuru, igihe amaboko asukuma n’amavi atentebutse. Yego mubivuge, mubivuge mu magambo azaturisha imitima, kugira ngo hatazabaho umuntu

ugerageza kuzamuka urwego akananirwa kwinjira mu bwami bw'Umwami wacu Yesu Kristo. Abizera Kristo ntibazigera barimbuka, kandi nta n'umwe uzabavuvunura mu biganza bye. UB1 147.2

Mumenyeshe abantu mu mvugo yumvikana, kandi itera ibyiringiro ukuntu bashobora guhunga umurange mubi twokojwe. Ariko kubwa Kristo ntimubereke ibitekerezo bizabaca intege, kandi bitazatuma inzira igana mu ijuru igaragara nk'aho ikomeye cyane. Izo ntekerezo zose zigumanire ubwawe wenyine. UB1 147.3

Mu gihe tugomba kwemeza abantu ihame ry'uko imibereho ya Gikristo ari imibereho y'intambara, ko tugomba kuba maso, gusenga no gukora, ko hari ingorane ku muntu utezuka ku butwari mu by'umwuka mu gihe runaka, agakiza kuzuye twakaboneye muri Kristo udukunda kandi watwitangiye ubwe kugira ngo tutarimbuka ahubwo duhabwe ubugingo buhoraho, nicyo gikwiriye kuba intego. UB1 147.4

Buri munsi dushobora kugendana no kumenya Uwiteka, tukinjira ahera cyane ku bw'amaraso ya Yesu, dukomeza ibyiringiro byadushyizwe imbere. Kugera mu ijuru byaturuka ku mutima womatanye n'umuhuza, nawo ukagira kamere mvajuru. Mu kwishingikiriza kuri Kristo, ubugingo bwanyu buhishanywe na Kristo mu Mana kandi buyobowe n'Umwuka We, muzaba mufite ukwizera nyakuri. UB1 147.5

Mu kwizera kuzuye ubushobozi bw'igitambo cy'impongano, tuzakorana n'Imana. Mu kwiringira ibikorwa bye, tuba dusohoza agakiza kacu dutinya kandi duhinda umushyitsi; kuko Imana ari yo idutera gukunda no gukora ibyo yishimira. Buri gihe twomatanye na Kristo, tuba turushaho kwegera Imana. Yesu yifuza ko igihe cyose twahora tubizirikana kandi tubiha agaciro. Ntukabyutse umwuka wo kwirwanirira; ubwenge buva mu ijuru, irya mbere buraboneye kandi ni ubw'amahoro, bwemera kugirwa inama, bwuzuye imbabazi n'imbuto nziza… UB1 147.6

Muhuze na bene So

Ntimutekereze ko mugomba kugaragaza ibyo mwibwira byose. Yesu yabwiye abigishwa be ati: “Ndacyafite ibyo kubabwira byinshi, ariko ubu ntimubasha kubyihanganira” Yohana 16:12. Mbega ukuntu twebwe tubogamira buri gihe mu makosa, dukwiriye kwitondera kwingingira abandi ibyo batiteguye kwakira. Muhore muhanze amaso Yesu kandi mureke imvugo zanyu zikarishye kandi zakabije. Ariko mu kwitondera amagambo yanyu n’ibitekerezo, ntabwo ari ngombwa ko mwahagarika imirimo yanyu burundu. Mushake gufatanya na bene So, nibwo hazaba byinshi byakorwa mu ruzabibu rw’Uwiteka. Ariko aho kurata intekerezo n’imyumvire byanyu mwerereze Kristo. Mwambare intwaro, kandi muterane intambwe n’abakozi b’Imana, mufatane urunana; mukomeze umurego mu kurwanya umwanzi. Mwihishe muri Yesu. Mwibande ku nyigisho z’ibanze za Kristo, mugaburire umukumbi w’Imana, kandi muzatuza, mugire imbaraga, mushikame; mukomeze abandi mu kwizera gukomeye kandi kuboneye. UB1 148.1

Niba munyuranyije na bene So ku bijyanye n’ubusobanuro bw’ubuntu bwa Kristo, n’imikorere y’Umwuka We; ntimukwiriye guha agaciro cyane iri tandukaniro. Mufite uko mubibona, n’undi nawe afite uko abibona nk’uko yiyeguriye Imana, areba ikibazo kimwe mu bundi buryo, kandi akavuga ku bintu bigira icyo byungura ibitekerezo bye; n’undi nawe akareba mu buryo bundi butandukanye, akerekana urundi rwego. Mbega ukuntu ari ubupfapfa kujya impaka kuri ibi bintu, igihe nta kintu kigaragara cyateza izo mpaka. Reka Imana ikorere mu bitekerezo kandi ifashe umutima. UB1 148.2

Uwiteka akomeza gufungura ubwenge, agatuma umuntu asobanukirwa, kugira ngo umuntu amenye iby’icyaha kandi n’iby’itegeko ry’Imana risaba. Umuntu udahindutse atekereza Imana nk’aho idakunda, iteye ubwoba kandi ndetse ihora inzigo; kuba iri kumwe n’umuntu itekerezwa nk’imubangamiye, kamere yayo ni imvugo igira iti “ntukagire utya n’utya…”. Umurimo wayo ugaragara nk’aho utanejeje kandi usaba amananiza. Ariko igihe Yesu abonekeye ku musaraba, nk’impano y’Imana kuko yakunze umuntu, amaso arahumuka kugira ngo abone ibintu mu mucyo mushya. Imana nk’uko yihishuriye muri Kristo ntabwo ari umucamanza w’umunyamwaga, wihorera, ahubwo ni Umubyeyi w’imbabazi kandi wuzuye urukundo. UB1 148.3

Iyo tubonye Yesu apfira ku musaraba kugira ngo akize umuntu wazimiye, umutima usubiramo amagambo ya Yohana ngo “Nimurebe urukundo ruhebuje Data wa twese yadukunze, rwatumye twitwa abana b’Imana kandi ni ko turi. Nicyo gituma ab’isi batatumenye kuko batayimenye.” (1 Yohana 3:1). Nta kintu na kimwe gitandukanya mu buryo bwo kumasha Umukristo n’umuntu w’isi cyaruta agaciro aha Imana. UB1 148.4

Abakozi bamwe mu murimo w’Imana bagiye bihutira kunenga umunyabyaha; ubuntu n’urukundo rwa Data mu gutanga umwana wayo ngo apfire ubwoko bwakoze icyaha byarirengagijwe. Umwigisha akeneye ubuntu bwa Kristo mu mutima we bwite, kugira ngo amenyeshe umunyabyaha icyo Imana ari cyo — Data wa twese utegerezanyije urukundo rwo kwakira umwana w’ikirara ugarutse, atari ukumutura umujinya; ahubwo ategura umunsi mukuru w’ibyishimo mu kumwakira agarutse. Zef 3:14-17. UB1 149.1

Mbega ukuntu twese twakwigira ku Mwami uburyo bwo kuzana abantu kuri Kristo! Dukwiriye kwiga kandi tukigisha amasomo y’ingirakamaro mu mucyo waka uva ku gitambo cy’umusaraba w’i Kaluvari. Hari inzira imwe rukumbi ivana abantu mu kurimbuka, kandi igakomeza izamuka, kwizera igihe cyose kurenze umwijima kujya mu mucyo, kugeza igihe kugejeje abantu mu bwami bw’Imana. Abantu bose bize iki cyigisho bemeye umucyo watumye basobanukirwa. Kuri bo iyi nzira izamuka ntabwo ari inzira yijimye kandi ishidikanywa; ntabwo ari inzira y’ibitekerezo bifite iherezo, nta n’ubwo ari n’inzira yaharuwe n’umuntu aho umugenzi wese uyinyuramo agomba gutanga ihoro. UB1 149.2

Ntushobora kuyinjiramo bitewe no kwibabaza cyangwa biturutse mu mirimo iyo ari yo yose wakora. Oya, Imana ubwayo niyo ifite uburenganzira bwo kuducira iyi nzira, kandi iruzuye, iratunganye, ku buryo umuntu adashobora kugira icyo yongera ku gutungana kwayo ku bw’imirimo ashobora gukora. Ni inzira yagutse bihagije mu kwakira umunyabyaha ruharwa wihannye, kandi ni inzira ifunganye cyane, iri hejuru cyane, ku buryo nta cyaha gishobora kwemerwa. UB1 149.3

Iyo Imana igaragaye nk’uko iri, ukuri k’umugisha kumurikana umucyo mushya kandi urushaho kugaragara. Igitamurura intekerezo mu rujijo ni

imirasire ishashagirana ya Zuba ryo Gukiranuka. Kandi hariho ibintu byinshi tutazasobanukirwa; ariko dufite ibyiringiro by'umugisha ko ibyo tutazi ubu, tuzabimenya nyuma y'ubu buzima.

IGICE CYA 23: KWIRINDA KUGENA IBIHE IBYO ARI BYO BYOSE

"Ntabwo ari ibyanyu kumenya iminsi n'ibihe 155 "

"Amaze kubabazwa ababonekera ari muzima, atanga ibimenyetso byinshi, agumya kubabonekera mu minsi mirongo ine avuga iby'Ubwami bw'Imana. Nuko abateraniriza hamwe, abategeka kutava i Yerusalemu ati: "Ahubwo murindire ibyo Data yasezeranije, ibyo nababwiye: kuko Yohana yabatirishaga amazi, ariko mwebwe ho mu minsi mike muzabatirishwa Mwuka Muziranenge." Nuko bamaze guterana baramubaza bati: "Mbese Mwami, iki ni cyo gihe wenda kugaruriramo Ubwami mu Bisirayeri?" Arabasubiza ati: "Si ibyanyu kumenya iby'iminsi cyangwa ibihe Data yagennye, ni ubutware bwe wenyine."" Ibyakozwe 1:3-7. UB1 150.1

Abigishwa bagize amatsiko yo kumenya igihe nyacyo cyo guhishurwa k'Ubwami bw'Imana; ariko Yesu ababwira ko atari ibyabo kumenya iminsi n'ibihe; kuko Se atabibahishuriye. Kumenya igihe ubwami bw'Imana buzashyirirwaho ntabwo cyari ikintu cy'ingenzi cyane kuri bo ngo bakimenye. Bagombaga kugaragaza ko bashishikajwe no gukurikira umwigisha wabo, basenga, bategereje, bari maso kandi bakora. Bagombaga kugaragariza isi kamere ya Kristo. Ibyo byari ibya ngombwa mu mibereho ya gikristo inesha mu bihe by'abigishwa, birakenewe no mu bihe byacu. "Arabasubiza ati: " Si ibyanyu kumenya iby'iminsi cyangwa ibihe Data yagennye, ni ubutware bwe wenyine. Icyakora muzahabwa imbaraga Mwuka Muziranenge nabamanukira." Nyuma y'uko Mwuka Muziranenge yabamanukiye, bagombaga gukora iki? "kandi muzaba abagabo bo ku mpamya i Yerusalemu n'i Yudaya yose n'i Samariya, no kugeza ku mpera y'isi" (Ibyak 1:7-8). UB1 150.2

Mukoreshe neza amahirwe y'iki gihe.

Uyu ni umurimo tugomba kwiyemeza. Aho kugira ngo twibereho dutegereje ibihe byihariye byo gukorwaho, dukwiriye gukoresha neza amahirwe yo muri iki gihe, dukora ibigomba gukorwa kugira ngo abantu bakizwe. Aho kugira ngo tumarire imbaraga z'ibitekerezo byacu mu kwibwira ibyerekeranye n'iminsi n'ibihe, ibyo Uwiteka afite mu bubasha bwe bwite, kandi byarahishwe abantu, dukwiriye ubwacu kwiyegurira mu maboko ya Mwuka Muziranenge, dukora imirimo yo muri ibi bihe, tugabura umutsima w'ubugingo, bitavanze n'ibitekerezo bya kimuntu, ku bantu barimbuka kubera kutamenya ukuri. UB1 150.3

Satani ahora yiteguye kuzuza inyigisho n'imigambi bizayobya mu ntekerezo z'abantu bikabavana mu kuri kw'iki gihe no kubabuza gutanga Ubutumwa bwa marayika wa gatatu ku isi. Byigeze kugenda bityo ; kuko Umukiza wacu akenshi yacyahaga abantu bahugiraga mu byo bitekerereza bagahora babaza ibyo Umwami atabahishuriye. Yesu yari yarazanywe mu isi no kwigisha abantu ukuri nyako, kandi yifuzaga gushimisha imitima yabo kugira ngo bemere kwakira no kubahiriza amategeko n'inyigisho bakora umurimo wabo muri iki gihe; kandi kuganira nawe byatumaga bunguka ubwenge bw'uwo mwanya cyangwa bw'umunsi wose. UB1 151.1

Yesu yaravuze ati : « Ubu nibwo bugingo buhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine bakamenya n'uwo yatumye ari we Yesu Kristo » Yohana 17 :3. Ibyakozwe byose kandi bikavugwa byari bifite intego imwe byerekezagaho ari yo : —gushimangira ukuri mu mitima yabo kugira ngo bazahabwe ubugingo buhoraho. Yesu ntiyazanywe no gutangaza abantu abatangariza igihe cyihariye kizabamo ikintu gikomeye cyenda kuzabaho ; ahubwo yazanywe no kwigisha no gukiza icyari cyazimiye. Ntabwo yazanywe no guteza amatsiko no gushimisha abantu kuko yari azi ko ibi bizatuma abantu barushaho kugira amatsiko no gutangara. Byari intego ye gutanga ubumenyi aho abantu bakura gukura mu by'Umwuka, bagakomeza kugendera mu nzira yo kubaho no gutungana by'ukuri. Yatanze inyigisho zashoboraga guhwana n'ibikenewe mu mibereho yabo ya buri munsi, gusa ukuri nk'uko kwashoboraga kugezwa ku bandi ngo nabo bagutunge. UB1 151.2

Nta guhishurirwa gushya yagejeje ku bantu, ahubwo yafunguriraga ubwenge bwabo ngo busobanukirwe n'ukuri kwari kwarigishijwe nabi kuva kera

n’abatambyi n’abigisha. Yesu yongeye guhesha agaciro ukuri mvajuru akwerekeza aho kugomba kuba, mu buryo kwari kwarahawe abakurambere n’abahanuzi. Nyuma y’uko bahabwa izi nyigisho z’ingenzi, yabasezeraniye kubaha Mwuka Muziranenge uzabibutsa ibyo yari yarababwiye byose. UB1 151.3

Dukomeje kuba mu ngorane zo kwishyira hejuru yo kwiyoroshya k’Ubutumwa bwiza. Hariho icyifuzo gikomeye ku bantu benshi cyo gutunguza isi ikintu kidasanzwe, kizashyira abantu mu munezero mwinshi wo mu buryo bw’Umwuka no guhindura imibereho ya bo muri iki gihe. Hariho ikintu gikenewe mu by’ukuri cyo guhindura uburyo bw’imibereho y’iki gihe; kuko guhabwa agaciro k’ukuri muri iki gihe ntabwo kuri nk’uko kwari gukwiriye kumera, ahubwo guhinduka dukeneye ni uguhinduka k’umutima, kandi gushobora gusa kubonwa no gushaka umugisha w’Imana umuntu ku giti cye, no kumwingingira kumuha imbaraga ye, no gusengera kugira ngo tubabarirwe by’ukuri kandi no kugira ngo kamere yacu ishobore guhindurwa. Uku ni ko guhinduka dukeneye ubungubu, kugirango tugire iyi mibereho dukwiriye kwitoza kwihangana no kwerekana umutima ufite umwete. Dukwiriye kwibaza mu kuri nyakuri tuti: “Nkore nte kugira ngo ndagwe ubugingo buhoraho ?” Luka 10: 25, 26. Dukwiriye kumenya intambwe dutera tugana mu ijuru. UB1 151.4

Umuburo wo kutagena ibihe.

Ubugari n’uburebure bw’ikijyepfo n’agaciro by’ukuri Kristo yahaye abigishwa be ntikwahawe agaciro kandi ntikwasobanutse, kandi na n’ubu niko bimeze mu bwoko bw’Imana. Natwe ni uko twananiwe kwakira ibikomeye, kurabukwa ubwiza bw’ukuri Imana yadushinze muri iki gihe. Iyaba twagenderaga mu bumenyi bw’ibya Mwuka, twabona ukuri kujya imbere kandi gukwirakwira ahantu tutizeraga cyane; ariko ntikuzigera gutera imbere mu buryo bwatuma dutekereza ko dushobora kumenya iminsi n’ibihe ibyo Imana ifite mu bubasha bwayo. Akenshi naburiwe ku byerekeranye no kugena igihe. Nta kindi gihe kindi hazabaho ubutumwa bwiza ku bantu b’Imana buzashingira ku gihe. Si ibyacu kumenya igihe nyacyo cyaba icyo gusukwa kwa Mwuka Muziranenge cyangwa icyo kugaruka kwa Kristo. UB1 152.1

Narimo nshakisha mu nyandiko zanjye, mbere yo kuza muri iri teraniro, ndeba icyo ndibujyane muri Australia; nahereyeko mbona ibahasha yari

yanditsweho, “Igihamya cyatanzwe ku byerekeye igihe cyagenwe, 21/6/1851. Narayifunguye, kandi aya magambo niyo nasomye mo ngo: ” Kopi y’iyerekwa Uwiteka yahaye Mushiki wacu Ellen G. White, 21/6/1851, i Canden, New York. Uwiteka yanyeretse y’uko ubutumwa bugomba gutambuka, kandi ko budakwiriye gushingira ku gihe, kuko igihe ntikizongera na rimwe gishingirwaho. Nabonaga ko bamwe bari mu byishimo bitari byo, bitewe no kubwiriza ku gihe, ko ubutumwa bwa marayika wa gatatu bushobora guhagarara bwemye; kandi ko budakeneye kugira igihe cyo kubukomeza, ko kandi buzagendera mu mbaraga ikomeye, bukora umurimo wabwo, kandi buzagabanurwaho mu gukiranuka. UB1 152.2

“Nabonaga bamwe bakora ibishoboka byose biganisha mu itumba ritaha; bisobanura, gukora imishinga yabo, bikuraho umutungo wabo mu byerekeranye n’icyo gihe. Nabonaga ko bitari byiza kubera iyi mpamvu: aho gusanga Imana buri munsi kandi babyifuza by’ukuri kugira ngo bamenye umurimo wabo muri iki gihe, batumbiriye imbere, bakora gahunda zabo nk’aho bari bazi ko umurimo wabo urangira mu iri tumba, batagombye kubaza Imana uruhare rwabo rwa buri munsi. — Ellen G. White. UB1 152.3

” Byandikiwe i Milton, 29/6/1851, AAG” UB1 152.4

Iyi ni inyandiko nagezeho ku wa kabiri w’isabato mu cyumweru gishize ndimo gushakisha inyandiko zanjye, kandi hano hari indi yanditswe ku muntu wagenaga igihe mu 1844, anohereza hirya no hino ibitekerezo bye kugira ngo yumvikanishe intekerezo ze. Raporo yerekeranye n’ibyo yakoraga yangejejweho i Jackson (Michigan) mu iteraniro rikuru, kandi nabwiye abantu ko badakwiriye kwita ku byo yavugaga, kuko yahanuye ibitashoboraga kubaho. Iminsi n’ibihe Imana yabirekeye mu bubasha bwayo. Ni kuki itaduhaye ku bimenya? — kuko ntitwari kubikoresha neza niba yarabitubwiye. Ingaruka y’ibi bintu yari kuva mu kubimenya kw’abantu bacu ni uko umurimo w’Imana wari kudindira cyane mu gutegura abantu kuzahagarara ku munsi ukomeye ugiye kuza. Ntabwo dukwiriye kurambiriza ku gihe kidutera ibyishimo. Ntabwo dukwiriye gutwarwa n’ibivugwa ku bijyanye n’iminsi n’ibihe Imana itaduhishuriye. Yesu yabwiye abigishwa be “kuba maso” ariko atari igihe runaka kizwi. Abayoboke be bakwiriye kuba mu mwanya w’abantu bumva amabwiriza y’Umuyobozi wabo; bakwiriye kuba maso, gutegereza, gusenga no gukora, mu gihe bategereje igihe cyo kuza k’Umwami; ariko nta n’umwe ushobora guhanura igihe nyacyo

bizabera, kuko “ku byerekeranye n’umunsi n’isaha nta n’umwe ubizi.” Ntuzashobora kwemeza ko azaza mu mwaka, ibiri cyangwa imyaka itanu, cyangwa kuvuguruza ibingibi uvuga ko bidashobora kuba mu myaka cumi cyangwa makumyabiri. UB1 152.5

Kugira amatabaza ateguye kandi yaka.

Ubwoko bw’Imana bufite inshingano yo kugira amatabaza yabwo ateguye kandi yaka no kuba nk’abantu bategereje umukwe igihe azazira ava mu bukwe. Nta gihe mufite cyo gutakaza mukerensa iby’agakiza gakomeye mwahawe. Igihe cy’imbabazi z’abantu kiri bugufi kurangira. Umunsi ku wundi aho abantu bagomba kuzajya harashyirwaho ikimenyetso, ndetse no muri uru rusengero ntabwo tuzi igihe abantu benshi bazasinzirira bagashyingurwa. Dukwiriye kuzirikana ko ubuzima bwacu buhita bwangu, ko nta mahoro dufite n’akanya na gato keretse ubugingo bwacu buhishanywe na Kristo mu Mana. Inshingano yacu ntabwo ari ugutegereza igihe kimwe cy’umwihariko cy’umurimo w’umwihariko tuzakorerwa; ahubwo dukomeze gukora umurimo wacu wo kuburira isi, kuko dukwiriye kuba abahamya ba Kristo mu mpande zose z’isi UB1 153.1

Ahatuzengurutse hose hari abasore, none turi gukorera iki abatihannye n’abatarahinduka? Babyeyi, mu muhati w’urukundo rwanyu rwa mbere, murashakira abana banyu guhinduka; cyangwa se muhugiye mu bibazo by’iyi mibereho ku buryo mudakoresha umurava mu gukorana n’Imana? Mbese munejejwe n’umurimo n’ubutumwa bwa Mwuka Muziranenge? Ese mubona ko Mwuka Muziranenge ari umuyoboro udushoboza kugera ku batuzengurutse? Igihe iri teraniro rirangiye, ese muzava hano mwibagiwe ibyo mwasabwe gukora? Ese ubutumwa bw’imbuzi buzagendera aho, noneho ukuri mwumvise gukurwe mu mitima yanyu nk’uko amazi ameneka ava mu kibindi kimenetse? UB1 153.2

Intumwa Pawulo iravuga iti: “Ni cyo gituma dukwiriye kurushaho kugira umwete wo kwita ku byo twumvise, kugira ngo tudatembanwa tukabivamo. Mbese ubwo ijambo ryavugiwe mu kanwa k’abamarayika ryakomeye, kandi ibicumuro byose no kutaryumvira bikiturwa ingaruka ibikwiriye, twebwe ho tuzarokoka dute nitwirengagiza agakiza gakomeye gatyo, kabanje kuvugwa

n’Umwami wacu natwe tukagahamirizwa n’abamwumvise, Imana ifatanije nabo guhamya ihamirisha ibimenyetso n’ibitangaza n’imirimo ikomeye y’uburyo bwinshi, n’impano za Mwuka Wera nk’uko yabishatse?” Abah 2:1-4. UB1 154.1

Ijwi ry’Ubutumwa bwa marayika wa gatatu riragenda ryiyongera, kandi ntimugomba kwitwaza umudendezo kugira ngo mwirengagize umurimo wo muri iki gihe, kandi mukomeze igitekerezo ko igihe kimwe kizaza, muzaba ibigega by’umugisha ukomeye, igihe mu ruhande rwanyu ububyutse butangaje buzabaho nta mwete mugaragaje. Mukwiriye kwiyegurira Imana uyu munsi, kugira ngo ibashe kubagira igikoresho gihesheje icyubahiro, cyo gukora umurimo wayo. Uyu munsi mukwiriye kwiyegurira Imana ubwanyu, mukwiriye kwiyambura inarijye, irari, ishyari, gusebanya, amakimbirane, ikintu cyose kidahesha Imana icyubahiro. Uyu munsi mukwiriye kugira igikoresho cyanyu gitunganye kandi cyiteguye kwakira ikime kiva mu ijuru, cyiteguriwe imigisha y’imvura y’itumba; kuko imvura y’itumba izaza, kandi umugisha w’Imana uzuzura umutima wose udafite inenge iyo ari yo yose. Ni umurimo wacu uyu munsi kwegurira imitima yacu Kristo, kugira ngo tube twiteguye igihe cy’ihembura kiza gituruka ku bwiza bw’Uwiteka — dukwiriye kuba twiteguye kubatizwa na Mwuka Muziranenge. 156

Igihe kitahishuwe.

Imana ntiyaduhishuriye igihe ubu butumwa buzarangirira; cyangwa igihe imbabazi zizarangirira. Ibyahishuwe ni ibyacu n’abana bacu; ariko reka twe kurwanira kumenya icyo yagize ibanga mu nama z’Ishoborabyose. Ni uruhare rwacu kuba maso, gukora no gutegereza dufasha buri gihe imitima y’abantu bari hafi kurimbuka. Dukwiriye gukomeza kugendera munsi y’ibirenge bya Yesu, dusohoza ubushake bwe, dutanga impano ze nk’ibisonga byiza dukwirakwiza ubuntu bw’Imana. Satani yiteguye guha umuntu uwo ariwe wese utagira icyo yigira kuri Yesu buri munsi, ubutumwa bwihariye yihimbiye ubwe bwite, kugira ngo ukuri guhebuje ko muri iki gihe kutagira agaciro.UB1 154.3

Amabaruwa yangezeho bambaza niba mfite umucyo w’umwihariko ku bijyanye n’igihe imbabazi zizarangirira; nkabasubiza yuko mfite gusa ubu butumwa bwo gutanga, ko ari igihe cyo gukora hakiri kumanywa, kuko ijoro

riregereje aho umuntu adashobora gukora. None ubu, ni igihe cyo kugira ngo tube maso, dukore kandi dutegereze. Ijambo ry'Uwiteka riragaragaza ko iherezo rya byose riri bugufi, kandi igihamya cyaryo cyemeza ko ari ngombwa ku muntu wese kugira ukuri gushimangiye mu mutima kugira ngo kugenge imibereho kandi kweze kamere. Umwuka w'Uwiteka arakora mu kujyana ukuri kw'Ijambo ryahumetswe no kurishimangira mu mitima kugira ngo abahamya ko ari abayoboke ba Kristo bazagire ibyishimo bitunganye kandi byuzuye bazashobora gushyikiriza abandi. Igihe cy'amahirwe cyo gukora ni iki, ubu nonaha, hakiri ku manywa. Ariko nta tegeko ritegeka umuntu uwo ari we wese gushaka mu byanditswe kugira ngo habeho kwemeza niba bishoboka, igihe imbabazi zizarangirira. Imana ntifite ubutumwa nk'ubu ku muntu uwo ari we wese upfa. Ntishaka ko ururimi rupfa ruvuga ibyo yagize ubwiru mu nama zayo. 157 UB1 154.4

Mube maso kandi musenge.

Nta gihe nyirizina mfite cyo kuvuga igihe Mwuka Muziranenge azasukwa — igihe marayika ukomeye azamanuka ava mu ijuru agafatanya na marayika wa gatatu mu kurangiza umurimo wo kuri iyi si; ubutumwa bwanjye ni uko amahoro yacu gusa ari ukuba twiteguye gusubizwamo imbaraga n'Imana, dufite amatabaza yacu acanye kandi amurika. Kristo yatubwiye ko tuba maso "kuko igihe mudatekereza ari cyo Umwana w'Umuntu azaziramo" (Matayo 24:44) , "mube maso kandi musenge" ni inshingano twahawe n'Umucunguzi wacu. Umunsi ku wundi dukwiriye gushaka kumurikirwa na Mwuka w'Imana, kugira ngo akore umurimo we mu mutima no mu mico. Mbega igihe twatakaje twita ku bintu bidafite agaciro! Mwihane kandi muhinduke, kugira ngo ibyaha byanyu bihanagurwe igihe cyo guhemburwa giturutse ku Uwiteka.

IGICE CYA 24: ALUFA NA OMEGA

[Mu mpeshyi yo mu 1904, ku ngingo ikomeye yateje ingorane yakwirakwijwe na Dr J. H Kellogg avuga ko Imana iba mu kintu cyose, kandi mu gihe yashyiragaho amabwiriza atumvikana afitanye isano n'imikorere y'umurimo wacu w'ubuganga; Ellen G. White yagiye amuburira mu nyandiko zashyizwe hamwe kandi "zandikiwe na nyir'ubwite" mu nyandiko y'amapaji 60, ibihamya

by’umwihariko, umuzingo B, n° 2. Iyi nyandiko ifite umutwe ugira uti “Ibihamya by’Itorero birimo amabaruwa y’abaganga n’abagabura bifite Ubutumwa bw’imbuzi no kumugira inama no kumuhugura ku bijyanye n’ibihe turimo.” Muri ubu buryo bubiri yakoresheje yerekeza kuri Alufa na Omega (Itangiriro n’Iherezo).” Hakurikiraho ingingo ebyiri nk’uko zose ziri zakuwe mu nyandiko. Inama zikurikira zerekeza ku kuvuga ko Imana iba mu kintu cyose zishobora kuboneka mu Bihamya, Umuzingo wa 8, pp 255-318 n’Umurimo w’ubuvuzi pp 427-438. Ku bijyanye n’uko Imana iba mu kintu cyose, reba Impano Ihoraho y’Ubuhanuzi bwa A.G Daniell, pp 330-342, n’Impano z’Umwuka ya L.H Christian, pp 277-296 -- Abakusanyije izi nyandiko. UB1 156.1

IGISHA IJAMBO

Washington, D.C
24/7/1904

Ku bayobozi bacu b’abaganga,

Ku bakozi bagenzi bacu: Nabyutse saa tanu. Imbere yanjye hacaga ibintu bikomeye ku buryo ntashoboraga gusinzira. Ijambo ry’Uwiteka ryanjeho rivuga ko hari umurimo ugomba gukorwa wo kuburira abavugabutumwa b’abaganga ku kurwanya ingorane n’ibibazo bibugarije. UB1 156.2

Uwiteka ahamagarira abashinzwe amavuriro yacu kugera ku rugero rwo hejuru. Ikinyoma ntaho gihuriye n’ukuri. Niba dukurikiye mu buryarya imigani ihimbwe, tuba dufatanyije n’imbaraga z’umwanzi mu kurwanya Imana na Kristo. Imana ihamagarira abantu bikoreye umutwaro washyizweho n’abantu kuwutura no kudakomeza kuba imbata z’abantu. UB1 156.3

Urugamba ruracyariho. Satani n’abamarayika be bakorana ubuhenzi bwose bwo gukiranirwa. Bagerageza ubutarambirwa n’umwete wabo wose gukura abantu mu kuri no mu gukiranuka; ngo buzuze ahantu hose imbuto zo kurimbuka. Bakorana n’uruganda rutangaje mu kubeshya abantu benshi babagira imbata. Bakomeje umurego ubudacogora. Umwanzi ashakisha buri gihe kujyana abantu mu buhemu no gushidikanya. Yifuza ko twatandukana n’Imana ndetse na Kristo, wigize umuntu akabana na twe atwigisha ko mu kugendera mu bushake bw’Imana dushobora gutsinda icyaha. UB1 156.4

Kurwana n’ikibi cy’uburyo bwose

Ikibi gitegereje kuturwanya mu buryo bwose. Uburyarya, ruswa, ubushukanyi, gusezeranya ibitangaza, bizarushaho gukoreshwa cyane kandi mu mayeri. UB1 157.1

Uwiteka arabaza ati: “Abagaragu b’Imana barakora iki bashyiraho uruzitiro ngo barwanye iki cyago? Abambari b’umwanzi barakora ubutitsa barwanya ukuri. Abungeri b’abiringirwa b’umukumbi w’Uwiteka bari hehe? Mbese abarinzi be bari hehe? Ese bahagaze hejuru y’umunara, baburira abantu ku kaga kariho, cyangwa bemera ko icyago gihita ntawe ukivuzeho? Mbese abavugabutumwa b’abaganga bari he? Bakorana na Kristo, bikoreye umutwaro we; cyangwa bikoreye umutwaro w’ibyashyizweho n’abantu? UB1 157.2

Satani n’abamarayika be barakora ibishoboka byose kugira ngo bigarurire ibitekerezo, kugira ngo abantu batwarwe n’ibinyoma n’imigani iryoheye amatwi. Ese abaganga bacu bazamura ikimenyetso cy’imbuzi z’akaga? Ese abantu bashyizwe mu myanya y’ubuyobozi mu mavuriro yacu bavuga iby’ako kaga? Cyangwa se abarinzi benshi barasinziriye, mu gihe indimi zisebanya n’intekerezo zatyajwe no kwitaza ukuri igihe kirekire, zikomeje umurimo wo gutera urujijo no gushyira mu bikorwa imigambi yacuzwe n’umwanzi?” UB1 157.3

Nyamuneka nimusome icyo Pawulo yashishikarije Abakolosayi kwitaho. Aravuga mu cyifuzo cye gikomeye ko imitima y’abizera ishobora kuba “ifatanirije hamwe mu rukundo ngo bahabwe ubutunzi bwose bwo kumenya neza mu mitima yabo, bamenye ubwiru bw’Imana aribwo Kristo. Muri we ni mo ubutunzi bwose bw’ubwenge no kumenya bwahishwe” Abakol 2:2, 3. Yakomeje agira ati: “Mvugiye ibyo kugira ngo hatagira ubashukisha amagambo yoshya…Nuko rero nk’uko mwakiriye Kristo Yesu Umwami wacu abe ari ko mugendera muri we, mushoreye imizi muri we kandi mwubatswe muri we, mukomejwe no kwizera nk’uko mwigishijwe, mufite ishimwe ryinshi risesekaye. Mwirinde, hatagira umuntu ubanyagisha ubwenge bw’abantu n’ibihendo by’ubusa bikurikiza imihango y’abantu, iyo bahawe na ba sekuruza ho akarande kandi bigakurikiza imigenzereze ya mbere y’iby’isi bidakurikiza Kristo. Nyamara

muri we ni ho hari kuzura k'Ubumana kose mu buryo bw'umubiri. " Abakol 2:4-9. UB1 157.4

Ese abantu bo mu bigo byacu bazaceceka, bemerera inyigisho zipfuye gukomeza kwigishirizwa gutuma abantu barimbuka? Imigambi y'umwanzi iri gukwirakwizwa ahantu hose. Imbuto z'amacakubiri, zo kutizera n'iz'ubuhemu zirimo zirabibwa. Ese abavugabutumwa bacu b'abaganga ntibazahaguruka ngo barwanye iki cyago? Ese si igihe cyo kwibaza ubwacu, niba tuzemerera umwanzi kudutera kureka umurimo wo kwamamaza ukuri? Ese tuzamureka aduce intege twe gukomeza kuba imiyoboro y'imigisha y'ubutumwa bwiza, nk'imibereho ya none, izasukwa ku isi? Reka umuntu wese ahaguruke ubu, kandi akore agifite amahirwe. Reka abwirize mu gihe gikwiriye n'igihe kidakwiriye, kandi ahange amaso kuri Kristo kugira ngo amukomeze amuhe n'imbaraga zo gukora neza. UB1 157.5

Akaga gakomeje kwiyongera.

Akaga gakomeje kutwugariza kiyongera. Igihe kiraje ngo twambare intwaro zose z'Imana, kandi turwanye Satani dushyireho umwete kugira ngo atagira icyo yuririraho kindi. Abamarayika b'Imana, barushijeho kugira imbaraga zihagije, bategereje ko tubahamagarira kudufasha, kugira ngo kwizera kwacu kudacibwa intege no gukomera kw'intambara. Dukeneye guhabwa imbaraga nshya ubu. Igikorwa cyo kuba maso kirakwiriye. Kutagira icyo witayeho no kudashaka gukora bizatuma utakaza kumenya Imana ndetse n'ijuru. UB1 158.1

Muri iki gihe ubutumwa bwa Lawodikiya bukwiriye gutangwa mu gukangura itorero risinziriye. Reka igitekerezo cy'uko igihe gisigaye ari gito gitume mugira umuhati udacogora. mwibuke ko Satani yamanukiye isi n'imbaraga ikomeye, akoresheje ubushukanyi bwose byo gukiranirwa ku barimbuka. UB1 158.2

Ibihe byinshi abaganga bacu bigishijwe gutekereza ko batagomba gukoresha amarangamutima atandukanye n'ay'umuyobozi wabo 159. Byari kuba byiza batuye umutwaro! Iyo bajya kuvuga icyaha mu izina ryacyo. N'ubwo bashegeshwe n'inshingano zikomeye, ntabwo bajyaga kugaragara mu nkiko

z’ijuru nk’abantu bananiwe kuvugisha ukuri mu gucyaha abantu batumviye Ijambo ry’Imana. UB1 158.3

Baganga, mbese mwakomeje gukora umurimo wa Shobuja mutega amatwi ubusobanuro bupfuye bw’ibyanditswe; ubusobanuro budaha agaciro urufatiro rwo kwizera kwacu kandi mukicecekera? Imana iravuga iti: “Ntabwo nzakomeza kubana na mwe niba mudahagurutse ngo mugaragaze ukuri k’Umucunguzi wanyu.” UB1 158.4

Inyigisho zitesha agaciro urufatiro.

Ubutumwa bwanjye kuri mwe ni ubu: Ntimukomeze gutega amatwi nta guhinyuza ubuyobe buhindura ukuri. Mwitandukanye n’inyigisho z’uburyarya, mu gihe zakiriwe, bizatuma abagabura, abaganga n’abakozi b’abaganga bavuga ubutumwa batita ku kuri. Buri muntu ubungubu yirinde ubwe. Imana ihamagarira abagabo n’abagore guhagarara munsi y’ibendera ryogejwe n’amaraso y’Igikomangoma Imanueli. Nabwiwe kuburira abantu bacu; kuko benshi bari mu ngorane zo kwakira inyigisho z’abantu zitesha agaciro inkingi z’urufatiro rwo kwizera. UB1 158.5

Rimwe na rimwe abaganga bacu baganira igihe kirekire, igihe bitwararitse kandi bahagaritse umutima, n’igihe kidakwiriye. Abaganga b’abavugabutumwa bakwiriye kureka kumara amajoro maremare y’ibiganiro. Aya majoro y’ibiganiro yabaye ibihe Satani n’amayeri ye yagiye avutsa umwe umwe kwizera kwari kwaramaze guhabwa abizera. Ibitekerezo by’ubwenge birabagirana akenshi bituruka ku mutima ugengwa n’umushukanyi mukuru. Abumva kandi bakemera, bazashukwa nk’uko Eva yohejwe n’amagambo y’inzoka. Ntibashobora gutega amatwi ubwenge bushukana, kandi ngo banashobore gukomeza neza ijambo ry’Imana ihoraho mu mitima yabo. UB1 159.1

Abaganga bacu batesheje agaciro kanini imibereho yabo kuko bishoye mu bintu bibi kandi bumva amagambo mabi yavuzwe, babonye hanyuma inkurikizi mbi, batigeze bacyaha, kubera yuko bashobora kubashushubikanya. Ndahamagarira abantu bose baboshywe n’ibi bintu byabazitiye igihe kirekire, kugira ngo bikureho uwo mutwaro maze bagire umudendezo muri Kristo. Nta

kintu na kimwe gishobora gukorwa ngo babohorwe izo ngoyi uretse kubigiramo umwete UB1 159.2

Alufa noneho riraboneka.

Ntimuyobe, benshi bazava mu kwizera, bakurikire imyuka iyobya n'inyigisho z'abadayimoni. Imbere yacu tuhafite itangiriro (Alufa) ry'aka kaga kandi iherezo (Omega) rizabagwa gitumo. UB1 159.3

Dukeneye kwiga amagambo Kristo yavuze mu isengesho yasenze mbere gato y'uko ageragezwa kandi akanabambwa. "Yesu amaze kuvuga ibyo, yubura amaso areba mu ijuru ati ' Data, igihe kirasohoye, ubahiriza Umwana wawe ngo Umwana akubahishe, nk'uko wamuhaye ubutware ku bantu bawe, kugira ngo abo wamuhaye bose abahe ubugingo buhoraho. Ubu ni bwo bugingo buhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye ari we Yesu Kristo. Nakubahishije mu isi, kuko narangije umurimo wampaye gukora. Nanone Data, imbere yawe unyubahirishe cya Cyubahiro nahoranye ndi kumwe nawe isi itararemwa. Abo wampaye mu isi mbamenyesheje izina ryawe. Bari abawe urabampa, none dore bitondeye Ijambo ryawe" Yohana 17:1-7. UB1 159.4

Abakristo bakwiriye kwerekana ubutungane

Gukiranuka kw'Imana kurahebuje. Uku gukiranuka kugaragarira mu mirimo yayo yose no mu mategeko yayo yose. Nk'uko Imana iri, niko n'ubwoko bwayo bukwiriye kumera. Imibereho ya Kristo ikwiriye kugaragarira mu mibereho y'abayoboke be. Mu byo yakoraga byose mu ruhame cyangwa yiherereye, mu byo yavugaga byose n'ibyo yakoraga, kubaha Imana byarigaragazaga kandi uko kubaha Imana gukwiriye kuboneka mu mibereho y'abigishwa be. UB1 159.5

Abemera kugendera mu mucyo bahawe bazagaragaza ubwiza bwa kamere ya Kristo mu mibereho yabo ya buri munsi. Kristo ntiyigeze akora icyaha, kuko nta cyaha cyabaga muri we. Imana yanyeretse ko imibereho y'abizera ikwiriye kwerekana gukiranuka mu mibereho yabo. UB1 160.1

Ese Imana ntiyabivuze mu ijambo ryayo ku bijyanye n'ibihe bikomeye byenda kubaho? Igihe musoma ibi mbese mwizera ibyo ivuga? Cyangwa se mwaretse kwizera Imana kwanyu bitewe no kumva inyigisho z'uburyarya ziyobya? Ese hari imbaraga iyo ari yo yose yakuraho igihano mugomba guhanwa muramutse muticishije bugufi mu mitima yanyu imbere y'Imana kandi mwatura ibyaha byanyu? Mbese bene Data bimeze bite mu murimo w'ivugabutumwa ry'abaganga? Ntabwo Imana ihoraho ivuganira namwe mu ijambo ryayo ku bijyanye n'ibizaba birimo byigaragaza mu gusohoza iryo jambo? Vuba aha imikorere ya nyuma y'umuntu izagaragara. Mbese imibereho yanyu yamaze gutunganwa ku buryo mushobora gupimwa ku minzani yo kwera igasangwa mushyitse? Cyangwa se kwizera kwanyu kwarahinduwe kandi kurazitirwa kugera igihe guhindutse kutizera? Ese kumvira abantu kwanyu kwabahindukiye kutumvira Imana? "Ngaho nimwisuzume ubwanyu, mumenye yuko mukiri mu byo twizera kandi mwigerageze" 2 Abakorinto 13:5. 160 —

WIRINDE

Washington, D.C ,
7/8/1904

Kuri mugenzi wanjye,

Nahawe ubutumwa bwawe n'abandi baganga bagize itsinda ry'abaganga b'abavugabutumwa. Muzibukire uruhare rw'igitabo cyitwa "Book living Temple 161 " kuko kirimo intekerezo zitari ukuri. Hari ingingo zirimo z'ukuri, ariko zivanze n'ibinyoma. Ibyanditswe bikoreshwa ahatari ihuriro, kandi bigakoreshwa mu gukomeza inyigisho zabo zipfuye. UB1 160.3

Gutekereza ku makosa ari muri iki gitabo byatumye ngira impungenge zikomeye, kandi n'imibereho nagize bitewe n'iki kibazo yari igiye gutuma ntakaza ubuzima bwanjye. UB1 160.4

Bizavugwa ko "Living Temple" cyasubiwemo. Ariko Uwiteka yanyeretse yuko umwanditsi atahindutse, kandi yuko nta bumwe bushobora kubaho hagati ye n'abagabura b'ubutumwa bwiza mu gihe akomeje gukunda ibitekerezo bye byo muri iki gihe. Nsabwa kurangurura ijwi ryanjye mburira abantu bacu ngira nti: "ntimuyobe: Imana ntinegurizwa izuru …" Abagalatiya 6:7. UB1 161.1

Wahawe ibihamya by'Itorero, imizingo ya 7 na 8. Muri ibi Bihamya hagaragaramo ikimenyetso cy'ingorane. Ariko umucyo wumvikana kandi ugaragarira imitima itigeze itwarwa n'inyigisho mpimbano, ntabwo wamenyekanye kuri bamwe. Mu gihe inyigisho ziyobya zo muri iki gitabo zishyigikirwa n'abaganga bacu, nta kintu gishobora kubahuza n'abagabura b'ubutumwa bwiza. Nta bwumvikane bwagombye kubaho kugeza habonetse impinduka. UB1 161.2

Igihe abavugabutumwa b'abaganga bavura kandi batanga urugero bihwanye n'izina bitirirwa; igihe bumva ko bakeneye kwifatanya n'abagabura b'ubutumwa bwiza, ubwo nibwo hashobora kubaho guhuza ibikorwa. Ariko tugomba guhakana twimazeyo kuvanwa ku rufatiro rw'ukuri guhoraho kwahagaze gushikamye kuva mu 1844 .UB1 161.3

Alufa wavuzwe muri "Living Temple"

Nasabwe kwerura mu buryo bugaragara ngira nti: " Hura na ryo" ni ijambo nabwiwe. « Hura na ryo ; Ryemerere ukomeje, kandi udatinze. » Ariko ntibikwiriye gukorwa n'imbaraga zacu z'aho dukorera kugira ngo tugenzure inyigisho n'ingingo zitumvikanwaho. Nta suzuma nk'iryo rikwiriye gukorwa. Mu gitabo Living Temple harimo Alufa w'inyigisho ziyobya zishobora guteza ingorane. Omega azakurikira kandi azakirwa n'abantu batifuza gukurikiza umuburo Imana yabahaye. UB1 161.4

Abavuzi bacu, bafite inshingano zikomeye, bakwiriye kumenya neza kurondora iby'Umwuka. Bakwiriye gukomeza kwirinda bashikamye. Ingorane tudashobora kurondora ubungubu ziradusatira, kandi ndifuza cyane yuko batazashukwa. Ndifuza cyane kubabona bari mu mudendezo w'Uwiteka. Ndasaba yuko bagira ubutwari bwo guhagararira ukuri nk'uko kuri muri Yesu, bashikamye mu byiringiro batangiranye gushyika kw'iherezo. 162 —

Uwiteka azashyira mu murimo we imbaraga nshya kandi nzima igihe abantu bamukorera bubahiriza itegeko ryo kujya imbere bamamaza ukuri. Uwavuze yuko ukuri kwe gukwiriye kurabagirana igihe cyose, azakoresha intumwa zizamamaza uko kuri, zikakwamamarisha ijwi ryihariye ry'impanda. Ukuri kuzanengwa, kuzasebywa, gusekwe; ariko uko kuzarushaho gusuzumwa no kugeragezwa, ni ko kuzarushaho kurabagirana. UB1 162.1

Nk'abantu dukwiriye guhagarara dushikamye ku rufatiro rw'ukuri kw'iteka twihanganiye kugeragezwa n'ingorane. Dukwiriye gukomeza urufatiro rwo kwizera kwacu. Amahame y'ukuri Imana yaduhishuriye niyo yonyine rufatiro rwacu rw'ukuri. Yatugize abo turi bo. Uko igihe gihita ntacyo kigabanya ku gaciro kayo. Ni umwanzi ukomeje umurava wo gusimbuza uku kuri inyigisho z'ibinyoma. Azakoresha ikintu cyose azaba afite kugira ngo imigambi ye iyobya isohore. Ariko Uwiteka azahagurutsa abantu bashishoza bazatuma uku kuri kugira umwanya wako mu mugambi w'Imana. UB1 162.2

Neretswe n'intumwa mvajuru ko ibintu bimwe biri mu gitabo "Living Temple" zidahwitse kandi ko zishobora kuyobya intekerezo z'abantu badashikamye mu mahame y'ukuri ko muri iki gihe. Igice gitangira ntacyo kivuga usibye inyigisho ziyobya ku bijyanye n'uko Imana iri ndetse n'aho iba. Nta n'umwe ufite uburenganzira ku isi bwo kuvuga ibyo yishakiye kuri iki kibazo. Uko izi nyigisho ziyobya zirushaho kuvugwaho ni nako abantu bagabanuka mu kumenya Imana n'ukuri kweza umutima. UB1 162.3

Abantu baransanze, umwe umwe bambaza gusobanura aho twabarira igitabo cyitwa "Living Temple." Mbasubiza ko " hadasobanutse." Ibitekerezo bivugwamo ntacyo bigaragaza ku kumenya Imana by'ukuri. Muri iki gitabo cyose habonekamo imirongo y'ibyanditswe. Iyi mirongo y'ibyanditswe yashyizwemo kugira ngo ikinyoma kigaragare nk'ukuri. Inyigisho z'ibinyoma zigaragazwa mu buryo bunezeza abantu ku buryo batabyitondeye, kandi benshi bazayobywa. UB1 162.4

Ntidukeneye inyigisho z'ibihimbano ziri muri iki gitabo. Abakira izi nyigisho zibeshya bazibona vuba ahantu umwanzi abasha kuvugana na bo no kubatandukanya n'Imana. Biranyereka ko umwanditsi w'iki gitabo ari mu inzira itari iy'ukuri. Ari kure, atandukanya ukuri ko muri iki gihe. Ntazi aho intambwe

ze zerekeza. Inzira y'ukuri ibangikanye n'inzira y'ikinyoma, ariko abadakoreshwa na Mwuka Muziranenge babona izi nzira ari zimwe; ukuri n'ikinyoma ntibishobora gutandukanywa ku buryo bworoshye. UB1 162.5

Kubona ingorane zidusatira

Igihe igitabo Living Temple cyandikiwe, nabyeretswe nijoro, cyerekana ko ingorane zimwe zasatiraga; kandi ko ngomba kubyitegura nandika ibyo Imana yari yampishuriye kubyerekeranye n'urufatiro rw'amahame yo kwizera kwacu. Nohererejwe kopi y'icyo gitabo; ariko sinigeze ngisoma n'ubwo cyari mu bitabo byanjye. Nkurikije umucyo nahawe n'Uwiteka, nari nzi ko ingingo zimwe ziri muri iki gitabo zitatanzwe n'Imana, kandi ko zari umutego Satani yari yarateguriye ibihe by'imperuka. Natekerezaga ko ibi byagombaga kumenyekana mu by'ukuri, kandi ko bitari ngonbwa ko ngira icyo mbivugaho. UB1 163.1

Mu makimbirane yagaragariye muri bene Data ku byerekeranye n'inyigisho ziri muri iki gitabo, abari bashyigikiye ko kijya ku isoko bavuze ko "kirimo ingingo nyirizina nk'izo Madame White yigisha." Iyi ngingo yampinguranije umutima. Kuko nari namenye ko ibyavuzwemo bitari ukuri. UB1 163.2

Nyuma umuhungu wanjye yarambwiye ati: "Mama wari ukwiye gusoma ibice bimwe by'iki gitabo kugira ngo ugenzure niba bihwanye n'umucyo Imana yakweretse." Yanyicaye iruhande dufatanya gusoma amagambo y'ibanze, igice cya mbere hafi cyose n'ibika by'ibindi bice bindi. UB1 163.3

Ubwo twasomaga, nibutse ingingo nyirizina nari narasabwe kuburiraho abantu mu minsi ya mbere y'umurimo wanjye nakoreraga muri rusange. Igihe navaga muri Leta ya Maine, nagombaga kubanza i Vermont na Massachusetts, aho nari nkwiriye gutanga ubuhamya burwanya izi nyigisho. Living temple niyo nyirabayazana y'izi nyigisho. Nari nzi ko mu gihe gitoya hazabaho ingaruka bituma abantu bacu mbagirira impungenge. Nari nzi ko ngomba kuburira bene Data na bashiki bacu kutishora mu mpaka z'uko Imana iriho n'uko imeze. Ingingo zanditswe muri Living Temple ku bijyanye n'iki kibazo ntabwo ari iz'ukuri. Inyandiko yakoreshejwe mu kwemeza inyigisho yashyizwemo ni inyandiko ikoreshejwe mu buryo budakwiriye. UB1 163.4

Ndahatirwa guhakana ibyo inyigisho zo muri “Living Temple” zivuga ko zishobora gushyigikirwa n’ingingo zikuwe mu nyandiko zanjye. Hashobora kuba hariho muri iki gitabo imvugo n’ingingo zihuje n’inyandiko zanjye. Kandi hashobora kuba hari mu nyandiko zanjye ingingo nyinshi, zifashwe mu buryo buhuye, kandi zigasobanurwa zikurikije intekerezo z’umwanditsi wa Living Temple, bisa nk’aho ari zimwe n’inyigisho zo muri iki gitabo. Ibi bishobora gutanga inyunganizi ku bivugwa y’uko ingingo ziri muri Living Temple zihuje n’inyandiko zanjye. Ariko Imana yabuzanije ko izi ngingo zahabwa agaciro. UB1 163.5

Ni bakeya bashobora kurondora ingaruka ziriho z’inyigisho zidahwitse zigishwa na bamwe muri iki gihe. Ariko Uwiteka yakinguye umwenda aherako anyereka ingaruka izakurikira. Inyigisho z’ubupfumu zerekeranye n’uko Imana imeze, zijyane n’imyanzuro y’inyurabwenge, zihanaguraho ubutunzi bwose bwa gikristo. Bavuga ko umucyo Kristo yazaniye Yohana awuvanye mu ijuru ngo awugeze ku bantu nta gaciro ufite. Bigisha ko ibyo tubona nta gaciro gahagije bifite ngo bibe bigomba kwitabwaho. Nta gaciro baha ukuri kwavuye mu ijuru bagatuma abantu b’Imana bibagirwa imibereho yabo ya mbere, bagatanga ubumenyi butari bwo. UB1 163.6

Mu iyerekwa rya n’ijoro nagize, neretswe ko izi ngingo zafashwe n’abantu bamwe nk’ukuri gukomeye kugomba guhabwa agaciro muri iki gihe. Neretswe urufatiro rushikamye ku biti bikomeye, ukuri kw’ijambo ry’Imana. Umuntu umwe ufite inshingano yo mu rwego rwo hejuru mu murimo w’ubuganga yategekaga uyu muntu n’uriya wundi ngo kubabanye umurego w’ibiti bishyigikiye urufatiro. Numvise ijwi rivuga riti: “abarinzi bari hehe bagomba guhagarara ku nkike za Siyoni? Ese barasinziriye? Uru rufatiro rwashyizweho na Databuja, ruzarwanywa n’umuyaga n’umuraba. Ese bizareka uyu muntu yigishe inyigisho zirwanya imibereho ya mbere y’abantu b’Imana? Igihe kirasohoye cyo gufata icyemezo kidakuka. UB1 164.1

“Umwanzi w’abantu yashatse kuzana ishidikanya rivuga ku ivugurura rikomeye mu Badiventisiti b’Umunsi wa Karindwi; kandi avuga ko iri vugurura ryashingira ku kureka inyigisho zihagaze nk’imfatiro zo kwizera rigatangira umurimo wo gushyiraho imikorere mishya. Iyo ubu bugorozi bubaho, hari

kubaho ingaruka ki? Amahame y'ukuri ayo Imana mu bwenge bwayo yahaye itorero ryasigaye yari kwibagirana. Imyizerere yacu yari guhinduka. Amahame shingiro yakomeje umurimo mu myaka 50 ihise yari gufatwa nk'ikinyoma. Hari kubaho imikorere mishya. Ibitabo by'uburyo bushya byari kwandikwa. Hari no kubaho inyigisho zerekeranye n'ubucurabwenge. Abahanze ubu buryo bari kujya mu mijyi bakahakorera umurimo utangaje. Isabato ndetse n'Imana yayiremye mu by'ukuri, ntibyari kwitabwaho. Nta na kimwe cyari kwemerwa gukumira iyo nkubiri nshya. Abayobozi bari kwigisha gukora ibyiza aho gukora ibibi, ariko nta Mana ihari, bari kuba bishingikirije ku mbaraga ya kimuntu idafite agaciro mu gihe hatari Imana. Urufatiro rwabo rwari kuba rwubakiye ku musenyi kuburyo rwakurwaho n'umuyaga n'umuraba. UB1 164.2

Ni nde ufite ubushobozi bwo gutangiza umurimo nk'uwo? Dufite Bibiliya zacu. Dufite ubunararibonye bwacu bwakomejwe n'imikorere itangaje na Mwuka Muziranenge. Dufite ukuri kutagibwaho impaka. Ese ntidukwiriye kwanga ikintu cyose kidahuje n'uku kuri? UB1 164.3

Narashidikanyaga kandi nkatinda kohereza ibyo Mwuka w'Uwiteka yampatiye kwandika. Ntabwo nashatse guhatirwa kuvuga amayeri ayobya y'izi nyigisho zidahwitse ariko ku bw'ineza y'Imana, ibinyoma byadutse bigomba kurwanywa. UB1 164.4

Sakirana n'igitare cy'urubura!

Mbere gato yuko nohereza ibihamya ku byerekeranye n'umwete umwanzi akoresha mu gutesha agaciro urufatiro rwo kwizera kwacu binyuze mu nyigisho zishukana, nari narasomye ku kintu cyerekeranye n'ubwato bwari mu gihu bwasakiranye n'igitare cy'urubura . UB1 164.5

Amajoro menshi nasinziraga igihe gito. Nasaga n'imodoka yikoreye umutwaro. Ijoro rimwe nagize iyerekwa. Ubwato buto bwagenderaga ku mazi mu gihu cyijimye. Muri ako kanya uwakirebaga yarasakuje ati: "ngikiriya igitare cy'urubura!" cyagaragaraga ari kinini gisumba ubwato. Ijwi rindi naryo rirasakuza rivuga riti: "gisange." Ntagihe cyari gihari cyo gushidikanya. Cyari igihe cyo gufata icyemezo cyihuse. UB1 165.1

Uwari uyoboye ubwato yakije ubwato aherako abuyobora kuri urwo rutare rw'urubura. Yamennye ikibuye igihe yakigongaga. Habayeho iterabwoba kuko ikibuye cyamenetsemo uduce twinshi twagwaga dusakuza nk'urw'inkuba ikubise mu ndiba y'ubwato. Abagenzi bashegeshwe n'imbaraga yo kugonga icyo kibuye, ariko nta bantu bapfuye. Ubwato bwaramenetse ariko bushobora gusanwa. Ubwato bwaragonze burataruka, bukomeza gukora hirya no hino nk'ikintu kizima. Nyuma bwakomeje kujya imbere. Nahereyeko nsobanukirwa n'ibyo nari neretswe. Nafashe umwanzuro. Nari narumvise amagambo, nk'ijwi ryavuye ku Musare wacu rivuga riti "rusange!" Nari nzi uruhare rwanjye icyo rwari rwo, kandi ko nta gihe cyari gisigaye cyo gutakaza. Igihe cyo kugira icyo nkora cyari gisohoye ngomba kubahiriza itegeko "rusange!" UB1 165.2

Muri iryo joro nabyutse saa saba nandika vuba uko nashoboraga. Mu minsi ikurikiyeho nakoraga kare kandi nkarangiza ntinze; ntegurira abantu bacu ibyo nabwiwe byerekeranye n'ibinyoma byari muri twe. Nagumye kwiringira ko hari kubaho ubugorozi busesuye; kandi ko amahame twakoresheje mu minsi ibanza, yagaragariye mu mbaraga ya Mwuka Muziranenge yari gukomezwa. UB1 165.3

Urufatiro rukomeye rwo kwizera kwacu

Abantu bacu benshi ntibabona ukuntu urufatiro rushikamye rwo kwizera kwacu rwashyizweho. Umugabo wanjye, Elder Joseph Batey, Father Pierce* 164 Elder (Hiramu) Edson n'abandi bari bafite ubushishozi, abanyacyubahiro kandi abanyakuri bari muri aba bagabo, nyuma ya 1844, bashakishije ukuri nk'ubutunzi bwahishwe. Nahuye na bo twigiye hamwe kandi dusengera hamwe mu mbaraga. Kenshi twabaga turi hamwe kugeza ijoro rijigije kandi rimwe na rimwe tukarikesha dusabira umucyo kandi twiga ijambo ry'Imana. Aba bene data bakomeje guterana biga Bibiliya kugira ngo basobanukirwe; kandi ngo banitegure kuyigishanya imbaraga. Iyo bageraga ahantu bagacika intege baravugaga bati "nta kindi dushobora kongeraho." Umwuka w'Uwiteka yamanukiragaho; nkajyanwa mu iyerekwa nkaherako mpabwa ubusobanuro bw'imirongo twigagaho n'uburyo dukwiriye kugenza kandi twigisha neza. Nuko rero umucyo watugeragaho unadufasha gusobanukirwa n'Ibyanditswe bivuga kuri Kristo, ubutumwa bwe n'umurimo we w'ubutambyi. Nasobanukiwe n'ukuri kwariho icyo gihe kugeza ubwo tuzinjira

mu murwa w'Imana, kandi nanagejeje ku bandi ibyo Uwiteka yari yampaye. UB1 165.4

Muri iki gihe cyose sinashoboraga gusobanukirwa intekerezo za bene data. Intekerezo zanjye zarifunze, nk'uko byari bimeze, sinashoboraga gusobanikirwa n'ibyanditswe twigaga. Aka kari agahinda gakomeye nagize mu mibereho yanjye. Nari meze ntya mu ntekerezo kugeza ubwo amahame y'ingenzi yo kwizera kwacu yari amaze kumvikana neza ahuye n'ijambo ry'Imana mu ntekerezo byacu. Bene data bahereyeko bamenya ko iyo nta yerekwa ririho, ko ntashoboraga gusobanukirwa ibi twari kwiga; bemeraga ibyo nahishurirwaga nk'umucyo uvuye mu ijuru. UB1 166.1

Mu myaka ibiri cyangwa itatu ibitekerezo byanjye byakomeje kudasobanikirwa n'ibyanditswe. Mu gihe twakoraga, umugabo wanjye twakoranye urugendo rwo gusura Father Andrews* 165 wababazwaga cyane na rubagimpande. Twaramusengeye. Namushyizeho ibiganza byanjye ku mutwe mvuga nti: "Father Andrews umwami Yesu agukize" yahereyeko ako kanya akira. Yarabyutse agendagenda mu cyumba ashimira Imana anavuga ati: "Nta na rimwe nigeze mbere mbibona kuri uyu munyabwenge. Abamarayika b'Imana bari hano." Icyubahiro cy'Uwiteka cyaragaragaye. Umucyo wabonekaga nk'aho wakira mu nzu hose; kandi ukuboko kwa marayika kwari ku mutwe wanjye. Kuva icyo gihe kugeza ubu nashoboye gusobanukirwa ijambo ry'Imana. UB1 166.2

Ni iki cyatuma abantu muri iki gihe cy'amateka yacu bakorera munsi y'ukuboko, uburyo bukomeye bwo gusenya urufatiro rwo kwizera kwacu—urufatiro rwashyizweho kw'itangiriro ry'umurimo wacu mu kwiga ijambo ry'Imana dusenga kandi duhishurirwa? Urufatiro twakomeje gushyigikira mu myaka mirongo itanu ishize. Mbese uribaza ko hari icyo nshobora kuvuga igihe ndeba ikintu gishobora gutangira gusenya imfatiro zo kwizera kwacu? Ngomba kubahiriza itegeko "rusange!" UB1 166.3

Ngomba gutanga ubutumwa bw'imbuzi Imana yampaye gutanga; noneho ibisigaye nkabirekera Uwiteka. Ngomba kwibanda ku kibazo mu buryo bwose bushoboka kugira ngo abantu b'Imana badashungerwa. UB1 166.4

Turi abantu bubahiriza amategeko y'Imana. Mu myaka mirongo itanu ihise twahuye na buri nyigisho z'ubwoka bwose ziyobya zituma intekerezo zacu zihuma zitagira icyo zitaho kubirebana n'uko ijambo ry'Imana ryigishwa-by'umwihariko kubirebana n'umurimo Kristo akorera mu buturo bwo mu ijuru n'ubutumwa bw'ijuru mu gihe cy'imperuka nk'uko abamarayika batatu b'igice cya 14 cy'Ibyahishuwe bavuga. Ubutumwa bw'uburyo bwose bwararikiye Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi ngo bufate umwanya w'ukuri, ingingo kuyindi, kwasuzumishijwe no kwiga ijambo ry'Imana basenga, kandi kuzatangirwa ubuhamya n'imbaraga y'igitangaza gikozwe n'Uwiteka. Ariko amahame shingiro yatugize abo turi bo akwiriye gukomezwa kandi azakomezwa nk'uko Imana yabisobanuye mu ijambo ryayo kandi no mu buhamya bw'Umwuka wayo. Iduhamagarira gushikama mu mahame shingiro ashingiye ku bushobozi butagomba gushidikanywaho.

UMUGABANE WA V — KRISTO N'AMAHAME Y'ITORERO

ITANGIRIRO

Mu gihe kirenze imyaka 60 hafi udutabo 2000 twa E.G. White twanditswe mu kanyamakuru kitwa Urwibutso n'Integuza. Utundi dutabo 2000 twatanzwe tuvuga ku "Bimenyetso by'Ibihe." Ubutumwa bwinshi bwandikishijwe ikaramu ye bwabonetse mu "Mwigisha w'Urubyiruko", ibinyamakuru byacu by'ubuzima, utunyamakuru twa iniyoni yihagije n'ahandi. UB1 168.1

Utu dutabo twarimo inyigisho nyinshi zitandukanye zikubiyemo amabwiriza agomba kugenderwaho, imiburo n'inama zigirwa itorero, ibijyanye n'ingendo n'imirimo, uburyo umurimo wo kurehereza abantu Kristo aho ari n'ibindi by'ingenzi bijyanye n'amahame y'itorero. Uburenganzira bwo kwisanzura bugenda bwigishwa mu bihe bitandukanye bwatumye habaho ibyigisho by'ingezi by'amahame y'Itorero mu buryo burambuye. Ibyo byigisho byagiye binasubirwamo; buri gihe bongera gushimangira ingingo zitandukanye zibafitiye umumaro. Mu guhuza n'inyigisho ze, utu dutabo twinshi twagiye dukurwa mu murimo wo gukusanya ibitabo bimwe bya Ellen G. White byanditswe kuva igihe cy'urupfu rwe. UB1 168.2

Mu gihe hatari habaho guhamagarira kongera kwandikisha udutabo twose uko tumeze, hari icyifuzo cyo guhitamo udutabo dukubiye hamwe tugenewe

cyane inyigisho z'amahame zongeye kwandikwa mu buryo burambuye. Nyinshi muri izi ngizi ni ingenzi mu kwigisha ukuri shingiro k'ubutumwa bw'Abadiventisiti. Ubu butumwa butagira icyo wabunganya bukubiye hamwe bugatuma umusomyi yungukira kuri buri ngingo mu buryo bwuzuye. Hariho inyigisho zimwe zari zidafitanye isano n'inyigisho z'amahame zigishwaga; aho byabaga bimeze bityo habagaho gukuramo bimwe bikandikwa mu buryo busanzwe. UB1 168.3

Umwigishwa witondera ijambo ry'Imana azanezezwa no kubona izi ngingo z'amahame zatoranijwe — ibyo byose bishingiye muri Kristo Umwami wacu -- zigaragarira muri ubu buryo buhoraho. -Abashinzwe Kurinda Inyandiko za Ellen G. White.

IGICE CYA 26: AMATEGEKO ATUNGANYE

Amategeko y'Imana, nk'uko yagaragaye mu byanditswe, afite byinshi asaba. Ihame ryayo ryose rirera, riratunganye kandi ni ryiza. Amategeko ashyira abantu mu bushake bw'Imana ; agera ku ntekerezo no ku myumvire, kandi agaragariza icyaha buri wese wumva ko atakoze ibyo Imana ishaka. Niba amategeko yagaragariraga mu myifatire igaragarira abantu gusa, abantu ntibacirwaho iteka ku bw'intekerezo zabo mbi, mu byifuzo na gahunda zabo. Ariko asaba ko umuntu ubwe aba afite umutima uboneye, kandi intekerezo n'imyumvire ye bikaba bihwanye n'urugero rw'urukundo no gukiranuka. UB1 169.1

Mu nyigisho ze, Kristo yerekanye uko amahame y'amategeko y'Imana yavugiwe kuri Sinayi agera kure. Yashyize iryo tegeko mu bikorwa mu buryo amahame ahinduka igipimo gikomeye cyo gukiranuka—igipimo kizakoreshwa ku bantu bose mu rubanza ku munsi ukomeye igihe imanza zizacibwa, kandi n'ibitabo bikabumburwa. Yazanywe no gusohoza gukiranuka kwe, kandi nk'uhagarariye inyoko muntu, yaje kwereka umuntu yuko ashoboye gukora uwo murimo, no guzohoza neza ubushake bw'Imana. Binyuze mu gipimo cy'ubuntu bwayo yagiriye umuntu, nta n'umwe ukwiriye kubura ijuru. UB1 169.2

Gukiranuka kwa kamere kubonwa na buri wese uguharanira. Uru nirwo rufatiro rw'isezerano rishya ry'Ubutumwa bwiza. Itegeko rya Yehova ni igiti; ubutumwa bwiza ni uburabyo buhumura neza n'urubuto bwera. UB1 169.3

Iyo Mwuka w’Imana ahishuriye umuntu ubusobanuro bwuzuye bw’itegeko, habaho impinduka mu mutima. Umuhanuzi Natani agaragaza ishusho nyakuri ya Dawidi yatumye Dawidi amenya ibyaha bye bwite, kandi bimufasha kubitera umugongo. Yemeye inama yicishije bugufi, kandi yiyoroheje ubwe imbere y’Imana. Yagize ati: “Amategeko y’Uwiteka atungana rwose asubiza intege mu bugingo, ibyo Uwiteka yahamije ni ibyo kwizerwa biha umuswa ubwenge, n’amategeko Uwiteka yigishije araboneye anezeza umutima, ibyo Uwiteka yategetse ntibyanduye bihwejesha amaso. Kubaha Uwiteka ni kwiza guhoraho iteka ryose, amateka y’Uwiteka ni ayo ukuri, ni ayo gukiranuka rwose. Bikwiriye kwifuzwa kuruta izahabu, n’aho yaba izahabu nziza nyinshi, biryohera kuruta ubuki n’umushongi w’ibinyagu utonyanga. Kandi ni byo bihana umugaragu wawe, ku byitondera harimo ingororano ikomeye. Ninde ubasha kwitegereza kujijwa kwe? Ntumbareho ibyaha byanyihishe, kandi ujye urinda umugaragu wawe gukora ibyaha by’ibyitumano, bye kuntwara uko ni ko nzatungana rwose, urubanza rw’igicumuro gikomeye ntiruzansinda. Amagambo yo mu kanwa kanjye n’ibyo umutima wanjye wibwira bishimwe mu maso yawe, Uwiteka gitare cyanjye, Umucunguzi wanjye. ” Zaburi 19:7-14 UB1 169.4

Agaciro Pawulo aha amategeko.

Ubuhamya butangwa na Pawulo ku bijyanye n’amategeko ni ubu: « Ni uko rero tuvuge iki? Amategeko ni icyaha? [Icyaha kiba mu muntu ariko si mu itegeko] Ntibikabeho! Icyakora simba naramenye icyaha iyo ntakimenyeshwa n’amategeko, kuko ntaba naramenye kwifuza iyaba amategeko atavuze ngo ” Ntukifuze.” Ariko icyaha kibonye akito mu mategeko niko gukorera muri jye kwifuza kose, kuko aho amategeko atari icyaha kiba gipfuye. Nanjye kera nari muzima ntafite amategeko, itegeko rije icyaha kirahembuka mbera ko ndapfa. Nuko iryo tegeko ryagenewe kuzana ubugingo mbona rinzanira urupfu, kuko icyaha kibonye ako kito mu mategeko, kiranyoshya kirayanyicisha. » Abaroma 7:7-11 UB1 170.1

Icyaha ntikishe itegeko; ahubwo cyishe kamere y’ibitekerezo muri Pawulo. Yaravuze ati: «Ariko noneho ntitugitwarwa n’amategeko kuko twapfuye ku mategeko yari atuboshye. Nicyo gituma turi imbata mu bubata bushya bw’Umwuka, butari bwa bundi bwa kera bw’inyuguti » Abaroma 7 :6. « Mbese

none icyo cyiza cyampindukiye urupfu? Ntibikabeho! Ahubwo icyaha ni cyo cyaruhindutse, kugira ngo kigaragare ko ari icyaha koko kuko cyakoresheje icyiza kunzanira urupfu ngo amategeko agaragaze uburyo icyaha ari kibi bikabije. Noneho rero amategeko ni ayera, ndetse n'itegeko ryose ni iryera, rirakiranuka kandi ni ryiza.» Abaroma 7:12,13. Pawulo abwira abamuteze amatwi ko itegeko ryangijwe kandi akabereka aho bacumuye. Abigisha nk'uko umuyobozi w'ishuri yigisha abanyeshuri be, kandi abereka inzira ibasubiza kubaha Imana.UB1 170.2

Nta mahoro cyangwa kumererwa neza cyagwa gukiranuka biri mu kwica itegeko. Umuntu ntashobora guhagarara atunganye imbere y'Imana, ndetse no kugirana amahoro na yo bitewe n'imirimo ya Kristo, mu gihe akomeje gukora icyaha. Agomba kuzinukwa icyaha, kandi akumvira akanagendera mu kuri. Nk'uko umunyabyaha yirebera mu ndorerwamo y'imibereho ye, abona yuko kamere ye idatunganye. Yibona ubwe nk'uko ari, yanduye kandi aciriweho iteka. Ariko azi yuko itegeko mu buryo ubwo aribwo bwose ridahanagura igicumuro cyangwa ngo ribabarire uwacumuye. Agomba gutera intambwe isumbyeho. Itegeko ni umushorera umuyobora kuri Kristo. Agomba guhanga amaso Umukiza wamwikorereye ibyaha. Nk'uko Kristo yamwihishuriye ku musaraba w'i Karuvari yishwe n'umutwaro w'ibyaha by'isi yose, Umwuka Wera amwereka imyifatire y'Imana ku bantu bose bihana ibicumuro byabo. « Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho. »Yohana 3:16. UB1 170.3

Buri wese ku giti cye, dukeneye kurushaho kumvira iri jambo; "niko Uwiteka avuga" Hariho abantu batubaha Imana, bica Isabato yayo yera, bivovotera amahame agaragara y'Ijambo ry'Imana, basobanura ibyanditswe uko bitari, kandi bakora ibishoboka byose ngo bahuze Ibyanditswe n'irari ryabo ryo kutumvira. Ntibita ku Ijambo nk'uko ryaciragaho iteka Abanditsi n'Abafarisayo mu gihe cya Yesu. Dukeneye kumenya ukuri uko ari ko. Ese dukwiriye gukora nkuko Abafarisayo bakoraga. Ese dutere umugongo Umwigisha ukomeye kurusha abandi duhindukirira imihango, amategeko n'inyigisho z'abantu? UB1 170.4

Ingaruka zo kwica amategeko.

Hariho imyizerere myinshi n'intekerezo tudakwiriye kwakira. Adamu yemeye ikinyoma cya Satani, Uburiganya bwo kurwanya kamere y'Imana. "Uwiteka Imana iramutegeka iti: 'Ku giti cyose cyo muri iyo ngobyi ujye urya imbuto zacyo uko ushaka, ariko igiti cy'ubwenge bumenyesha icyiza n'ikibi ntuzakiryeho, kuko umunsi wakiriyeho no gupfa uzapfa.'" Itangiriro 2:16,17. Igihe Satani yashukaga Eva, yaravuze ati : "Ni ukuri koko Imana yaravuze iti: 'Ntimuzarye ku giti cyose cyo muri iyi ngobyi?' uwo mugore arayisubiza ati: 'Imbuto z'ibiti byo muri iyi ngobyi twemererwa kuzirya, keretse imbuto z'igiti kiri hagati y'ingobyi ni zo Imana yatubwiye iti: 'Ntimuzazirye, ntimuzazikoreho, mutazapfa.' Iyo nzoka ibwira umugore, iti: 'Gupfa ntimuzapfa, kuko Imana izi yuko ku munsi mwaziriyeho, amaso yanyu azahweza mugahindurwa nk'Imana, mukamenya icyiza n'ikibi." Itang 3:1-5. UB1 171.1

Ubumenyi Imana itifurije ababyeyi bacu ba mbere kugira bwari ubumenyi bwo gucumura. Mu gihe bemeraga ibitekerezo bya Satani, ibyari ibinyoma, kutumvira no gucumura byimitswe mu isi yacu. Uku kutumvira itegeko ry'Imana, uku kwizera ikinyoma cya Satani, byakinguriye imibabaro yinjira mu isi. Satani yakomeje gukora umurimo yatangiriye muri Edeni. Yakoranye umurava, kugira ngo umuntu yemere ibitekerezo bye nk'icyemezo cyo kwanga Imana. Yarwanije Kristo mu mikorero ye yo kugarura ishusho y'Imana mu muntu, ndetse no gushyira mu mutima we gusa n'Imana. UB1 171.2

Kwizera ikinyoma ntibyatumye Pawulo aba mwiza ngo yiyoroshye kandi agire impuhwe. Yari umunyedini, arwanya byimazeyo ukuri kwerekeranywe na Yesu. Yagenze igihugu cyose, ashushubikanya abagabo n'abagore abajyana mu nzu y'imbohe. Avuga kuri ibi, yagize ati : "Ndi umuyuda wavukiye i Taruso y'i Kirikiya, ari ko nakuriye muri uyu murwa, nigishirizwa ku birenge bya Gamariyeri kwitondera cyane amategeko ya ba sogokuruza yose, ngira ishyaka ry'Imana nk'uko namwe mwese murigira none. Kandi narenganyaga ab'inzira ya Yesu ngo bicwe, nkababoha nkabashyira mu nzu y'imbohe abagabo n'abagore." Ibyak 22:3,4. UB1 171.3

Umuryango wa kimuntu uri mu kaga kubera kwica amategeko ya Se. Ariko Imana ntireka umunyabyaha kugeza aho imwerekeye umuti w'icyaha. Umwana

w’ikinege w’Imana yapfuye kugira ngo dushobore kubaho. Uwiteka yemeye iki gitambo ku bwacu, nk’incungu, n’ubwishingizi, biturutse ko twakira Kristo kandi tukamwizera. Umunyabyaha agomba kuza yizeye Kristo, akakira ibyo adukorera, akikoreza ibyaha bye Uwikoreye ibyaha ndetse akakira imbabazi ze. Niyo mpamvu yatumye Kristo aza mu isi. Nuko rero gukiranuka kwa Kristo kubarirwa ku munyabyaha wihannye kandi wizeye. Ahinduka umwana w’ibwami, Umwana w’Umwami w’ijuru, umuragwa w’Imana, kandi umuraganwa na Kristo. UB1 171.4

IGICE CYA 27: KAMERE Y’AMATEGEKO Y’IMANA 166

Dawidi agira ati: “Amategeko y’Uwiteka atungana rwose.” Zaburi 19:7 “Uhereye kera namenyeshejwe n’ibyo wahamije, yuko wabikomeje iteka ryose.” (Zaburi 119 :152). Kandi Pawulo arahamya ati: « Noneho amategeko ni ayera ndetse n’itegeko ryose ni iryera, rirakiranuka kandi ni ryiza.» Abaroma 7:12. UB1 173.1

Nk’Umutegetsi w’ikirenga w’isi n’ijuru, amategeko Imana yahaye za leta si ay’ibintu bihumeka gusa, ahubwo ni agenga imikorere y’ibintu byose. Buri kintu, cyaba kinini cyangwa gitoya, igihumeka cyangwa ikidahumeka, kigengwa n’amategeko yashyizweho adashobora kwirengagizwa. Nta n’umwe aya mategeko atareba; kuko nta kintu na kimwe cyakozwe n’ukuboko kw’Imana cyibagirana mu bitekerezo byayo. Nubwo ikintu cyose mu bidukikije kigengwa n’amategeko asanzwe, umuntu wenyine, nk’umunyabwenge, ashobora gusobanukirwa n’ibyo amategeko asaba, agomba kugira imyitwarire ikwiriye. Ku muntu wenyine, igihe umurimo w’irema warimo urangira, Imana yahaye umuntu umutimanama wo kubahiriza ibyo amategeko ry’Imana asaba, kandi n’umutima ushobora kuyakunda nk’ayera, akiranuka kandi meza; kandi icyo umuntu asabwa ni ukuyubahiriza. Nubwo Imana itamuhatira kuyumvira; ahabwa uburenganzira bwo guhitamo. UB1 173.2

Ni bake basobanukiwe icyigisho cy’inshingano bwite y’umuntu nubwo ari ikibazo gifite agaciro kenshi cyane. Dushobora kumvira no kubaho, cyangwa dushobora kwica itegeko ry’Imana, kugomera ubutware bwayo, tugategereza igihano gikwiranye. Iki kibazo kirabazwa umuntu wese ngo: “Ese nzumvira ijwi

rivuye mu ijuru, amagambo cumi yavugiwe i Sinayi, cyangwa se nzakurikira imbaga y'abantu batubahiriza itegeko rikaze? Ku bakunda Imana bazishimira cyane kubahiriza amategeko yayo, kandi bazakora ibiyinezeza. Ariko umutima wa kamere wanga itegeko ry'Imana; kandi ukarwanya ibyo itegeko ryayo ryera risaba. Abantu badakingurira imitima yabo umucyo mvajuru, banga kuwungenderamo igihe ubamurikira. Gukiranuka kw'umutima, ubushake bw'Imana, n'ibyiringiro by'ijuru, babigurana kwikunda cyangwa inyungu y'iby'iyi si. UB1 173.3

Umunyezaburi avuga ati: "Amategeko y'Uwiteka atungana rwose" Zaburi 19:7. Mbega ukuntu itegeko rya Yehova ryoroheje, ryumvikana kandi ritunganye! Rirahinnye ku buryo dushobora gufata buri hame mu mutwe, kandi ryerekana mu buryo burambuye ubushake bwose bw'Imana, no kwita, atari ku bigaragara gusa; ahubwo ku bitekerezo n'imigambi, ibyifuzo n'amarangamutima by'umutima. Amategeko ya kimuntu ntashobora gukora ibingibi. Ashobora gutunganya ibikorwa bigaragara gusa. Umuntu ashobora kwica itegeko, kandi agahisha amaso y'abantu ibikorwa bye bibi, ashobora kuba ari umugome, umujura, umwicanyi cyangwa umusambanyi —ariko igihe cyose ataravumburwa, itegeko ntirishobora kumuciraho iteka nk'umunyabyaha. Itegeko ry'Imana ryibanda ku ishyari, kwifuza iby'abandi, urwango, uburyarya, kwihorera, irari no kwifuza biremerera umutima; ariko bidafite ubusobanuro kuburyo byagaragara, kuko hari ubushake, ariko uburyo burabura. Kandi irari ryo gukora ibyaha rizazanwa mu rubanza igihe "Imana izazana umurimo wose mu rubanza, n'igihishwe cyose ari icyiza cyangwa ikibi" Umubwiriza 12:14. UB1 173.4

Amategeko y'Imana araroshye.

Itegeko ry'Imana riroroshye kandi rirumvikana. Hariho abantu biratana ko bizera gusa ibyo basobanukiwe, bakibagirwa ko mu mibereho y'umuntu no mu kwigaragaza kw'imbaraga y'Imana mu mikorere y'ibyaremwe hari ibintu badashobora kumenya—ibintu ubuhanga buhanitse, ubushakashatsi bwimbitse, budashobora gusobanura. Ariko nta bwiru buri mu itegeko ry'Imana. Bose bashobora gusobanukirwa ukuri gukomeye kuririmo. Ubwenge bufite intege nke cyane bushobora gufata aya mategeko: injiji nyuma y'izindi ishobora kugenzura imibereho kandi ikubaka kamere ihwanye n'iy'ijuru. Niba abana

b’abantu, mu buryo bwose bushoboka, bubahirije iri tegeko, bakunguka imbaraga z’intekerezo n’ububasha bwo kurushaho kurondora imigambi na gahunda by’Imana. Kandi n’uku gutera imbere kwari gukomera, atari mu mibereho y’iki gihe gusa, ahubwo no mu bihe bizahoraho iteka; nubwo twarushaho gutera imbere mu bumenyi bw’ubwenge n’imbaraga y’Imana, buri gihe habaho ibiturenze. UB1 174.1

Itegeko ry’Imana ridusaba gukunda Imana byimazeyo ndetse na bagenzi bacu nk’uko twikunda. Nta kwitoza uru rukundo, kwizera gukomeye umuntu yagira ni uburyarya gusa “Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n’ubugingo bwawe bwose n’ubwenge bwawe bose. Iryo ni ryo tegeko rikomeye ry’imbere. N’irya kabiri rihwanye na ryo ngiri ‘ukunde mugenzi wawe nk’uko wikunda. Muri ayo mategeko yombi, amategeko yose n’ibyahanuwe niyo yuririraho.” Matayo 22:37-40. UB1 174.2

Itegeko risaba kumvira kuzuye “Umuntu wese witondera amategeko yose agasitara kuri rimwe, aba ayacumuye yose.” Yakobo 2:10. Nta na rimwe muri ayo mategeko cumi rishobora kwicwa atari uko habayeho kutumvira Imana yo mu ijuru. Guteshuka gatoya mu byo risaba, kwirengagiza cyangwa kwica itegeko nkana, ni icyaha, kandi icyaha cyose gituma umunyabyaha arakaza Imana. Kubaha Imana ni yo mpamvu yonyine yari gutuma Isirayeli ya kera igera ku musozo w’amasezerano yatumaga batoneshwa cyane n’Imana; kandi kubahiriza iryo tegeko kwari kubahesha imigisha ikomeye nk’abantu n’ishyanga muri iki gihe nkuko byari kubera Abaheburayo. UB1 174.3

Kubahiriza amategeko ni ingenzi, atari ku gakiza kacu gusa, ahubwo no ku munezero wacu bwite n’uwo abantu bose dufite ibyo duhuriyeho. Ibyanditswe Byera biravuga biti: “Abakunda amategeko yawe bagira amahoro menshi, nta kigusha bafite.” Zaburi 119:165. Nubwo umuntu upfa azigisha abantu aya mategeko yera, atunganye kandi meza, amategeko y’umudendezo, ayo Umuremyi ubwe yerekeje ku byifuzo by’abantu, nk’umutwaro w’ububata, ari wo mutwaro uremereye umuntu atabasha kwikorera. Ahubwo ni umunyabyaha ureba amategeko nk’umutwaro uremereye; ni umuntu wica amategeko ushobora kureba ko nta bwiza buri mu mahame yayo. Kuko umutima wa kamere “ari umwanzi w’Imana ndetse ntushobora kuyumvira” Abaroma 8:7, “kuko amategeko ari yo amenyekanisha icyaha” (Abaroma 3:20), kuko “icyaha

ni bwo bugome” 1 Yohana3:4. Itegeko ni ryo rituma abantu bemezwa icyaha; kandi bakwiriye kwiyumvisha ubwabo ko ari abanyabyaha, bugarijwe n’uburakari bw’Imana, mbere y’uko babona ko bakeneye Umukiza. Satani akomeje kugabanya uburemera umuntu aha amategeko. Kandi abo bakandagira amategeko y’Imana barakora umurimo w’umubeshyi ukomeye; kuko barahakana itegeko rukumbi iryo bashobora gukoresha mu gusobanura icyaha, kandi rigatiza umurindi umutimanama w’urirenzeho. UB1 175.1

Itegeko ry’Imana rigera kuri iyo migambi ihishwe, nubwo yaba ikora ibyaha, akenshi idahabwa agaciro, ariko ikaba mu by’ukuri urufatiro n’igipimo cya kamere. Ni indorerwamo umunyabyaha yireberamo niba akeneye kwimenya uko ari ubwe. Kandi igihe yirebye ubwe acirwaho iteka n’icyo gipimo gikomeye cyo gukiranuka, intambwe ikurikira ni uko agomba kwihana ibyaha bye, kandi agasaba imbabazi binyuze muri Kristo. Iyo gukora ibi binaniranye, abantu benshi bashobora kugerageza kumena indorerwamo ihishura inenge zabo, guhinyura itegeko rigaragaza ibizinga mu mibereho yabo na kamere. UB1 175.2

Turi mu gihe cy’ubuhenebere bukomeye. Imbaraga z’abantu babaswe n’imico mibi, n’ingeso mbi, kandi iminyururu abahambiriye iragoye gucibwa. Icyaha, kimeze nk’umwuzure gikomeje kumunga isi. Ubugome buteye ubwoba no kubuvuga burushaho kugenda bwigaragaza. Kandi abantu bibwira ko ari abarinzi bw’inkike za Siyoni bazigisha yuko amategeko yashyiriweho Abayuda bonyine, kandi akaba yakuweho n’uko twinjiye mu gihe cy’ubutumwa bwiza. Ese nta sano iri hagati yo kutumvira amategeko by’iki gihe n’ubugome, kandi n’uko abagabura n’abantu bakomeza kwigisha ko amategeko adafite agaciro? UB1 175.3

Imbaraga iciraho iteka itegeko ry’Imana ntihagararira gusa ku byo dukora; ahubwo no kubyo tudakora. Ntabwo twebe ubwacu dukwiriye kwibwira ko dutunganye twirengagiza gukora ibyo Imana ishaka. Ntabwo tugomba gusa kureka gukora nabi; ahubwo dukwiriye no kwiga gukora neza. Imana yaduhaye imbaraga twitorezamo gukora imirimo myiza; ariko izi mbaraga niba zidakoreshejwe, tuzafatwa nk’abagaragu babi kandi batumvira. Dushobora kuba tutarakoze ibyaha bikomeye, bishobora kuba bitari mu bitabo biturega ku Mana; ariko kubera ko ibikorwa byacu bitanditswe nk’ibitunganye, byiza,

bishyira umuntu hejuru kandi bihesha umuntu agaciro byerekana yuko tutacuruje italanto zacu twashinzwe, ibyo biduciraho iteka. UB1 175.4

Amategeko y'Imana yahozeho mbere y'uko umuntu aremwa. Yari ahuje n'imibereho y'ibyaremwe; ndetse n'abamarayika bagengwaga na yo. Nyuma y'uko umuntu acumuye, amahame yo gukiranuka ntiyigeze ahinduka. Nta na kimwe cyakuwe mu mategeko. Nta no kugira ngo hagire icyongerwa ku mategeko yayo yera. Nkuko yabayeho mu itangiriro, ni nako azakomeza kubaho ibihe bidashira. Umunyezaburi aravuga ati: "Uhereye kera namenyeshejwe n'ibyo wahamije, yuko wabikomeje iteka ryose."Zaburi 119:152. UB1 176.1

Kubera ko iri tegeko rigenga abamarayika, risaba umuntu ubutungane mu bitekerezo bitagaragara, ibyifuzo, na kamere ye kandi "iryo rikomerejwe guhama iteka ryose" (Zaburi 11:8) isi yose izacirwa urubanza ku munsi w'Imana uri hafi. Abica amategeko bashobora kwikomeza ubwabo bibwira yuko Isumbabyose itabizi, yuko itabyitayeho, ariko ntabwo izakomeza kubyihanganira. Vuba aha bazahabwa igihembo cy'ibyo bakoze, urupfu ari rwo bihembo by'icyaha; mu gihe ishyanga ritunganye, ryakomeje amategeko, rizinjira mu marembo y'igiciro cyinshi y'ururembo rw'ijuru, kandi bakazagororerwa ubugingo buhoraho n'ibyishimo bari kumwe n'Imana n'Umwana w'Intama.UB1 176.2

IGICE CYA 28: URWANGO SATANI YANGA AMATEGEKO 167

Ijoro rikeye, nakangutse ibitekerezo byanjye biremerewe n'umutwaro ukomeye. Nariho ngeza ubutumwa kuri bene Data, kandi bwari ubutumwa bw'imbuzi n'amabwiriza ku byerekeye bamwe bari bashyigikiye inyigisho ziyobya ku bijyanye no kwakira Mwuka Muziranenge n'uko akorera mu bantu. UB1 177.1

Namenyeshejwe ko ubwaka busa n'ubwo twari twahamagariwe guhangana na bwo nyuma y'umwaka wa 1844 bwashoboraga kuzongera kuboneka muri twe mu minsi iheruka yo kubwiriza ubutumwa; kandi ko tugomba guhangana n'iki kibi nk'uko twiyemeje guhangana nacyo mu bihe byashize. UB1 177.2

Tugeze mu gihe ibintu bikomeye kandi bigaragarira buri wese bitangiye kubaho. Ubuhanuzi burimo burasohora. Amateka y'ibihe bidasanzwe ariho arandikwa mu bitabo byo mu ijuru — Ibihe byavuzwe ko bizabanza kubaho mbere gato y'uko umunsi ukomeye w'Imana ugera. Buri kintu cyose cyo ku isi ntikiri kuri gahunda ikwiye. Amahanga ararakaye, kandi imyiteguro ikomeye y'intambara irakorwa. Ishyanga riragambanira irindi, kandi n'ubwami buragambanira ubundi bwami. Umunsi ukomeye w'Imana uregereje cyane. Nyamara nubwo amahanga arimo yegeranyiriza imbaraga zayo gushoza intambara no kumena amaraso, itegeko ryahawe abamarayika ryo gukomeza imiyaga ine kugeza ubwo abera bazaba bamaze gushyirwaho ikimenyetso mu ruhanga rwabo, riracyafite imbaraga. UB1 177.3

Ubungubu abatuye isi barabona ingaruka zidasubirwaho zo kwica amategeko y'Imana. Umurimo wayo w'irema urangiye, Uwiteka yaruhutse ku munsi wa karindwi, araweza, awutoranyiriza kuba umunsi umuntu akwiriye kuyiyegurira akayiramya. Nyamara uyu munsi isi irirengagiza itegeko rya Yehova. Undi munsi wasimbujwe umunsi w'Imana wo kuruhukaho. Umuntu yimitse uburyo bwe n'ubushake bwe abisimbuza inyigisho z'ukuri zo mu ijambo ry'Imana, kandi isi yoretswe mu kwigomeka no gukora ibyaha. UB1 177.4

Uyu murimo wo kurwanya itegeko ry'Imana watangiriye mu ijuru, utangijwe na Lusiferi, Umukerubi utwikira. Satani yari yiyemeje kuba uwa mbere mu nama z'ijuru ndetse akareshya n'Imana. Yatangiriye umurimo we wo kwigomeka mu bamarayika yari ashinzwe kuyobora, ashaka kubakwizamo umwuka wo kumva ko batanyuzwe. Kandi yakoranye ubucakura atyo ku buryo benshi mu bamarayika bamuyobotse mbere y'uko imigambi ye itahurwa rwose. Ndetse n'abamarayika ntibashoboraga gutahura kamere ye, no kumenya icyo umurimo we wari ugamije. Igihe Satani yari amaze kwigarurira abamarayika benshi, yashyikirije ikibazo cye Imana avuga ko cyari icyifuzo cy'abamarayika ko yafata umwanya Kristo yari afite. UB1 177.5

Ikibi cyakomeje gukaza umurego kugeza igihe umwuka w'urwango waje kugeza ku myivumbagatanyo. Nuko mu ijuru haba intambara, maze Satani n'abari bamushyigikiye bose, bajugunywa hanze. Satani yari yarwaniye ubutware mu ijuru, kandi yari yatsinzwe. Imana ntiyari kuba igishoboye

kumurekera icyubahiro n’isumbwe; kandi ibi, hamwe n’umugabane yari afite mu butegetsi bwo mu ijuru, yarabinyazwe. UB1 178.1

Kuva icyo gihe Satani n’abambari be babaye abanzi ruharwa b’Imana muri iyi si, bakomeza kurwanya ukuri no gukiranuka ubudatuza. Satani yakomeje kwigisha abantu inyigisho z’ibinyoma kuri Kristo no ku Mana nk’uko yabikoze ku bamarayika, nuko yigarurira atyo abatuye isi. Ndetse n’amatorero avuga yuko ari aya gikristo yagiye mu ruhande rw’umuhakanyi wa mbere ukomeye. UB1 178.2

Satani ubwe yigaragaza nk’umwami w’isi, kandi iyi ni yo shusho yakoresheje mu gishuko cya nyuma mu bishuko bitatu bikomeye yakoresheje ashuka Kristo mu batayu. Yanyujije imbere y’Umukiza ubwami bw’isi maze abutunga urutoki agira ati: “Biriya byose ndabiguha, nupfukama ukandamya”. UB1 178.3

Kristo mu rukiko rwo mu ijuru yari yaramenye yuko igihe cyari kugera agahangana kandi agatsinda imbaraga ya Satani niba inyoko muntu igomba gukurwa burundu mu butware bwe. Kandi icyo gihe gisohoye, Umwana w’Imana yiyambuye ikamba rye ry’Ubwami n’ikanzu y’ubwami, ubumana bwe abwambika ubumuntu, aza ku isi guhangana n’umwami w’ikibi no kumutsinda. Kugira ngo ahinduke umuvugizi w’umuntu imbere ya Se, Umukiza yagombaga kubaho nk’undi muntu uwo ari we wese muri iyi si, akemera guhura n’ingorane, agahinda n’ibishuko. Nk’uruhinja rw’i Beterehemu, yari guhinduka umwe n’inyokomuntu; kandi kubera imibereho izira inenge guhera mu muvure w’inka ukagera ku musaraba, yari kwerekana y’uko umuntu, ku bwo kwihana no kumwizera, ashobora kongera gutoneshwa n’Imana. Yari kuzanira umuntu gucungurwa ku bw’ubuntu no kubabarirwa ibyaha. Iyo abantu bahindukirira Imana, ntibongere gucumura, bari kubabarirwa. UB1 178.4

Kristo mu ntege nke za kimuntu yari guhangana n’ibishuko by’uwari ufite imbaraga zirenze iza kamere, izo Imana yari yarahaye umuryango w’abamarayika. Ariko ubumuntu bwa Kristo bwari bwahujwe n’ubumana, kandi muri iyi mbaraga yari kwihanganira ibishuko byose Satani yashoboraga kumuteza, kandi akarinda ubugingo bwe ntibwanduzwe n’icyaha. Kandi iyi mbaraga yo gutsinda yari kuyiha urubyaro rwa Adamu rwari kwakira gukiranuka kw’imico ye ku bwo kwizera. UB1 178.5

Imana yakunze abari mu isi cyane ku buryo yatanze Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwakiriye wese agire imbaraga yo kubaho mu gukiranuka kwe. Kristo yerekanye ko umuntu ashobora kugundira imbaraga y'Imana ku bwo kwizera. Yerekanye ko umunyabyaha, ku bwo kwihana no kwitoza kwizera gukiranuka kwa Kristo, ashobora kwiyunga n'Imana, akagabana kuri kamere y'ubumana agatsinda kononekara kwazanywe mu isi n'irari. UB1 179.1

Muri iki gihe, Satani akoresha ibishuko bisa n'ibyo yakoresheje kuri Kristo, aduha ubwami bw'isi akadusaba ko tumuyoboka. Ariko ku muntu uhanze amaso Yesu nk'ibanze ryo kwizera kwe akaba ari na we ugusohoza, ibishuko bya Satani nta bubasha bimufiteho. Ntashobora gucumuza umuntu wakira ku bwo kwizera imico y'uwo wageragejwe nka twe mu buryo bwose ariko ntakore icyaha. UB1 179.2

"Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho." (Yohana 3:16). Umuntu wihannye icyaha cye akemera impano y'ubugingo bw'Umwana w'Imana, ntashobora gutsindwa. Iyo umuntu agundiriye kamere y'Imana ku bwo kwizera, ahinduka umwana w'Imana. Arasenga, akizera. Igihe ashutswe kandi akageragezwa, asaba imbaraga Kristo atanga ku bw'urupfu rwe, nuko agatsinda ku bw'ubuntu bwe. Ibingibi buri munyabyaha akeneye kubisobanukirwa. Agomba kwihana icyaha cye, agomba kwizera imbaraga ya Kristo, kandi akemera irya mbaraga ikiza ikanamurinda icyaha. Mbega ukuntu dukwiye gushimira impano y'urugero rwa Kristo! UB1 179.3

Ntimugerageze kwitaza umusaraba

Inyigisho mpimbano zimbitse n'ibitekerezo bihimbano by'abantu bishobora kwiganza; ariko uzatsinda ku iherezo, agomba kuba yicisha bugufi bihagije kugira ngo abone uko yishingikiriza ku mbaraga z'Imana. Igihe rero dufashe imbaraga y'Uhoraho, maze tugasanga Kristo tuvuga tuti: "Nta kiguzi nzanye mu biganza byanjye; gusa nishingikirije ku musaraba wawe", ubwo ni bwo imbaraga z'Imana zishobora gufatanya natwe kweza no gutunganya imibereho . UB1 179.4

Ntihakagire umuntu n’umwe witaza umusaraba. Umusaraba ni wo utubashisha gutsinda. Binyuze mu mubabaro n’ibigeragezo ni bwo imbaraga z’Imana zishobora gukomeza umurimo mu mibereho yacu uzabyara urukundo, amahoro n’ubugwaneza bya Kristo. UB1 179.5

Umurimo ukomeye ukwiriye gusohozwa buri munsi mu mutima w’umuntu binyuze mu kwiga Ijambo ry’Imana. Dukeneye kwiga gucishwa bugufi ko kwizera nyakuri. Ibi bizagira umusaruro. Mureke dushake iterambere rishikamye mu gusobanukirwa ibya Mwuka. Mureke Ijambo ry’Imana ritubere umujyanama. Dukwiriye kugendana ubushishozi buri gihe, ari ko turushaho kwegera Kristo. Umwuka n’ubuntu bya Kristo birakenewe mu mibereho; kimwe no kwizera gukorera mu rukundo kugatunganya ubugingo. UB1 179.6

Dukeneye gusobanukirwa neza icyo Imana itegereje ku bantu bayo. Amategeko, ari yo yerekana imico yayo, nta n’umwe ukwiye kutayasobanukirwa. Amagambo yandikishijwe urutoki rw’Imana ku bisate by’amabuye mu buryo butunganye ahishura ibyo ishaka ko abantu bayo bakora ; nta n’umwe rero ukwiriye kuyibeshyaho. Amategeko y’ubwami ubwayo yaramenyekanye; kugira ngo nyuma ahishurirwe abantu bo mu mahanga yose n’indimi nk’amahame agenga ingoma yayo. Byatubera byiza turamutse twize ayo mategeko yanditswe mu gitabo cyo Kuva igice cya 20 n’icya 31, kuva ku murongo wa 12-18. UB1 180.1

Igihe urubanza ruzaba rutangiye kandi ibitabo bikabumburwa, nuko buri muntu wese agacirwa urubanza hakurikijwe ibyanditswe muri ibyo bitabo, noneho ni bwo ibisate by’amabuye byahishwe n’Imana kugeza icyo igihe, bizagaragarizwa abatuye isi nk’urugero rwo gukiranuka. Nuko rero abagabo n’abagore bazabona ko ikintu gisabwa ku bw’agakiza ka bo ari ukumvira amategeko y’Imana atunganye. Nta n’umwe uzabona uko yiregura icyaha cye. Abantu bazacirwa urubanza rwo gupfa cyangwa gukira hakurikijwe amahame akiranuka yo muri ayo mategeko. UB1 180.2

IGICE CYA 29: KRISTO, IBYIRINGIRO BYACU RUKUMBI

Mbere y’uko imfatiro z’isi zishingwa, Kristo, Umwana w’ikinege w’Imana, yasezeranye kuzaba inshungu y’inyokomuntu, Adamu naramuka acumuye. Adamu yaje kugwa, kandi uwari asangiye ikuzo na Se mbere y’uko isi ibaho, yiyambuye ikanzu ya cyami n’ikamba ry’ubwami, aramanuka asiga icyubahiro gikomeye ahinduka uruhinja i Betelehemu, kugira ngo aho Adamu yasitariye akagwa, abashe kuhanyura kandi acungure abantu baguye. Yiyemeje guhura n’ibishuko byose umwanzi ateza abagabo n’abagore ; kandi ibitero byose bya Satani ntibyabashije kumuteshura ngo areke kumvira Se. Ku bw’imibereho ye izira icyaha, yahamije y’uko buri muhungu wese n’umukobwa wese wa Adamu ashobora gutsinda ibishuko by’uwazanye bwa mbere icyaha mu isi. UB1 181.1

Kristo yazaniye abagabo n’abagore imbaraga yo gutsinda. Yaje muri iyi si afite ishusho y’umuntu, aba umuntu mu bandi. Yambaye kamere muntu icumura kugira ngo ashukwe kandi ageragezwe. Mu bumuntu bwe, yari afite kamere y’ubumana. Mu kwigira umuntu, yahawe mu buryo bushya kwitwa Umwana w’Imana. Marayika yabwiye Mariya ati: “Imbaraga z’Isumbabyose zizagukingiriza, ni cyo gituma Umuziranenge uzavuka azitwa Umwana w’Imana” (Luka 1:34). Mu gihe yari Umwana w’Umuntu yahindutse Umwana w’Imana mu buryo bushya. Nuko agaragara mu isi yacu—ari Umwana w’Imana nyamara anabarwa mu muryango w’abantu ku bwa kavukire. UB1 181.2

Kristo yaje afite ishusho y’umuntu kugira ngo yereke abaturage bo mu masi ataracumuye ndetse n’abo mu isi yacumuye ko hariho icyateganijwe gihagije cyatuma abantu babaho bumvira Umuremyi wabo. Yihanganiye ibishuko Satani yemererwaga kumugerageresha, kandi atsinda ibitero bye byose. Yarababajwe kandi agirirwa nabi cyane, nyamara Imana ntiyamutereranye ngo ise n’itabizi. Igihe yabatizwaga na Yohana muri Yorodani; avuye mu mazi, Mwuka w’Imana yamumanukiyeho afite ishusho y’inuma isa na zahabu, nuko ijwi rivugira mu ijuru riti: “Nguyu Umwana wanjye nkunda nkamwishimira” (Mat 3:17). Nyuma y’iri tangazo ni bwo Kristo yajyanywe na Mwuka mu butayu. Mariko aravuga ati: « Uwo mwanya Mwuka amujyana mu butayu, amarayo iminsi mirongo ine ageragezwa na Satani, aba hamwe n’inyamaswa… » (Mariko 1:12,13). Muri iyo minsi ntiyagiraga icyo arya”(Luka 4:2). UB1 181.3

Guhangana n’ibishuko

Igihe Yesu yajyanwaga mu butayu ngo ashukirweyo, yari ayobowe na Mwuka w'Imana. Si we wihamagariye ibishuko. Yajyanywe mu butayu no kugira ngo abe wenyine kandi yitegereze inshingano yari yahawe n'umurimo we. Binyuze mu kwiyiriza ubusa no gusenga yariho yitegura inzira yandujwe n'amaraso yagombaga kunyuramo. Mbese yari gutangira ate umurimo wo kubohora imbohe zari zikomerejwe mu mubabaro n'umurimbuzi. Mu gihe kirekire cyo kwiyiriza ubusa kwe, umugambi wose w'umurimo we nk'Umucunguzi w'abantu washyizwe imbere ye. UB1 181.4

Igihe Yesu yinjiraga mu butayu, yari agoswe n'ikuzo rya Se. Mu gihe yari yatwawe no gushyikirana n'Imana, yazamuwe mu mbaraga zirenze ubunyantegenke bwa muntu. Nyamara iryo kuzo ryaje kumuvaho maze ararekwa ngo ahangane n'ibishuko. Igishuko cyamugeragaho buri mwanya. Kamere ye ya kimuntu yahindishwaga umushyitsi n'urugamba rwari rumutegereje. Mu minsi mirongo ine yiyirije ubusa kandi arasenga. Mu gihe yari afite intege nke kandi arembejwe n'inzara, yari ananiwe kandi acitse intege ku bw'umubabaro wo mu ntekerezo, "Kuko mu maso he hononekaye ntihase n'aho umuntu, n'ishusho ye yononekaye ntise n'iy'abana b'abantu." (Yesaya 52:14). Iki gihe cyari amahirwe ya Satani. Ni bwo yatekereje ko ashobora noneho gutsinda Kristo. UB1 182.1

Uwari wigize nka marayika w'umucyo yasanze Umukiza, na we agira ngo ni igisubizo cy'amasengesho ye, kandi ubutumwa yari amuzaniye ni ubu ngo: "Niba uri Umwana w'Imana, tegeka aya mabuye ahinduke umutsima." Matayo 4:3 UB1 182.2

Yesu yahanganye na Satani muri aya magambo ngo : « Umuntu ntatungwa n'umutsima gusa, ahubwo atungwa n'ijambo ryose riva mu kanwa k'Imana » (Matayo 4 :4). Muri buri gishuko cyose, intwaro yarwanishaga yari Ijambo ry'Imana. Satani yasabye Kristo gukora igitangaza nk'ikimenyetso cy'ubumana bwe. Ariko icyari gisumbye ibitangaza byose, ari cyo kwishingikiriza kuri iri jambo ngo"Uwiteka aravuga ngo", cyari ikimenyetso kitashoboraga kuvuguruzwa. Igihe cyose Kristo yishingikirizaga kuri iri jambo, umushukanyi nta mahirwe yo kumutsinda yari kugira. UB1 182.3

Kwimenyereza Ijambo ry'Imana ni byo byiringiro byacu byonyine gusa. Abashishikarira gushakashaka mu byanditswe ntibazigera bemera ibishuko bya Satani nk'ukuri kuvuye ku Mana. Nta n'umwe ukwiriye kujya impaka n'umwanzi w'Imana na Kristo ku bikwiriye cyangwa se bidakwiriye. Ntabwo dukwiriye kujya impaka ku byo Ijambo ry'Imana ritigeze rigira icyo ribivugaho. Ibyo dukeneye byose kugira ngo dukizwe biboneka mu Ijambo ry'Imana. Umunsi ku wundi dukwiriye kugira Bibiliya umujyanama wacu. UB1 182.4

Kuva kera Kristo yari umwe na Se, kandi igihe yambaraga kamere y'umuntu, yari akiri umwe n'Imana. Niwe Muhuza w'Imana n'abantu. "Nuko rero nk'uko abana bahuje umubiri n'amaraso, ni ko na We ubwe yahuje ibyo nabo." (Abaheb 2:14). Ni muri we gusa dushobora guhinduka abana b'Imana. Abamwizera bose abaha ubushobozi bwo guhinduka abana b'Imana. Ubwo ni bwo umutima uhinduka urusengero rw'Imana ihoraho. Ni yo mpamvu Kristo yafashe kamere muntu kugira ngo abagabo n'abagore bahinduke abasangiye kamere y'Imana. Yerekanira ubugingo no kudapfa mu butumwa bwiza.

IGICE CYA 30: AMATEGEKO N'UBUTUMWA BWIZA 168

Igihe Abayuda bangaga Kristo, bari banze urufatiro rwo kwizera kwabo. Kandi, ku rundi ruhande, Abakristo bo muri iki gihe bavuga ko bizera Kristo, ariko bakanga amategeko y'Imana, bakora amakosa amwe n'ay'Abayuda bayobejwe. Abavuga ko bishingikirije kuri Kristo, nuko akaba ari we bashyizeho ibyiringiro byabo nyamara bagasuzugura amategeko y'imico mbonera n'ibyahanuwe, ntaho batandukaniye n'Abayuda batizera. Ntibashobora mu buryo bwumvikana guhamagarira abanyabyaha kwihana kubera ko badashoboye gusobanura neza icyo baba bihana. Umunyabyaha, ushishikarizwa kureka ibyaha bye, afite uburenganzira bwo kubaza ati: « icyaha ni iki? » Abubaha amategeko y'Imana bashobora gusubiza bati: «Icyaha ni ukwica itegeko ». Intumwa Pawulo ihamanya n'ibi igira iti: " Simba naramenye icyaha iyo amategeko atabaho." UB1 183.1

Abemera ibyo amategeko y'imico mbonera asaba nibo bonyine bashobora gusobanura imiterere yo guhongererwa. Kristo yazanywe no guhuza Imana n'umuntu, akamuhindura umwe n'Imana binyuze mu kumugarura ku kumvira amategeko yayo. Nta bubasha itegeko rifite bwo kubabarira uryishe. Yesu ni we

wenyine washoboraga kwishyurira umunyabyaha umwenda we. Ariko nubwo Yesu yarishye umwenda w'umunyabyaha wihana, ntabwo bimuha uburenganzira bwo gukomeza kwica amategeko y'Imana; ahubwo guhera ubwo agomba kubaho yumvira ayo mategeko. UB1 183.2

Amategeko y'Imana yabayeho mbere y'iremwa ry'umuntu naho ubundi Adamu ntaba yarakoze icyaha. Nyuma y'uko Adamu acumura, amahame yo mu mategeko ntiyahinduwe, ahubwo yaratunganijwe kandi atangarizwa kugira ngo abashe kunganira umuntu muri uko kugwa. Kristo, mu nama yagiranye na Se, yashyizeho uburyo bwo gutamba ibitambo; urwo rupfu, aho kugira ngo ruhite rugera ku wishe itegeko, rwabanje gushyirwa ku gitambo ari byo byacureraga igitambo gikomeye kandi gitunganye cy'Umwana w'Imana. UB1 183.3

Ibyaha by'abantu byashyirwaga mu buryo bw'igishushanyo ku mutambyi ari na we wari umuhuza w'Imana n'abantu. Umutambyi ubwe ntiyashoboraga guhinduka igitambo gikuraho ibyaha, kandi ngo abashe no guhongerera ubugingo bwe, kuko nawe yari umunyabyaha. Ku bw'ibyo rero, aho kugira ngo ubwe apfe, yicaga umwana w'intama udafite inenge; igihano cy'icyaha cyashyirwaga ku itungo ridafite inenge, rikajya mu mwanya we, ari byo byashushanyaga igitambo kidafite inenge cya Yesu Kristo. Binyuze mu maraso y'iki gitambo, umuntu yatumbiraga ku bwo kwizera amaraso ya Kristo yari kuzahongerera ibyaha by'abari mu isi. UB1 183.4

Umugambi w'amategeko y'imihango

Iyo Adamu adacumura itegeko ry'Imana, amategeko y'imihango ntaba yarashyizweho. Ubutumwa bw'inkuru nziza bwabanje guhabwa Adamu mu itangazo yabwiwe y'uko urubyaro rw'umugore rwari kuzajanjagura umutwe w'inzoka; kandi ryakomeje gushyikirizwa urubyaro rwakurikiyeho rigera kuri Nowa, Aburahamu na Mose. Kristo ubwe ni we wamenyesheje Adamu na Eva amategeko n'iby'inama y'agakiza. Bakiranye ubwitonzi iryo somo ry'ingenzi babibwira abana babo n'abuzukuru babo. Ni muri ubwo buryo ubumenyi bw'amategeko y'Imana bwakomeje kurindwa. UB1 184.1

Icyo gihe, abantu baramaga hafi imyaka igihumbi, kandi abamarayika babagendereraga bafite amabwiriza aturutse kuri Kristo. Kuramya Imana

binyuze mu gutanga ibitambo byashyizweho, kandi abubahaga Imana bemereraga ibyaha byabo imbere yayo bagategerezanya ishimwe n'ibyiringiro bitunganye kuza kw'Inyenyeri yo mu ruturuturu, yo yari kuzayobora mu ijuru abana ba Adamu bacumuye, binyuze mu kwihana bagahindukirira Imana no kwizera Umwami n'Umukiza wacu Yesu Kristo. Ni muri ubwo buryo rero ubutumwa bwiza bwabwirizwaga muri buri gitambo; kandi imirimo y'abizera yakomeje kugaragaza ko bizera Umukiza wari utegerejwe. Yesu yabwiye Abayuda ati: «Iyo mwizera Mose nanjye muba munyizeye, kuko ari ibyanjye yanditse. Ariko nimutizera ibyo uwo yanditse, noneho n'amagambo yanjye muzayizera mute? » Yohana 5:46,47 UB1 184.2

Nubwo bimeze bityo, ntibyashobokaga ko Adamu, kubw'urugero rwe n'amabwiriza atunganye, yahagarika umuvumo wageze ku bantu bitewe n'igicumuro cye. Kutizera kwinjiye buhoro buhoro mu mitima y'abantu. Abana ba Adamu berekana urugero rwa mbere rw'inzira ebyiri zitandukanye abantu bakurikira ku bijyanye n'ibyo Imana ibashakaho. Abeli yarebaga Kristo washushanywaga n'ibitambo byatambwaga. Kayini we ntiyizeraga ko ibitambo byari ngombwa; yanze kwemera ko Kristo yashushanywaga n'umwana w'intama watambwaga; amaraso y'amatungo yayabonaga nk'aho nta gaciro afite. Ubutumwa bwiza bwabwirijwe Kayini mu buryo bumwe n'ubwakoreshejwe ku muvandimwe, ariko kuri we byari impumuro y'urupfu izana urupfu, kuko mu maraso y'igitambo cy'umwana w'intama Yesu Kristo, ntiyashoboraga kubonamo uguteganirizwa rukumbi kwakozwe ku bw'agakiza ka muntu. UB1 184.3

Umukiza wacu, mu mibereho ye no mu rupfu rwe, yashohoje ubuhanuzi bwose bwamwerekezagaho; kandi ni we kuri ibishushanyo byose byerekezagaho. Yubahirije amategeko y'ímico mbonera, kandi arayerereza binyuze mu gukora ibyo asaba nk'uhagarariye inyoko muntu. Abo mu Bisirayeli bagarukiye Uwiteka, bakemera Kristo nk'uwo ibitambo byashushanyaga, basobanukiwe amaherezo icyagombaga gukurwaho. Umwijima wari utwikiriye imihango ya kiyuda nk'inyegamo, wari kuri bo nk'igitambaro cyatwikiraga icyubahiro cy'Imana mu maso ha Mose. Icyubahiro cyari mu ruhanga rwa Mose cyerekanaga umucyo Kristo yazanye mu isi kubw'umuntu. UB1 184.4

Igihe Mose yari kumwe n'Imana ku musozi, yahishuriwe inama y'agakiza, mu buryo butangaje guhera igihe Adamu yacumuraga. Noneho asobanukirwa ko marayika wayoboraga abana b'Isirayeli mu ngendo zabo yagombaga guhishurwa afite umubiri. Umwana w'Imana ukundwa, uwari umwe na Se, yagombaga guhuza Imana n'abantu bose bamwizeye kandi bakamwiringira. Mose yabonye ubusobanuro nyakuri bw'ibitambo byatambwaga. Kristo yigishije Mose umugambi w'ubutumwa bwiza, ndetse ikuzo ry'ubutumwa bwiza, bunyuze muri Kristo, ryarabagiraniye mu maso ha Mose ku buryo abantu batashoboraga kuhareba. UB1 185.1

Mose ubwe ntabwo yari azi ko iryo kuzo rigaragarira mu maso he, nuko ntiyasobanukirwa impamvu abana ba Isirayeli bamuhunganga igihe yabegeraga. Yarabahamagaye kugira ngo baze aho ari, ariko ntabatinyuka kureba mu maso he hari hahawe ubwiza. Igihe Mose yamenyaga ko abantu batashobora kureba mu maso he kubera ikuzo ryarimo, yahatwikirije igitambaro. UB1 185.2

Ikuzo ryari mu maso ha Mose ryari umubabaro ukomeye cyane ku bana ba Isirayeri kubera ko bari bishe itegeko ryera ry'Imana. Iki ni imfashanyigisho y'ukuntu abica amategeko y'Imana bumva bamerewe. Bifuza guhunga umucyo wayo ucengera mu mutima kandi ugatera ubwoba uyagomera, mu gihe agaragarira uyakomeza nk'ayera, akiranuka kandi meza. Abasobanukiwe neza amategeko y'Imana ni bo bonyine bashobora guha agaciro impongano Kristo yagombye gutanga kubera ko hari habayeho kwica itegeko rya Data wa twese. Abakunda ingingo ivuga ko nta Mukiza wabagaho mu gihe cya kera, batwikirije ibitekerezo byabo igitambaro cyijimye nk'uko byagendekeye Abayuda banze Kristo. Abayuda bagaragarije kwizera Mesiya kwabo mu bitambo batambaga ari na byo byasuraga Kristo. Nyamara ubwo Yesu yazaga, agasohoza ubuhanuzi bwose bwari bwerekeye kuri Mesiya wasezeranywe, akanakora imirimo yamwerekanaga nk'umwana w'Imana, baramwanze, banga no kwemera ikimenyetso kigaragaza neza kamere ye nyakuri. Itorero rya gikristo, mu rundi ruhande rivuga ko ryizera Kristo rwose, nyamara rigasuzugura uburyo bw'imisengere y'Abayuda, riba ryihakanye Kristo, we nkomoko y'ubutunzi bwose bw'Abayuda. UB1 185.3

IGICE CYA 31: AMATEGEKO MU BAGALATIYA

Abantu bajya bambaza ku byerekeye amategeko mu Bagalatiya. Barambaza bati : «Ni irihe tegeko ryitwa umushorera utujyana kuri Kristo? » Nsubiza ntya nti: «Ni amategeko y'uburyo bwombi, ay'imihango n'amategeko cumi yerekana imico mbonera. " UB1 186.1

Kristo yari urufatiro rw'ubutunzi bw'Abayuda. Urupfu rwa Abeli rwari ingaruka y'uko Kayini yanze kwakira umugambi w'Imana mu ishuri ryo kumvira agakiza kazanwa n'amaraso ya Yesu Kristo washushanywaga n'ibitambo byatambwaga byerekeza kuri Kristo. Kayini yanze ivushwa ry'amaraso ryashushanyaga amaraso ya Kristo amenerwa abatuye isi. Uyu muhango wose wateguwe n'Imana, kandi Kristo yabaye urufatiro rw'ubwo buryo bwose bw'imisengere. Iri ni itangiriro ry'umurimo w'amategeko nk'umushorera uganisha abanyabyaha ku kureba Kristo we rufatiro rw'ubutunzi bwose bw'Abayuda. UB1 186.2

Abakoraga bose umurimo werekeranye n'ubuturo bigishwaga buri gihe umurimo wa Kristo wo kurengera inyokomuntu. Uyu murimo wagenewe gushyira gukunda amategeko y'Imana muri buri mutima , ari na yo mategeko y'ubwami bwayo. Igitambo cyatambwaga cyari imfashanyigisho y'isomo ry'urukundo rw'Imana rwahishuriwe muri Kristo — mu mubabaro we, gupfa nk'igitambo, akishyiraho icyaha umuntu yari yakoze, umukiranutsi agahinduka icyaha ku bwacu. UB1 186.3

Iyo twitegereje iyi nsanganyamatsiko ikomeye y'agakiza, tubona umurimo wa Kristo. Ntabwo ari impano ya Mwuka gusa twasezeranijwe, ahubwo imiterere na kamere y'iki gitambo no gutabarwa ni ibyigisho bikwiriye kurema mu mitima yacu ibitekerezo bisumbyeho, byera kandi bihanitse ku buryo ubona amategeko y'Imana ashaka ko buri muntu wese agira icyo akora. Kwica ayo mategeko mu gikorwa gitoya cyo kurya itunda ryabuzanijwe, byazaniye umuntu n'isi ingaruka zo kutumvira amategeko yera y'Imana. Imiterere y'ubutabazi bw'Imana yagombye gutera buri muntu wese gutinya gukora akantu gatoya hanyuma y'ibindi ko kutumvira iby'Imana idusaba. UB1 186.4

Hakwiriye kubaho gusobanukirwa neza icyo icyaha ari cyo, kandi tukirinda kurenga urugabano rwo kumvira ngo twinjire mu kutumvira. Imana yifuza ko

buri muntu wese mu bo yaremye asobanukirwa n'umurimo ukomeye w'Umwana wayo uhoraho ubwo yatangaga ubugingo bwe ku bw'agakiza k'abari mu isi. "Nimurebe urukundo ruhebuje Data wa twese yadukunze rwatumye twitwa abana b'Imana kandi ni ko turi. Ni cyo gituma ab'isi batatumenye kuko batayimenye." 1 Yohana 3:1 UB1 186.5

Amategeko y'imico mbonera by'umwihariko

«Amategeko yatubereye umushorera wo kutugeza kuri Kristo, ngo dutsindishirizwe no kwizera. » (Abagalatiya 3:24). Muri iri somo, Mwuka Muziranenge aravugira mu ntumwa by'umwihariko ibyerekeye amategeko y'imico mbonera. Itegeko riduhishurira icyaha, kandi rituma twumva ko dukeneye Kristo no kumuhungiraho ngo tubabarirwe kandi tubone amahoro akomoka ku kwihana tugasanga Imana no kwizera Umwami wacu Yesu Kristo. UB1 187.2

Kutifuza kurekura ibitekerezo dusanganywe ngo twemere uku kuri, bituma tuba abafatanyije n'abarwanyaga ubutumwa bw'umwami i Minneapolis bwari buzanywe n'umuvandimwe [E.J] Waggoner na [A.T] Jones. Binyuze muri uko guhembera amakimbirane Satani yageze ku ntego ye yo kuvutsa abantu bacu ku rugero runini imbaraga idasanzwe ya Mwuka Muziranenge Imana yifuzaga kubaha. Umwanzi yababujije amahirwe yo kugira imbaraga bari kugira mu gihe bari kuba bageza ukuri ku batuye isi, nk'uko intumwa zakwamamaje nyuma y'umunsi wa Pentekoti. Umucyo ukwiriye kumurikira isi yose wararwanyijwe, kandi bitewe n'igikorwa cya benedata, uyu mucyo ntiwagejejwe ku batuye isi ku rugero rukomeye. UB1 187.3

Amategeko cumi ntakwiriye gufatwa cyane nk'agira ibyo atubuza, ahubwo akwiye kurebwa cyane mu ruhande rw'imbabazi. Ibyo amategeko atubuza ni igihamya cy'umunezero ubonerwa mu kuyumvira. Iyo amategeko yakiriwe muri Kristo, akorera muri twe agatunganya imico izatuzanira umunezero w'iteka ryose. Ku wumvira, amategeko amubera igihome kimukingira. Tuyabonamo kugira neza kw'Imana, ihora ishaka gukingira abantu ibibi bikomoka ku kwica

amategeko ibinyujije mu kubahishurira amahame adahinduka yo gukiranuka. UB1 187.4

Ntidukwiriye kureba Imana nk'ihora itegereje ko umunyabyaha acumura ngo imuhane. Umunyabyaha ni we ubwe wizanira igihano. Ibikorwa bye ni byo bituma habaho uruhererekane rw'ibintu bimuzanira ingaruka zidasubirwaho. Buri gikorwa cyose cyo gucumura gikora ku munyabyaha, gihindura imico ye kandi kigatuma bimwohera kongera gucumura. Mu guhitamo gukora icyaha, abantu bitandukanya n'Imana ubwabo, bakihagura ku muyoboro ubazanira imigisha, kandi ingaruka idashidikanywaho ibaho ni ukurimbuka n'urupfu. UB1 187.5

Amategeko ni imvugo igaragaza ibitekerezo by'Imana. Igihe tuyakiriye muri Kristo ahinduka ibitekerezo cyacu. Adushyira hejuru y'imbaraga z'ibyifuzo no kubogama bya kamere, ndetse hejuru y'ibishuko bituganisha ku cyaha. "Abakunda amategeko yawe bagira amahoro menshi, nta kigusha bafite" (Zaburi 119:165).- nta gisitaza bafite. Nta mahoro aboneka mu byaha; abanyabyaha barwanya Imana. Ariko uwakiriye gukiranuka kw'amategeko binyuze muri Kristo, aba ahuje n'ijuru. "Imbabazi n'umurava birahuye, gukiranuka n'amahoro birahoberanye" Zaburi 85:10 170 UB1 188.1

IGICE CYA 32: GUKIRANUKA KWA KRISTO MU MATEGEKO 171

Ingorane zikomeye kurenza izindi zose Pawulo yagombaga guhangana nazo zakomokaga ku ruhare rw'abigisha b'Abayuda. Ibi byateje ingorane nyinshi bituma mu itorero ry'i Korinto habaho kwicamo ibice. Bakomeje kugaragaza imico myiza iboneka mu mihango iri mu mategeko, bakerereza iyi mihango bayirutisha Ubutumwa Bwiza bwa Kristo, kandi bagaciraho iteka Pawulo kuko atashishikarizaga abizera bashya gukurikiza iyo mihango. Pawulo yahanganye na bo akoresheje ibyo birataga. Aragira ati: "Nuko rero, niba imitegekere y'urupfu yanditswe igaharaturwa ku mabuye yarahawe ubwiza n'icyubahiro, bigatuma Abisirayeli badashobora kwihanganira gutumbira mu maso ha Mose ku bwo kurabagirana ko mu maso he (kandi kwari ukw'umwanya muto gusa kugashira), nkanswe imitegekere ya Mwuka! Ntizarushaho kugira ubwiza

n’icyubahiro? Niba imitegekere yateraga gucirwa ho iteka yarahawe ubwiza nkanswe imitegekere itera gukiranuka. 2 Abakorinto 3:7-9. UB1 189.1

Amategeko y’Imana, yavugiwe kuri Sinayi mu gukomera guteye ubwoba, ni imvugo iciraho iteka umunyabyaha. Amategeko afite ububasha bwo guca iteka, ariko nta bushobozi afite bwo kubabarira cyangwa gucungura. Yashyiriweho kuzana ubugingo; kandi abagendera muri yo bazabona ingororano zo kumvira. Ariko na none azanira ububata n’urupfu abaguma mu gucirwaho iteka na yo. UB1 189.2

Amategeko arera cyane kandi afite ubwiza butangaje, ku buryo igihe Mose yari avuye ku musozi wera, aho yari kumwe n’Imana, ahabwa ibisate by’amabuye bivuye mu biganza byayo; mu maso he hagaragaje ikuzo iryo abantu batashoboraga kureba nta ngorane bagize, kandi Mose yagombye gutwikiriza igitambaro mu maso he. UB1 189.3

Ikuzo ryagaragaye mu maso ha Mose ryerekanaga gukiranuka kwa Kristo kuri mu itegeko. Amategeko ubwayo nta kuzo yari kugira, gusa muri yo Kristo abonekamo. Nta bubasha afite bwo gukiza. Nta kurabagirana afite keretse gusa ko agaragaramo Kristo wuzuye gukiranuka n’ukuri. UB1 189.4

Ibishushanyo n’ibicucu biri mu murimo w’ubutambyi, n’ibyahanuwe, byahaye Abisirayeli kugira ishusho itwikiriye kandi itagaragara neza y’uburyo imbabazi n’ubuntu byari kugera ku batuye isi binyuze mu guhishurwa kwa Kristo. Mose yahishuriwe ubusobanuro bw’amashusho n’ibicucu byerekezaga kuri Kristo. Yabonaga kugera ku iherezo ry’ibyagombaga gukurwaho igihe, mu rupfu rwa Kristo, uwashushanywaga azaba abonetse kugira ngo akureho ibyamushushanyaga. Yabonye ko Kristo wenyine ari we wahesha umuntu kubahiriza amategeko yerekana imicombonera. Binyuze mu kwica aya mategeko, umuntu yazanye icyaha mu isi, icyaha na cyo kizana urupfu. Kristo yabaye impongano y’icyaha cy’umuntu. Yaguranye gukiranuka kwa kamere ye gucumura k’umuntu. Yishyizeho umuvumo wo kutumvira. Ibitambo n’amaturo byaganishaga ku gitambo yagombaga gutamba. Umwana w’intama watambwaga yashushanyaga Umwana w’Intama wari gukuraho icyaha mu isi. UB1 189.5

Kureba icyagombaga kuvanywaho no kubona Kristo nk'uko ahishurirwa mu mategeko, ni byo byatumye mu maso ha Mose harabagirana. Imitegekere y'amategeko, yanditswe kandi agaharaturwa ku ibuye, yari imitegekere y'urupfu. Kristo adahari, amategeko azanira umuvumo uwayacumuye kandi nta byiringiro byo kubabarirwa aba afite. Iyo mitegekere ubwayo nta kuzo yari ifite, ariko Umukiza wasezeranijwe, agahishurirwa mu bishushanyo n'ibicucu byo mu mategeko y'imihango, yatumye amategeko y'Imana agaragaraho ikuzo. UB1 190.1

Pawulo yifuza ko bene se babona ko icyubahiro gikomeye cy'Umukiza ubabarira ibyaha cyahaye ubusobanuro icyari ubutunzi bw'Abayuda. Yifuzaga kandi ko babona ko igihe Kristo yazaga mu isi, agapfa nk'igitambo cy'umuntu, ukuri kw'icyashushanywaga kwari kubonetse ngo ibishushanyo bikurweho. UB1 190.2

Kristo amaze gupfira ku musaraba nk'igitambo cy'ibyaha, amategeko y'imihango nta mbaraga yari agifite. Nyamara yari afitanye isano n'amategeko agenga imico mbonera, bityo akaba afite ikuzo. Amategeko yose yari afite ikimenyetso cy'ubumana, kandi akagaragaza ubuziranenge, ubutabera no gukiranuka kw'Imana. Kandi niba umurimo w'icyagombaga kugira iherezo warahawe icyubahiro, mbese icy'ukuri nticyajyaga guhabwa icyubahiro kirushijeho kuba cyinshi, igihe Kristo yari guhishurwa, agatanga ubugingo bwe na Mwuka weza abizeye bose? UB1 190.3

Gutangaza amategeko cumi kwari ukwerekana ikuzo n'igitinyiro by'Imana. Mbese uku kwerekana ububasha kw'Imana kwagize ngaruka ki ku bantu? — Bagize ubwoba. Mu gihe babonaga "inkuba zikubita, babona ya mirabyo irabya, bumva ijwi rya ryahembe, babona wa musozi ucumba umwotsi, babibonye bahinda umushyitsi bahagarara kure. Babwira Mose bati: "Ba ari wowe utubwira niho turi bwumve, ariko Imana ye kutubwira tudapfa." (Kuva 20:18,19) Bifuzaga ko Mose ababera umuhuza. Ntibasobanukirwaga ko Kristo yari umuhuza wabo washyizweho, kandi ko aramutse aretse umurimo wo kubahuza, bari kuba bararimbutse. UB1 190.4

"Mose abwira abantu ati: 'Nimuhumure kuko Imana izanywe no kubagerageza, no kugira ngo gutera ubwoba kwayo guhore imbere yanyu

mudakora ibyaha.’ Abantu bahagarara kure. Mose yigira hafi y’umwijima w’icuraburindi Imana irimo.” Kuva 20:20,21. UB1 190.5

Abantu basobanukirwaga uku kuri buhoro kuvuga ko kubabarirwa ibyaha, gutsindishirizwa ku bwo kwizera Yesu Kristo no kwegera Imana bishoboka gusa binyuze mu muhuza kubera ko bo ubwabo bari mu kaga ndetse bahamwa n’icyaha kandi bacumura. Mu buryo bukomeye bari baratakaje kumenya Imana ndetse n’uburyo rukumbi bwo kuyegera. Bari baratakaje ku rugero rukabije kumenya ibigize icyaha n’ibigize gukiranuka. Kubabarirwa icyaha binyuze muri Kristo, Mesiya wasezeranywe, uwo ibitambo byabo byashushanyaga, ntibari babisobanukiwe neza. Pawulo yaravuze ati: “Nuko ubwo dufite ibyo byiringiro, tuvuga dushize amanga cyane, ntitumeze nka Mose watwikiraga mu maso he, kugira ngo Abisirayeli batareba iherezo rya bwa bwiza uko bwamushiragaho. Ariko imitima yabo yarahumye ndetse kugeza na bugingo n’ubu, iyo Isezerano rya Kera risomwa cya gitwikirizo kiba gitwikiriye imitima yabo, ntibamenye ko cyakuweho na Kristo. Ahubwo kugeza n’ubu ibya Mose iyo bisomwa iyo nyegamo ihora ku mitima yabo, nyamara iyo umuntu ahindukiriye Umwami iyo nyegamo ikurwaho.” 2 Abakorinto 3:12-16. UB1 191.1

Abayuda banze kwemera Kristo nka Mesiya, bityo ntibashobora kubona ko imihango yabo ntacyo isobanuye, kandi ko ibitambo n’amaturo byatakaje ubusobanuro bwabyo. Inyegamo bishyiriyeho ubwabo ku bwo kutizera kwinangiye, iracyakingirije ubwenge bwabo. Iyo nyegamo yari gukurwaho iyo bemera Kristo, we gukiranuka kw’amategeko. UB1 191.2

Benshi mu Bakristo na bo bafite inyegamo imbere y’amaso yabo n’imitima yabo. Ntibashobora kureba ku iherezo ry’ibyakuweho. Ntibabona ko ari amategeko y’imihango gusa yakuweho n’urupfu rwa Kristo. Bavuga ko amategeko yabambwe ku musaraba. Inyegamo iremereye yijimisha ubwenge bwabo. Imitima ya benshi irwanya Imana. Ntibagengwa n’amategeko yayo. Kristo azagira icyo abamarira gusa igihe bazaba bagendera mu mategeko y’ingoma ye. Bashobora kuvuga Kristo nk’Umukiza wabo; ariko ku iherezo azababwira ati: «Simbazi ». Ntimwigeze mugira kwihana nyakuri ngo mwiyuzuze na yo kubw’itegeko ryayo ryera mwishe, kubw’ibyo ntimushobora kunyizera rwose kuko umurimo wanjye wari uwo kwerereza amategeko y’Imana. UB1 191.3

Guhishurwa kw’imico ya Kristo

Pawulo ntiyigeze ahagararira amategeko yaba ay’imihango cyangwa ay’imico mbonera nk’uko bamwe mu bagabura bo muri iyi minsi bagerageza kubikora. Bamwe banga urunuka amategeko y’Imana ku buryo bayamagana bavuga ko nta gaciro afite. Muri ubwo buryo rero basuzugura kandi bakagayisha igitinyiro n’icyubahiro by’Imana.UB1 191.4

Amategeko y’imico mbonera ntiyigeze aba ishusho cyangwa igicucu cy’ibizaba. Yabayeho mbere y’iremwa ry’umuntu, kandi azagumaho igihe cyose intebe y’Imana izaba ikiriho. Imana ntiyashoboraga guhindura cyangwa ngo yoroshye rimwe mu mahame y’amategeko yayo kugira ngo ikize umuntu; kuko amategeko ni ishingiro ry’ingoma yayo. Ntahinduka, ntiyakoroshywa, ntarondoreka kandi ahoraho iteka ryose. Kugira ngo umuntu akizwe, kandi icyubahiro cy’amategeko kigumeho, byabaye ngombwa ko umwana w’Imana yitambaho igitambo cy’ibyaha. Utigeze kumenya icyaha yahindutse icyaha ku bwacu. Yapfiriye i Kaluvari ku bwacu. Urupfu rwe rwerekana urukundo rutangaje Imana ikunda umuntu no kudahinduka kw’amategeko yayo. UB1 191.5

Mu kibwirizwa cye ku musozi, Kristo yaravuze ati: “Mwitekereza ko naje gukuraho amategeko cyangwa ibyahanuwe. Sinaje kubikuraho, ahubwo naje kubisohoza. Kandi ndababwira ukuri yuko ijuru n’isi kugeza aho bizashirira, amategeko atazavaho inyuguti imwe cyangwa agace gato kugeza aho byose bizarangirira.” Matayo 5:17, 18. UB1 192.1

Kristo yikoreye umuvumo w’icyaha, umubabaro w’igihano cyacyo, ageza umugambi we ku ndunduro, aho umuntu yari gushyirwa kandi akabasha gukurikiza amategeko y’Imana, akemerwa ku bw’imibereho y’Umucunguzi we; na none kandi ikuzo rikarasira ku mategeko kubw’igitambo cye. None rero ikuzo ry’ikitagombaga gukurwaho —ari yo mategeko cumi y’Imana, urugero rwo gukiranuka — yagaragariye abarebye bakageza ku iherezo ry’icyakuweho. UB1 192.2

“Ariko twebwe twese ubwo tureba ubwiza bw’Umwami, tubureba nko mu ndorerwamo mu maso hacu hadatwikiriye, duhindurirwa gusa na we tugahabwa ubwiza buruta ubundi kuba bwiza, nk’ubw’Umwami w’Umwuka.” (2Abakorinto 3:18). Kristo ni Umurengezi w’umunyabyaha. Abemera ubutumwa bwe bwiza bamureba mu maso habo hadatwikiriye. Babona isano iri hagati y’umurimo we n’amategeko, kandi bakemera ubwenge bw’Imana n’ikuzo ryayo nk’uko byahishuwe n’Umukiza. Ikuzo rya Kristo kigaragarira mu mategeko, ariyo guhishurwa kw’imico ye, kandi imbaraga ihindura igakora ku bugingo kugeza ubwo abantu bahindurwa bakagira ishusho ye. Bahinduka abasangiye kamere y’Imana, kandi bagakomeza gukura nk’Umukiza wabo, batera intambwe ku yindi bihuje n’ubushake bw’Imana, kugeza ubwo bashyikiriye ubutungane.UB1 192.3

Amategeko n’ubutumwa bwiza ni mahwi. Kimwe gishyigikiye ikindi. Mu gukomera kwayo, amategeko yegera umutimanama, agatuma umunyabyaha yumva ko akeneye Kristo nk’impongano y’icyaha. Ubutumwa bwiza bwemera ububasha no kudahinduka kw’amategeko. Pawulo aravuga ati: “Icyakora simba naramenye icyaha iyo ntakimenyeshwa n’amategeko”.(Abaroma 7:7). Kwiyumvamo icyaha, bikorwa n’amategeko, bituma umunyabyaha asanga Umukiza. Mu kwifuza kwe, umuntu ashobora kugaragaza ibikomeye byaturutse ku musaraba w’i Kaluvari. Ashobora gusaba gukiranuka kwa Kristo, kuko guhabwa umunyabyaha wese wihannye. Imana iravuga iti: “Kandi uza aho ndi sinzamwirukana na hato.” (Yohana 6:37). “Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose.” 1 Yohana 1:9

IGICE CYA 33: “MURONDORE MU BYANDITSWE”

Ni ikintu cy’ingenzi cyane ko buri muntu wahawe imbaraga zo gutekereza ko yagombye kumenya isano iri hagati ye n’Imana. Mu mashuri yacu umurimo wo gucungurwa ntabwo wigwa neza. Abanyeshuri benshi ntibumva neza icyo inama y’agakiza isobanura. Ijambo ry’Imana ryatanzwe ku bwacu. Usobanukiwe ingorane zo kutishobora kwacu araturarika agira ati: “Mwese abarushye n’abaremerewe, nimuze munsange ndabaruhura. Mwemere kuba abagaragu banjye munyigireho, kuko ndi umugwaneza kandi noroheje mu mutima, namwe

muzabona uburuhukiro mu mitima yanyu, kuko kunkorera kutaruhije n'umutwaro wanjye utaremereye." Matayo 11:28-30.UB1 193.1

Banyeshuri, muzagira amahoro gusa igihe muzomatana na Kristo binyuze mu kumwumvira rwose no kumugandukira. Umutwaro uroroshye, kuko Kristo atwara uburemere bwawo. Igihe uteruye umutwaro w'umusaraba, uzakorohera; kandi uwo musaraba kuri wowe ni isezerano ry'ubugingo buhoraho. Ni amahirwe ya buri muntu gukurikira Kristo anezerewe, uko ateye intambwe aratangara ati: "Ubugwaneza bwawe bwampinduye ukomeye" (2 Samweli 22:36). Ariko niba tugamije kujya mu ijuru, tugomba gufata Ijambo ry'Imana nk'igitabo cyacu cyo kwigiramo. Mu magambo yahumetswe tugomba gusoma ibyigisho byacu umunsi ku wundi. UB1 193.2

Intumwa Pawulo iragira iti: "Mugire wa mutima wari muri Kristo Yesu. Uwo nubwo yabanje kugira akamero k'Imana, ntiyatekereje ko guhwana n'Imana ari ikintu cyo kugundira, ahubwo yisiga ubusa ajyana akamero k'umugaragu w'imbata, agira ishusho y'umuntu, kandi amaze kuboneka afite ishusho y'umuntu yicisha bugufi, araganduka ntiyanga no gupfa ndetse urupfu rwo ku musaraba. Ni cyo cyatumye Imana imushyira hejuru cyane ikamuha izina risumba ayandi mazina yose, kugira ngo amavi yose apfukame mu izina rya Yesu, ari ay'ibyo mu ijuru, cyangwa ay'ibyo mu isi, cyangwa ay'ibyo munsi y'isi." Abafilipi 3:5-10 UB1 193.3

Kwicisha bugufi kw'umuntu witwa Kristo Yesu ni ikintu ibitekerezo by'umuntu bidasobanukirwa; nyamara ubumana bwe no kubaho kwe mbere y'uko isi iremwa ntibishobora na rimwe gushidikanywaho n'abizera Ijambo ry'Imana. Pawulo intumwa avuga ku Muhuza wacu, Umwana w'ikinege w'Imana, mu gihe cy'ubwiza yari afite ishusho y'Imana, umugaba w'ingabo zo mu ijuru, uwo, yafashe ishusho y'umugaragu igihe yatwikirizaga ubumana bwe ubumuntu. Yesaya aravuga ati: « Nuko Umwana yatuvukiye, duhawe umwana w'umuhungu, ubutware buzaba ku bitugu bye. Azitwa igitangaza, Umujyanama, Imana ikomeye, Data wa twese Uhoraho, Umwami w'amahoro. Gutegeka kwe n'amahoro bizagwira ku ntebe ya Dawidi n'ubwami bwe, bitagira iherezo kugira ngo ibukomeze ibushyigikize guca imanza zitabera no gukiranuka, uhereye none ukageza iteka ryose. Ibyo ngibyo Uwiteka nyir'ingabo azabisohoresha umwete we." Yesaya 9:6-7. UB1 193.4

Mu kwemera guhinduka umuntu, Kristo yerekanye kwicisha bugufi ari na cyo gitangaza abo mu ijuru. Igikorwa cyo kwemera kuba umuntu ntabwo cyari kuba ari ukwicisha bugufi iyo ataza kuba yarigeze gushyirwa hejuru mbere y'icyo gihe. Tugomba gufungura ubwenge bwacu kugira ngo tubone neza ko Kristo yiyambuye ikanzu ye ya cyami, ikamba rye ry'Ubwami, ubutware bwe nk'umugaba, akambika ubumana bwe ubumuntu, kugira ngo ashobore gusanga umuntu aho yari ari, azaniye umuryango w'abantu imbaraga y'imico mbonera ihesha abahungu n'abakobwa b'Imana guhinduka. Kugira ngo acungure umuntu, Kristo yumviye Imana kugera ku gupfa, ndetse urupfu rwo ku musaraba. UB1 194.1

Ubumuntu bw'Umwana w'Imana ni byose kuri twe. Ni umurunga w'izahabu uhuza imitima yacu na Kristo, kandi binyuze muri Kristo ukaduhuza n'Imana. Iki gikwiye kuba icyigisho cyacu. Kristo yari umuntu mu by'ukuri; yagaragaje ukwicisha bugufi kwe ubwo yahindukaga umuntu. Nyamara yari umuntu mu mubiri. Mu gihe twinjiye muri iki cyigisho, byaba byiza twitaye ku magambo Kristo yabwiye Mose mu gihuru cyaka umuriro agira ati: « kwetura inkweto mu birenge byawe, kuko aho uhagaze aho ari ahera.» (Kuva 3:5) Dukwiriye kwiga iki cyigisho twicishije bugufi nk'umwigishwa kandi dufite umutima umenetse. Kandi icyigisho cyo kwigira umuntu kwa Kristo ni umurima urumbuka uzagirira umumaro ushaka acukura cyane nk'ushaka ukuri guhishwe. UB1 194.2

Ibyanditswe nibyo bituyobora .

Bibiliya ituyobora mu nzira nziza igana ku bugingo buhoraho. Imana yahumekeye mu bantu kugira ngo bandike ibizaduhishurira ukuri, bizadukurura, kandi mu gihe bishyizwe mu bikorwa, bigashoboza ubyakiriye kugira imbaraga y'imico mbonera ku buryo abarirwa mu bantu bafite ubwenge bwigishijwe cyane. Ibitekerezo by'abagira Ijambo ry'Imana ibyigisho byabo bizaguka. Kurenza ikindi cyigisho icyo ari cyo cyose, ijambo ry'Imana rifite kamere yo kongera imbaraga yo gusobanukirwa no gusubiza intege nshya ubushobozi umuntu asanganwe. Rihuza ibitekerezo n'amahame y'ukuri yagutse kandi y'icyubahiro. Riduha guhurizwa mu isano ya bugufi n'ijuru ryose, rikaduha ubwenge, ubumenyi no gusobanukirwa. UB1 194.3

Mu kwimenyereza inyandiko rusange, no gusoma inyandiko z'abantu batahumekewe n'Imana, ibitekerezo biradindira kandi bigata agaciro. Ntabwo ibitekerezo bihuzwa n'amahame yimbitse kandi yagutse y'ukuri kw'iteka ryose. Mu buryo umuntu atazi, ubwenge bwisanisha n'ubusobanuro bw'ibyo bumenyeranye nabyo; kandi iyo bubihaye agaciro, ugusobanukirwa kugira intege nkeya n'imbaraga z'ubwenge zikagabanuka. UB1 194.4

Imana iteganya ko Ibyanditswe, isoko y'ubumenyi burenze ibihimbano by'abantu, byacukumburwa. Yifuza ko umuntu yacukumbura byimbitse mu birombe bicukurwamo ukuri, kugira ngo yunguke ubutunzi bw'agaciro bubirimo. Ariko akenshi cyane, ibihimbano by'abantu n'ubwenge bwabo bisimbuzwa ubuhanga buri muri Bibiliya. Abantu bishora mu murimo wo kugira ibyo bahindura mu migambi y'Imana; bagerageza gutandukanya ibitabo bya Bibiliya. Bifashishije ibihimbano byabo, bagaragaza ko Ibyanditswe bihamya ibitari ukuri. UB1 195.1

Ibyo umuntu akeneye

Imana ntiyagennye ko kwakira Ubutumwa Bwiza bishingira ku mitekerereze y'abantu. Ubutumwa bwiza bwagenewe kuba ibyo kurya by'Umwuka, kugira ngo umuntu ashire inzara mu buryo bw'umwuka. Mu buryo bwose iki ni cyo umuntu akeneye. Abiyumvishije ko ari ingenzi ko abanyeshuri bo mu mashuri yacu biga abanditsi benshi na bo ubwabo ntibasobanukiwe insanganyamatsiko zikomeye ziri muri Bibiliya. Abigisha ubwabo bakwiriye kwita ku Gitabo kiruta ibindi, bakigira mu byanditswe ko ubutumwa bwiza bubasha kugaragariza uwicisha bugufi kandi akagira umutima umenetse ko bikomoka ku Mana. UB1 195.2

Ubutumwa bwiza ni imbaraga y'Imana kandi ni ubwenge bwayo. Imico ya Kristo ku isi yahishuye ubumana, kandi n'ubutumwa bwiza yatanze bigomba kuba icyigisho ku bantu yahaweho umurage mu byiciro byose by'uburezi bwabo, kugeza aho abigisha, abana n'urubyiruko bazabona ko bakwiye kwizera, gukunda kandi bakaramya Imana imwe y'ukuri kandi ihoraho. Iryo jambo rikwiriye kubahwa kandi rikumvirwa. Icyo gitabo kirimo imibereho ya Kristo, umurimo we, inyigisho ze, imibabaro ye, no gutsinda kwe kwa nyuma, kigomba kuba isoko y'imbaraga zacu. Twahawe amahirwe yo kwiga muri iyi si kugira ngo

dushobore kugira imibereho irushijeho kuba myiza—kubona inota riruta ayandi mu ishuri riruta ayandi yose, aho Imana izaba ari umwigisha wacu, ibyigisho byacu bizakomeza kubaho ibihe bitagira iherezo. UB1 195.3

Interface Language

IGICE CYA 34: JAMBO WIGIZE UMUNTU 172

«Mbere na mbere hariho Jambo; Jambo uwo yahoranye n'Imana, kandi Jambo yari Imana. Uwo yahoranye n'Imana mbere na mbere. Ibintu byose ni we wabiremye; ndetse mu byaremwe byose nta na kimwe kitaremwe na we. Muri we harimo ubugingo, kandi ubwo bugingo bwari umucyo w'abantu. Uwo mucyo uvira mu mwijima ariko Umwijima ntiwawumenya… Jambo uwo yabaye umuntu, abana natwe, (tubona ubwiza bwe busa n'ubw'Umwana w'ikinege wa Se) yuzuye ubuntu n'ukuri. » (Yohana 1:1-5, 14) Iki gice cyerekana neza imiterere n'akamaro by'umurimo wa Kristo. Nk'usobanukiwe neza n'isomo ariho atanga, Yohana arondora ububasha bwose bwa Kristo, akavuga kandi ku gukomera kwe n'icyubahiro cye. Yerekana imirasire mvajuru y'ukuri kw'agaciro, nk'umucyo uva ku zuba. Yerekana Kristo nk'umuhuza rukumbi w'Imana n'abantu.UB1 196.1

Inyigisho ivuga uko Kristo yahindutse umuntu ufite umubiri ni ubwiru, «ari yo bwa bwiru bwahishwe, uhereye kera kose n'ibihe byose". (Abakolosayi 1:26). Ni ubwiru bukomeye kandi bwimbitse bw'ubumana. «Jambo uwo yabaye umuntu abana na twe.» (Yohana 1:14). Kristo ubwe yambaye kamere y'umuntu, kamere iri munsi ya kamere y'ab'ijuru yari asanzwe afite. Nta kintu na kimwe cyagaragaza ubwenge bw'Imana buhebuje nk'iki. «Yakunze abari mu isi cyane ku buryo yatanze Umwana wayo w'ikinege" (Yohana 3 :16). Yohana agaragaza iki cyigisho gitangaje mu buryo nk'ubu bworoheje kugira ngo bose bashobore gusobanukirwa neza ingingo irimo ivugwaho kandi banashobore kumurikirwa. UB1 196.2

Kristo ntiyashatse ko abantu bizera ko yafashe kamere muntu; ahubwo yarayifashe rwose ahinduka umuntu. Mu by'ukuri yari afite kamere muntu. «Nuko rero, nk'uko abana bahuje umubiri n'amaraso, ni ko na we ubwe yahuje ibyo na bo» (Abaheburayo 2:14). Yari umuhungu wa Mariya; yari uwo mu muryango wa Dawidi hakurikijwe ibisekuruza. Avugwa ko ari umuntu, ndetse

umuntu witwa Kristo Yesu. Pawulo yaranditse ati: «Kuko Yesu yatekerejwe ko akwiriye guhabwa icyubahiro kirusha icya Mose, nk'uko icyubahiro cy'umuntu wubaka inzu kiruta icy'inzu» (Abaheb.3:3) UB1 196.3

Kuba Kristo yarahozeho mbere hose

Mu gihe Ijambo ry'Imana rivuga ku bumuntu bwa Kristo igihe yari hano ku isi, rinavuga rwose ku byerekeranye n'ukuba yarahozeho mbere hose. Jambo yabayeho nk'Imana, yemwe ndetse nk'Umwana uhoraho w'Imana, afatanije na Se kandi ari umwe na Se. Guhera ibihe bishyize kera, yari Umuhuza w'isezerano; ni muri we amahanga yose yo ku isi, Abayuda n'Abanyamahanga, yahererwagamo umugisha iyo yabaga amwemeye. "Jambo uwo yahoranye n'Imana, kandi Jambo yari Imana" (Yohana 1:1). Mbere yuko abantu cyangwa abamarayika baremwa, Jambo yari kumwe n'Imana, kandi yari Imana UB1 196.4

Isi ni we wayiremye, "Ndetse mu byaremwe byose nta na kimwe kitaremwe na we." (Yohana 1:3). Niba Kristo yararemye ibintu byose, ni ukuvuga ko yabayeho mbere ya byose. Amagambo yavuzwe ku bijyanye n'ibi arabyemeza ku buryo nta n'umwe ukwiriye gukomeza gushidikanya. Ikiruta ibindi byose ni uko Kristo yari Imana, kandi mu buryo bwumvikana kurusha ubundi. Yari kumwe n'Imana kuva kera kose, Imana isumba byose, ifite imigisha y'ibihe byose. UB1 197.1

Umwami Yesu Kristo, Umwana-mana w'Imana, yabayeho kuva kera, ari umuntu wihariye, nyamara ari umwe na Se. Yari afite icyubahiro gihebuje cy'ijuru. Niwe wari umugaba w'ingabo zo mu ijuru, kandi afite uburenganzira bwo guhabwa icyubahiro no gusingizwa n'abamarayika. Ibi ntiyabaga abyambuye Imana. Aravuga ati: "Uwiteka mu itangira ry'imirimo ye yarangabiye, ataragira icyo arema. Uhereye kera kose yarimitswe, uhereye mbere na mbere isi itararemwa. Ikuzimu hatarabaho naragaragajwe, amasoko adudubiza amazi menshi ataraboneka. Imisozi miremire itarahagarikwa, iyindi itarabaho, naragaragajwe. Yari itararema isi no mu bweru, n'umukungugu w'isi utaratumuka. Igihe yaringanije amajuru nari mpari; igihe yashingaga urugabano rw'ikuzimu" (Imigani 8:22-27). UB1 197.2

Mu kuri k'uko Kristo yari umwe na Se mbere y'uko imfatiro z'isi zishingwa, harimo umucyo n'ikuzo. Uyu ni umucyo umurikira ahacuze umwijima hagatamururwa n'ubwiza bw'Imana butagajuka. Uku kuri, kutasobanurwa n'ubwenge bw'umuntu, gusobanura andi mayobera, (ukuri kudasobanukira abantu mu yandi magambo), mu gihe kurasiwe n'umucyo utegerwa kandi utarondoreka. UB1 197.3

"Imisozi itaravuka, utararamukwa isi n'ubutaka, uhereye iteka ryose, ukageza iteka ryose ni wowe Mana." (Zaburi 90: 2). "Abantu bari bicaye mu mwijima babonye umucyo mwinshi. Kandi abari bicaye mu gihugu cy'urupfu no mu gicucu cyarwo bamurikirwa n'umucyo." (Matayo 4:16). Hano, kuba Kristo yarahozeho mbere hose n'umugambi we wo kwigaragaza mu isi yacu bimeze nk'imyambi y'umucyo ituruka ku ntebe y'iteka ryose. "Noneho, gera ingabo zawe, wa mukobwa w'ingabo we! Yaratugose: bazakubitisha umucamanza w'Isirayeli inkoni ku itama. Ariko wowe, Betelehemu Efurata, uri mutoya mu bihumbi by'i Buyuda, muri wowe ni ho hazava uzaba Umwami wa Isirayeli, akansanga; imirambagirire ye ni iy'iteka, uhereye kera kose"(Mika 5:1,2) UB1 197.4

Pawulo aravuga ati: "Ariko twebwe ho tubabwiriza ibya Kristo wabambwe: uwo ku Bayuda ni ikigusha, ku Banyamahanga ni ubupfu: ariko ku bahamagawe b'Abayuda n'Abagiriki ni Kristo; ni we mbaraga z'Imana kandi n'ubwenge bwayo." 1 Abakorinto 1:23, 24 UB1 197.5

Ubwiru

Imana kwigaragaza ifite umubiri koko ni ubwiru bukomeye; kandi tudafashijwe na Mwuka Muziranenge ntidushobora kugira ibyiringiro byo gusobanukirwa iki cyigisho. Isomo ricisha bugufi kuruta ayandi yose umuntu akwiriye kwiga ni uko ubwenge bwa muntu ari ubusa, kandi ko byaba ari ubusazi kugerageza gushaka Imana ukoresheje imbaraga zawe gusa. Umuntu ashobora gukoresha imbaraga z'ubwenge bwe byimazeyo, ashobora kugera ku rwego rw'ubwenge abantu bita urw'ikirenga, ariko imbere y'Imana akaba akiri umuswa. Abacurabwenge ba kera birataga ubwenge bwabo, ariko se ubwo bwenge bwapimaga ibiro bingana iki ku munzani w'Imana? Salomo yari yarize cyane; ariko ubwenge bwe bwari ubupfapfa; kuko atigeze amenya uko

yakwifata ku byerekeranye n'imico mbonera, no kudategekwa n'icyaha, mu mbaraga ya kamere yahinduwe ngo ise na kamere y'Imana. Salomo yerekanye ibyo yagazeho mu bushakashatsi bwe, umwete mwinshi urimo umuruho no gushakashaka yihanganye. Yatangaje ko ubwenge bwe na bwo ari ubusa. Ubwenge bw'ab'isi ntibwatumye bamenya Imana. Mu gucishiriza kwabo uko kamere y'Imana yaba imeze, ubumenyi bwabo budatunganye ku bijyanye n'imico y'imana, ntibwigeze bwagura ndetse ngo bwongere imyumvire y'intekerezo zabo. Ubwenge bwabo ntibwakungahajwe hakurikijwe ubushake bw'Imana; ahubwo bishoye mu gusenga ibigirwamana bizira. "Biyise abanyabwenge bahinduka abapfu, maze ubwiza bw'Imana idapfa babuhindura ibishushanyo by'abantu bapfa n'iby'ibiguruka, n'iby'ibigenza amaguru ane n'iby'ibikururuka." (Rom 1:22, 23). Aka ni ko gaciro k'iby'abantu basaba n'ubwenge bashaka iyo birengagije Kristo.UB1 198.1

Kristo aravuga ati: "Ni jye nzira n'ukuri n'ubugingo: nta we ujya kwa Data ntamujyanye" (Yohana 14:6). Kristo afite ububasha bwo guha ubugingo ibiremwa byose. Aravuga ati: "Nkuko Data uhoraho yantumye, nanjye nkaba ndiho ku bwa Data, ni ko undya na we azabaho ku bwanjye[…] Umwuka ni we utanga ubugingo, umubiri ntacyo umaze: amagambo mbabwiye ni yo Mwuka kandi ni yo bugingo." (Yohana 6:57, 63). Ahangaha Kristo ntiyerekeza ku nyigisho ze, ahubwo arivuga nk'umuntu, aravuga ubumana bwa kamere ye. Na none arongera akavuga ati: "Ni ukuri ni ukuri ndababwira y'uko igihe kije, ndetse kirasohoye, ubwo abapfa bumva kandi bazumva ijwi ry'Umwana w'Imana, n'abaryumvise bazaba bazima, kuko, nk'uko Data afite ubugingo muri we ni ko yabuhaye Umwana ngo abugire na we kandi yamuhaye ubutware bwo guca amateka kuko ari Umwana w'Umuntu." Yohana5:25-27 UB1 198.2

Icyo kuvuka kwa Kristo bisobanuye

Imana na Kristo bari bazi kuva mu itangiriro, iby'ubuhakanyi bwa Satani no kugwa kwa Adamu bitewe n'imbaraga y'umuhakanyi. Inama y'agakiza yashyiriweho kucungura ubwoko bwaguye kugira ngo buhabwe andi mahirwe. Kristo yahawe kuba umuhuza igihe Imana yaremaga, yashyiriweho kuva kera kuducungura no kutwishingira. Mbere y'uko isi iremwa byari byarateguwe ko ubumana bwa Kristo bushyirwa mu bumuntu. Kristo yaravuze ati: "Ahubwo wanyiteguriye umubiri" (Abah 10:5). Ariko ntiyaje mu ishusho y'umuntu kugeza

igihe gikwiriye gisohoye. Noneho abona kuvukira muri iyi si yacu, uruhinja ruvukira i Betelehemu. UB1 199.1

Nta muntu n'umwe mu bavukiye mu isi, yemwe ndetse no mu bana b'Imana bafite impano ziruta izindi, wigeze yerekwa ibyishimo nk'ibyeretswe Uruhinja rwavukiye i Betelehemu. Abamarayika b'Imana baririmbye indirimbo bamuhimbariza ku misozi no mu bibaya by'i Betelehemu. Bararirimbye bati: "Mu ijuru icyubahoro kibe icy'Imana no mu isi amahoro abe mu bo yishimira". (Luka 2:14). Mbega ukuntu byari kuba byiza iy'umuryango w'abantu uza kuba waramenye iriya ndirimbo yaririmbwe uwo munsi! Inkuru yatangajwe, ijwi ryumvikanye, indirimbo yatangijwe, biziyongera kandi bikomeze kugeza ku iherezo ry'igihe kandi bizongera kumvikana ku mpera z'isi. Icyubahiro kibe icy'Imana, no mu isi amahoro abe mu bo yishimira. Igihe izuba ryo gukiranuka rizarasira rifite gukiza mu mababa yaryo, indirimbo yatangiye kuririmbirwa mu misozi y'i Betelehemu, izongera irangururirwe mu ijwi ry'abantu batabarika, rimeze nk'ijwi ry'amazi menshi asuma rivuga rivuga riti: "Haleluya kuko Umwami Imana yacu Ishobora byose iri ku ngama" Ibyah 19:6 UB1 199.2

Binyuze mu kumvira amategeko yose y'Imana, Kristo yaboneye abantu gucungurwa. Ibi ntabwo byakozwe ari uko agiye hanze ye ku wundi ahubwo we yireherejeho inyoko muntu. Umurimo wo gucungura ni uko ubumuntu bwagiye muri Kristo kandi inyoko muntu yacumuye igahabwa kuba umwe n'ubumana. Kristo yambaye kamere muntu kugira ngo abantu bashobore kuba umwe na we nk'uko nawe ari umwe na Se; kandi kugira ngo Imana ikunde umuntu nk'uko ikunda umwana wayo w'ikinege no kugira ngo abantu babe abasangiye kamere n'Imana kandi babe bashyitse muri we. UB1 199.3

Mwuka Muziranenge, uturuka ku Mwana w'Imana w'ikinege, ahuza umuntu, umubiri, ubugingo n'umwuka na kamere itunganye y'ubumana-muntu ya Kristo. Ubwo bumwe bugereranywa n'ubumwe bw'umuzabibu n'amashami. Umuntu upfa ahuzwa n'ubumuntu bwa Kristo. Ku bwo kwizera kamere muntu ihuzwa n'iya Kristo. Duhindurirwa n'Imana kuba umwe muri Kristo.

Nyuma y’uko umuntu aguye, Satani yatangaje ko abantu bagaragaje ko badashoboye kubahiriza amategeko y’Imana, aherako agerageza kuyobora abatuye isi n’ijuru mu kwizera ibyo. Amagambo ya Satani yagaragaraga nk’aho ari ukuri, maze Kristo azanwa no kubeshyuza uwo mushukanyi. Umunyacyubahiro wo mu ijuru atangira urugendo rwo gukiza umuntu, kandi akoresheje amahirwe ashobora guhabwa umuntu uwo ari we wese, atsinda ibishuko bya Satani nk’uko umuntu agomba kubitsinda. Ubu ni bwo buryo bwonyine umuntu waguye yashoboraga guhinduka usangiye kamere n’Imana. Mu gufata kamere y’umuntu, Kristo yari ahawe uburyo bwo gusobanukirwa ibigeragezo umuntu ahura na byo, agahinda, n’ibishuko byose bimwugarije. Abamarayika batigeze bamenya icyaha ntibari gushobora kubabarana n’umuntu mu bigeragezo bimugoye. Kristo yahisemo gufata kamere y’umuntu kandi ageragezwa mu buryo bwose nka twe kugira ngo ashobore gutabara abageragezwa bose. UB1 200.1

Mu guhinduka umuntu kwe, Kristo yafashe ibigize buri muntu wese. Yari umutware w’abantu. Umuntu ufite ubumana n’ubumuntu kandi akoresheje ukuboko kwe kurekure kwa kimuntu yashoboraga kubumbatira inyoko muntu, mu gihe akoresheje ukuboko kwe k’ubumana yashoboraga gusingira intebe y’ubwami y’iteka. UB1 200.2

Mbega ikintu ijuru ryari rihanze amaso! Kristo, utarigeze agira ikimenyetso cy’icyaha cyangwa ngo yanduzwe na cyo, yafashe kamere yacu yangiritse. Uku kwari ukwicisha bugufi birenze uko umuntu upfa ashobora kubyumva. Imana yagaragaye ifite umubiri. Yicishije bugufi. Mbega ingingo abantu bari bakwiye gutekerezaho cyane, bakayitegereza kandi ikabashishikaza! Mbega Umwami w’ijuru ukomeye kandi usumba byose wicishije bugufi cyane nyamara ntatakaze icyubahiro cye n’ikuzo! Yicishije bugufi aba umukene kandi aba uworoheje hanyuma y’abandi bose. Yahindutse umukene ku bwacu, kugira ngo mu bukene bwe dushobore kuba abakire. Yaravuze ati: “Ingunzu zifite imyobo, n’ibiguruka mu kirere bifite ibyari, ariko Umwana w’Umuntu ntafite aho kurambika umusaya.” Matayo 8:20 UB1 200.3

Kristo yihanganiye ibitutsi no gusekwa, gusuzugurwa no kunengwa. Yumvise ubutumwa bwe bwuzuyemo urukundo, ubugwaneza n‘impuhwe, nyamara bukavugwa mu buryo butari bwo kandi bugakoreshwa nabi. Yiyumviye ubwe

bamwita umutware w'abadayimoni kubera ko yahamije ko ari Umwana w'Imana. Kuvuka kwe ntikwabaye mu buryo busanzwe, nyamara ubwoko bwe bwite bwari bwarihinduye impumyi mu by'umwuka, bwabonaga uko kuvuka nk'ikizinga cyangwa se inenge. Nta kaga na kamwe katamugezeho, nta muvumo n'umwe atihanganiye, kugira ngo aronkere Imana abahungu n'abakobwa benshi. UB1 200.4

Kuba Yesu yari kuri iyi si nk'umuntu w'umunyamibabaro kandi wamenyereye intimba, kwari ukugira ngo akize umuntu waguye kurimbuka kw'iteka. Yaretse ubuturo bwe bwo mu ijuru, ngo ashobore kumanura ubwibone bwacu mu mukungugu kandi ngo akoze isoni ubwirasi bwacu, kandi ngo aduhishurire icyaha cyo kumva ko twihagije. Mwitegereze afata ibyifuzo by'abantu b'abanyabyaha, ibigeragezo, intimba n'imibabaro byabo maze akabigira ibye bwite. Ese ntidukwiriye kumva neza ukuntu Imana yihanganiye iyi mibabaro n'intimba nk'ingaruka z'icyaha? UB1 201.1

Kristo yaje mu isi, aba umuntu kandi aranamuhagararira, kugira ngo agaragaze ko muri iyi ntambara turwana na Satani, umuntu, nk'uko Imana yamuremye, ashyikiranye na Data wa twese n'Umwana, yashoboraga kumvira iby'Imana imusaba. Akoresheje umugaragu we yaravuze ati: "amategeko yayo ntarushya" (1 Yohana 5:3). Icyaha ni cyo cyatandukanyije umuntu n'Imana ye, kandi n'icyo gituma uku gutandukana gukomeza kubaho. UB1 201.2

Ubuhanuzi muri Edeni.

Urwango ruvugwa mu buhanuzi bwo muri Edeni ntabwo rwari kugarukira hagati ya Satani n'Umwami w'ubugingo gusa. Rwari kugera ku batuye isi n'ijuru bose. Satani n'abamarayika bari kugerwaho n'urwango rw'abantu. Imana yaravuze iti: "Nzashyira urwango hagati yawe n'uyu mugore, no hagati y'urubyaro rwawe n'urwe: Ruzagukomeretsa umutwe, nawe uzarukomeretsa agatsinsino." (Itangiriro 3:15) UB1 201.3

Urwango rwashyizwe hagati y'urubyaro rw'inzoka n'urw'umugore ntabwo rusanzwe. Kuri Kristo urwango rwari urusanzwe mu buryo bumwe; mu bundi buryo, rwari urudasanzwe kuko ubumuntu n'ubumana byahurijwe hamwe. Nta na rimwe urwango rwiyongereye ku rwego rukomeye nk'igihe Kristo

yahindukaga umuturage w'iyi si. Ntihigeze haboneka mbere y'icyo gihe umuntu ku isi wanze icyaha mu buryo bwuzuye nka Kristo. Yari yarabonye imbaraga yacyo iyobya kandi idakumirwa cyagize ku bamarayika bera, bityo imbaraga ze zose azegurira kukirwanya. UB1 201.4

Gutungana no kwera bya Kristo, gukiranuka kuzira inenge k'utarigeze akora icyaha, cyari igishinja gihoraho kuri buri cyaha muri iyi si yuzuye kurarikira n'ibyaha. Mu mibereho ye umucyo w'ukuri wamurikaga mu mwijima Satani yari yaragotesheje isi. Kristo yahishuye ibinyoma bya Satani na kamere ye yo kuyobya abantu kandi asenya imbuto ze zonona mu mitima ya benshi. Iki ni cyo cyavumbuye urwango rwa Satani rurushaho kuba rwinshi cyane. Afatanyije n'abambari be aribo biremwa byaguye, yamashe gukaza umurego mu ntambara ikomeye; kubera yuko hari uwari ku isi wari uhagarariye Se ku buryo butunganye, uwo kamere n'imigenzereze ye byavuguruzaga ibinyoma Satani yabeshyeraga Imana. Satani yashinjaga Imana kugira imico we ubwe yari afite. None muri Kristo yabonaga kamere nyakuri y'Imana yigaragaza---- umunyebambe, umubyeyi w'umunyembabazi, udashaka ko hagira n'umwe urimbuka, ahubwo ko bose bamusanga bihannye bagahabwa ubugingo bw'iteka. UB1 201.5

Kugwiza iby'isi n'ibinezeza byayo, byagiye biba ibishuko biha Satani amahirwe yo gutsinda. Ashaka ko imitima n'ibitekerezo by'abantu bihugira mu binezeza by'isi ku buryo iby'ijuru bidahabwa umwanya. Iyo imitima yabo ikunda iby'isi, Satani arayitegeka. Iby'isi bitwikira iby'ijuru kandi bigahuma amaso yabo ntibabone Uwiteka. Inyigisho z'ibihimbano by'abantu n'ibigirwamana birakundwa bikarutishwa iby'ukuri. Abantu bafatirwa mu mutego w'ibishashagirana byo muri iyi si. Batwara n'iby'isi ku buryo benshi bazakora icyaha icyo ari cyo cyose kugira ngo bagere ku mahirwe isi itanga. UB1 202.1

Aha ni ho Satani yategeye Yesu yibwira ko abasha kumutsinda. Yatekereje ko mu bumuntu bwe byari kumworohera kumutsinda. "Umwanzi arongera amujyana mu mpinga y'umusozi muremure cyane, amwereka ubwami bwose bwo mu isi n'ubwiza bwabwo, aramubwira ati: biriya byose ndabiguha, nupfukama ukandamya."(Mat 4:8-9). Nyamara Kristo ntiyigeze anyeganyezwa. Yumvise imbaraga z'iki gishuko; ariko byamubayeho ku bwacu, nyuma

aratsinda. Yakoresheje gusa intwaro zikwiriye gukoreshwa n'abantu — ijambo ry'uwo Mujyanama ukomeye ari ryo: "Handitswe ngo" Matayo 4:4. UB1 202.2

Mbese ni iki cyari gishishikaje abamarayika bo mu ijuru n'ibiremwa byo mu masi ataracumuye igihe bitegerezaga iyi intambara ubwo icyubahiro cy'amategeko cyashimangirwaga? Ntabwo ari ku bw'iyi si gusa intambara yagombaga kurangizwa burundu; ahubwo ni kubw'iyi si yose ndetse n'ijuru. Ingabo z'umwijima na zo zari zikurikiranye iyi ntambara zigira ngo zirebe ko hari amahirwe na make yo gutsinda uwari Imana-muntu uhagarariye inyoko muntu, hanyuma umuhakanyi agatera hejuru agira ati: "intsinzi", ubwo isi n'abayituye bagahinduka ab'ingoma ye by'iteka. UB1 202.3

Ariko Satani yabashije kugera gusa ku gatsinsino, ntiyashoboraga gukora ku mutwe. Igihe Kristo yapfaga, Satani yiboneye y'uko ubwe atsinzwe. Yiboneye ko kamere ye nyayo yagaragariye ijuru ryose, kandi ko abatuye ijuru n'amasi Imana yaremye uko bakabaye, bari bagiye kuba mu ruhande rw'Imana. Yabonye ko ibyo yari abitezeho mu gihe kizaza byari gukurwaho burundu. Ubumuntu bwa Kristo bwari kugaragaza ibihe byose ikibazo cyarangije intambara. UB1 202.4

Ubuziranenge bwa kamere muntu ya Kristo.

Mu kwishyiraho kamere muntu yangiritse, Kristo nta na rimwe yigeze afatanya na yo kukora icyaha. Yahuye n'ubumuga n'intege nke umuntu abana na byo. "Kugira ngo ibyavuzwe n'Umuhanuzi Yesaya bisohore, ngo: Ubwe ni we watwaraga ubumuga bwacu akikorera n'indwara zacu" (Matayo 8:17). Yikoreye ubumuga bwacu kandi ageragezwa mu buryo bwose nka twe ariko ntiyigeze akora icyaha. Yari Umwana w'Intama "utagira inenge cyangwa ibara." (1 Petero 1:19). Iyo Satani ajya gushobora gucumuza Yesu no mu kantu gato, yari kuba ajanjaguye umutwe w'Umukiza. Nk'uko byari biri, yashoboye gusa gukomeretsa agatsinsino ke. Iyo aba yarashyikiriye umutwe wa Kristo, ibyiringiro by'inyoko muntu biba byarazimiye. Umujinya w'Imana uba warageze kuri Kristo nk'uko wageze kuri Adamu. Kristo n'itorero bari gusigara nta byiringiro bafite. UB1 203.1

Ntitwari dukwiye gushidikanya ku bijyanye n'ubuziranenge bwuzuye bwa kamere muntu ya Kristo. Kwizera kwacu kugomba kuba gufite ubwenge

tugahanga Kristo amaso dufite ibyiringiro byuzuye kandi dufite kwizera kose igitambo gikuraho ibyaha. Iki kintu ni ingenzi kugira ngo umuntu adatwikirwa n'umwijima. Umuziranenge wapfuye mu cyimbo cyacu ashobora gukiza cyane; kuko yagaragarije abatuye isi n'ijuru bari bashobewe ukwicisha bugufi kwe gutunganye kandi kuzuye muri kamere ye ya kimuntu, kandi no kumvira byimazeyo ibyo Imana isaba byose. Imbaraga y'Imana ihabwa umuntu, kugira ngo ashobore guhabwa kamere y'Imana; kandi akire kononekara kwazanywe mu isi n'irari. Ni yo mpamvu umuntu wihana kandi akizera ashobora kugira gukiranuka kw'Imana muri Kristo.

IGICE CYA 36: MURI KRISTO NTA MOKO 174

Marayika w'ikirenga mu ijuru nta bushobozi yari afite bwo kwishyura inshungu y'umuntu umwe wazimiye. Abakerubi n'Abaserafi bafite gusa icyubahiro bahawe n'Umuremyi nk'ibiremwa bye, kandi no kunga umuntu n'Imana byashoboraga gusohozwa gusa n'Umuhuza wareshyaga n'Imana, wari ufite kamere yashoboraga gushyira ejuru no kumugaragaza ko akwiriye kuvugana n'Imana mu mwanya w'umuntu kandi agahagararira Imana imbere y'isi yaguye. Uwagiye mu mwanya w'umuntu kandi akaba n'umwishingizi we, agomba kugira kamere y'umuntu, umuhuza w'umuryango w'abantu; kandi na none nk'uhagarariye Imana, agomba kugira kamere y'Imana, afite aho ahuriye n'Isumbabyose, kugira ngo agaragarize isi Imana, kandi abe umuhuza w'Imana n'umuntu. UB1 204.1

Ibi byangombwa byose byabonetse muri Kristo wenyine. Yambitse ubumana bwe ubumuntu, yazanywe mu isi no kugira ngo yitwe Umwana w'Umuntu ndetse anitwe Umwana w'Imana. Yari umwishingizi w'umuntu, Intumwa y'Imana — Umwishingizi w'umuntu, kugira ngo binyuze mu gukiranuka kwe, akorere umuntu ibyo amategeko yasabaga, kandi na none yahagarariye Imana kugira ngo agaragarize inyokomuntu yaguye imico y'Imana. UB1 204.2

Umucunguzi w'isi yari afite ubushobozi bwo kwireherezaho abantu, agaturisha ubwoba bwabo, akabakuramo umubabaro, akabasubizamo ibyiringiro n'ubutwari, akabashoboza kwizera ubushake bw'Imana bwo kubemera binyuze mu mirimo ikorwa n'Umucunguzi. Nk'abagize amahirwe yo gukundwa n'Imana, dukwiriye guhora dushimira yuko dufite Umuhuza,

Umurengezi, utuvuganira mu rukiko rwo mu ijuru, akatuburanira imbere ya Data wa twese. UB1 204.3

Dufite ikintu cyose twashoboraga gusaba kikaturemamo kwizera no kwiringira Imana. Mu nkiko zo mu isi, igihe umwami yasezeranaga ikintu gikomeye cyane agashaka kwemeza abantu ukuri kwe, yatangaga umwana we nk'ingwate, kugira ngo azacungurwe n'uko se asohoje isezerano. Reba noneho isezerano ry'ubudahemuka bw'Imana; kugira ngo yemeze abantu kudahinduka k'umugambi wayo, yatanze Umwana wayo w'ikinege ngo aze mu isi, kandi ngo agire akamero k'umuntu, atari mu gihe kigufi cy'ubuzima bwe gusa, ahubwo ngo ayigumane no mu bikari byo mu ijuru. Iryo ni isezerano ry'iteka ryose ry'ubudahemuka bw'Imana. Mbega uburebure bw'ikijyepfo bw'ubutunzi bw'ubwenge n'urukundo by'Imana! "Nimurebe urukundo ruhebuje Data wa twese yadukunze, rwatumye twitwa abana b'Imana…" (1Yohana 3:1) UB1 204.4

Mu kwizera Kristo duhinduka abo mu muryango w'ibwami, abaragwa b'Imana, kandi abaraganwa na Yesu Kristo. Muri Kristo turi umwe. Igihe duhanze amaso Kaluvari tukareba uwababajwe w'i bwami—muri kamere muntu yagezweho n'umuvumo w'amategeko ku bw'umuntu, ivangura rishingiye ku bihugu, kwicamo ibice byakuweho; icyubahiro cy'ubuyobozi no kwirata ubwoko bivanwaho. UB1 205.1

Umucyo urasira ku musaraba w'i Kaluvari uturutse ku ntebe y'ubwami bw'ijuru utuma ivangura ryashyizweho n'umuntu mu nzego z'abantu n'amoko ricibwa burundu. Abantu ba buri cyiciro bahinduka abagize umuryango umwe, abana b'Umwami w'ijuru, bitanyuze mu bushobozi bw'isi, ahubwo binyuze mu rukundo rw'Imana rwatumye Kristo aba mu mibereho y'ubukene, mu mibabaro, no kwicisha bugufi, kugeza ku rupfu rukojeje isoni kandi rubabaje cyane, kugira ngo azane abahungu benshi n'abakobwa benshi mu bwiza. UB1 205.2

Ntabwo ari icyubahiro, nta bwo ari ubwenge bushira, si ubumenyi, si impano y'umuntu uwo ari we wese afite bituma agira isumbwe mu maso y'Imana. Ubuhanga, ibitekerezo byiza, impano z'umuntu, ni impano z'Imana zikoreshwa mu guhesha Imana icyubahiro, mu gutuma ubwami bw'iteka bukomera. Kamere y'umwuka n'imico myiza ituma umuntu agira agaciro mu maso y'Imana, ibyo ni byo bizarokoka igituro kandi bitume ahabwa ubwiza no

kudapfa ibihe bizira iherezo. Ubwami bw'isi bushimwa cyane n'abantu ntibuzarokoka igituro bwinjiramo. Ubukire, icyubahiro, ubwenge by'abantu byakoreshejwe mu gusohoza imigambi y'umwanzi, ntibibasha guhesha bene byo umurage, icyubahiro cyangwa umwanya w'icyubahiro mu isi izaza. Keretse gusa abahaye agaciro ubuntu bwa Kristo, bwatumye bahinduka abaragwa b'Imana n'abaragwana na Kristo, ni bo bazazuka bakava mu bituro bafite ishusho y'Umucunguzi wabo. UB1 205.3

Ababoneka ko bakwiriye kubarwa mu bagize umuryango w'Imana wo mu ijuru bazamenyana nk'abahungu n'abakobwa b'Imana. Bazabona ko bose bahabwa imbaraga no kubabarirwa bituruka ku isoko imwe, ndetse biturutse kuri Yesu Kristo wabambwe ku bw'ibyaha byabo. Bazi ko bagomba kumesa ibishura byabo by'imico mu maraso ye, bakemerwa na Data wa twese mu izina rye, niba bazaba bagomba kuba mu iteraniro ryiza ry'abera, bambaye imyambaro yera yo gukiranuka. UB1 205.4

Umwe muri Kristo

Niba abana b'Imana ari bamwe muri Kristo, Yesu abona ate amoko, kwitandukanya kw'abantu, kwirema ibice, kwigabanya bitewe n'ibara ry'uruhu, ubwoko, umwanya, ubutunzi, amavuko, cyangwa ibyo umuntu yagezeho. Ibanga ry'ubumwe riboneka mu kureshya kw'abizera muri Kristo. Impamvu yose yo kwicamo ibice, kutumvikana no kwitandukanya uko ari ko kose, ituruka mu kwitandukanya na Kristo. Kristo ni we zingiro ry'uruziga abantu bagombye gukururwa na ryo; kuko uko turushaho kwegera izingiro ry'uruziga ni ko tuzarushaho kwiyumva turi umwe, tugirirana impuhwe, dukundana, turushaho kugira imico n'ishusho bimwe. Imana ntirobanura abantu ku butoni.UB1 205.5

Yesu yari asobanukiwe ko ibirori bishimisha by'isi ari ubusa, kandi nta gaciro yabihaga. Mu cyubahiro cy'ubugingo bwe, gushyirwa hejuru kw'imico ye, ubupfura bwe, yari asumbye cyane iby'abantu babona ko bigezweho nyamara bidafite akamaro. Nubwo umuhanuzi amuvuga nk'"uwasuzugurwaga akangwa n'abantu, umunyamibabaro wamenyereye intimba" (Yesaya 53:3), yagombaga kuba yarahawe icyubahiro kiruta icy'imfura zo mu isi. Imiryango ikomeye yo mu isi yari kwishimira kumwakira iyo aza kuborohera akumvira ibyo bamusaba; ariko ntiyashatse gushimwa n'abantu, ahubwo yagendaga atishingikirije ku byo

abantu bavuga cyangwa bakora. Ubukire, umwanya mu buyobozi, imyanya mu nzego zose zitandukanye z'abakomeye, byari akantu gato cyane mu maso y'uwari warasize icyubahiro n'ikuzo byo ijuru, ntagire ubwiza bwatuma abantu bamwishimira, ntiyirohe mu binezeza cyangwa ngo yirimbishe, ahubwo akicisha bugufi. UB1 206.1

Aboroheje, abugarijwe n'ubukene, abafite inshingano nyinshi, abaremerewe n'umutwaro w'imirimo myinshi, ntibashobora kubona impamvu mu mibereho ya Yesu n'urugero yatanze byabatera gutekereza ko atazi ibigeragezo bahura na byo, ibibarushya, kandi ko atashobora kubabarana na bo mu bukene bwabo n'intimba zabo. Ugucishwa bugufi kw'imibereho ye yoroheje ya buri munsi byahuraga n'ivuka rye ryari ryoroheje n'ibyajyanye naryo. Umwana w'Imana Isumbabyose, Umwami w'ubugingo n'icyubahiro, yicishije bugufi agera ku rwego rw'ubuzima bw'uworoheje hanyuma y'abandi bose, kugira ngo hatagira n'umwe utekereza ko ahejwe mu maso ye. Yishyize mu rwego yabonwa na buri wese umushaka. Ntiyigeze agira abo atonesha ngo abandi bose abirengagize. Bishavuza Mwuka w'Imana iyo gutsimbarara ku bintu runaka bituma hari umuntu uhezwa muri bagenzi be, cyane cyane iyo bigaragaye mu biyita abana b'Imana. UB1 206.2

Kristo yazanywe no gutanga urugero mu isi rw'icyo ubumuntu bwuzuye bushobora guhinduka cyo, igihe buhujwe n'ubumana. Yeretse abatuye isi uburyo bushya bw'ubukuru abinyujije mu kugaragariza abantu imbabazi, impuhwe n'urukundo. Yahaye abantu uburyo bushya bwo gusobanukirwa n'Imana. Nk'umuyobozi w'inyokomuntu, yigishije abantu inyigisho z'ubumenyi bw'ingoma y'Imana, aho yerekaniye gukiranuka kwahuje imbabazi n'ubutabera. Ubwiyunge bw'imbabazi n'ubutabera ntibwigeze bushyigikira na hato icyaha cyangwa ngo bwirengagize ikintu cyose ubutabera busaba; ahubwo mu gushyira ikintu cyose mu mwanya cyagenewe, imbabazi zashoboraga gukoreshwa mu guhana umunyabyaha n'umuntu utihana bidakuyeho kugira impuhwe cyangwa ngo hirengagizwe kamere yazo ibabarira, ndetse n'ubutabera bwashoboraga gushyirwa mu bikorwa mu kubabarira umuntu wihannye bitagize icyo byangiza kuri bwo. UB1 206.3

Kristo Umutambyi wacu mukuru

Ibi byose byashoboraga kuba, kuko Kristo yari afite kamere muntu, kandi akagira kamere y'Imana, kandi akaba yarashinze umusaraba we hagati y'ubumuntu n'ubumana, agashyira iteme hejuru y'umworera watandukanyaga umunyabyaha n'Imana. UB1 207.1

"Kandi rero, tuzi y'uko atari abamarayika yatabaye, keretse urubyaro rwa Aburahamu. Ni cyo cyatumye yari akwiriye gushushanywa na bene Se kuri byose, ngo abe umutambyi mukuru w'imbabazi kandi ukiranuka mu by'Imana, abe n'impongano y'ibyaha by'abantu. Kuko ubwo yababajwe no kugeragezwa ubwe, abasha no gutabara abageragezwa bose." (Abah 2:16-18). "Kuko tudafite Umutambyi mukuru utabasha kubabarana na twe mu ntege nke zacu, ahubwo yageragejwe uburyo bwose nka twe, keretse yuko atigeze akora icyaha."(Abah 4:15). UB1 207.2

"Umutambyi mukuru wese, iyo atoranijwe mu bantu, ashyirirwaho gukora ibyerekeye Imana ku bw'abantu, kugira ngo ature amaturo, atambe n'ibitambo by'ibyaha; kandi abasha kwihanganira abatagira ubwenge n'abayobye, kuko nawe agoswe n'intege nke. Ndetse ni cyo gituma akwiriye no kwitambirira ibye byaha, nk'uko abitambirira abandi. Nta wiha icyo cyubahiro, ahubwo ahamagarwa n'Imana, nk'uko Aroni yahamagawe. Ni ko na Kristo atihimbarishije kwigira Umutambyi mukuru, ahubwo yabihawe n'Iyamubwiye iti: 'Uri Umwana wanjye, uyu munsi ndakubyaye.' Kandi nk'uko yavuze n'ahandi iti: 'uri Umutambyi iteka ryose, mu buryo bwa Melikisedeki. 'Yesu akiri mu mubiri, amaze kwinginga no gusaba cyane Iyabashije kumukiza urupfu, ataka cyane arira, yumviswe ku bwo kubaha kwe. Nyamara, nubwo ari Umwana w'Imana, yigishijwe kumvira kubw'imibabaro yihanganiye, kandi amaze gutunganywa rwose, abera abamwumvira bose umuhesha w'agakiza kadashira."Ababeburayo 5:1-9. UB1 207.3

Yesu yazanywe no gutanga imbaraga z'imico mbonera kugira ngo zifatanyirize hamwe n'imbaraga z'umuntu, kandi nta na rimwe abigishwa be bakwiriye kumukuraho amaso, kuko ari we cyitegererezo cyabo mu bintu byose. Yaravuze ati: "Nanjye niyeza ku bwabo, ngo nabo babe bereshejwe ukuri." (Yohana 17: 19). Yesu agaragariza abana be ukuri kugira ngo bakwitegereze, kandi ngo nibagutumbira, bashobore guhindurwa, bahindurwe n'ubuntu bwe bave mu gucumura bajye mu kumvira, bave mu guhumana bajye mu

gutungana, bave mu cyaha bagire umutima uzira inenge no gukiranuka k'ubugingo. UB1 207.4

Ishuri ridasanzwe ryo mu ijuru

Bamwe mu bacunguwe bazaba barakiriye Kristo mu masaha aheruka y'ubuzima bwabo, kandi mu ijuru inyigisho zizahabwa bene abo bapfuye batarasobanukirwa neza inama y'agakiza. Kristo azayobora abacunguwe ku nkombe y'uruzi rw'ubugingo, kandi azabahishurira ibyo batigeze basobanukirwa igihe bari bakiri kuri iyi si.

IGICE CYA 37: "NIKO NANJYE MBATUMYE " 176

"Uko Data yantumye, niko nanjye mbatumye" (Yohana 20:21). Tugomba guhamya ukuri rwose nk'uko kuri muri Yesu, nk'uko Yesu n'intumwa ze babigenje. Twiringiye ubushobozi bwa Mwuka Muziranenge, tugomba guhamya imbabazi, ubugiraneza, n'urukundo by'Umukiza wabambwe akazuka, bityo tukaba ibikoresho bizakoreshwa mu kwirukana umwijima uri mu bitekerezo bya benshi, kandi bizatuma imitima y'abantu benshi ishima kandi ihimbaza Imana. Hari umurimo ukomeye ukwiriye gukorwa na buri muhungu n'umukobwa b'Imana. Yesu aravuga ati: "Nimunkunda, muzitondera amategeko yanjye. Nanjye nzasaba Data, nawe azabaha undi mufasha wo kubana na mwe ibihe byose." (Yohana 14:15,16) UB1 208.1

Mu isengesho yasengeye abigishwa be, avuga y'uko atasengeraga abari bamukikije gusa, ahubwo "n'abazanyizezwa n'ijambo ryabo."(Yohana 17:20). Yarongeye aravuga ati: "Mwumvise uko nababwiye nti, ndagenda, kandi nzagaruka aho muri. Iyaba mwankundaga, muba munezejwe n'uko njya kwa Data, kuko Data anduta." (Yohana 14:28). Noneho turabona ko Kristo yasengeye abantu be, kandi abasezeranira byinshi kugira ngo abahamirize bazaba bafite amahirwe yo gufatanya na we. Yaravuze ati: "Imirimo ndetse iruta iyi [Iyo yakoraga] na we azayikora, kuko njya kwa Data." Yohana 14:12 UB1 208.2

Mbega amahirwe akomeye afitwe n'abizera kandi bashyira mu bikorwa amagambo ya Kristo! Kumenya Kristo, uwatwaye ibyaha byacu akaba

impongano yo gukiranirwa kwacu, ni byo bidushoboza kugira imibereho y'ubugingo buzira inenge. Ubu bumenyi ni ingabo itera umuryango w'abantu kugira ibyishimo. Satani azi ko tudafite ubu bumenyi twajijwa kandi tugatakaza imbaraga zacu. Kwizera Imana kwacu kwatakara, kandi tukagwa muri buri mutego wose umwanzi adutega. Yashyizeho imigambi ikomeye azakoresha kugira ngo arimbure umuntu. Ni umugambi we guteza umwijima wa Gihenomu umeze nk'umwenda utwikira isanduku y'umupfu, akawushyira hagati y'Imana n'umuntu kugira ngo atubuze guhanga amaso Yesu maze atwibagize umurimo w'urukundo n'imbabazi, anatuvutse kugira ubumenyi buruseho bw'urukundo rukomeye rw'Imana n'imbaraga itugenera, kandi akumire umurasire wose w'umucyo uva mu ijuru. UB1 208.3

Kristo wenyine ni we washoboye guhagararira ubumana. Uwahoranye na Se kuva mu itangiriro, Uwari ishusho igaragara y'Imana itaboneka, ni we wenyine wari ukwiriye kugira ngo asohoze uyu murimo. Nta mvugo irambuye yashoboraga guhishurira Imana abatuye isi. Binyuze mu mibereho itunganye, imibereho yo kwiringira kuzuye no kugandukira ubushake bw'Imana, imibereho yo kwicisha bugufi iyo umuserafi uruta abandi atari gutinyuka kwemera, Imana ubwayo igomba guhishurirwa abantu. Kugira ngo ibingibi bibeho, Umukiza wacu yatwikirije ubumana bwe ubumuntu. Yakoresheje ubushobozi bwa kimuntu, mu gukoresha ibingibi byonyine ni bwo abantu bari gusobanukirwa. Ubumuntu bwonyine ni bwo bwashoboraga kugera ku bumuntu. Yagaragaje kamere y'Imana mu mubiri w'umuntu uwo Imana yari yamuteguriye. Ari mu mubiri wa kimuntu yahesheje isi umugisha agaragaza imibereho y'Imana, maze muri ubwo buryo yerekana ko afite ubushobozi bwo guhuza ubumuntu n'ubumana. UB1 208.4

Umurimo dukwiriye gukorera Kristo

Kristo yaravuze ati: «Ntawe uzi Umwana w'Imana keretse Se, kandi ntawe uzi Se, keretse Umwana w'Imana n'umuntu wese uwo Mwana ashatse kuyimenyesha." (Mat 11:12) . Mbega ukuntu umurimo w'ikirenga w'Umwana w'Imana wumvikana buhoro! Yafashe agakiza k'abatuye isi mu biganza bye. Ubutumwa bwahawe intumwa ni nabwo buhabwa abayoboke be muri iki gihe. « Kwihana no kubabarirwa ibyaha bikwiriye kubwirwa amahanga yose mu izina rye, bahereye kuri Yerusalemu» (Luka 24 :47). Umukiza wacu afite «ubutware

bwose mu ijuru no mu isi » (Matayo 28:18) kandi ubu bushobozi twarabusezeraniwe. « Icyakora muzahabwa imbaraga, Umwuka Wera nabamanukira, kandi muzaba abagabo bo kumpamya, i Yerusalemu n'i Yudaya yose n'i Samariya no kugera ku mpera y'isi » (Ibyak. 1:8). UB1 209.1

Nubwo itorero ryaba rigizwe n'abakene, abatize n'abantu batazwi, ari ko nibaba abantu bizera kandi basenga, imibereho yabo izagira ingaruka mu gihe runaka ndetse n'iz'igihe cy'iteka ryose. Nibagenda mu kwizera koroheje, bakishingikiriza ku masezerano ari mu ijambo ry'Imana, bashobora gusohoza umurimo ukomeye kandi mwiza. Nibareka umucyo wabo ukamurika, Kristo azahabwa icyubahiro muri bo, kandi n'inyungu z'ubwami bwe zizakomeza kujya imbere. Niba basobanukiwe n'icyo buri wese agomba gukorera Imana, bazashaka amahirwe yose yo gukora, kandi bazamurika nk'imuri mu isi. Bazaba intangarugero z'abanyakuri n'abantu bagira ishyaka ryo gusohoza umugambi w'Imana wo gukiza imitima.

Abakene n'abatize, iyo babihisemo, bashobora kuba abigishwa mu ishuri rya Kristo, kandi azabigisha ubwenge nyakuri. Imibereho y'ubugwaneza, kwizera nk'umwana muto, kubaha Imana k'ukuri n'idini y'ukuri, bizagira ingaruka ku bandi kandi ingaruka itanga umusaruro. Abantu baminuje akenshi bashobora kwishingikiriza ku bwenge basoma mu bitabo byabo kurusha uko bishingikiriza ku Mana. Akenshi ntibashaka kumenya uburyo bw'Imana bwo gukiranira na yo mu masengesho yo mu rwiherero no kugundira amasezerano yayo binyuze mu kwizera. Abakiriye ugusigwa gutangwa n'ijuru bazagenda bafite Umwuka nk'uwa Kristo, bashaka uburyo bwatuma bagirana ikiganiro n'abandi kugira ngo babahishurire kumenya Imana na Kristo yatumye. Abo kubamenya ni ubugingo buhoraho. Bazahinduka inzandiko zihoraho kandi zihishurira abantu Umucyo w'isi. UB1 209.2

Kristo yahaye « umuntu wese umurimo we » (Mariko 13:34). Yiteze ko buri muntu wese akorana umurimo we ubudahemuka. Abakomeye n'abaroheje, abakire n'abakene, bose bafite umurimo wo gukorera Shebuja. Buri wese ahamagarirwa gukora. Ariko nimutumvira ijwi ry'Umwami, niba mudakora umurimo yabashinze ari we mwishingikirijeho nk'ubahagije, niba mudakurikiza urugero rwe, aya magambo ngo "umugaragu mubi kandi w'imburamumaro" azandikwa imbere y'izina ryawe. Keretse gusa umucyo wahawe

nuwumurikishiriza abandi, keretse gusa nureka umucyo wawe ukamurika, naho ubundi uzahinduka umwijima kandi ubugingo bwawe buzaba buri mu kaga ko kurimbuka gukomeye.

Imana ibwira umuntu wese uzi ukuri iti: “Abe ariko umucyo wanyu ubonekera imbere y’abantu, kugira ngo babone imirimo yanyu myiza, bahereko bahimbaze so wo mu ijuru.” (Matayo 5:16). Geza ku bandi ukuri kugira ngo bakumenye. Uyu ni umugambi w’Imana wo kumurikira isi. Nudahagarara mu mwanya wahawe, nutareka ngo umucyo wawe wake, uzagotwa n’umwijima. Imana ihamagarira abahungu n’abakobwa bo mu muryango w’ijuru kuba bafite intwaro zose, kugira ngo igihe icyo ari cyo cyose bashobore gutera intambwe bahagarare ku murongo aho baba biteguye kugira icyo bakora. Umutima woroheje kandi ufite imbabazi bitewe n’urukundo ukunda Yesu uzabona isaro ry’igiciro ryagenewe kubikwa mu bubiko bw’umwami wacu.

GICE CYA 38: KRISTO ASHUKWA NA SATANI

Kristo mu kidaturwa ntiyari afite amahirwe yo gutsinda ibishuko bya Satani angana n’ayo Adamu yari afite ubwo yashukirwaga na Satani muri Edeni. Umwana w’Imana yicishije bugufi afata kamere y’umuntu nyuma y’imyaka ibihumbi bine ubwo bwoko bwari bumaze buzerera hanze ya Edeni kandi baratakaje imibereho yabo y’umwimerere yo kwera ndetse no gutungana. Icyaha cyari kimaze igihe kirekire kibashyiraho ibisare biteye ubwoba; gutakaza imbaraga z’umubiri, iz’ubwenge n’izo kugira imico mbonera, byari byiganje mu muryango w’abantu. UB1 211.1

Igihe Adamu yaterwaga n’umushukanyi muri Edeni, nta kazinga na kamwe k’icyaha kamubonekagaho. Yahagararaga mu mbaraga yo gutungana kwe imbere y’Imana. Ingingo z’umubiri we n’imbaraga z’ibitekerezo byagiraga amajyambere mu buryo bungana kandi byari bigiye umujyo umwe. UB1 211.2

Kristo, mu butayu bw’ibishuko, yahagaze mu mwanya wa Adamu kugira ngo ahangane n’ikigeragezo Adamu atari yarashoboye kwihanganira. Aha ni ho Kristo yatsindiye mu mwanya w’umunyabyaha, nyuma y’imyaka ibihumbi bine Adamu yari amaze ateye umugongo umucyo w’urugo rwe. Bamaze gutandukana n’ubwiza bw’Imana, umuryango w’abantu kimwe n’ibisekuruza

byagiye bikurikiraho, warushijeho kujya kure yo kutunga, ubwenge n'ubuhanga by'umwimerere Adamu yari afite muri Edeni. UB1 211.3

Kristo yatwaye ibyaha n'ubumuga by'inyokomuntu uko byari biri muri icyo gihe yazanwaga mu isi no gutabara umuntu. Mu mwanya w'inyoko muntu, mu ntege nke 'umuntu waguye yari yarishyizeho, Yesu yagombaga gutsinda buri gishuko cy'uburyo ubwo ari bwo bwose Satani yari kuzateza umuntu. UB1 211.4

Adamu yari akikijwe n'ikintu icyo ari cyo cyose umutima we washoboraga kwifuza. Ikintu cyose gikenerwa cyari gihari. Nta cyaha cyariho, kandi nta bimenyetso byo gupfa byarangwaga muri Edeni yari ifite ubwiza. Abamarayika b'Imana baganirizaga Adamu na Eva bisanzuye kandi mu rukundo. Abaririmbyi b'abahanga baririmbanaga umunezero n'ubwisanzure indirimbo z'ishimwe, baririmbira Umuremyi wabo. Inyamaswa z'inyamahoro kandi zizira ikibi zakiniraga iruhande rwa Adamu na Eva, kandi zikumvira icyo bazibwiye. Adamu yari umuntu utunganye, urushije icyubahiro ibindi biremwa Imana yaremye. Yari afite ishusho y'Imana, ariko yari munsi gato y'abamarayika.UB1 211.5

Kristo nka Adamu wa kabiri

Mbega ubuhabane bw'ukuntu Adamu wa kabiri we yagiye mu butayu bw'umwijima guhangana na Satani ari wenyine! Guhera igihe umuntu yagwaga, abantu bagiye barushaho kuba bato ndetse n'imbaraga zabo z'umubiri zikagabanuka kandi bagenda barushaho guhenebera mu bijyanye n'imico mbonera kugeza igihe Kristo yazaga ku isi. Kugira ngo abashe kuzahura umuntu waguye, Kristo yagombaga kumusanga aho yari ari. Yafashe kamere muntu kandi atwara ubumuga no guhenebera k'ubwo bwoko. Utigeze kumenya icyaha, yahindutse icyaha ku bwacu. Yicishije bugufi kugera ku rwego rw'umunyamibabaro wo hanyuma y'abandi, kugira ngo abe afite ibimuhagije byose byatuma abasha gushyikira umuntu, akamuvana mu rwobo icyaha cyamuroshyemo. UB1 212.1

"Kuko byari bikwiriye ko Imana, byose byaremewe ikabibeshaho, iyobora abana benshi mu bwiza, itunganishije rwose umugaba w'agakiza kabo kubabazwa." Ababeb 2:10 [Byakuwe mu Abah 5: 9; 2:17,18] UB1 212.2

“Kuko tudafite umutambyi Mukuru utabasha kubabarana na twe mu ntege nke zacu, ahubwo yageragejwe uburyo bwose nka twe, keretse yuko atigeze akora icyaha.” Abah 4:15 UB1 212.3

Satani yarwanyije ubutegetsi bw’Imana, kuva igihe yagomeraga Imana bwa mbere. Igihe yashoboraga kugusha Adamu na Eva mu gishuko muri Edeni no kwinjiza icyaha mu isi, umwanzi yumvise agize imbaraga, maze yirata ku bamarayika bo mu ijuru ababwira ko igihe Kristo azagaragarira ku isi afite kamere muntu, azaba afite imbaraga nkeya ku ze, bityo akazamuneshesha imbaraga ze. Yashimishijwe n’uko Adamu na Eva batashoboraga gutsinda ubushukanyi bwe igihe yabategeraga ku irari ry’inda. Abaturage b’isi ya mbere yagiye abatsinda muri ubu buryo bitewe no gutwarwa n’umururumba n‘iruba rikabije. Yanesheje Abisirayeli ku bwo gushaka guhaza irari ry’inda zabo. Yiratага ko Umwana w’Imana ubwe wari kumwe no Mose na Yosuwa atashoboraga gutsinda imbaraga ye ngo ayobore abantu yatoranirije akabatonesha abageze i Kanani; kuko hafi y’abari bavuye mu Egiputa bose bari bararimbukiye mu butayu. Kandi na none, umuntu w’umugwaneza witwa Mose, yari yaramugeragеresheje kwigarurira icyubahiro cyari icy’Imana. Dawidi na Salomo bari baratoneshejwe n’Imana by’umwihariko, yatumye badashimwa n’Imana yuririye ku irari ry’inda no kwifuza kwabo. Kandi yiratага ko azashobora kurogoya umugambi w’Imana wo gukiza umuntu binyuze muri Yesu Kristo. UB1 212.4

Mu butayu bw’ibishuko Kristo yamaze iminsi mirongo ine atarya. Mose, mu bihe bimwe byihariye, na we muri ubwo buryo yagiye amara igihe kirekire atarya. Ariko ntiyigeze yumva inzara imurya. Ntiyageragejwe kandi ngo ababazwe n’umwanzi mubi kandi ufite imbaraga nk’uko byangendekeye Umwana w’Imana. Yari umuntu uruta abandi bose. By’umwihariko yari akomejwe n’ubwiza bw’Imana bwari bumukikije. UB1 212.5

Ingaruka ziteye ubwoba zageze ku muntu kubera icyaha

Satani yashoboye rwose gushuka abamarayika b’Imana, kandi anagusha Adamu, umuntu w’icyubahiro, ku buryo yatekereje ko igihe Kristo yari kuba yicishije bugufi yari gushobora kumutsinda. Yarebanaga ibyishimo ingaruka z’ubushukanyi bwe no kwiyongera kw’icyaha mu kugomera amategeko y’Imana

kudatuza byari bimaze igihe kirenga imyaka ibihumbi bine. Yari yaragushije ababyeyi bacu ba mbere, kandi azana icyaha n'urupfu mu isi, ndetse yari yaragushije imbaga y'abantu bo mu bihe byose, amahanga yose n'abantu b'ingeri nyinshi. Yari yarashoboye mu mbaraga ze, kwigarurira imijyi ikomeye n'amahanga kugeza igihe icyaha gikongereje uburakari bw'Imana ikabirimbuza umuriro, amazi, ibishyitsi, inkota, inzara n'ibyorezo. Ku bw'amayeri n'umuhati udacogora yagiye yigarurira irari ryabo ry'ibyo kurya, akabyutsa kandi akongera intege iruba ryabo bikagera ku rugero ruteye ubwoba ku buryo yahindanije kandi yenda gusibanganya ishusho y'Imana mu muntu. Imbaraga ze z'umubiri n'ubwiza bw'imico ye byarangiritse bikomeye, ku buryo yasigaranye akantu gato ko mu mico no gutungana byarangaga Adamu w'icyubahiro muri Edeni. UB1 213.1

Igihe Kristo yazaga ubwa mbere, Satani yari yarakuye umuntu mu butungane bukomeye bw'umwimere, kandi icyaha cyari cyarijimishije izahabu nziza. Umuntu wari wararemewe kuba umutware wa Edeni, yari yaramuhinduye umuretwa wanihishwaga n'umuvumo w'icyaha mu isi. Umucyo w'ubwiza wari umugose, uwo Imana yari yarahaye Adamu uzira inenge, wari umufubitse nk'umwambaro, wamuvuyeho nyuma yo gucumura. Umucyo w'ubwiza bw'Imana ntiwashoboraga gufubika kutumvira n'icyaha. Mu mwanya w'ubuzima n'imigisha myinshi, ubukene, uburwayi n'umubabaro w'uburyo bwose byagombaga kuba umugabane w'abana ba Adamu. UB1 213.2

Satani akoresheje imbaraga ye ishukana, yayoboye abantu mu bucurabwenge butagira umumaro bwabateraga gukemanga ibyo Imana yahishuye no kubaho kwayo, kugeza ubwo ku iherezo byabagejeje ku kutabyiringira rwose. Yashoboraga kureba hirya no hino ku isi iri mu buhanya bwo kwangirika kw'imico mbonera, n'ubwoko butegereje uburakari bw'Imana yitura icyaha, ku bw'intsinzi y'uko yashoboye kujyana benshi mu nzira y'umwijima kandi akaba yaratumye bica amategeko y'Imana. Yambitse icyaha ibinezeza kugira ngo benshi barimbuke. UB1 213.3

Ariko uburyo bwamuhiriye mu gushuka abantu bwari ubwo guhisha imigambi ye nyakuri na kamere ye nyakuri binyuze mu kwigaragaza nk'incuti yabo n'umuntu ushaka kubagirira neza. Ashyeshyenga abantu akoresheje utugani tubashimisha tubabwira ko nta mwanzi wigometse, ko nta mwanzi

uteye ubwoba ku buryo bamwirinda, kandi ko kubaho k'umwanzi w'umuntu ari ibihimbano. Mu guhisha kubaho kwe atyo, yigarurira ibihumbi byinshi by'abantu. Abashuka nk'uko yagerageje gushuka Kristo amubwira ko ari marayika uvuye mu ijuru ukorera abantu umurimo mwiza. Kandi abantu benshi bahumwe amaso n'icyaha ku buryo badashobora kubona neza ubucakura Satani akoresha, bityo bakamwubaha nk'uko bakubaha marayika uvuye mu ijuru, mu gihe arimo abacukurira urwobo rw'iteka ryose.

IGICE CYA 39: IGISHUKO CYA MBERE KRISTO YAHUYE NA CYO 177

Kristo yaje mu isi kugira ngo arimbure Satani kandi aza nk'Umucunguzi w'imbata ziboshywe n'imbaraga za Satani. Yari gusigira umuntu imibereho ye inesha nk'urugero agomba gukurikiza kugira ngo atsinde ibishuko bya Satani. Yesu acyinjira mu butayu bw'ibigeragezo, mu maso he harahindutse. Icyubahiro n'ubwiza byavaga ku ntebe y'Imana byigeze kumurika mu maso he igihe ijuru ryamukingukiraga maze ijwi rya Se rikemeza ko ari Umwana we yishimira, byari byagiye. Uburemere bw'ibyaha by'abari mu isi byari bitsikamiye umutima we kandi mu maso he hagaragazaga agahinda katavugwa n'ishavu rikomeye, ibyo umuntu wacumuye atari yarigeze abona. Yagezweho n'inyanja ihorera y'umubabaro wari warayogoje isi. Yumvise imbaraga y'irari no kwifuza kubi byagenga abatuye isi, byari byarateye umuntu umubabaro utavugwa. Gusayisha mu mirire byari byariyongereye kandi birushaho kwiyongera mu bisekuru byagiye bikurikiraho uhereye ku kugwa kwa Adamu, kugeza ubwo abantu babaye abanyantege nke mu bijyanye n'imico mbonera ku buryo batari bagishoboye gutsinda bakoresheje imbaraga zabo bwite. UB1 215.1

Kristo, yagombaga gutsinda irari ry'ibyo kurya mu mwanya w'inyokomuntu, bintuze mu guhagarara ashikamye imbere y'ikigeragezo kirusha imbaraga ibindi byose nk'ikigeragezo cy'inda. Yagombaga kugenda iyi nzira yo gushukwa wenyine; nta n'umwe wagombaga kumufasha ndetse nta n'uwagombaga kumuhumuriza no kumukomeza. Yagombaga gukirana n'imbaraga z'umwijima. UB1 215.2

Kubera ko umuntu atashoboraga gutsinda imbaraga z'ibishuko bya Satani akoresheje imbaraga ze za kimuntu, Yesu yagize ubushake bwo gukora uwo

murimo, kwikorera umutwaro w'umuntu kandi agatsinda imbaraga z'irari ry'inda mu cyimbo cye, kwiyanga no kwihangana, no gushikama ku mahame akabirutisha cyane kuribwa n'inzara. Yagombaga kwerekana imbaraga yo gutegeka inda irusha imbaraga inzara ndetse n'urupfu. UB1 215.3

Ubusobanuro bw'iki kigeragezo

Igihe Kristo yageragereshwaga irari ry'inda, ntiyari muri Edeni nziza, nk'uko byari bimeze kuri Adamu wabonaga umucyo n'urukundo by'Imana byagaragariraga kuri buri kintu cyose amaso ye yashoboraga kureba. We yari ahantu hatagira ikintu kihera, ahantu h'ubutayu bw'umusaka akijijwe n'inyamaswa zo mu ishyamba. Mu byari bimukikije, nta na kimwe cyari gishimishije; ahubwo byose byari biteye ubwoba kuri kamere muntu. Ahantu hameze hatyo ni ho yamaze iminsi mirongo ine n'amajoro mirongo ine yiyiriza, " kandi muri iyo minsi ntiyagira icyo arya" (Luka 4:2). Yananuwe n'uko yamaze igihe kinini atarya kandi yumvise inzara iruta izindi zose. Ishusho ye yari yahindanye kurusha iy'abana b'abantu. UB1 215.4

Kristo yinjira atyo mu buzima bwo guhangana kugira kugira ngo atsinde umwanzi ukomeye, binyuze mu kwihanganira ikigeragezo cyose Adamu yananiwe kwihanganira kugira ngo natsinda urugamba, abe amenaguye imbaraga za Satani kandi acungure abantu abavane mu gukorwa n'isoni zazanywe no kugwa kwabo. UB1 216.1

Adamu yatakaje byose igihe yumviraga imbaraga z'irari ry'inda. Umucunguzi, uwo muri we hari hahurijwe ubumuntu n'ubumana, yahagaze mu mwanya wa Adamu kandi yihanganira kwiyiriza ubusa kwari gukomeye kwamaze hafi ibyumweru bitandatu. Uburebure bw'iki gihe cyo kwiyiriza ubusa ni ikimenyetso gikomeye cyerekana urugero ubunyacyaha no gusigingira kw'imbaraga zo gutegeka irari ry'inda byagezeho mu muryango w'abantu. UB1 216.2

Ubumuntu bwa Kristo bwageze ku ndiba y'umubabaro wa muntu; kandi bwisanishije n'intege nke n'ubukene by'umuntu waguye mu gihe kamere ye y'ubumana yari igikomeje iby'iteka ryose. Umurimo we wo gutwara ingaruka z'icyaha cyakozwe n'umuntu ntabwo wari ugamije kumuha uburenganzira bwo gukomeza kwica amategeko y'Imana; ibiramambu, byatumye umuntu aba

ufitiye umwenda amategeko, uwo Kristo ubwe yarimo yishyura binyuze mu mubabaro we. Ibigeragezo n'imibabaro bya Kristo byari ibyo gukeburira umuntu gusobanukirwa n'uburemere bw'icyaha cye mu kwica amategeko y'Imana ngo bimutere kwihana no kumvira ayo mategeko, kandi ngo binyuze mu kumvira ayo mategeko, babashe kwemerwa n'Imana. Gukiranuka kwe yari kukubara ku muntu, noneho akanamuzamura mu by'imico mbonera kugira ngo ase n'Imana, bityo umuhati we wo kubahiriza amategeko y'Imana ukemerwa. Umurimo wa Kristo wari uwo kunga umuntu n'Imana binyuze muri kamere muntu ye kandi akunga Imana n'umuntu binyuze muri kamere ye y'ubumana. UB1 216.3

Guhera igihe Kristo yari atangiye igihe cye kirekire cyo kwiyiriza ubusa mu butayu, Satani yari bugufi yiteguranye ibishuko bye. Yaje aho Kristo ari agoswe n'umucyo, avuga ko ari umwe mu bamarayika bavuye ku ntebe y'Imana; woherejwe afite ubutumwa bwo kumuhumuriza no kumukomeza kandi ngo amworohereze mu mubabaro yarimo. Yagerageje kwemeza Kristo ko Imana itigeze imusaba kwiyanga atyo no kunyura mu mibabaro nk'iyo yagaragazaga; iyo akaba ari yo mpamvu yari yoherejwe n'ijuru amuzaniye ubutumwa bw'uko ngo Imana icyo yashakaga ari ukumugerageza ngo irebe ko yari yiteguye kwihangana. UB1 216.4

Satani yabwiye Kristo ko yari gukandagiza gusa ibirenge bye mu nzira yandujwe n'amaraso; ariko ko atari ukuyigenderamo. Mbese nk'uko Aburahamu yageragerejwe kugira ngo yerekane kumvira kwe kuzuye. Yanavuze y'uko ari we marayika wahagaritse ukuboko kwa Aburahamu igihe yazamuraga icyuma ngo asogote Isaka, none akaba azanywe no gukiza ubugingo bwe; kandi ko bitari ngombwa ngo yihanganire inzara imubabaza ityo n'urupfu rwari guterwa no gusonza; ngo yari no kumufasha kurangiza umugabane umwe w'umurimo w'inama y'agakiza. UB1 217.1

Umwana w'Imana yateye umugongo ibi bishuko byuzuye ubucakura byose, akomera ku mugambi we wo gusohoza mu buryo bwose, mu mwuka, inyuguti ku nyuguti, umugambi wari warashyiriweho gucungura ubwoko bwaguye. Nyamara Satani we yari yarateguye ibishuko by'uburyo bwinshi kugira ngo agushe Kristo, bityo amwiganzure. Iyo aza gutsindwa mu gishuko kimwe, yari yiteguye kumugerageresha ikindi. Yatekereje ko yari butsinde kuko Kristo yari

yariyoroheje ubwe nk'umuntu. Yiremaga agatima akibwira ko kamere ye yo kwiyoberanya akigira nk'umwe mu bamarayika bo mu ijuru itazatahurwa. Yiremagamo gushidikanya ubumana bwa Kristo ashingiye ko yagaragaraga ananutse kandi nta ntege afite no ku byari bimuzengurutse bidashimishije. UB1 217.2

Kristo yari azi ko nafata kamere muntu atazasa n'abamarayika bo mu ijuru. Satani yamuhendahendeye guhamisha isumbwe rye kumuha igihamya niba koko ari umwana w'Imana. Yashutse Kristo akoresheje igishuko kijyanye n'irari ry'inda. Yari yaratsinze Adamu akoresheje ubu bwoko bw'ikigeragezo kandi abasha kwigaruria abamukomotseho; ndetse kubera gutwarwa n'irari ry'inda, bashotoye Imana kubwo gukiranirwa kugeza ubwo urugomo rwabo rubaye rwinshi cyane ku buryo Uwiteka yabarimbuje amazi y'umwuzure akabakura ku isi. UB1 217.3

Binyuze mu bishuko bitaziguye bya Satani, abana ba Isirayeli bemereye irari ry'inda kuyobora ibitekerezo byabo kandi binyuze mu kwishora mu irari, bashowe mu gukora ibyaha bibabaje byababyukirije uburakari bw'Imana maze bashirira mu butayu. Yatekereje ko yari kugira amahirwe yo gutsinda Kristo akoresheje ikigeragezo nk'icyo. Yabwiye Kristo ko umwe mu bamarayika b'icyubahiro yaciriwe mu isi, kandi ko uko yagaragaraga bihamya ko ari we; aho kuba umwami w'ijuru, yari marayika waguye, ibyo bikaba ari yo mpamvu yo kuzongwa kwe n'umubabaro yari afite. UB1 217.4

Nta gitangaza Kristo yakoze ku bw'inyungu ze

Noneho ararikira Kristo kwitegereza ubwiza bwe, akareba ukuntu yambaye umucyo n'ukuntu ari umunyambaraga. Nuko amubwira ko ari intumwa ije ivuye ku ntebe y'ubwami bw'ijuru, ku bw'ibyo akaba afite uburenganzira bwo gusaba Kristo kwerekana ibihamya by'uko ari Umwana w'Imana. Iyo Satani abishobora, aba yaramuteye gushidikanya amagambo yumvikaniye mu ijuru abwirwa umwana w'Imana igihe yabatizwaga. Yari yiyemeje gutsinda Kristo kandi, byamushobokera, akimika ubwami bwe akanirindira umutekano. Igishuko cye cya mbere yahaye Kristo cyari icy'irari ry'inda. Kuri iyi ngingo, yasaga n'aho yari yarigaruriye isi yose; kandi ibishuko bye byari bijyanye n'igihe n'ahantu Yesu yari ari, ku buryo ibyo ari byo byatumaga bigira imbaraga nyinshi UB1 217.5

Kristo yashoboraga gukora igitangaza ku bw'inyungu ze; ariko ibi ntibyari kuba bihuje n'inama y'agakiza. Ibitangaza byinshi byaranze imibereho ya Kristo byerekana ububasha bwe bwo gukora ibitangaza ku bw'inyungu za bene muntu bababazwaga. Ku bw'igitangaza kimwe cy'impuhwe, yagaburiye abantu ibihumbi bitanu mu mwanya umwe akoresheje imigati itanu n'udufi tubiri duto. Ku bw'ibyo rero, yanashoboraga gukora igitangaza akabasha kwimara inzara yari afite. Satani yishukaga ko yari gutera Kristo gushidikanya amagambo yumvikaniye mu ijuru igihe yabatizwaga. Kandi iyo aza gushobora kumutera kwibaza koko niba ari umwana w'Imana, bityo agashidikanya ku kuri kw'amagambo yavuzwe na Se, yari kuba abonye intsinzi. UB1 218.1

Yabonye Kristo mu butayu budatuwe ari wenyine, nta byo kurya kandi ari mu mubabaro. Ibyari bimukikije byari bibabaje kandi bidateye ubwuzu. Satani yabwiye Kristo ko Imana itari kurekera Umwana wayo mu bukene nk'ubwo no mu mubabaro nk'uwo. Yiringiraga kujegeza ibyiringiro Kristo yari afitiye Se; wari wemeye ko ajyanwa muri uwo mubabaro ukabije mu butayu; ahatigeze gukandagirwa n'ibirenge by'umuntu. Satani yiringiraga ko azateza Kristo gushidikanya urukundo rwa Se, maze bikabona umwanya mu bitekerezo bye, kandi binyuze mu gucika intege no gusonza cyane, agakoresha imbaraga ze zo gukora ibitangaza kugira ngo yirengere, bityo akaba yivanye mu biganza bya Se wo mu ijuru. Iki mu by'ukuri cyari igishuko Kristo yari ahuye na cyo. Ariko ntiyigeze acyishimira n'umwanya na muto. Ntabwo yigeze ashidikanya na gato ku rukundo rwa Se wo mu ijuru nubwo yagaragaraga nk'uwacishijwe bugufi n'umubabaro. Ibishuko bya Satani nubwo byari biteguranye ubuhanga, ntibyigeze binyeganyeza gukiranuka k'Umwana w'Imana ukundwa. Ibyiringiro bishikamye yari afite muri Se ntibyashoboraga kunyeganyezwa. UB1 218.2

Kristo ntiyigeze ajya impaka n'igishuko.

Yesu ntiyigeze yemera gusobanurira umwanzi we ukuntu yari umwana w'Imana n'uburyo yagombaga gukora. Mu buryo bw'agasuzuguro no kumukwena, Satani yerekeje ku ntege nkeya Kristo yari afite n'ishusho ye idashimishije maze agaragaza ukuntu bitandukanye n'imbaraga n'ubwiza we yari afite bikaba bihabanye n'imbaraga ze bwite n'icyubahiro yari afite. Yasuzuguye Kristo ko atari we wari ukwiriye guhagararira abamarayika; ibirenze

kuri byo akaba ari na we mugaba wabo w'umunyacyubahiro kandi akaba n'umwami uzwi mu bikari by'ibwami. UB1 218.3

Uburyo yagaragaraga byerekanaga ko yari yatereranywe n'Imana n'abantu. Yavuze ko niba mu by'ukuri Kristo yari Umwana w'Imana, Umwami w'ijuru, yari afite ububasha bungana n'ubw'Imana; kandi ko yashoboraga kumuha igihamya binyuze mu gukora igitangaza cyo guhindura ibuye ryari imbere y'ibirenge bye umugati maze akawukoresha yimara inzara. Satani yasezeraniye Kristo ko niyemera gukora ibyo, ko arahita yemera ko amurusha ubutware, kandi ko impaka zari hagati yabo ziraba zirangiriye aho by'iteka ryose. UB1 219.1

Kristo ntiyigeze yita ku gasuzuguro no kumusesereza bya Satani. Ntabwo ibyo byatumye amuha ibihamya by'ububasha bwe. Mu bugwaneza bwe, yihanganiye gutukwa ntiyamusubiza. Amagambo yumvikaniye mu ijuru ku munsi w'umubatizo we yari afite agaciro gakomeye; yamuhamirizaga ko Se yemeye intambwe yarimo atera mu gusohoza inama y'agakiza nk'inshungu n'umwishingizi w'umuntu. Gukinguka kw'ijuru no kumanuka kw'inuma yavuye mu ijuru, byari ibihamya by'uko Se yari guhuza ububasha bwe mu ijuru n'ubw'Umwana we ku isi kugira ngo akure umuntu mu butware bwa Satani kandi n'uko Imana yemeye umuhati wa Kristo wo guhuza isi n'ijuru, n'uwo guhuza umuntu upfa n'Imana ihoraho. UB1 219.2

Iki kimenyetso cyari gitanzwe na Se, cyari gifitiye Umwana w'Imana agaciro katarondoreka mu mibabaro ye yose ikomeye n'intambara yari ahanganyemo n'umutware wigometse guhangana gukomeye yagiranye n'umutware w'abagome. Mu gihe yihanganiraga ikigeragezo cy'Imana mu butayu kimwe no mu gihe cy'umurimo we cyose, ntacyo yari afite yakora ngo yemeze Satani iby'ububasha bwe bwite n'uko ari Umukiza w'abari mu isi. Satani yari afite igihamya gihagije cy'umwanya w'icyubahiro wa Yesu. Kuba atarashakaga kwemera ko Kristo akwiriye icyubahiro kandi ngo amuyoboke nk'uri munsi ye, byamugejeje ku kwigomeka ku Mana no guhezwa hanze y'ijuru. UB1 219.3

Ntabwo wari umugabane w'umurimo wa Kristo gukoresha ububasha bwe bw'ubumana ku nyungu ze, no mu kwiyorohereza umubabaro. Ibi ni byo ubwe yari yiyemeje kwishyiraho. Yemeye gufata kamere muntu kandi yari guhura n'ingorane, ibibazo n'imibabaro umuryango w'abantu uhura na byo.

Ntiyagombaga kugira ibitangaza akora ku nyungu ze. Yazanywe no gukiza abandi. Intego y'umurimo we yari iyo kuzanira imigisha abababazwa n'abarenganywa, ibyiringiro n'ubugingo. Yagombaga kwishyiraho imitwaro n'intimba bya bene muntu bababazwa. UB1 219.4

Nubwo Kristo yababajwe cyane n'inzara idasanzwe, yatsinze ibishuko. Yirukanishije Satani Ibyanditswe; ibyo yari yarahaye Mose mu butayu ngo abisubiriremo Abisirayeli bari bigometse igihe bari babuze ibyokurya; kandi bakaboroga basaba inyama. "Umuntu ntatungwa n'umutsima gusa, ahubwo atungwa n'amagambo yose ava mu kanywa k'Imana." (Matayo 4:4) UB1 219.5

Binyuze muri iri tangazo no mu rugero rwe, Kristo yerekaga umuntu ko inzara y'ibyo kurya by'igihe gitoya atari icyago gikomeye kurusha ibindi byose mu byari kumugeraho. Satani yashyeshyenze ababyeyi bacu ba mbere ababwira ko mu kurya urubuto rw'igiti cy'ubwenge icyo Imana yari yarababujije cyari gutuma bagubwa neza cyane kandi ko batari gupfa. Ibyo byari bihabanye n'ukuri Imana yari yababwiye igira iti: "Ariko igiti cy'ubwenge kimenyesha icyiza n'ikibi ntuzakiryeho kuko umunsi wakiriyeho no gupfa uzapfa"(Itang 2:17). Iyo Adamu ajya kuba yarumviye, ntiyari kwigera na rimwe akena, agira ishavu cyangwa ngo apfe. UB1 220.1

Iyo abantu babayeho mbere y'umwuzure baba barumviye ijambo ry'Imana, ntacyo baba barabaye kandi ntibari kuba bararimbuwe n'amazi y'umwuzure. Iyo Abisirayeli bajya kuba barumviye ijambo ry'Imana, iba yarabahundagajeho imigisha y'umwihariko. Ibiri amambu bazize ingaruka zo kwishora mu irari ry'inda no kugira iruba. Ntibashoboraga kumvira ijambo ry'Imana. Kwishora mu kugira irari rikabije ry'ibyo kurya byatumye habaho ibyaha byinshi kandi bikomeye. UB1 220.2

Iyo bajya kuba baragize nyambere ibyo Imana isaba, n'ibyo bifuza ubwabo bikaza nyuma, bakemera guhitamo indyo ibakwiriye Imana yabahaye, nta n'umwe muri bo uba wararimbukiye mu butayu. Bari kuba baratujwe mu gihugu cyiza cy'i Kanani ari bantu bera kandi bazira umuze, nta n'umwe mu miryango yabo yose wari kugira intege nke. UB1 220.3

Umukiza w’abatuye isi yahindutse icyaha ku bw’inyokomuntu. Mu guhinduka ingurane y’umuntu, ntabwo Kristo yagaragaje ububasha bwe nk’Umwana w’Imana. Yihinduye umwana w’umuntu mu bandi. Yagombaga kugeragezwa n’ibishuko nk’umuntu, mu mwanya w’umuntu, mu bigeragezo bikomeye cyane yahuye na byo, maze agasiga urugero rwo kwizera Se wo mu ijuru no kumugiramo ibyiringiro bishyitse. Kristo yari azi ko Se yari kumuha ibyo kurya igihe yari kubona ko bikwiriye. Muri iki gihe gikomeye, ubwo inzara yamuryaga birenze urugero, ntabwo yari kugabanya na gato ku kigeragezo yari yagenewe akoresheje imbaraga ye y’ubumana mbere y’igihe cyategetswe. UB1 220.4

Umuntu waguye, iyo ashyizwe ahantu hagororotse, ntiyashobora kugira imbaraga zo gukora ibitangaza ku bwe kugira ngo yikize uburibwe cyangwa agahinda, cyangwa ngo yiheshe gutsinda abanzi be. Wari umugambi w’Imana wo kugerageza no gusuzuma inyokomuntu; no kubaha amahirwe yo gukomeza gutuma imico yabo itungana binyuze mu kubagerageza kenshi mu buryo butandukanye kugira ngo kwizera kwabo n’ibyiringiro bafite mu rukundo rwe n’ububasha bwe bisuzumwe. UB1 220.5

Imibereho ya Kristo yari urugero rutunganye. Yahoraga yigisha abantu akoresheje urugero rwe n’amagambo ababwira ko Imana ari yo yishingikirizagaho kandi ko mu Mana ariho kwizera kwe n’ibyiringiro bishikamye bikwiye kuba. UB1 220.6

Kristo yari azi ko Satani yari umubeshyi kuva mu itangiriro kandi byasabaga kwirinda bikomeye kumva amagambo y’uyu mushukanyi usuzugura, kandi ntahite acyaha Satani uwo mwanya mu byo atinyutse kumubwira. Satani yateganyaga gushotora Umwana w’Imana bagahita batangira guterana amagambo; nuko akiringira ko yamufatirana n’intege nke z’umubiri n’izo mu buryo bw’umwuka akamutsinda. Yari yiteguye kugoreka amagambo ya Kristo kugira ngo yerekane ko hari icyo amurusha; no kwitabaza abamarayika be baguye ngo bakoreshe imbaraga zabo zose zimazeyo bamurwanye maze bamutsinde. UB1 220.7

Umukiza w’abari mu isi ntiyateranye amagambo na Satani wari waraciwe mu ijuru kuko atari agikwiriye kuhaba. Uwo nguwo washoboraga gutuma abamarayika b’Imana barwanya umutware wabo w’ikirenga, Umwana wayo,

umugaba wabo ukundwa kandi bakajya mu ruhande rwe, yashoboraga kuriganya mu buryo ubwo ari bwo bwose. Imyaka ibihumbi bine yari ayimaze arwanya ubutegetsi bw'Imana kandi ntabwo yari yarigeze atakaza ubuhanga bwe na hato cyangwa ububasha bwo gushuka no kuyobya.UB1 221.1

Kuneshereza muri Kristo

Kubera ko umuntu waguye atari agishoboye gutsinda Satani akoresheje imbaraga ye ya kimuntu, Kristo yavuye mu bikari by'ibwami byo mu ijuru kugira ngo amufashe akoresheje imbaraga ze z'ubumuntu n'iz'ubumana zibumbiye hamwe. Kristo yari azi ko Adamu muri Edeni, mu mahirwe yari afite, yashoboraga guhangana n'ibishuko bya Satani akamutsinda. Kandi yari azi ko bidashobokera umuntu wari hanze ya Edeni (watandukanijwe n'umucyo n'urukundo by'Imana kuva igihe yagwaga) gutsinda ibishuko bya Satani akoresheje imbaraga ze bwite. Kugira ngo azanire umuntu ibyiringiro kandi amukize kurimbuka burundu, yicishije bugufi afata kamere y'umuntu kugira ngo ashyikire umuntu aho ari binyuze mu gukoresha ubumana bwe n'ubumuntu bibumbiye hamwe. Abonera abahungu n'abakobwa ba Adamu baguye imbaraga badashobora kwibonera ubwabo, kugira ngo mu izina rye bashobore gutsinda ibishuko bya Satani. UB1 221.2

Umwana w'Imana wererejwe, mu kwigira umuntu kwe, arushaho kwiyegereza umuntu binyuze mu kumugira mu cyimbo. Yisanisha na we mu mibabaro n'ingorane bye. Yageragejwe mu buryo bwose nk'uko umuntu ageragezwa kugira ngo ashobore kumenya ukuntu yafasha abageragezwa. Kristo yatsindiye umunyabyaha. UB1 221.3

Yakobo, mu iyerekwa rye rya nijoro, yabonye urwego ruhuza isi n'ijuru rugenda rukagera ku ntebe y'ubwami y'Imana. Yabonye abamarayika b'Imana, bambaye imyambaro ifite ubwiza bw'ijuru, bamanuka kandi bazamuka kuri uru rwego rwarabagiranaga. Amaguru y'uru rwego yakoraga ku isi, mu gihe umutwe warwo wageraga mu bushorishori bw'ijuru, ku ntebe y'ubwami ya Yehova. UB1 221.4

Ukurabagirana kwavaga ku ntebe y'Imana kwateraga ibishashi kuri uru rwego maze narwo rukohereza ku isi umucyo w'ubwiza butarondoreka. UB1 221.5

Uru rwego rwashushanyaga Kristo wari waratangije umusabano hagati y'isi n'ijuru. Mu kwicisha bugufi kwa Kristo yamanutse ku rwego rwo hasi cyane mu mubabaro w'abantu, ababarana nabo kandi abagirira impuhwe, ari byo byashushanyirijwe Yakobo n'ibirenge by'urwego byakoraga ku isi, mu gihe umutwe w'urwego ugera ku ijuru washushanyaga imbaraga y'ubumana ya Kristo wari ufashe iby'iteka, bityo agahuza isi n'ijuru, n'umuntu upfa akamuhuza n'Imana idapfa. Binyuze muri Kristo umuntu abasha gushyikirana n'Imana. Abamarayika bashobora kuva mu ijuru bakaza mu isi bazaniye umuntu waguye ubutumwa bw'urukundo kandi bagafasha abazaragwa agakiza. Muri Kristo wenyine ni ho intumwa z'ijuru zifashiriza abantu. UB1 222.1

Adamu na Eva bashyizwe mu buzima bubaha amahirwe. Bari bafite amahirwe yo gusabana n'Imana n'abamarayika. Nta cyaha cyatumaga bacirwaho iteka. Umucyo w'Imana n'abamarayika wari hamwe nabo ndetse n'ahabakikije. Uwabaremye ni we wari umwigisha wabo. Nyamara baguye mu maboko no mu bishuko by'umwanzi w'umuhanga. Satani yari amaze imyaka ibihumbi bine arwanya ingoma y'Imana kandi yari amaze kugwiza imbaraga n'uburambe biturutse mu kwitoza kumashije. Abantu baguye ntibari bafite amahirwe angana n'aya Adamu muri Edeni. Bari baratandukanye n'Imana igihe cy'imyaka ibihumbi bine. Ubwenge bwo gusobanukirwa n'imbaraga yo gutsinda ibishuko bya Satani byari byaragabanutse kugera ubwo Satani yagaragaraga nk'aho ategekana isi kunesha. Irari ry'inda no kwifuza, gukunda iby'isi n'ibyaha byo kwigerezaho byari amashami akomeye y'ikibi yabyaraga ubwoko bwose bw'ubugome, ihohotera no kwiyonona.

IGICE CYA 40: IGISHUKO CYA KABIRI KRISTO YAHUYE NA CYO 178

Satani yatsinzwe mu migambi ye yari afite yo kugerageza gutsinda Kristo ku ngingo y'irari ry'inda. Mu butayu Kristo yatsindiye inyokomuntu ku bijyanye n'irari ry'inda; abihindura ibishoboka ko mu izina rya Yesu, mu bihe bizaza umuntu ku giti cye yatsinda imbaraga y'irari ry'ibiryo. Satani ntiyigeze acogora kugeza igihe yari amaze kugerageza uburyo bwose ngo atsinde Umucunguzi

w’abari mu isi. Yari azi ko kuri we byose byiteguwe, ko umwe muri bo agomba gutsinda urugamba, yaba we cyangwa Kristo. Nuko kugira ngo akangishe Kristo ko amurusha imbaraga, yamujyanye i Yerusalumu, amushyira ku gasongero k’urusengero, hanyuma akomeza kumurundaho ibishuko. UB1 223.1

Yongeye gusaba Kristo ko niba ari Umwana w’Imana, abyerekanisha kwijugunya hasi avuye aho hantu harehare yari yamushyize. Yasabye Kristo kumwereka ibyiringiro yari afite mu burinzi bwa Se abikoresheje gusimbuka akava hejuru y’urusengero akijugunya hasi. Mu gishuko cye cya mbere cy’irari ry’inda, Satani yakoresheje kwereka Kristo ibimuzengurutse n’inzara nk’ikimenyetso cy’uko Imana itamukunze, maze ashaka kumuteza gushidikanya urukundo n’uburinzi Se amugirira nk’umwana we. Ntabwo ibi byamuhiriye. Afatiye ku kwizera n’ibyiringiro bitunganye Kristo yari yerekanye ko afite muri Se wo mu ijuru, Satani yakurikijeho kumushukisha kwigerezaho. Aramubwira ati: “Niba uri Umwana w’Imana, ijugunye hasi; kuko handitswe ngo: ‘Izagutegekera abamarayika bayo, bakuramire mu maboko yabo, ngo udakubita ikirenge ku ibuye.’”(Mat 4:6). Yesu yahise amusubiza ati: “Biranditswe na none ngo: Ntukagerageze Uwiteka Imana yawe” (Matayo 4:7). UB1 223.2

Icyaha cyo kwigerezaho.

Icyaha cyo kwigerezaho cyenda gusa no kwizera kuzima no kwiringira Imana. Satani yibwiye ko yafatirana Kristo mu bumuntu bwe akamusaba kurenga umurongo wo kwizera akajya mu kwigerezaho. Kuri iyi ngingo abantu benshi barahagwa. Satani yagerageje gushuka Kristo akoresheje kumushyeshyenga. Mu gihe cyo kumugeragereza bikomeye mu butayu, Satani yemeraga ko Kristo ari mu kuri igihe yizera kandi akiringira ko Imana ari Se. Hanyuma yasabye Kristo kumuha igihamya kimwe cy’uko yishingikirije byimazeyo ku Mana, ikindi gihamya cyo kwizera kwe ko ari Umwana w’Imana abigaragarishije gusimbuka akava hejuru y’urusengero. Yabwiye Kristo ko niba ari Umwana w’Imana koko, nta kintu yagombaga gutinya kuko abamarayika bari bamuri hafi ngo bamuramire. Satani yagaragaje ko yari asobanukiwe n’Ibyanditswe mu buryo yabikoreshaga. UB1 223.3

Umucunguzi w’abari mu isi ntabwo yigeze ahungabanywa na gato ngo areke gukiranuka kwe kandi yerekanye ko yari afite kwizera gushyitse mu burinzi Se

yamusezeraniye. Ntiyabonaga ko ari ngombwa kugerageza ubudahemuka n'urukundo bya Se nta mpamvu, nubwo yari mu maboko y'Umwanzi, kandi ari mu ngorane n'akaga bikomeye. Ntabwo yari kugerageza Imana abisabwe na Satani binyuze mu gusuzuma yigerejeho ubugiraneza mvajuru. Satani yakoresheje ibyanditswe byagaragaraga nkaho bijyanye n'uwo mwanya, yiringiye gusohoreza imigambi ye ku Umukiza wacu muri mwanya udasanzwe nk'uyu. UB1 224.1

Kristo yari azi ko Imana yashoboraga kumuramira rwose mu gihe yaba ari yo yamusabye kwijugunya hasi avuye hejuru y'urusengero. Ariko gukora ikintu kitari ngombwa no kumenya neza uburinzi n'urukundo bya Se gusa kubera ko abitinyuwe na Satani, ntabwo byari kwerekana imbaraga ye yo kwizera. Satani yari azi neza ko iyo Kristo ashukwa akijugunya akava hejuru y'urusengero atabitegetswe na Se, kugira ngo yerekane ko Se wo mu ijuru amurinda, yari kuba agaragarije muri iki gikorwa ko kamere ye y'ubumuntu ari inyantege nke. UB1 224.2

Kristo yasohotse mu gishuko cya kabiri ari umuneshi. Yerekanye kwizera kuzuye no kwiringira Se muri iki gihe cy'urugamba yarwanaga n'umwanzi ukomeye. Muri iyi ntsinzi ye Umucunguzi wacu yari asigiye umuntu urugero rukwiriye gukurikizwa, amwereka ko umutekano we ushingiye gusa mu kwizera no kwiringira Imana atajegajega mu gihe cy'ibigeragezo n'amage. Yanze kugerageza imbabazi za Se yishyira mu kaga kari gutuma biba ngombwa ko Se wo mu ijuru yerekana ubushobozi bwe kugira ngo akamukuremo. Ibi byari kuba nk'aho ari uguhatira Imana kumurinda; kandi nta rugero rwiza rwo kwizera no kwiringira Imana kuzuye yari kuba asigiye abantu be. UB1 224.3

Intego ya Satani mu gushuka Kristo ngo akore ibyo kwigerezaho ndetse no kugaragaza intege nke za kimuntu byari gutuma ataba akibereye urugero rwiza abantu be. Satani yatekereje ko iyo Kristo ananirwa gutsinda ibishuko yamugeragereshe, gucungurwa kw'abantu ntikwari kuba kukibayeho, kandi yari kuba abahinduye imbohe ze burundu. UB1 224.4

Kristo, ibyiringiro byacu n'urugero rwacu

Kwicisha bugufi n'imibabaro ikomeye Kristo yagiriye mu butayu bw'ibishuko byabayeho kubw'inyokomuntu. Muri Adamu, byose byarazimiye ku bw'igicumuro cye. Muri Kristo ni ho ibyiringiro rukumbi bya muntu byo kongera kuzura n'Imana byari biri. Umuntu yari yaritandukanyije n'Imana bitewe no kugomera amategeko yayo, ku buryo atari gushobora kwicisha bugufi imbere y'Imana ku rugero rungana n'icyaha cye gikomeye yari yakoze. Umwana w'Imana ni we wari gushobora gusobanukirwa neza ibyaha bikomeye byakozwe n'uwacumuye, kandi muri kamere ye izira icyaha ni we wenyine wari gushobora gutanga impongano yemewe y'umuntu binyuze mu mibabaro itewe n'uko Se atari yishimye. Kubera ibyaha by'abatuye isi, ishavu n'agahinda by'Umwana w'Imana byari bihwanye n'ubumana bwe n'ubutungane, ndetse n'uburemere bw'icyaha. UB1 224.5

Kristo yari urugero rwacu mu bintu byose. Iyo turebye kwicisha bugufi kwe mu gihe yamaze ageragezwa kandi yiyiriza ubusa mu butayu kugira ngo atsinde ibigeragezo by'irari ry'inda ku bwacu, biba bikwiriye kutubera isomo igihe duhuye n'ibishuko. Niba imbaraga y'irari ry'ibyo kurya iremereye umuntu, kandi kuryishoramo biteye ubwoba bikaba byaratumye Umwana w'Imana ahura n'ibigeragezo bingana kuriya, mbega ukuntu ari ingenzi kumenya ko ari iby'agaciro kureka intekerezo zacu zigategeka irari ryacu! Umukiza wacu yiyirije ubusa hafi ibyumweru bitandatu kugira ngo ashobore kubonera umuntu intsinzi y'irari ry'inda. Ni mu buhe buryo abantu bitwa Abakristo bayobowe n'umutimana, Kristo nk'urugero imbere yabo, bemera kwishora muri iryo rari rituma ibitekerezo byabo n'umutima bicika intege? Ni ikintu kibabaza ko ingeso zo kwinezeza utitaye ku buzima, n'intege nke mu gukora neza, byashyize mu minyururu y'ububata umugabane munini w'Abakristo muri iki gihe. UB1 225.1

Benshi mu bavuga ko bubaha Imana ntibajya bibaza icyatumye Kristo amara igihe kinini yiyiriza ubusa kandi ababarizwa mu butayu. Agahinda ke ntikaterwaga cyane n'inzara yamuryaga ngo abirutishe ak'ingaruka ziteye ubwoba yabonaga zo kwishora mu irari no kwifuza by'abantu. Yari azi ko irari ry'inda rishobora kubera umuntu ikigirwamana, bikamutera kwibagirwa Imana, bikamubera inzitizi mu nzira y'agakiza ke. UB1 225.2

Umukiza wacu yari afite ibyiringiro bishyitse kuri Se wo mu ijuru, kandi na we ntiyari kumureka ngo ageragereshwe ibirenze ibyamuzanira imbaraga yo kwihangana hanyuma mu gihe yari kuba yihanganiye igeragazwa ashyizwemo. Kristo si we wahisemo kwishyira mu kaga. Imana yari yemereye Satani kugira ububasha ku Mwana wayo mu gihe runaka. Yesu yari azi ko narinda ubunyangamugayo bwe muri iki gihe cyo kugeragezwa gikomeye, marayika w'Imana yari koherezwa ngo amukomeze niba nta bundi buryo buhari. Yari yarigize umuntu ahera ko anahagararira inyokomuntu. UB1 226.1

Satani yabonye ko nta cyo yari yabashije gukora kuri Kristo mu gishuko cye gikomeye cya kabiri. "Umwanzi aramuzamura, amwereka ubwami bwose bwo mu isi mu kanya gato aramubwira ati: 'Ndaguha ubu butware bwose n'ikuzo rya bwo kuko ari jye wabugabanye, kandi mbugabira uwo nshaka wese: nuko, numfukamira ukandamya, buriya bwose buraba ubwawe." Luka 4:5-7. UB1 226.2

Mu bishuko bibiri bya mbere bikomeye Satani yari ataragaragaza imigambi ye nyakuri cyangwa kamere ye. Yari yavuze ko ari intumwa ikomeye ivuye mu ijuru, ariko ubu bwo, yiyambuye kwiyoberanya kwe. Mu ishusho nini yanyujije imbere ya Kristo, yamugaragarije ubwami bwose bwo mu isi mu mucyo ushimishije ijisho, mu gihe yavugaga ko ari umwami w'isi. UB1 226.3

Igishuko kirusha ibindi imbaraga yo gukurura abantu

Iki gishuko cya nyuma ni cyo cyarushaga ibindi imbaraga rukuruzi muri byose uko ari bitatu. Satani yari azi ko imibereho ya Kristo igomba kuba iy'ishavu, imibabaro n'intambara. Ku bw'ibyo, yatekereje ko yafatirana Kristo akagira ibyo amuha maze nawe akamugurisha gukiranuka kwe nk'ingurane. Satani yakoranyirije imbaraga ze zose muri iki gishuko cya nyuma, kuko umuhati we wa nyuma ni wo wari kugaragaza umuneshi uwo ari we. Yavugaga ko isi ari we uyiyobora kandi ko yari umwami utegeka ikirere. Yajyanye Yesu ku musozi usumba iyindi, kandi amunyuza imbere ishusho nini y'ubwami bwose bwo ku isi, ubwo yari amaze igihe kirekire ayobora, aherako abumugabira nk'impano ikomeye. Yabwiye Kristo ko yashoboraga guhabwa ubwami bw'isi atabanje kubabazwa cyangwa kugira icyo asabwa gutanga. Satani asezeranya kurekura inkoni ye y'ubutware n'ubwami bwe kugira ngo Kristo ashobore kuba umutware

abihawe na we. Na we icyo amusaba kumukorera nk'inyiturano y'uko amweguriye ubwami bwose bwo ku isi yari yamunyujije imbere uwo munsi kwari ukumuha icyubahiro nk'uko yagiha umukuriye. UB1 226.4

Ijisho rya Yesu ryatinze gato ku bwiza bwari bumunyujijwe imbere, ariko yabiteye umugongo kandi yanga gukomeza guhanga amaso ibyo birangaza. Ntiyari gushyira mu makuba ubunyangamugayo bwe butajenjetse abikoresheje gutinda ku by'umushukanyi. Igihe Satani yasabaga kuramywa, Kristo yumvise ubumana bwe busuzuguwe kandi ntiyashoboraga gukomeza kwihanganira ibitutsi Satani ari gutuka Imana, cyangwa ngo amwemerere kuguma imbere ye. Ahangaha ni ho Kristo yakoresheje ubutware bwe nk'Imana, ategeka Satani kurekeraho. Aramubwira ati: "Genda, Satani, kuko handitswe ngo: uramye Uwiteka Imana yawe, abe ari yo ukorera yonyine." (Matayo 4:10) Satani, mu bwibone bwe no kwishongora, yari yaratangaje ko ari we mutware w'isi ukwiriye kandi uhoraho, akaba ari we nyir'ubukire bwose n'icyubahiro biyirimo, agasaba ko abatuye isi bose bamwubaha, nk'aho ari we waremye isi n'ibirimo byose. Yabwiye Kristo ati: "Ndaguha ubutware bwose n'ikuzo kuko ari jye wabugabanye, kandi mbugabira uwo nshaka wese." (Luka 4:6). Yagerageje kugirana amasezerano adasanzwe na Kristo yo guhita amwegurira ibyo yavugaga ko ari ibye byose, naramuka yemeye kumuramya. UB1 227.1

Iki gitutsi Satani yari atutse Umuremyi cyatumye Umwana w'Imana yumva ko asuzuguwe, ahita amucyaha kandi aramwirukana. Satani yari yihumurije yibwira ko, mu gishuko cye cya mbere, yashoboye guhisha kamere ye y'ukuri n'imigambi ku buryo Kristo atahise amutahura nk'umutware w'ingabo zaguye uwo yari yaratsinze kandi akamwirukana mu ijuru. Amagambo ya Kristo yo kumwirukana ngo, "Genda Satani" yagaragazaga ko yari yamumenye kuva ku gishuko cya mbere, kandi ko amayeri ye yose yo kubeshya ntacyo yari yahinduye ku Mwana w'Imana. Satani yari azi ko Yesu napfa kugira ngo acungure umuntu ububasha bwe bwari kumara igihe gito, kandi na we akarimbuka. Ku bw'ibyo rero, wari umugambi we wizwe neza wo kuburizamo mu gihe cyose bishoboka umurimo ukomeye wari waratangiwe n'Umwana w'Imana. Kandi mu gihe umugambi wo gucungura umuntu wari kuba udasohoye, yari kugumana ubwami yiyitiriraga. Niba yari gutsinda kandi, yibwiraga ko yari gutegeka ahanganye n'Imana yo mu ijuru. UB1 227.2

Igihe Yesu yavaga mu ijuru, aho yasize ububasha bwe n'icyubahiro, Satani yarishimye cyane. Yatekerezaga ko Umwana w'Imana yari ashyizwe mu maboko ye. Yatsindishije Adamu na Eva igishuko bimworoheye igihe bari muri Edeni, ku buryo yari afite ibyiringiro ko akoresheje uburyarya bwe n'imbaraga yashoboraga gutsinda Umwana w'Imana, noneho akarokora ubugingo bwe ndetse n'ubwami bwe. Iyo ashobora gushuka Yesu akamutandukanya n'ubushake bwa Se, nk'uko yari yabigenje kuri Adamu na Eva, yari kuba ageze ku ntego ye. UB1 227.3

Igihe cyari kugera Yesu agatanga ubugingo bwe, maze agacungura abo Satani yari yaragize imbata, kandi nyuma y'igihe gito, ibyo mu ijuru byose no mu isi byari kumwumvira. Yesu yari ashikamye. Yahisemo imibereho y'umubabaro, urupfu rw'isoni, kandi akabikora nk'uko Se yabitegetse, ngo abe ari we uba umutegetsi bw'ubwami bw'isi mu buryo bwemewe, kandi ngo abe abyeguriwe by'iteka ryose. Satani na we azatangwa mu maboko ye kugira ngo arimburwe n'urupfu, ubutazongera na rimwe kurushya Yesu, cyangwa abera bari mu bwiza. UB1 228.1

Igishuko cyarwanyijwe nta kujenjeka

Yesu yasubije uyu mwanzi mubi ati: "Genda, Satani, kuko handitswe ngo: uramye Uwiteka, Imana yawe, abe ari yo ukorera yonyine." (Matayo 4:10) Satani yari yasabye Kristo kumuha igihamya cyerekana ko ari Umwana w'Imana, kandi aha yahise abona igihamya yari yasabye. Satani yari ahatiwe kumvira itegeko ry'ubumana rya Kristo. Yasubijwe inyuma kandi aracecekeshwa. Nta bubasha yari afite bwo kurwanya cyangwa ngo asiganuze ku isezererwa rye. Muri uwo mwanya yategetswe guhagarika ibyo yarimo adasiganuje no kugenda akareka Umucunguzi w'abari mu isi. UB1 228.2

Satani yarekeye aho kugumana na Yesu. Intambara yari irangiye. Mu mubabaro mwinshi intsinzi ya Kristo mu butayu yari yuzuye nk'uko gutsindwa kwa Adamu kwari kuzuye. Mu gihe runaka yahagaze nta kurushywa n'umwanzi n'imbaga y'abamarayika be. UB1 228.3

Satani arangije ibishuko bye yitaruye Yesu mu gihe gito runaka. Umwanzi yari atsinzwe, nyamara urugamba rwari rwamaze igihe kirekire kandi rwari

rukomeye cyane. Nyuma y'iyo ntambara Kristo yari ananiwe kandi afite intege nke. Yikubise hasi nk'upfuye. Abamarayika bo mu ijuru bajyaga bamupfukamira mu bikari by'ibwami ari na bo bakurikiraniraga bugufi ariko banyinyiriwe ibyariho biba ku mugaba wabo bakundaga, kandi bakaba bari n'abahamya b'urugamba yari yahanganyemo na Satani, baraje baramukorera. Bamuteguriye ifunguro kandi baramukomeza, kuko yari arambaraye nk'umuntu wapfuye. Abamarayika bari bamutangariye cyane kandi bamwubashye, kuko bari bazi ko Umucunguzi w'abari mu isi yari yanyuze mu mubabaro utavugwa kugira ngo umuntu acungurwe. Uwo wari uhwanye n'Imana mu bikari byo mu ijuru, yari imbere yabo ananutse kubera ibyumweru hafi bitandatu yamaze yiyiriza ubusa. Mu bwigunge kandi ari wenyine yari yakurikiranywe n'umuyobozi w'ingabo zigometse, zikirukanwa mu ijuru. Yari yarihanganiye ikigeragezo yari yihariye kandi gikomeye kurenza ibindi byose bishobora guhabwa abantu. Intambara yari yarwanye n'imbaraga z'umwijima yamaze igihe kirekire kandi igerageza bikomeye ubumuntu bwa Kristo, mu ntege nke n'umubabaro yari arimo. Abamarayika bamuzaniye ubutumwa bw'urukundo n'ihumure bivuye kuri Se, ndetse no kumuhamiriza ko ijuru ryose ryatsinze ku bw'intsinzi yuzuye yaboneye umuntu. UB1 228.4

Ikiguzi cyo gucungurwa kw'inyokomuntu ntikizigera cyumvikana mu buryo bwuzuye kuzageza ubwo abacunguwe bazaba bahagararanye n'Umucunguzi wabo imbere y'intebe y'ubwami y'Imana. Kandi noneho kuko bazaba bafite ushobozi bwo gushima agaciro k'ubugingo buhoraho, n'ingororano y'iteka ryose, bazaririmba n'ijwi rirenga indirimbo zo kunesha kw'iteka. "Bavuga ijwi rirenga bati: Umwana w'Intama watambwe ni we ukwiriye guhabwa ubutware n'ubutunzi n'ubwenge n'imbaraga no guhimbazwa n'icyubahiro n'ishimwe." (Ibyahishuwe 5:12). Yohana yaravuze ati: "Nuko numva ibyaremwe byose byo mu ijuru no mu isi n'ikuzimu no mu Nyanja n'ibirimo byose, bivuga biti: 'Ishimwe no guhimbazwa n'icyubahiro n'ubutware bibe iby'Iyicaye ku ntebe n'iby' Umwana w'Intama iteka ryose.'" (Ibyah 5:13). UB1 229.1

Nubwo Satani yari yatsinzwe mu mbaraga ze zose n'ibishuko birusha ibindi gukomera, ntabwo yatakaje ibyiringiro byose by'uko mu gihe kizaza, yazarushaho gutsinda aramutse akoresheje umuhati mwinshi. Yari arekereje igihe Kristo azatangira umurimo we, igihe yazashobora kubona amahirwe yo kugerageza imbaraga ze n'amayeri mu kumurwanya. Satani yateguye imigambi

yo guhumisha ubwenge bw'Abayuda, ubwoko bw'Imana bwatoranyijwe, kugira ngo batabona Kristo nk'Umucunguzi w'abari mu isi. Yatekerezaga ko yashobora kuzuza imitima yabo kwifuza iby'abandi, ishyari n'urwango banga Umwana w'Imana, kugira ngo be kumwemera; ahubwo batume imibereho ye yo ku isi isharirwa mu buryo bwose bushoboka. UB1 229.2

IGICE CYA 42: IBYAHISHUWE N'IMANA 180

"Imana yategetse umucyo kuva, uturutse mu mwijima, ni yo yaviriye mu mitima yacu, kugira ngo imurikishe ubwenge bwo kumenya ubwiza bw'Imana buri mu maso ha Yesu Kristo." (2 Abakorinto 4:6) UB1 230.1

Mbere yo kugwa, nta gicu cyigeze gitwikira ubwenge bw'ababyeyi bacu ba mbere ngo kibabuze kubona kamere y'Imana. Bagendaga mu buryo buhuje rwose n'ubushake bw'Imana. Kuko umucyo mwiza w'Imana wari ubambitse kandi wari uri ahabazengurutse hose. Uwiteka yajyaga agenderera Adamu na Eva kandi akabigishiriza mu mirimo y'intoki ze. Ibyaremwe byari igitabo cy'inyigisho zabo. Mu ngobyi ya Edeni, Imana yagaragazwaga n'ibyo yaremye byari ahabazengurutse. Igiti cyose cyo mu ngobyi cyagiraga icyo kibigisha. Ibintu bitaboneka by'Imana byasobanukiraga ibintu biriho byaremwe, yemwe ndetse n'ububasha buhoraho kimwe n'Ubutatu. UB1 230.2

Nyamara nubwo ari ukuri ko Imana yashoboraga kumenyekanira mu byo yaremye, ibi ntibishyigikira ihame rivuga ko nyuma yo kugwa, kumenyera Imana mu byaremwe byahishuriwe Adamu n'urubyaro rwe. Ibyaremwe byashoboraga kwigisha umuntu akiri intungane; ariko igicumuro cyangije ibyaremwe nuko gitandukanya ibyaremwe n'Umuremyi wabyo. UB1 230.3

Iyo Adamu na Eva batagomera Umuremyi wabo, iyo baguma mu nzira y'ubutungane buzira amakemwa, bari kumenya kandi bagasobanukirwa Imana iyo ari yo. Ariko igihe bumviraga ijwi ry'umushukanyi kandi bagacumura ku Mana, umucyo w'umwambaro wo gukiranuka ko mu ijuru wabavuyeho; kandi mu gutandukana n'umwambaro wo gukiranuka, biyambitse amakanzu yijimye yo kutamenya Imana. Umucyo ugaragara kandi utunganye wabakikizaga wamurikiraga ikintu cyose begeraga; ariko bamaze kuvutswa uwo mucyo wo

mu ijuru, urubyaro rwa Adamu ntirwari rugishobora kubonera kamere y'Imana mu byo yaremye. UB1 230.4

Ibintu bidukikije tubona uyu munsi biduha ishusho ntoya y'ubwiza bwa Edeni n'icyubahiro cyayo; nyamara nubwo bimeze bityo, byamamaza icyubahiro cy'Imana mu ijwi buri wese atashobora kuyoberwa. Ibyaremwe nubwo byangijwe n'umuvumo w'icyaha, biracyafite ibyiza byinshi. Ufite imbaraga ishobora byose, ufite kugira neza kwinshi akaba yuzuye imbabazi n'urukundo, yaremye isi, ndetse mu kwangirika kwayo ikomeza kugaragaza ukuri kujyanye n'ubuhanga bw'uwayiremye. Muri iki gitabo cy'ibyaremwe kitubumburiwe, mu ndabyo nziza zihumura, no mu mabara yazo atandukanye, Imana itwerekeramo urukundo rwayo rutarondoreka. Nyuma y'uko Adamu acumura, Imana yashoboraga kurimbura buri rurabo rwose na buri mwumba warwo, cyangwa se igakuraho impumuro yazo iduhumurira neza, ikanezeza ingingo zacu zihumurirwa. Mu isi yakongowe kandi ikangizwa n'umuvumo, mu bitovu, mu mikeri, amahwa n'urukungu, dushobora kuhasoma itegeko ryo gucirwaho iteka; nyamara mu mabara meza n'impumuro by'indabo dushobora kwigiramo ko Imana ikidukunda, kandi ko imbabazi zayo zose zitavanywe mu isi. UB1 230.5

Ibyaremwe byuzuye amasomo y'iby'umwuka agenewe abantu. Indabo ziraraba kugira ngo zongere zitange ubuzima bushya; kandi muri ibi twigishirizwamo icyigisho cy'umuzuko. Abakunda Imana bose bazongera bagire ubuzima bwiza muri Edeni yo mu ijuru. Ariko ibyaremwe ntibishobora kwigisha isomo ry'urukundo rw'Imana rukomeye kandi rutangaje. Ku bw'ibyo rero, nyuma yo kugwa k'umuntu, ibyaremwe ntabwo ari byo byonyine byigishaga umuntu. Kugira ngo isi itaguma mu mwijima, mu ijoro ry'iby'umwuka iteka ryose, Imana y'ibyaremwe yahuriye na twe muri Kristo. Umwana w'Imana yazanywe ku isi no kwerekana Se. Yari "Umucyo w'ukuri, kandi ubwo ni bwo yatangiraga kuza mu isi" (Yohana 1:9) Dukwiriye guhanga amaso "umucyo wo kumenya ubwiza bw'Imana buri mu maso ha Yesu Kristo." (2Abakorinto 4:6). UB1 231.1

Mu Mwana wayo w'ikinege, Imana yo mu ijuru yemeye guca bugufi ifata kamere yacu ya kimuntu. Ku kibazo cya Toma, Yesu yasubije agira ati: "Ni jye nzira, n'ukuri n'ubugingo: nta we ujya kwa Data ntamujyanye. Iyaba mwaramenye, muba mwaramenye na Data. Uhereye none muramuzi, kandi

mwamurebye. Filipo aramubwira ati: Databuja, twereke Data wa twese, biraba bihagije. Yesu aramubaza ati: ‘Nabanye namwe iminsi ingana ityo, kandi ntiwari wamenya, Filipo? Umbonye, aba abonye Data, ni iki gitumye uvuga uti twereke Data wa twese? Ntiwizeye yuko ndi muri Data, na Data akaba ari muri jye? Amagambo mbabwira, sinyavuga ku bwanjye: ahubwo Data, uguma muri jye, ni we ukora imirimo ye. Nimunyizere, mwemere ko ndi muri Data, na Data akaba muri jye: ariko rero nimutizezwa n’ibyo mvuga, munyizezwe n’imirimo nkora ubwayo. (Yohana 14:6-11). UB1 231.2

Icyigisho gikomeye cyane kandi kibasha gucisha umuntu bugufi akwiriye kwiga ni uko nta cyo ubwe yashobora igihe yishingikirije ku bwenge bwa kimuntu, kandi ko umwete we ntacyo wageraho mu kugerageza gusobanukirwa neza ibyaremwe. Icyaha cyijimishije amaso ye, kandi ubwe ntashobora gusobanura ibyaremwe atisunze Imana. Muri byo ntashobora kubona Imana cyangwa Yesu Kristo uwo yohereje. Aba ameze kimwe n’Abanyatenayi, bubatse ibicaniro byo kuramya ibiremwa. Ahagaze hagati mu musozi wa Marisi, yagaragarije abantu bo muri Atenayi igitinyiro cy’Imana ihoraho ukigereranije n’ibigirwamana baramyaga. “Nuko Pawulo ahagarara hagati ya Arewopago, aravuga ati: Bagabo b’Abanyatenayi, mbonye muri byose ko mukabije kwibanda mu by’idini. Ubwo nagendagendaga, nitegereza ibyo musenga nasanze igicaniro cyanditsweho ngo: ICY’IMANA ITAMENYWA.

Nuko iyo musenga mutayizi, ni yo mbabwira. Imana yaremye isi n’ibiyirimo byose, Iyo kuko ari yo Mwami w’ijuru n’isi ntiba mu nsengero zubatswe n’abantu; kandi ntikorerwa n’amaboko y’abantu nk’ugira icyo akennye; kuko ari yo yahaye bose ubugingo no guhumeka n’ibindi byose. Kandi yaremye amahanga yose y’abantu, bakomoka ku muntu umwe ibakwiza mu isi yose. Ni na yo yashyizeho ibihe by’imyaka ko bikuranwa uko yategetswe, igabaniriza abantu ingabano zabo z’aho batuye, kugira ngo bashake Imana, ngo ahari babashe kuyibona bakabakabye; kandi koko ntiri kure y’ibintu byose, kuko ari muri yo dufite ubugingo bwacu, tugenda, turiho; nk’uko bamwe bo mu bahimbyi banyu b’indirimbo bavuze bati: turi urubyaro rwayo. Nuko rero ubwo turi urubyaro rw’Imana ntidukwiriye kwibwira yuko Imana isa n’izahabu cyangwa ifeza cyangwa ibuye, cyangwa ikindi kibajijwe n’ubukorikori bw’abantu n’ubwenge bwabo.” Ibyak 17:22-29. UB1 231.3

Ibyaremwe ntabwo ari Imana

Abafite kumenya Imana nyakuri ntibazishimira by'akanya gato amategeko y'ibiriho cyangwa uko ibyaremwe bikora ngo hanyuma birengagize, cyangwa bange kwemera Imana ikorera muri byo ubudatuza. Ibyaremwe ntabwo ari byo Mana kandi nta n'ubwo byigeze kuba Imana. Ijwi ry'ibyaremwe rihamya Imana ariko ibyaremwe si byo Mana. Imirimo y'irema ihamya gusa imbaraga z'Imana. Imana ni Yo muremyi w'ibiriho. Ibyaremwe nta mbaraga byifitemo ubwabyo uretse iz'Imana ibiha. Hariho Imana, Data wa twese; hariho Kristo, Umwana. Kandi "kera Imana yavuganiye na basogokuruza mu kanwa k'abahanuzi, mu bihe byinshi no mu buryo bwinshi, naho muri iyi minsi y'imperuka yavuganiye natwe mu kanwa k'Umwana wayo, uwo yashyiriyeho kuba umuragwa wa byose, ni we yaremesheje isi. Uwo kuko ari ukurabagirana k'ubwiza bwayo n'ishusho ya kamere yayo, kandi akaba ari we uramiza byose ijambo ry'imbaraga ze, amaze kweza no gukuraho ibyaha byacu, yicara iburyo bw'Ikomeye cyane yo mu ijuru."(Abah 1:1-3) UB1 232.1

Umunyezaburi aravuga ati: "Ijuru rivuga icyubahiro cy'Imana, isanzure ryerekana imirimo y'intoki zayo, amanywa abwira andi manywa ibyayo, ijoro ribimenyesha irindi joro. Nta magambo cyangwa ururimi biriho, ntawumva ijwi ryabyo."(Zaburi 19:1-3) Bamwe bashobora kwibwira ko ibi bintu bikomeye biboneka mu byaremwe ari byo Mana. Ntabwo ari byo Mana. Ibi bitangaza abantu byose biri mu kirere bikora gusa umurimo byashinzwe gukora. Ni abakozi b'Uwiteka; Imana ni yo ibigenzura, ari nayo Muremyi wabyo, ndetse w'ibintu byose. Imana ikora umurimo wo kuramira ibyo yaremye. Ikiganza gifashe kikanayikomereza mu mwanya wayo, ni nacyo kiyobora imibumbe mu ngendo zayo zitangaje ikora izenguka izuba. UB1 232.2

Ni gake cyane mu mikorere y'ibyaremwe habonekamo ikintu tutagira aho dusoma mu ijambo ry'Imana. Ijambo ry'Imana ryerekana ko "itegeka izuba kurasa … no kuvuba imvura." (Matayo 5:45) "Imeza ubwatsi ku misozi. Itanga sheregi nk'ubwoya bw'intama; isandaza ikime cy'imbeho nk'ivu. Ijugunya urubura rwe nk'ubuvungukira:…. Yohereza ijambo ryayo, ikabiyagisha; ihuhisha umuyaga wayo, amazi agatemba. (Zaburi 147:8,16-18) "Aremera imvura imirabyo, asohora umuyaga mu bubiko bwe." (Zaburi 135:7)UB1 233.1

Aya magambo y'Ibyanditswe Byera ntacyo avuga ku mategeko yigenga y'ibyaremwe. Imana itanga ibintu bifatika, buri kintu cyose kikagira umwihariko wacyo, kugira ngo bifashe mu gusohoza imigambi yayo. Ikoresha imiyoboro yashyizeho kugira ngo ibimera bibeho kandi bimererwe neza. Yohereza ikime, imvura n'umucyo w'izuba, kugira ngo ibimera bishobore kumera ngo bitwikire ubutaka; kugira ngo ibihuru n'imbuto z'ibiti bikure kandi bikomeze kwiyongera. Ntabwo ari byo gutekerezwa ko itegeko ribereyeho kugira ngo urubuto rwimeze ubwarwo, n'ikibabi ngo kibeho ku bwacyo. Imana ifite amategeko yashyizeho, ariko ni abagaragu bayo gusa ikoresha kugira ngo hagire ibindi bigerwaho. Ni Imana ubwayo ituma buri kabuto gatoya kumburira mu butaka, kakabaho. Ikibabi cyose kirakura, kandi ururabo rwose rukarabya ku bw'ububasha bw'Imana. UB1 233.2

Umubiri w'umuntu uko uteye ugengwa n'Imana; ariko ntabwo umeze nk'isaha, ishyirwa ku gihe gusa ubundi igasigara yikoresha. Umutima uratera, gutera kwawo kugenda gukuranwa, guhumeka kugasimburwa n'ukundi, ariko umuntu wese uko yakabaye agengwa n'Imana. "Na mwe mukaba umurima w'Imana n'inzu yayo" (1Abakorinto 3:9). Mu Mana dufite ubugingo, turagenda kandi turiho. Buri gutera k'umutima kose, buri guhumeka kose, ni impumeko y'uwahumekeye mu mazuru ya Adamu umwuka w'ubugingo—impumeko y'Imana ihoraho, NDIHO ukomeye. UB1 233.3

Abacurabwenge ba kera biratanaga ubwenge bwabo buhanitse. Reka dusome ibyo intumwa yahumekewemo isobanura ku bijyanye n'iki kibazo. Yaravuze ati: "Biyise abanyabwenge bahinduka abapfu, maze ubwiza bw'Imana idapfa babuhindura ibishushanyo by'abantu bapfa n'iby'ibiguruka, n'iby'ibigenza amaguru ane n'iby'ibikururuka…Kuko baguranye ukuri kw'Imana gukurikiza ibinyoma, bakaramya ibyaremwe, bakabikorera kubirutisha Imana Rurema." (Abaroma 1:22-25). Mu bwenge bwa kimuntu, ab'isi ntibashobora kumenya Imana. Abanyabwenge b'isi barundanya ubumenyi butari bwo ku byerekeye Imana babukuye mu byo yaremye, mu bupfapfa bwabo bahimbaza ibyaremwe n'amategeko y'ibyaremwe kubirutisha Imana y'ibyaremwe. Abatazi Imana bayimenyeye mu kwihishura kwayo muri Kristo, bazagira ubumenyi kuri yo budatunganye babukomoye mu byaremwe, kandi ubu bumenyi buhabanye no kumenya Imana mu buryo nyakuri, no gutuma umuntu uko yakabaye

yumvira ubushake bwayo, buzatuma abantu basenga ibigirwamana. Biyita abanyabwenge, bagahinduka abapfapfa. UB1 233.4

Abatekereza ko bashobora kumenya Imana batabikuye ku wo yatumye, uwo Ijambo ry'Imana rivuga ko ari "Ishusho ya kamere yayo " (Abah 1:3,) bazahinduka abapfapfa mu byo bibwira mbere y'uko bahinduka abanyabwenge. Ntabwo bishoboka kumenya Imana bivuye mu byaremwe byonyine kuko ibyaremwe ubwabyo ntibitunganye. Mu kudatungana kwabyo ntibishobora guhagararira Imana, ntibishobora kugaragaza kamere y'Imana mu gutungana kw'imico yayo. Ariko Kristo yaje nk'Umukiza w'abari mu isi. Yaje ahagarariye Imana ubwayo. Nk'umukiza yajyanywe mu ijuru; kandi azagaruka nk'uko yagiye —ari Umukiza. Ni ishusho ya kamere ya Se. "Nyamara ni ho hari kuzura k'ubumana bwose mu buryo bw'umubiri." (Abakolosayi 2:9)

IGICE CYA 43: KRISTO, UMUTANGABUGINGO 181

"Mbere na mbere hariho Jambo; Jambo uwo yahoranye n'Imana, kandi Jambo yari Imana. Uwo yahoranye n'Imana mbere na mbere. Ibintu byose ni we wabiremye; ndetse mu byaremwe byose nta na kimwe kitaremwe na we. Muri we harimo ubugingo, kandi ubwo bugingo bwari umucyo w'abantu. Uwo mucyo uvira mu mwijima ariko umwijima ntiwawumenya." (Yohana 1:1-5) Isi ntiyigeze ibona ubumana mu muntu wicishije bugufi w'i Nazareti. Umwana w'ikinege w'Imana ihoraho yari mu isi, kandi abantu ntibamumenye by'ukuri. UB1 235.1

"Muri we harimo ubugingo, kandi ubwo bugingo bwari umucyo w'abantu." (Yohana 1:4). Ntabwo ari imibereho igaragara ivugwa hano, ahubwo ni ukudapfa, ubugingo nk'umwihariko w'Imana. Jambo wari kumwe n'Imana, kandi wari Imana, ni we wari ufite ubu bugingo. Ubuzima bugaragara ni ikintu umuntu wese ahabwa. Ntabwo buhoraho cyangwa ngo bube budapfa; kuko Imana, Umutanga-bugingo, irabwisubiza. Umuntu nta kwigenga afite ku buzima bwe. Ariko ubugingo bwa Kristo ntabwo ari ubutirano. Nta n'umwe ushobora kubumwambura. Yaravuze ati: "Ahubwo mbutanga ku bushake bwanjye" (Yohana 10:18). Muri we harimo ubugingo, ubugingo bw'umwimerere, butari ubutirano cyangwa ngo bukomoke ku bundi bugingo. Ubu bugingo nta muntu ubuvukana. Ashobora kubugira gusa binyuze muri Kristo. Ntashobora

kubukorera; abuhabwa nk'impano iyo yizeye Kristo nk'Umukiza we bwite. Yesu ati: "Ubu ni bwo bugingo buhoraho, ko bakumenya, ko ari wowe Mana y'ukuri yonyine, bakamenya n'uwo watumye, ari we Yesu Kristo." (Yohana 17:3) Iyi ni isoko y'ubugingo ifunguriwe abari mu isi. UB1 235.2

Igihe Pawulo yahaga Timoteyo umurimo we, yaravuze ati: "Ariko weho muntu w'Imana, ujye uhunga ibyo: ahubwo ukurikize gukiranuka, kubaha Imana, kwizera, urukundo, kwihangana, n'ubugwaneza. Ujye urwana intambara nziza yo kwizera, usingire ubugingo buhoraho, ubwo wahamagariwe, ukabwaturira kwatura kwiza imbere y'abahamya benshi. Ndakwihanangiriza mu maso y'Imana, ibeshaho byose, no mu maso ya Kristo wahamije kwatura kwiza imbere ya Pontiyo Pilato, witondere itegeko ntugire ikizinga, haba n'umugayo, kugeza ku kuboneka k'Umwami wacu Yesu Kristo, kuzerekanwa mu gihe cyako n'Ifite ubutware yonyine, Ihiriwe, ni yo Mwami w'abami, n'Umutware utwara abatware, niyo yonyine ifite kudapfa, iba mu mucyo utegerwa; nta muntu wigeze kuyireba, kandi ntawabasha kuyireba. Icyubahiro n'ubutware bidashira bibe ibyayo, Amen." (1 Timoteyo 6:11-16) UB1 235.3

Pawulo yongeye kwandika agira ati: "Iri jambo ni iryo kwizerwa, rikwiriye kwemerwa rwose, yuko Kristo Yesu yazanywe mu isi no gukiza abanyabyaha; muri bo ni jye w'imbere. Ariko icyatumye mbabarirwa ni ukugira ngo Yesu Kristo yerekanire muri jye uw'imbere kwihangana kwe kose, ngo mbe icyitegererezo cy'abazamwizera bagahabwa ubugingo buhoraho. Umwami nyir'ibihe byose udapfa, kandi utaboneka ni we Mana imwe yonyine, ihimbazwe, kandi icyubahiro kibe icyayo iteka ryose. Amen." (1 Timoteyo 1:15-17). UB1 236.1

Kudapfa kwazanywe na Kristo

Kristo "yerekanishije ubugingo no kudapfa Ubutumwa bwiza" (2Tim 1:10). Nta muntu n'umwe ushobora kugira ubugingo bw'iby'umwuka yigengaho atabukomoye kuri we. Umunyabyaha ntafite kudapfa; kuko Imana yavuze iti: "Ubugingo bukora icyaha ni bwo buzapfa" (Ezek 18:4). Ibi birasobanutse rwose. Bigera kure kurenza urupfu dusangiye twese; ibi bivuga urupfu rwa kabiri. Abantu bahera kuri iki, bakabaza bati: "Mbese wahindura umuntu ikitari inyamaswa? Ibi bitekerezwa nk'iteshagaciro. Ariko se ni iki gituma umuntu agira agaciro mu maso y'Imana? Ese ni ukurundanya amafaranga? Oya; kuko Imana

ivuga iti: “Izahabu n’ifeza ni ibyanjye.” Iyo umuntu adakoresheje neza ubutunzi yaragijwe, Imana ishobora kubusandaza byihuse kuruta uko umuntu ashobora kuburundanya. Umuntu ashobora kuba umunyabwenge cyane; ashobora kuba umukire utunze impano za kavukire. Ariko ibi byose abihabwa n’Imana, Umuremyi we. Imana ishobora gukuraho impano yo gutekereza, kandi mu gihe gitoya umuntu akamera nka Nebukadinezari, wataye agaciro kugera ku rwego rw’inyamaswa zo mu ishyamba. Ibi Ibikora kubera ko umuntu akora nk’aho ubwenge bwe n’imbaraga yabihawe bidaturutse kuri yo. UB1 236.2

Umuntu ntarama igihe cyose, kandi nubwo yakwiyumvisha ko ari umunyabwenge cyane ku buryo atakwakira Yesu, ntazabura gukomeza kuba umuntu upfa. Abantu bakoze ibintu bitangaje mu isi y’intiti, ariko se ni nde wabahaye imbaraga zo gukora ibi? — Ni Uwiteka Imana Nyiringabo. Abantu, mu bushobozi bwabo bushimishije, nibagira ibyo bageraho bakoresheje imbaraga zabo, maze bakikuza, bakurikije urugero rwo mu isi y’abantu babayeho mbere y’umwuzure, bazarimbuka. Ibitekerezo by’ubwo bwoko bwaramaga cyane byari bibi gusa, kandi ni ko byahoraga. Bari abanyabwenge mu gukora ibibi, kandi isi yari yarononwe n’abayituye. Iyo bajya kuba barifatanyije n’ufite ubwenge butarondoreka, bari kuba barakoze ibintu bitangaje kubw’ubushobozi n’impano bahawe n’Imana yabo. Ariko ubwo bari bateye Imana umugongo, bahisemo kuyoborwa na Satani, nk’uko benshi babikora muri iki gihe; kandi Uwiteka yabarimburanye n’ubwenge bwabo bwose biratanaga, abakura ku isi. UB1 236.3

Abantu bashobora kogezwa n’isi bitewe n’ibyo bakoze. Ariko umuntu mu kanya gato ashobora kwitesha agaciro mu maso y’Imana igihe akoresheje nabi impano yahawe, nyamara iyo zikoreshwa neza zari kumuhesha isumbwe. Mu gihe Uwiteka atwihanganira adashaka ko hari n’umwe warimbuka, ntazabura kurimbura icyaha. Reka abantu bose bumve amagambo y’Uwiteka. “None ni iki gituma mutera imigeri ibitambo n’amaturo nategetse kuntambirira mu nzu yanjye, ukubaha abahungu bawe kubandutisha, mukitungisha ibyiza byo mu bitambo byose by’ubwoko bwanjye bw’Isirayeli ngo muhonjoke? Nicyo gitumye Uwiteka Imana ya Isirayeli ivuga iti: ‘Ni ukuri nari navuze yuko ab’inzu yawe n’ab’inzu ya so bazajya bagendera imbere yanjye iteka ryose ariko none Uwiteka avuze ngo ntibikabeho; kuko abanyubaha ari bo nzubaha; ariko abansuzugura bazasuzugurwa.” (1 Samweli 2:29, 30) UB1 237.1

Imana yubaha abayumvira. Dawidi yaravuze ati: «Uwiteka yangororeye ibikwiriye gukiranuka kwanjye, nk'uko amaboko yanjye atanduye, ni ko yangiriye. Kuko nitondeye inzira z'Uwiteka, kandi ntakoze icyaha cyo kureka Imana yanjye: kuko amateka yayo yose yari imbere yanjye, kandi amategeko yayo ntayakuye imbere yanjye." (Zab 18:20-22) UB1 237.2

Uko ubugingo buhoraho buboneka

Umuntu wizera Kristo ni we gusa ushobora guhabwa ubugingo buhoraho. Keretse gusa igihe dukomeje kurya umubiri wa Kristo no kunywa amaraso ye, ni bwo dushobora kwiringira tudashidikanya ko turi abasangiye kamere n'Imana. Nta n'umwe ukwiriye kwigira ntibindeba kuri iyi ngingo maze ngo agire ati: niba nta buryarya dufite, ibyo twizera ntacyo bitwaye. Ntimushobora kurekura mu mutekano urubuto rw'ukuri kw'ingenzi kugira ngo mwishimishe ubwanyu cyangwa mushimishe undi muntu uwo ari we wese. Ntimukageragereze guhunga umusaraba. Igihe tutakiriye umucyo uva kuri Zuba ryo gukiranuka, ntabwo tuzaba twomatanye n'Isoko y'umucyo wose; kandi ubu bugingo n'umucyo nibitaguma muri twe, ntituzashobora gukizwa. UB1 237.3

Imana yateganyije ibishoboka byose kugira ngo intego yayo yo kurema umuntu utazakomwa mu nkokora na Satani igerweho. Nyuma yuko Adamu na Eva bazaniye urupfu mu isi kubera kutumvira kwabo; igitambo cy'igiciro kinini cyatangiwe inyokomuntu. Bahawe agaciro gasumbye ako bari bafite mbere hose. Mu gutanga Kristo, Umwana wayo w'ikinege, nk'incungu y'abari mu isi, Imana yari itanze ijuru ryose. UB1 237.4

Kwemera Kristo bihesha umuntu agaciro. Igitambo cye kizanira ubugingo n'umucyo abakira Kristo bose nk'Umukiza wabo bwite. Urukundo rw'Imana rwagaragariye muri Kristo, rukwirakwizwa mu mutima wa buri rugingo rw'umubiri we, rujyanye n'imbaraga y'amategeko y'Imana Data wa twese. Muri ubwo buryo nibwo Imana ishobora gutura mu muntu, kandi umuntu na we agashobora guturana n'Imana. Pawulo yaravuze ati: "Nabambanywe na Kristo, ariko ndiho; nyamara sijye uriho, ahubwo ni Kristo uriho muri jye. Ibyo nkora byose nkiriho mu mubiri mbikoreshwa no kwizera Umwana w'Imana wankunze akanyitangira."(Abagalatiya 2:20) UB1 237.5

Iyo umuntu abaye umwe na Kristo ku bwo kwizera, ashobora kubona ubugingo buhoraho. Imana ikunda abacungurirwa muri Kristo, ndetse nk'uko ikunda Umwana wayo. Mbega igitekerezo! Mbese Imana ishobora gukunda umunyabyaha nk'uko ikunda Umwana wayo bwite? Yego; Yesu yarabyivugiye kandi abishyira mu bikorwa. Azubaha imigambi yacu yose nitugundira amasezerano ye ku bwo kwizera kandi tugashyira ibyiringiro byacu muri we. Nimumurebe mubone kubaho. Abumvira Imana bose bashyirwa mu isengesho Kristo yasabye se agira ati: "Nabamenyesheje izina ryawe, kandi nzaribamenyesha, ngo urukundo wankunze rube muri bo nanjye mbe muri bo." (Yohana 17:26) Mbega ukuri gutangaje, gukomeye cyane ku buryo umuntu adashobora kugusobanukirwa! UB1 238.1

Kristo aravuga ati: "Ni jye mutsima w'ubugingo; uza aho ndi ntazasonza na hato; n'unyizera ntabwo azagira inyota na hato"(Yohana 6:35). "Kuko icyo Data ashaka ari iki, ari ukugira ngo umuntu wese witegereza Umwana akamwizera ahabwe ubugingo buhoraho: nanjye nzamuzure ku munsi w'imperuka." (Yohana 6:40) "Ni ukuri, ni ukuri ndababwira yuko uwizera ari we ufite ubugingo buhoraho" (Yohana 6:47) "Yesu arababwira ati: Ni ukuri, ni ukuri ndababwira yuko nimutarya umubiri w'Umwana w'Umuntu ntimunywe n'amaraso ye, nta bugingo muba mufite muri mwe. Urya umubiri wanjye, akanywa amaraso yanjye, aba afite ubugingo buhoraho, nanjye nzamuzura ku munsi w'amateka; kuko umubiri wanjye ari ibyokurya by'ukuri, n'amaraso yanjye ari ibyo kunywa by'ukuri. Urya umubiri wanjye, akanywa amaraso yanjye, aguma muri jye, nanjye nkaguma muri we. Nk'uko Data uhoraho yantumye, nanjye nkaba ndiho ku bwa Data, ni ko undya na we azabaho ku bwanjye. Uyu niwo mutsima wavuye mu ijuru, si nk'uwo ba sekuruza banyu bariye bagapfa; ahubwo urya uwo mutsima azabaho iteka ryose." (Yohana 6:53-58) "Umwuka niwo utanga ubugingo, umubiri ntacyo umaze: amagambo mbabwiye ni wo Mwuka kandi ni wo bugingo." (Yohana 6:63)

IGICE CYA 44: UMUKIZA WAZUTSE 182

"Ni jye kuzuka n'ubugingo." (Yohana 11:25). Uwari waravuze ati: "Ntanga ubugingo bwanjye ngo mbusubirane." (Yohana10:17), yavuye mu mva asubirana ubugingo bwari muri we. Ubumuntu bwarapfuye; ubumana

ntibwapfuye. Mu bumana bwe, Kristo yari afite imbaraga zo gucagagura iminyururu y'urupfu. Avuga ko afite ubugingo muri we kandi akabugabira uwo ashatse. UB1 239.1

Ibyaremwe byose bibeshwaho n'ubushake n'imbaraga y'Imana. Ni ibikoresho bishyirwamo ubugingo bw'Umwana w'Imana. Nubwo baba bashoboye bate kandi bafite impano, nubwo bagira ubushobozi bwagutse bute, bahabwa ubugingo buvuye mu isoko y'ubugingo bwose. Ni we soko y'ubugingo. Ufite kudapfa wenyine, akaba mu mucyo n'ubugingo, ni we ukwiriye kuvuga ati: "Nshobora kubutanga[ubugingo] kandi nshobora kubusubirana"(Yohana 10:18) UB1 239.2

Amagambo ya Kristo avuga ngo: "Ni jye kuzuka n'ubugingo" (Yohana 11:25), yumviswe neza n'Umusirikari w'Umuroma. Ingabo zose za Satani zarayumvise. Natwe igihe twumva turayasobanukirwa. Kristo yazanywe no gutangira ubugingo bwe kuba incungu ya benshi. Nk'umwungeri Mwiza, yatanze ubugingo bwe ku bw'intama ze. Byari ugukiranuka kw'Imana kubahiriza amategeko yayo ibinyujije mu gutanga igihano. Ubu ni bwo buryo bwonyine amategeko yari kuba yubahirijwe, akaba yera, atunganye kandi ari meza. Ni bwo bwari uburyo bwonyine icyaha cyashoboraga kugaragazwa ko ari kibi cyane, kandi icyubahiro n'igitinyiro by'ubutware bw'Imana bigakomezwa.UB1 239.3

Amategeko y'ubutegetsi bw'Imana yari kwererezwa n'urupfu rw'Umwana w'ikinege w'Imana. Kristo yahanwe igihano cy'ibyaha by'abari mu isi. Ugushyika kwacu kubonerwa gusa mu kwigira umuntu no mu rupfu by'Umwana w'Imana. Yashoboraga kubabazwa, kubera ko yari akomejwe n'ubumana. Yashoboraga kwihangana, kubera ko atari afite ikizinga cy'icyaha cyangwa ubuhemu. Kristo yaneshereje umuntu muri uko kwihanganira ubutabera bw'igihano. Yahaye abantu ubugingo buhoraho, nyamara kandi anerereza amategeko ndetse arayubahisha. UB1 239.4

Kristo yari afite uburenganzira bwo gutanga ubugingo budapfa. Ubugingo yari yaratanze igihe yari yarashyizwe mu bumuntu, yarabwisubije aherako abuha abantu. Aravuga ati: "Ariko jyewe ho nazanywe no kugira ngo zibone ubugingo ndetse ngo zibone bwinshi." (Yohana 10:10) "Urya umubiri wanjye, akanywa amaraso yanjye, aba afite ubugingo buhoraho, nanjye nzamuzura ku

munsi w’imperuka.” (Yohana 6:54. “Ariko unywa amazi nzamuha, ntazagira inyota rwose iteka ryose, ahubwo amazi nzamuha azamuhindukira isoko y’amazi adudubiza kugeza mu bugingo buhoraho.” (Yohana 4:14) UB1 239.5

Abahindutse umwe na Kristo kubwo kumwizera baronka imibereho y’ubugingo izana ubugingo buhoraho. “Nk’uko Data uhoraho yantumye, nanjye nkaba ndiho ku bwa Data, ni ko undya na we azabaho ku bwanjye.” (Yohana 6:57). “Aguma muri jye, nanjye nkaguma muri we.” (Yohana 6:56) “Nanjye nzamuzura ku munsi w’imperuka.”(Yohana 6:54) “Kuko ndiho, namwe muzabaho.”(Yohana 14:19). UB1 240.1

Kristo yahindutse umwe n’abantu, kugira ngo abantu bashobore kuba umwe na we mu mwuka no mu bugingo. Bitewe n’ubu bumwe mu kumvira Ijambo ry’Imana, ubugingo bwe buhinduka ubwabo. Abwira uwihannye ati: “Nijye kuzuka n’ubugingo” (Yohana 11:25). Yesu abona urupfu nk’ibitotsi—guceceka, umwijima, ibitotsi. Aruvuga nk’aho ari urw’agahe gato. Aravuga ati: “Kandi umuntu wese ukiriho unyizera, ntapfa iteka ryose” (Yohana 11:26) “Umuntu, niyumvira ijambo ryanjye ntazasogongera ku rupfu.” (Yohana 8:52), ” ntabwo azapfa.” (Yohana 8:51). Ku muntu wizera, urupfu ni ikintu gitoya. Kuri we gupfa ni ibitotsi. “Imana izazanana na Yesu abasinziriye muri we”(1 Abates 4:14) UB1 240.2

Ubwo abagore bamamazaga inkuru nk’abahamya b‘uko Umukiza yazutse, kandi mu gihe Yesu yariho ategura kwiyereka imbaga y’abayoboke be, hariho ikintu cyarimo kiba. Abasirikari b’Abaroma bari barinze igituro ntibari bashoboye kureba marayika ukomeye waririmbye indirimbo yo kunesha igihe Kristo yazukaga, kandi ntibumvaga abamarayika barimo baririmba indirimbo y’urukundo rwaducunguye. Ubwo bari bemerewe kureba igitangaza kimwe, bararabiranye bamera nk’abantu bapfuye. Igihe igare ry’ijuru ryari rihishwe amaso yabo, barahagurutse, bakizwa n’amaguru, biruka bagana ku irembo ry’ubwo busitani. Bagenda badandabirana bameze nk’impumyi cyangwa abasinzi, mu maso habo hahonze nk’ah’umuntu wapfuye, batekererezaga abo bahuye nabo ibintu bitangaje bari babonye. Hari abihutanye inkuru bazigeza ku batambyi n’abayobozi mbere yuko abasirikari bahagera; maze babatekerereza uko babishoboye kose ibintu bigaragara byari bimaze kuba. UB1 240.3

Abarinzi babanje kwerekera kwa Pilato; ariko abatambyi n'abayobozi barabatumira ngo babanze babitabe. Aba basirikari bari binangiye imitima, mu maso habo hari hahindutse bidasanzwe mu gihe bariho bahamya ko Kristo yazutse kandi akaba yazukanye n'abantu benshi cyane. Batekerereje abatambyi bakuru ibyo bari biboneye ku mva. Nta gihe bari bafite cyo gutekereza cyangwa kugira ikindi bavuga icyo ari cyo cyose keretse ukuri. Ariko abayobozi ntibashimishijwe n'iyo nkuru. Bari bazi ko amatangazo menshi yari yakwiriye ahantu henshi ku bijyanye no gufatwa kwa Kristo no gucirwa urubanza kwe kuko byari byabaye mu gihe cy'iminsi mikuru ya Pasika. Bari bazi ko ibintu bitangaje byari byabayeho—umwijima udasanzwe, igishyitsi gikomeye—bitashoboraga kubura ingaruka yabyo, baherako bashaka uburyo bwo guhimba ibinyoma kugira ngo bashobore kubeshya abantu. Abasirikare baraguriwe kugira ngo bavuge inkuru z'ibinyoma.

IGICE CYA 45: UMUGANURA 183

Ubwo Yesu yavugiraga ku musaraba n'ijwi rirenga ati: "Birarangiye" (Yohana 19:30), habayeho igishyitsi gikomeye cyatumye hakinguka ibituro bya benshi bari barabaye indahemuka ku Mana, bakamagana umurimo mubi wose kandi bakerereza Uwiteka Nyiringabo. Igihe Umutanga-bugingo yavugaga ati: "Ni jye kuzuka n'ubugingo" (Yohana 11:25), yahamagariye abo bera kuva mu bituro. Igihe bari bakiri bazima, bahamije ukuri badatinya; ubwo rero bagombaga kuba abahamya bo guhamya uwabazuye. Yesu yavuze ko abo batakiri imbohe za Satani. "Narabacunguye; nabakuye mu bituro nk'umuganura w'imbaraga zanjye, kugira ngo babane nanjye aho ndi, batongera gupfa cyangwa ngo bagire ishavu ukundi." UB1 241.1

Mu gihe yakoraga umurimo ku isi, Yesu yazuye abapfuye. Yazuye umwana w'umupfakazi w'i Nayini, umukobwa ya Yayiro, ndetse na Lazaro, ariko abangaba ntibari bambaye kudapfa. Nyuma yo kuzuka, urupfu rwari rukibafiteho ububasha. Ariko abazukanye na Kristo bazukanye ubugingo buhoraho. Bari umunyago munini uzamukanye na we nk'ingororano y'uko yatsinze urupfu n'ikuzimu. UB1 241.2

Nyuma yo kuzuka, nta bandi Kristo yabonekeye uretse abayoboke be, ariko ubuhamya bwerekeranye no kuzuka kwe bwari bushyitse. Abazukanye na Kristo

“babonekeye benshi” (Matayo 27:52), bamamaza bati: Kristo yazutse, kandi twazukanye na we. Batanze ubuhamya mu murwa bwerekeranye no gusohora kw’ibyanditswe, “Abawe bapfuye bazaba bazima; intumbi z’abantu banjye zizazuka. Ababa mu mukungugu mwe nimukanguke muririmbe kuko ikime cyawe kimeze nk’igitonda ku bwatsi kandi ubutaka buzajugunya abapfuye.” (Yesaya 26:19) Abo bera bavuguruje ikinyoma abarinzi b’Abaroma bari baguriwe gukwirakwiza hose ko abigishwa baje n’ijoro bakamwiba. Ubu buhamya ntibwashoboraga gucecekeshwa. UB1 241.3

Kristo yari umuganura ku basinziriye. Byari ikuzo ku Mana ko Umwami w’Ubugingo akwiriye kuba umuganura, ukuri kw’ihundo ryazunguzwaga. “Kuko abo yamenye kera yabatoranirije kera gushushanywa n’ishusho y’Umwana wayo, kugira ngo abe imfura muri bene Se benshi.” (Abaroma 8:29) Iki gikorwa ubwacyo cy‘umuzuko wa Kristo mu bapfuye, cyajyaga cyizihizwa n’Abayuda mu buryo bw’igishushanyo. Igihe amahundo ya mbere y’impeke yeraga mu mirima, yashyirwaga hamwe mu bwitonzi; kandi iyo abantu bazamukaga i Yerusalemu, aya mahundo bayaturaga Uwiteka nk’ituro ry’ishimwe. Abantu bazunguzaga aya mahundo imbere y’Imana, bemeza ko Uwiteka ari we utuma umusaruro ubaho. Nyuma y’uyu muhango bashoboraga gusaruza umuhoro ingano zabo, umusaruro ugashyirwa hamwe. UB1 241.4

Noneho abari bazuwe bagombaga kwerekwa isi n’ijuru nk’igihamya cy’uko abizera Kristo nk’Umukiza wabo bwite bazazuka. Imbaraga yatumye Kristo azuka mu bapfuye izazura itorero ryayo, iriheshanye ikuzo hamwe na Kristo, nk’umugeni we, hejuru y’ubutware bwose, hejuru y’ubushobozi bwose, n‘izina ryose, atari mu isi gusa, ahubwo no mu bikari byo mu ijuru, no mu batuye mu yandi masi yo hejuru. Intsinzi y’abizera basinziriye izahabwa icyubahiro mu gitondo cy’umuzuko. Intsinzi ya Satani izagira iherezo igihe Kristo azatsindira mu bwiza n’icyubahiro. Umutanga-bugingo azambika kudapfa nk’ikamba abazaba bavuye mu bituro. UB1 242.1

Kujyanwa mu ijuru kwa Kristo

Umurimo w’Umukiza ku isi wari urangiye. Igihe cyari cyageze ngo asubire iwe mu ijuru. “Abajyana hanze [abigishwa], abageza i Betaniya, arambura amaboko

hejuru abaha umugisha. Akibaha umugisha, atandukanywa nabo ajyanwa mu ijuru.”(Luka 24:50,51) UB1 242.2

Ubwo Yesu yazamukaga agenda aha umugisha abigishwa be, ingabo z’abamarayika zaramugose nk’igicu. Kristo ajyana iminyago myinshi, yagiraga ngo abamurikire Se nk’umuganura w’abasinziriye, nk’igihamya cy’uko atsinze urupfu n’ikuzimu. Itsinda ry’abamarayika batabarika ryari rimutegerereje ku marembo y’umurwa w’Imana. Bakiza bamusanganira, abamarayika bamushagaye babwira imbaga iri ku irembo mu ijwi ryo kunesha bati: UB1 242.3

“Mwa marembo mwe nimwunamuke,
Mwa marembo y’iteka mwe, nimweguke;
Kugira ngo Umwami w’icyubahiro yinjire.”
Abamarayika bategereje barabaza bati:
“Uwo Mwami w’icyubahiro ni nde?”
“Uwiteka ukomeye kandi ushoboye,
Ni Uwiteka ufite imbaraga n’amaboko,
Ni Uwiteka ufite amaboko yo kurwana.”
“Mwa marembo mwe nimwunamuke,
Mwa marembo y’iteka mwe, nimweguke;
Kugira ngo Umwami w’icyubahiro yinjire.” UB1 242.4

Na none abamarayika bategereje barabaza bati: “Uwo Mwami w’icyubahiro ni nde?” Abamarayika bamushagaye basubiza n’ijwi rimwe bati: “Uwiteka Nyiringabo ni we Mwami w’icyubahiro” (Zaburi 24:7-10). Hanyuma amarembo y’umurwa w’Imana arakingurwa, imbaga y’abamarayika irahasesekara. UB1 242.5

Hari intebe y’ubwami igoswe n’umukororombya w’isezerano. Hari abaserafi n’abakerubi. Abamarayika baramukikiza, ariko Kristo ababwira kuba basigaye inyuma gato. Arinjira ngo abonane na Se. Amwereka intsinzi ye mu ishusho yasuraga umurimo bwite (ari yo mahundo yo kuzungurizwa imbere y’Uwiteka) abazukanye na we, abahagarariye imbohe zisinziriye, zizasohoka mu bituro igihe impanda izaba ivuze. Yegera Se, kandi niba habaho ibyishimo mu ijuru ku munyabyaha umwe wihannye, niba Se yishimira umuntu umwe wihannye akaririmba, mureke ibitekerezo byerekezwe aho hantu. Kristo aravuga ati: Data, birarangiye. Nasohoje ubushake bwawe, Mana yanjye. Nasohoje umurimo wo

gucungura umuntu. Niba ubutabera bwawe bunyuzwe, “Abo wampaye, ndashaka ko aho ndi nabo bahabana na njye.” (Yohana 17:24). Kandi ijwi ry’Imana ryumvikana igira iti: Ubutabera bwanjye buranyuzwe, Satani aratsinzwe. “Imbabazi n’umurava birahuye, gukiranuka n’amahoro birahoberanye.” (Zaburi 85:10) Amaboko ya Se ahobera Umwana kandi yumvikanisha ijwi rye agira ati: “Abamarayika b’Imana bose bamuramye.” (Abaheb 1:6)

IGICE CYA 46: IMANA YIKORERA IBYAHA 184

Adamu yaguye binyuze mu kutumvira. Itegeko ry’Imana ryari ryishwe. Ubutegetsi bw’Imana bwari bwarasuzuguwe, kandi ubutabera bwasabaga ko icyaha gihanwa.UB1 244.1

Kugira ngo inyokomuntu ikizwe urupfu rw’iteka, Umwana w’Imana yitangiye gushyirwaho igihano cyo kutumvira. Kwicisha bugufi konyine k’Umwana w’Imana ni byo byashoboraga gutuma agasuzuguro gakurwaho, ubutabera bukanyurwa, umuntu agasubizwa agaciro yari yazimije kubera kutumvira. Nta bundi buryo bwari buhari. Kuza kwa marayika kuri iyi si, no kunyura aho Adamu yasitariye akagwa, ntabwo byari kuba bihagije. Ibi nta nubwo byari gushobora gukuraho ikizinga na kimwe cy’icyaha, cyangwa gutuma umuntu agirirwa imbabazi nibura isaha imwe. UB1 244.2

Kristo, uhwanye n’Imana, kurabagirana k’ubwiza bwa Se “n’ishusho ya kamere ya yo.” (Abah 1:3), yatwikirije Ubumana bwe ubumuntu, azanwa mu isi no kubabazwa no gupfira abanyabyaha. Umwana w’ikinege w’Imana yicishije bugufi ubwe, araganduka ntiyanga no gupfa, ndetse urupfu rwo ku musaraba. Mu kwikorera umuvumo w’icyaha mu mubiri we, yashyize ibyishimo no kudapfa aho buri wese yabasha kubishyikira. UB1 244.3

Umunyacyubahiro w’ijuru ryose yazanywe muri iyi si no kugira kamere ya kimuntu kugira ngo arangaze imbere inyoko muntu, kandi anahamirize abamarayika baguye n’abatuye amasi ataraguye ko kubwo gufashwa n’Imana kwatanzwe, umuntu wese ashobora kugendera mu nzira yo kumvira amategeko

y’Imana. Umwana w’Imana yapfiriye abantu batari bafite uburenganzira ku rukundo rwayo. Ni ku bwacu yababajwe mu buryo bwose Satani yashoboraga kutubabaza. UB1 244.4

Birashimishije—birenze ubwenge bwa kimuntu — kubwacu igitambo cyatambwe n’Umukiza, cyashushanywaga n’ibitambo byose byatambwaga kera, mu mirimo yose yo mu buturo bwo ku isi. Kandi iki gitambo cyari ngombwa. Igihe dusobanukiwe ko imibabaro ye yari ngombwa kugira ngo tugubwe neza iteka ryose, imitima yacu irafashwa kandi igacishwa bugufi. Yasezeranye ubwe gusohoza agakiza kacu kuzuye mu buryo bunyuze icyo ubutabera bw’Imana busaba, kandi buhuje no kwera kw’amategeko ye yera. UB1 244.5

Nta n’umwe mu bari bafite kwera kuri munsi y’uk’Umwana w’ikinege w’Imana washoboraga gutambwaho igitambo gishobora gukuraho ibyaha by’abantu bose—ndetse na ba ruharwa mu byaha kandi n’insuzugurwa — bemera Umukiza nk’impongano yabo kandi bagahinduka abumvira amategeko y’ijuru. Nta kintu kiri hasi y’icyo cyashoboraga gutuma umuntu yongera kwemerwa n’Imana. UB1 244.6

Ni ubuhe burenganzira Kristo yari afite bwo gukura imbohe mu maboko y’umwanzi? Uburenganzira bwo kuba yaratanze igitambo kinyura amahame y’ubutabera ayobora ubwami bw’ijuru. Yaje ku isi nk’Umucunguzi w‘ubwoko bwazimiye, kugira ngo atsinde umwanzi mubi, kandi ngo ku bwo kumvira kwe gushikamye, akize abamwemera bose nk’Umukiza wabo. Ku musaraba w’i Kaluvari yatanze ikiguzi cyo gucungurwa kw’inyoko muntu. Muri ubwo buryo abona uburenganzira bwo kubohora imbohe azivana mu maboko y’umushukanyi ukomeye, uwakoresheje ikinyoma akabera inkomyi ubutegetsi bw’Imana, uwagushije umuntu akamuvutsa atyo amahirwe yo kwitwa umugaragu ukiranuka w’ubwami bw’Imana buhoraho bwuzuye ubwiza. UB1 245.1

Umwenda wacu wishyuwe n’Umukiza wacu. Nta n’umwe ukeneye kuba imbata ya Satani. Kristo aturangaje imbere nk’Umurengezi ushobora byose. “Ni cyo cyatumye yari akwiriye gushushanywa na bene se kuri byose ngo abe umutambyi Mukuru w’imbabazi kandi ukiranuka mu by’Imana, abe

n’impongano y’ibyaha by’abantu. Kuko ubwo yababajwe no kugeragezwa ubwe abasha no gutabara abageragezwa bose.” (Abah 2:17,18) ” Yaje mu bye, ariko abe ntibamwemera. Icyakora abamwemeye bose bakizera izina rye yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b’Imana, … Jambo uwo yabaye umuntu, abana na twe, ….yuzuye ubuntu n’ukuri…. Kandi ibimwuzuye akaba ari byo twahawe twese, ni ubuntu bukurikira ubundi.” (Yohana 1:11-16). UB1 245.2

Abinjijwe mu muryango w’Imana bahindurwa na Mwuka we. Kurarikira ibya kamere no kwikunda bikabije bihindurwamo kwiyanga n’urukundo ruhebuje bakunda Imana. Nta muntu uragwa ubutungane nk’uburenganzira bw’umwana, nta n’uwahinduka umukiranutsi mu maso y’Imana akoresheje uburyo bw’ubuhanga bwe. Kristo aravuga ati: “Ntacyo mubasha gukora mutamfite.”(Yohana 15:5) Gukiranuka kwa kimuntu ni nk’”ubushwambagara.” Ariko ku Mana byose birashoboka. Mu mbaraga y’Umucunguzi, umuntu w’umunyantegenke kandi uyoba, ashobora kurushaho kunesha ikibi kimwugarije.

IGICE CYA 47: UKURI NK’UKO KURI MURI YESU 185

Mu gutanga umwana wayo w’ikinege kugira ngo apfire abanyabyaha, Imana yagaragarije umuntu wacumuye urukundo rutagereranywa. Dufite kwizera kuzuye mu byanditswe bivuga yuko “Imana ari urukundo” (Yoh 4:8); nyamara abantu benshi bagerageje guhindura iri jambo mu buryo bukojeje isoni maze bagwa mu buyobe bukomeye kubera ubusobanuro bupfuye bahaye iri jambo. Amategeko y’Imana yera ni yo gipimo cyonyine dupimisha urukundo rw’Imana. Iyo tutemeye ko amategeko y’Imana aba igipimo cyacu, twishyiriraho igipimo cyacu bwite. Imana yaduhaye amasezerano y’igiciro y’urukundo rwayo; ariko ntidukwiriye kwitirira Yehova imbabazi nyinshi zamutera kwirengangiza icyaha cyangwa ngo afunge amaso ye kugira ngo atakibona. UB1 246.1

Umuremyi akunda abo yaremye, ariko ukunda icyaha akakirutisha gukiranuka, agakunda ikinyoma kukirutisha ukuri, aba ashyigikiye igicumuro cyazanye umubabaro mu isi, kandi ntashobora gushimwa n’Imana y’ukuri. Inzira y’ukuri no gukiranuka isaba kwikorera umusaraba. Abantu benshi basobanura nabi ibyo Imana isaba bakabiha ubusobanuro ubwo ari bwo bwose

butazakomeretsa umutimanama wabo cyangwa ngo bubangamire inyungu zabo; nyamara ukuri ni yo nzira rukumbi yo kwera . UB1 246.2

Urukundo rw'Imana nk'uko rugaragarira muri Yesu, ruzatuyobora ku gusobanukirwa neza na kamere y'Imana. Mu gutumbira Kristo, washenjaguwe kubera ibyaha byacu, tubona ko tudashobora kwica amategeko y'Imana ngo dukomeze kurebwa neza n'Imana; nk'abanyabyaha dukwiriye kumva ko tugomba kwishingikiriza ku bikorwa bya Kristo kandi tukareka gukora ibyaha. Muri ubwo buryo tuba twegera Imana. Igihe cyose tumaze gusobanukirwa n'urukundo rw'Imana, ntituzarutesha agaciro. UB1 246.3

Umusaraba wa Kristo uhamya ko itegeko ry'Imana ridahinduka, unahamya ko Imana yadukunze cyane ku buryo yatanze Umwana wayo ngo apfe azize ibyaha byacu; nyamara Kristo ntiyazanywe no gukuraho amategeko, ahubwo yaje kuyasohoza. Nta nyuguti cyangwa agace gato k'itegeko ry'Imana kagomba guhindurwa ngo habeho korohereza umuntu mu ngorane arimo zo kugwa. Yesu yapfuye kugira ngo umunyabyaha wihannye ahabwe gukiranuka kwe bwite; kandi ngo bihinduke ibishoboka ko umunyabyaha akomeza amategeko. UB1 246.4

Urukundo rw'Imana ntirurondoreka; nyamara nubwo bimeze bityo umunyabyaha ntiyashoboraga kubabarirwa keretse binyuze mu mugambi wo gucungurwa wasabaga ko habaho gukorwa n'isoni, kunengwa, gusuzugurwa n'urupfu by'Umwana w'Imana. Iri hame ryari rikwiriye kuvanaho intekerezo z'abantu benshi bavuga ko bezwa, kandi ko urupfu rwa Kristo rwashyize iherezo ku kubahiriza amategeko y'Imana. Buri munsi dukwiriye kwigira iby'inama y'agakiza mu ishuri rya Kristo. Iyo turekeye aho gukomeza kwiga, tuba duhagaritse kuba abigishwa bo mu ishuri rya Kristo. Ariko nitwemera kuba abigishwa ba Databuja wo mu ijuru, tuzasobanukirwa neza kandi tuziga ibitangaza byo mu mategeko y'Imana. UB1 246.5

Mureke tugende twitonze imbere y'Uwiteka; tunakomeze gutekereza igihe twamaze twica amasezerano yacu, tugahindanya imyanzuro yacu myiza twagiye dufata, n'uburyo mu mucyo mwinshi twahawe twagiye dutera Imana umugongo, tugahindukirira ibigirwamana byacu. Birakwiriye yuko twicisha bugufi tukajya munsi y'ukuboko gukomeye kw'Imana. UB1 247.1

ABAKURIYE MU MIBEREHO YA GIKRISTO

Birasanzwe ko twitekerezaho cyane kurenza uko twagombaga kubikora; ariko nubwo kwimenya ubwacu nk'uko turi koko bitugora, dukwiriye gusaba Imana ikaduhishurira uko turi ndetse n'uko itubona. Ariko ntidukwiriye kurekeraho gusenga. Igihe twasabye gusa guhishurirwa uko turi; dukwiriye gusaba guhishurirwa Yesu nk'Umukiza ubabarira ibyaha. Iyo tubonye Kristo nk'uko ari, ibyifuzo bishishikaye bikwiriye bikangurira imitima yacu kwitandukanya n'inarijye; kugira ngo twuzuzwe kuzura gushyitse kwa Kristo. Igihe ibingibi bizaba bitubayeho, tuzagirirana neza kandi tuzakoresha uburyo bwose dufite kugira ngo dushyikire kubaha Imana. Dukwiriye kweresha ubugingo bwacu kubutandukanya n'ibitagira umumaro bya kamere n'intekerezo, maze tukayigwizamo kwera no kubaha Imana. UB1 247.2

Urukundo rw'Imana yera ni ihame ritangaje, rishobora kunyeganyeza isi n'ijuru ku bwacu mu gihe cyo gusuzumwa no kugeragezwa. Ariko nyuma y'igihe cyo gusuzumwa kwacu, nitugaragara ko tugomera amategeko y'Imana, Imana y'urukundo izaboneka nk'umukozi uyoboye igikorwa cyo guhora. Imana ntabwo yumvikana n'icyaha. Umuntu utumvira Imana azahanwa. Umujinya w'Imana wamanukiye Umwana wayo ukundwa igihe Kristo yamanikwaga ku musaraba w'i Karuvali mu mwanya w'umugome. Urukundo rw'Imana ubu rugera ku muntu woroheje hanyuma y'abandi; umunyabyaha mubi kurusha abandi usangana Kristo umutima umenetse. Urwo rukundo ruzanwa no guhindura umunyabyaha umuntu wumvira kandi akaba umwana w'Imana w'indahemuka; nyamara nta muntu ushobora gukizwa niba akomeje gukora ibyaha. UB1 247.3

Icyaha ni ukugomera itegeko kandi ukuboko gushobora gukiza ubungubu kuzagira ingufu zo guhana umunyabyaha igihe arenze imbibi zishyira umupaka ku mbabazi z'Imana. Uwanga gushaka ubugingo, utazacukumbura Ibyanditswe ngo abone ukuri uko ari ko, kugira ngo adacirwaho iteka mu mikorere ye, azarekerwa mu mwijima w'intekerezo ndetse no ku bihendo bya Satani. Urugero abantu bihana n'abumvira bakingirwaho n'urukundo rw'Imana, ni rwo rugero abatumvira n'abatihana bazarekerwaho mu ngaruka zo kwirengagiza kwabo no kwinangira kw'imitima yabo kuko banze gukunda ukuri ngo bakizwe. UB1 247.4

Hariho benshi birata ko ari aba Kristo ariko ntibigere bakura mu bukristo bwabo. Bemera ko umuntu yaguye, kandi ko ubushobozi bwe bwo gutekereza bwacitse intege, ko atashobora kugera ku mico mbonera. Nyamara bavuga ko Kristo yikoreye umutwaro wose, ingorane zose, kwiyanga kose, kandi ko biteguye kumureka akabibatwarira. Bavuga ko nta kindi bakwiye gukora keretse kwizera gusa. Nyamara Kristo aravuga ati: “Umuntu nashaka kunkurikira, yiyange yikorere umusaraba we ankurikire.” (Mat 16:24). Yesu yubahirije amategeko y’Imana. Abafarisayo bavuze ko yishe itegeko rya kane kuko yakijije umuntu ku munsi w’Isabato; ariko Yesu yahindukiriye Abafarisayo bamuregaga arababaza ati: “Ndababaza yuko amategeko yemera gukora neza ku Isabato cyangwa ko akora nabi, gukiza umuntu cyangwa kumwica? Abararanganyamo amaso bose, abwira wa wundi ati: ‘Rambura ukuboko kwawe’, arakurambura kurakira. Maze bazabiranywa n’uburakari bajya inama y’uko bazagenza Yesu.” (Luka 6:9-11).UB1 248.1

Iki gitangaza, aho kugira ngo cyemeze Abafarisayo ko Yesu ari Umwana w’Imana, cyatumye bagira uburakari, kubera ko benshi mu babonye igitangaza bahimbaje Imana. Yesu yatangaje ko umurimo we w’imbabazi wari uhuje n’itegeko ry’umunsi w’isabato. Abafarisayo bo bavugaga ko uwo murimo udahuje n’itegeko ry’isabato. None se tuzizera nde, tureke nde? Kristo yaravuze ati: “Nitondeye amategeko ya Data nguma mu rukundo rwe.” (Yoh 15:10) Noneho rero biragaragara ko twabonera amahoro mu gukurikira inzira ya Kristo no kubahiriza amategeko. Imana yaduhaye imbaraga zo gutekereza dukwiriye gukomeza gukoresha mu gufatanya na Yesu, dusohoza agakiza kacu, dutinya kandi duhinda umushyitsi, kuko Imana ariyo idutera gukunda no gukora ibyo yishimira. UB1 248.2

NTIMUHAGARARE, AHUBWO MUJYE MBERE.

Ntabwo dukwiriye na rimwe kumva yuko tunyuzwe n’uko turi ngo turekere aho kujya mbere, tuvuga tuti: “ndakijijwe.” Igihe tuvuga dutya, kuba maso, gusenga, kugira ishyaka ryo kugera ku rwego rwisumbuye birahagarara. Nta rurimi rutunganye ruzumvikana ruvuga ayo magambo kugeza ubwo Yesu azaza, tukinjira mu marembo y’Umurwa w’Imana. Bityo rero, igihe dufite imyitwarire myiza dushobora guhimbaza Imana n’Umwana w’intama kubwo gucungurwa

kw’iteka ryose. Igihe cyose umuntu ari umunyantege nke-- kuko ubwe adashobora kwikiza — ntakwiriye gutinyuka kuvuga ati: “Ndakijijwe”. UB1 248.3

Ntabwo ari umuntu wambaye intwaro agiye ku rugamba ushobora kwirata intsinzi; kuko aba agifite urugamba akwiye kurwana no gutsinda. Ahubwo uwihangana akageza imperuka ni we uzakizwa. Uwiteka aravuga ati: “Nyamara nasubira inyuma, umutima wanjye ntuzamwishimira ” (Abah 10:38). Niba tudakomeje kujya mbere ngo intsinzi isimburwe n’indi ntsinzi, ubugingo buzasubira inyuma buzimire. Ntabwo dukwiriye gushyiraho urugero rwa kimuntu dupimiraho imico y’abantu. Twabonye ibintu bihagije ibyo abantu hano kw’isi bita ubutungane. Itegeko ry’Imana ryera ni ryo ryonyine dushobora gukoresha nk’igipimo cy’uko tuyumvira cyangwa tutayumvira. Niba tutayumvira, kamere yacu ntiba ihuje n’itegeko rigena imico ry’ubuyobozi bw’Imana kandi tuzaba tuvuga ikinyoma nituvuga tuti: “Ndakijijwe.” Nta muntu n’umwe ukijijwe ugomera amategeko y’Imana kuko ari rwo rufatiro rw’Ingoma y’Imana mu ijuru no mu isi. UB1 249.1

Abajya mu ruhande rw’umwanzi batabizi, kandi bagakoresha amagambo y’abigisha babo mu iyobokamana, bicaye ku ntebe, ko amategeko y’Imana atakigenga umuryango w’abantu, bazahabwa umucyo wo kumenya amakosa yabo, nibemera amahame y’ijambo ry’Imana. Yesu yari marayika wagaragariraga mu nkingi y’igicu ku manywa no mu nkingi y’umurimo nijoro, kandi yahaye Abaheburayo amabwiriza yihariye yuko bakwiriye kwigisha amategeko y’Imana, yatanzwe igihe urufatiro rw’isi rwashyirwagaho, igihe inyenyeri zo mu ruturuturu zaririmbaga kandi n’abana bose b’Imana bagatera hejuru kubw’ibyishimo. UB1 249.2

Ayo ni ya mategeko yavuzwe mu buryo bukomeye n’ijwi rye bwite kuri Sinayi. Yaravuze ati: “Aya mategeko ngutegeka uyu munsi ahore ku mutima wawe. Ujye ugira umwete wo kuyigisha abana bawe, ujye uyavuga wicaye mu nzu yawe, n’uko ugenda mu nzira n’uko uryamye n’uko ubyutse. Uyahambire ku kuboko kwawe akubere ikimenyetso, uyashyire mu ruhanga rwawe hagati y’amaso yawe.” (Gutegeka kwa Kabiri 6:6-8). Abica amategeko y’Imana ntibihanganira kumva avugwa kandi barakazwa n’uko avuzweho. Ijambo ry’Imana riteshwa agaciro n’ibinyoma n’imigenzo y’abantu. Satani yagaragarije isi ubwe uko atekereza amategeko y’Imana kandi akaba yaremewe kuko yongeraho aya

magambo ngo: “Uku ni ko Uwiteka avuga”. Intambara yatangiriye mu ijuru iturutse ku mategeko y’Imana, yakomereje ku isi kuva igihe Satani yacibwaga mu ijuru. UB1 249.3

Dukwiriye gukomeza kwiga ku bijyanye n’ibyo dukeneye cyane, kugira ngo dushimire Umukiza wacu, kandi tumumenyeshe abandi. Dushobora kumenya uburebure bw’ikijyepfo bw’igicumuro cyacu ari uko tubugereranyije gusa n’uburebure bw’umurunga wajugunywe mu isi ngo tuwuzamukireho. Dukwiriye gushyira imbaraga z’ubwenge bwacu ku gusobanukirwa akaga gateye ubwoba icyaha cyatuzaniye, kandi dukwiriye gushaka gusobanukirwa n’umugambi w’Imana wo kugira ngo twongere tugirane umubano n’Imana. Kuba Umwana w’Imana ukundwa yaragombaga kuza ku isi yacu kugira ngo aturwanire dushobore gutsinda mu izina rye, bikwiriye gutuma imitima yacu yibona icishwa bugufi. Igihe duhanze amaso umusaraba w’i Karuvali, kwirata kose dufite ntikuzongera kuba ku minwa yacu, ahubwo duherako tugataka tuvuga tuti: “Ndahumanye, sinari nkwiriye ko umbabarizwa utyo, no gutanga ikiguzi gikomeye gityo kugira ngo unshungure.” UB1 249.4

Ubujiji no kwibwira ko umuntu yihagije biragendana. Amategeko y’Imana twayahawe kugira ngo imyitwarire yacu ibe mizima, kandi amahame yayo arahanitse. Nta cyaha, nta n’umurimo wo gukiranirwa byasoba iteka ry’amategeko. Igitabo cy’amategeko ni ukuri, kandi ukuri gusa kubera ko yerekana amateka y’ikinyoma cya Satani no kurimbuka kw’abayoboke be nta kwihenda. Satani yavuze yuko ashobora gushyiraho amategeko aruta ay’Imana n’ubutabera bwayo, nuko acibwa mu ijuru. Yagerageje ibimeze nk’ibyo mu isi. Kuva igihe yagwaga yakoresheje imbaraga ngo abeshye abatuye isi, kugira ngo ayobore abantu mu irimbukiro, kandi ngo yihimure ku Mana kuko yari yatsinzwe akajugunywa hasi. Umwete we wo kwishyira mu mwanya w’Imana n’ubucakura bwe, uracyakomeje ndetse nta no gucogora. Yafatiye abari mu isi mu mitego ye nk’imbohe ze, kandi benshi, yemwe ndetse no mu bantu b’Imana, ntibazi ubucakura bwe kandi bamuha amahirwe yose yo kurimbura imitima. Ntibagira ishyaka ryinshi ryo kwerereza Yesu kandi ngo banamumenyeshe imbaga y’abantu iri mu nzira yo kurimbuka bababwira bati: “Nguyu Umwana w’Intama w’Imana, ukuraho ibyaha by’abari mu isi.” (Yoh 1:29). UB1 250.1

Abantu batamenyereye amategeko y'ubuyobozi bw'Imana nk'uko yavugiwe ku musozi, ntabwo bamenyereye ukuri nk'uko kuri muri Yesu. Kristo yagaragaje uburyo amahame yo mu mategeko agenda akagera kure. Yagaragaje ibwirizwa ryose kandi yerekana n'icyo risaba binyuze mu rugero rwe. Uzi ukuri nk'uko kuri mu mategeko ni na we uzi ukuri nk'uko kuri muri Yesu; kandi niba binyuze mu kwizera Kristo yubahiriza amategeko y'Imana, ubugingo bwe buhishanywe na Kristo mu Mana. UB1 250.2

Ubumenyi bw'ibyo amategeko asaba bwari gukuraho ibyiringiro bya nyuma iyo Umukiza atajya gucungura umuntu; ahubwo ukuri nk'uko kuri muri Yesu, ni impumuro y'ubugingo izana ubugingo. Umwana ukundwa w'Imana yapfuye kugira ngo umuntu abarweho gukiranuka kwa Kristo, atari ukugira ngo ahabwe umudendezo wo kwica amategeko yera y'Imana nk'uko Satani agerageza kubyemeza abantu. Mu kwizera Kristo, umuntu ashobora guhabwa imbaraga yo kurwanya ikibi. UB1 250.3

Kwezwa ni umurimo w'imibereho yose y'umuntu

Umurimo wo kwezwa ni umurimo w'igihe cyose, ugomba gukomeza ubudahagarara; ariko uyu murimo ntushobora gukomeza gukorera mu mutima igihe agace ako ari ko kose k'umucyo w'ukuri kanzwe cyangwa kirengagijwe. Ubugingo bwejejwe ntibuzashimishwa no kuguma mu bujiji, ahubwo buzifuza kugendera mu mucyo no gushaka umucyo uruseho. UB1 250.4

Nk'uko umuntu ucukura amabuye y'agaciro acukura izahabu n'ifeza ni nako umuyoboke wa Kristo azashaka ukuri nk'ushaka ubutunzi buhishwe, ashakisha umucyo urushijeho kuba mwinshi, kandi azakomeza kugwiza ubumenyi. Azakomeza gukurira mu buntu no mu kumenya ukuri. Inarijye igomba gutsindwa. Buri nenge yo mu mibereho igomba kurondorerwa mu ndorerwamo ikomeye y'Imana. Dushobora kumenya niba ducirwaho iteka n'urugero rw'imico rwashyizweho n'Imana cyangwa tudacirwaho iteka na rwo. UB1 250.5

Iyo ucirwaho iteka, hari inzira imwe rukumbi uba usigaranye yo gukurikira: ugomba kwihana ugahindukirira Imana kubera ko wagomeye amategeko yayo kandi ukizera Umwami wacu Yesu Kristo we wenyine ushobora kuguhanaguraho icyaha. Niba dukwiriye kubona ijuru, tugomba kubahiriza

ibyera Imana idusaba. Abarwana bakurikije amategeko ntibazaruhira ubusa. Izere gusa ukuri nk'uko kuri muri Yesu, uzahabwa ubushobozi bwo guhangana n'imbaraga z'umwijima. Abakiranaga bo hambere ko bakiraniraga guhabwa ikamba ryangirika, mbese ntitwari dukwiriye kurwanira guhabwa ikamba ritangirika? UB1 251.1

Uburinganya n'amayeri bya Satani bizakoreshwa kugira ngo aturimbure. Niba wicarana n'abantu bateta bakoresha aya magambo ngo "ndakijijwe" maze bakirengagiza amategeko y'Imana, nawe uzazimira iteka ryose. Muri Yesu hari ukuri gutera ubwoba abakunda umuteto, abantu b'imburamukoro. UB1 251.2

Hari ukuri muri Yesu kuzuye ibyishimo byoroshya umubabaro ku bantu bumvira. Ni ibyishimo bya Mwuka Muziranenge. Ku bw'ibyo rero, emera gukingura ubwenge n'umutima kugira ngo ushobore kureba buri mwambi w'umucyo umurika uva ku ntebe y'Imana. UB1 251.3

Iki ntabwo ari igihe cyo kuba ntibindeba, kutagira icyo witaho no gukunda ibinezeza. Kristo agiye kuza afite imbaraga n'icyubahiro gikomeye. Ese uriteguye? Ese uri kwitandukanya n'ibyaha byawe? Ese uri mu kwejeshwa ukuri nk'igisubizo cy'isengesho rya Kristo? Yasabiye abigishwa be agira ati: "Ubereshe ukuri: Ijambo ryawe ni ryo kuri" (Yohana 17:17) UB1 251.4

Ababyeyi bakwiriye kurera abana babo babigisha kwita ku by'Imana kandi banabagira inama, babatoza gukunda gukora iby'Imana ishaka. Ntabwo byadushobokera kugereranya agaciro k'amahirwe yo kugira urubyiruko rwubaha Imana. Kuri benshi, ingaruka z'iby'urubyiruko rukora ni iz'iteka ryose. Mu rubyiruko ni ho Ibyanditswe n'amategeko y'Imana byandikwa mu buryo bworoshye ku nkingi z'imitima. Inyigisho zihabwa abana zarirengagijwe bikomeye; gukiranuka kwa Kristo ntikwabagaragarijwe nk'uko bikwiriye. UB1 251.5

Igihe cy'imbabazi cyaduherewe kugira ngo imico yacu itunganyirizwe kubaho iteka ryose. Mbega igitekerezo cyiza kuri mwebwe babyeyi ko abana banyu bari mu biganza byanyu kugira ngo mubarere kandi mubahugure kugira ngo bakuze imico yemewe n'Imana; cyangwa se imico izakoreshwa na Satani n'abamarayika be nk'uko babyishakiye! Yesu yavugiye mu nkingi y'igicu

n’iy’umuriro ashishikariza ubwoko bwe kwigisha abana babo mu buryo bwiza ku byerekeranye n’amategeko y’Imana. Mbese ni bande bubahiriza aya mabwiriza? Mbese ni bande bashaka gutuma abana babo bamerwa n’Imana? Mbese ni bande bazirikana igitekerezo kivuga ko italanto zose n’impano z’abana babo ari iby’Imana, kandi ko bigomba kwegurirwa umurimo wayo mu buryo busesuye? UB1 251.6

Ana yahaye Uwiteka Samweli kandi Imana yaramwihishuriye ubwe mu bwana bwe no mu busore. Tugomba kurushaho gukora kubw’abana bacu n’urubyiruko; kuko Imana izemera ko bakora ibintu bikomeye mu izina ryayo mu kwigisha ukuri abari mu mahanga n’abari mu mwijima w’ikinyoma n’ubupfumu. Niba unezezwa n’uko abana bawe, bishimisha mu irari ryabo; niba ubashyigikira gukunda imyambarire yabo ituma bibona kandi birata, uzaba ukoze umurimo wo gutenguha Yesu wabacunguje igiciro cyinshi. Yifuza ko abana bamukorera bafite umutima wuzuye urukundo rutagabanyije. UB1 252.1

Babyeyi, hari umurimo ukomeye mugomba gukorera Yesu wabakoreye byose. Mumufate nk’umuyobozi n’umufasha wanyu. Imana ntiyabagomwe impano y’ikirenga yagombaga gutanga ari yo —Mwana wayo w’ikinege. Abana n’urubyiruko ntibakwiriye kubuzwa gusanga Yesu. Satani yifuza kwiboheraho abana akoresheje imirunga y’ibyuma, kandi mushobora kugera ku ntego nziza muramutse mubasangishije Yesu binyuze mu muhati utajenjetse wa buri muntu. Abana n’urubyiruko bakwiriye gutozwa kurushaho gukora neza kuko ari bo byiringiro by’itorero. Yosefu, Daniyeli na bagenzi be, Samweli, Dawidi, Yohana na Timoteyo ni ingero zigaragara zihamya ibi ngibi ngo “kubaha Uwiteka ni ryo shingiro ry’ubwenge ” Imigani 9:10. UB1 252.2

Tugomba kurushaho gukoresha umwete kandi tutajenjetse, niba twifuza ko Umwami Yesu aguma muri twebwe nk’Umujyanama n’Umutabazi wacu. Umucyo umurika uturutse uva ku Mwana w’Imana i Kaluvari ushobora kuyobora buri muntu wese wabaye inzererezi. Hari imbaraga muri we itunganya umutima kandi igahindura ímico. Reka buri mukristo nyakuri afashe abana n’urubyiruko anabagaragariza urukundo rutarondoreka rwa Kristo. Ubwo ni bwo ibirangaza n’ibintu bishukana by’isi bizatakaza agaciro kandi bazabona ko nta nyungu iri mu kutumvira.

Amategeko y'Imana arumvikana kandi agera kure cyane; mu magambo make yerekana inshingano y'umuntu uko yakabaye. "Nuko rero ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n'ubugingo bwawe bwose, n'ubwenge bwawe bwose n'imbaraga zawe zose… Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda." (Mariko 12:30,31) Muri aya magambo uburebure bw'umurambararo, ubugari, uburebure bw'ikijyepfo n'uburebure bw'ikicyaruguru by'itegeko ry'Imana birasobanutse; kuko Pawulo avuga ati: "urukundo rusohoza amategeko" (Abaroma 13:10). Inyito y'icyaha tubona muri Bibiliya ni iyi: "Icyaha ni ukugomera amategeko." (1 Yohana 3:4) Ijambo ry'Imana rivuga ritya: "Kuko bose bakoze ibyaha, ntibashyikira ubwiza bw'Imana" (Abaroma 3:23). "Ntawe ukora ibyiza n'umwe" (Abaroma 3:12) Benshi barishuka ku birebana n'uko imitima yabo imeze. Ntibabona yuko umutima w'umuntu urusha ibintu byose gushukana, kandi ari mubi bikabije. Bifubika gukiranuka kwabo bwite kandi banyuzwe no kugera ku rugero rwabo bwite rwa kimuntu; ariko iyo badashyitse ku rugero rw'Imana baba batsinzwe bikomeye, kandi bo ubwabo, ntibashobora kwigeza ku byo Imana ibasaba. UB1 253.1

Dushobora kwipima ubwacu, dushobora kwigereranya ubwacu na bagenzi bacu, dushobora kuvuga tuti: dukora neza nk'uyu cyangwa uriya, ariko ikibazo urubanza ruzibandaho ni iki: Ese tugeze ku byo ijuru risaba? Ese dushyitse ku rugero Imana yifuza ko tugeraho? Mbese imitima yacu ihuje rwose n'Imana yo mu ijuru? UB1 253.2

Umuryango w'umuntu wose wagomeye amategeko y'Imana, kandi nk'abagomeye amategeko, umuntu arimbutse nta byiringiro; kuko ni umwanzi w'Imana, nta n'imbaraga afite zo gukora neza. "Kuko umutima wa kamere ari umwanzi w'Imana, kuko utumvira amategeko y'Imana ndetse ntushobora kuyumvira." (Abaroma 8:7) Iyo umuntu yirebeye mu ndorerwamo—ari yo mategeko yera y'Imana—umuntu ubwe yisanga ari umunyabyaha, akamenya ko ari mubi, nta byiringiro afite kubera igihano ategereje gikwiranye no kwica amategeko … Ariko ntiyarekewe mu gahinda ko kutagira ibyiringiro, aho icyaha cyamuroshye; kuko uwari uhwanye n'Imana yatanze ubugingo bwe i Kaluvari kugira ngo akize umunyabyaha ye kurimbuka. "Kuko Imana yakunze abari mu

isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho." Yohana 3:16 UB1 253.3

Igitambo cyacu gikuraho ibyaha

Yesu yari umunyacyubahiro mu ijuru, Umugaba ukundwa w'ingabo z'abamarayika, wishimira gukora ibyo Imana ishaka. Yari kumwe n'Imana, " ari mu gituza cya Se" (Yohana 1:18), nyamara ntiyatekereje ko guhwana n'Imana ari ikintu cyo kugundirwa igihe umuntu yari aguye mu cyaha no mu byago byinshi. Yaretse intebe y'ubwami aramanuka, areka ikamba ry'Ubwami n'inkoni y'ubwami, ubumana bwe abutwikiriza ubumuntu. Yicishije bugufi ubwe ndetse agera ku rupfu rw'umusaraba, kugira ngo umuntu ashobore kwicarana na we ku ntebe y'ubwami. Muri we dufite ituro ryuzuye, igitambo gihanitse, Umukiza ukomeye, ushobora gukiza rwose abegerezwa Imana na we. Mu rukundo, yazanywe no kugaragaza Se, kunga umuntu n'Imana, kumugira icyaremwe gishya, agahindurirwa kugira ishusho y'Iyamuremye. UB1 254.1

Yesu ni igitambo cyacu gikuraho ibyaha. Ntabwo twe dushobora kwitambirira ibyaha; ariko ku bwo kwizera dushobora kwakira igitambo cyadutambiwe. "Kuko na Kristo yababarijwe ibyaha by'abantu rimwe, umukiranutsi ababarizwa abakiranirwa kugira ngo atuyobore ku Mana" (1 Petero 3:18). "Kuko muzi yuko ibyo mwacungujwe ngo muve mu ngeso zanyu […]; ahubwo mwacungujwe amaraso y'igiciro cyinshi, nk'ay'Umwana w'Intama utagira inenge cyangwa ibara. " (1 Petero 1:18,19) Umucunguzi wacu yatubereye incungu abinyujije mu gitambo gihebuje n'umubabaro utarondoreka. Yari muri iyi si atubashywe kandi atazwi, kugira ngo binyuze mu kwiyoroshya kwe gutangaje no kwicisha bugufi, ashobore kuzamura umuntu ngo ahabwe icyubahiro cy'iteka n'ibyishimo bidashira byo mu ijuru. Mu myaka mirongo itatu y'imibereho ye ku isi, umutima we washenjaguwe n'agahinda karenze ubwenge. Inzira ye uhereye mu muvure w'inka ukagera i Kaluvari, yari itwikiriwe n'agahinda n'ishavu. Yari umuntu w'umunyamibabaro kandi wamenyereye intimba.

Yihanganiye izo ntimba ku buryo nta rurimi rw'umuntu rwabasha kubisobanura. Yashoboraga kuvuga mu kuri ati: "Nimwitegereze, murebe ko hari umubabaro uhwanye n'uwanjye wangezeho." (Amaganya ya Yeremiya1:12) Nubwo yangaga icyaha urunuka, ubwe yishyizeho ibyaha by'isi yose.

Umuziranenge yikoreye igihano cy'uwamucumuyeho. Utarangwaho inenge, ubwe yitanga nk'incungu y'umugome. Igihano cy'icyaha cyose cyaremereraga umutima w'Umucunguzi w'abari mu isi. Ibitekerezo bibi, amagambo mabi, ibikorwa bibi by'umuhungu n'umukobwa wese wa Adamu, byasabaga ko abihanirwa; kuko yari mu cyimbo cy'umuntu. Nubwo igihano cy'icyaha kitari icye, umutima washenjaguwe kandi ukomeretswa n'ibyaha by'abantu, kandi utigeze kumenya icyaha yahindutse icyaha ku bwacu, kugira ngo dushobore guhinduka gukiranuka kw'Imana muri we. Ku bushake bwe, incungu yacu yatangiye umutima we gusogotwa n'inkota y'ubutabera, kugira ngo tutarimbuka ahubwo duhabwe ubugingo buhoraho. Kristo yaragize ati: "Ni uko ntanga ubugingo bwanjye ngo mbusubirane. Ntawe ubunyaka, ahubwo mbutanga ku bushake bwanjye. Nshobora kubutanga, kandi nshobora kubusubirana." (Yohana 10:17-18). UB1 254.2

Nta muntu wo ku isi cyangwa umumarayika wo mu ijuru wari gushobora kwishyura igihano cy'icyaha. Yesu ni we wenyine washoboraga gukiza umuntu wagomye. Muri we ubumana n'ubumuntu byahurijwe hamwe, ibi ni byo byatumye igitambo cyo ku musaraba w'i Kaluvari kigira imbaraga. Ku musaraba imbabazi n'ukuri byarahuye, kandi gukiranuka n'amahoro birahoberana. UB1 255.1

Igihe umunyabyaha ahanze amaso Umukiza apfira i Kaluvari, kandi akabona ko ubabazwa ari Imana, abaza impamvu iki gitambo gikomeye cyatanzwe, kandi umusaraba ukaganisha ku itegeko ryera ry'Imana ryishwe. Urupfu rwa Kristo ni impaka zitabonerwa igisubizo ku bijyanye no kudahinduka kw'amategeko no gukiranuka kwayo. Ahanura ukuri nk'uko kuri muri Kristo. Yesaya aravuga ati: "Uwiteka yashimye kogeza amategeko ye no kuyubahiriza" (Yesaya 42:21) Itegeko nta bubasha rifite bwo kubabarira uwakoze ikibi. Uruhare rw'itegeko ni ukugaragaza inenge ze, kugira ngo ashobore kubona ko akeneye ufite imbaraga yo gukiza, uzamucungura, ubwishingizi bwe no gukiranuka kwe. Yesu ahuza n'ubukene bw'umunyabyaha, kuko yikoreye ibyaha by'uwagomye. "Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we kandi imibyimba ye ni yo adukirisha." (Yesaya 53:5) Uwiteka yashoboraga kuba yarakuyeho umunyabyaha, akamurimbura rwose; ariko umugambi urushijeho kuba uw'igiciro ni wo yahisemo. Mu rukundo rwe rutarondoreka atanga ibyiringiro ku batabifite kandi

yahaze Umwana we w'ikinege ngo atware ibyaha by'abari mu isi. Kandi ubwo yatanze ijuru ryose muri iyo mpano ikomeye, ntacyo azima umuntu agikeneye kugira ngo ashyikire igikombe cy'agakiza no kuba umuragwa w'Imana, uraganwa na Kristo. UB1 255.2

Guhishurwa k'urukundo rw'Imana.

Kristo yazanywe no kwereka abari mu isi urukundo rw'Imana no kwireherezaho imitima y'abantu bose. Yaravuze ati: "Nanjye nimanikwa hejuru y'isi, nzireherezaho abantu bose." (Yohana 12:32) Intambwe ya mbere ugana ku gakiza ni ukwemera gukururwa n'urukundo rwa Kristo. Imana yoherereza abantu ubutumwa bukurikiranye, bubingingira kwihana, kugira ngo bababarirwe kandi kubabarirwa kwabo kwandikwe imbere y'amazina. Ese ntihazabaho kwihana? Ese amagambo yo kurarika kwe ntazitabwaho? Ese imbabazi ze zinginga zizasuzugurwa ndetse n'urukundo rwe rwangwe rwose? Mbega ukuntu nibigenda bityo umuntu azaba yitandukanije n'umuyoboro wari gutuma ashobora kubona ubugingo buhoraho; kuko Imana ibabarira gusa uwihannye! Ku bwo kwerekana urukundo rwayo, kandi ku bwo kwinginga kwa Mwuka wayo, ihamagarira abantu kwihana; kuko kwihana ari impano y'Imana, kandi uwo ibabarira ibanza kumutera kwihana. Ibyishimo biruta ibindi biza ku muntu binyuze mu kwihana k'ukuri agahindukirira Imana kubera ko yagomeye amategeko ye, kandi binyuze mu kwizera Kristo nk'umucunguzi w'abanyabyaha n'Umurengenzi wabo. Kristo yireherezaho abantu abinyujije mu kubereka urukundo rwe, kugira ngo bashobore gusobanukirwa ibyishimo byo kubabarirwa n'amahoro ava ku Mana. Nibemera irarika rye kandi bakegurira imitima yabo ubuntu bwe, azabayobora intambwe ku yindi, kugeza ubwo bamumenya rwose kandi ubu ni bwo bugingo buhoraho. UB1 255.3

Kristo yazanywe no guhishurira umunyabyaha ubutabera n'urukundo by'Imana, kugira ngo aheshe Abisirayeli kwihana no kubabarirwa ibyaha. Igihe umunyabyaha atumbiriye Yesu amanitswe ku musaraba ababazwa n'ubugome bw'umunyacyaha, atwaye igihano cy'icyaha; igihe yitegerezaga ububi bw'icyaha Imana yagaragarije mu rupfu rw'umusaraba ndetse n'urukundo ikunda umuntu waguye, ayoborwa ku Mana ngo yihane kubera ko yagomeye amategeko y'Imana yera, aboneye kandi meza. Akoreshwa no kwizera Kristo, kubera yuko Umukiza wavuye mu ijuru yamubereye ingurane, umwishingizi we

n’Umurengezi we; uwo ni we ubugingo bwe bushingiyeho. Imana ishobora kwereka umunyabyaha wihannye impuhwe zayo n’ukuri, kandi ikamucunshumuraho imbabazi zayo n’urukundo rwayo. UB1 256.1

Ariko Satani nabishobora, azakora uko ashoboye kose ngo abuze umuntu amahirwe yo kurokoka ububata bw’icyaha. Nubwo ijuru ryose ryatanzwe mu mpano imwe ikomeye—kuko igihe Imana yatangaga umwana wayo, yari itanze impano yatoranijwe mu bindi byose, kandi ubutunzi bwo mu ijuru ni ubwacu—nyamara Satani azagerageza kwereka umuntu wihannye ko Imana ari inyabukana n’intavumera kandi ko itifuza kubabarira umunyabyaha. Mu bihe bitandukanye amabarwa yangezeho avuye mu bantu bari babuze ibyiringiro kubera ibyaha byabo. Buri wese yandikaga agira ati: “Ndatekereza ko narenze urugero rwo gufashwa. Ese hari ibyiringiro naba ngifite?” Kuri iyi mitima ikennye, ubutumwa bwatanzwe ni ubu: “Izere Imana. Data afite ibyo kurya bihagije ku buryo asagurira n’abandi. Haguruka usange Data azagusanganira ukiri kure. Azakwereka urukundo rwe n’imbabazi.” UB1 256.2

Igihe umwanzi akujeho nk’umwuzure, agashaka kuguhagarikisha umutima gutekereza ku byaha byawe, mubwire uti: “Nzi ko ndi umunyabyaha. Iyaba ntari we, sinasanga Umukiza; kuko avuga ati: ‘Sinazanywe no guhamagara abakiranutsi, keretse abanyabyaha ngo bihane.’ (Mar. 2:17) Kandi kuko ndi umunyabyaha, nemerewe gusanga Kristo. Ndi umunyabyaha bikabije kandi ndanduye; ariko yakojejwe isoni kandi arapfa nuko yiranguza umuvumo wari uwanjye. Ndaje kandi ndizeye. Nifuza gusohorezwa amasezerano ye, ngo: ‘Umwizera atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho.’ (Yoh. 3:16) Mbese iri sengesho risenganywe umutima umenetse ryasubizwa inyuma?—Oya, haba na rimwe. Ku bw’imibabaro ye n’urupfu rwe, Kristo yerekanye urukundo rwe rutagira umupaka akunda umuntu. Afite ubushake n’ubushobozi byo gukiza rwose abegerezwa Imana na we. UB1 256.3

Noneho rero, sanga Imana nk’umwana muto, wikubite ku birenge bye umusabe; kuko tudakeneye kuzamuka mu ijuru ngo tumanureyo Yesu; cyangwa munsi y’isi ngo tumuzamure; kuko ari hafi yacu. Aravuga ati: “Dore mpagaze ku rugi ndakomanga: umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi, nzinjira iwe dusangire.”(Ibyah 3:20) Mbega ukuntu Yesu yifuza kugira imitima yacu nk’insengero nitumwemerera! Agaragazwa nk’utegerereje ku rugi rw’umutima

akomanga. None kuki atinjira? Ni ukubera ko urukundo dukunda icyaha rwakinze urugi rw'umutima. Guhera igihe twemeye kureka icyaha, kandi tukemera ko kiduhama, uruzitiro rwari hagati y'umutima n'Umukiza ruvanwaho. UB1 257.1

KWITANGA NO KWATURA IBYAHA 187

Ariko mu kwihana icyaha kwacu, ntidukeneye kwifungirana mu cyumba, nk'uko Luteri yabigenje, twibabaza ubwacu nk'icyiru cy'ibicumuro byacu, dutekereza ko mu gukora dutyo ari bwo Imana izatugirira imbabazi. Ikibazo kibazwa ni iki: "Mbese natanga imfura nyanjye ku gicumuro cyanjye, imbuto y'umubiri wanjye nkayihonga ku cyaha cy'ubugingo bwanjye? Yewe, Mwana w'umuntu we, yakweretse ikiza icyo ari cyo. Icyo Uwiteka agushakaho ni iki?: Ni ugukora ibyo gukiranuka no gukunda kubabarira no kugendana n'Imana yawe wicisha bugufi." (Mika 6:7,8) Umunyezaburi aravuga ati: "Umutima umenetse, umutima ushenjaguwe, Mana ntuzawusuzugura." (Zaburi 51:17) Yohana yaranditse ati: "Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni Yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu, no kutwezaho gukiranirwa kose." (1 Yohana 1:9) Impamvu rukumbi ituma tutababarirwa icyaha, ni uko tutemerera uwo twababaje ku bw'ibicumuro byacu, uwo twacumitishije ibyaha byacu, ko turi mu makosa kandi ko dukeneye imbabazi. Kwatura ibyaha kuvuye ku mutima witanze byimazeyo kuzagera mu mutima w'imbabazi zihoraho. Kuko Uwiteka aba hafi y'ufite umutima ushenjaguwe, kandi agakiza ufite umutima umenetse. UB1 257.2

Abantu bibeshya ni abatekereza ko kwatura ibyaha bizabatesha icyubahiro cyabo kandi bikabatesha agaciro muri bagenzi babo. Ku bwo kwihambira kuri iyi myumvire mibi, nubwo amakosa yabo baba bayareba, benshi bananirwa kuyatura, maze bakirengagiza ibibi bakoreye abandi, bityo bagatuma imibereho yabo irushaho gusharirirwa bakanateza umwijima mu mibereho y'abandi. Ntacyo kwatura ibyaha byawe bizagabanya ku cyubahiro cyawe. Ikuremo icyo cyubahiro gipfuye. Gwira Rutare maze umeneke, ni bwo Kristo azaguha icyubahiro cy'ukuri kandi cy'ijuru. Ntibikabeho ko ubwibone, kwiyemera no gukiranuka umuntu yihangiye bimubuza kwatura icyaha cye kugira ngo ashobore gusaba gusohorezwa iri sezerano ngo: "Uhisha ibicumuro bye

ntazagubwa neza; ariko ubyatura akabireka azababarirwa.” (Imigani 28:13) Ntukagire icyo uhisha Imana, kandi ntukirengagize kwaturira bagenzi bawe ibyaha byawe. “Mwaturirane ibyaha byanyu kandi musabirane, kugira ngo mukizwe “(Yakobo 5:16) UB1 257.3

Ibyaha byinshi bitaturwa ngo birekwe, bizabera inzitizi umunyabyaha ku munsi wa nyuma w’urubanza. Byaba byiza guhangana n’ibyaha byawe uyu munsi, ukabyatura kandi ukabireka muri iki gihe igitambo gikuraho ibyaha kikikuvuganira. Ntukananirwe kwigira ubushake bw’Imana kuri iki cyigisho. Imibereho y’ubugingo bwawe n’agakiza k’abandi bishingiye ku kuntu witwara ku bijyanye n’iki kibazo. “Nuko mwicishe bugufi muri munsi y’ukuboko gukomeye kw’Imana, kugira ngo ibashyire hejuru mu gihe gikwiriye. Muyikoreze amaganya yanyu yose kuko yita kuri mwe.” (1 Petero 5:6-7) Umutimwa wicishije bugufi kandi umenetse ushobora gushimishwa n’urukundo rw’Imana n’umusaraba w’i Kaluvari. Umugisha uhagije uzagendana n’umuntu ufite ibisabwa kugira ngo yemerwe n’Imana. UB1 258.1

Guhamagarirwa kwitanga

Dukwiriye kwegurira Imana imitima yacu kugira ngo iyihindure mishya kandi iyeze maze iduhindure abakwiye kuba mu bikari byo mu ijuru. Ntabwo dukwiriye gutegereza igihe runaka kidasanzwe, ahubwo dukwiriye kuyiyegurira uyu munsi tukanga kubatwa n’icyaha. Ese utekereza ko ushobora kureka icyaha buhoro buhoro? Tandukana n’icyo kintu kibi nonaha! Ukwiye kwanga ibyo Kristo yanga kandi ugakunda ibyo akunda. Ese ku bw’urupfu rwe n’imibabaro ye ntibyaguhesheje amahirwe yo kwezwaho ibyaha byawe? Iyo dutangiye kubona ko turi abanyabyaha, tukagwira Rutare ngo tumeneke, amaboko y’Ihoraho araduhobera, tukegerezwa umutima wa Yesu. Ubwo ni bwo tuzakururwa n’urukundo rwe, tukazinukwa gukiranuka kwacu twihangiye. Dukeneye kwicisha bugufi munsi y’umusaraba. Uko turushaho kuhicishiriza bugufi, ni ko urukundo rw’Imana ruzarushaho kugaragara. Ubuntu no gukiranuka bya Kristo ntacyo bizamarira umuntu wumva ko nta cyo akeneye, utekereza yuko amerewe neza, unyuzwe n’uko ubwe ameze. Nta mwanya Kristo afite mu mutima w’umuntu udafite inyota y’umucyo n’ubufasha by’Imana. UB1 258.2

Yesu aravuga ati: “Hahirwa abakene mu mitima yabo; kuko ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo.”(Matayo 5:3) Hariho ubuntu bwuzuye mu Mana, kandi

dushobora kuhabonera Mwuka n'Imbaraga mu buryo bwagutse. Ntugatungwe n'ibishishwa byo gukiranuka wihangiye; ahubwo usange Uwiteka. Agufitiye ikanzu nziza cyane yo kukwambika, kandi agutegeye amaboko ngo akwakire. Kristo azavuga ati: "Nimumwambure iyo myenda y'ibizinga, mumwambike imyambaro myiza cyane" (Zekariya 3:4-5)UB1 258.3

Ngwino nk'umunyabyaha wihannye.

Mbese dukwiriye gutegereza kugeza igihe twumva ko twejejwe? Oya; Kristo yasezeranye ko "Nitwatura ibyaha byacu, ni Yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu, no kutwezaho gukiranirwa kose." (1 Yohana 1:9) Wemerwa n'Imana binyuze mu Ijambo ryayo. Ntukwiriye gutegereza ibyiyumvo bidasanze kugira ngo wizere ko Imana yakumvise; amarangamutima si yo akwiriye gushingirwaho kuko ahinduka nk'ibicu. Ugomba kugira ikintu gikomeye kikaba urufatiro rwo kwizera kwawe. Ijambo ry'Uwiteka ni ijambo ry'imbaraga ihoraho ukwiriye kwishingikirizaho nk'uko yabivuze ati: "Musabe muzahabwa" (Matayo 7:7) Tumbira i Kaluvari. Ese Yesu ntiyavuze ko ari umurengezi wawe? Ntiyavuze yuko icyo uzasaba cyose uzagihabwa mu izina rye? Ntukwiriye kwishingikiriza ku bwiza bwawe bwite cyangwa imirimo yawe myiza. Ukwiriye kuza wishingikirije kuri Zuba ryo gukiranuka, ukizera ko Kristo agukuyeho ibyaha byawe kandi aguhaye gukiranuka kwe. UB1 259.1

Ukwiriye gusanga Imana nk'umunyabyaha wihannye, mu izina rya Yesu, Umurengezi wavuye mu ijuru, umunyampuhwe, Data w'Umunyambabazi, wizeye ko azabikora nk'uko yabisezeranye. Reka abifuza umugisha w'Imana bakomange kandi bategerereze ku ntebe y'Imbabazi, bizeye rwose kandi bavuga bati: " Kuko wowe Uwiteka wavuze uti " (Matayo7:8) Uwiteka yifuza ko abashaka Imana, bizera ushobora kubakorera byose. UB1 259.2

Umwami yashatse kutwereka ukuntu Imana yiteguye kutwumva no gusubiza amasengesho yacu ikoresheje ibintu tumenyereye kandi bikunze kubaho. Yaravuze ati: "Mbese muri mwe hari umuntu umwana we yasaba umutsima akamuha ibuye? Cyangwa yamusaba ifi akamuha inzoka? Ko muri babi, kandi mukaba muzi guha abana banyu ibyiza, none So wo mu ijuru ntazarushaho guha ibyiza ababimusabye?" (Matayo 7:9-11) UB1 259.3

Kristo yaturarikiye kumenya ubushake bw'Imana bwo kudufasha, ahereye ku rukundo rusanzwe umubyeyi agirira abana be. Mbese ni mubyeyi ki wakwima umwana we umutsima awumusabye? Mbese hari umuntu ukwiriye gusuzuguza Imana gutekereza ko itazasubiza amasengesho y'abana bayo bayitakira? Mbese dushobora gutekereza ku mubyeyi ushobora guca intege umwana we amushishikariza gusaba ibyo atari bumuhe? Mbese hari umubyeyi usezeraniye Umwana we ibyo kurya byiza kandi bifite akamaro maze akamuha ibuye? Mbese niba mwebwe abantu babi, muha abana banyu impano nziza, So wo mu ijuru ntazarushaho guha ibyiza ababimusaba? Umwami ahamiriza abamusaba yuko azabaha Mwuka Muziranenge. UB1 259.4

Kwatura ibyaha k'umunyabyaha wihannye kandi wizeye, Kristo aguhuza no gukiranuka kwe bwite, kugira ngo isengesho ry'umuntu waguye rizamukire imbere ya Se rimeze nk'umubavu uhumura neza, maze ubuntu bw'Imana bugahabwa umutima wizeye. Yesu abwira umuntu uhinda umushyitsi kandi wihannye ati: "Ahubwo yisunge imbaraga zanjye abone kuzura nanjye: ndetse niyuzure na njye" (Yesaya 27:5). " Nimuze tujye inama, ni ko Uwiteka avuga; naho ibyaha byanyu bitukura nk'umuhemba birahinduka umweru bise na sheregi; naho bitukura tukutuku, birahinduka nk'ubwoya bw'intama bwera." (Yesaya 1:18) Mbese uzareka mujye inama? Ese uzamwegurira umutima wawe ngo awurinde nk'Umuremyi ukiranuka? Ngwino noneho, tube mu mucyo w'ubwiza bwe, kandi usenge nk'uko Dawidi yasenze agira ati: "Unyejeshe Ezobu, ndera: unyuhagire ndaba umweru ndushe urubura." (Zab 51:7) Ku bwo kwizera, shyira amaraso ya Kristo ku mutima wawe, ni yo yonyine ashobora kukweza kurusha urubura. Nyamara uravuga uti: "kureka ibigirwamana byanjye byose, bizamena umutima." Uku kureka byose kubera Imana byerekana kugwa ku rutare ukamenagurika. Noneho rero siga byose ku bwe; kuko niba utamenetse, nta gaciro ufite. UB1 259.5

Nureka gukoresha ibitega bidashobora gufata amazi, kandi mu izina rya Yesu Umurengezi wawe ukaza ugasanga Imana uyisaba ibyo ukeneye; gukiranuka kwa Kristo kuzagaragara nk'ukwawe, imico ya Kristo izaba iyawe. Ubwo ni bwo uzasobanukirwa ko gutsindishirizwa kuzanwa no kwizera Kristo gusa; kuko muri Kristo ari ho gutungana kwa kamere y'Imana kugaragarira; mu bugingo bwe ni ho ingaruka z'amahame yo kwera ahishurirwa. Binyuze mu maraso y'impongano ya Kristo, umunyabyaha abaturwa mu bubata no gucirwaho iteka;

binyuze mu gukiranuka k'Umucunguzi n'Umwishingizi utarigeze ukora icyaha, umunyabyaha ashobora kwinjira mu bwoko bw'abantu bumvira amategeko yose y'Imana. Umunyabyaha udafite Kristo, acirwaho iteka n'amategeko; ariko binyuze mu kwizera Kristo, ahindurwa umukiranutsi imbere y'Imana.

IGICE CYA 49: KWITANGA NO KWICUZA

Ariko mu kwihana icyaha, ntidukeneye kujya mu cyumba nk'uko Luther yabikoze, kwibabaza ubwacu kugira ngo dukurweho ibicumuro byacu, twibwira ko mu kubikora ari ho turebwa neza n'Imana. Hibajijwe iki kibazo ngo: "Ese natanga imfura yanjye kubw'igicumuro cyanjye, imbuto y'umubiri wanjye nkayihonga ku cyaha cy'ubugingo bwanjye? Y ewe mwana w'umuntu we, yakweretse icyiza icyo ari cyo. Icyo Uwiteka agushakaho ni iki? Ni ugukora ibyo gukiranuka, no gukunda kubabarira, no kugendana n'Imana wicisha bugufi." (Mika 6: 7,8). Umuhimbyi wa Zaburi aravuga ati; "Ibitambo Imana ishima ni umutima umenetse, ushenjaguwe, Mana, ntuzawusuzugura." (Zaburi 51: 17). Yohana arandika ati: "Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu, no kutwezaho gukiranirwa kose. (1Yohana 1: 9). Impamvu imwe rukumbi tutababarirwa ibyaha byacu ni uko tutemereye wa wundi, twaremye uruguma kubw'ibicumuro byacu, twacumise amacumu kubw'ibyaha byacu, ko twakoze ikosa, kandi tukaba dukeneye imbabazi. Kwicuza kuvuga ibiri mu mutima byose, kuzabonera imbabazi mu mutima urimo imbabazi zitagira akagero, kubera ko Imana yita ku muntu ufite umutima umenetse igakiza ab'imitima ishenjaguwe. UB1 261.1

Mbega uburyo ari ukwibeshya kwibwira ko kwicuza icyaha bizagutesha icyubahiro cyawe, kandi bikagabanya agaciro ufite muri bagenzi bawe. Abantu bihambira kuri i ki gitekerezo gipfuye, nubwo babona amakosa yabo, bibuka ibibi by'abandi, bityo bagatuma imibereho yabo bwite isharira, kandi bakijimisha imibereho y'abandi. Kwicuza ibyaha byawe ntibizigira icyo bitwara icyubahiro cyawe. Zibukira iki cyubahiro gipfuye. Ikubite ku rutare maze ushenjagurike, kandi Kristo azaguha icyubahiro mvajuru cy'ukuri. Nimutyo ubwibone, kwiyemera, cyangwa kwigira intungane bitabuza umuntu kwicuza icyaha cye, nyamara aya masezerano abasha kuyagira aye. "Uhisha ibicumuro bye ntazagubwa neza, ariko ubyatura akabireka azababarirwa. Ntukagire i cyo uhisha Imana, ngo wirengagize amakosa wakoreye umuvandimwe wawe." "

Mwaturirane ibyaha byanyu, kandi musabirane, kugira ngo mukizwe.” (Yakobo 5: 16).

Ku bantu benshi icyaha kitababariwe kizarwanya umunyabyaha ku munsi w’imperuka, icyaba cyiza ni ukurwanya ibyaha byawe ubu ukabyicuza kandi ukabigendera kure, mu gihe igitambo kikwezaho ibyaha k ikwitangira. Ntukabure k wiga ubushake bw’Imana k uri iki cyigisho. Kugubwa neza k’umutima wawe n’agakiza k’abandi biterwa n’uko wifata kuri iki kibazo. ” Nuko mwicishe bugufi muri munsi y’ukuboko g ukomeye kw’Imana, kugira ngo ibashyire hejuru mu gihe gikwiriye.” (1 Petero 5: 6,7) Umuntu wicisha bugufi n’ufite umutima umenetse ashobora kwishimira ikintu runaka cy’urukundo rw’Imana n’umusaraba w’i Kaluvari. Imigisha itagabanijwe izahabwa uwuzuza ibyangombwa bituma ashobora kurebwa neza n’Imana. UB1 261.2

Guhamagarirwa kwitanga

Tugomba kwegurira Imana imitima yacu, kugira ngo ibashe kutweza no kutugira bashya, no kudutunganiriza ubwami bw’ijuru. Ntitugomba gutegereza igihe kidasanzwe, ahubwo uyu munsi wa none tugomba kumwiyegurira, tukanga kuba imbata z’icyaha. Mbese wibwira ko ushobora kureka icyaha mu kanya gato? Reka ikibi ako kanya! Anga ibintu Kristo yanga, kunda ibyo Kristo akunda. Mbese kubw’imibabaro ye n’urupfu rwe ntiyateganyije uburyo bwo kutwezaho icyaha? Igihe dutangiye gusobanukirwa ko turi abanyabyaha, kandi tukagwira urutare ngo rutumenagure, tugotwa n’amaboko y’iteka, kandi twegerezwa umutima wa Yesu. Icyo gihe urukundo rwe ruzatureshya, kandi tuzinukwe gukiranuka kwacu bwite. Dukeneye kwegera umusaraba. Uko turushaho kwicishiriza bugufi munsi y’umusaraba, ni ko urukundo rw’Imana ruzarushaho kwererezwa. Ubuntu no gukiranuka bya Kristo ntibizigera bigera ku muntu wumva atunganye, umuntu utekereza ko ari mwiza ashyize mu gaciro, n’umuntu ushimishwa n’uko ameze. Nta mwanya Kriso afite mu mutima w’umuntu utabona ko akeneye umucyo w’Imana no gufashwa na Yo. UB1 262.1

Yesu aravuga ati: “Hahirwa abakene mu mitima yabo: kuko ubwami bwo mu ijuru ari ubwabo.” (Matayo 5:3). Mu Mana hari ubuntu bwuzuye, kandi dushobora guhabwa umwuka wayo n’imbaraga zayo ku rugero rusaze. Ntimukarye ibishishwa by’ubutungane bwanyu bwite, ahubwo musange

Uwiteka. Afite ikanzu nziza cyane yo kukwambika, kandi arambuye amaboko ngo akwakire. Kristo azavuga ati: “Nimumwambure iyo myenda y’ibizinga . . . Mumwambike igitambaro cyiza mu mutwe.” Zekariya 3:3-5. UB1 262.2

Za nk’umunyabyaha wihana

Ariko se tuzategereza kugeza ubwo tuzumva ko twejejwe? — Oya rwose; Kristo yasezeranye ko “nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose.” 1Yohana 1:9. Imana iguhamiriza binyuze mu Ijambo ryayo. Ntabwo ugomba gutegereza amarangamutima y’agatangaza ngo ubone wizere ko Imana yakumvise. Ntabwo amarangamutima agomba kuba icyo ushingiraho, kuko amarangamutima ahinduka nk’igicu. Ugomba kugira ikintu gikomeye ushingiraho ukwizera kwawe. Ijambo ry’Umukiza ni ijambo rifite ububasha buhoraho iteka ushobora kwishingikirizaho, kandi Umukiza yaravuze ati: “Musabe muzahabwa.” Hanga amaso i Kaluvari. Mbese Yesu ntiyavuze ko ari we Murengezi wawe? Mbese ntiyavuze ko nugira icyo usaba cyose mu izina rye uzagihabwa? Ntabwo ugomba kwishingikiriza ku bwiza bwawe cyangwa imirimo yawe myiza. Ugomba kuza wishingikirije kuri Zuba ryo Gukiranuka, wizeye ko Yesu yaguhanaguyeho ibyaha byawe maze aguha gukiranuka kwe. UB1 262.3

Ugomba gusanga Imana uri umunyabyaha wihana, binyuze mu izina rya Yesu, Umurengezi wo mu ijuru, ugasanga Data wa twese wuje impuhwe n’imbabazi, wizeye ko azakugenzereza nk’uko yasezeranye. N imutyo abifuza umugisha w’Imana bakomange, bategerereze ku ntebe y’ubuntu kandi bafite ibyiringiro bitajegajega bavuga bati: “Kuko Uwiteka wavuze uti: ‘Kuko usaba wese ahabwa; usaha abona, kandi ukomanga akingurirwa.’” Umukiza yifuza cyane kubona abashaka Imana bayizera ko ari yo ishobora kubakorera byose. UB1 263.1

Umukiza yashatse kutwereka uburyo Imana ihora yiteguye kumva no gusubiza gusaba kwacu dukoresheje imvugo isanzwe n’amagambo yumvikanira buri wese. Yaravuze ati: “Mbese muri mwe hari umuntu umwana we yasaba umutsima akamuha ibuye, cyangwa yamusaba ifi akamuha inzoka? Ko muri babi kandi mukaba muzi guha abana banyu ibyiza, none So wo mu ijuru ntazarushaho guha ibyiza ababimusabye?” (Matayo 7:9-11). Kristo yaturaritse

atwereka ibyerekeye ubushake Imana ifite bwo kudufasha, abivuga ashingiye ku rukundo rusanzwe umubyeyi akunda abana be. Ni nde mubyeyi watera umwana we umungongo igihe amusabye umugati? Mbese hari umuntu ukwiriye gusuzuguza Imana k ubwo kwibwira ko itazasubiza ngo yite ku gutakamba kw'abana bayo? Mbese twatekereza ko hari umubyeyi washobora gusuzugura umwana we amukinisha akamutera kwitegura ho hari icyo agiye kumuha amunopfesha nyamara ntacyo ari bumuhe? Mbese umubyeyi azasezeranira umwana we kumuha ibyokurya byiza kandi byubaka umubiri maze ahindure amuhe i buye? N one niba mwe abantu kandi babi, muha abana banyu impano nziza, mbese So wo mu ijuru azarushaho ate guha ibyiza abamusaba? Umukiza ahamiriza abamusaba ko azabaha Umwuka Wera. UB1 263.2

Kwatura k'umunyabyaha wihana kandi wizeye Kristo akuvanga no gukiranuka kwe, kugira ngo isengesho ry'umuntu waguye rishobore kuzamuka nk'umubavu uhumura neza rigere imbere ya Data wa twese, kandi ubuntu bw'Imana buhabwe umuntu wizeye. Yesu abwira umuntu uhinda umushyitsi kandi wihana ati: "Ahubwo yisunge imbaraga zanjye abone kuzura nanjye, ndetse niyuzure nanjye." (Yesaya 27:5). "Nimuze tujye inama ni ko Uwiteka avuga: naho ibyaha byanyu byatukura nk'umuhemba birahinduka umweru bise na shelegi, naho byatukura tukutuku, birahinduka nk'ubwoya bw'intama bwera."

(Yesaya 1:18). Mbese uzemerera Uwiteka ko mujya inama? Mbese uzamuragiza ubugingo bwawe nk'uburagije Umuremyi w'indahemuka? Nuko rero ngwino maze ureke tube mu mucyo wo mu maso he, maze dusenge nka Dawidi tuti: "Unyejeshe ezobu ndera, unyuhagire ndaba umweru ndushe urubura" (Zaburi 51:7). Kubwo kwizera, ejesha umutima wawe amaraso ya Yesu Kristo, kuko ari yo yonyine ashobora kukweza ukera kurusha urubura. Nyamara uravuga uti: "Uku kuzibukira ibigirwamana byanjye byose bizanshengura umutima." Uku kureka byose kubwo gusanga Imana byagereranyijwe n'uko wagwira Rutare maze ukamenagurika. Kubw'ibyo rero, zibukira byose kubwe, kuko nta gaciro waba ufite keretse gusa ubaye umenaguritse.UB1 263.3

Igihe uhunze ukitandukanya n'ibitega bitobotse bitabasha gufata amazi, maze mu izina rya Yesu Umurengezi wawe ugasanga Imana, ukayisaba ibyo ukeneye, uzahishurirwa gukiranuka kwa Kristo nk'ukwawe, ndetse

n’ubutungane bwe nk’ubwawe. Icyo gihe uzasobanukirwa neza ko gukiranuka kuzakuzaho binyuze mu kwizera Kristo gusa; kuko muri Yesu honyine ni ho hahishurirwa gutungana kw’imico y’Imana. Mu bugingo bwa Kristo honyine ni ho hahishirirwa imikorere y’amahame yo kwera. Kubw’amaraso ya Kristo ahongerera ibyaha, umunyabyaha akurwa mu bubata no gucirwaho iteka. Kubw’ubutungane bw’Incungu izira icyaha kandi ikaba n’Ibyiringiro by’umuntu, umuntu ashobora gusiganwa mu rugendo rwo kwicisha bugufi yumvira amategeko y’Imana yose. Hatabayeho Kristo, umuntu yaba aciriweho iteka n’amategeko, agahora ari umunyabyaha, nyamara kubwo kwizera Kristo, umuntu agirwa intungane imbere y’Imana UB1 264.1

IGICE CYA 50: NGWINO, USHAKE KANDI UBONE 188

Umuntu ntashobora kwikiza ubwe. Ashobora kwihenda ku bijyanye n’iki kibazo, ariko ntiyashobora kwikiza. Gukiranuka kwa Kristo konyine ni ko gushobora gutuma agakiza ke kaboneka, kandi na ko ni impano y’Imana. Uyu ni umwambaro w’ubukwe ushobora kwambara ukagaragara nk’umutumirwa mwiza ku igaburo rya nimugoroba, mu bukwe bw’Umwana w’Intama. Reka kwizera kwawe gusingire Kristo nta kuzuyaza, uzaherako ube icyaremwe gishya muri Kristo kandi ube umucyo umurikira abari mu isi. UB1 265.1

Kristo yitwa “Uwiteka gukiranuka kwacu”, kandi ku bwo kwizera buri wese akwiriye kuvuga ati: “Uwiteka gukiranuka kwanjye.” Iyo kwizera gusingiriye impano y’Imana, ishimwe ry’Imana rizagaragara ku minwa yacu, kandi tuzashobora kubwira abandi tuti: “Nguyu Umwana w’Intama w’Imana ukuraho ibyaha by’abari mu isi” (Yohana 1:29) Ubwo ni bwo tuzashobora kumenyesha abazimiye ibyerekeye inama y’agakiza; kandi ko mu gihe isi yari mu muvumo w’icyaha, Uwiteka yagaragaje imbabazi ku munyabyaha wacumuye kandi udafite ibyiringiro, nuko ahishura agaciro n’ubusobanuro bw’ubuntu bwe. Ubuntu ni ineza ugirirwa utayikwiye. Abamarayika, batagize icyo bazi ku cyaha, ntibashobora gusobanukirwa icyo kugirirwa ubuntu kw’abantu ari cyo; nyamara ubunyacyaha bwacu busaba ko ubuntu butangwa n’Imana y’inyambabazi bukoreshwa. Ubuntu ni bwo bwatumye Umukiza wacu azanwa no kudushaka nk’abantu bazimiye no kutugarura mu rugo. UB1 265.2

Mbese ujya wumva hari icyo ukeneye mu mutima wawe? Mbese wumva ufite inzara n'inyota byo gukiranuka? Ibyo rero iki ni igihamya cy'uko Kristo hari icyo yakoze ku mutima wawe, agatuma habaho ubwo bukene kugira ngo umushake, ngo na we agukorere ibyo wowe udashoboye kwikorera, binyuze mu mpano ya Mwuka Muziranenge. Uwiteka nta kindi asaba uretse uko gusonzera imbabazi ze, kwifuza inama ze ndetse no kwifuza urukundo rwe. "Musabe" (Matayo 7:7) Uku gusaba kwerekana ko hari icyo ukeneye, kandi nusaba wizeye, uzahabwa. Ibyo Uwiteka yasezeranye mu Ijambo rye ntibizabura gusohora. Kuba wemera ko uri umunyabyaha birahagije kugira ngo usabe imbabazi ze n'impuhwe ze. Impamvu ituma usanga Imana si ukugirango were ahubwo ni ugusaba Imana ngo igukureho icyaha cyose kandi ngo ikwezeho gukiranirwa kose. Mbese uracyategereje iki? None se, ni kuki utakwizera icyo Imana yavuze maze ngo uvuge uti: "Uwiteka, ndaje, ndakwiyeguriye ubwanjye, Iki ni cyo cyonyine nshobora gukora?" UB1 265.3

Satani naza gushyira urusika rw'umwijima hagati yawe n'Imana, akurega icyaha, akagushukashuka ngo utiringira Imana kandi ngo ushidikanye imbabazi zayo, uvuge uti: "Sinshobora kwemerera intege nke zanjye kujya hagati yanjye n'Imana; kuko ni yo mbaraga zanjye. Ibyaha byanjye byinshi byashyizwe kuri Yesu, Umucunguzi wanjye n'igitambo cyanjye. Nta cyo nzanye mu biganza byanjye. Nishingikirije ku musaraba wawe gusa" UB1 266.1

Nta muntu n'umwe ushobora kwisuzuma ubwe ngo abone muri kamere ye ikintu icyo ari cyo cyose cyatuma yemerwa n'Imana cyangwa ngo kimwemeze ko azemerwa na yo. Muri Kristo wenyine, uwo Data wa twese yatanze ngo abari mu isi babone ubugingo, ni ho umunyabyaha ashobora kwegerera Imana. Yesu ni we Mucunguzi wacu wenyine, Umurengezi n'Umuhuza; muri we gusa dufite ibyiringiro byo kubabarirwa, amahoro no gukiranuka. Ni ku bw'amaraso ya Kristo umuntu washenjaguwe n'icyaha ashobora kongera guhindurwa muzima. Kristo ni impumuro, ni umubavu uhumura neza utuma gusenga kwawe kwemerwa na Data wa twese. UB1 266.2

None se ntiwavuga uti:
"Ubu nje uko ndi, nta kindi cyankiza.
Ndokoresha amaraso yawe.

Nitabye ijwi ryawe rimpamagaye,
Ndaje, Ntama y' Imana, ndaje" UB1 266.3

Gusanga Kristo ntibisaba gutekereza cyane no kwibabaza; ni ukwemera gusa ibijyanye n'agakiza Imana yagaragaje mu Ijambo ryayo. Umugisha ni uw'ubuntu ku bantu bose. Irarika ni iri ngo: "Yemwe abafite inyota, nimuze ku mazi, kandi n'udafite ifeza na we naze; nimuze mugure murye; nimuze mugure vino n'amata, mudatanze ifeza cyangwa ibindi biguzi. Ni iki gituma mutanga ifeza mukagura ibitari ibyo kurya nyakuri? Ni iki gituma mukorera ibidahaza? Mugire umwete wo kunyumvira mubone kurya ibyiza, ubugingo bwanyu bukishimira umubyibuho." (Yesaya 55:1,2) UB1 266.4

Gukiranuka kubonerwa muri Kristo

Noneho rero, nimuze mushake kandi mubone. Ububiko bw'imbaraga burakinguye, kandi buruzuye kandi gukoramo ni ubuntu. Muzane imitima yanyu yicishije bugufi, mudatekereza ko hari umurimo mwiza mugomba gukora kugira ngo mwemerwe n'Imana cyangwa ko mushobora ubwanyu kwitunganya mbere yuko musanga Kristo. Nta mbaraga mufite yo gukora neza kandi ntimushobora kugira icyo mwiyunguraho. Tudafite Kristo nta cyiza twakora, ntitwashobora gukiranuka. Ubunyacyaha bwacu, intege nke zacu, gukiranirwa kwacu, byose bituma tudashobora kuza imbere y'Imana keretse gusa twambitswe gukiranuka kwa Kristo. Dukwiriye kugaragara muri we tudafite gukiranuka kwacu bwite; ahubwo dufite gukiranuka kuri muri Kristo. Nuko rero mu izina risumba andi mazina yose, izina ryonyine ryahawe abantu ryo gukirizwamo, saba gusohorezwa isezerano ry'Imana uvuga uti: «Uwiteka, mbabarira icyaha cyanjye, nshyize ibiganza byanjye mu cyawe ngo umfashe, ngomba kububona cyangwa nkarimbuka. Ubu ndabyizeye." Umukiza abwira umunyabyaha wihannye ati: "Ntawe ujya kwa Data ntamujyanye" (Yohana 14:6), "Kandi n'uza aho ndi sinzamwirukana na hato." (Yohana 6:37). "Ni jye gakiza kawe." (Zaburi 35:3) UB1 266.5

Mu gihe witabye guhamagarwa na Kristo, ukomatana na we, werekana kwizera gukiza. Kuganira ku bijyanye n'iby'idini mu buryo busanzwe, gusaba imigisha y'iby'umwuka nta nzara nyayo yo mu mutima no kwizera kuzima, byakugeza kuri bike. Abantu benshi bakurikiraga Yesu bamubyiga, ntibigeze

bagira imbaraga ifatika ituruka ku kwegerana na we. Ariko igihe umugore wababazwaga, wari umaze imyaka cumi n'ibiri nta gaciro afite, mu bukene bwe bukomeye yaramburaga ukuboko kwe agakora ku nshunda z'umwenda we, yiyumvisemo ko akize. Icyo yakoze gusa, ni ugukora kuri Yesu yizeye, kandi Kristo yamenye ko hari umukozeho. Yumvise hari imbaraga imuvuyemo, maze ahindukirira abantu, arababaza ati: "Ni nde unkozeho?" (Luka 8:45) Batangajwe n'ikibazo nk'icyo, abigishwa baramusubije bati: « Erega Databuja, abantu barakugose, nawe ukabaza uti: Ni nde unkozeho? Yesu aravuga ati: 'Hariho unkozeho kuko menye ko imbaraga imvuyemo. Nuko uwo mugore abonye ko adahishwa, aza ahinda umushitsi, amwikubita imbere, amubwirira mu maso ya bose icyatumye amukoraho, n'uko akize muri ako kanya. Yesu aramubwira ati: 'Mwana wanjye, kwizera kwawe kuragukijije, genda amahoro. "(Luka 8:45-48). UB1 267.1

Kwizera gutuma kwegerana na Kristo kwacu kutuzanira ubugingo, gusobanura ku ruhande rwacu yuko twahisemo neza cyane, ko twishingikiriza ku Mana kandi tukitanga nta kwizigama. Uku kwizera gukorera mu rukundo kandi kugatunganya umuntu. Uku kwizera kurema mu mibereho y'umwigishwa wa Kristo kumvira amategeko y'Imana by'ukuri; kuko gukunda Imana n'abantu bizaba ari ingaruka yo komatana gukomeye na Kristo. "Ariko Umuntu wese utagira Mwuka wa Kristo, ntaba ari uwe." (Abaroma 8:9) UB1 267.2

Yesu aravuga ati: "Nijye muzabibu, namwe muri amashami" (Yohana 15:5). Mbese dushobora gutekereza ku isano y'ubucuti ikomeye kurusha iyi? Udutsi dutemberamo amazi y'igiti two mu ishami ry'umuzabibu, dusa rwose n'utwo mu muzabibu ubwawo. Guhererekanya ubuzima, imbaraga, n'ibyo kurya biva mu gihimba bijya mu mashami nta kibihagarika kandi ntibihagarara. Umuzi wohereza ibyo kurya mu mashami. Ni muri ubu buryo umwizera agirana isano na Kristo, iyo agumye muri Kristo akanakura ibimutunga muri we. Ariko iyi sano y'iby'umwuka iri hagati ya Kristo n'umuntu, ibaho binyuze mu gukoresha kwizera, buri muntu ku giti cye. " Ariko utizera ntibishoboka ko ayinezeza." (Abaheburayo 11:60); kuko ni ukwizera kuduhuza n'imbaraga y'Imana, kandi kukatuzanira imbaraga zo kurwanya imbaraga z'umwijima. "Kandi uku ni ko kunesha kwanesheje iby'isi, n'ukwizera kwacu." (1Yohana 5:4) Kwizera gutuma umutima umenyera ko Imana ibaho, ukanamenyera no kubana na Yo, kandi igihe duhanze amaso ku ikuzo ryayo, turushaho kumenya ubwiza bwa kamere

yayo n’ubuntu bwayo butarondoreka. Imitima yacu ikomerera mu mbaraga y’Umwuka; kuko tuba duhumeka umwuka wo mu ijuru, kandi tugasobanukirwa ko ubwo Imana iri mu kuboko kwacu kw’iburyo, tutazanyeganyezwa. Turazamurwa tugashyirwa hejuru y’abandi bose, tukitegereza umutware w’ibihumbi kandi ukundwa, bityo kubwo kumwitegereza kwacu, tugahindurirwa gusa na we. UB1 267.3

IGICE CYA 51: KUGIRANA UBUMWE N’UMUZABIBU NYAKURI 189

“Umuntu wese iyo ari muri Kristo aba ari icyaremwe gushya: Ibya kera biba bishize, dore byose biba bihindutse bishya.” (2 Abakorinto 7:17) Uretse ubushobozi bw’Imana, nta kintu na kimwe gishobora kongera kurema bundi bushya umutima w’umuntu no kuwuzuzamo urukundo akunda Kristo, ruzakomeza kwigaragariza mu rukundo akunda abo Kristo yapfiriye. Imbuto y’Umwuka ni urukundo, ibyishimo, amahoro, kwihangana, kugira neza, kwizera, ubugwaneza no kwirinda. Igihe umuntu ahindukiriye Imana, ahabwa imibereho mishya, imbaraga nshya, kandi agakunda ibyo Imana ikunda; kuko imibereho ye igoswe n’umurunga w’izahabu w’amasezerano adahinduka y’imibereho ya Kristo. Urukundo, ibyishimo, amahoro n’ishimwe ritarondoreka biziganza mu mutima w’umuntu, kandi imvugo y’uwo muntu izaba iyi ngo: “Ubugwaneza bwawe bwanteye ikuzo.”(Zaburi 18:35) UB1 269.1

Ariko abategereje kureba guhinduka kw’ibitangaza kwa kamere yabo, nta ruhare babigizemo ngo batsinde icyaha, bazakorwa n’isoni. Nta mpamvu yo gutinya igihe duhanze Yesu amaso, nta mpamvu yo gushidikanya ko afite ubushobozi bwose bwo gukiza rwose abamusanga bose; ariko dukwiriye gukomeza gutinya ko umuntu wacu wa kera yakongera kutwiganzura, tukanatinya ko umwanzi yakongera kudutega imitego tugasubira mu bubata bwe. Dukwiriye gusohoza agakiza kacu dutinya kandi duhinda umushyitsi, kuko Imana ari yo idutera gukunda no gukora ibyo yishimira. Mu bushobozi bwacu bukeya, dukwiriye gukiranuka aho dutuye nk’uko Imana nayo ikiranuka aho ituye. Mu buryo bwose bushoboka, dukwiriye kwerekana ukuri, urukundo n’isumbwe rya kamere y’Imana. Nk’uko wino ikoreshwa mu gushyiraho ikimenyetso, ni ko umutima ukwiriye kwakira Umwuka w’Imana kugira ngo ishusho ya Kristo igume muri wo. UB1 269.2

Dukwiriye gukurira mu bwiza bwa Mwuka buri munsi. Akenshi mu mihati yacu tunanirwa kwigana urugero rw'Imana. Tuzaba dukwiye gupfukama kenshi turirira ku birenge bya Yesu, kubera ibyo tudashoboye kugeraho n'amakosa dukora; ariko ntidukwiriiye gucika intege; dukwiriye gusengana umwete, tukagira kwizera gushyitse, kandi duharanira gukurira mu ishusho y'Umwami wacu. Mu gihe tutiringiye imbaraga zacu, tuziringira imbaraga z'Umucunguzi wacu, kandi duhimbaze Imana, kuko ari yo dukesha kubaho kandi ikaba Imana yacu. UB1 269.3

Ahantu hose hari kuba umwe na Kristo, haba hari urukundo. Imbuto izo ari zo zose twabasha kwera hatarimo urukundo, nta cyo zaba zimaze. Urukundo dukunda Imana n'abaturanyi bacu ni rwo shingiro nyakuri ry'imyizerere yacu. Nta muntu n'umwe ushobora gukunda Kristo ngo yange abana be. Igihe twiyunze na Kristo, dutekereza nka we. Gukiranuka n'urukundo bigaragarira mu mico yacu, kugwa neza n'ukuri bigenga imibereho. Mu maso hacu hahinduka ukundi. Kristo uguma mu bugingo akoresha imbaraga ye ihindura, imibereho y'inyuma ikagaragaza amahoro n'ibyishimo biri imbere.

Tugotomera urukundo rwa Kristo, nk'uko ishami ritugwa n'ibivuye mu muzabibu. Niba dutewe muri Kristo, iyo dufatanye n'umuzabibu nyakuri, tuzabihamisha kugira amaseri menshi y'imbuto z'ukuri. Nituba dafatanye n'umucyo, tuzaba imiyoboro y'umucyo, kandi mu magambo n'ibikorwa tuzamurikira abatuye isi. Abakristo nyakuri bahujwe n'umurunga w'urukundo uhuza ijuru n'isi, ugahuza umuntu upfa n'Imana ihoraho. Umucyo urabagirana mu maso ha Yesu Kristo, ni nawo urabagiranira mu mitima y'abayoboke be bagahimbaza Imana. UB1 270.1

Ku bwo gutumbira, dukwiriye guhinduka; kandi igihe dutekereje ku gukiranuka k'Urugero- Mana rwacu, tuzifuza guhindurwa byimazeyo, kandi no kugirwa bashya mu ishusho yo gukiranuka kwe. Mu kwizera Umwana w'Imana ni ho guhinduka kwa kamere kubonekera, n'Umwana wo kugirirwa umujinya, agahinduka umwana w'Imana. Ava mu rupfu akajya mu bugingo; ahinduka uw'umwuka kandi akarondora iby'Umwuka. Ubwenge bw'Imana bumurikira intekerezo ze maze akabona ibitangaza byo mu mategeko yayo. Igihe umuntu ahinduwe n'ukuri, umurimo wo guhinduka muri kamere urakomeza. Agira

urugero rwo gusobanukirwa rusumbyeho. Mu guhinduka umuntu wumvira Imana, agira gutekereza nk'ukwa Kristo, kandi ubushake bw'Imana bugahinduka ubwe. UB1 270.2

Umuntu wirunduriye mu kuyoborwa na Mwuka w'Imana, azabona ko ibitekerezo bye byaguka kandi bigatera imbere. Yigishwa umurimo w'Imana, ntahengamire ku ruhande rumwe cyangwa ngo abe udashyitse ugwiza kamere imwe; ahubwo aba umuntu ukura mu buryo bwiza kandi bwuzuye. Uwo ni umurimo ufashe impu zombi kandi wuzuzanya. Intege nke zagiye zigaragara n'imico idafite imbaraga, biranesheka kuko gukomeza kwiyegurira Imana no gukiranuka bituma umuntu agirana isano ya bugufi na Kristo ku buryo agira gutekereza nk'ukwe. Aba ari umwe na Kristo, ari muzima mu by'umwuka kandi n'imbaraga mu mahame yizera. Imyumvire n'imitekerereze ye birasobanuka, kandi akagaragaza ubwenge buva ku Mana.

Yakobo aravuga ati: "Ni nde muri mwe w'umunyabwenge kandi w'umuhanga? Niyerekanishe ingeso nziza imirimo ye afite ubugwaneza n'ubwenge."(Yakobo 3:13) "Ariko ubwenge buva mu ijuru, irya mbere buraboneye kandi ni ubw'amahoro, ni ubw'ineza, bwemera kugirwa inama, bwuzuye imbabazi n'imbuto nziza, butarobanura ku butoni, kandi butagira uburyarya. Kandi imbuto zo gukiranuka zibibwa mu mahoro n'abahesha abandi amahoro." (Yakobo 3:17-18) Ubu ni ubwenge buzagaragazwa n'uwo ufite igikombe cy'agakiza kandi akambaza izina ry'Uwiteka. Aka gakiza, gatanga imbabazi ku munyabyaha, kamuha gukiranuka kuzemerwa n'Umenyabyose, gatuma atsinda umwanzi w'Imana n'abantu, gatanga ubugingo buhoraho n'ibyishimo ku muntu ukakiriye, kandi kaba impamvu y'ibyishimo ku bantu bacishije bugufi, abantu bumva ibyako kandi bikabanezeza. UB1 270.3

Umugani w'intama yazimiye.

Umugani mwiza Kristo yaciye w'intama yazimiye, n'umwungeri waretse intama mirongo icyenda n'icyenda, akajya gushaka imwe yari yazimiye, byerekana umurimo wa Kristo, uko umunyabyaha ameze, n'umunezero mu ijuru no mu isi bagira ku bw'agakiza k'umuntu. Ntabwo umwungeri yigeze yirengagiza intama ngo avuge ati: "Mfite mirongo icyenda n'icyenda, kandi bizandushya cyane kwiruka inyuma y'iyo yazimiye, izigarure nzayikingurira

urugi yinjire mu rugo rw'intama; ariko sinshobora kuyiruka inyuma." Oya; uhereye igihe intama yazimiraga, ni nabwo mu maso h'Umwungeri huzuye agahinda no guhagarika umutima.

Abarura intama zigize umukumbi agenda asubiramo, kandi ubwo yari amenye ko hari iyazimiye, ntiyongeye kugoheka. Asiga mirongo cyenda n'icyenda mu rugo, kandi nubwo ijoro ryaba ryijimye rite, nubwo inzira yaba mbi kandi idashimishije, nubwo umurimo waba ukomeye kandi utwara igihe kirekire, ntabwo arambirwa cyangwa ngo acike intege kugeza igihe inzimizi ibonetse. Kandi iyo abonye iyo ntama inaniwe, ayishyira ku bitugu bye, akayisubiza mu zindi yishimiye ko gushakisha inzimizi kwe kutabaye imfabusa. Ishimwe rye rigaragarira mu ndirimbo z'ibyishimo ziryoheye amatwi, agahamagara incuti ze n'abaturanyi akababwira ati: "Twishimane, kuko mbonye intama yanjye yari yazimiye" (Luka 15:6) Igihe inzimizi itaruwe n'Umwungeri mukuru w'intama, abamarayika bo mu ijuru baririmbana n'Umwungeri bishimye. Igihe icyazimiye kibonetse, ijuru n'isi bifatanya gushima no kunezerwa. "Ndababwira yuko mu ijuru bazishimira batyo umunyabyaha umwe wihannye kumurutisha abakiranutsi mirongo urwenda n'icyenda badakeneye kwihana."(Luka 17:7). UB1 271.1

IGICE CYA 52: KRISTO UMUTAMBYI MUKURU 190

Ubutabera busaba ko icyaha kitababarirwa gusa, ahubwo ko igihano cy'urupfu kigomba kubahirizwa. Imana, mu mpano y'Umwana wayo w'Ikinege, yakemuye ibi bintu byombi byasabwaga. Igihe Kristo yapfaga mu cyimbo cy'umuntu, yishyuye igihano kandi atanga n'imbabazi. Umuntu yitandukanyije n'ubugingo Imana yari yamuhaye bitewe n'icyaha cye. Ubugingo bwe bwahungabanyijwe n'uburiganya bwa Satani, se w'ibyaha? Ku bwe ntashobora kumva icyo icyaha ari cyo, kandi ntashobora guha agaciro kamere y'Imana no kuyigira iye. Icyaha kiramutse kigaragariye umuntu uko kiri koko, nta kintu kikirimo cyatuma umutima w'umuntu ucyifuza. Imbaraga iyobya ya Satani iri kuri we. Uburyarya bwose Satani abasha gukoresha abumushyira imbere kugira ngo bimubuze kumva neza. Ubushobozi bwose n'imbaraga yahawe n'Imana byakoreshejwe nk'intwaro yo kurwanya Rugaba rwa byose. Ku bw'ibyo nubwo Imana imukunda, ntishobora kumuha impano n'imigisha yifuzaga kumucunshumuriraho.UB1 272.1

Ariko rero, Imana ntizatsindwa na Satani. Yohereje Umwana wayo mu isi, kugira ngo mu gufata ishusho na kamere muntu, ubumuntu n'ubumana buteranirizwe muri we, bitume umuntu azamurwa agere ku rugero rw'imico y'Imana. UB1 272.2

Nta yindi nzira umuntu aboneramo agakiza. Yesu aravuga ati: "Kuko ari ntacyo mubasha gukora mutamfite" (Yoh 15:5) Muri Kristo, Kristo wenyine, amasoko y'ubugingo ashobora guha kamere y'umuntu ubuzima, agahindura ibyo akunda, agatuma yifuza ibyo mu ijuru. Binyuze mu guhuza kamere y'Imana n'iy'umuntu, Kristo ashobora kumurikira ugusobanukirwa k'umuntu kandi akuzuza imbaraga itanga ubugingo mu mutima wajahajwe n'ibicumuro n'ibyaha. UB1 272.3

Iyo ibitekerezo byerekejwe ku musaraba w'i Kaluvari, mu ishusho idatunganye, Kristo agaragara ku musaraba w'isoni. Umuntu aribaza ati: Ni mpamvu ki yatumye apfa? Ni ingaruka z'icyaha? Icyaha ni iki? Ni ukugomera itegeko. Noneho amaso agahumuka, akabona kamere y'icyaha. Itegeko ryarishwe, ariko ntirishobora kubabarira uwaryishe. Ni umushorera wacu, utuma haboneka igihano. None umuti wava he? Amategeko atuyobora kuri Kristo, uwabambwe ku musaraba kugira ashobore guha gukuranuka kwe umunyabyaha mubi waguye kandi noneho abantu abazane imbere ya Se, muri kamere ye ikiranuka. Kristo ku musaraba, ntarehereza abantu kwihana ku Mana kubera amategeko ye bishe gusa—kuko uwo Imana ibabarira ibanza kumutera kwihana-- ahubwo Kristo yasohoje ibyo ubutabera bwasabaga; yitanze ubwe nk'igitambo gikuraho ibyaha.

Amaraso ye yasheshe n'umubiri we washenjaguwe, byishyuye ibyo amategeko yishwe yasabaga. Bityo rero aziba icyuho icyaha cyari cyarateje. Yababarijwe mu mubiri, kugira ngo kubwo umubiri we wababajwe kandi washenjaguwe, ashobore gutabara umunyabyaha udafite kirengera. Intsinzi yagaragariye mu rupfu rwe i Kaluvari, yamenaguye burundu imbaraga z'ibinyoma Satani yashinjaga isi n'ijuru kandi icecekesha ibirego bye byavugaga ko bitashobokeraga Imana kwiyanga, ku bw'ibyo bikaba atari ingenzi mu muryango w'abantu. UB1 272.4

Satani mu ijuru yari uwa kabiri ku Mwana w'Imana. Yari uwa mbere mu bamarayika. Ubushobozi bwe bwagendaga buta agaciro, ariko Imana ntiyashoboraga kubyerekana uko byakabaye, no kongera kwigarurira abatuye ijuru bose ibikoresheje kurimburana Satani n'ibibi bye. Satani yakomezaga kugwiza amaboko, nyamara ikibi kimurimo cyari kirataramenyekana. Yari imbaraga kirimbuzi ku batuye isi n'ijuru, ariko ku bw'umutekano w'abatuye amasi n'ubuyobozi bwo mu ijuru, byari ngombwa ko yari ikwiriye gukomeza kugeza ihishuwe mu mucyo wose. UB1 273.1

Imana no kwiyanga

Mu gushyira mu bikorwa urwango yangaga Kristo kugera ubwo amanitswe ku musaraba w'i Kaluvari, umubiri we wuzuye inguma n'imibyimba, n'umutima washenjaguritse, Satani yari yitandukanije burundu n'urukundo rw'abatuye isi n'ijuru. Ubwo rero byari bigaragaye ko Imana yari yiyanze binyuze mu mwana wayo, ikitangira ibyaha by'abari mu isi, kuko yakundaga inyoko muntu. Umuremyi yigaragarije mu Mwana w'Imana Isumbabyose. Iki kibazo ngo, «Mbese bishobora kubaho ko Imana yiyanga? cyasubijwe by'iteka. Kristo yari Imana, kandi yemera kwambara umubiri, yihinduye umuntu kandi araganduka kugera ku gupfa kugira ngo yitangeho igitambo gihoraho. UB1 273.2

Igitambo icyo ari cyo cyose umuntu yashoboraga gutanga Kristo yaragishohoje, atsinda ibishuko byose Satani yamutezaga ubutaruhuka. Uko ikigeragezo cyarushagaho kuba gikomeye, ni ko igitambo cyarushagaho gutungana. Iby'umuntu byashoboraga kwihanganira mu ntambara arwana na Satani, Kristo yarabyihanganiye muri kamere ye yari ihurijwemo ubumana n'ubumuntu. Yarumviye kandi arakiranuka kugeza ku iherezo, yapfiriye umuntu, aba incungu ye n'Umurengezi we, yihanganira ibyo abantu bihanganira byose bivuye ku mushukanyi, kugira ngo umuntu ashobore gutsinda abiheshejwe no gusangira kamere n'Imana. UB1 273.3

Ukuri nyakuri kwahwanijwe n'ikinyoma, umurava n'ubunyangamugayo byahwanijwe no kwiyorohereza n'ubushukanyi, muri buri muntu wese ubaho nk'uko Kristo yabayeho, akifuza guhara byose ndetse n'ubugingo bwe kubera ukuri. Kurwanya ibyifuzo bya Satani si umurimo woroshye. Bisaba komatana na kamere y'Imana kuva ku itangiriro ukageza ku iherezo, ubundi ntibyashoboka.

Kristo, mu kunesha kwabonekeye mu rupfu rwe ku musaraba w'i Kaluvari, yaharuriye umuntu inzira mu buryo bugaragara, bityo amushoboza kubahiriza amategeko y'Imana, binyuze mu Nzira, Ukuri n'Ubugingo. Nta yindi nzira. UB1 273.4

Gukiranuka kwa Kristo guhabwa umunyabyaha nk'impano igihe ayemeye. Nta kintu afite ubwe bwite keretse ibyanduye, byononekaye kandi byahumanijwe n'icyaha, bihabanye rwose n'Imana itunganye kandi Yera. Kamere yo gukiranuka ya Yesu Kristo gusa ni yo ihesha umuntu kwegera Imana. UB1 274.1

Kristo nk'Umutambyi Mukuru yinjiye mu ihema ryaherewe kudapfa i Kaluvari, kugira ngo umuntu, nubwo yabaho ku bw'Imana, agapfa buri munsi ku cyaha, nakora icyaha, abe afite umurengezi kuri Data. UB1 274.2

Yazutse mu bapfuye ashagawe n'igicu cy'abamarayika mu mbaraga n'icyubahiro bitangaje—ubumana n'ubumuntu bihurijwe hamwe. Yafashe mu biganza bye isi Satani yavugaga ko ari umutware wayo mu buryo bwemewe n'amategeko, kandi ku bw'umurimo we utangaje wo gutanga ubugingo bwe, yatumye inyokomuntu yongera kuzura n'Imana…. UB1 274.3

Ntihagire n'umwe wishuka yibwira ko imirimo iyo ari yo yose umuntu yakora, ishobora kumufasha kuriha umwenda w'icyaha yakoze. Iki ni ikinyoma giteje akaga gakomeye. Nuramuka usobanukiwe n'ibi, uzareke gukomeza kwishingikiriza ku ntekerezo zawe zigushimisha, uhange amaso yawe ku mpongano. Iki kibazo gisobanuka buhoro ku buryo abantu ibihumbi n'ibihumbi bibwira ko ari abana b'Imana nyamara ari abana b'umubi, kuko bishingikiriza ku murimo yabo bwite. Igihe cyose Imana yasabaga imirimo myiza, kandi n'amategeko na yo ni uko, ariko kubera ko umuntu yishoye mu cyaha aho imirimo ye itari igifite agaciro, yahawe agaciro, gukiranuka kwa Kristo konyine niko kwatugoboka. Kristo ashobora gukiza rwose, kuko ahoraho iteka ngo adusabire. Icyo umuntu ashobora gukora ku bijyanye n'agakiza ke bwite, ni ukwemera irarika rivuga ngo: "ushaka aze, ajyane amazi y'ubugingo ku buntu." (Ibyah 22:17). Nta cyaha umuntu ashobora gukora kitigeze kirihirwa bihagije i Kaluvari? Nuko rero umusaraba, mu irarika ryihutirwa, ukomeza kwereka umunyabyaha ko yahanagurwaho icyaha mu buryo busesuye. UB1 274.4

Kwihana no kubabarirwa

Iyo wegereye umusaraba w'i Kaluvari uhabona urukundo rutagereranywa. Mu gihe usobanukiwe n'igitambo ku bwo kwizera, wibona ubwawe uri umunyabyaha, uciriweho iteka kubera kwica amategeko. Uku ni ukwihana. Iyo uzanye umutima ucishije bugufi, uhabwa imbabazi, kuko Kristo Yesu akomeza kwerekanwa ahagaze ku gicaniro, atamba igitambo cy'ibyaha by'abari mu isi. Ni umutambyi wo mu ihema nyakuri, ritashinzwe n'umuntu ahubwo ryashinzwe n'Uwiteka. Ihema ry'Abayuda ryashushanyaga iryajyaga kuza hanyuma, nta gaciro na gato rigifite. Igitambo cya buri munsi na buri mwaka ntikigikwiriye gutambwa, nyamara igitambo cy'impongano cyatanzwe n'umuhuza ni ingenzi kubera ko icyaha kigikomeza gukorwa. Yesu akorera imbere y'Imana, atamba amaraso ye yasheshwe, kuko ari yo mwana w'Intama watambwe. Yesu atanga ituro ku cyaha cyose gikozwe n'ikindi kintu cyose cyo gukiranuka kitashohojwe n'umunyabyaha. UB1 274.5

Kristo, Umuhuza wacu, na Mwuka Muziranenge baracyakomeje kuvugira umuntu, ariko Mwuka ntatwingingira nka Kristo, werekana amaraso ye, yasheshe kuva isi yaremwa; Mwuka akabakaba imitima yacu, adushishikariza gusenga no kwihana, guhimbaza no gushima Imana. Ishimwe riboneka ku munwa yacu rituruka ku mikorere ya Mwuka ukorera mu muntu ugatuma atekereza ibyera kandi agakangura indirimbo zo mu mutima. UB1 275.1

Imirimo y'idini, amasengesho, ishimwe, kwatura ibyaha k'uwihannye biturutse ku bizera nyakuri, bizamuka nk'umubavu uhumura neza bikajya mu buturo bwo mu ijuru, ariko binyuze mu miyoboro y'abantu yangiritse, nta gaciro byagira imbere y'Imana keretse gusa bitunganijwe n'amaraso. Ntibizamuka bitunganye rwose, kandi hatabaye Umuhuza wicaye iburyo bw'Imana ngo abijyane kandi abyejesheje gukiranuka kwe, ntabwo byakwemerwa n'Imana. Buri mubavu wose uva mu mahema yo ku isi ugomba kubobezwa n'ibitonyanga by'amaraso ya Kristo yeza ibyaha. Agaragaza imbere ya Se urwabya rurimo imirimo ye, nta kizinga cyo kwangirika ko mu isi kurangwamo. Muri uru rwabya ateranirizamo amasengesho, amashimwe, no kwatura ibyaha kw'abantu be, akabyongeraho gukiranuka kwe kutagira ikizinga. Noneho rero, igihe

bishyizwemo impumuro y'imirimo yo guhongerera ya Kristo, umubavu uza imbere y'Imana wemewe. Ubwo ni bwo ubuntu buza ari igisubizo. UB1 275.2

Icyampa bose bakabona ko ikintu cyose kijyanye no kumvira, kwihana, guhimbaza no gushima, bishyirwa ku muriro waka wo gukiranuka kwa Kristo. Impumuro y'uko gukiranuka izamuka nk'igicu gikikije intebe y'Imbabazi. UB1 275.3

IGICE CYA 53: GUHINDUKA BITERWA NO KWIZERA NO KUMVIRA 191

Inyigisho ya Kristo mu Butumwa Bwiza ihuye neza n'inyigisho za Kristo zanyujijwe mu bahanuzi bo mu Isezerano rya Kera. Abahanuzi bavugiraga mu ntumwa za Kristo mu Isezerano rya Kera nk'uko intumwa zavugaga ubutumwa bwe mu Isezerano Rishya, nyamara nta kuvuguruzanya kuri mu nyigisho zabo. Kugeza n'ubu Satani yakomeje gukoresha ibinyoma byo gukiranirwa kugira ngo ijambo ry'Imana rye kugira imbaraga ku baryumva. Ikintu cyoroshye kandi kigaragara ashaka kugihindura ubwiru. Afite uburambe bw'igihe kirekire muri uyu murimo. Azi kamere y'Imana kandi mu bushukanyi bwe yigaruriye isi. Byanyuze mu kwambura ijambo ry'Imana imbaraga kugira ngo icyaha kize mu isi. Adamu yemeye ibinyoma bya Satani, kandi binyuze mu kugaragaza nabi kamere y'Imana, imibereho ya Adamu yarahindutse kandi ita isura. Yagomeye itegeko ry'Imana, akora ikintu Uwiteka yari yaramubujije gukora. Binyuze mu kutumvura Imana, Adamu yaraguye; ariko iyo aza gutsinda ikigeragezo, akubaha Imana, inzugi z'imibabaro ntiziba zarakinguriwe iyi si yacu. UB1 276.1

Mu kwizera ibyo Satani avuga agaragaza nabi Imana, kamere y'umuntu n'umurage we byarahindutse, ariko abantu nibizera ijambo ry'Imana, bazahindurwa mu ntekerezo no mu mico, babe bakwiriye guhabwa ubugingo buhoraho. Kwizera ko "Imana yakunze abari mu isi cyane byatumye itanga umwana wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho" (Yohana 3:16,) bizahindura umutima, kandi bizatuma ishusho y'Imana igaruka mu muntu. UB1 276.2

Nk'uko benshi bameze ubu, ni ko Pawulo yari ameze (mbere yo guhinduka kwe), Yari yiringiye gukiranuka kwe ku bwa kavukire, ariko ibyiringiro bye byari

bishingiye ku kinyoma. Byari ukwizera kutari uko muri Kristo, kuko yiringiraga iminsi mikuru n'imihango by'idini. Ishyaka rye ku by'amategeko ntiryari rishingiye kuri Kristo kandi nta gaciro ryari rifite. Ibyo yiratага byari uko yari inyangamugayo mu bijyanye n'iby'amategeko asaba; ariko akanga Kristo utuma amategeko agira agaciro. Yiringiraga ko ari mu kuri. Aravuga ati: "Ubwanjye nibwiraga ko nkwiriye gukora byinshi birwanya izina rya Yesu w'i Nazareti. No kubikora nabikoreraga i Yerusalemu, ngashyira abera benshi mu mazu y'imbohe mpawe ubutware n'abatambyi bakuru; kandi uko babicaga nemeraga ko babica. " (Ibyak 26:9-10). Mu gihe runaka Pawulo yakoze umurimo uteye ubwoba atekereza ko akora umurimo w'Imana, kuko avuga ati: "Kuko nabikoze mu bujiji ntarizera" (1 Timoteyo 1:13) Ariko kuba nta buryarya yari afite, ntibisobanura ko yari mu kuri, cyangwa ngo amakosa yakoze biyahindure ukuri. UB1 276.3

Kwizera ni inzira ukuri cyangwa ikinyoma bicamo kugira ngo biture mu ntekerezo. Ni uburyo ukuri cyangwa ifuti bishobora kwakirwa ku bw'igikorwa kimwe cy'ibitekerezo, nyamara kwerekana itandukaniro rigaragaza neza niba twizera Ijambo ry'Imana cyangwa inyigisho z'abantu. Igihe Kristo yihishuriraga Pawulo, maze akemera ko yamutotezaga binyuze mu kurenganya abera be, yemeye ukuri nk'uko kuri muri Yesu. Imbaraga ihindura imico n'intekerezo yaragaragaye, aherako ahinduka mushya muri Kristo Yesu. Yakiriye ukuri mu buryo bwuzuye ku buryo isi cyangwa gihenomu bitashoboraga kunyeganyeza kwizera kwe. UB1 277.1

Hari benshi bavuga n'ijwi rirenga bati: «Izere, wizere gusa." Ubabaze icyo ukwiriye kwizera. Mbese ukwiriye kwizera ibinyoma bihimbwe na Satani birwanya amategeko yera y'Imana, akiranuka kandi meza? Imana ntishobora gukoresha ubuntu bwayo bukomeye kandi bw'igiciro kugira ngo ihindure ubusa amategeko yayo, ahubwo butuma arushaho gukomera. Mbese icyemezo cya Pawulo ni ikihe? Aravuga ati: "Nuko rero tuvuge iki? Amategeko ni icyaha? Ntibikabeho. Icyakora, simba naramenye icyaha, iyo ntakimenyeshwa n'amategeko… nanjye kera nari muzima, ndafite amategeko; maze itegeko rije, icyaha kirahembuka kandi [Ese amategeko yahise avaho?—Oya] jyewe [Pawulo]ndapfa … Noneho rero amategeko ni [ari mu nzira kugira ngo ambuze umudendezo n'amahoro? Oya] ayera, kandi itegeko ryose ni iryera, rirakiranuka kandi ni ryiza." (Abaroma 7:7-12) UB1 277.2

Itegeko ntirishobora kubabarira

Pawulo yari azi ko nta mbaraga zo kubabarira uwayagomeye iri mu mategeko . “Kuko imbere yayo ari nta muntu uzatsindishirizwa n’imirimo itegetswe n’amategeko.” (Abaroma 3:20) “Kuko ibyo amategeko yananiwe gukora ku bw’intege nke za kamere yacu, Imana yabishohoje ubwo yatumaga umwana wayo afite ishusho ya kamere y’ibyaha, kuba igitambo cy’ibyaha, icira ibyaha bya kamere ho iteka; kugira ngo gukiranuka kw’amategeko gusohozwe muri twe, abadakurikiza ibya kamere y’umubiri, ahubwo bakurikiza iby’Umwuka.” (Abaroma 8:3, 4). UB1 277.3

Uwiteka yabonye ukugwa kwacu; yabonye ko dukeneye ubuntu, kandi kuko yakunze ubugingo bwacu, yatugiriye ubuntu aduha n’amahoro. Ubuntu ni ukugirira neza umuntu utabikwiriye, umuntu wazimiye. Ihame ry’uko turi abanyabyaha, aho kugira ngo rituvutse imbabazi n’urukundo by’Imana, urukundo rwayo rukomeza kwigaragaza kuri twe kugira ngo dushobore gukizwa. Kristo aravuga ati: “Si mwe mwantoranyije, ahubwo ni jye wabatoranije, kandi mbashyiriraho kugira ngo mugende, mwere imbuto, imbuto zanyu zigumeho.” (Yohana 15:16) UB1 277.4

Adamu amaze gucumura, hateganijwe uburyo bwo kugira ngo azongere kungwa n’Imana. Mu gihe gikwiriye, Yesu Umwami w’ubugingo, yazanywe mu isi yacu no kurwanya imbaraga z’umwijima. Muri iyi si, Satani yabonye uburyo bwo kwerekana ingaruka zo kubaho atagengwa n’itegeko iryo ari rysose, kandi Kristo, kubwo kubahiriza amategeko ya Se adakebakeba, yagaragaje ibyiza byo kugendera mu mahame yo gukiranuka.

Hakurikijwe amahame y’ikibi, Satani yatoteje Umwana w’Imana akoresheje ibishuko bikomeye, kandi ku iherezo amujyanisha mu rukiko kugira ngo acirwe urubanza rwo gupfa nta mpamvu. Ingabo z’umubi zashishikarije imitima y’abantu gusohoza amahame y’ikibi. Kristo na Baraba berekanwe imbere y’imbaga y’abantu. Baraba yari umwambuzi kabuhariwe ndetse akaba n’umwicanyi; Kristo yari Umwana w’Imana. Pilato abitegereje bombi atekereza nta gushidikanya ko abantu barahitamo Yesu. Ibimenyetso by’ubupfura, ubwenge n’ubutungane byagaragariraga mu maso he, bihabanye cyane

n’uburyo Baraba yagaragaraga. Yarabajije ati: “Muri abo bombi uwo mushaka ni nde nkamubabohorera?” (Matayo 27:21) Igitero cyari kirakaye cyateye hejuru n’ijwi rirenga kivuga kiti: “Baraba.” “Pilato arabasubiza ati: nuko Yesu witwa Kristo ndamugira nte? Bose bati: ‘Nabambwe’: na we arabasubiza ati: Ku ki? Yakoze cyaha ki? Ariko barushaho gusakuza cyane bati: ‘Nabambwe!” (Matayo 27:22,23) UB1 278.1

Satani yatsinzwe n’urupfu rwa Kristo

Muri uku guhitamo amahame ya Satani yaragaragajwe; kandi n’ingabo z’ijuru, n’amasi yose Imana yari yararemye, yemeje ko Satani yari umurezi wa benedata, umubeshyi ndetse akaba n’umwicanyi. Mu ijuru no mu masi ataracumuye ikibazo cy’imbaraga iyobya ya Satani n’amahame ye y’ubugome, byabonewe igisubizo, kandi gukiranuka no kwera bya Kristo warimo ageragezwa mu mwanya w’umuntu wacumuye, byari byemejwe iteka ryose. Kugwiza amajyambere kwa kamere ya Satani n’imigambi ye, byatumye atandukanywa burundu n’urukundo rw’abo mu masi ataraguye, kandi intambara yari hagati ye na Kristo y’ugomba kuba umutware, byarakemuwe by’iteka ryose mu ijuru. Gukiranuka kwagaragariye muri kamere ya Kristo kwagombaga kuba ishingiro iteka ryose, ibyiringiro bikiza by’abari mu isi. Buri muntu wese uhitamo Kristo ashobora kuvugana kwizera ati: “Uwiteka gukiranuka kwanjye.” UB1 278.2

Kristo “yarasuzugurwaga akangwa n’abantu; yari umunyamibabaro wamenyereye intimba; yasuzugurwaga nk’umuntu abandi bima amaso, natwe ntitumwubahe. Ni ukuri, intimba zacu nizo yishyizeho, imibabaro yacu niyo yikoreye; ariko twebweho twamutekereje nk’uwakubiswe n’Imana, agacumitwa na Yo, agahetamishwa n’imibabaro.” (Yesaya 53:3,5) UB1 278.3

Ubuntu bwa Kristo n’amategeko y’Imana ntabwo bitandukanywa. Muri Yesu imbabazi n’ukuri birahura, gukiranuka n’amahoro birahoberana. Mu mibereho ye na kamere ye, ntagaragaza gusa kamere y’Imana, ahubwo agaragaza na kamere y‘umuntu ushobora gukora. Yari ahagarariye Imana kandi akaba intangarugero ku bantu. Yerekaga abatuye isi icyo ubumuntu bushobora guhinduka cyo igihe bwomatanye n’ubumana ku bwo kwizera. Umwana w’ikinege w’Imana yafashe kamere y’umuntu ashyira umusaraba we hagati y’isi

n’ijuru. Kubw’umusaraba umuntu yegerejwe Imana, n’Imana yegerezwa umuntu.

Ubutabera bwamanutse mu ijuru buva mu mwanya uteye ubwoba, n’ingabo zo mu ijuru, n’ingabo zo kwera, begera hafi y’umusaraba, bubika imitwe yabo baramya Imana; kuko ku musaraba ubutabera bwanyuzwe. Binyuze mu musaraba umunyabyaha yakuwe mu mbaraga z’icyaha zari zimuboshye, avanwa mu maboko y’ingabo z’umubi, kandi igihe cyose habayeho kwegera umusaraba, umutima ucishwa bugufi kandi ugatera hejuru wihana ugira uti: “Ni ibyaha byanjye byatumye Umwana w’Imana abambwa.” Asiga ibyaha bye ku musaraba kandi binyuze mu buntu bwa Kristo, kamere ye irahinduka. Umucunguzi akura umunyabyaha mu mukungugu, akamushyira mu buyobozi bwa Mwuka Muziranenge. Uko umunyabyaha ahanga amaso Umucunguzi, agira ibyiringiro, gukomezwa n’ibyishimo. Kwizera kugundira Kristo mu rukundo. Kwizera gukorera mu rukundo kandi kugatunganya ubugingo.

IGICE CYA 54: ICYIGISHO CYIGISHIJWE MU MWAKA WA 1883 192

“Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu, no kutwezaho gukiranirwa kose.” (1 Yohana 1:9) UB1 280.1

Imana ishaka ko twatura ibyaha byacu, kandi tukicisha bugufi mu mitima yacu imbere yayo; ariko dukwiye no kuyiringira nka Data wa twese utugirira impuhwe, utazatererana abamwiringira bose. Abantu benshi muri twe bagendera ku byo babona aho kugendera mu kwizera. Twizera ibintu tubona, ariko ntiduha agaciro amasezerano y’agahozo ari mu Ijambo ry’Imana; kandi nta bundi buryo dushobora gusuzugura Imana birenze kuyereka ko tutizera ibyo itubwira, tukanibaza niba Uwiteka atubwiza ukuri cyangwa atubeshya. UB1 280.2

Imana ntijya itureka kubera ibyaha byacu. Dushobora gukosa, kandi tugatera Mwuka Muziranenge agahinda; ariko igihe twihannye, tukayisangana imitima imenetse, ntabwo izatwirukana. Hari inzitizi zigomba gukurwaho. Ibitekerezo bibi byarashyigikiwe, habayeho kwibona, kumva ko wihagije, kutihangana no kwivovota. Ibi byose bidutandukanya n’Imana. Ibyaha bigomba kwaturwa;

hakwiriye gukorwa umurimo wimbitse w'ubuntu mu mutima. Abumva ko ari abanyambaraga nke kandi bacitse intege, bashobora kuba abantu bakomeye b'Imana, kandi bagakorera Shebuja umurimo w'icyubahiro. Ariko bagomba gukorera ahantu hirengeye; ntibagomba kuyoborwa n'impamvu zo kwikunda. UB1 280.3

Imirimo ya Kristo ni yo byiringiro byacu rukumbi.

Tugomba kwigira mu ishuri rya Kristo. Uretse gukiranuka kwa Kristo nta kindi kintu gishobora kuduhesha uburenganzira kuri umwe mu migisha y'isezerano ry'ubuntu. Twifuje kuva kera kandi tugerageza kubona iyi migisha, ariko ntitwayibona kuko twashyigikiye igitekerezo cyo kwibwira ko dushobora kugira icyo dukora ubwacu kugira ngo tuyihabwe. Ntitwigeze tureka kwirebaho ngo twizere ko Yesu ari Umukiza uhoraho. Ntitugomba gutekereza ko ubuntu bwacu n'ibikorwa byacu byiza bizadukiza; ubuntu bwa Kristo ni byo byiringiro byacu rukumbi by'agakiza. Binyuze mu muhanuzi We, Uwiteka aduha aya masezerano ati: "Umunyabyaha nareke ingeso ze, ukiranirwa areke ibyo yibwira; agarukire Uwiteka, na we aramugirira ibambe, agarukire Imana yacu kuko izamubabarira rwose pe!" (Yesaya 55:7) Tugomba kwizera isezerano uko riri, kandi ntidushyire amarangamutima mu mwanya wo kwizera. Igihe twiringiye Imana byimazeyo, igihe twishingikirije ku mirimo myiza ya Yesu nk'Umukiza ubabarira ibyaha, tuzahabwa ubufasha bwose dushobora kwifuza. UB1 280.4

Twirebaho ubwacu, nk'aho dufite imbaraga zo kwikiza; nyamara Yesu yadupfiriye kubera ko twebwe twari abanyantege nke tutabyishoboreye. Muri we ni ho hari ibyiringiro byacu, gutsindishirizwa kwacu, no gukiranuka kwacu. Ntabwo dukwiriye gucika intege, ndetse no guterwa ubwoba n'uko tudafite Umukiza, cyangwa ko adatekereza kutugirira imbabazi. Muri iki gihe aracyakomeje umurimo adukorera; aturarikira kumusanga mu bunyantegenke bwacu kugira ngo dukizwe. Tumusuzugurisha kutizera kwacu. Biratangaje ukuntu tugenza incuti yacu ihebuje, mbega ukuntu dushyira ibyiringiro bike muri uwo ushobora gukiza rwose, kandi watugaragarije igihamya cyose cy'urukundo rwe rukomeye. UB1 281.1

Bene Data, mutegereje ko imirimo yanyu myiza izatuma mwemerwa n'Imana, mwibwira ko mugomba kubaturwa mu cyaha mbere yo kwiringira Imbaraga ye

ikiza? Niba iyi ari yo ntambara iri mu bitekerezo byanyu, ndatinya ko nta mbaraga muzagira, kandi nyuma muzacika intege. UB1 281.2

Reba ubeho

Mu butayu, igihe Uwiteka yemeraga ko inzoka z'ubusagwe zirya Abisirayeri bagomye, Mose yabwiwe kumanika inzoka icuzwe mu muringa kandi agashishikariza abariwe na zo kuyireba ngo babeho. Ariko benshi ntibigeze babona ubufasha muri uyu muti watanzwe n'ijuru. Abapfuye n'abasambaga bari bakikije ahamanitse iyo nzoka, kandi bari bazi ko hatabonetse ubufasha mvajuru, bagombaga gupfa; ariko baganyishwaga n'ibikomere byabo, imibabaro yabo, n'ukuntu bari bagiye gupfa, kugeza igihe imbaraga zabo zishiriye, kandi amaso yabo akazamo ibirorirori mu gihe bajyaga kuba bakize uwo mwanya. UB1 281.3

"Kandi nk'uko Mose yamanitse inzoka mu butayu ni ko Umwana w'Umuntu akwiriye kumanikwa; kugira ngo Umwizera wese abone guhabwa ubugingo buhoraho." (Yohana 3:14,15) Niba umaze kumenya ibyaha byawe, ntugakoreshe imbaraga zawe zose ngo ujye mu cyunamo ku bwabyo, ahubwo reba ubeho. Yesu ni we Mukiza wacu rukumbi; kandi nubwo miliyoni z'abantu bakeneye gukizwa bazanga imbabazi ze abahaye, nta n'umwe wiringira imirimo ye uzarekwa ngo arimbuke. Nubwo iyo tutari kumwe na Kristo tubona tudafite gifasha, ntitugomba gucika intege, tugomba kwishingikiriza ku Mukiza wabambwe kandi akazuka. Yewe wa muntu w'umukene we, yewe wowe urembejwe n'ibyaha kandi ucitse intege, reba ubeho. Yesu yasezeranye mu Ijambo rye ko azakiza abamusanga bose. UB1 281.4

Ngwino usange Yesu, ubone uburuhukiro n'amahoro. Ushobora guhabwa umugisha ndetse nonaha. Satani akubwira ko utagira gifasha, ko udashobora ubwawe kwihesha umugisha. Ni ukuri koko ntugira gifasha. Ariko shyira hejuru Yesu imbere ye uvuge uti: "Mfite Umukiza wazutse. Muri we mfite ibyiringiro, kandi ntazandeka ngo mbe mu rujijo. Mfite kunesha mu izina rye. Niwe gukiranuka kwanjye, kandi ni we kamba ryanjye ry'ibyishimo." Ntihakagire umuntu n'umwe wibwira ko ibye nta garuriro bifite; ntabwo ari ko biri. Ushobora kubona ko uri umunyabyaha bikabije kandi ko nta byiringiro; nyamara iyo ni yo mpamvu ukeneye Umukiza. Niba ufite ibyaha ukeneye

kwatura, wizarira. Ibi bihe ni byiza cyane. “Ariko nitwatura ibyaha byacu, ni yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu, no kutwezaho gukiranirwa kwose” (1Yohana 1:19) Abafite inzara n’inyota byo gukiranuka, bazahazwa; kuko Yesu yabisezeranye. Mbega Umukiza mwiza! Ateze amaboko ngo atwakire, kandi Umutima wuzuye urukundo utegereje kuduha umugisha. UB1 282.1

Bamwe biyumvisha ko bagomba kubanza kugeragezwa no kwereka Imana ko bisubiyeho mbere yuko basaba guhabwa umugisha we. Ariko aba bantu b’agaciro bashobora ndetse no gusaba guhabwa umugisha nonaha. Bagomba kugirirwa imbabazi ze, bakagira Umwuka wa Kristo kugira ngo bafashwe mu bumuga bwabo, naho ubundi ntibashobora kugira imico ya Gikristo. Yesu akunda ko tumusanga nk’uko turi abanyabyaha, abantu batishoboye kandi bakeneye gufashwa. UB1 282.2

Kwihana, Impano y’Imana

Kwihana, kimwe no kubabarirwa, ni impano y’Imana muri Kristo. Twemezwa icyaha kandi tukumva ko dukeneye imbabazi biturutse ku murimo wa Mwuka Muziranenge. Nta wundi ubabarirwa keretse abafite imitima imenetse; nyamara ni ubuntu bw’Imana butera umutima kwihana. Amenyereye intege nke zacu zose n’ubumuga bwacu, kandi azadufasha. UB1 282.3

Bamwe basanga Imana ku bwo kwihana no kwatura ibyaha, kandi bakanizera kugira ngo ibyaha byabo bibabarirwe, bakomeza kunanirwa gusaba gusohorezwa amasezerano y’Imana, nk’uko bikwiriye. Ntibabona ko Yesu ari Umukiza uhoraho iteka; kandi ntibiteguye kumwegurira imitima yabo ngo abe ariwe uyirinda, bishingikiriza kuri we kugira ngo batunganye umurimo w’ubuntu watangijwe mu mitima yabo. Nubwo batekereza ko biyegurira Imana, hariho kwiyiringira gukomeye. Hari abantu bakoresha imbaraga zabo biringira Imana igice, ikindi gice bakiyiringira. Ntibahanga amaso Imana ngo barindwe n’imbaraga zayo, ahubwo bishingikiriza ku kuba maso barwanya ibishuko, no gukora inshingano zimwe na zimwe ngo bemerwe n’Imana. Nta gutsinda kwabonerwa muri ubu buryo bwo kwizera. Abantu nk’aba barushywa n’ubusa; imitima yabo ikomeza kuba mu bubata, kandi nta buruhukiro babona kugeza ubwo imitwaro yabo ituwe ku birenge bya Yesu. UB1 282.4

Hakenewe kuba maso buri gihe, umwete no kwitangana urukundo. Ariko ibingibi bizizana igihe umutima ukomejwe n'imbaraga y'Imana binyuze mu kwizera. Nta cyo dushobora gukora, nta na kimwe, cyatuma dutona ku Mana. Ntitugomba kwiyiringira na rimwe cyangwa ngo twiringire imirimo yacu; ariko igihe dusanze Kristo, twe abanyabyaha bikabije kandi bayobagurika, dushobora kuruhukira mu rukundo rwe. Imana izakira buri wese uyisanze yiringiye by'ukuri iby'Umukiza wabambwe yamukoreye. Urukundo rurahembuka mu mutima. Ushobora kuba nta marangamutima menshi wiyumvamo, nyamara haba hari ibyiringiro by'amahoro bikomeye. Umutwaro wose uroroha; kuko umutwaro Yesu atwikoreza utaremereye. Inshingano ihinduka umunezero, kandi kwitanga bikaba ibyishimo. Inzira yasaga n'igoswe n'umwijima mbere imurikirwa n'imirasire ituruka kuri Zuba ryo gukiranuka. Uku ni ko kugendera mu mucyo nk'uko Kristo ari mu mucyo.

IGICE CYA 55: BYAGARAGAJWE NK'UKURI KWA KERA MURI GAHUNDA NSHYA 193

Mu iteraniro ryabereye i Kansas, isengesho natuye Imana ryari uko imbaraga y'umwanzi yatsindwa, kandi abantu bari baraheze mu mwijima bagashobora kugururira imitima yabo n'ubwenge bwabo Ubutumwa Imana yari kubohereza, kugira ngo bashobore kubona ukuri, gushya ku bitekerezo bya benshi, nyamara nk'ukuri kwa kera muri gahunda nshya. Ubwenge bw'abantu b'Imana bwari bwarahumye kuko Satani yari yaragaragaje nabi kamere y'Imana. Umwami mwiza kandi w'umunyambabazi yagaragajwe mu maso y'abantu yambitswe imico ya Satani, kandi abagabo n'abagore bashakaga ukuri, bari bamaze igihe kirekire babona Imana mu buryo butari bwo, ku buryo byari bikomeye kweyura igihu cyababuzaga kureba ubwiza bwayo. Benshi bakomeje gushidikanya, kandi bigaragara nk'ibitabashobokera gusingira ibyiringiro bibashyizwe imbere mu Butumwa Bwiza bwa Kristo…. UB1 284.1

Ku Isabato, ukuri kwigishijwe kwari gushya ku bantu benshi mu bari bateraniye aho. Ibintu bishya n'ibya kera byakuwe mu bubiko bw'ubutunzi bw'Ijambo ry'Imana. Ukuri kwarahishuwe uko abantu batakundaga gusobanukirwa kandi ngo bakugire ukwabo. Umucyo warashe uturutse mu

magambo Imana yavuze yerekeye ku mategeko n'Ubutumwa Bwiza, no ku birebana n'uko Kristo ari we gukiranuka kwacu. Ku mitima yari isonzeye ukuri, ibyo byari umucyo w'agahozo ku buryo kuwakira bitari byoroshye.UB1 284.2

Nyamara imirimo yo kuri iyo sabato ntiyabaye imfabusa. Mu gitondo cyo ku wa mbere w'isabato, hari igihamya kigaragara cy'uko Mwuka w'Imana yariho azana impinduka zikomeye mu myifatire no mu buryo bw'Umwuka mu bantu bari bahateraniye. Hari kwiyegurira Imana mu bitekerezo no mu mutima, kandi ubuhamya bukomeye bwatanzwe n'abantu bari barabaye mu mwijima igihe kirekire. Umuvandimwe wacu umwe yavuze ku rugamba yarwanye mbere yuko yakira inkuru nziza ko Kristo ari we gukiranuka kwacu. Urugamba rwari rukomeye, ariko Uwiteka yarwanaga ku ruhande rwe, maze ibitekerezo bye birahinduka n'imbaraga ze zongera kuba nshya. Uwiteka yamugaragarije ukuri mu buryo bwumvikana, amuhishurira ihame ry'uko Kristo wenyine ari we soko y'ibyiringiro byose n'agakiza. "Muri we harimo ubugingo, kandi ubwo bugingo bwari umucyo w'abantu." "Jambo uwo yabaye umuntu, abana na twe, (tubona ubwiza bwe busa n'ubw' Umwana w'ikinege wa Se) yuzuye ubuntu n'ukuri." (Yohana 1:4,14) UB1 284.3

Umwe muri benedata b'abagabura wari ukiri mushya yavuze ko yari yishimiye umugisha n'urukundo by'Imana yaboneye muri iryo teraniro kurenza mbere hose. Undi yavuze ko ibigeragezo, gushidikanya n'ingorane yahanganye na byo igihe kirekire mu bitekerezo bye, byari bigiye gutuma azinukwa ibintu byose. Yumvaga nta byiringiro agifite, keretse gusa ahawe ubuntu bwa Kristo buruseho; ariko bitewe n'amateraniro yagiye ajyamo, umutima we warahindutse, yunguka ubwenge mu by'agakiza ku bwo kwizera Kristo. Yabonye ko ari amahirwe ye gutsindishirizwa ku bwo kwizera. Yagize amahoro mu Mana, nuko yaturana amarira uguhumurizwa n'umugisha byari byatashye mu mutima we. Muri buri teraniro ubuhamya bwinshi bwaratanzwe kandi bwari bwerekeranye n'amahoro, guhumurizwa n'ibyishimo, abantu babaga babonye ku bwo kwakira umucyo. UB1 285.1

Dushimira Imana n'umutima wacu wose ko dufite umucyo w'agaciro wo gushyira abantu, kandi dushimishwa n'uko dufite ubutumwa bwo muri iki gihe ari bwo kuri ko muri iki gihe. Inkuru nziza yuko Kristo ari we gukiranuka kwacu yahumurije benshi n'imitima myinshi, kandi Imana ibwira abantu bayo iti:

“Mujye mbere.” Ubutumwa bw’itorero rya Lawodokiya bujyanye n’imibereho yacu. Mbega ukuntu bugaragaza ishusho y’abantu bavuga ko bafite ukuri kose bakirata ko basobanukiwe ijambo ry’Imana, mu gihe imbaraga yaryo yeza itigeze igaragara mu mibereho yabo. Ubushyuhe bw’urukundo rw’Imana ntibushyitse mu mitima yabo, kandi urwo rukundo rushyushye ni rwo rutuma abantu b’Imana bahinduka umucyo w’isi. UB1 285.2

Ubutumwa bwagenewe Lawodokiya

Itorero rikonje, ridafite ubuzima kandi ntirigire Kristo, umugabo wo guhamya arivugaho agira ati: “Nzi imirimo yawe yuko udakonje kandi ntubire. Iyaba wari ukonje cyangwa wari ubize! Nuko rero, kuko uri akazuyaze, udakonje ntubire, ngiye kukuruka.” (Ibyah 3:15,16) Ita ku magambo akurikira: “Kuko uvuga uti: ndi umukire, ndatunze kandi ndatunganiwe, nta cyo nkennye; utazi yuko uri umutindi wo kubabarirwa kandi uri umukene n’impumyi, ndetse wambaye ubusa.” (Ibyah 3:17) Aha haravugwa abantu birata kugira ubumenyi mu bya Mwuka kandi ko bafite isumbwe kurusha abandi. Nyamara nta nyifato nziza bagaragaje ku birebana n’imigisha Imana yabahaye batayikwiye. Bakomeje kuzurwa n’ubugome, kudashima no kwibagirwa Imana; nyamara Yo yakomeje kubagirira nk’umubyeyi ukunda kandi ubabarira umwana w’indashima kandi utumvira. Barwanyije ubuntu bwe, bakerensa kandi basuzugura amahirwe bahawe, maze bakomeza kunyurwa n’ibyishimo bari barimo, kuba indashima, imihango irimo ubusa, uburyarya butagira ukuri na mba. Mu bwibone bwa gifarisayo, barihimbaje kugeza igihe babwiwe aya magambo ngo: “kuko uvuga uti: ndi umukire, ndatunze kandi ndatunganiwe kandi ntacyo nkennye.” (Ibyah 3:18) UB1 285.3

Mbese Umwami Yesu ntiyari yarohereje ubutumwa bukurikiranye bwo gucyaha, no kuburira kandi yinginga aba bantu bumvaga bihagije? Mbese inama ze ntizasuzuguwe kandi zikangwa? Mbese intumwa ze ntizasuzuguwe, kandi amagambo yazo akakirwa nk’imigani mihimbano y’inkorabusa? Kristo areba ibyo umuntu atareba. Areba ibyaha, bizashyira iherezo ku kwihangana kw’Imana niba biticujijwe. Kristo ntashobora kwemera amazina y’abantu banyurwa no kumva ko bihagije. Ntashobora gusabira abantu bumva ko badakeneye ubufasha bwe, bavuga ko bazi kandi bafite byose. UB1 286.1

Umucunguzi ukomeye yiyerekana ubwe nk'umucuruzi wavuye mu ijuru, utwaye ubutunzi akagenda ararika inzu ku yindi abereka ibicuruzwa bye by'igiciro cyinshi cyane avuga ati: "Dore, ndakugira inama: ungureho izahabu yatunganirijwe mu ruganda, ubone uko uba umutunzi; kandi ungureho n'imyenda yera, kugira ngo wambare, isoni z'ubwambure bwawe zitagaragara, kandi ungureho umuti wo gusiga ku maso yawe, kugira ngo uhumuke. Abo nkunda bose ndabacyaha nkabahana ibihano; nuko rero, gira umwete, wihane. Dore mpagaze ku rugi, ndakomanga. Umuntu niyumva ijwi ryanjye agakingura urugi, nzinjira iwe, dusangire." (Ibyah 3:18-20) UB1 286.2

Mureke twisuzume uko duhagaze imbere y'Imana; mureke twumvire inama y'Umugabo wo guhamya. Nk'uko byabaye ku Bayuda ntihagire umuntu n'umwe muri twe ugira ikimutekerereresha ukundi kugira ngo tudakumira umucyo uza mu mitima yacu. Ntibikabe ngombwa ko Kristo atubwira nk'uko yababwiye ati: "Nyamara mwanze kuza aho ndi, ngo muhabwe ubugingo." (Yohana 5:40) UB1 286.3

Kuva Inteko Rusange ibayeho, muri buri teraniro abantu bakomeje kwakirana ubwuzu ubutumwa bukomeye bwo gukiranuka kwa Kristo. Dushimira Imana ko hariho abantu bamenye ko bakeneye ibintu badasanganywe ari byo: zahabu yo kwizera n'urukundo, umwambaro uzira inenge ari wo gukiranuka kwa Kristo, n'umuti wo gusiga ku maso kugira ngo umuntu ahumuke mu by'Umwuka. Nugira izi mpano zikomeye, urusengero rw'umutima w'umuntu ntiruzigera rumera nk'urusengero rw'umusaka. Benedata, ndabiginga mu izina rya Yesu w'i Nazareti ngo mukorere aho Imana ikorera. None ni umunsi w'agahe k'ubuntu n'amahirwe duhawe.

IGICE CYA 56: UKURI KURIMO IMBARAGA Z'IMANA 194

Ubutumwa buvuye ku Mana

Ubutumwa bw'iki gihe—gutsindishirizwa kubwo kwizera—ni ubutumwa buva ku Mana: burimo imbaraga z'Imana; kuko urubuto rwabwo ari ukwera. Bamwe bakeneye cyane ukuri guhebuje bahawe, turatinya ko nta cyo kwabamariye. Ntibakinguye urugi rw'imitima yabo ngo bakire Yesu nk'umushyitsi wo mu ijuru, bityo bagira igihombo gikomeye. Mu by'ukuri hariho inzira ifunganye tugomba

kunyuramo; umusaraba uboneka kuri buri ntambwe y'urugendo. Tugomba kwiga kubeshwaho no kwizera; noneho rero ibihe by'umwijima bizatamururwa n'imirasire y'umugisha iva kuri Zuba ryo Gukiranuka. UB1 287.1

Nta mahoro dufite niba twirengagiza gushakira umucyo n'ubumenyi mu byanditswe buri munsi. Imigisha yo mu isi ntishobora kuboneka umuntu atayiruhiye; none se dushobora dutegereza kubona imigisha y'Umwuka n'iy'ijuru nta mwete tubishyizemo? Ibirombe birimo ukuri bikwiriye gucukurwa. Uku ni ko umunyezaburi avuga: "Guhishurirwa amagambo yawe kuzana umucyo, guha abaswa ubwenge" (Zaburi 119:130). Ijambo ry'Imana ntirigomba gutandukanywa n'imibereho yacu. Rigomba gutekerezwaho, guhabwa ikaze mu mitima, gukundwa no kumvirwa. Dukeneye kandi ubumenyi busumbyeho, dukeneye kumurikirwa ku byerekeranye n'inama y'agakiza. Mu bantu ijana nta n'umwe usobanukiwe ukuri kwa Bibiliya kuri iki cyigisho cy'ingenzi ku mibereho yacu myiza yo muri iki gihe ndetse n'iy'iteka ryose. Igihe umucyo utangiye kurasa ngo wereke abantu inama yo gucungurwa; umwanzi akora ibishoboka byose kugira ngo abavutse umucyo, we kwinjira mu mitima yabo. Iyo twiga Ijambo ry'Imana n'umutima wichishije bugufi ngo wigishwe, imyanda y'ikinyoma izakurwaho maze imaragarita y'ukuri yahishwe amaso yacu igihe kirekire, ihishurwe. UB1 287.2

Hakenewe cyane ko Kristo abwirizwa nk'ibyiringiro rukumbi n'agakiza. Igihe inyigisho yo gutsindishirizwa kubwo kwizera yigishwaga mu iteraniro ry'i Roma, benshi bayakiriye nk'uko umugenzi ufite inyota agotomera amazi. Igitekerezo cy'uko gukiranuka kwa Kristo kutubarwaho, bidatewe n'imirimo myiza twakoze, ahubwo ari uko ari impano y'Imana y'ubuntu, byagaragaye nk'igitekerezo cy'igiciro gikomeye. 195 UB1 287.3

Nta kwishimira icyaha

Iyo twambaye gukiranuka kwa Kristo, ntabwo dushobora kwishimira icyaha kuko Kristo azaba akorera muri twe. Dushobora gukosa, ariko tuzanga icyaha cyatumye Umwana w'Imana ababazwa. 196 UB1 288.1

Inyigisho zihanitse

Hari ukuri gukomeye, kwahishwe igihe kirekire munsi y'ibishingwe by'ikinyoma, gukwiriye guhishurirwa abantu. Inyigisho yo gutsindishirizwa kubwo kwizera yahishwe amaso y'abantu benshi bavugaga ko bizera ubutumwa bwa marayika wa gatatu. Abantu batekereza ko bera bararengereye kuri iyi ngingo. Mu ishyaka rikomeye barigishije bati: "Wizere Kristo gusamaze ukizwe ariko ntiwite ku mategeko y'Imana. " Uku si ko Ijambo ry'Imana ryigisha. Kwizera nk'uku nta shingiro gufite. Iyi si yo maragarita y'ukuri Imana yahaye abantu bayo muri iki ghe. Iyi nyigisho iyobya abantu b'abanyakuri. Umucyo uturuka mu Ijambo ry'Imana uhishura ko amategeko agomba kwamamazwa. Kristo akwiriye kwererezwa kuko ari Umukiza ubabarira ibicumuro , ukiranirwa n'ibyaha, ariko nta bwo azigera ababarira na hato umuntu icyaha atihannye. 197 UB1 288.2

Ubutumwa bwera imbuto 198

Dufite amateraniro arushijeho kuba meza cyane. Umwuka wari waranze iteraniro ry'i Mineapolis ntawe uboneka hano. Byose biragenda bisimburana neza. Hari intumwa nyinshi mu iteraniro. Iteraniro ryacu rya saa kumi n'imwe za mu gitondo rifite abantu benshi kandi amateraniro ni meza. Ubuhamya bwose numvise bwari ubuhamya bwubaka. Bavuga ko umwaka ushize wabaye umwaka uhebuje iyindi mu buzima bwabo; umucyo waka uturuka mu Ijambo ry'Imana warumvikanye kandi wari usobanutse—gutsindishirizwa ku bwo kwizera, Kristo gukiranuka kwacu. Ibyo twabonye kandi twumvise byaradushimishije cyane. UB1 288.3

Amateraniro yose nayabayemo uretse abiri ya mu gitondo. Saa mbiri Mwenedata Jones yabwirije ku gutsindishirizwa ku bwo kwizera, abantu barabyishimiye cyane. Hariho gukurira mu kwizera no mu kumenya Umwami wacu n'Umukiza Yesu Kristo. Hariho abantu batari bake batagize amahirwe yo kumva iki cyigisho mbere, ariko noneho barimo basobanukirwa, kandi banagaburirwa ibimanyu by'imigati bivuye ku meza y'Umwami. Ubuhamya bugenewe ijuru n'isi bwavuye ku bavugaga bwari uko ubu butumwa bw'umucyo

n’ukuri bwashyikirijwe abantu bacu ari ukuri kw’iki gihe, kandi n’aho ariho hose bajya mu nsengero, umucyo, kuruhurwa n’umugisha w’Imana ugendana nabo. UB1 289.1

Dufite umunsi mukuru wo kurya ibibyibushye, kandi iyo tureba abantu bakira umucyo, turishima, tugatumbira Yesu ari we Banze ryo Kwizera kwacu kandi akaba ari na we ugusohoza. Kristo ni we cyitegererezo cyacu; kamere ye igomba kuba iyacu. Ibyiza byose by’akarusho biri muri we. Tureka kureba ku muntu n’ikindi kintu cyose cyatubera urugero, tugahanga Yesu amaso mu bwiza bwe bwose. Ubwenge bwabo bwuzuzwa ibitekerezo bikomeye kandi bifite imbaraga z’akaburankomyi bahawe no gukomera kwe; ikintu kindi icyo ari cyo cyose nta busobanuro kiba kigifite, kandi imyitwarire yose itagaragaza ishusho ye nayo irazimira. Ndareba uburebure bw’igihagararo n’ubw’ikijyepfo dushobora kugeraho turamutse twemeye buri murasire w’umucyo utugeza ku Mucyo ukomeye. Imperuka y’isi iri hafi, kandi Imana idusaba kuba maso muri iki gihe. UB1 289.2

Nshimishwa no kubona benedata b’abagabura bashakashaka mu byanditswe. Habayeho umuhati muke cyane mu gucukumbura ibyanditswe mu buryo bwimbitse, ngo ubwenge bwuzuzwemo imaragarita z’ukuri. Twese tugira igihombo gikomeye gitewe no kudatera umwete intekerezo zacu ngo zishakashake zisenga ukumurikirwa n’Imana, kugira ngo dushobore gusobanukirwa n’ijambo ryayo ryera. Nizeye ko hazabaho kwigira imbere kutajenjetse mu bantu bacu, bakagira umuhati uruseho mu kugendana n’ubutumwa bwa Marayika wa gatatu. 199 UB1 289.3

Intangiriro z’ijwi rirenga

Reka buri wese uvuga ko yizera ko kugaruka k’Umwami kuri bugufi, ashake mu Byanditswe kurusha uko asanzwe abikora, kuko Satani yiyemeje gukoresha uburyo bwose bushoboka ngo aheze imitima ya benshi mu mwijima, no kubahuma amaso ngo batareba ingorane ziriho muri iyi minsi turimo. Reka buri mwizera wese afate Bibiliya ye kandi asenge ashishikaye, kugira ngo amurikiwe na Mwuka Muziranenge ngo amumenyeshe iby’ukuri, kandi arusheho gusobanukirwa Imana iyo ari yo na Yesu Kristo uwo yatumye. Shakashaka ukuri

nk’ushaka ubutunzi bwahishwe, kandi utenguhe umwanzi. Igihe cyo kugeragezwa kiratwugarije, kuko ijwi rirenga rya marayika wa gatatu ryatangiriye mu ihishurwa ryo gukiranuka kwa Kristo, Umucunguzi ubabarira ibyaha. Iyi ni intangiriro y’umucyo wa marayika wari ufite ubwiza buzakwira isi yose. Ni umurimo wa buri wese wakiriye umuburo, kwerereza Kristo, akamugaragariza abatuye isi nk’uko yahishuriwe mu bishushanyo byasuraga umurimo we, nk’uko yerekanwaga n’ibyahishuriwe abahanuzi, kandi nk’uko byahishuriwe mu nyigisho yahaye abigishwa be no mu bitangaza yakoreye abana b’abantu. Rondora mu Byanditswe; kuko ari byo bimuhamya. UB1 289.4

Niba uzabasha guhagarara mu gihe cy’akaga gakomeye, ugomba kumenya Kristo, kandi impano yo gukiranuka kwe abara ku munyabyaha wihannye ukayigira iyawe. 200 UB1 290.1

Kwakira gukiranuka kwa Kristo

Ku bwa Kristo, umuntu ahabwa guhindurwa mushya ndetse no kwiyunga. Umusaraba w’i Kaluvari wakuyeho umworera watewe n’icyaha. Umwenda wose kandi ushyitse wishyuwe na Yesu, kandi ibyo yakoze ni byo bituma umunyabyaha ababarirwa, kandi ubutabera bw’amategeko bugakomezwa. Abizera ko Kristo ari igitambo gikuraho ibyaha, bashobora kumusanga kugira ngo bababarirwe ibyaha byabo; kuko binyuze mu murimo we, umushyikirano hagati y’Imana n’umuntu wongeye kuboneka. Imana ishobora kunyemera nk’umwana wayo, nanjye nshobora kuvuga kandi nkishimira ko Imana ari Umubyeyi wanjye unkunda. Tugomba gushyira ibyiringiro byacu byo kujya mu ijuru muri Kristo wenyine, we watwitangiye akaba n’Umwishingizi wacu. UB1 290.2

Twagomeye amategeko y’Imana, kandi nta muntu uzatsindishirizwa n’imirimo itegetswe n’amategeko. Umuhati wose n’imbaraga zose umuntu yakoresha, nta gaciro byagira ko kwishyura ibyo amategeko yera kandi akiranuka asaba, ari na yo yagomeye; nyamara binyuze mu kwizera Kristo, ashobora kwishingikiriza ku gukiranuka kw’Umwana w’Intama guhagije mu buryo bwose. Kristo, muri kamere ye ya kimuntu yasohoje ibyo amategeko yasabaga. Yikoreye umuvumo w’amategeko kubera umunyabyaha,

yamutangiye impongano, kugira ngo umwizeye wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho. Kwizera kuzima kwakira gukiranuka kwa Kristo, umunyabyaha agahindurwa umuneshi muri Kristo, kuko aba yahindutse usangiye kamere n'Imana, bityo ubumana n'ubumuntu bigahurizwa hamwe. UB1 290.3

Umuntu ugerageza kugera mu ijuru bitewe n'imirimo ye bwite yo gukurikiza amategeko, aba agerageza ikidashoboka. Umuntu ntashobora gukizwa adafite kumvira; nyamara imirimo ye ntikwiriye kuba ari iye bwite; Kristo akwiriye kumutera gukunda no gukora ibyo yishimira. Iyaba umuntu yashoboraga kwikiza ubwe kubera ibyo akora, yaba afite muri we icyo kwishimira. Umuhati umuntu akoresha mu mbaraga ze bwite ngo abone agakiza ushushanywa n'ituro Kayini yatuwe. Ibyo umuntu ashobora gukora byose adakoreshejwe na Kristo biba byandujwe no kwikunda n'icyaha; nyamara ikintu gikoranywe kwizera cyemerwa n'Imana. Iyo dushishikajwe no gushaka ijuru binyuze mu byo Kristo yakoze, ubugingo bwacu burakura. Iyo dutumbiriye Yesu we banze ryo kwizera akaba ari na we ugusohoza, imbaraga zisimburana n'izindi, kunesha kugasimburana n'ukundi, kuko muri Kristo ubuntu bw'Imana butuzanira agakiza kuzuye. UB1 290.4

Utizera ntibishoboka ko anezeza Imana. Kwizera kuzima gushoboza nyirako kwishingikiriza ku mirimo ya Kristo, kukanamushoboza guhumurizwa no kunyurwa n'inama y'agakiza. 201 UB1 291.1

IGICE CYA 57: KRISTO INZIRA Y'UBUGINGO 202

"Yesu ajya i Galilaya, avuga Ubutumwa Bwiza bw'Imana, ati: 'Igihe kirasohoye, Ubwami bw'Imana buri hafi: nuko mwihane, mwemere Ubutumwa Bwiza." (Mariko 1:14,15) Kwihana kugendana no kwizera, kandi mu Butumwa Bwiza abantu bashishikarizwa kwihana ngo babone agakiza. Pawulo yigishije kwihana. Yaragize ati: "Kandi muzi yuko ari nta jambo ribafitiye akamaro nikenze kubabwira cyangwa kubigishiriza imbere ya rubanda no mu ngo zanyu rumwe rumwe. Nahamirije Abayuda n'Abagiriki kwihana imbere y'Imana, no kwizera Umwami Yesu Kristo." (Ibyak 20:20,21). Nta gakiza kabaho hatabayeho kwihana. Umunyabyaha utihannye ntashobora kwizeza umutima we ngo

ahabwe gukiranuka. Pawulo avuga ko kwihana ari agahinda ko mu buryo bw'Imana umuntu agira kubera icyaha, na ko "gatera kwihana kuticuzwa, kandi kakazana agakiza." (2 Abakorinto7:10) Uku kwihana nta kintu kwifitemo kikugira umurimo mwiza, ahubwo gutegurira umutima kwakira Kristo nk'Umukiza rukumbi, ibyiringiro rukumbi by'umunyabyaha wazimiye. UB1 292.1

Iyo umunyabyaha arebye ku itegeko, igicumuro cye kiramuhishurirwa, kikinjira mu mutimanama we, kandi akumva aciriweho iteka. Guhumurizwa kwe n'ibyiringiro bibonerwa mu gutumbira umusaraba w' i Kaluvari. Iyo agerageje kwishingikiriza ku masezerano no kwishingikiriza ku cyo Imana yavuze, guhumurizwa n'amahoro bitaha mu mutima we. Atera hejuru agira ati: "Uwiteka, wasezeranye ko uzakiza abagusanga bose mu izina ry'Umwana wawe. Ndarimbutse, nta bufasha mfite kandi nta n'ibyiringiro. Uwiteka, nkiza naho ubundi ndarimbutse." Kwizera kwe kwishingikiriza kuri Kristo, maze agahera ko atsindishirizwa imbere y'Imana. UB1 292.2

Ariko nubwo Imana ari inyakuri, kandi igatsindishiriza umunyabyaha binyuze mu mirimo ya Kristo, nta muntu ushobora gutwikiriza umutima we ikanzu yo gukiranuka kwa Kristo agikora ibyaha azi cyangwa akirengagiza inshingano abizi. Imana ishaka yuko umuntu ayegurira umutima wose, mbere yo gutsindishirizwa; kugira ngo umunyabyaha agumane gutsindishirizwa hagomba gukomeza kubaho kumvira, binyuze mu kwizera kuzima, guhoraho, gukorera mu rukundo kandi kukeza ubugingo.UB1 292.3

Yakobo yandika kuri Aburahamu avuga ati: "Mbese Sogokuruza Aburahamu ntiyatsindishirijwe n'imirimo, ubwo yatangaga Isaka umwana we ngo atambwe ku gicaniro? Ubonye yuko kwizera kwafatanyije n'imirimo ye, kandi ko kwizera kwe kwatunganijwe rwose n'imirimo ye, ni cyo cyatumye ibyanditswe bisohora, bya bindi bivuga ngo: Aburahamu yizeye Imana, bimuhwanirizwa no gukiranuka, yitwa inshuti y'Imana. Ubonye yuko umuntu atsindishirizwa n'imirimo, adatsindishirizwa no kwizera gusa." (Yakobo 2:21-24) Kugira ngo umuntu atsindishirizwe no kwizera, kwizera kugomba kugera ku rwego kubasha kugenga urukundo n'ibyo umutima wifuza; kandi kumvira niko gutuma kwizera ubwako gutungana. UB1 292.4

Kwizera, igishingirwaho ku gusohorezwa isezerano

Ahatari ubuntu bwa Kristo, umunyabyaha nta byiringiro aba afite; ntacyo ashobora gukorerwa; ariko ku bw'ubuntu bw'Imana, ahabwa imbaraga y'indengakamere igakorera mu bitekerezo, mu mutima no mu mico ye. Iyo umuntu yakiriye ubuntu bwa Kristo bituma abona icyaha muri kamere yacyo mbi, hanyuma kikirukanwa mu mutima we. Ni kubw'ubuntu dushobora kugirana umubano na Kristo, no gukorana na we mu murimo wo gukiza abandi. Kwizera ni cyo kintu Imana yabonye ko ari ngombwa kugira ngo isezeranire abanyabyaha imbabazi; atari uko hari ikintu kwifitemo gituma ugufite aba akwiriye agakiza, ahubwo ni ukubera ko kubasha gusingira ibyo Kristo yakoze, ari byo muti wateganirijwe icyaha. Kwizera gushobora kugaragaraza kumvira gutunganye kwa Kristo mu cyimbo cy'ibicumuro n'amahumane by'umunyabyaha. Iyo umunyabyaha yizeye ko Kristo ari Umukiza we bwite, ubwo ni bwo Imana, ikurikikije amasezerano yayo adakuka, imubabarira icyaha cye kandi ikamutsindishiriza nta cyo atanze. Umuntu wihana abona ko gutsindishirizwa kwe kuzanwa n'uko Kristo, nk'Umucunguzi we kandi umwishingizi we, yamupfiriye kandi akaba ari na we mpongano ye no gukiranuka kwe. UB1 293.1

"Aburahamu yizeye Imana, bimuhwanirizwa no gukiranuka. Nyamara ukora, ibihembo bye ntibimuhwanira no guherwa ubuntu, ahubwo abyita ubwishyu. Ariko rero udakora, ahubwo akizera utsindishiriza abanyabyaha, kwizera kwe kumuhwanirizwa no gukiranuka." (Abaroma 4:3-5) Gukiranuka ni ukumvira amategeko. Amategeko asaba gukiranuka, kandi iki ni cyo umunyabyaha agomba itegeko; nyamara ntashobora kugitanga. Uburyo bwonyine ashobora kugera ku gukiranuka ni ukwizera. Binyuze mu kwizera ashobora gushyikiriza Imana ibyo Kristo yamukoreye, Uwiteka na we akabara gukiranuka k'Umwana we kuri uwo munyabyaha.

Gukiranuka kwa Kristo kwemerwa mu mwanya wo gutsindwa k'umuntu, Imana ikamwakira, ikamubabarira, igatsindishiriza uwo muntu wihannye kandi wizeye, ikamufata nk'umukiranutsi, kandi ikamukunda nk'uko ikunda Umwana wayo. Uku ni ko kwizera kubarwa nko gukiranuka, kandi umuntu ubabariwe akomeza guhabwa ubuntu bukurikira ubundi, ava mu mucyo muto, akajya mu mucyo urushijeho kuba mwinshi. Ashobora kuvugana ibyishimo ati: "Iradukiza,

itabitewe n’imirimo yo gukiranuka twakoze, ahubwo ku bw’imbabazi zayo, idukirisha kuhagirwa, ni ko kubyarwa ubwa kabiri, ikadukirisha no guhindurwa bashya n’Umwuka Muziranenge; uwo yahaye Yesu Kristo Umukiza wacu kuducuncumuriraho cyane, kugira ngo dutsindishirizwe n’ubuntu bwayo, duhereko tube abaragwa, dufite ibyiringiro byo kuzahabwa ubugingo buhoraho.” (Tito 3:5-7) UB1 293.2

Kandi handitswe ngo: ” Icyakora abamwemeye bose, bakizera Izina rye, yabahaye ubushobozi bwo kuba abana b’Imana. Abo ntibabyawe n’amaraso, cyangwa n’ubushake bw’umubiri, cyangwa n’ubushake bw’umugabo, ahubwo babyawe n’Imana.” (Yohana 1:12,13). Yesu yaravuze ati: “Ni ukuri, ni ukuri, ndakubwira yuko umuntu utabyawe ubwa kabiri, atabasha kubona ubwami bw’Imana.”(Yohana 3:3) ” Umuntu utabyawe n’amazi n’Umwuka atabasha kwinjira mu bwami bw’Imana.” (Yohana 3:5) Ntabwo ari urugero rwo hasi rwadushyizwe imbere, kuko tugomba guhinduka abana b’Imana. Tugomba gukizwa umuntu ku giti cye; kandi igihe cy’ibigeragezo ndetse n’imibabaro, tuzashobora gutandukanya uwakoreye Imana n’utarayikoreye. UB1 294.1

Benshi bayoba inzira y’ukuri, kubera ko batekereza ko bagomba kujya mu ijuru bagize icyo bakora ngo babe bakwiriye kugirirwa neza n’Imana. Bashaka kwihindura beza bakoresheje umuhati wabo bwite. Ntibashobora kubigeraho na rimwe. Kristo yaduharuriye inzira binyuze mu kwitambaho igitambo ku bwacu, kutubera urugero, no guhinduka Umutambyi wacu Mukuru. Aravuga ati: ‘Ni jye nzira n’ukuri n’ubugingo” (Yohana 14:6) Turamutse dukoresheje umuhati wacu tugashobora nibura gutera intambwe imwe tugana ku rwego, amagambo ya Kristo ntiyaba ari ukuri. Ariko nitwemera Kristo, imirimo myiza izagaragara nk’imbuto zihamya ko turi mu nzira y’ubugingo, ko Kristo ari inzira yacu, kandi ko tugendera mu nzira y’ukuri igana mu ijuru. UB1 294.2

Ahinduka gukiranuka kwacu

Kristo yitegereza umwuka dufite, kandi iyo abonye twikorera umutwaro wacu mu kwizera, gukiranuka kwe kuzuye kuduhongerera ku byo tudashoboye kugeraho. Iyo dukoze uko dushoboye, ahinduka gukiranuka kwacu. Uko

gukiranuka kwakira buri murasire wose w'umucyo Imana itwoherereza kugira ngo kuduhindure umucyo w'abari mu isi. 203 UB1 294.3

IGICE CYA 58: WARETSE URUKUNDO RWAWE RWA MBERE 204

Naganiriye n'abantu b'i Otsego ku murongo wa kane n'uwa gatanu y'igice cya kabiri cy'igitabo cy'Ibyahishuwe. Iyo mirongo iravuga iti: "Ariko rero mfite icyo nkugaya, ni uko waretse urukundo rwawe rwa mbere. Nuko ibuka aho wavuye ukagwa; wihane, ukore imirimo nk'iya mbere; kuko nutabikora, nzaza aho uri nkure igitereko cy'itabaza cyawe ahacyo nutihana." (Ibyak 2:4,5) Abantu babwiwe aya magambo bari abantu b'imico y'agahozo ku buryo buzwi n'Umugabo wo guhamya. Aravuga ati: " mfite icyo nkugaya, ni uko waretse urukundo rwawe rwa mbere." Hano hari ikintu kibura kigomba kuboneka. Ubundi buntu bwose bwananiwe gukemura ubu bukene. Itorero riragirwa iyi nama ngo: "ibuka aho wavuye ukagwa maze wihane ukore imirimo nk'iya mbere; kuko nutabikora nzaza aho uri nkure igitereko cy'itabaza cyawe ahacyo, niba utihannye...Ufite ugutwi, niyumve ibyo Umwuka abwira amatorero, unesha nzamuha kurya ku mbuto z'igiti cy'ubugingo kiri muri Paradizo y'Imana." (Ibyah 2:4-7). Muri aya magambo harimo imiburo, gucyaha, guhata, amasezerano, biva ku mugabo wo guhamya, ufite mu kuboko kwe kw'iburyo inyenyeri ndwi. "Dore izo nyenyeri ndwi ni zo bamarayika b'ayo matorero arindwi, naho ibitereko by'amatabaza birindwi ni byo matorero arindwi." (Ibyah 1:20). UB1 295.1

Iyo iri torero ripimwe ku munzani wo mu buturo, risangwa ridashyitse kuko ryaretse urukundo rwaryo rwa mbere. Umugabo wo guhamya aravuga aya magambo ati: "Nzi imirimo yawe n'umuhati wawe, no kwihangana kwawe, kandi nzi yuko utabasha kwihanganira abanyangeso mbi, n'uko wagenzuye abiyita intumwa, kandi atari zo, ukabona ko ari abanyabinyoma. Uzi kwihangana, kandi warenganyirijwe izina ryanjye ntiwacogora." (Ibyah 2:2,3) UB1 295.2

Nubwo byari bimeze bityo itorero riboneka ko ridashyitse. Ni ikihe kintu gikomeye kibura? — « waretse urukundo rwawe rwa mbere." Mbese aho twe si cyo kibazo dufite? Inyigisho zacu zishobora kuba ari ukuri, dushobora kwanga inyigisho z'ibinyoma, kandi ntitwakire abatari mu mahame y'ukuri; dushobora

gukorana umwete tutarambirwa ariko ibi na byo ntabwo bihagije. Icyo tugamije ni iki? Kuki duhamagarirwa kwihana? — “Waretse urukundo rwawe rwa mbere.” UB1 295.3

Reka buri mwizera wese w’itorero yige uyu muburo ukomeye n’uku gucyaha. Reka umuntu wese arebe niba aharanira ukuri, niba hari icyo aganiraho n’undi, arebe niba atajimije urukundo rubabarira rwa Kristo. Mbese Kristo ntiyashyizwe ku ruhande haba mu bibwirizwa cyangwa mu mitima? Mbese ntihari akaga k’uko abantu benshi bagenda babwiriza, bakora umurimo w’ibwirizabutumwa, kandi urukundo rwa Kristo rutari mu byo bakora? Uyu muburo mwiza uturutse ku mugabo wo guhamya, usobanura byinshi; usaba ko wibuka aho wavuye ukagwa; kwihana, no gukora imirimo nk’iya mbere.

Umugabo wo guhamya aravuga ati: “Nutihana, nzaza aho uri, nkure igitereko cy’itabaza cyawe ahacyo.”(Ibyah 2:5) Mbega ukuntu itorero rikwiriye kumenya ko rikeneye urukundo rushyushye nk’urwa mbere! Igihe uru rukundo ruzaba rudashyitse, ibindi byiza byose ntibizaba bihagije. Guhamagarirwa kwihana nta bwo ari ikintu cyakwirengagizwa ngo he kubaho kurimbuka. Kwizera ibyerekeranye n’ukuri ntabwo bihagije. Gushyira iyi nyigisho abantu batizera, ntabwo bikugira umuhamya wa Kristo. Umucyo wanejeje umutima wawe igihe wasobanukirwaga bwa mbere ubutumwa bwo muri iki gihe, ni ikintu cy’ingenzi mu mibereho n’imihati yawe; kandi ibi byarazimiye biva mu mutima n’imibereho byawe. Kristo abona ko ubuze ishyaka, akavuga ko waguye kandi ko uhagaze mu irimbukiro. UB1 296.1

Igisha urukundo n’amategeko biri hamwe.

Mu kwigisha ibyo amategeko asaba, benshi bananiwe kugaragaza urukundo ruhebuje rwa Kristo. Abafite ukuri gukomeye, ubugorozi bufite ireme byo kwigisha abantu, ntibigeze babona agaciro k’igitambo cy’impongano nk’imvugo y’uburyo Imana ikunda umuntu urukundo rukomeye. Urukundo dukunda Yesu, n’urukundo Yesu akunda abanyabyaha, byakuwe mu buzima bw’idini bw’abatumwa kubwiriza ubutumwa bwiza kandi inarijye ishyirwa hejuru mu cyimbo cyo kwerereza Umucunguzi w’inyokomuntu. Amategeko akwiriye kwigishwa abayagomera, ntafatwe nk’ikintu gitandukanye n’Imana, ahubwo agafatwa nk’ikintu gishyigikira ibitekerezo na kamere byayo.

Nk’uko umucyo udashobora gutandukanywa n’izuba ni nako amategeko y’Imana adashobora kwigishwa abantu neza mu gihe atandukanijwe n’Imana yayashyizeho. Intumwa yagombye kuvuga iti: “Mu mategeko ni mo ubushake bw’Imana bugaragarira; muze mwirebere ubwanyu ko amategeko atari yo Pawulo yavuzeho agira ati: “— arera, araboneye kandi ni meza.” Ahana icyaha, aciraho iteka umunyabyaha, ariko akamwereka ko akeneye Kristo, wuzuye imbabazi n’ubuntu n’ukuri. Nubwo amategeko adashobora gukuraho igihano cy’icyaha, ahubwo akereka umunyabyaha imyenda ye yose, Kristo yasezeranye kubabarira cyane abihana bose bakizera imbabazi ze. Urukundo rw’Imana rugera mu buryo busesuye ku bantu bihannye kandi bizeye. Ikizinga cy’icyaha gishobora guhanagurwa gusa n’amaraso y’igitambo cy’impongano. Nta rindi turo ryari rikenewe keretse igitambo y’uwari ahwanye na Se. Umurimo wa Kristo — imibereho ye, kwicisha bugufi, urupfu no kuvuganira umuntu wacumuye—bishyira hejuru amategeko kandi bigatuma aba ayo kubahwa. UB1 296.2

Ibibwirizwa byinshi byabwirije ku bijyanye n’ibyo amategeko asaba ntibyarangwagamo Kristo, kandi uku kuburamo kwe kwatumye ukuri kudashobora guhindura imitima. Nta buntu bwa Kristo, ntibishoboka ko umuntu atera intambwe n’imwe mu kumvira amategeko y’Imana. Mbega noneho ukuntu ari ingenzi ko umunyabyaha yumva urukundo, n’imbaraga by’Umucunguzi we akaba n’Incuti ye! Mu gihe intumwa ya Kristo ikwiriye gusobanura neza ibyo amategeko asaba, ikwiriye na none kumvikanisha ko nta n’umwe ushobora gutsindishirizwa bidatewe n’igitambo y’impongano cya Kristo. Nta Kristo hashobora kubaho gusa gucirwaho iteka no gutegerezanya ubwoba gukorwa n’isoni, kandi amaherezo akaba ayo gutandukana n’Imana burundu. Ariko ufite amaso ahumutse akareba urukundo rwa Kristo, azitegereza kamere y’Imana yuzuye urukundo n’impuhwe. Imana ntizagaragara nk’umuntu utwaza igitugu w’intavumera, ahubwo izagaragara nk’umubyeyi wifuza guhobera umwana we wihannye. Umunyabyaha azarangururana ijwi n’umunyezaburi ati: “Nk’uko se w’abana abagirira ibambe ni ko Uwiteka agirira ibambe abamwubaha.” (Zaburi 103:13) Kubura ibyiringiro kose gukurwaho mu mutima iyo Kristo ahishuwe muri kamere ye nyakuri. UB1 297.1

Ubutumwa nyakuri bwa Marayika wa gatatu.

Bamwe muri benedata bagaragaje impungenge ko tuzibanda cyane ku nyigisho yo gitsindishirizwa ku bwo kwizera, ariko ndiringira kandi nsabira ko nta n'umwe wari ukwiriye kugira impungenge kuko nta ngorane ziriho mu kwigisha iri hame nk'uko riri mu byanditswe. Iyo haba hatarabayeho uburangare mu bihe byashize mu kwigisha neza abantu b'Imana, ntabwo byari kuba ngombwa ko abantu bakangurirwa kubyitaho… Amasezerano akomeye cyane kandi y'igiciro twahawe mu Byanditswe Byera yarengejwe amaso mu buryo bwose, nk'uko umwanzi wo gukiranuka yari yagennye ko bikwiriye kuba. Yashyizeho igihu cyijimye hagati yacu n'Imana kugira ngo tudashobora kubona kamere y'ukuri y'Imana. Uwiteka yigaragaje ubwe ko ari "Umunyambabazi n'umunyabuntu, wihangana kandi wuzuye kugira neza n'ukuri." UB1 297.2

Benshi baranyandikiye, babaza niba ubutumwa bwo gutsindishirizwa ku bwo kwizera ari ubutumwa bwa malayika wa gatatu, nanjye mbasubiza ngira nti: "Ni ubutumwa bwa marayika wa gatatu mu by'ukuri." 205

IGICE CYA 59: KUMVIRA KUZUYE BINYUZE MURI KRISTO 206

"Mubonye yuko umuntu atsindishirizwa n'imirimo, adatsindishirizwa no kwizera gusa …nuko rero, nk'uko umubiri udafite umwuka uba upfuye, ni ko no kwizera kutagira imirimo kuba gupfuye" (Yakobo 2:24-26). Ni ingenzi cyane kwizera Kristo ndetse no kwizera ko ari we ugukiza; ariko hari ingorane zo kwemeranya n'abantu benshi bavuga bati: "Ndakijijwe." Benshi baravuze bati: "Ugomba gukora imirimo myiza kugira ngo ubeho"; ariko hatari Kristo nta n'umwe ushobora gukora neza. Benshi muri iki gihe baravuga bati: "wizere, wizere gusa uzabaho." Kwizera n'imirimo biragendana, kwizera no gukora birasobekeranye. Uwiteka yifuza ko umuntu amera nk'uko Adamu yari ameze muri Paradizo mbere yuko acumura—Kumvira byuzuye no gukiranuka kudafite ikizinga. Ibisabwa n'Imana mu gihe cy'isezerano ry'ubuntu ni bimwe n'ibyasabwaga n'Imana muri paradizo—bihwanye n'amategeko yayo yera, akiranuka kandi meza.

Ubutumwa bwiza ntabwo bukuraho uburemere by'ibyo amategeko asaba; bwerereza amategeko kandi bugatuma aba ayo kubahwa. Ibyasabwaga mu gihe cy'Isezerano rya Kera ntaho bitandukaniye n'ibisabwa mu gihe cy'Isezerano Rishya. Ntihakagire n'umwe wibeshya ngo ashukwe n'umutima wa kamere umubwira ko Imana izareba ko umuntu atari indyarya, kandi itazita ku kureba uko kwizera kumeze, ntiyite ku kutabonera ko mu mibereho; ibiri amambu, Imana ishaka ko abana bayo bagira kumvira gutunganye. UB1 298.1

Kugira ngo habeho kuzuza ibyo amategeko asaba, kwizera kwacu kugomba gusingira gukiranuka kwa Kristo kukagufata nko gukiranuka kwacu. Binyuze mu komatana na Kristo no kwemera gukiranuka kwe ku bwo kwizera, tubasha gukora imirimo y'Imana dufatanyije na Kristo. Niba wumva ushaka gutembanwa n'ibibi biriho muri iki gihe, ukaba udashaka kwemera gufatanya n'intumwa z'ijuru mu kurwanya icyaha mu muryango wawe, no mu itorero, kugira ngo gukiranuka guhoraho gushobore kwimikwa, nta kwizera ufite. Kwizera gukorera mu rukundo kandi kugatunganya ubugingo.

Binyuze mu kwizera, Mwuka Muziranenge akorera mu mutima kugira ngo arememo ubutungane; ariko ibi ntibishobora kugerwaho keretse habayeho ubufatanye hagati y'umuntu na Kristo. Dushobora kwizihira ijuru gusa, binyuze mu murimo Mwuka Muziranenge akorera mu mutima; kuko tugomba kugira gukiranuka kwa Kristo nk'icyemezo kidushoboza kwegera Data wa twese. Kugira ngo tubone gukiranuka kwa Kristo, dukeneye buri munsi guhindurwa n'imbaraga ya Mwuka, no kuba abasangiye kamere n'Imana. Ni umurimo wa Mwuka Muziranenge gutuma dukomeza gushimishwa no gukiranuka, kutweza imitima no guhesha umuntu icyubahiro. UB1 298.2

Hanga Yesu amaso

Reka umuntu ahange amaso kuri Yesu. "Nguyu Umwana w'Intama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi" (1 Yohana 1:29). Nta muntu n'umwe uzahatirwa guhanga amaso Kristo, ariko ijwi rirarika riravuga ryinginga ngo: "Reba ubeho." Mu kureba kuri Kristo, tuzabona yuko urukundo rwe ntacyo warugereranya na cyo, ku buryo yagiye mu mwanya w'umunyabyaha mubi, akamubaraho gukiranuka kwe kudafite inenge. Iyo umunyabyaha areba Umukiza wabambwe ku musaraba ku bwe agashyirwaho umuvumo w'icyaha mu cyimbo cye,

yitegereza urukundo rwe rubabarira, mu mutima we urukundo rurakanguka. Umunyabyaha akunda Kristo, kuko Kristo ari we wabanje kumukunda, kandi urukundo ni rwo rusohoza amategeko. Umuntu wihannye abona ko Imana ” ari iyo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kose.” (1 Yohana 1:9). Mwuka w’Imana akorera mu mutima w’umwizera, ukamushoboza kujya mbere, intambwe yo kumvira igakurikirwa n’indi, akava mu ntege nke ajya mu mbaraga nshya, n’ubuntu bugakurikirwa n’ubundi. UB1 299.1

Imana iciraho iteka abantu batareka Kristo ngo ababere Umukiza wabo bwite; ariko ababarira buri muntu wese umusanga afite kwizera, akanamushoboza gukora imirimo y’Imana, kandi kubwo kwizera akagirana ubumwe na Kristo. Yesu abivugaho muri aya magambo ati: “Jyewe mbe muri bo, nawe ube muri jye, ngo babe umwe rwose, [ubu bumwe buzana gutungana kw’imico] ngo ab’isi bamenye ko ari wowe wantumye, ukabakunda nk’uko wankunze.” (Yohana 17:23) Uwiteka yateganyije uburyo bwose bushoboka aho umuntu ashobora kugira agakiza kuzuye kandi ku buntu, kandi kakaba gashyitse muri we. Imana iteganya ko abana bayo bagira imirasire irabagirana ya Zuba ryo Gukiranuka, kugira ngo bose bahabwe umucyo w’ukuri. Imana yahaye isi agakiza k’igiciro gihebuje, ndetse kanyujijwe mu mpano y’Umwana wayo w’Ikinege. Intumwa Pawulo irabaza iti: “Mbese ubwo itimanye Umwana wayo, ikamutanga ku bwacu twese, izabura ite kumuduhana n’ibindi byose?” (Abaroma 8:32) Niba rero tudakijijwe, ikosa ntirizaba ari iry’Imana, ahubwo rizaba ari iryacu, kubera ko tuzaba twanze gufatanya n’intumwa mvajuru. Ubushake bwacu ntibuzaba bwarahuye n’ubw’Imana. UB1 299.2

Umucunguzi w’abari mu isi yatwikirije ubumana bwe ubumuntu kugira ngo ashyikire umuntu; kuko hari hakenewe ko ubumana n’ubumuntu bizana mu isi agakiza kari gakenewe n’umuntu waguye. Ubumana bwari bukeneye ubumuntu kugira ngo ubumuntu bushobore gushyikira umuyoboro uhuza umuntu n’Imana. Umuntu akeneye imbaraga iva hanze ye kandi imurenze kugira ngo yongere kumugarurira ishusho y’Imana; ariko kuko akeneye ubufasha mvajuru, ntabwo bituma igikorwa cy’umuntu kitaba icy’ingenzi. Ku ruhande rw’umuntu kwizera ni ngombwa; kuko kwizera gukorera mu rukundo kandi kugatunganya ubugingo. Kwizera kugundira imbaraga ya Kristo. Uwiteka ntateganya ko imbaraga y’umuntu itentebuka; ahubwo ku bwo gufatanya n’Imana, imbaraga

y’umuntu ishobora gutunganira gukora ibyiza. Imana ntiteganya ko ubushake bwacu bukurwaho; kuko ari muri bwo dushobora gusohoza umurimo yifuza ko twakora iwacu ndetse no hanze.

Buri muntu wese yahawe umurimo we; kandi buri mukozi nyakuri akwirakwiza umucyo mu batuye isi; kuko aba afatanyije n’Imana na Kristo ndetse n’abamarayika bo mu ijuru mu murimo ukomeye wo gukiza abazimiye. Mu gufatanya n’ijuru akomeza kunguka ubwenge bwo gukora imirimo y’Imana. Mu gukorana n’ubuntu bw’Imana, umwizera ahinduka ukomeye mu by’Umwuka. Ukora akurikije ubushobozi yahawe, azabera Shebuja umwubatsi w’umunyabwenge kuko yigira kuri Kristo, yiga gukora imirimo y’Imana. Ntazahunga umutwaro w’inshingano kuko azabona ko buri muntu wese agomba gukorera Imana ku rugero ubushobozi bwe bugarukiraho, kandi akemera ubwe kuvunwa n’uwo murimo; ariko Yesu ntatererana umugaragu we ufite ubushake kandi wumvira ngo amenagurwe n’uwo mutwaro. Ntabwo ari umuntu ufite ishingano zikomeye mu murimo w’Imana ukeneye kugirirwa impuhwe namwe, kuko ari umwizerwa kandi w’umunyakuri mu gufatanya n’Imana; kandi binyuze mu gushyira hamwe imbaraga z’Imana n’iz’umuntu, umurimo urarangira. Ahubwo ukeneye kugirirwa impuhwe ni umuntu uhunga inshingano, ntabone amahirwe ahamagarirwa guhabwa.

IGICE CYA 60: ISANO IRI HAGATI YO KWIZERA N’IMIRIMO 207

Napier, New Zealand
09/04/1893

Mwenedata A.T. Jones:

Nari mu iteraniro ryarimo abizera benshi. Mu nzozi nagize nabonye wigisha icyigisho cyo kwizera no gukiranuka kwa Kristo tubarwaho kubwo kwizera. Wasubiyemo kenshi ko imirimo ntacyo imaze, kandi nta cyo dukeneye gukora. Icyigisho cyigishijwe muri uwo mucyo ku buryo namenye ko byari guteza urujijo mu bitekerezo by’abantu, ku buryo batari kumva neza ibijyanye no kwizera n’imirimo, iyo ni yo mpamvu niyemeje kukwandikira. Iyi ngingo uyivugana imbaraga cyane. Hariho ibisabwa mbere y’uko twakira gutsindishirizwa no kwezwa, no gukiranuka kwa Kristo. Nzi neza icyo ushaka kuvuga, ariko usiga mu ntekerezo z’abantu ikintu kitari cyiza. Nubwo imirimo myiza nta n’umwe

ishobora gukiza, ni nako bidashoboka ko hagira n'umwe ukizwa nta mirimo myiza afite. Imana idukiza ikurikije iri tegeko, ko tugomba gusaba niba turi buhabwe, ko dushaka niba turi bubone, kandi ko dukomanga niba urugi ruribudukingurirwe. UB1 301.1

Kristo yitanga ashaka gukiza rwose abamusanga bose. Ararikira bose kumusanga. "Kandi uza aho ndi sinzamwirukana na hato."(Yohana 6:37) Mu by'ukuri ubona ibi byigisho nk'uko nanjye mbibona nubwo mu mvugo yawe, utuma izi nyigisho ziteza urujijo mu bitekerezo. Nyuma yo kugaragaza igitekerezo cyawe ku byerekeranye n'imirimo, igihe ubajijwe ibibazo kuri iki cyigisho, imirongo igaragara neza, mu bwenge bwawe nawe ntubasha gusobanurira abandi amahame y'ukuri, kandi wowe ubwawe ntushobora guhuza amagambo yawe n'amahame no kwizera byawe. UB1 301.2

Umusore yasanze Yesu aramubaza ati: "Mwigisha Mwiza nkore nte, ngo mbone kuragwa ubugingo buhoraho?" (Mariko 10:17) Kristo yaramusubije ati: "Unyitira iki Mwiza? Umwiza ni umwe gusa; ni Imana. Ariko nushaka kugera ku bugingo witondere amategeko. Aramubaza ati: ni ayahe?" Yesu yamubwiye amasomo menshi. Uyu musore aramusubiza ati: "Ayo yose narayitondeye guhera nkiri muto; none icyo nshigaje ni iki? Yesu aramusubiza ati: 'Nushaka kuba utunganye rwose, genda ugurishe ibyo utunze byose, maze uhe abakene, ni bwo uzagira ubutunzi mu ijuru, uhereko uze unkurikire. Ibi ni byo yasabwaga kandi na Bibiliya yuzuye ibisabwa nk'ibi. "Uwo musore yumvise iryo jambo agenda afite agahinda, kuko yari afite ubutunzi bwinshi."(Matayo 19:17,20,21) UB1 301.3

Ingingo zo kuzirikanwa

Noneho rero iyo uvuze ko nta bisabwa bihari, kandi imvugo zimwe zigera kure, urushya ibitekerezo, kandi bamwe ntibashobora kubona kudahindagurika mu mvugo yawe. Ntibashobora kubona ukuntu bahuza izi mvugo n'ingingo zigaragara mu Ijambo ry'Imana. Ndakwinginze zirikana izi ngingo. Ibi bitekerezo bikomeye byerekeranye n'imirimo ntabwo bituma uko twumva ibintu kugira ingufu. Iyi mvugo ituma ibyo twigisha bibura intege, kuko hari benshi bazagufata nk'umuntu ukabya, bityo bagapfirwa ubusa n'inyigisho nziza ubafitiye ku nsanganyamatsiko bari bakeneye kumenya… Mwenedata,

birakomeye kugira ngo ubwenge busobanukirwe iyi ngingo, kandi ntukwiriye gutera abantu urujijo ku bw'intekerezo zitazahuza n'Ijambo ry'Imana.

Dufashe urugero ku nyigisho za Kristo, abigishwa benshi bari injiji zo kuririrwa; ariko igihe Mwuka Muziranenge Yesu yabasezeraniye yabazagaho, kandi ugahindura Petero washidikanyaga ikirangirire mu kwizera, mbega guhinduka kwagaragaye muri kamere ye! Ariko ntukwiriye gushyira igisitaza mu nzira, ari cyo nyigisho n'amagambo yawe, kugira ngo umunyantegenke adasitara akagwa. Ntugahindagurike mu mvugo, ujye utuza, utekereze cyane kandi ushikame ku byo uvuga. Ntugakabye mu kintu icyo ari cyo cyose, ahubwo ushikamishe ibirenge byawe ku rutare rukomeye. Umukiza mwiza, Umukiza uhebuje aravuga ati: "Ufite amategeko yanjye, akayitondera ni we unkunda: kandi unkunda, azakundwa na Data, na njye nzamukunda, mwiyereke." (Yohana 14:21)UB1 302.1

Iri ni isuzuma ry'ukuri; gushyirwa mu bikorwa kw'amagambo ya Kristo. Kandi ni igihamya cy'urukundo umuntu akunda Yesu, na none kandi ukora ibyo ashaka, yerekana igihamya cy'imbuto agaragariza mu kumvira, mu butungane no kubonera kw'imico… UB1 302.2

Mwenedata, gendana n'Imana witonze. Ariko wibuke ko hari bamwe baguhanze amaso, batekereza ko uzarenga imbibi, maze ugasitarira kugwa. Ariko niwicisha bugufi ukaguma hafi ya Yesu, byose bizagenda neza… UB1 302.3

Nta hantu na hamwe dushobora guhabwa impamyabumenyi mu ishuri rya Kristo. Dukwiriye gukorera ku mugambi wo kongeraho, Umwami na we agakorera ku mugambi wo gukuba. Mu gukomeza kubaha Imana tuzabaho mu mugambi wo kongeraho binyuze mu buntu bw'Imana, tugashimangira umuhamagaro wacu ndetse no gutoranywa kwacu… "kuko nimukora ibyo ntabwo muzasitara na hato. Ahubwo izabaha rwose kwinjira mu Bwami butazahanguka bwa Yesu Kristo." (2 Petero 1:11,11) 208 UB1 302.4

Nta kubererekera icyaha

Benedata bakwiriye kwitondera uburyo bigisha abantu icyigisho cyo kwizera n'imirimo, nibitaba ibyo intekerezo zabo zizaba mu rujijo. Abantu bakeneye

gushishikarizwa gukora imirimo myiza. Bakwiriye kwerekwa ukuntu bashobora gutsinda, uko batungana ndetse n'ukuntu amaturo yabo yanezeza Imana. Ni ku bw'imbaraga ziri mu maraso ya Kristo. Ubutumwa bw'umuntu udatinya bugomba kubwirwa abantu. Abantu bagomba kugenda batesha kandi bacyaha ikibi icyo ari cyo cyose. UB1 303.1

Niba buri mumarayika w'itorero yarahawe umurimo nk'uwahawe marayika w'itorero rya Efeso, reka ubutumwa bwumvikanire mu bantu bucyaha guterera iyo, gusubira inyuma n'icyaha kugira ngo abantu bashobore kwihana no kwatura ibyaha byabo. Ntuzigere na rimwe ushaka gutwikira icyaha; kuko mu butumwa bwo gucyaha, Kristo agomba kwamamazwa nk'Uwambere n'Uw'imperuka, ubereye umutima byose muri byose. UB1 303.2

Ubushobozi bwe butegereje ko abashaka kunesha babusaba. Ucyaha akwiriye gukangurira abamuteze amatwi guharanira gutsinda. Akwiriye kubashishikariza guharanira kunesha igikorwa cyose cy'icyaha no gutandukana n'ingeso yose mbi, nubwo kwizinukwa byaba bimeze nko kwinogora ijisho ry'iburyo cyangwa kwikuraho ukuboko kw'iburyo. Ntibikabeho gushyigikira cyangwa kubererekera akamenyero kabi n'ibyaha. 209 UB1 303.3

Gufatanya n'Imana

Umuntu akwiriye gufatanya n'Imana akoresha imbaraga zose akurikije ubushobozi Imana yamuhaye. Ntakwiriye kuyoberwa ibikwiriye gukorwa mu mirire n'iminywere no mu mibereho yose y'ubuzima. Uwiteka ateganya ko abantu be bakora nk'abantu batekereza kandi bazi ko bazabazwa ibyo bakoze mu buryo bwose… UB1 303.4

Ntidushobora kwirengagiza umurasire wose w'umucyo Imana yaduhaye. Kutihutira gukora ibintu byari bikeneye gukorwa vuba kandi neza, ni ugukora icyaha. Umuntu akwiriye gukorana n'Imana agategeka irari ryagombye kuba n'ubundi munsi y'ubutware bwe. Kugira ngo abigereho, ntakwiriye kurambirwa gusenga Imana, kugira ngo akomeze kubona ubuntu bumushoboza kugenga intekerezo ze, imyitwarire ye n'ibikorwa bye. Binyuze mu buntu butangwa na Kristo, ashobora gushobozwa kunesha. Kwitwa umuntu unesha bisobanura

ibirenze ibyo abantu benshi batekereza. Mwuka w'Imana azasubiza gutaka k'umutima wose wihannye, kuko kwihana ari impano y'Imana, n'igihamya cy'uko Kristo arimo kwireherezaho umuntu.

Ntidushobora kwihana ibyaha tudafite Kristo, nk'uko tudashobora kubabarirwa nta Kristo, nyamara umuntu akwiriye kwicisha bugufi we n'irari rye, n'ubwibone bwe agasanga Yesu atagize undi anyuraho, akizera kandi akiringira ko azamuha ibyo akeneye byose… UB1 303.5

Ntihakagire n'umwe utekereza ko umuntu afite uruhare ruto cyangwa se ko ntarwo mu murimo ukomeye wo kunesha; kuko Imana ntacyo ikorera umuntu udafatanyije nayo. Kandi ntukavuge ko nurangiza gukora ibyo ushoboye, ari bwo Yesu azagufasha. Kristo yaravuze ati: "Kuko ari ntacyo mubasha gukora mutamfite." (Yohana 15:5) Kuva ku cya mbere kugera ku cya nyuma, umuntu agomba gufatanya n'Imana. Niba Mwuka Muziranenge adakoreye mu mutima w'umuntu, kuri buri ntambwe, tuzasitara kandi tugwe. Imihati y'umuntu yonyine nta cyo iri cyo kandi ntacyo imaze; nyamara gufatanya na Kristo bisobanura kunesha. Ku bwacu twenyine nta mbaraga dufite zo kwihana icyaha. Keretse gusa twemeye ubufasha mvajuru, naho ubundi ntidushobora gutera intambwe n'imwe dusanga Umukiza. Aravuga ati: "Ni jye Alfa na Omega, Itangiriro n'Iherezo » mu gakiza ka buri muntu. UB1 304.1

Ariko nubwo Kristo ari byose, dukwiriye gushishikariza buri muntu gukorana umwete adacogora. Dukwiriye kurwana, tugakirana, tugakoresha intekerezo, tukaba maso, tugasenga; ibitari ibyo, tuzatsindwa n'umwanzi mubi. Imbaraga n'ubuntu dushobora gukoresha ngo tugere kuri ibi, biva ku Mana, kandi igihe cyose dukwiriye kumwiringira kuko ari we ubasha gukiza rwose abegerezwa Imana na we. Ntukigere utuma abantu batekereza ko umuntu yakora akantu gato cyangwa se ko nta na ko ku rwe ruhande; ahubwo wigishe umuntu gufatanya n'Imana, kugira ngo ashobore kunesha. UB1 304.2

Ntukemerere umuntu kuvuga ko imirimo yawe nta sano ifitanye n'uko uhagaze imbere y'Imana. Mu gihe cy'urubanza, umwanzuro uzasomwa uzaba ushingiye ku byakozwe cyangwa ibitarakozwe byari bikwiriye. (Mat 25:34-40). Umuhati n'umurimo birakenewe ku muntu ugiriwe ubuntu n'Imana; kuko imbuto ari zo zigaragaza ubwoko bw'igiti. Nubwo imirimo myiza y'umuntu nta

cyo irusha ituro rya Kayini mu gihe idafite kwizera Yesu, nyamara igihe itwikiriwe n'ibikorwa bya Kristo, ihamya ko nyirayo akwiriye kuragwa ubugingo buhoraho. Ibigaragara mu isi nk'imico myiza, ntibibasha gushyikira urugero fatizo rw'Imana, ndetse mu maso y'Imana, nta cyo birusha ituro rya Kayini. 210 UB1 304.3

Mu gihe cyo kugandukira Mwuka Muziranenge

Umuntu wese ubona neza icyo kuba Umukristo bisobanuye, azitandukanye n'ikintu cyose gica intege kandi cyanduza. Ingeso zose z'imibereho ye zizahuzwa n'iby'Ijambo ry'ukuri risaba, ntabwo azizera gusa, ahubwo asohoza agakiza ke atinya kandi ahinda umushyitsi, mu gihe yiyeguriye guhindurwa na Mwuka Muziranenge. 211 UB1 304.4

Yesu yemera imigambi yacu.

Mu gihe kumvira Imana biri mu mutima, igihe imbaraga zose zerekejwe ku kumvira Imana, Yesu yemera ubu buryo n'umuhati nk'umurimo mwiza cyane umuntu ashoboye gukora, maze na we agafata umwanzuro wo kumumara ubukene asigaranye akoresheje imirimo ye nk'Imana. Nyamara ntazemera abavuga ko bamwizera kandi batumvira amategeko ya Se. Kenshi twumva cyane ibijyanye no kwizera, ariko dukeneye kumva ibiruseho ku bijyanye n'ibikorwa. Abantu benshi bashukashukisha imitima yabo kwibera mu buzima bw'idini bworoshye, kwituriza no ku kubaho nta musaraba. Ariko Yesu aravuga ati: "Umuntu nashaka kunkurikira, yiyange, yikorere umusaraba we ankurikire." (Mariko 8:34) 212

IGICE CYA 61: KRISTO, ISHINGIRO RY'UBUTUMWA 213

Ubutumwa bwa marayika wa gatatu buhamagarira abantu kwamamaza Isabato yo mu itegeko rya kane, kandi uku kuri kugomba kwigishwa abari mu isi. Ariko ishingiro ryo kureshya abantu ni Yesu Kristo; ntagomba gutandukanywa n'Ubutumwa bwa Marayika wa gatatu. Ku bantu benshi

bahamagariwe gukora umurimo muri iki gihe, Kristo yagizwe uwa kabiri, maze amagambo y'abantu n'impaka bihabwa umwanya wa mbere. Icyubahiro cy'Imana cyahishuriwe Mose ku bijyanye na kamere y'Imana nticyamenyeshejwe abantu rwose. Uwiteka yabwiye Mose ati: "Ubwanjye nzanyuza kugira neza kwanjye kose imbere yawe"(Kuva 33:19) "Uwiteka anyura imbere ye, arivuga ati: ' Uwiteka, Uwiteka, Imana y'ibambe n'imbabazi, itinda kurakara, ifite kugira neza kwinshi n'umurava mwinshi; igumanira abantu imbabazi, ikageza ku buzukuruza babo b'ibihe ibihumbi, ibabarira gukiranirwa n'ibicumuro n'ibyaha: ntitsindishiriza na hato abo gutsindwa." (Kuva 34:6,7) UB1 306.1

Hariho inyegamo ikingirije abantu benshi bakoraga uwo murimo, ku buryo igihe bigishaga amategeko, ntabwo bari barabonye Yesu, bityo ntibabwirije ko aho ibyaha byagwiriye, ari na ho ubuntu bwarushijeho gusaga. Ku musaraba w'i Kaluvari niho imbabazi n'ukuri bihurira, ni naho gukiranuka n'amahoro bihoberanira. Umunyabyaha agomba guhora ahanze amaso i Kaluvari; kandi mu kwizera nk'uk'umwana muto, agomba kuruhukira mu mirimo ya Kristo, akakira gukiranuka kwe kandi akizera imbabazi ze. Abakozi bakora umurimo wo kurwanirira ukuri, bakwiriye kwigisha gukiranuka kwa Kristo, atari nk'umucyo mushya, ahubwo ari nk'umucyo utangaje wari umaze igihe kirekire warahishwe amaso y'abantu. Dukwiriye kwemera Kristo nk'Umukiza wacu bwite, na we atubaraho gukiranuka kw'Imana muri Kristo. Mureke dusubiremo kandi twerereze ukuri Yohana yagaragaje agira ati: "Muri iki nimo urukundo ruri, si uko twebwe twakunze Imana, ahubwo ni uko Imana ariyo yadukunze igatuma umwana wayo kuba impongano y'ibyaha byacu." (1 Yohana 4:10) UB1 306.2

Mu rukundo rw'Imana habonetse umuyoboro utangaje cyane w'ukuri kw'igiciro n'ubutunzi bw'ubuntu bwa Kristo ufunguriwe itorero n'abatuye isi. "Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege…" (Yohana 3:16) Mbega urukundo —Mbega urukundo rutarondoreka—ku buryo rwatumye Kristo adupfira tukiri abanyabyaha! Mbega igihombo ku muntu usobanukiwe n'ibyo amategeko asaba bikomeye, nyamara akananirwa gusobanukirwa n'ubuntu bwa Kristo bwarushije gusaga! Ni ukuri ko amategeko y'Imana ahishura urukundo rw'Imana igihe abwirijwe nk'ukuri kuri muri Yesu; kuko impano ya Kristo yagenewe iyi si yacumuye igomba gutindwaho muri buri kiganiro. Ntabwo bitangaje ko imitima itorohejwe

n’ukuri, igihe yigishijwe mu buryo bukonje kandi budafite ubuzima. Ntibitangaje ko kwizera kwadandabiranye kandi kwari gufite amasezerano y’Imana, igihe abagabura n’abakozi bananiwe kwigisha isano iri hagati ya Yesu n’amategeko y’Imana. Ni kangahe bakwiriye kuba barahamirije abantu bati: “Mbese ubwo itimanye Umwana wayo, ikamutanga ku bwacu twese, izabura ite kumuduhana n’ibintu byose?” (Abaroma 8:32). UB1 306.3

Satani yiyemeje ko abantu batazabona urukundo rw’Imana rwatumye itanga Umwana wayo w’ikinege kugira ngo inyoko muntu yari yarazimiye ibone agakiza; kuko ari ukugira neza kw’Imana gutuma abantu bihana. Mbese tuzagenza dute ngo tugaragaze urukundo rwimbitse kandi rw’igiciro mu maso y’abatuye isi? Nta bundi buryo dushobora kubikoramo atari ugutangara tugira tuti: “Murebe urukundo ruhebuje Data wa twese yadukunze, rwatumye twitwa abana b’Imana!” (1 Yohana 3:1) Reka tubwire abanyabyaha tuti: “Nguyu Umwana w’Intama w’Imana, ukuraho ibyaha by’abari mu isi.” (Yohana 1:28) Mu kugaragaza Yesu nk’uhagarariye Se, tuzashobora gukuraho igihu Satani yashyize mu nzira yacu, ashaka ko tutabona imbabazi n’urukundo rw’Imana rutarondoreka nk’uko rwahishuriwe muri Kristo. UB1 307.1

Hanga amaso umusaraba

Hanga amaso umusaraba w’i Kaluvari. Ni ikimenyetso gikomeye cy’urukundo rutagira umupaka n’imbabazi zitarondoreka bya Data wo mu ijuru. Ni byiza ko bose bihana kandi bagakora imirimo myiza nk’iya mbere. Igihe amatorero azaba akoze atya, abizera bazakunda Imana byimazeyo kandi bakunde bagenzi babo nk’uko bikunda. Efurayimu ntazagirira Yuda ishyari na Yuda ntazarakaza Efurayimu. Nta macakubiri azabaho, kandi nta rusaku rw’intambara ruzongera kumvikana ku mipaka ya Isirayeli. Ku bw’ubuntu bw’Imana bagiriwe, bose bazashaka gusohoza isengesho rya Kristo, ko abigishwa be baba umwe, nk’uko na we ari umwe na Se. Amahoro, urukundo, imbabazi no kugira neza bizaba amahame adakuka yo mu bugingo. Urukundo rwa Kristo ruzaba ikiganiro ku rurimi rwa buri wese, ntibizongera kuba ngombwa ko umugabo wo guhamya avuga ati: “ariko rero mfite icyo nkugaya, ni uko waretse urukundo rwawe rwa mbere” (Ibyah 2:4). Abantu b’Imana bazaguma muri Kristo, urukundo rwa Kristo ruzahishurwa, kandi Umwuka azasubiza ubugingo mu mitima yose, ayivugurure kandi ihindurwe mishya mu ishusho ya Kristo, imitima yose ayihindure ngo

imere kumwe. Nk'amashami mazima y'Umuzabibu w'Ukuri, bose bazaba bunzwe na Kristo, nk'Umutwe muzima w'Itorero. Kristo azatura muri buri mutima, awuyobore, awuhumurize, aweze kandi agaragarize isi ubumwe bw'abayoboke be mu isi, noneho rero ahamye ko Itorero ryasigaye rihawe ububasha. Ubumwe bw'Itorero rya Kristo buzashimangira ko Imana yohereje Umwana wayo w'ikinege mu isi. UB1 307.2

Igihe abantu b'Imana bahurijwe mu bumwe bw'Umwuka, Ubufarisayo bwose, kwihangira gukiranuka, ari byo byari icyaha cy'ishyanga ry'Abayuda, bizirukanwa mu mitima yose. Ishusho ya Kristo izagaragarira muri buri rugingo rwose rugize umubiri wa Kristo, kandi abantu be bazahinduka ibibindi bishya byo gusukamo vino nshya bityo vino nshya ntizamena ibibindi bishya. Imana izahishura ubwiru bwari bwarahishwe kuva kera. Azagaragaza "ubutunzi bw'ubwiza bw'ubwo bwiru bwageze mu banyamahanga, aribwo Kristo uri muri mwe ari byo Byiringiro by'ubwiza" (Abakolosayi 1:27) [Soma n'imirongo ya 28,29] UB1 308.1

Yesu yazanywe no guha abantu Mwuka Muziranenge, ari we utuma urukundo rw'Imana rusakazwa mu mutima; ariko ntibishoboka guha abantu Mwuka Muziranenge bagifite imitekerereze yabo ya kera, abantu babaswe n'inyigisho zishaje kandi zidahinduka, bagendera mu mihango n'amategeko y'abantu nk'uko Abayuda bari bameze mu gihe cya Kristo. Bitwararikaga cyane mu gukurikiza ibyo Itorero ribasaba, kandi bagakomera cyane ku mihango, nyamara bari abakene mu bya Mwuka kandi nta no kwitanga mu by'iyobokamana bari bafite. Kristo yabagereranyije n'imifuka y'impu zumye zakoreshwaga nk'amacupa. Ubutumwa bwiza bwa Kristo ntibwashoboraga gushyirwa mu mitima yabo; kuko nta mwanya bwari buhafite. Ntabwo bwashoboraga kuba amacupa mashya yo gusukamo vino ye nshya. Kristo yagombye gushakira ahandi hatari mu banditsi n'Abafarisayo amacupa yo gushyiramo inyigisho z'ukuri n'ubugingo. Yagombaga kubona abantu bifuzaga kongera guhindurwa imitima. Yazanywe no guha abantu imitima mishya.

Yaravuze ati: "Kandi mbahe n'imitima mishya." Ariko kubwo kwihangira gukiranuka kw'icyo gihe ndetse n'ubu, abantu bumva badakeneye kugira umutima mushya. Yesu yirengagije Abanditsi n'Abafarisayo, kuko bumvaga ko badakeneye Umukiza. Bari bagikomeye ku migenzo n'imihango byabo. Iyi

mirimo yari yarashyizweho na Kristo; yari yuzuye imbaraga ndetse n'ubwiza bw'ibya Mwuka; ariko Abayuda bari baratakaje ubuzima bw'iby'Umwuka bwari muri iyo mihango yabo, kandi nyuma yuko ubwo buzima bw'iby'Umwuka buvuyemo, bakomeza kwihambira ku migenzo ipfuye. Igihe barekaga iby'Imana n'amategeko yayo byasabaga, bagerageje kubisimbuza ibyo bishyiriyeho ubwabo kandi basabaga abantu ibikomeye kurusha ibyo Imana yabasabaga; uko barushagaho kwinangira ni ko urukundo na Mwuka w'Imana byarushagaho kugabanuka muri bo. Yesu yabwiye abantu ati: "Abanditsi n'Abafarisayo bicaye ku ntebe ya Mose. Nuko rero ibyo bababwira byose mubikore mubiziririza, ariko imigenzo yabo mwe kuyikurikiza kuko ibyo bavuga atari byo bakora. Bahambira imitwaro iremereye idaterurwa bakayihekesha abantu ku ntugu ariko ubwabo ntibemere kuba bayikozaho n'urutoki rwabo. Ahubwo imirimo yabo yose bayikorera kugira ngo abantu babarebe: N'impapuro bambara zanditsweho amagambo y'Imana bazagura bakongera inshunda z'imyenda yabo, kandi bakunda imyanya y'abakuru mu birori, n'intebe z'icyubahiro mu masinagogi, no kuramukirizwa mu maguriro, no kwitwa n'abantu Rabi"… "Mwebwe banditsi n'Abafarisayo, mwa ndyarya mwe, muzabona ishyano kuko mutanga kimwe mu icumi cy'isogi na nyirasogereza na kumino, mukirengagiza amagambo akomeye yo mu mategeko ari yo kutabera n'imbabazi no kwizera; ibyo mwari mukwiriye kubikora, na bya bindi ntimubireke." (Matayo 23:2-7, 23)UB1 308.2

Itorero ryasigaye rihamagarirwa kunyura mu mibereho isa n'iy'Abayuda; kandi Umugabo wo guhamya w'ukuri, ugendera hagati y'ibitereko by'amatabaza birindwi by'izahabu, afite ubutumwa bukomeye bwo gushyira abantu. Aravuga ati: "Ariko rero mfite icyo nkugaya, ni uko waretse urukundo rwawe rwa mbere. Nuko ibuka aho wavuye ukagwa wihane, ukore imirimo nk'iya mbere; kuko nutayikora nzaza aho uri, nkure igitereko cy'itabaza cyawe ahacyo nutihana." (Ibyah 2:4-5) Urukundo rw'Imana rwakomeje gucumbagira mu Itorero, kubw'ibyo, kwikunda no kwirebaho byarongeye birahembuka, bitangira gukora bundi bushya. Ku bwo gutakaza urukundo bakunda Imana, gukunda benedata nabyo byarabuze. Itorero rishobora kuvugwaho ibyavuzwe ku Itorero rya Efeso byose, ariko ridashikamye mu kubaha Imana. Yesu yabavuzeho aya magambo ati: "Nzi imirimo yawe n'umuhati wawe no kwihangana kwawe, kandi nzi yuko utabasha kwihanganira abanyangeso mbi, n'uko wagenzuye abiyita intumwa kandi atari zo, ukabona ko ari abanyabinyoma. Uzi kwihangana kandi warenganirijwe izina ryanjye

ntiwacogora. Ariko rero mfite icyo nkugaya, ni uko waretse urukundo rwawe rwa mbere” (Ibyah 2: 2-4) UB1 309.1

Muri iki gihe, kuba idini yemewe n’amategeko, bituma abantu batekereza ko ari idini y’ukuri. Ariko uko ni ukwibeshya. Uko Kristo yacyashye Abafarisayo, byakorwa no ku bantu baretse urukundo rwabo rwa mbere. Idini rikonje nubwo ryaba ryemewe n’amategeko, ntirishobora na rimwe kuyobora abantu kuri Kristo, kuko ari idini ridafite urukundo kandi ntirigire Kristo. Iyo kwiyiriza ubusa no gusenga bikoranywe umwuka wo kwitsindishiriza, biba ari ikizira ku Mana. Iteraniro ryo kuramya kutajenjetse, gukorwa kw’imihango y’idini, kwicisha bugufi by’inyuma gusa, ibitambo bitegetswe, byose bihamiriza abatuye isi ko nyiri kubikora yibona ubwe nk’umukiranutsi. Ibi byereka ababibona ku uyu muntu ukora inshingano zikomeye, bakavuga bati: «uyu muntu akwiriye ijuru”. Ariko ibi ni ukwibeshya. Imirimo ntizadutambutsa ku muryango w’ijuru. Igitambo gikomeye cyantambwe kirahagije ku bantu bose bazizera. Urukundo rwa Kristo ruzashyira mu mwizera wese ubugingo bushya.

Unywa amazi y’isoko y’ubugingo, azahazwa vino nshya yo mu Bwami. Kwizera Kristo bizabera umwizera uburyo bwo kugira ibitekerezo bizima n’imigambi myiza, kandi kugira neza kose no gutekereza ibyo mu ijuru, bizagaragara mu muntu uhanze amaso Yesu, we Banze ryo kwizera kwe akaba ari na we ugusohoza. Hanga amaso yawe ku Mana, ureke kuyahanga ku bantu. Imana ni So wo mu ijuru ukwikorerera ubumuga bwawe bwose, akakubabarira kandi akabugukiza. “Ubu nibwo bugingo buhoraho, ko bakumenya ko ari wowe Mana y’ukuri yonyine, bakamenya n’uwo watumye ari we Yesu Kristo.” (Yohana 17:3) Nutumbira Kristo uzahindurwa kugeza ubwo uzanga ubwibone bwawe bwa kera, kunezezwa n’ibidafite umumaro, kwirata, gukiranuka kwawe bwite, no kutizera. Uzatura hasi ibi byaha nk’umutwaro udafite agaciro, ugendere imbere y’Imana ufite kwicisha bugufi, ubugwaneza no kwizera. Uzakora ibikorwa by’urukundo, kwihangana, kugwa neza, ingeso nziza, imbabazi, n’impuhwe bigaragaza Umwana w’Imana, kandi hanyuma ukazabona umwanya mu batunganijwe kandi bera. UB1 309.2

Iyo Imana ihaye umunyabyaha imbabazi igakuraho igihano kimukwiriye, ikamubona nk'aho atigeze akora icyaha, imwakirana ubwuzu, ikamuha gukiranuka binyuze mu mirimo yo gukiranuka ya Kristo. Umunyabyaha ashobora gutsindishirizwa gusa biturutse ku kwizera igitambo cy'Umwana w'Imana ukundwa, wahindutse impongano y'ibyaha by'isi yacumuye. Nta muntu n'umwe ushobora gutsindishirizwa ku bw'imirimo ye bwite iyo ari yo yose. Ashobora gukizwa icyaha, gucirwaho iteka n'amategeko n'igihano cy'igicumuro cye, bitewe gusa n'imbaraga iva mu mubabaro, urupfu no kuzuka bya Kristo. Kwizera ni cyo kintu cyonyine gituma gutsindishirizwa gushoboka, kandi kwizera ntibivuga kwemera gusa, ahubwo bivuga no kugira ibyiringiro. UB1 311.1

Abantu benshi bafite kwizera Kristo by'icyitiriro, ariko ntibazi icy'ingenzi cyo kumwishingikirizaho gituma imirimo ya Kristo wabambwe akazuka ishimangirwa muri bo. Ku bijyanye n'uko kwizera by'icyitiriro, Yakobo abivugaho muri aya magambo ati: "Wizera yuko Imana ari imwe rukumbi. Ibyo ni byiza, ariko abadayimoni nabo barabyizera bagahinda imishyitsi. Wa muntu utagira umumaro we, ntuzi yuko kwizera kutagira imirimo kuba gupfuye?" (Yakobo 2:19,20) Abantu benshi bahamya ko Yesu Kristo ari Umukiza w'abari mu isi, nyamara kandi bakaguma kure ye, bakananirwa kwihana ibyaha byabo, ntibashobore kwemera Kristo nk'Umukiza wabo bwite. Kwizera kwabo kugarukira ku kwemera ukuri mu bitekerezo byabo no mu bwenge; ariko ukuri ntikugera mu mutima, ngo gushobore kweza ubugingo no guhindura imico. "Kuko abo yamenye kera yabatoranirije kera gushushanywa n'ishusho y'Umwana wayo kugira ngo abe imfura muri bene Se benshi.

Abo yatoranije kera yarabahamagaye kandi abo yahamagaye yarabatsindishirije, n'abo yatsindishirije yabahaye ubwiza." (Abaroma 8:29,30) Guhamagarwa no gutsindishirizwa ntabwo ari ikintu kimwe kandi ntabwo bisa. Guhamagara ni ukurehereza umunyabyaha kuri Kristo, kandi ni umurimo ukorerwa mu mutima na Mwuka Muziranenge, umwemeza icyaha kandi ukamurarikira kwihana.UB1 311.2

Benshi ntibasobanukirwa n'ibigize intambwe z'ibanze mu murimo w'agakiza. Kwihana gutekerezwa nk'umurimo umunyabyaha agomba kubanza kwikorera ubwe kugira ngo ashobore gusanga Kristo. Batekereza ko umunyabyaha

akwiriye ubwe kwigira mwiza kugira ngo ahabwe umugisha w'ubuntu bw'Imana. Ariko rero nubwo ari ukuri ko kwihana kubanziriza kubabarirwa, kuko umutima umenetse kandi ushenjaguritse gusa ari wo wemerwa n'Imana, nyamara umunyabyaha ntiyakwishoboza kwihana cyangwa kwitunganya ngo abone gusanga Kristo. Umunyabyaha ntashobora kubabarirwa Keretse yihannye; ariko ikibazo gikeneye gufatirwa icyemezo ni ukumenya niba kwihana ari umurimo w'umunyabyaha cyangwa niba aguhabwa nk'impano ya Kristo. Mbese umunyabyaha agomba gutegereza kugeza igihe yiyumvamo kubabazwa n'ibyaha mbere yuko asanga Kristo? Intambwe y'ibanze igana kuri Kristo iterwa igihe Mwuka w'Imana ahendahenda umunyabyaha; mu gihe umuntu yumviye uku guhendahenda atera intambwe asanga Kristo kugira ngo yihane. UB1 311.3

Umunyabyaha agereranywa k'intama yazimiye, kandi intama izimiye ntishobora kugaruka mu mukumbi keretse nyuma yo gushakishwa no kugarurwa n'umwungeri mu rugo. Nta muntu wakwishoboza kwihana kugira ngo abe akwiriye guhabwa umugisha wo gutsindishirizwa. Umwami Yesu ahora ashakisha uburyo yakangura ibitekerezo by'umuntu ngo amuhange amaso, We Ntama w'Imana ukuraho ibyaha by'abari mu isi. Ntidushobora gutera intambwe mu mibereho y'iby'umwuka keretse Yesu yireherejeho umutima kandi akawukomeza, maze akatuyobora ku kwihana kuticuzwa. UB1 312.1

Ari imbere y'abatambyi bakuru n'Abasadukayo, Petero yerekanye mu buryo bwumvikana ko kwihana ari impano y'Imana. Avuga kuri Kristo, yaragize ati: "Imana yaramuzamuye imushyira iburyo bwayo ngo abe ukomeye n'Umukiza ngo aheshe Abisirayeri kwihana no kubabarirwa ibyaha." (Ibyak 5:31) Kwihana ni impano y'Imana kimwe no kubabarirwa ibyaha no gutsindishirizwa kandi ntishobora gukorera mu muntu atayihawe na Kristo. Iyo tureherejwe kuri Kristo, biba bivuye ku mbaraga ye no ku bushobozi bwe. Kumva ubabajwe n'icyaha bizanwa na Kristo kandi kuri We ni ho gutsindishirizwa guturuka. UB1 312.2

Ubusobanuro bwo kwizera

Pawulo yanditse aya magambo ati: "Ariko gukiranuka guheshwa no kwizera kuvuga gutya kuti: 'ntukibaze uti ni nde uzazamuka ngo ajye mu ijuru' (Bisobanurwa ngo: kumanura Kristo); Cyangwa uti ' ni nde uzamanuka ikuzimu?' Bisobanurwa ngo: kuzamura Kristo amukuye mu bapfuye. Ahubwo

kuvuga kuti: ‘Ijambo rirakwegereye , ndetse riri mu kanwa kawe no mu mutima wawe. Ni ryo jambo ryo kwizera, iryo tubabwiriza.’ Niwatuza akanwa kawe ko Yesu ari Umwami, ukizera mu mutima wawe yuko Imana yamuzuye uzakizwa, kuko umutima ari wo umuntu yizeza akabarwaho gukiranuka kandi akanwa akaba ari ko yatuza agakizwa.” (Abaroma 10:6-10); kwizera gukiza ntabwo ari ukwizera gusanzwe, nta bwo ari ukwemera ukoresheje ubwenge gusa; ahubwo ni ukwizera gushinze imizi mu mutima, gutuma ugufite yakira Yesu nk’Umukiza we bwite, akemezwa ko ashobora gukiza rwose abegerezwa Imana na we bose. Kwizera ko azakiza abandi wowe ntagukize, ni ukwizera kudashyitse; ariko iyo umuntu yishingikirije kuri Kristo nk’ibyiringiro rukumbi by’agakiza, ni bwo kwizera gushyitse kugaragara.

Uko kwizera kuyobora ugufite ku gukunda Kristo bihebuje; ubwenge bwe bugengwa na Mwuka Muziranenge, kandi kamere ye irahindurwa igasa n’iy’Imana. Kwizera kwe ntabwo ari ukwizera gupfuye; ahubwo kuba ari ukwizera gukorera mu rukundo kumuyobora guhanga amaso ubwiza bwa Kristo no guhindurirwa kugira imico y’Imana. [Byavanywe mu Gutegeka kwa kabiri 30:11-14], “Kandi ibyo mu mutima wawe no mu y’urubyaro rwawe bituma iba nk’imitima itakebwe, Uwiteka Imana yawe izabikuriramo kugira ngo ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose n’ubugingo bwawe bwose ubone uko ubaho.” Gutegeka 30:6 UB1 312.3

Imana ni yo ikeba umutima. Umurimo wose ni uw’Uwiteka kuva ku ntangiriro kugeza ku iherezo. Umunyabyaha uri mu nzira yo kurimbuka ashobora kuvuga ati : «Ndi umunyabyaha wazimiye, nyamara Kristo yazanywe no gushaka no gukiza icyari cyazimiye. Yesu aravuga ati: “Sinazanywe no guhamagara abakiranuka kereka abanyabyaha.” (Mariko 2:17). Ndi umunyabyaha kandi Yesu yapfiriye ku musaraba w’i Kaluvari kugira ngo ankize. Sinkeneye gukomeza kubaho ikindi gihe ntakijijwe. Kristo yarapfuye kandi arazuka kugira ngo nsindishirizwe, kandi arankiza. Nemeye imbabazi yasezeranye.” UB1 313.1

Gukiranuka kubarwa ku muntu

Kristo ni Umukiza wazutse; nubwo yari yarapfuye, yongeye kuzuka, kandi ahoraho iteka ngo adusabire. Dukwiriye kwizeza umutima ngo duhabwe gukiranuka, tukatuza akanwa kacu kugira ngo dukizwe. Abatsindishirijwe

kubwo kwizera bazatuza akanwa kabo Kristo. «Uwumva ijambo ryanjye akizera uwantumye, aba afite ubugingo buhoraho kandi ntazacirwaho iteka, ahubwo aba avuye mu rupfu ageze mu bugingo” (Yohana 5:24) Umurimo ukomeye ukorerwa umunyabyaha ufite ibizinga kandi wandujwe n’ikibi, ni umurimo wo gutsindishirizwa. Uvuga ukuri ni we umuhamya ko ari umukiranutsi. Uwiteka abara gukiranuka kwa Kristo ku mwizera, akamuhamya ko akiranuka imbere y’abatuye isi n’ijuru. Ashyira ibicumuro bye kuri Kristo, uhagarariye umunyabyaha, umusimbura kandi akaba umwishingizi we. Ashyira kuri Kristo gukiranirwa kwa buri muntu wese wizeye. « Kuko utigeze kumenya icyaha Imana yamuhinduye kuba icyaha ku bwacu, kugira ngo muri we duhinduke gukiranuka kw’Imana. » (2 Abakorinto 5:21) UB1 313.2

Kristo yakoze ibihagije ngo ibicumuro by’abari mu isi bibonerwe ubwishyu, kandi abazasanga Imana bose bafite kwizera, bazahabwa gukiranuka kwa Kristo. « Ubwe yikoreye ibyaha byacu mu mubiri we abibambanwa ku giti, kugira ngo dupfe ku byaha duhereko tubeho mu gukiranuka. Imibyimba ye ni yo yabakijije.” (1 Petero 2:24) Icyaha cyacu cyarahongerewe, cyakuweho kijugunywa munsi y’inyanja. Binyuze mu kwihana no kwizera, dutandukana n’icyaha tugashobora guhanga amaso Uwiteka Gukiranuka kwacu. Yesu yarababajwe, Umukiranutsi ababarizwa ukiranirwa. Nubwo amategeko aduciraho iteka twe abanyabyaha, Kristo ku bwo kumvira amategeko, asabira umuntu wihannye guhabwa gukiranuka kwe. Kugira ngo gukiranuka kwa Kristo kuboneke, ni ngombwa ko umunyabyaha amenya icyo kwihana ari cyo, ari na ko kuzana guhinduka mu bitekerezo, mu mwuka no mu bikorwa. Umurimo wo guhinduka ugomba gutangirira mu mutima, ukagaragaza imbaraga yawo binyuze muri buri bushobozi bwose bw’umuntu uko yakabaye; ariko umuntu ntashobora kwiremamo kwihana kumeze gutyo, ashobora kukubonera gusa muri Kristo wenyine wazamutse mu ijuru afite iminyago myinshi agaha abantu impano. UB1 313.3

Ni nde wifuza mu by’ukuri kwihana ? Agomba gukora iki ? Agomba gusanga Yesu nk’uko ari, nta gutinda. Agomba kwizera ko Ijambo rya Kristo ari ukuri, kandi yakwizera isezerano, agasaba kugira ngo ahabwe. Igihe kwifuza k’ukuri kuzashishikariza abantu gusenga, gusenga kwabo ntikuzaba imfabusa. Uwiteka azasohoza ijambo rye, azabaha Mwuka Muziranenge ngo abayobore ku kwihana ku Mana no kwizera Umwami wacu Yesu Kristo. Azasenga kandi abe maso,

azareka ibyaha bye, agaragaze ukuri kwe mu kugerageza kumvira amategeko y'Imana. Azahuza amasengesho ye no kwizera, atari ukwizera gusa, ahubwo azumvira amahame ari mu mategeko. Azagaragaza ubwe ko ari mu ruhande rwa Kristo. Azitandukanya n'ingeso zose no kwifatanya n'abandi bazatuma umutima we uva ku Mana. UB1 314.1

Ukwiye guhinduka umwana w'Imana agomba kwakira ukuri ko nta handi kwihana no kubabarirwa bibonerwa usibye mu mpongano Kristo yatanze. Iyo umunyabyaha amaze kwemezwa ibingibi, aba agomba gukorana umwete uhwanye n'umurimo umukorewe, agakomeza kwinginga adacogora, akegera intebe y'ubuntu kugira ngo imbaraga y'Imana ihindura ize muri we. Kristo ababarira gusa umuntu wihannye, ariko uwo ababarira, abanza kumutera kwihana. Icyakozwe cyari cyuzuye kandi gukiranuka kw'iteka kwa Kristo guhabwa umuntu wese wizeye. Ikanzu y'igiciro, idafite ikizinga, yakorewe mu ruganda rwo mu ijuru yateganyirijwe buri munyabyaha wese wihannye kandi wizeye, kandi na we ashobora kuvuga ati: "Nzajya nishimira Uwiteka cyane, umutima wanjye uzajya unezererwa Imana yanjye kuko yanyambitse imyambaro y'agakiza, akamfubika umwitero wo gukiranuka." (Yesaya 61:10). UB1 314.2

Ubuntu busaze bwatangiwe kugira ngo umuntu wizera arindwe gukora icyaha; kuko ijuru ryose, n'ubutunzi bwaryo butagira akagero, byatanzwe kugira ngo nitubishaka tubihabwe. Dukwiriye kuvoma ku isoko y'agakiza. Kristo ni we amategeko asohoraho ngo uwizeye ahabwe gukiranuka. Twebwe ubwacu turi abanyabyaha, ariko muri Kristo tuba abakiranutsi. Iyo amaze kuduhindura abakiranutsi binyuze mu gukiranuka kwa Kristo itubaraho, Imana ivuga ko dukiranuka kandi ikadufata nk'abakiranutsi. Itureba nk'abana bayo bakundwa cyane. Kristo arwanya imbaraga y'icyaha, kandi aho icyaha kigwiriye, ni naho ubuntu bwe burushaho gusaga. "Nuko rero ubwo twatsindishirijwe no kwizera dufite amahoro ku Mana ku bw'Umwami wacu Yesu Kristo, wadushyikirije ubu buntu dushikamyemo ku bwo kwizera ngo tubone uko twishimira ibyiringiro byo kuzabona ubwiza bw'Imana." (Abaroma 5:1,2) UB1 314.3

"Ahubwo batsindishirizwa n'ubuntu bwayo ibibahereye ubusa, kubwo gucungurwa kubonerwa muri Yesu Kristo. Ni we Imana yashyizeho kuba impongano y'uwizera amaraso ye, kugira ngo yerekane gukiranuka kwayo

kwayiteye kwirengagiza ibyaha byakozwe mbere y'icyo gihe ubwo Imana yabyihanganiraga, kandi yabikoreye kugira ngo no muri iki gihe yerekane gukiranuka kwayo, ngo ibe Ikiranuka kandi Itsindishiriza uwizeye Yesu." (Abaroma 3:24-26) "Mwakijijwe n'ubuntu kubwo kwizera, ntibyavuye kuri mwe ahubwo ni impano y'Imana" (Abefeso 2:8) [Yohana 1:14-16] UB1 315.1

Isezerano ryo guhabwa Mwuka

Uwiteka yifuza ko abantu be bagira kwizera gushyitse —batari injiji ku by'agakiza gakomeye bahawe mu buryo busaze. Ntibakwiriye gutegereza, batekereza ko igihe runaka kizaza bazakorerwa umurimo ukomeye; kuko uwo murimo ubu wuzuye. Uwizera ntahamagarirwa kugirana amahoro n'Imana; ntagomba kubikora kandi ntiyanashobora kubikora. Akwiriye kwemera Kristo nk'amahoro ye, kuko kubana na Kristo bisobanuye kuba ufite Imana n'amahoro. Kristo yanesheje icyaha, ubwo yikoreraga umuvumo uremereye w'icyaha mu mubiri we bwite akawubambanwa ku giti, agakiza umuvumo abamwizera bose nk'Umukiza wabo bwite.

Ashyira iherezo ku mbaraga y'icyaha itegeka mu mutima, imibereho na kamere by'umwizera bihamya kamere y'ukuri y'ubuntu bwa Kristo. Yesu aha Mwuka Muziranenge abamusabye; kuko ari ngombwa ko buri mwizera akwiriye gukizwa kwangirika, umuvumo no gucirwaho iteka n'amategeko. Binyuze mu murimo wa Mwuka Muziranenge no kwezwa n'ukuri, umwizera aba yizihiye kuba mu bwami bwo mu ijuru kuko Kristo adukoreramo kandi gukiranuka kwe kukaba muri twe. Ibi bitariho nta n'umwe waba ukwiriye ijuru. Ntitwagombye kugira umunezero w'ijuru niba tudahuje n'umwuka uba mu ijuru binyuze mu murimo wa Mwuka Muziranenge no gukiranuka kwa Kristo. UB1 315.2

Kugira ngo tube abantu bazataha ijuru tugomba gukurikiza ibyo amategeko asaba. "Ukundishe Uwiteka Imana yawe umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose, n'ubwenge bwawe bwose kandi ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda." (Luka 10:27) Dushobora kubigeraho gusa ari uko twakiriye gukiranuka kwa Kristo ku bwo kwizera. Ku bwo gutumbira Yesu, duhabwa ihame rizima kandi ryagutse mu mutima, kandi Mwuka Muziranenge agakomeza gukora umurimo bigatuma umwizera akurira mu buntu bukurikira ubundi, imbaraga zigasimburwa n'imbaraga nshya n'imico myiza igakurikirwa

n’indi. Agenda arushaho gusa na Kristo, agakura mu bya Mwuka kugeza ubwo ageze ku rugero rushyitse rw’igihagararo cya Kristo. Nuko Kristo agashyira iherezo ku muvumo w’icyaha, akabatura umuntu ku bikorwa by’icyaha n’ingaruka zacyo. UB1 315.3

Yesu wenyine ni we ushobora kubikora, kuko “Ni cyo cyatumye yari akwiriye gushushanywa na bene se kuri byose, ngo abe umutambyi mukuru w’imbabazi kandi ukiranuka mu by’Imana, abe n’impongano y’ibyaha by’abantu. Kuko ubwo yababajwe no kugeragezwa ubwe, abasha no gutabara abageragezwa bose.” (Abaheburayo 2:17,18) Ubwiyunge busobanura ko buri nzitizi iri hagati y’umuntu n’Imana ikurwaho kandi ko umunyabyaha yumva icyo urukundo rw’Imana rubabarira rusobanuye. Ku bw’igitambo cyatambwe na Kristo kubera abantu bacumuye, Imana ishobora gutsindishiriza umunyabyaha wemeye ibyo Kristo yamukoreye. Kristo yabaye umuyoboro imbabazi, urukundo no gukiranuka binyuramo biva mu mutima w’Imana byinjira mu mutima w’umunyabyaha. “Ni yo yo kwizerwa kandi ikiranukira kutubabarira ibyaha byacu no kutwezaho gukiranirwa kwose.” (1 Yohana 1:19) UB1 316.1

Mu buhanuzi bwa Daniyeli handitswe kuri Kristo yuko “gukiranirwa gutangirwa impongano… haze gukiranuka kw’iteka” (Daniyeli 9:24). Buri muntu ashobora kuvuga ati: « Kubera kumvira kwe gutunganye yujuje ibyo amategeko yasabaga kandi ibyiringiro byanjye byonyine biboneka mu guhanga amaso Umucunguzi wanjye akaba n’umwishingizi wanjye, wubahirije amategeko by’ukuri ku bwanjye. Kubwo kwizera ibikorwa bye amategeko ntanshiraho iteka. Anyambika gukiranuka kwe gutanga igisubizo cy’ibyo amategeko asaba. Nduzuye muri uwo umpesha gukiranuka kw’iteka. Anjyana imbere y’Imana mu mwambaro udafite ikizinga ari nawo mwambaro utaradodeshejwe urudodo rwakozwe n’umuntu. Byose ni ibya Kristo, kandi icyubahiro cyose, Ikuzo no gukomera bikwiriye guhabwa Umwana w’Intama w’Imana ukuraho ibyaha by’abari mu isi. » UB1 316.2

Benshi batekereza ko bagomba gutegereza ko hari ibyiyumviro bidasanzwe biza muri bo kugira ngo bashobore gusanga Kristo. Ariko icy’ingenzi ni uko bamusangana imitima itaryarya, biyemeje kwakira impano y’imbabazi n’ubuntu twaherewe muri we. Dukwiriye kuvuga tuti: “Kristo yapfiriye kunkiza. Uwiteka yifuzaga ko mbona agakiza kandi nanjye ndahagurutse ngo nsange Yesu uko ndi

ntatindiganyije. Nzishingikiriza ku isezerano. Ubwo Kristo anyireherezaho, nanjye ndamwitabye.” Intumwa Pawulo iravuga iti: « Kuko Umutima ari wo umuntu yizeza akabarwaho gukiranuka » (Abaroma 10 :10). Nta n’umwe ushobora kwizeza umutima ngo ahabwe gukiranuka, cyangwa se ngo atsindishirizwe kubwo kwizera, mu gihe akomeje kugendera mu bintu Ijambo ry’Imana ribuza, cyangwa mu gihe acyirengagiza gukora inshingano azi neza. UB1 316.3

Imirimo myiza, urubuto rwo Kwizera

Kwizera k’ukuri kuzagaragarira mu mirimo myiza; kuko imirimo myiza ni imbuto zo kwizera. Mu gihe Imana ikorera mu mutima kandi umuntu akegurira ubushake bwe Imana, agafatanya nayo, agaragariza mu mibereho ibyo Imana ikorera imbere muri we binyuze muri Mwuka Muziranenge, bityo hakabaho guhuza hagati y’imigambi y’umutima n’imikorere yo mu mibereho. Icyaha cyose kigomba kwangwa nk’ikintu cyabambishije Umwami w’ubugingo n’icyubahiro kandi umwizera agomba kugira imibereho ikura binyuze mu gukomeza gukora imirimo ya Kristo. Umugisha wo gutsindishirizwa ukomerezwa mu muntu kubwo gukomeza kwegurira Imana ubushake no kuyumvira guhoraho. UB1 317.1

Abantu batsindishirijwe ku bwo kwizera bagomba kugira umutima ugendera mu nzira y’Uwiteka. Ni igihamya yuko umuntu adakiranuka kubwo kwizera igihe imirimo ye idahuje n’ibyo avuga ko yizera. Yakobo aravuga ati: “Ubonye yuko kwizera kwafatanije n’imirimo ye, kandi ko kwizera kwe kwatunganijwe rwose n’imirimo ye.” (Yakobo 2:22)UB1 317.2

Kwizera kudafite imirimo myiza ntigutsindishiriza ubugingo. “Mubonye yuko umuntu atsindishirizwa n’imirimo, adatsindishirizwa no kwizera gusa.” (Yakobo 2:24) “Aburahamu yizeye Imana bimuhwanirizwa no gukiranuka.” (Abaroma 4:3) UB1 317.3

Kubarwaho gukiranuka kwa Kristo kuzanwa no kwizera gutsindishiriza abanyabyaha, kandi ni ko gutsindishirizwa Pawulo ashishikariza abantu muri aya magambo ati: “Kuko imbere yayo ari nta muntu uzatsindishirizwa n’imirimo itegetswe n’amategeko kuko amategeko ari yo amenyekanisha icyaha. Ariko

noneho hariho gukiranuka kw'Imana kwahishuwe kudaheshwa n'amategeko, nubwo amategeko n'ibyahanuwe ari byo biguhamya, ni ko gukiranuka kw'Imana abizeye bose baheshwa no kwizera Yesu ari nta tandukaniro, kuko bose bakoze ibyaha, ntibashyikira ubwiza bw'Imana, ahubwo batsindishirizwa n'ubuntu bwayo ibibahereye ubusa, kubwo gucungurwa kubonerwa muri Yesu Kristo. Ni we Imana yashyizeho kuba impongano y'uwizera amaraso ye, kugira ngo yerekane gukiranuka kwayo kwayiteye kwirengagiza ibyaha byakozwe mbere y'icyo gihe, ubwo Imana yabyihanganiraga ….mbese none duhinduze ubusa amategeko kwizera? Ntibikabeho! Ahubwo turayakomeza."(Abaroma 3:20-31)UB1 317.4

Ubuntu ni ineza cyangwa kugirirwa neza tudakwiriye; maze uwizera agatsindishirizwa atabikwiriye, yemwe nta n'icyo asezeranye gutura. Atsindishirizwa ku bwo gucungurwa kubonerwa muri Kristo Yesu, uhagaze mu rukiko rwo mu ijuru nk'incungu n'umwishingizi w'umunyabyaha. Ariko nubwo atsindishirizwa ku bw'ibyo Kristo yakoze, nta mudendezo afite wo gukiranirwa. Kwizera gukorera mu rukundo kandi kugatunganya ubugingo. Kwizera kurakura kukagira umwumba w'ururabo, hanyuma ururabo rukabumbura, nyuma rukazatanga umusaruro w'urubuto rw'igiciro. Aho kwizera kuri, imirimo myiza irahaboneka. Abarwayi barasurwa, abakene barafashwa, impfubyi n'abapfakazi ntibirengagizwa, abambaye ubusa barambikwa, abashonji baragaburirwa. Kristo yagendaga akora neza; kandi iyo abantu bomatanye na we, bakunda abana b'Imana, ubugwaneza n'ukuri biyobora intambwe zabo. Mu maso habo hagaragaza imibereho yabo, kandi abantu bamenya ko babanye na Yesu kandi bigishijwe na we. Kristo n'umwizera bahinduka umwe, kandi ubwiza bwe bw'imico ye bigaragarira mu bantu bomatanye bikomeye n'Isoko y'imbaraga n'urukundo. Kristo ni ububiko bukomeye bwo gukiranuka gutsindishiriza abanyabyaha n'ubuntu bubatunganya. UB1 317.5

Bose bashobora kumusanga bakakira kuzura kwe. Aravuga ati: "Mwese abarushye n'abaremerewe, nimuze munsange ndabaruhura." (Matayo 11:28) Kuki noneho tutakwirukana kutizera kose ngo twumvire icyo Yesu atubwira? Mushaka uburuhukiro kandi mukifuza kubona amahoro. Nuko nimuvuge mubikuye ku mutima muti: "Mwami Yesu, ndaje kubera yuko undaritse." Mumwizere kwizera gushikamye, azabakiza. Ese mumaze igihe mushaka kubona Kristo, we banze ryo kwizera kwanyu akaba ari na we ugusohoza?

Mbese mwatumbiriye uwo wuzuye ubuntu n'ukuri? Mbese mwakiriye amahoro atangwa na Kristo wenyine? Niba mutarabikora, mumwiyegurire, kandi binyuze mu buntu bwe, mushakishe kamere izababera iy'icyubahiro n'agaciro. Mushake umwuka w'ibyishimo bihoraho kandi bidahinduka. Mugaburirwe na Kristo, we mutsima w'ubugingo, kandi muzagaragaza igikundiro cy'imico ye n'umwuka wari muri we.

IGICE CYA 63: IMARAGARITA Y'IGICIRO CYINSHI 215

"Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhoraho." (Yohana 3:16) Uko yari ari ejo n'uyu munsi ni ko ari kandi ni ko azahoraho iteka ryose. Gukiranuka kwa Kristo nk'imarigarita itunganye kandi yera, nta busembwa gufite, nta kizinga, nta gicumuro. Uku gukiranuka gushobora kuba ukwacu. Agakiza kaguzwe amaraso ye, ubutunzi butagererenywa, ni imaragarita y'igiciro cyinshi. Ishobora gushakishwa kandi ikaboneka. Ariko abayibonye mu by'ukuri bazagurisha ibyo bafite byose kugira ngo bayigure. Bagaragaza igihamya cy'uko bari umwe na Kristo nk'uko nawe ari umwe na Se. Mu mugani w'umucuruzi, yerekanwa nk'ugurisha byose yari atunze kugira ngo atunge imaragarita y'igiciro cyinshi. Iki ni ikintu cyiza gishushanya abantu bishimira ukuri cyane ku buryo bareka ibyo bafite byose kugira ngo bashobore kuba abatunzi b'ukuri. Ku bwo kwizera, bakomeza agakiza bahawe binyuze mu gitambo cy'Umwana w'Imana w'ikinege. UB1 319.1

Hari abantu bamwe bashaka, kandi bagashakisha igihe cyose, imaragarita nziza. Nyamara ntibavirira ingeso zabo mbi. Ntibapfa ku narijye kugira ngo Kristo ashobore gutura muri bo. Ku bw'ibyo rero, ntibabona imaragarita y'igiciro. UB1 319.2

Ntabwo batsinze irari ribi n'urukundo bakunda ibirangaza by'isi. Ntibikorera umusaraba, ngo bakurikire Kristo mu nzira yo kwiyanga no kwitanga. Ntibigera bamenya icyo kugira amahoro n'umutekano mu mutima ari cyo; kuko nta kwitanga gusesuye, nta kuruhuka n'ibyishimo bishobora kubaho. Abasa n'Abakristo ariko atari Abakristo nyakuri, bagaragara nk'aho bari hafi y'ubwami

bw'ijuru ariko ntibigera binjiramo. Gusa n'uwakijijwe ariko utarakijijwe rwose, si ugusa n'uwazimiye ahubwo ni ukuzimira rwose. UB1 319.3

Kwiyegurira Imana buri munsi bizana amahoro n'ikiruhuko. Umucuruzi yagurishije ibyo yari afite byose kugira ngo atunge imaragarita. Abashaka agakiza nibanga gutsindwa cyangwa gucika intege, bazabona amahoro n'uburuhukiro mu Mwami. Kristo azabambika gukiranuka kwe. Azabaha umutima mushya n'ibitekerezo bishya. Iyi migisha yaguze ubugingo bw'Umwana w'Imana, kandi ihabwa abo icyo gitambo cyatambiwe. Nyamara se benshi bakira bate impano bahawe?—Bayitera umugongo, bagahitamo ibinezeza by'iyi si. Kristo abavugaho muri aya magambo: "Nyamara mwanze kuza aho ndi ngo muhabwe ubugingo." (Yohana 5:40) UB1 319.4

Abanyabyaha bari mu butware bw'ikinyoma giteye ubwoba. Basuzugura kandi bakanga Umukiza. Ntibabona agaciro k'imaragarita bahawe, barayijugunya, Umucunguzi wabo bakamwitura ibitutsi no kumukwena. Ibihe byinshi umugore yirimbisha kwambara impeta n'ibikomo, kugira ngo ashimwe, ariko akanga kwemera imaragarita y'igiciro kinini, ari yo yari gutuma yezwa, akagira icyubahiro n'ubukire bw'iteka. Mbega ukuntu abantu benshi batwawe ingamira n'iby'igihe gito! Bashukwa n'iby'isi bibengerana kandi bishashagirana, bakabirutisha ikamba ry'ubugingo buhoraho, ingororano Imana iha abayumvira. "Mbese umwari yakwibagirwa ibyo arimbana cyangwa umugeni ibyambarwa bye? Nyamara abantu banjye banyibagiwe iminsi itabarika." (Yeremiya2:32) UB1 319.5

"Mbere na mbere hariho Jambo; Jambo uwo yahoranye n'Imana, kandi Jambo yari Imana. Uwo yahoranye n'Imana mbere na mbere. Ibintu byose ni we wabiremye; ndetse mu byaremwe byose nta na kimwe kitaremwe na we. Muri we harimo ubugingo, kandi ubwo bugingo bwari umucyo w'abantu. Uwo mucyo uvira mu mwijima, ariko umwijima ntiwamumenye. Hariho umuntu watumwe n'Imana witwaga Yohana. Uwo yazanywe no guhamya iby'Umucyo, ngo atume bose bizera. Icyakora, uwo si we uwo mucyo ahubwo ni we wahamije ibyawo. Uwo mucyo niwe mucyo nyakuri, kandi ubwo ni bwo yatangiraga kuza mu isi, ngo amurikire umuntu wese." (Yohana 1:1-9) UB1 321.1

Nabajijwe ikibazo kigira kiti: “Ese utekereza ko Uwiteka adufitiye undi mucyo nk’ubwoko bwe?” Nasubije ko adufitiye umucyo mushya, nyamara ni umucyo wa kera w’igiciro cyinshi umurika uva mu Ijambo ry’ukuri. Dufite gusa ibishashi by’imirasire y’umucyo uzatumurikira mu gihe kizaza. Ntabwo dukoresha mu buryo bukwiriye umucyo uhebuje Uwiteka yaduhaye, bigatuma tudahabwa undi mucyo mwinshi; ntitugendera mu mucyo waturasiye. UB1 321.2

Twiyita abantu bakomeza amategeko, ariko ntabwo dusobanukiwe ubugari bw’ikirenga bw’amahame ari mu mategeko y’Imana; ntabwo dusobanukiwe na kamere yo kwera kwayo. Benshi bavuga ko ari abigisha b’ukuri, ntibasobanukiwe n’ibyo bakora mu kwigisha amategeko y’Imana, kuko badafite ubumenyi buzima bw’Umwami Yesu Kristo. UB1 321.3

Iyo dusomye ibya Luteri, Knox n’abagorozi bandi bazwi, dutangarira imbaraga, kwihangana n’ubutwari bwaranze aba bagaragu b’abizerwa b’Imana, kandi dukwiriye kugira Umwuka wabakoreshaga. Twifuza kumenya aho bakuye imbaraga kandi bari abanyatege nke. Nubwo aba bantu bakomeye bakoreshejwe nk’ibikoresho by’Imana, ntabwo bari abantu badashobora gukosa. Bari abantu bayobagurikaga kandi bakoze amakosa akomeye. Dukwiriye kwigana imyitwarire yabo, ariko ntidukwiriye kubafata nk’icyitegererezo cyacu. Aba bantu bari bafite impano zidasanzwe zo guteza umurimo w’ubugorozi imbere. Bakoreshwaga n’imbaraga ibarenze ubwabo; ariko ntabwo ari abantu, nk’ibikoresho Imana yakoresheje, bari bakwiriye kwererezwa no kubahwa, ahubwo uwagombaga kwererezwa ni Umwami Yesu, uwatumye umucyo we n’imbaraga bibazaho. Reka abakunda ukuri no gukiranuka, kandi bavoma ku murage bahawe n’aba batwaramucyo bashime Imana Yo soko y’umucyo wose. UB1 321.4

Iyaba byari bitangajwe ko intumwa z’abamarayika ari zo zigomba kwereka abantu ubutunzi bw’ubumenyi bufitanye isano n’iby’ijuru, mbega ikanguka ryaboneka mu isi ya Gikristo! Umwuka wo mu Ijuru wazenguruka izo ntumwa, kandi abantu benshi bashishikarira kumva amagambo ava mu kanwa kabo! Abantu bakwandika ibitabo byo gukangurira abantu gutega amatwi ibyo abo bamarayika bavuga; nyamara Marayika ukomeye kurutaho yabaye mu isi yacu; Umwami ubwe yazanywe no kumurikira abantu umucyo w’ijuru. Yavuze ko

ubwe ari umwe na Se, wuzuye ubuntu n'ukuri, Imana yagaragaye ifite umubiri. UB1 322.1

Umwami Yesu, ishusho y'Imana itagaragara, yatanze ubugingo bwe bwite ngo akize abarimbuka, kandi, mbega umucyo, mbega imbaraga byazanye na We. Muri we ni ho kuzura k'ubumana kuri, mu buryo bw'umubiri. Mbega ubwiru buruta ubundi bwose! Birakomeye gusobanukirwa ubutware bwa Kristo, ubwiru bwo gucungurwa. Umusaraba w'isoni warashinzwe, imisumari iterwa mu biganza no mu birenge bye, icumu ry'ubugome ryahinguranije umutima we, kandi ikiguzi cyo gucungurwa cyarishyuwe ku bw'inyokomuntu. Umwana w'Intama udafite inenge yikoreye ibyaha byacu mu mubiri we abibambanwa ku giti; yishyizeho intimba zacu. UB1 322.2

Insanganyamatsiko idashobora kurangira

Gucungurwa ni insanganyamatsiko nini cyane ikwiriye gutekerezwaho mu buryo bwimbitse. Kubyumva birenze ubwenge bwacu, kandi birenze ibitekerezo bikomeye by'abantu. Ni nde ushobora kubona Imana akoresheje ubushakashatsi? Ubutunzi bw'ubwenge n'ubumenyi bufunguriwe abantu bose, kandi abantu ibihumbi byinshi bafite impano zihanitse kurusha abandi baramutse batanze igihe cyabo batugaragariza Yesu, biga ukuntu bashobora kwerekana uko ubushobozi bwe bwo kwikururiraho abantu budahwanye n'ubw'abandi, ntibazigera na rimwe barangiza icyo cyigisho. UB1 322.3

Nubwo abanditsi bakomeye kandi bafite impano bamenyekanishije ukuri gutangaje, bakanagaragariza abantu umucyo mwinshi, mu gihe turimo ntitubura kubona ibitekerezo bishya, n'ibyigwa byinshi dukeneye kumenya, kuko insanganyamatsiko y'agakiza idashobora kurangira. Umurimo wakomeje gukorwa uko ibinyejana byagiye bisimburana, werekana imibereho na kamere bya Kristo, ndetse n'urukundo rw'Imana nk'uko rwagaragariye mu gitambo cy'impongano. Icyigisho cyo gucungurwa kizigwa n'abacunguwe ibihe byose. Bazunguka kumenya ibintu bishya kandi bikomeye byahishuriwe mu mugambi w'agakiza ibihe bizira iherezo. UB1 322.4

Iyaba Yesu yari hamwe na twe uyu munsi, yari kutubwira nk'uko yabwiye abigishwa be ati: "Ndacyafite ibyo kubabwira byinshi, ariko ubu ntimubasha

kubyihanganira.” (Yohana 16:12) Yesu yifuzaga kugaragariza abigishwa be inyigisho zimbitse kandi nzima; ariko kubera ko imyumvire yabo yari iy’isi, yijimye kandi idahagije, ntibyabashobokeye. Ntibari gushobora kunguka ukuri gukomeye, gushimwa kandi gushikamye. Ibura ryo gukura mu by’Umwuka rifunga urugi rw’imirasire myinshi y’umucyo waka uva kuri Kristo. Nta gihe na kimwe kizabaho ku buryo hatavugwa iby’umucyo urushijeho kuba mwinshi. Ibyo Kristo yavugaga byagiraga iteka ubusobanuro buhanitse. Abumvaga inyigisho ze bafite intekerezo zibogamye ntibashoboraga gusobanukirwa n’ibyo yavugaga. Yesu yari isoko, yari inkomoko y’ukuri. UB1 322.5

Inyigisho zikomeye zo mu Isezerano rya Kera zumviswe nabi kandi zisobanurwa nabi; kandi umurimo wa Kristo wari uwo gusobanura ukuri kutari kwarasobanukiye abo kwari kwarahawe. Abahanuzi bari barabivuzeho ariko ubusobanuro mu buryo bw’Umwuka ku byo banditse bari babuhishwe. Ntibigeze babona ubusobanuro bw’uko kuri. Yesu yacyashye abigishwa be kubera ko batindaga gusobanukirwa. Inyinshi mu nyigisho ze z’igiciro ntacyo zabamariye kuko batasobanukiwe agaciro k’amagambo ye mu by’Umwuka. Ariko yabasezeraniye yuko Umufasha azaza, ku buryo Mwuka w’ukuri azabibutsa ayo magambo ye batabashije kugumana mu bitekerezo byabo. Yabasobanuriye ko yari abasigiye imaragarita z’ukuri zifite agaciro batari bazi. UB1 323.1

Amabuye y’agaciro mu birombe bicukurwamo ukuri

Nyuma yo kubambwa no kuzuka kwa Kristo, abigishwa be bamuteze amatwi batangarira inyigisho ze z’ukuri kuko zagaragaraga kuri bo nk’inyigisho nshya; ariko yarababwiye ati: “Aya ni amagambo nababwiraga nkiri kumwe na mwe…maze abungura ubwenge, ngo basobanukirwe n’ibyanditswe.” (Luka 24:44, 45) Ukuri kuracyakomeje kugaragara no kwerekana ibintu bishya ku ntekerezo z’abantu batandukanye. Abacukura bose mu birombe bicukurwamo ukuri, bazakomeza kuvumbura imarigarita nyinshi kandi zifite agaciro. Dushishikajwe cyane n’uko abavuga bose ko bizera ukuri kubumburiwe imbere yacu, kandi by’umwihariko abafite inshingano yo kwigisha abandi ukuri, bagombye kuba basobanukiwe bihagije inyigisho zose z’ingenzi za Bibiliya. UB1 323.2

Abarwanirira amategeko y’Imana bari ahantu bakeneye cyane Mwuka w’Imana. Niba abagabura badafite ubugwaneza, niba barakara vuba igihe hari ubagishije impaka, ni ikimenyetso kigaragaza ko bakeneye umucyo w’Imana. Abantu bakwiriye kugaragaza ubuntu bwa Kristo mu gihe bagarura imitima y’abantu ku Mana. Ukuri nk’uko kuri muri Kristo kuzatuma intekerezo z’abatizera zihinduka mu buryo bunyuranye nk’uko byagenze igihe kwigishwaga nk’inyigisho z’abantu cyangwa zishingiye ku mpaka. UB1 323.3

Mu gihe dukoze uko dushoboye kose twigisha ukuri muri kamere yako ihwitura abantu tutitaye ku bitekerezo by’abandi, ku bantu bashimishwa n’ikinyoma kuzasobanurwa nabi, kuzakoreshwa nabi kandi kuzavugwa nabi, kugira ngo kugaragare nk’uko abakora batyo babishaka. Hariho abantu bake cyane mu bo ushyira ukuri batanyoye ku nzoga za Babuloni. Birabakomerera gusobanukirwa ukuri, ni yo mpamvu rero hari hakenewe ko ukuri kwigishwa nk’uko kuri muri Yesu. UB1 323.4

Abavuga ko bakunda ukuri bashobora kuba abagwaneza n’aboroheje mu mutima nk’uko Umwigisha Mukuru yari ameze. Abagiye bakora neza mu birombe by’Ijambo ry’Imana kandi bakavumbura ibuye ry’agaciro mu miyoboro ikungahaye y’ukuri no mu bwiru bw’Imana bwahishwe ibihe birebire, bazerereza Umwami Yesu, we soko y’ukuri kose, bagaragaza mu mico yabo imbaraga yeza iri mu byo bizera. Yesu n’ubuntu bwe bagomba kuba mu buturo bw’imbere mu mutima. Ubwo ni bwo noneho azagaragazwa mu magambo, mu masengesho, mu mpuguro, no kugaragaza ukuri kwera, kuko iri ari ryo banga rikomeye ryo kunesha mu by’Umwuka. UB1 324.1

Igihe inarijye iri mu byo dukora, ukuri tubwira abandi ntabwo kubeza, ntikubatunganya kandi ntigutuma imitima yacu iba iy’icyubahiro; ntabwo kuzahamya ko turi inzabya zikwiriye gukora umurimo wa Databuja. Mu gusengana umwete gusa ni mo dushobora kugirana umubano mwiza na Yesu kandi muri uku gusabana gukomeye amagambo n’umwuka bihinduranwa impumuro nziza n’umwuka uri muri Kristo. Nta muntu utazaba ukwiriye kuba maso. Yesu, Umukiza Uhebuje yigishije abantu kuba maso. Kwirengagiza ibyo inarijye itubwira ntabwo ari ikintu gikwiriye kudebekerwa na hato. Umutima ukwiriye kurindwa kuko arimo iby’ubugingo bikomoka. Ba maso kandi uhane ibitekerezo kugira ngo udacumuza iminwa yawe.

IGICE CYA 65: UKO UMUNTU YAKWIFATA MU NYIGISHO ATUMVIKANYEHO NA MUGENZI WE 217

Turashaka gusobanukirwa n'igihe turimo. Ntidusobanukirwa na kimwe cya kabiri cyacyo. Nta n'ubwo twacyumva kugeza mu cya kabiri. Umutima wanjye urankubita iyo ntekereje umwanzi duhanganye uwo ari we n'ukuntu tutiteguye neza kumurwanya. Incuro nyinshi nagiye nerekwa ibigeragezo by'abana ba Isirayeli kugira ngo bingaragarize uko ubwoko bw'Imana buzaba bumeze mbere yo kugaruka kwa Kristo. Uko umwanzi yashatse uburyo bwose agenga intekerezo z'Abayuda, ni ko no muri iki gihe ashakisha guhuma intekerezo z'abagaragu b'Imana kugira ngo be gushobora gusobanukirwa n'ukuri gukomeye. UB1 325.1

Igihe Kristo yazaga mu isi yacu, Satani yari ayiriho akurikirana intambwe yose yateraga kuva mu muvure kugera i Kaluvari. Satani yari yarareze Imana ko yategetse ko abamarayika bitanga, mu gihe yo ubwayo itumvaga icyo kwitanga ari cyo kandi itanashobora kwitangira abandi. Iki ni cyo kirego Satani yareze Imana mu ijuru; kandi nyuma yuko umubi yirukanywe mu ijuru, yakomeje kuvuga ko Uwiteka akoresha umurimo ubwe atari gushobora gukora. Kristo yazanywe ku isi no kugira ngo abone uko akemura ibi birego by'ibinyoma no guhishura uwo Se yari we. Ntidushobora kumva ukwicisha bugufi yihanganiye ubwo yambaraga kamere yacu.

Si uko guhinduka umuntu ubwabyo byari bikojeje isoni gusa, ahubwo yari n'Umutware w'ijuru, Umwami w'icyubahiro maze yicisha bugufi ahinduka uruhinja, ababazwa n'ubukene n'imibabaro y'abantu bapfa. Ntabwo yicishije bugufi ngo abe umwe mu bantu bakomeye cyangwa ngo agire ubutunzi n'imbaraga, ahubwo nubwo yahoze ari umutunzi, yahindutse umukene ku bwacu kugira ngo mu bukene bwe adushoboze guhinduka abatunzi. Yateye intambwe ku yindi mu kwicisha bugufi. Yirukanwaga ava mu mujyi umwe ajya mu wundi; kubera ko abantu batashoboraga kwakira Umucyo w'isi. Bari banyuzwe bihagije n'umwanya bari barimo. UB1 325.2

Kristo yari yaratanze imaragarita z'ukuri gukomeye, ariko abantu bari baraguhambiriye mu bishingwe by'ubupfumu bw'intekerezo no kwihenda. Yari yarabagejejeho amagambo y'ubugingo, ariko ntibabeshejejweho n'ijambo ryose riva mu kanwa k'Imana. Yari yarabonye ko abari mu isi batashoboraga kubona ijambo ry'Imana, kuko ryari ryaratwikiriwe n'imigenzo y'abantu. Yazanywe no kugaragariza isi akamaro k'isano iri hagati y'ijuru n'isi, no gushyira ukuri mu mwanya wako. Yesu wenyine ni we wari gushobora guhishura ukuri kwari ngombwa ko abantu bakumenya kugira ngo bashobore kwakira agakiza. Yashoboraga gusa kugushyira muri gahunda y'ukuri, kandi byari umurimo we kugutandukanya n'ikinyoma no kukugaragariza abantu mu mucyo wako w'ijuru. UB1 325.3

Satani yahagurukiye kumurwanya, none se ubundi guhera yagwa, ntiyakoresheje imbaraga ze zose ngo agaragaze umucyo nk'umwijima, n'umwijima ngo awugaragaze nk'umucyo? Igihe cyose Kristo yashakaga kugaragariza abantu ukuri mu isano nyakuri gufitanye n'agakiza kabo, Satani yakoreraga mu bayobozi b'Abayuda, akabatera kwanga Umukiza w'abari mu isi. Biyemeje gukora byose mu mbaraga zabo kugira ngo bamubuze kumvwa n'abantu. UB1 326.1

Mbega ukuntu Kristo yifuzaga, kandi umutima we ukishimira kubumburira abatambyi ubutunzi bukomeye bw'ukuri! Ariko intekerezo zabo zari zarajugunywe ahantu batashoboraga guhishurirwa ukuri gufitanye isano n'ubwami bwe. Ibyanditswe ntibyari byarasomwe uko biri koko. Abayuda bari barategereje kuza kwa Mesiya, ariko bari batekereje ko ashobora kuzaza mu cyubahiro cyose kizagaragaza kuza kwe kwa kabiri. Kubera ko atazanye n'ubutware bwose bw'ubwami, ntibigeze bamwemera. Ariko ntabwo byatewe gusa n'uko ataje mu cyubahiro ngo abe ari yo impamvu bamwanze. Byatewe n'uko yari afite gukiranuka nyamara bo ari inyangaguhanwa. Yagendaga ku isi ari umuziranenge. Kamere nk'iyo yari hagati yo guta agaciro n'ikibi, yari ihabanye n'ibyifuzo byabo, ku buryo byatumye atukwa aranasuzugurwa. Imibereho ye ikiranuka yamurikiye imitima y'abantu, yaberetse gukiranirwa icyo kuri cyo muri kamere yako yo kwangwa urunuka. UB1 326.2

Umwana w'Imana yarwanyijwe n'imbaraga z'umwijima kuri buri ntambwe. Nyuma yuko abatizwa yayobowe na Mwuka mu butayu kandi ahahurira

n’ibishuko mu minsi mirongo ine. Nandikiwe amabaruwa yemeza ko Kristo adashobora kuba yari afite kamere nk’iy’umuntu, kuko ngo iyo aza kuba ayifite, yari kuba yaracumujwe n’ibishuko bimeze kuriya. Iyo atagira kamere y’umuntu, ntiyari kutubera urugero. Iyo ataza kuba usangiye kamere natwe, ntiyari kuba yarageragejwe nk’uko umuntu ageragezwa. Iyo biza kuba ibidashoboka ko yatsindwa n’ibishuko, ntiyari gushobora kutubera Umufasha. Byari ukuri gukomeye ko Kristo yaje kurwana intambara nk’umuntu, mu mwanya w’umuntu. Gushukwa kwe no gutsinda kwe bitwigisha ko tugomba kumwigiraho, umuntu agomba guhinduka agafata kamere y’Imana. UB1 326.3

Ubumana n’ubumuntu bihurijwe muri Kristo

Muri Kristo ubumana n’ubumuntu byarakomatanyijwe. Ubumana ntabwo bwateshejwe agaciro ngo buhinduke ubumuntu; ubumana bwakomeje kugumana umwanya wabwo, ariko ubumuntu kubwo komatana n’ubumana, bwashoboye kurwanya ibishuko bikomeye cyane mu butayu. Umutware w’iyi si yasanze Kristo amaze igihe yiyiriza ubusa kandi ashonje, amusaba ko ahindura amabuye umutsima. Nyamara mu mugambi w’Imana washyiriweho agakiza k’umuntu, wari warateganije ko Kristo azasonza, agakena mu buryo bwose bubaho mu mibereho y’umuntu.

Yatsinze ibishuko akoresheje imbaraga umuntu yasaba akazihabwa. Yakomeje intebe y’ubwami y’Imana, kandi nta mugabo cyangwa umugore udashobora gufashishwa ubwo bufasha binyuze mu kwizera Imana. Umuntu ashobora guhinduka usangiye kamere n’Imana; nta muntu uriho udashobora gusaba ubufasha bw’ijuru mu gishuko n’ikigeragezo. Kristo yazanywe no kugaragaza isoko y’imbaraga ze, kugira ngo umuntu atazigera yishingikiriza ku bushobozi bwa kimuntu bwonyine. UB1 327.1

Abantu bakwiye kuzatsinda bagomba gukoresha imbaraga z’impagarike yabo yose. Bagomba gupfukama imbere y’Imana batarambirwa bagasaba imbaraga yayo. Kristo yazanywe no kutubera urugero no kutumenyesha ko dushobora guhinduka abasangiye kamere n’Imana. Ibyo byashoboka bite? Ku bw’uko twakize kwangirika kwazanywe mu isi n’irari. Satani ntiyatsinze Kristo. Ntiyigeze akandagiza ikirenge cye mu ntekerezo z’Umucunguzi. Ntiyigeze akora ku mutwe nubwo yakomerekeje agatsinsino. Kristo, akoresheje kwitangaho urugero,

yagaragaje ko umuntu ashobora kuba indahemuka. Abantu bashobora kugira imbaraga yo kurwanya ikibi—imbaraga itabasha gutegekwa n'isi, cyangwa urupfu, cyangwa umuriro; imbaraga izabashyira ahantu bashobora gutsinda nk'uko Kristo yatsinze. Ubumana n'ubumuntu bishobora guhurira muri bo. UB1 327.2

Wari umurimo wa Kristo kwigishiriza ukuri muri gahunda y'Ubutumwa bwiza no guhishura amabwiriza n'amahame yari yarahaye umuntu waguye. Buri gitekerezo yatanze cyari icye bwite. Ntiyari akeneye gutira ibitekerezo ku bandi abo ari bo bose; kuko yari isoko y'ukuri kose. Yashoboraga kwigisha intekerezo z'abahanuzi n'abahanga no kurinda umwimerere w'ibyo yigishaga; kuko ubwenge bwose bwari ubwe. Yari inkomoko n'isoko y'ukuri kose. Yarushaga bose isumbwe kandi kubera inyigisho ze, yabaye Umuyobozi mu by'Umwuka ibihe byose. UB1 327.3

Kristo ni we wavugiye muri Melikisedeki, Umutambyi w'Imana isumba byose. Melikisedeki ntiyari Kristo, ahubwo yari ijwi ry'Imana ku isi, uhagarariye Data wa twese. No mu bihe bindi byabanje Kristo yaravuze anayobora abantu be kandi yabaye Umucyo w'isi. Igihe Imana yatoranyaga Aburahamu nk'uhagarariye ukuri kwayo, yamuvanye mu gihugu cye, atandukana na bene wabo, iramweza. Yifuzaga kumurema mu ishusho yayo bwite. Yifuzaga kumwigisha ikurikije umugambi wayo bwite. Kuremwa n'abigisha b'isi, ntibyagombaga kumugeraho. Yagombaga kwigishwa gutegeka abana be n'abazakurikiraho gukomeza kugendera mu nzira y'Uwiteka, gukora ibyo gukiranuka no guca imanza zitabera. Uyu ni wo murimo Imana yifuza ko dukora. Yifuza yuko twasobanukirwa no kuyobora imiryango yacu, gutegeka abana bacu no gutegeka abo mu ngo zacu gukomeza inzira y'Uwiteka. UB1 327.4

Yohana yahamagariwe umurimo udasanzwe.

Yohana yahamagariwe gukora umurimo udasanzwe; yagombaga gutegura inzira y'Uwiteka no kugorora inzira ze. Uwiteka ntiyamwohereje mu mashuri y'abahanuzi n'abigisha bakuru. Yamuvanye mu materaniro y'abantu amujyana mu butayu, kugira ngo yigire ku byaremwe n'Imana. Imana ntiyifuzaga ko amera nk'abatambyi n'abayobozi b'idini. Yari ahamagariwe gukora umurimo udasanzwe. Uwiteka yamuhaye ubutumwa bwe. Mbese hari ubwo yasanze

abatambyi n’abategetsi ngo ababaze niba ashobora kwamamaza ubu butumwa?—Oya Imana yamutandukanyije nabo kugira ngo atanduzwa n’umwuka wari ubarimo n’inyigisho zabo.

Yari ijwi ry’urangururira mu butayu ngo: «Nimutunganyirize Uwiteka inzira mu butayu, mugororere Imana yacu inzira nyabagendwa mu kidaturwa. Igikombe cyose kizuzuzwa kandi umusozi wose n’agasozi bizaringanizwa, n’ahagoramye hazagororwa n’inzira zidaharuwe zizaharurwa. Maze icyubahiro cy’Uwiteka kizahishurwa kandi abantu bose bazakibonera rimwe, kuko akanwa k’Uwiteka ariko kabivuze.” (Yesaya 40:3-5) Ubu ni bwo butumwa bugomba guhabwa abantu bacu ; turi ku iherezo ry’ibihe kandi ubutumwa ni ubu: muharure inzira y’Umwami; muteranye amabuye kandi mwereke abantu urugero rukwiye. Abantu bagomba gukangurwa. Ntabwo ari cyo gihe cyo kubwira abantu ko hariho amahoro n’umutekano. Turashishikazwa ngo: «Shyira ejuru uvuge cyane we kugerura, rangurura ijwi ryawe nk’ikondera ubwire ubwoko bwanjye ibicumuro byabwo, ubwire inzu ya Yakobo ibyaha byabo.» (Yesaya 58:1). UB1 328.1

Umucyo w’ubwiza bw’Imana wamuritse ku wari uduhagarariye, kandi iri hame ritubwira ko ubwiza bw’Imana bushobora kuturasira. Yesu yagotesheje ubwoko bwe ukuboko kwe kwa kimuntu, maze ukuboko kwe nk’Imana agufatisha intebe y’ubwami y’Isumbabyose, bityo ahuza umuntu n’Imana, kandi ahuza isi n’ijuru. UB1 328.2

Umucyo w’icyubahiro cy’Imana ugomba kuturasira. Dukeneye gusigwa n’ijuru ugusigwa kwera. Nubwo umuntu yaba ari umunyabwenge ate, nubwo yaba yarize cyane, ntabwo afite ibikwiye byose ngo yigishe abantu keretse yomatanye n’Imana ya Isirayeli. Uwomatanye n’ijuru azakora imirimo ya Kristo. Kubwo kwizera Imana azagira imbaraga yo gufasha inyokomuntu. Azashaka intama zazimiye zo mu nzu ya Isirayeli. Niba imbaraga mvajuru idafatanyije n’umuhati w’umuntu nta gaciro yaha ibintu byose bikomeye umuntu ashobora gukora. Mwuka Muziranenge ntari ku rugero ruhagije mu byo dukora. Nta kintu kintera ubwoba kurusha kubona umwuka wo kwirema ibice ugaragara muri bene data. Dufite ingorane igihe tudashobora guhurira hamwe nk’Abakristo kugira ngo dusuzumire hawe twitonze ingingo zidutandukanya. Numva

nahunga aho hantu keretse gusa iyo mpumurijwe n’abantu babasha gushakashaka mu ijambo ry’Imana bashimikiriye. UB1 328.3

Abantu badashobora gusuzuma batabogamye amahame ashyigikira ibyo abandi bakora bitandukanye n’ibyabo, ntibakwiriye kwigisha mu cyiciro icyo ari cyo cyose cy’umurimo w’Imana. Icyo dukeneye ni umubatizo wa Mwuka Muziranenge. Bitari ibyo, nta bwo twashobora kujya mu isi nk’uko byagendekeye intumwa nyuma yo kubambwa k’Umwami wabo. Yesu yari azi intege nke zabo maze abasaba kuguma i Yerusalemu kugeza igihe bazahabwa imbaraga ivuye mu ijuru. Buri mwigisha agomba kuba umwigishwa kugira ngo amaso ye asigwe amavuta maze abone ibihamya by’ukuri kw’Imana gukomeza kujya imbere. Imirasire ya Zuba ryo Gukiranuka igomba kurasira mu mutima we bwite niba agomba kuwushyira abandi. UB1 329.1

Nta n’umwe ushobora gusobanura Ibyanditswe adafashijwe na Mwuka Muziranenge. Ariko iyo wakiranye Ijambo ry’Imana umutima wiyoroheje kandi wemera kwigishwa, abamarayika b’Imana bazakuba hafi bakwereke ibihamya ukuri. Igihe Mwuka w’Imana ari kuri wowe, ntihazabaho kwifuza ibya mugenzi wawe cyangwa kumugirira ishyari mu gihe usuzuma uruhande mugenzi wawe ahagazemo; ntihazabaho umwuka wo kuregana no kunegurana, nk’uko Satani yateje imitima y’abayobozi b’Abayuda kurwanya Kristo. Ndababwira nk’uko Kristo yabwiye Nikodemu, ati : « mukwiriye kubyarwa ubwa kabiri » « umuntu utabyawe ubwa kabiri, ntabasha kubona ubwami bw’Imana. » (Yohana 3:7,3) Ugomba guhindurwa n’ijuru mbere yo gusobanukirwa ibyo ukuri gusaba. Umwigisha ntakwiriye kwigisha abandi, keretse abanje kwigira mu ishuri rya Kristo. UB1 329.2

Umurimo udasanzwe wa Ellen G . White

Dukwiriye kugera aho ibidutandukanya bikurwaho. Niba ntekereza ko mfite umucyo, nzakora ibishoboka ngo nywugaragaze. Reka mvuge ko nabajije abandi ibijyanye n’ubutumwa Uwiteka yampaye gushyira abantu, urugi rushobora gukingwa kugira ngo umucyo udashobora kugera ku bo Imana yawugeneye. Igihe Yesu yajyanga i Yerusalemu ahetswe n’indogobe, « Iteraniro rinini ry’abigishwa be bose batangiye kunezerwa, no guhimbarisha Imana ijwi rirenga ku bw’ibitangaza babonye byose bati: ‘Hahirwa Umwami uje mu izina

ry'Uwiteka', amahoro abe mu ijuru, n'icyubahiro kibe ahasumba hose. Abafarisayo bari muri iryo teraniro baramubwira bati ' Mwigisha, cyaha abigishwa bawe'. Arababaza ati :'Ndababwira yuko aba bahoze, amabuye yarangurura.' » (Luka 19 :37-40) UB1 329.3

Abayuda bagerageje gucecekesha ubutumwa bwiza bwari bwarahanuwe mu Ijambo ry'Imana; nyamara ubuhanuzi bugomba gusohora. Uwiteka aravuga ati: « Dore nzaboherereza Umuhanuzi, Eliya, umunsi w'Uwiteka ukomeye kandi uteye ubwoba utaragera. » (Malaki 4 :5) UB1 330.1

Hariho ugomba kuza mu mwuka no mu mbaraga bya Eliya kandi naza, abantu bashobora kuvuga bati: « Utsimbarara cyane ku byo wigisha, yemwe nta n'ubwo usobanura ibyanditswe mu buryo bukwiriye. Reka nkubwire uburyo ukwiriye kwigisha ubutumwa bwawe. » UB1 330.2

Hariho benshi badashobora gutandukanya umurimo w'Imana n'uw'umuntu. Nzavuga ukuri nk'uko Imana ikumpa ; kandi ndavuga nti: niba ukomeje gushakisha amakosa no kugira Umwuka wo gushaka itandukaniro, ntuzigera umenya ukuri". Yesu yabwiye abigishwa be ati : «Ndacyafite ibyo kubabwira byinshi, ariko ubu ntimubasha kubyihanganira. » (Yohana 16:12) Ntabwo bari banejejwe n'ibintu byejejwe kandi bihoraho, ariko Yesu yasezeranye kohereza umufasha wari kubigisha byose, ibyo yari yarababwiye byose. Benedata ntitugomba kwishingikiriza ku muntu. "Nimureke kwishingikiriza ku bantu bafite umwuka mu mazuru. Mbese mubaca iki?" (Yesaya 2:2) Mukwiriye kwegurira Yesu imitima yanyu itagira gifasha. Ntibidukwiriye ko tunywera ku isoko yo mu kibaya kandi hari isoko yo mu misozi. Dukwiriye kureka utugezi two hasi tukavoma ku masoko yo hejuru. Niba hari ingingo y'ukuri mudasobanukiwe, mukaba mutayemeranyaho, mushakashake, mugereranye ibyanditswe n'ibindi kandi mucukuze urumambo rw'ukuri mumanuke hasi mu birombe by'ijambo ry'Imana. Mwishyire ku gicaniro cy'Imana ubwanyu n'intekerezo zanyu; mukureho intekerezo zanyu musanganywe kugira ngo Mwuka wo mu ijuru ubayobore mu kuri kose. UB1 330.3

Igihe kimwe mwenedata yavuze ko atazigera atega amatwi na rimwe inyigisho twari dushyigikiye kugira ngo atavaho azemera. Ntiyazaga mu materaniro cyangwa ngo agire ikiganiro atega amatwi; ariko nyuma yaje

guhamya ko ari umunyabyaha kimwe n'uko yari kuba yarateze amatwi. Imana yari yamuhaye amahirwe yo kumenya ukuri, kandi yari kuzamubaza uko yayakoresheje. Hari benshi baba bafite urwikekwe ku nyigisho ziriho zigishwa muri iki gihe. Ntibaragategа amatwi, ntibaragashakashaka batuje; nyamara bagakomereza ibitekerezo byabo mu mwijima. Banyuzwe n'umwanya bahagazemo. «Uravuga uti: Ndi umukire ndatunze kandi ndatunganiwe, nta cyo nkennye, utazi yuko uri umutindi wo kubabarirwa, kandi uri umukene n'impumyi ndetse wambaye ubusa. Dore ndakugira inama : ungureho izahabu yatunganirijwe mu ruganda ubone uko uba umutunzi, kandi ungureho n'imyenda yera kugira ngo wambare isoni z'ubwambure bwawe zitagaragara, kandi ungureho umuti wo gusiga ku maso yawe kugira ngo uhumuke. Abo nkunda bose ndabacyaha, nkabahana ibihano. Nuko rero gira umwete wihane. » (Ibyahishuwe 3:17-19). UB1 330.4

Iri somo riganisha ku bariho mu gihe bazi ko hari ubutumwa buriho bwigishwa, nyamara badashobora kuza kubwumva. Mbese muzamenya mute ko Uwiteka ariho yerekana ibihamya bishya by'ukuri kwe, no kukugaragaza bundi bushya kugira ngo inzira y'Uwiteka ishobore gutegurwa? Ni ngamba ki zihari zituma umucyo mushya ushobora gucengera mu nzego zose z'abantu b'Imana? Ni ikihe gihamya mufite kigaragaza ko Imana itohererereje abana bayo umucyo? Kumva ko wihagije kose, kwikunda n'ubwibone byo mu ntekerezo bigomba gushyirwa ku ruhande. Tugomba kuza ku birenge bya Yesu kandi tukigira kuri we, we mugwaneza kandi woroheje mu mutima. Yesu ntiyigishije abigishwa be nk'uko abigisha bakuru bigishaga ababo.

Benshi mu Bayuda baje kwiyumvira aho Kristo ahishura ubwiru bw'agakiza; ariko ntibabaga bazanwe no kwiga; babaga bazanwe no kunenga no kureba ko hari aho yivuguruza kugira ngo babone icyo baheraho babiba urwikekwe mu bantu ku bijyanye n'ibyo yigishaga. Bari banejejwe n'ubumenyi bafite, nyamara abana b'Imana bagomba kumenya ijwi ry'Umwungeri w'Ukuri. Mbese iki si cyo gihe gikwiriye cyo kwiyiriza ubusa no gusengera imbere y'Imana? Turi mu ngorane zo kwitandukanya, turi mu kaga ko guhengamira ku ruhande runaka ku ngingo igirwaho impaka, mbese ntidukwiriye gushakana Imana gushimikira, no kwicisha bugufi mu mutima kugira ngo dushobore kumenya ukuri uko ari ko? UB1 331.1

Jya munsi y’igiti cy’umutini

Natanayeri yumvise Yohana atuga urutoki Umukiza avuga ati: « Nguyu Umwana w’Intama w’Imana ukuraho ibyaha by’abari mu isi » (Yahana 1:29) ! Natanayeli yitegereje Yesu aherako acibwa intege n’ukuntu Umucunguzi w’isi yasaga. Mbese uyu ufite ibimenyetso by’umuruho n’ubukene yashoboraga kuba ari we Mesiya? Yesu yari umukozi. Yari yarakoranye n’abakozi bacishije bugufi; nuko Natanayeli aherako aragenda. Ariko ntiyatsimbaraye ku bitekerezo by’uko inyifato ya Yesu yari imeze. Yapfukamye munsi y’igiti cy’umutini abaza Imana niba mu by’ukuri uyu muntu ari we Mesiya.

Igihe yari akiri ahongaho, Filipo yaraje aramubwira ati: “Uwo Mose yanditse mu mategeko, n’abahanuzi bakamwandika twamubonye, ni Yesu mwene Yosefu w’i Nazareti.” Ariko ijambo “Nazareti” ryongeye kwenyegeza kutizera kwe aherako abaza ati: “Mbese i Nazareti hari icyiza cyahaturuka? » Yari yabogamiye ku ruhande rumwe; ariko Filipo ntiyigeze ashaka kurwanya uku kubongama, yaramubwiye ati: ‘Ngwino urebe.” Igihe Natanayeli yageraga imbere ya Yesu, Yesu yaravuze ati: “Dore Umwisirayeli nyakuri, udafite uburinganya! “Natanayeli yaratangaye aravuga ati: “wamenyeye he?” Yesu aramusubiza ati: Filipo ataraguhamagara, ubwo wari munsi y’igiti cy’umutini nakubonye. (Yohana 1:45,46,47,48) UB1 331.2

Mbese ntibyatubera byiza tugiye munsi y’igiti cy’umutini tugatakambira Imana ngo tumenye ukuri uko ari ko? Mbese ijisho ry’Imana ntirishobora kuba kuri twebwe nk’uko ryari kuri Natanayeli? Natanayeli yizeye Umwami avuga atangara ati: “Rabi, uri Umwana w’Imana koko. Ni wowe Mwami w’Abisirayeli. Yesu aramusubiza ati: ‘ Mbese wijejewe n’uko nkubwiye yuko nakubonye uri munsi y’umutini? Uzabona ibiruta ibyo. Kandi arongera aramubwira ati: ni ukuri ni ukuri ndababwira yuko muzabona ijuru rikingutse, abamarayika b’Imana bazamuka bavuye ku Mwana w’Umuntu bakamumanukiraho. ” (Yohana 1:49-51) UB1 331.3

Ibi ni byo tuzabona niba twomatanye n’Imana. Imana ishaka ko tuyishingikirizaho, ntitwishingikirize ku muntu. Yifuza ko tugira umutima mushya kugira ngo aduhishurire umucyo uva ku ntebe y’ubwami y’Imana. Dukwiriye gukirana na buri ngorane; ariko niba ikibazo giteje impaka

kivuzweho, mbese uzasanga umuntu ngo aguhe igitekerezo cye kugira ngo ufate umwanzuro uhereye ku cyo agusubije? Oya, sanga Imana. Yibwire icyo wifuza; fata Bibiliya yawe kandi ushake nk'uko washaka ubutunzi buhishwe.UB1 332.1

Ntabwo twimbika bihagije.

Ntabwo twimbika bihagije mu gushaka ukuri. Umuntu wese wizera ukuri kw'iki gihe azashyirwa ahantu azasabwa gutanga impamvu y'ibyiringiro biri muri we. Abantu b'Imana bazahagarara imbere y'abami, ibikomangoma, abategetsi n'abantu bakomeye b'isi kandi bagomba kumenya ko bazi neza icyo ukuri ari cyo. Bagomba kuba abagabo n'abagore bahindutse. Imana ishobora kukwigisha mu mwanya umwe ikoresheje Mwuka Muziranenge kurusha uko washobora kwigira ku bantu bakomeye bo mu isi. Ijuru n'isi byitegereza intambara iriho ku isi. Ku giciro gikomeye, Imana yahaye buri muntu wese amahirwe yo kumenya ikizatuma agira ubwenge bumugeza ku gakiza. Mbega ukuntu abamarayika bifuza kureba umuntu uzakoresha aya mahirwe! UB1 332.2

Igihe ubutumwa bugeze ku bantu b'Imana, ntibakwiriye kuburwanya; bakwiriye kujya muri Bibiliya bakabugereranya n'amategeko n'ibihamya kandi nibasanga bidahuje, ntabwo buzaba ari ukuri. Imana ishaka ko intekerezo zacu zaguka. Yifuza kuduha ubuntu bwayo. Dushobora kugira umunsi mukuru w'ibintu byiza buri munsi, kuko Imana ishobora kudukingurira ubutunzi bwose bwo mu ijuru. Dukwiriye kuba umwe na Kristo nk'uko na we ari umwe na Se, kandi na Se azadukunda nk'uko akunda umwana we. Dushobora kugira ubufasha bumwe n'ubwo Kristo yagize no kugira imbaraga zo guhangana na buri kintu kidutunguye; kuko Imana izaturinda mu majya n'amaza. Izadukingira impande zose kandi igihe tuzajyanwa imbere y'abatware n'abategeka bo ku isi, ntidukeneye gutekereza mbere yaho ibyo tuzavuga. Imana izatwigisha icyo kuvuga mu gihe gikwiye. Imana idufashe kuza ku birenge bya Yesu none kugira ngo tumwigireho mbere yuko twifuza kwigisha abandi. 218 UB1 332.3

Bibiliya ishingiro ry'imyizerere yacu

Igihe Ijambo ry’Imana rizaba ryizwe, rigasobanuka kandi rikumvirwa, umucyo waka uzamukira isi; ukuri gushya nikwakirwa kandi kugakurikizwa, kuzatuzirikira kuri Yesu hakoreshejwe imirunga ikomeye. Bibiliya kandi Bibiliya yonyine, ni yo ikwiriye kuba ishingiro ry’imyizerere yacu, umurunga w’ubumwe; abubaha iri jambo ryera bose, bazahuza. Intekerezo zacu bwite n’uko tubona ibintu ntibikwiriye kuyobora imihati yacu. Umuntu aribeshya ariko Ijambo ry’Imana ryo ntiryibeshya. Aho kugira ngo dusubiranemo, abantu nibashyire hejuru Uwiteka. Reka duhangane n’ibiturwanya byose, nk’uko Databuja yabigenje avuga ati: “Handitswe ngo.” Reka tuzamure ibendera ryanditsweho ngo: “Bibiliya, umugenga wo kwizera kwacu n’imyitwarire yacu.” 219

****